

UBUTUMWA KU BASORE

ELLEN G. WHITE



Izina ry'Igitabo: Ubutumwa Ku Basore
Abatunganyije Igitabo: Editorial Safeliz, S.L.
Copyright: Rwanda Union Mission of SDAs

Produced by Editorial Safeliz for the Rwanda Union Mission of SDAs
Editorial Safeliz, S.L.
Pradillo 6, Pol Ind La Mina
27880 Colmenar Viejo, Madrid, Spain
www.safeliz.com · adm@safeliz.com

UBUTUMWA KU BASORE

Bwanditswe na Ellen G. White,
Umwanditsi w'ibitabo: "Uburezi," "Inama ku Bigisha, Ababyeyi, n'Abanyeshuri,"
"Imigani ya Kristo," "Kugana Yesu," "Abahirwa ni ba Nde," n'ibindi.

(Ubutumwa buri muri iki gitabo bwakusanyijwe n'Icyiciro
cy'Abavugabutumwa b'Ubushake mu Nteko Nkuru Rusange
y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi)

"Ujye wibuka Umuremyi wawe mu minsi y'ubusore bwawe"

Cyasobanuwe mu Kinyarwanda n'Itorero ry'Abadiventisiti
b'umunsi wa Karindwi mu Rwanda
© 2018

Aprili 2019: Ingeri ya 1

ISBN: 978-84-7208-680-7

PRINTED IN THE EU
IMP11

Birabujijwe gukoporora, gucapa no kwigana iki gitabo cyose cyangwa igice
cyacyo (yaba amagambo, amashusho cyangwa imiterere yacyo), waba ukoresheje
uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba ubusanzwe cyangwa ubw'ikoranabuhanga
utabihereye uburenganzira bwanditswe na nyiracyo.

IRIBURIRO

Mu minsi ya kera ubwo Yerusalemu yagombaga gusanwa, mu iyerekwa umuhanuzi yumvise imwe mu ntumwa z'ijuru ibwira indi iti: "Ihute, ubwire uriya musore." Mu buryo nk'ubwo, abasore n'inkumi bo mu itsinda ry'abategereje bahawe uruhare rukomeye bagomba kugira mu bihe bisoza by'amateka y'isi.

"Uwiteka yashyizeho abasore kugira ngo bamubere abafasha."¹

"Turamutse dufite ingabo z'abakozi b'urubyiruko rwacu, rwatojwe neza kandi rufite imbaraga, mbega uburyo ubutumwa bw'Umukiza wabambwe, akazuka kandi akaba agiye kugaruka bwagezwa ku batuye isi bose vuba!"²

Uhereye mu itangira ry'umurimo wacu, ubutumwa nk'ubu bwagiye bugera ku rubyiruko n'abasore bo mu itsinda ry'abategereje bunyujijwe mu mwuka w'ubuhanuzi. Igikoresho Uwiteka yitoranyirije kugira ngo akigaragarizemo iyi mpano, ni Ellen G. White, wari umukobwa w'imyaka 17 gusa ubwo yatangiraga umurimo we. Yari azi intambara abana n'abasore barwana n'imbaraga z'umwijima, kandi yari azi iby'ubuzima butsinde muri Kristo. Ubutumwa bwinshi buhugura, bw'urukundo, gucyaha ndetse no guhumuriza bwaturukaga mu byo yandikaga, bwabaga bugenewe abasore. Kandi ubwo butumwa, iteka bwerekezaga intekerezo z'abasore kuri Kristo no ku Ijambo rye ko ari We Soko rukumbi y'imbaraga mu kubaka Abakristo b'abagabo n'abagore batunganye. Ubu butumwa bwakoze ibikomeye mu gushimangira umwuka wo kwitanga wagiye uranga benshi cyane mu basore n'urubyiruko rwacu.

Mu myaka ya 1892 na 1893 ni ho hatanzwe ubutumwa bwavugaga ko abasore bacu bakwiriye gushyirwa mu mitwe n'amatsinda agenderewe gukora umurimo wa Gikristo. Ibyo bitekerezo ni byo byahereweho maze hashyirwaho Urugaga rw'Abasore b'Abavugabutumwa b'Abakorera bushake, rwaje kugaragara ko ari imbaraga izahura kandi ikomeza mu buzima bw'abasore b'Abadiventisiti hirya no hino ku isi.

Nubwo byinshi mushiki wacu White yandikiye abasore byagiye bisohoka mu bitabo bye, inyinshi mu ngingo zagiye zisohoka mu kanyamakuru cyitwaga "Umwigisha w'Abasore" ndetse n'ahandi ntizagiye zirindwa mu

¹ Testimonies for the Church, Vol. VII, p.64. [Ibihamya by'Itorero]

² Uburezi, p.284.

buryo buramba. Izo nyigisho ni umurage w'agaciro kenshi, kandi zikwiriye kugezwa ku basore bose muri iki gihe. Kubw'ibyo icyiciro gishinzwe Abavugabutumwa b'Ubushake mu Nteko Nkuru Rusange cyacukumbuye ibyo yanditse byose mu binyamakuru uhereye mu itangira ry'umurimo, kandi gitoranya ingingo zivuga ku basore n'urubyiruko ndetse n'ibibazo bahura nabyo. Nubwo iteka bitagiye bishoboka ko ingingo zose zanditswe zarindwa, hagiye hakoreshwa ubushishozi kugira ngo ibyatoranywaga bibe ibigaragaza neza igitekerezo cy'umwanditsi ku ngingo yabaga isesengurwa. Kugira ngo hakorwe igitabo giteguwe neza gikubiyemo impuguro, twashyizemo kandi inyandiko nyinshi ziboneka mu bitabo bisanzwe byaracapwe, ariko bitagejejwe cyane ku basore.

Umurimo wo gukusanya no gutunganya ingingo zikubiye muri iki gitabo wakoze mu bufatanye bw'Abashinzwe kurinda ubusugire bw'Inyandiko za Ellen G. White n'Abanyamabanga b'Icyiciro gishinzwe Abavugabutumwa b'Ubushake. Binyujijwe kandi mu muhati w'umuryango w'icapiro rya 'Southern Publishing', mwohererejwe iki gitabo gikubiyemo inama gikozwe neza. Twiringiye ko uko abasore bacu bazashishikarira gusoma iki gitabo bizabayobora ku kwigana ubushishozi ubutumwa bwose bwagejejwe ku itorero ryasigaye bunyijijwe mu mwuka w'ubuhanuzi.

Isengesho ryacu rivuye ku mutima ni uko ubu butumwa bwabera imbaraga ikomeye abasore bo mu itsinda ry'abategereje bo hirya no hino ku isi, bugatunganya imico ya Gikristo, kandi bikabaha imbaraga nshya ibasunikira gusohozwa inshingano ikomeye twahawe ari yo: "Kugeza Ubutumwa bwo Kugaruka kwa Kristo ku batuye isi bose bo muri iki gihe cyacu." M.E.Kern³, *Umunyamabanga w'Icyiciro Gishinzwe Abavugabutumwa b'Ubushake mu Nteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*.

IBIRIMO

1.	IRIBURIRO.....	5
2.	IJAMBO RY'IBANZE	11
	1 KUBAKA IMICO KUBW'UBUZIMA BW'ITEKA RYOSE	11
3.	UMUGABANE WA I: UMUGAMBI IMANA IFITIYE ABASORE.....	13
	2 GUHAMAGARWA KW'ABASORE.....	15
	3 GUSHAKA GUSHIMISHA KRISTO.....	19
	4 INGERO NGENDERWAHO ZO GUTSINDA	21
	5 UMUNSI TWAGIZEMO AMAHIRWE.....	25
	6 INZEGO ZIHANITSE ZAGERWAHO.....	27
	7 INGERO NGENDERWAHO MU GUKORESHA UBUSHOBOZI NEZA.....	31
	8 KURIRA UKAJYA AHIRENGEYE	35
	9 GUFATANYA N'IMANA	37
4.	UMUGABANE WA II: URUGAMBA RWO GUHANGANA N'ICYAHA	39
	10 SATANI, UMWANZI GICA	41
	11 IMITERERE Y'URUGAMBA.....	45
	12 UMUHATI UDASANZWE WA SATANI.....	47
	13 IGISHUKO SI URWITWAZO RWO GUKORA ICYAHA	51
	14 KWIKOMEZA	53
	15 URUSENGERO RW'UBUGINGO	55
	16 NTABWO MURI ABANYU	57
	17 GUHINDUKA NYAKURI.....	61
	18 INAMA YAHawe UMUKOBWA WARI WARASAYISHIJE.....	65
	19 IMBARAGA Z'IMICO MU BIHE BY'AMAKIMBIRANE	67
	20 GUTSINDA IKIGERAGEZO	69
	21 UBUHENDANYI BW'ICYAHA.....	71
	22 KUBURIRWA KWIRINDA UBUHAKANYI.....	73
	23 INGINGO IMWE YOROHEJE.....	77
5.	UMUGABANE WA III: KUGERA KU NTSINZI.....	79
	24 KUJYA MBERE KANDI UZAMUKA	81
	25 KUBONEZA IMICO	85
	26 INTAMBARA YO KWIZERA.....	89
	27 INTSINZI TWARAYIHawe	91
	28 UKO UMUNTU YABA UMUNYAMBARAGA.....	93
	29 IMIBEREHO INESHA.....	95
	30 UKWIZERA KUZIMA.....	97
	31 KUNGA UBUMWE NA KRISTO	103
6.	UMUGABANE WA IV: KUGENDERA MU MUCYO.....	105
	32 GUKURIRA MU BUNTU	107
	33 KUGERA IKIRENGE MU CY'AB'ISI	111
	34 IMIBEREHO YA GIKRISTO NYAKURI	115
	35 KWITEGEKA	117
	36 IMIBEREHO MIZIMA.....	121

	37 GUKIRANUKA MU BYOROHEJE	125
	38 KUBAZWA IBY'UMUCYO WAHAWA	127
	39 UMUGAMBI UDAKEBAKEBA	129
	40 GUKORESHA UMUTIMANAMA	133
	41 UBUYOBOZI BW'IMANA	137
	42 MWUKA WERA AKORA BUCECE	139
	43 KRISTO ATURA MURI TWE	141
	44 KWIYANGA	143
	45 IMICO IMANA YEMERA	145
	46 KRISTO ATURA MURI TWE	149
7.	UMUGABANE WA V: KWITEGURA UMURIMO UZAKORA MU BUZIMA BWAWE	151
	47 UBUREZI BWA GIKRISTO	153
	48 UBUREZI NYAKURI	155
	49 UBUREZI BWA GIKRISTO BURAKENEWE	157
	50 UBUREZI BUGAMIJE UBUZIMA BW'ITEKA RYOSE	161
	51 GUTOZWA UBUMENYINGIRO	163
	52 UBUDAHAMUKA BW'UMUNYESHURI	167
	53 AMAHIRWE ABANYESHURI BAFITE	169
	54 GUTOREZWA UMURIMO	171
	55 KWIFUZA KURUSHAKO GUKORA NEZA	173
	56 UBWENGE NYAKURI	175
	57 SHYIRAKO URUGERO RUHANITSE	177
8.	UMUGABANE WA VI: UMURIMO	181
	58 ABASORE BAHAMAGARIWE KUBA ABAKOZI	183
	59 INSHINGANO YO GUKIZA IMITIMA	185
	60 GUHAMYA KRISTO	187
	61 UMURIMO W'UMUNTU KU GITI CYE	189
	62 ABASORE NK'ABAKOZI BAKIRIZA YESU IMITIMA	191
	63 UMURIMO MU BYEREKEZO BITANDUKANYE	195
	64 UMURIMO UTARANGWAMO KWIKANYIZA	197
	65 INGORORANO IVA MU GUKORANA UMWETE	199
	66 AGACIRO K'UMURIMO	201
	67 KUBIBA KU NKENGERO Z'AMAZI YOSE	205
	68 IBYEREKEZO BYINSHI BY'UMURIMO	207
	69 UMURIMO WEMEWE	213
	70 GUKIRANUKA MU MURIMO	215
9.	UMUGABANE WA VII: UBUZIMA N'UBUSHOBOZI	217
	71 UBUHANGA BWO KUBAHO	219
	72 GUSIGASIRA UBUZIMA	221
	73 UKWERA K'UBUZIMA	223
	74 UBUREZI BUKORA KU MPANDE ZOSE	225
	75 UBUREZI BUBONWA HABAYEHO KWANGIZA UBUZIMA	227
	76 IKIRANGO CY'IMICO IBONEYE	229
10.	UMUGABANE WA VIII: IMIBEREHO ISABANA N'IMANA	233
	77 ISENGESHO NI IGIHOME CYACU	235
	78 IMBARAGA Z'ISENGESHO	237
	79 INYIFATO YACU IGIHE DUSENGA	239
	80 KWIZERA NO GUSENGA	241
	81 AKAMARO KO KWIGA BIBILIYA	243
	82 UBWANYU MWIYIGISHE IBYANDITSWE BYERA	247
	83 KWIGANA BIBILIYA UMWETE UDACOGORA	249
	84 INGORORANO IVA MU KWIGA BIBILIYA UBISHIMIKIRIYE	253
	85 BIBILIYA NK'UMWIGISHA	255
	86 KUBAHA	257
	87 IBYIRINGIRO BIHAMYE	259

11.	UMUGABANE WA IX: GUSOMA, MUZIKA N'INDIRIMBO	261
	88 GUHITAMO IBYO DUSOMA	263
	89 URUGERO RW'ABANYEFESO	267
	90 IBYOKURYA BY'UBWENGE BIKWIRIYE	271
	91 BIBILIYA NI IGITABO GIHEBUJE IBINDI	275
	92 RINDA CYANE INZIRA ZIGANA MU BUGINGO	277
	93 KUBAKA IMICO YA GIKRISTO	279
	94 INGARUKA Z'INKURU MPIMBANO	281
	95 IBYIZA BYA MUZIKA	283
	96 IMIKORESHEREZE YA MUZIKA	285
	97. GUKORESHA MUZIKA NABI	287
12.	UMUGABANE WA X: UBUSONGA	289
	98 AMASOMO MU BY'UBUKUNGU	291
	99 UMWUKA WO KWITANGA	295
	100 ICYACUMI	297
	101 "WUBAHISHE UWITEKA UBUTUNZI BWawe"	299
	102 INSHINGANO YA BURI WESE	303
	103 IMPANO ZITANGWA MU GIHE CY'IBIRIHUKO	305
	104 KUDASESAGURA MU MYAMBARIRE	307
	105 KUNEZEZA INARINJYE	311
	106 KUDASESAGURA N'UBUGIRANEZA	315
13.	UMUGABANE WA XI: IMIBEREHO YO MU MURYANGO	319
	107 URUGO RWA GIKRISTO	321
	108 GUKIRANUKA MU NSHINGANO ZO MU RUGO	323
	109 IYOBOKAMANA RYO MU MURYANGO	325
	110 UMURYANGO NI ISHURI	327
	111 KUBAHA ABABYEYI NO KUBAKUNDA	329
	112 UMUGISHA MU RUGO	331
	113 KUBAKIRA IMICO MU MURYANGO	333
	114 ABASORE BAGOMBA KUGIRA INSHINGANO BAHABWA	337
	115 ISAHA YO KURAMYA	339
	116 KWAKIRANA UBWUZU KWA GIKRISTO	341
14.	UMUGABANE WA XII: IMYAMBARIRE N'IMIRIMBO	343
	117 IBYANGOMBWA MU KUBAKA IMICO IMICO	345
	118 IMYAMBARIRE N'IMICO	349
	119 IMYAMBARO IKWIRIYE	351
	120 IMPINDUKA IMYAMBARIRE ITEZA KU BANDI	353
	121 KWIYOROSHYA MU MYAMBARIRE	355
	122 KURAMYA IBIGIRWAMANA KUBA MU MYAMBARIRE	359
	123 UMURIMBO NYAKURI	361
15.	UMUGABANE WA XIII: IKIRUHUKO NO KWIDAGADURA	363
	124 AKAMARO K'IKIRUHUKO	365
	125 GUKUNDA IBINEZEZA BY'ISI	369
	126 AMAGAMBO ATANGA INAMA	373
	127 IBIKINO BITEZA ABASORE AKAGA	375
	128 GUSHIMANGIRA AMAHAME ATUNGANYE MU BASORE	379
	129 IMBARAGA Z'IBIBI ZIRI KU MURIMO	383
	130 IBYISHIMO BIBA MU KUYOBOKA IMANA	385
	131 KWIDAGADURA KWA GIKRISTO	387
	132 GUHURIRA HAMWE KW'ABANTU	389
	133 UBURYO BWO GUKORESHA IBIRUHUKO	393
	134 IMIRYANGO IKORA IMIRIMO Y'UBUVANGANZO	395
	135 KUBYINA	399
16.	UMUGABANE WA XIV: IMIBANIRE Y'ABANTU N'ABANDI	401
	136 IMIBANIRE N'ABANDI IGAMIJE GUKIZA	403

137	URUGWIRO NO GUSABANA N'ABANDI BYA GIKRISTO	405
138	AMAHAME NGENDERWAHO	407
139	IMBARAGA IHINDURA IVA MU KWIFATANYA	411
140	IMBARAGA IHINDURA ABANDI	415
141	GUHITAMO INCUTI	417
142	ITEGEKO RY'IZAHABU	419
143	IKINYABUPFURA NYAKURI	421
144	KWANGA KWIFATANYA N'AB'ISI	423
145	IKIGANIRO GISHIMWA	425
146	KWIYANDARIKA N'UBWOMANZI	429
147	ABASHYITSI BATUBAHA IMANA	431
17.	UMUGABANE WA XV: KURAMBAGIZA NO GUSHYINGIRWA	433
148	URUKUNDO NYAKURI	435
149	UBURYO BUPFUYE BWO KURAMBAGIZANYA	437
150	GUSHYINGIRANWA N'ABATIZERA	439
151	INAMA NO KUYOBORWA BIRAKENEWE	443
152	GUSHYINGIRANWA IMBURAGIHE	449
153	GUSHYINGIRANWA KURIMO UBWENGE N'UK'UBUPFAPFA	451
154	GUSHYINGIRWA NO GUSHYINGIRA	455
155	INSHINGANO ZIJYANA NO GUSHYINGIRWA	459
156	GUTEKEREZA NEZA NO KWITEGEKA MU GIHE CYO GUSHYINGIRANWA	461

KUBAKA IMICO KUBW'UBUZIMA BW'ITEKA RYOSE

Nitaye cyane ku basore n'urubiruko, kandi nifuza cyane kubabona baharanira kugera ku mico ya Gikristo itunganye, kubwo kwiga bashimikiriye kandi basenga ubudatuza, bagashaka kugera ku kwigishwa gukwiriye kugira ngo bakore umurimo w'Imana mu buryo bushimwa. Nifuza cyane kubabona bafashanya kugira ngo bagere ku rwego ruhanitse rw'imibereho ya Gikristo.

Kristo yaje kwigisha umuryango wa muntu inzira y'agakiza, kandi iyi nzira yayigaragaje neza rwose ku buryo n'umwana muto ashobora kuyigenderamo. Ategeka abigishwa be kumukurikira ngo bamenye Uhoraho; kandi uko buri muni bakurikira inzira abayoboyemo, basobanukirwa ko imirambagiriye ye iteye nk'umuseke.

Mwitegereje izuba rirasa no gutambika k'umuseke buhoro buhoro ku isi no mu kirere. Umuseke ugenda utambika buhoro buhoro kugeza ubwo izuba rirasa. Ubwo ni bwo umucyo ugenda wiyongera ukarushaho kugaragara kugeza ubwo ubwiza bwuzuye bw'anywa y'ihangu bugaragara. Iki ni ikigereranyo cyiza cy'iby Imana yifuza gukorera abana bayo mu gutunganya imibereho yabo ya Gikristo. Uko buri muni tugendera mu mucyo Imana itwoherereza dufite ubushake bwo kumvira ibyo idusaba byose, imibereho yacu irakura kandi ikaguka kugeza ubwo tugeze ku gihagararo gishyitse cy'abagabo n'abagore muri Kristo Yesu.

Abasore n'urubiruko bakeneye guhora imbere yabo bazirikana inzira Kristo yakurikizaga. Intambwe yose yateraga, yabaga ari intambwe yo gutsinda. Ntabwo Kristo yaje ku isi ari umwami uje gutwara amahanga. Yaje nk'umuntu wicishije bugufi, kugira ngo ageragezwe kandi atsinde ikigeragezo, akomeze aye imbere mu kumenya Uwitwaga nk'uko natwe tugomba kumumenya. Mu kwiga iby'imibereho ya Kristo, tuzamenya uburyo binyuze muri we Imana izakorera abana bayo ibintu byinshi. Tuzamenya kandi ko, uko ibigeragezo byacu byaba bikomeye kose, ntibishobora kuruta ibyo Kristo yihanganiye kugira ngo tumenye inzira, ukuri n'ubugingo. Kubw'imibereho ikurikiza icyitegererezo cye, tugomba kugaragaza ko twanyuzwe n'igitambo yatanze ku bwacu.

Abasore baguzwe igiciro kitagerwa, ari cyo maraso y'Umwana w'Imana. Nimuzirikane igitambo Data wa twese yatanze ubwo yemereraga Umwana we kwitanga bene aka kageni. Nimuzirikane ibyo Kristo yahaze ubwo yavaga mu bikari byo mu ijuru, agasiga intebe y'ubwami kugira ngo atangire ubugingo bwe kuba igitambo cy'abantu cya buri muni. Yarashinyaguriwe kandi agirirwa nabi. Yihanganiye ibitutsi byose no gukwenwa abantu bashoboraga kumuhurizaho. Kandi igihe umurimo we ku isi wari urangiye, yapfuye urupfu rubi rwo ku musaraba. Nimuzirikane imibabaro yagiriye ku musaraba, - imisumari yatewe mu biganza n'ibirenge bye, gusuzugurwa no gushinyagurirwa n'abo yari yaraje gukiza, ndetse n'uko Se yamuhishe mu maso he. Nyamara kubw'ibi byose, Kristo yatumye bishoboka ko abashaka bose bagira ubugingo buhwanye n'ubugingo bw'Imana.

INCUTI Y'INDAHEMUKA

Igihe Kristo yazamukaga akajya kwa Se, ntiyasize abayoboke be atabahaye umufasha. Mwuka Muziranenge ari we umuhagarariye, ndetse n'abamarayika bo mu ijuru nk'imyuka imukorera, baroherejwe kugira ngo bafashe abari ku rugamba rukomeye rwo kurwana intambara nziza yo kwizera. Iteka jya wibuka ko Yesu ari umufasha wawe. Nta wundi usobanukiwe imico yawe nka We. Akwitaho, kandi niba ushaka kuyoborwa na We, azakugotesha imbaraga zikwerekeza ku cyiza zizagushoboza gusohozwa ubushake bwe bwose kuri wowe.

Muri ubu buzima turimo, tuba twitegura ubuzima buzaza. Vuba bidatinze hagiye kubaho isuzuma rikomeye, aho umuntu wese ushaka kuboneza imico ya Gikristo agomba kugeragereshwa ikibazo gikomeye kibaza kiti: Mbese urugero watanze rwatumye abandi bagirira amahoro mu kurukurikiza? Mbese witaye ku bantu nk'abo ugomba kuzabazwa? Ingabo zo mu ijuru zitaye ku basore n'urubyiruko; kandi zifuza cyane ko wazatsinda ikigeragezo, kandi ukazabwirwa amagambo yo kwemerwa ngo: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka; . . . injira mu munezero wa Shobuja."

Nimutyo abasore bibuke ko aha ku isi ari ho bagomba kubakira imico y'ubuzima bw'iteka ryose, kandi ko Imana ibasaba gukora uko bashoboye kose. Nimutyo abakuru bafite ubunararibonye bite ku bakiri bato; kandi igihe bazabona bashukwa bazabihererane bafatanye nabo gusenga ndetse babasabire. Uwiteka yifuza ko tuzirikana igitambo gikomeye Kristo yatanze kubwacu tubinyujije mu kugaragaza ko dushishikajwe n'agakiza k'abo yaje gukiza. Abasore n'urubyiruko nibashaka Kristo, azatuma imihati yabo itanga umusaruro."¹

¹ The Youth's Instructor, November 21, 1911. [Umwigisha w'Abasore]



“Kugira ngo umurimo ujye mbere mu mashami yawo yose, Imana irahamagara imbaraga, umwete n’ubutwari bya gisore. Yatoranyije abasore kugira ngo bafashe mu guteza imbere umurimo wayo. Kugena ingamba hakoresheje intekerezo zitunganye ndetse no kuzishyira mu bikorwa hakoresheje amaboko afite umwete bisaba imbaraga nshya kandi zitatentebutse.” Abasore n’inkumi bararikirwa guha Imana imbaraga z’ubusore bwabo, kugira ngo binyuze mu gukoresha imbaraga zabo, mu bitekerezo bizima no gukorana umurava, babashe kuyihesha ikuzo kandi bageze agakiza kuri bagenzi babo.”¹

¹ Gospel Workers, p.67. [Ababwiriza b’Ubutumwa bwiza]

GUHAMAGARWA KW'ABASORE

Imana ishaka ko abasore bahinduka abantu bafite ibitekerezo bihamye, bakaba biteguye kugira icyo bakora mu murimo we w'icyubahiro, kandi bakaba bakwiriye guhabwa inshingano. Imana ihamagara abasore bafite imitima itanduye, b'abanyambaraga kandi b'intwari, ndetse biyemeje kurwana kigabo mu rugamba ruri imbere yabo, kugira ngo babashe guhesha Imana ikuzo kandi baheshe umugisha ikiremhamuntu. Iyaba abasore bigaga Bibiliya, bagacubya ibyifuzo byabo byuzuyemo ubuhubutsi, kandi bagatega amatwi ijwi ry'Umuremyi n'Umucunguzi wabo, ntibabana amahoro n'Imana gusa ahubwo nabo ubwabo bakwisanga bahawe icyubahiro kandi bashyizwe hejuru. Basore nkunda, kumvira inama n'amabwiriza byo mu ijamba ry'Imana bizabahashe inyungu z'iteka ryose, kuko ari iby'agaciro katagerwa kuri mwe.

Ndabingira ngo mube abanyabwenge, kandi muzirikane umusaruro uzava mu kugira imibereho nk'iya kinyamaswa, idategekwa n'Umwuka w'Imana. "Ntimuyobe: Imana ntinegurizwa izuru, kuko ibyo umuntu abiba ari byo azasarura. Ubibira umubiri we muri uwo mubiri azasaruramo kubora, ariko ubibira Umwuka muri uwo Mwuka azasaruramo ubugingo buhoraho." Abagalatiya 6:7, 8. Kubw'ubugingo bwanyu no kubwa Kristo witangiye kugira ngo abakize kurimbuka, nimutuze mutekereze ku kiguzi cy'ubugingo bwanyu, kandi mugenzure neza inshingano zanyu n'amahirwe mufite. Imana yabahaye amahirwe yo gusohozza umugambi uhanitse. Impinduka mushobora gutera ishobora guhamya ukuri kw'Imana. Mushobora kuba abakorana n'Imana mu murimo ukomeye w'agakiza ka muntu

GUHAMAGARIRWA INTEGOMUKUNYI

Iyaba abasore banyurwaga n'intego ihanitse bahamagariwe! Nimutekereze neza ku nzira munyuramo. Nimutangire umurimo wanyu mufite intego ihanitse kandi yera, kandi mwiyeze ko kubw'imbaraga y'ubuntu bw'Imana mutazigera mutandukira ngo muve mu nzira yo gukiranuka. Nimutangira kunyura mu cyerekezo kiyobya, intambwe yose muzatera izaba yuzuyemo akaga n'amakuba, kandi muzakomeza kugenda

muteshuka inzira y'ukuri, umutekano no kunesha. Mukeneye ko ubwenge bwanyu bwongererwa imbaraga, n'imbaraga zanyu z'iby'imico mbonera zigakangurwa n'imbaraga y'Imana.

Umurimo w'Imana usaba imbaraga z'ubugingo zo ku rwego ruhanitse, kandi mu byerekezo byinshi [by'umurimo w'Imana] harimo ubukene bwihutirwa bw'abasore bize. Hakenewe abantu bashobora gushingwa umurimo wo gukora mu mirima yagutse kandi yeze ubu ikaba igeze igihe cy'isarurwa. Abasore bafite ubushobozi busanzwe kandi bitangira umurimo w'Imana batizigamyeye, batandujwe n'ingeso mbi no kwihumanya, bene abo bazagera ku ntego zabo, kandi bazabashishwa gukorera Imana umurimo ukomeye. Nimutyo abasore bumvire iyi nama, kandi bagire ibitekerezo byo kwirinda.

Mbega uburyo hari abasore benshi bapfushije ubusa imbaraga Imana yabahaye bazikoresha mu by'ubupfapfa no kuvuyarara no gusayisha! Mbega uburyo hari inkuru nyinshi zibabaje zijya ziza imbere yanjye zerekeye abasore n'urubyiruko bahindutse ibisenzegeri haba mu bwenge, mu mico mbonera no ku gihagararo cy'umubiri bitewe no gusayisha mu mico mibi! Imibiri yabo muri rusange yarangiritse, kuba ingirakamaro kwabo mu buzima biragwabira bikomeye bitewe no gusayisha mu binezeza bibi.

Ndabinginga yemwe basore bo muri iki gihe mutagira icyo mwitaho, kandi ngo mugire n'amakenga, nimuhinduke kandi mube abakozi bakorana n'Imana. Nimutyo mu mibereho yanyu mwigie guhesha abandi umugisha no kubakiza. Niba mushaka gufashwa n'Imana, imbaraga yayo ikorera muri mwe izahindura ubusa imbaraga zose zibarwanya, kandi muzereshwa ukuri. Icyaha kiganje mu basore bo muri iki gihe ku buryo buteye ubwoba, ariko nimureke umugambi wanyu ube uwo gukora uko mushoboye kose kugira ngo murokore abantu mubakure mu bubasha bwa Satani.

NIMUBE ABATWARAMUCYO

Nimujiyane umucyo aho mujiya hose; mwerekane ko mufite imbaraga mu migambi mugira, mwerekane ko mutari abantu batazi gufata icyemezo kandi batwarwa mu buryo bworoshye n'ibitekerezo bireshya by'abo bifatanyana nabo babi. Ntimukajye mupfa guhita mwemera ibitekerezo by'abatubaha Imana, ahubwo mujye mushaka kuvugurura, kugarura abantu mu nzira nziza no kurokora abantu bakava mu kibi.

Nimusenge kandi mu mwuka w'ubugwaneza no kwicisha bugufi, mwemeze abivugurura ubwabo. Umuntu umwe ukijijwe agakurwa mu kinyoma kandi akagezwa muni y'ibendera rya Kristo, azatuma mu ijuru haba umunezero, kandi ashiririsha inyenyeri ku ikamba rinejeje. Kubw'imbaraga ihindura iterwa no kubaha Imana kwe, umuntu wakijijwe azageza abandi ku kumenya agakiza, bityo umurimo uzaguka kandi ibizahishurwa ku muni w'urubanza byonyine ni byo bizagaragaza ubugari bw'umurimo yakoze.

Ntimuzigere mushidikanya gukorera Uwiteka bitewe n'uko mwatekereza ko mushobora gukora ibintu bike. Ibike mukora mubikorane ubudahemuka; kuko Imana izakorana n'umuhati wanyu. Izandika izina ryawe mu gitabo cy'ubugingo ko ukwiriye kwinjira mu munezero wa Databuja. Nimutyo dusabe Uwiteka dukomeje, tumusabe kongererwa abakozi kuko imirima yeze ikaba igeze igihe cy'isarura; umusaruro akaba ari mwinshi nyamara abasaruzi bakaba ari bake, . . .

MUKUNDE IBITEKEREZO BYAGUTSE

Abasore bakwiriye kugira ibitekerezo byagutse n'imigambi irimo ubwenge kugira ngo amahirwe bafite bayabyaze umusaruro ukomeye, kandi bagire kumurikirwa n'ubutwari byakoreshaga abigishwa. Intumwa Yohana aravuga ati: "Ndabandikiye basore, kuko mufite imbaraga kandi ijamba ry'Imana rikaguma muri mwe, mukaba mwaranesheje wa Mubi." 1Yohana 2:14. Urugero rwo hejuru rwashyizwe imbere y'abasore, kandi Imana irabararikira kuza bagakorana na Yo. Abasore babikuye ku mutima kandi bishimira kwigira mu ishuri rya Kristo, bashobora gukorera Umukiza umurimo ukomeye baramutse gusa bumviye itegeko ry'Umugaba w'ingabo nk'uko ryumvikana mu ngabo kugeza muri iki gihe cyacu rigira riti: "Mube abagabo nyabagabo, mwikomeze." 1Abakorinto 16:13.

Mugomba kuba abagabo bazagendana n'Imana mwicishije bugufi, abagabo bazahagarara imbere yayo mu gihagararo cyanyu cya kigabo Imana yabahaye, mutarangwaho inenge no guhumana kose bituruka ku gutwarwa n'irari ry'ibinezeza byangiza ab'iki gihe turimo. Mugomba kuba abagabo bazakoza isoni ibinyoma byose no gukiranirwa kose. Mube abagabo bazahangara kuba abanyakuri n'intwari, bakazamura ibendera risize amaraso ry'Igikomangoma Imanweli. Impano zanyu ziziyongera igihe muzikoreshereza Umwami wacu, kandi uwabaguze igiciro kitagerwa azafata ko ari iz'agaciro. Ntimukagire ubwo mwiycarira ngo mwirengagize kugira icyo mukora bitewe gusa n'uko mudashobora gukora ikintu gikomeye cyane, ahubwo mukore icyo mubona mushoboye gukora cyose, mugikorane ubwitonzi n'umurava. . . .

GUHAMAGARIRWA KWIYANDIKISHA MU NGABO Z'UMUKIZA

Kristo arahamagara abakorerabushake biyandikisha bakajya muni y'ibendera rye, kandi bakazamura ibendera imbere y'isi. Itorero rikennye cyane ubufasha bw'abasore bazatanga ubuhamya bukomaye, abasore bazakorana umurava wabo bagakangura imbaraga zigenda biguru ntege z'ubwoko bw'Imana, bityo bakongera imbaraga z'itorero mu isi. Hakenewe abasore bazarwanya imiraba yo gutwarwa n'iby'isi, kandi bakarangurura ijwi ryabo barwanya gutera intambwe za mbere zigana mu gusayisha mu bibi n'ingeso mbi.

Ariko mbere ya byose, abasore bakwiriye gukorera Imana kandi bakitangira umurimo wayo, bagomba kweza urusengero rw'ubugingo mo ibihumanya byose, kandi bakimika Kristo mu mutima. Ubwo ni bwo bazabashishwa gushyira imbaraga mu muhati wabo wa Gikristo, kandi bazagaragaza ishyamba ryuje ubwuzu mu guhendahendera abantu kwiyinga na Kristo. Mbese abasore bacu ntibazitaba ubutumire bwa Kristo, ngo maze basubize bati: "Ndi hano Mwami ntuma"? Basore, nimwatanye muje imbere, kandi mwigaragaze ko muri abakozi bakorana na Kristo, musubukurire umurimo aho yawusize, kugira ngo muwukomeze kugeza aho urangiriye.¹

IBY'INGENZI BIRANGA IMICO

"Imana ntitegeka urubyiruko kutagira imigambi. Ibikubiye mu mico bitera umuntu kugera ku ntego no kubahwa mu bandi, ari byo - icyifuzo gikomeye cyo kugera ku bintu byiza bikomeye, ubushake budacogora, imbaraga zitadohoka, ndetse no kwihangana kudacogora-ibyo byose ntibigomba kuburizwamo."²



¹ *Review and Herald*, June 16, 1891. [Urwibutso n'Integuza]


² *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.512. [Ingeri ya 2016]

GUSHAKA GUSHIMISHA KRISTO

Uwiteka adufitiye umurimo wihariye buri wese ku giti cye agomba gukora. Igihe tubona ubukozi bw'ibibi bw'abatuye isi bushyirwa ahagaragara mu nkiko kandi bukandikwa mu binyamakuru bya buri muni, nimutyo twegere Imana, kandi kubw'ukwizera kuzima dushikame ku masezerano yayo kugira ngo ubuntu bwa Kristo bubashe kugaragarizwa muri twe. Dushobora kugira impinduka duteza, ndetse ikaba ari impinduka ikomeye mu isi. Niba imbaraga y'Imana itsinda imitima iri kumwe natwe, tuzabashishwa kuyobora abari mu cyaha babashe guhinduka.

Kwiyoroshya kwacu kuzasohozza ibintu byinshi muri uyu murimo. Ntabwo tugomba kugerageza gutumbagira ngo tujye mu myanya yo hejuru cyangwa ngo abantu baduhimbaze. Intego yacu ntikwiriye kuba iyo kuba abakomeye. Tugomba kuhanga amaso yacu ku cyubahiro cy'Imana. Tugomba gukorana ubwenge bwose Imana yaduhaye, tukishyira mu nzira y'umucyo, kugira ngo ubuntu bw'Imana bubashe kutuzaho ngo buduhindure kandi butume dusa n'Imana. Ijuru ryiteguye gucuncumura imigisha yaryo ikungahaye ku bantu baziye gurira gukora umurimo w'Imana muri iyi minsi iheruka y'amateka y'isi. Tuzageragezwa kandi dushungurwe; dushobora guhamagarirwa kumara amajoro tutagohetse; ariko nimutyo bene ibyo bihe tubimare dusenga Imana tumaramaje, kugira ngo ibashe kuduha gusobanukirwa, kandi ikangurire intekerezo zacu kumenya amahirwe yacu.¹

¹ *Review and Helard, April 1, 1909. [Urwibutso n'Integuza]*



INGERO NGENDERWAHO ZO GUTSINDA

“Kubaha Uwiteka ni ishingiro ry’ubwenge.” Benshi mu basore bacu ntibumva uburyo bikenewe ko bazana imbaraga zabo bakazikoresha cyane uko bashoboye kose, ibihe byose n’uko ibintu byaba bimeze kose. Ntibafite kubaha Imana imbere yabo, kandi ibitekerezo byayo ntibitunganye ndetse ntibyagutse.

Ijuru ryose rizirikana igitekerezo cyose n’igikorwa cyose. Ibikorwa byanyu bishobora kutagaragarira n’abo mufatanyije umurimo, ariko byose bigaragarira abamarayika bitegereza. Abamarayika boherezwa gufasha ababa bari ku rugamba rwo gutsinda imico mibi yose, kandi bakaba bahagaraye bitandukanyije n’ibikoresho bya Satani.

UBUNYANGAMUGAYO BUTANAMUKA

Imbaraga z’ibikorwa bibi bito, imbaraga zo guhuzagurika kwa hato na hato mu kugorora imico, ntizihabwa agaciro nk’uko byari bikwiriye. Amahame atangaje kandi ahebuje andi twayahishuriwe mu Ijambo ry’Imana. Ayo mahame twayaherewe ngo akomeze umuhati wose tugira kubw’icyiza, kugira ngo agenge kandi aringanize intekerezo, kandi atuyobore kwifuza kugera ku rwego ruhanitse.

Mu mateka ya Yozefu, Daniyeli na bagenzi be, dusangamo uburyo umurunga w’izahabu w’ukuri ushobora komatanyiriza abasore ku ntebe y’ubwami y’Imana. Ntibaguye mu kigeragezo cyo gutandukira inzira yabo y’ubutungane. Bahaye agaciro kwemerwa n’Imana babirutisha kwemerwa no gushimwa n’ibikomangoma, kandi Imana yarakubanze ndetse ibakingira ingabo yayo. Bitewe n’ubutungane bwabo butanamuka kubera ko bari bariyemeje kubaha Imana kubirutisha ububasha bw’abantu, Uwiteka yabubahishije bikomeye imbere y’abantu. Bahawe icyubahiro n’Uwiteka Imana nyiringabo, yo Nyirububasha burenze ibyo yaremesheje ukuboko kwayo mu ijuru no ku isi. Bariya basore ntibagize isoni zo kugaragaza abo ari bo by’ukuri. Ndetse no mu rugo rw’umwami, mu magambo yabo, imico yabo, n’imigirire yabo, baturaga ko bizera Uwiteka Imana yo mu ijuru. Banze kumvira itegeko iryo ari ryo ryose ry’ubutegetsi bwo ku isi ryabatandukanyaga no kubaha Imana. Bari bafite imbaraga zikomoka mu ijuru zibabashisha kwatura ko bumvira Imana.

Basore, mukwiriye kuba mwiguye gukurikiza urugero rw'aba basore b'abanyacyubahiro. Ntimuzigere muterwa isoni n'indangagaciro zanyu, nimuzambare, kandi mureke zigaragarire abantu n'abamarayika bazibone. Ntimukigere mutegekwa no kwiyorosha no kwigengesera k'uburiganya bibakururira gukora ibinyuranye n'iyi nama. Kubw'amagambo muhitamo gukoresha ndetse no gukora mudahuzagurika, kubwo kurangwa n'imico ikwiriye n'ubutungane bwanyu, kwatura kwanyu nikube imvugo igaragaza ukwizera kwanyu, mwiyeze ko Kristo azicara ku ntebe y'ubwami mu rusengeru ry'umutima; kandi impano zanyu muzishyire ku birenge bye ngo azikoreshe umurimo we nta n'imwe muzigamye.

KWITANGA BURUNDU

Kubw'ibyiza by'iki gihe n'iby'iteka ryose, ni byiza ko mwiyezurira rwose gukora igitunganye, kugira ngo isi ibashe kumenya aho muhagaze. Abantu benshi ntibiyeguriye umurimo w'Imana burundu, kandi gukubita hirya no hino kwabo ni ko soko y'intege nke, kandi kukaba n'ibuye risitaza abandi. Kubwo kugira amahame adashikamye, kandi bakaba bataritanze, imiraba y'ibigeragezo irabatembana ikabakura mu byo bazi ko bitunganye, bityo ntibagire umuhati wera wo gutsinda ikibi cyose, kandi ngo batunganye imico izira inenge kubwo gukiranuka kwa Kristo tubarwaho.

Abatuye isi bafite uburenganzira bwo kumenya ibishobora kwitegwa ku muntu wese uzi ubwenge. Umuntu ugaragarwaho n'amahame adakebakeba kandi y'ubutungane, azaba imbaraga nzima kubo bakorana, kandi abandi nabo azabahindura kubw'Ubukristo bwe. Abantu benshi ntibasobanukirwa kandi ngo bahe agaciro uburyo impinduka umuntu wese yateza ziganisha ku cyiza cyangwa ku kibi zikomeye cyane. Umunyeshuri wese akwiriye gusobanukirwa ko amahame akurikiza ahinduka imbaraga nzima kandi ihindura ku mico ye [n'iy'abandi]. Umuntu wemera Kristo nk'Umukiza we bwite, azakunda Yesu n'abo yapfiriye bose; kuko Kristo azamuhindukiramo isoko y'amazi adudubiza kugeza ku bugingo buhoraho. Azitangira kumvira itegeko rya Kristo atizigamye.

SHIMANGIRA UMUDENDEZO WAWU

Ubigire itegeko ry'ubugingo bwawe ko nta kigeragezo cyangwa inyungu zawe bwite zizagutera gutandukira ngo ureke kubaha Imana, kuko "yakunze abari mu isi cyane, [bigatuma] itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Nk'umuntu wacunguwe, ufite umudendezo wo kwihitiramo. Wacungujwe igiciro kitagerwa, Imana iguhamagarira gushimangira umudendezo wawe, no gukoresha imbaraga Imana yaguhaye nk'umugaragu ufite umudendezo w'ubwami bw'Imana. Ntukongere kuba munsu y'ubutware bw'icyaha, ahubwo nk'umuyoboze w'indahemuka w'Umwami w'abami, garagaza ko uri indahemuka ku Mana.

Kubwa Yesu Kristo garagaza ko ukwiriye guhabwa inshingano yera Uwiteka yaguhaye ubwo yaguhaga ubuzima kandi akakugirira ubuntu. Ugomba kwanga gutegekwa n'imbaraga z'ikibi. Nk'abasirikare ba Kristo, tugomba kwemera ibyo agakiza ke kadusaba uko ibintu byaba bimeze kose tubyihitiyemo kandi dufite ubwenge, tugakunda rwose amahame atunganye kandi tukayakurikiza. Ubwenge buva mu ijuru bugomba kuba itabaza rimurikira ibirenge byanyu. Mube indahemuka kuri mwe ubwanyu, kandi mube n'indahemuka ku Mana. Ikintu cyose kigomba kunyeganyezwa kizanyeganyezwa; ariko nuba ushinze imizi mu kuri kandi ugushikamyemo, uzabana n'ibidashobora kunyeganyezwa. Amategeko y'Uwiteka arahamye kandi ntahinduka, kuko agaragaza imico Ye. Mwiyeze rwose ko haba mu magambo cyangwa mu mpinduka mushobora guteza, mutazigera musuzugura ubutware bwayo na hato.

KWITANGA BURUNDU

Kugira iyobokamana ya Kristo bivuze ko weguriye Imana ibyawe byose, kandi wihaye Mwuka Muziranenge ngo akuyobore. Binyuze mu mpano ya Mwuka Muziranenge uzahabwa imbaraga z'imico mbonera, kandi ntuzagira gusa impano zawe za kera wahawe kubw'umurimo w'Imana, ahubwo gutanga umusaruro kwazo kuzongerwa cyane. Kwegurira Imana imbaraga zacu zose byoroshya ikibazo cy'ubuzima mu buryo bukomeye. Ibyo bica intege kandi bigahindura ubusa intambara igihumbi urwana n'ibyifuzo by'umutima wa kamere. Iyobokamana ni nk'umurunga wa zahabu uhuriza ubugingo bw'abasore n'abakuze kuri Kristo. Binyuze muri ryo abafite ubushake kandi bumvira bagezwa mu murwa w'Imana amahoro banyuze mu nzira zijimye kandi ziruhije.

Hariho abasore bafite ubushobozi busanzwe bw'ubwenge, nyamara kubwo kwigishwa no gutozwa ikinyabupfura n'abigisha bakorera ku mahame ahanitse kandi atunganye, bashobora kuva muri iyo gahunda yo kwigishwa bujuje ibyangombwa bisabwa ngo bakore mu myanya imwe y'icyubahiro Imana yabahamagariye. Ariko kandi hari abasore batazashobora ibyo bitewe n'uko batiyemeje gutsinda ibyifuzo bya kamere yabo, bityo bene abo ntibazumvira ijwi ry'Imana rivugira mu ijamba ryayo. Ntibashyizeho ibihindizo byo gukingira ubugingo bwabo ibigeragezo, kandi ntibiyemeje gukora inshingano yabo bamaramaje. Bameze nk'umuntu uri mu rugendo rugana mu kaga maze akanga ubuyobozi bwose n'amabwiriza ahabwa kandi ari byo byajyaga kumurokora impanuka no kurimbuka, bityo agakomeza mu cyerekezo kigana ku kurimbuka.

GUHITAMO IHEREZO RYawe

Mbega uburyo umuntu wese akwiriye kumenya ko ari we ugena iherezo rye! Ibyishimo byawe muri ubu buzima, ndetse no mu buzima bw'igihe kizaza, ari bwo buzima butazapfa, bishingiye kuri wowe ubwawe. Ubihisemo, ushobora kugira abo ukorana nabo bityo kubw'igitutu cyabo,

bazatesha agaciro ibitekerezo byawe, amagambo yawe ndetse n'imico mbonera yawe. Ushobora korohera ipfa n'irari bikisanzura, ugasuzugura ubuyobozi, ugakoresha imvugo nyandagazi, kandi ukitesha agaciro kugera ku rwego rwo hasi cyane. Impinduka mbi uteza zishobora kwanduza abandi, kandi ushobora kuba intandaro yo kurimbura abo ushobora kuba warazanye kuri Kristo. Ushobora gukura abantu kuri Kristo, ukabakura mu bitunganye, mu kwera kandi ukabateshura inzira igana mu ijuru. Mu rubanza, abazimiye bashobora kugutunga agatoki maze bakavuga bati: "Iyaba atari we wabiteye, ntabwo mba naragwaguje kandi ngo iby'Imana mbigire urw'amenyo. Yari afite umucyo, kandi yari azi inzira igana mu ijuru. Nari injiji, kandi nagiye nk'impumyi nkurikira inzira yanjye ngana mu kurimbuka." Ni ikihe gisubizo twatanga ku kirego nk'iki? Mbega uburyo ari ingenzi ko buri wese yazirikana aho ari kwerekeza abantu! Turi aho abadukikije bose batwitegereza. Mbega uburyo dukwiriye kubara igiciro cy'impinduka dushobora guteza tubyitondeye. Ntabwo dukwiriye gukura iby'ubugingo bw'iteka ryose mu byo dutegereje imbere yacu, ahubwo dukwiriye kwimenyereza guhora tubaza tuti: "Mbese ibi nkora bishimisha Imana? Mbese ni izihe mpinduka ibikorwa byanjye bizateza ku ntekerezo z'ababonye umucyo n'ibihamya bike ku byerekeye igitunganye?"

IBIBAZO BIKORA KU MUTIMA

Iyaba abasore barondoraga mu Byanditswe kandi bagakora uko batekereza ko Kristo yakora ari mu bihe nk'ibyo barimo! Amahirwe twagize yo kunguka ubwenge buva mu ijuru yaduhaye inshingano zagutse, bityo dukwiriye kwibaza tubyitayeho cyane tuti: "Mbese aho ngendera mu mucyo? Mbese nk'uko umucyo mwinshi nahawe uri, aho naba ngendera mu nzira itunganye, cyangwa naba nca inzira zigoramye ku buryo abacumbagira bazava mu nzira? . . .

Dukwiriye kuba twuzuwe no gusobanukirwa byimbitse n'agaciro, ukwera, ndetse n'ubutware ukuri gufite. Ncuti musore, imirasire irabagirana y'umucyo wo mu ijuru imurika mu nzira ucamo, kandi ndasaba ngo amahirwe ufite uyabyaze umusaruro uko bishoboka kose. Akira kandi ukunde umwambi wose w'umucyo uva mu ijuru, kandi inzira ucamo izarushaho kurabagirana kugera ku munsu utunganye rwose."¹

¹ *The Youth's Instructor, February 2, 1893.*

UMUNSI TWAGIZEMO AMAHIRWE

Muri iki gihe hari amasomo tugomba kwigira ku byabaye ku bakoreye Imana mu bihe byashize. Mbega uburyo tuzi bike cyane ku ntambara, ibigeragezo n'imiraho by'abo bantu ubwo babaga biteguye guhangana n'ingabo za Satani. Kubw'uko bari bambaye intwari zose z'Imana, bashoboraga gutsinda uburiganya bwa Satani . . .

Abo bantu mu bihe byashize bitanze bakiha Imana kandi bakiyegurira no kwereza umurimo wayo, bari indahemuka ku ihame ndetse bakomeye nk'icyuma.

Bari abantu batadohokaga cyangwa ngo bacike integu; abantu bari buzuye ishyamba ry'Imana no kuyubaha, buzuye imigambi n'ibyifuzo bihanitse nk'uko Daniyeli yari ameze. Bari abanyanteye nke n'impeyamajyo nk'uko biri ku muntu uwo ari we wese mu birunduriye mu murimo [w'Imana], ariko ibyiringiro byabo byose babishyize mu Mana. Bari bafite ubutunzi ariko ubwo butunzi bwari bugizwe no kugaburira no gukiza intekerezo n'ubugingo bwabo. Ibi rero umuntu wese ushaka kugira Imana nyambere n'iy'imperuka kandi akayirutisha byose muri byose ashobora kubigira. Nubwo tudafite ubwenge, ubuhanga, ubupfura n'imbaraga, ibi byose dushobora kubyakira turamutse twigiye kuri Kristo ibyigisho dufitiye amahirwe yo kwiga.

ABAKOZI BAKENEWE

Muri iki gihe dufite amahirwe n'ibyiza bitari byoroheye abo mu bisekuru bya kera ko bagira. Dufite umucyo mwinshi, kandi uwo mucyo waje binyuze mu murimo w'abo barinzi b'indahemuka bishingikirije ku Mana kandi bakakira imbaraga iyikomokaho kugira ngo umucyo umurike utangaze, ugeze imirasire wayo irabagirana ku isi. Muri iki gihe cyacu dufite umucyo mwinshi tugomba kurushaho gusakaza nk'uko mu bihe bya kera abagabo n'abagore bagaciro bakomeye basakaje umucyo Imana yabahaye. Bakoraga cyane kandi n'igihe kirekire kugira ngo bige ibyigisho bigishirizwaga mu ishuri rya Kristo, kandi ntibaruhaye ubusa. Umuhati wabo udacogora waragororewe. Bomatanye n'umunyambaraga usumba bose, ariko kandi

bahoraga bifuza kunguka gusobanukirwa kwimbitse, kw'ikirenga kandi kwagutse kwerekeye ukuri kw'iteka ryose, kugira ngo babashe kugeza neza ubutunzi bw'ukuri ku isi ikennye.

Abakozi barangwa n'iyi mico barakenewe muri iki gihe. Abantu b'abagabo mu maso y'Imana, kandi bakaba banditswe mu bitabo byo mu ijuru, ni abameze nka Daniyeli, bakuza ubushobozi bwose bafite ku buryo bahagararira neza ubwami bw'Imana mu isi iri mu byaha. Gutera imbere mu kumenya ni ngombwa; kuko iyo umuntu yahawe umurimo mu murimo w'Imana, ubumenyi buba imbaraga ikoresha ibyiza. Isi ikeneye abantu batekereza, abantu bagendera ku mahame, abantu bahora bakura mu gusobanukirwa no kumenya. Itangazamakuru rikeneye abantu bagomba kurikoresha neza cyane kugira ngo ukuri kubashe guhabwa amababa yo kugukwirakwiza mu mahanga yose n'indimi zose n'amoko yose.

ISOKO YACU Y'UBUSHOBOZI

Dukeneye gukoresha abasore bazakuza ubudahemuka, abasore badafite ubwoba bwo gukoresha imbaraga zabo. Bene aba basore bazabona umwanya aho ari ho hose bitewe n'uko badateshuka inzira. Haba mu ntekerezo n'umutima bafite ishusho y'Imana. Amaso yabo bayahanga ahantu hamwe, kandi bahora batanya bajya mbere ndetse bazamuka, batera hejuru bavuga bati: "Intsinzi." Nyamara abanyabute n'abanyabwoba n'abatizera ntibahamagarwa, kuko kubwo kubura kwizera kwabo ndetse no kudashaka kwiya kubwa Kristo, batuma umurimo w'Imana udatara imbere...

Imana irahamagara abazaba abakozi bakorana nayo. Kubwo komatana na Kristo, kamere muntu irera kandi ikaba inyakuri. Kristo atanga ubushobozi, kandi umuntu agahinduka imbaraga izana icyiza. Ubunyakuri no kuba indahemuka ni imico y'Imana, kandi umuntu ufite iyi mico aba afite imbaraga idatsindwa.¹

GUKIRANUKA KO MU MUTIMA

Gukiranuka kw'imbere mu mutima guhamywa n'ubutungane bugaragara inyuma. Utunganye imbere muri we ntabwo aba anangiye umutima kandi ntabwo kwita ku bandi no kubazirikana, ahubwo uko bukeye bukira arakura agasa na Kristo, agakomeza aya mu mbaraga yinjira mu zindi nshya. Umuntu uagenda wereshwa ukuri azitegeka, kandi azagera ikirenge mu cya Kristo kugeza ubwo ubuntu butwikiriwe n'ikuzo. Gukiranuka gutuma dutsindishirizwa ni ubwo tubarwaho; kandi ubutungane butuma twezwa ni ubwo duhabwa. Ubutungane bwa mbere ni uburenganzira bwo kujya mu ijuru tuba dufite, naho ubutungane bwa kabiri ni uko tuba abantu bakwiriye ijuru.²

¹ *Review and Herald*, March 10, 1903.

² *Review and Herald*, June 4, 1895 [Urwibutso n'Integuza]

INZEGO ZIHANITSE ZAGERWAHO

Ncuti basore, mbese intego n'icyerekezo cy'ubuzima bwanyu ni ibihe? Mbese mufite inyota yo kwiga kugira ngo mubashe kugira izina n'umwanya mu isi? Mbese mufite ibitekerezo mutabasha kuvuga, ku buryo umunsi umwe mushobora guhagarara ku mwanya wo hejuru uhebuje indi mu gukomera mu by'ubwenge; ku buryo mushobora kwicara mu nama zifata ibyemezo n'izishyiraho amategeko, kandi mugafasha mu gushyiriraho igihugu amategeko? Nta kibi kiri mu kugira bene iyo migambi. Buri wese muri mwe ashobora kugera ku ntego ye. Ntimukwiriye gushimishwa n'ibyo mugeraho byo ku rwego ruciriritse. Mugire intego yo kugera ku bihanitse, kandi ntimugire imiruhho mwihunza kugira ngo mugere ku rugero rukwiriye.

IYOBOKAMANA NI ISHINGIRO RY'UBUZIMA

Kubaha Uwiteka ni byo rufatiro rwo gukomera kose nyakuri. Ubunyangamugayo budatandukira ni bwo hame mukeneye kugendana mu byo mujyamo byose mu buzima. Garagaza idini yawe mu buzima bwawe bwo mu ishuri, aho ucumbika no mu byo ujyamo byose. Ikibazo cy'ingenzi mubazwa ubu ni iki ngo: Mbese mwaba muhitamo kandi mugatunganya ibyo mwiga ku buryo muzakomera ku gushikama no ku kubonera kw'imico ya Gikristo izira ibizinga, mutuma ibyifuzwa n'inyungu by'igihe gito bijya muni y'ibyifuzwa byo ku rwego rwo hejuru ubutumwa bwiza bwa Kristo busaba?

Ubu mushaka kubaka ibyo muzashobora kurimbisha, kandi mukitwara ku babakikije muri rusange no ku buzima ku buryo mubasha kuba igisubizo ku mugambi Imana yari ifite ubwo yabaremaga. Nk'abigishwa ba Kristo, ntimubujijwe kugira iby'inyungu zizashira mujyamo; ariko mukwiriye kugendana idini yanyu. Mu mirimo yose mushobora kuba mwujuje ibyangombwa byo gukora, ntimuzigere muha intebe igitekerezo kivuga ko mudashobora kugira icyiza mwageraho mutagize ihame mwica.

INSHINGANO ZO KU RWEGO RUHANITSE

Muramutse mutuje kubw'ihame ry'iby'idini [mugenderaho], mushobora kuzamuka mukagera ku rugero ruhanitse mushaka. Twashimishwa no kubabona muzamuka mukagera ku rwego rwo hejuru Imana ishaka ko mugeraho. Yesu akunda abasore b'agaciro kenshi; kandi ntabwo ashimishwa no kubabona bakura badafite impano zatejwe imbere. Bashobora guhinduka abantu bakomeye bagendera ku ihame ridakuka, abantu bujuje ibyangombwa byo guhabwa inshingano zihanitse, kandi kubw'iyi ntego bashobora gukoresha imbaraga zabo zose mu buryo bwemewe n'amategeko.

Ariko ntumuzigere mukora icyaha gikomeye gityo cyo kwangiza imbaraga Imana yabahaye mukora ibibi kandi murimbura n'abandi. Hari abantu bafite impano bakoresha ubushobozi bwabo bakwirakwiza kurimbuka kw'imico mbonera no kwangirika. Ariko rero abo bose bari kubiba imbuto izatanga umusaruro batazigera bumva bafitiye ishema gusarura. Ni ikintu giteye ubwoba gukoresha ubushobozi Imana yaduhaye mu nzira zo gukirakwiza imbaraga irimbura n'umuvumo aho gusakaza umugisha mu bantu. Na none kandi gutwikira impano twahawe maze tukayihisha ahanu hitaruye isi ni ikintu giteye ubwoba; kuko bene ibyo ari ukujugunya ikamba ry'ubugingo. Imana ishaka ko tuyikorera. Buri muntu wese afite inshingano agomba kuzaza; kandi dushobora gusohozza inshingano iruta izindi mu buzima bwacu igihe gusa twemeye izo nshingano uko zakabaye, 'kandi tukazuzura mu budahemuka ndetse tubishyizeho umutima.'

IMPINDUKA IYOBOKAMANA RIZANA

Umunyabwenge yaravuze ati: "Ujye wibuka Umuremyi wawe mu minsi y'ubusore bwawe." Ariko ntumuzigere mwibwira na gato ko iyobokamana rizatuma mubabara kandi ngo mwijime ndetse rikaba ryabafungira inzira yo kugera kubyo mwifuza. Ntabwo idini ya Kristo ikuraho cyangwa ngo ice intege ubushobozi na bumwe [bw'umubiri]. Ntabwo yigera na mba ibambura ubushobozi bwo kwishimira umunezero wose nyakuri. Ntabwo idini rya Gikristo ribereyeho kugabanya inyungu zanyu mu buzima, cyangwa ngo ribatere kutita ku byo musabwa n'incuti n'umuryango wagutse muri rusange. Ntabwo kandi ryambika ubuzima ibigunira; ntabwo idini ya Kristo igaragarizwa mu kwitsa imitima ndetse n'iminiho. Oya, oya rwose; ahubwo abantu bagira Imana nyambere, bakayishyira ku musozo kandi bakayigira ihebuje muri byose, ni bo bantu bishimye kurusha abandi bose mu isi. Kumwenyura n'umucyo w'izuba ntibibura mu maso habo. Ntabwo iyobokamana rihindura uwaryakiriye umuntu w'intavugirwamo w'umunyamahane, utagira gahunda kandi utita ku bandi. Ibiramambu, iyobokamana riramuzamura rikamugira uw'agaciro, rigatunganya ibimushimisha, rikeza intekerezo ze, kandi rikamugira umuntu ukwiriye kuzabana n'abamarayika bo mu ijuru kandi uzaba mu mazu Yesu yagiye gutegura.

Nimutyo twe kwigera twibagirwa ko Yesu ari isoko y'ibyishimo. Ntabwo yishimira amakuba abantu bahura nayo, ahubwo akunda kubabona bishimye. Abakristo bafite amasoko menshi y'ibyishimo abaringanirijwe, kandi bashobora kuvuga batibeshya iby'ibinezeza by'ukuri kandi byemewe n'amategeko. Bashobora kwishimira ibinezeza bitazatuma bata ubwenge cyangwa ngo biteshe ubugingo agaciro, ku buryo bazacika intege, kandi ngo basige imbaraga ihindura ibabaje irimbura kwiyubaha kwabo cyangwa ngo ishyire inkomyi mu nzira igana ku kuba ingirakamaro kwabo. Baramutse bagendanye na Yesu kandi bagakomera ku mwuka wo gusenga, baba amahoro masa...

UBUSONGA BW'IMPANO TWAHAWA

Basore ncuti, kubaha Uwiteka ni rwo rufatiro rwo gutera imbere kose; kandi ni ko tangiriro ry'ubwenge. So wo mu ijuru afite ibyo abasaba; kuko mutarabisabira cyangwa ngo mube mubikwiriye kubw'ibyo mwakoze ku ruhande rwanyu. So wo mu ijuru abaha ibyiza bitagerwa by'ubuntu bwe; kandi ikirenze ibi, yabahaye ijuru ryose mu mpano imwe rukumbi ari yo Mwana wayo ikunda. Kubw'iyi mpano itagira akagero, Imana ibasaba kuyubaha mubiyihitiyemo. Kubera ko mwaguzwe igiciro, ndetse akaba ari amaraso y'agaciro kenshi y'Umwana w'Imana, na yo ibasaba ko mukoresha neza amahirwe muhabwa. Ubushobozi bwanyu bw'ubwenge n'ubw'imico mbonera ni impano ziva ku Mana, ni impano mwaragijwe kugira ngo muzagure neza, kandi nta burenganzira mufite bwo kuzirambika hasi bitewe no kutazikoresha uko bikwiriye, cyangwa ngo zigwabire cyangwa zigwingire kubwo kudakoresha. Ni ahanyu kwemeza niba inshingano ziremereye mwahawe muzazisohozza mu budahemuka cyangwa mutazazisohozza, mukemeza niba umuhati wanyu muzawukoresha neza kandi mu buryo buhebuje.

Turiho mu bihe by'amakuba yo mu minsi iheruka. Ijuru ryose ryitaye ku mico murema. Mwahawe ibintu byose kugira ngo mubashe kuba abafite umugabane kuri kamere y'Imana, ngo mukire kwangirika kwazanwe mu isi n'irari. Ntabwo umuntu mu ntege nke ze wenyine yaretswe ngo atsinde imbaraga z'ikibi. Ubufasha burahari kandi buzahabwa umuntu wese ubwifuza akomeje. Abamarayika b'Imana, ba bandi bamanukaga kandi bakazamuka urwego Yakobo yabonye mu nzizi, bazafasha umuntu wese ushaka kurira agana mu ijuru risumba ayandi. Aba bamarayika barinda ubwoko bw'Imana, kandi bakareba uko intambwe yose iterwa. Abazamuka mu nzira irabagirana bazagororerwa; bazinjira mu byishimo by'Umwami wabo.¹

INTEGO IHANITSE IGOMBA KUGERWAHO

Umugambi uhanitse ndetse uhanitse cyane intekerezo za muntu zishobora kugeraho ni umugambi Imana ifitiye abana bayo. Kubaha

¹ *Fundamentals of Christian Education*, pp.82-86 [Amahamashyamba y'Uburezi bwa Gikristo]

Imana cyangwa -gusa n'Imana- ni yo ntego igomba kugerwaho. Imbere y'umunyeshuri hari inzira ifunguye igana ku guhora atera imbere. Afite intego agomba gusohozza, urwego agomba kugeraho rukubiyemo ibintu byiza byose, bitunganye kandi by'agaciro. Azatera imbere mu buryo bwihuta kandi agere kure hashoboka mu ishami ryose ry'ubumenyi nyakuri. Ariko umuhati we uzerekezwa ku bintu bihanitse rwose biruta kwikunda n'inyungu z'igihe gito nk'uko ijuru ryitaruye isi.²

IMIYOBORO Y'UBUNTU BW'IMANA

Umuntu wese afite amahirwe yo kuba umuyoboro muzima Imana ishobora gucishamo ubutunzi bw'ubuntu bwayo ikabugeza ku batuye isi, ari bwo butunzi butarondoreka bwa Kristo. Nta kintu Kristo yifuza cyane nk'abantu bazagaragariza abatuye isi Mwuka We n'imico ye. Nta kintu isi ikeneye cyane nko kugaragazwa k'urukundo rw'Umukiza rugaragarijwe mu muntu. Ijuru ryose ritegereje imiyoboro ishobora gucishwamo amavuta yera kugira ngo abere imitima y'abantu ibyishimo n'umugisha.³

² Uburezi, p. 18, 19.

³ Christ's Object Lessonss, p.419 [Imigani ya Kristo]

INGERO NGENDERWAHO MU GUKORESHA UBUSHOBOZI NEZA

Abasore bafite inshingano ikomeye cyane. Imana yiteze ibintu byinshi cyane ku basore bariho muri iki gihe kirangwamo umucyo n'ubumenyi byinshi. Imana yiteze ko abasore bageza uyu mucyo n'ubu bumenyi ku bandi. Yifuza kubakoresha mu kwirukana ikinyoma n'imyizerere ipfuye bibudikiye intekerezo za benshi. Bagomba kwiwigisha bakoresheje gufata akantu gato kose kerekeye ubwenge n'ubunararibonye. Imana izababaza amahirwe n'ibyiza bahawe. Umurimo uri imbere yabo utegereje umuhati wabo udacogora, kugira ngo ubashe gutezwa imbere uva ku ntambwe imwe ujya ku yindi hakurikijwe uko igihe kibisaba.

Abasore nibegurira intekerezo n'imitima byabo mu murimo w'Imana, bazagera ku rwego rwo hejuru rwo gutanga umusaruro no kuba ingirakamaro. Uru ni rwo rwego Uwituka yiteze ko abasore bageraho. Gukora ibiciye munsu y'ibi ni ukwanga gukoresha ku rwego ruhanitse amahirwe Imana yatanze. Ibi bizafatwa nko kugambanira Imana, bibe kunanirwa gukora ushakira inyokomuntu ibyiza.

KUZUZA IBYANGOMBWA BYO GUKORA UMURIMO

Abaharanira kuba abakozi bakorerwa Imana, bashakana umwete kumenya kugira ngo bagire ibyo batanga, bene abo bazahora bahabwa umucyo uva ku Mana kugira ngo babashe kuba imiyoboro inyuzwamo ubutumwa. Nk'uko byari bimeze kuri Daniyeli, abasore n'inkumi nibazana ibyo bagize akamenyero byose, bakazana ipfa ry'inda zabo n'ibyo bararikira byose kugira ngo bihuze n'ibyo Imana isaba, bazaba ari abantu bakwiriye kugira ngo bakore umurimo usumbye. Bakwiriye gukura mu ntekerezo zabo ibintu byose by'agaciro gake kandi bitarangwamo ubwenge. Kubogamira mu bitagira umumaro no gukunda ibishimisha bikwiriye kuzibukirwa, nk'ibidafite umwanya mu buzima n'imibereho by'ababeshwaho no kwizera Umwana w'Imana, barya umubiri we kandi bakanywa n'amaraso ye.

Bakwiriye kuzirikana ko nubwo amahirwe yose yo kwiga ashobora kuba ari imbere yabo, bashobora kutagira ubumenyi butuma buzuza ibyangombwa byo kugira icyo bakora mu byerekezo bimwe by'uruzabibu

ry'Uwiteka. Ntabwo bashobora kujya mu murimo w'Imana batujuje ibyangombwa bisabwa by'ubutungane. Baramutse beguriye ibinezeza n'ibishimisha intekerezo z'agaciro kenshi zagombye guhabwa imbaraga no kugira umugambi uhanitse kandi uhamye, batesha agaciro imbaraga Imana yabahaye, kandi baba bafite icyaha imbere yayo bitewe n'uko bananirwa guteza imbere impano zabo bazikoresha neza.

Imibereho yabo y'iby'umwuka yagwingiye ni igitutsi ku Mana. Banduza kandi bagahumanya intekerezo z'abo bakorana nabo. Kubw'amagambo n'ibikorwa byabo, batera umwete umwuka wo kutita ku bintu byera. Ntabwo bashyira mu kaga ubugingo bwabo gusa, ahubwo urugero batanga rwangiza abantu bose bahura nabo. Ntabwo bujuje rwose ibyangombwa byo guhagararira Kristo. Ni imbata z'icyaha, ntacyo bitaho, nta makenga bagira, ni abapfapfa, [aho guteranya na Kristo] barasandaguzwa.

Abantu banyurwa n'ibintu bito bageraho ntibashobora kuba abakozi bakorana n'Imana. Abareka intekerezo zikajya aho zizararagirira igihe zitarinzwe, Satani abaha ibitekerezo byuzura ubwenge bwabo ku buryo bajya mu ngabo ze bakagusha abandi mu mutego. Bashobora kugaragaza ko ari abanyadini, bakerekana ko bubaha Imana; ariko bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana.

KUBA INYARYENGE SI UBUTUNGANE

Hari abasore bafite ubunyaryenge runaka abo bakorana bemera kandi bashima, nyamara ubwo bushobozi bwabo ntibwejeje. Ubwo bushobozi ntibwahawe imbaraga kandi ngo bukomezwe n'ubuntu n'ibigeragezo umuntu ahura nabyo, kandi Imana ntishobora kubukoresha kubw'inyungu z'ikiremwa muntu no kubwo guhesha izina ryayo ikuzo. Kubwo kwitwikirwa kubaha Imana, imbaraga zabo zikoreshe mu gushyiraho ibyitegererezo bipfuye, kandi abatarahinduka barabareba bakabagira urwitwazo rw'imigirire yabo mibi. Binyuze [mu magambo] y'ubupfapfa bwabo n'ibyo bita ubwenge, Satani abatera gusetsa abo bakorana. Ikintu cyose bakora kigenda kigira agaciro gake; kuko baba bategekwa n'umushukanyi uyobora kandi agaha icyerekezo imico yabo, kugira ngo babashe gukora umurimo we.

Bafite ubushobozi, ariko ubwo bushobozi ntibwamenyerejeje. Bafite ububasha, ariko ubwo bubasha ntibwatejeje imbere. Bahawe impano; ariko bazikoresha nabi kandi bakazitesha agaciro kubw'ubupfapfa, ndetse bakurura abandi bakabageza ku rwego rwo hasi nabo baba bariho. Kristo yishyuye incungu y'ubugingo bwabo kubwo kwiyanga, kwitanga, kwicisha bugufi, ndetse no kubw'isoni no gukwenwa yihanganiye. Ibi yabikoze kugira ngo abashe kurokora abantu mu bubata bw'icyaha, ngo abakure mu bubata bw'umutware ubitaho nta kindi agamije uretse kubakoresha mu kurimbura ubugingo. Nyamara bahindura ubusa urukundo Umucunguzi yabakunze, bityo yareba umurimo bakora bikamubabaza.

Bene aba basore bategereje igihombo cy'iteka ryose. Mbese ibisetso n'ibikino byabo bizabagaragara imbere bite umunsi umwe ubwo umuntu wese azahabwa n'Umucamanza w'isi yose ibikwiriye ibyo yakoze akiri muzima? Urufatiro rwabo barwubakishijeho ibiti, ibyatsi n'ibikenyeri, kandi ibyo bakoze mu buzima bwabo bwose bizakongoka. Mbega igihombo!

Mbega ubwiza buhebuje bw'imibereho y'abasohozu uruhare rwabo mu murimo w'Imana, bahanze Yesu amaso ngo yemeze ibyo bakora, kandi mu gitabo cy'ibibabaho buri munsi bandikamo amakosa yabo, n'amafuti yabo, umubabaro wabo, intsinzi bagize banesha ibigeragezo, ibyishimo byabo n'amahoro bafite muri Kristo! Bene aba basore ntibazahagarara imbere y'ibyanditswe ku buzima bwabo bafite isoni no gucika intege.¹

UBURYO BWATORANYIJWE

Uko twatura ubudahemuka bwa Kristo ni uburyo ijuru ryahisemo bwo kumugaragariza abatuye isi. Tugomba kuzirikana ubuntu bwe nk'uko bwamenyekanishirijwe mu bera ba kera; ariko ikizatanga umusaruro cyane ni ubuhamya bw'imibereho yacu bwite. Igihe tugaragariza muri twe imikorere y'imbaraga y'Imana, tuba duhamya Imana. Buri wese afite ubuzima butandukanye n'ubw'abandi bese, ndetse n'ibyo ahura nabyo bitandukanye n'ibyabo. Imana yifuza ko gusingiza kwacu kuzamuka kukayigeraho kandi kurangwa n'uko duteye twihariye.²

¹ The Youth's Instructor, June 22, 1899. [Umwigisha w'Abasore]

² Ellen G. White, Ministry of Healing, p.100 [Rengera Ubuzima]

KURIRA UKAJYA AHIRENGEYE

Mu kugira ngo umuntu agire imico ya gikristo itunganye, ni ingenzi kwihanganira gukora ibitunganye. Nshaka kumvisha abasore bacu akamaro ko kwihangana no kugira umwete mu murimo wo kubaka imico. Uhereye mu myaka y'ubuto ni ngombwa komatana n'amahame mu by'imico yerekeye ubunyangamugayo budakebakeba, kugira ngo abasore babashe kugera ku rugero ruhanitse rw'abagabo n'abagore. Bakwiriye guhora imbere yabo bazirikana ko baguzwe igiciro, kandi bakwiriye guhera Imana ikuzo mu mibiri yabo n'umwuka wabo kuko ari ibyayo

GUTERA IMBERE BURI MUNSI

Ni umurimo w'abasore gutera imbere uko bukeye n'uko bwije. Petero aravuga ati: "Kwizera mukongereho ingeso nziza; ingeso nziza muzongereho kumenya; kumenya mukongereho kwirinda; kwirinda mukongereho kwihangana; kwihangana mukongereho kubaha Imana; kubaha Imana mukongereho gukunda bene Data; gukunda bene Data mukongereho urukundo. Kuko ibyo nibiba muri mwe, bikabagwiriramo, bizatuma mutaba abanyabute cyangwa ingumba kubyo kumenya neza Umwami wacu Yesu Kristo." 2Petero 1:5-7.

Izo ntambwe zose uko zikurikirana ntizikwiriye gushyirwa imbere y'intekerezo, kandi ngo utangire kuzibara ugitangira. Ahubwo nuhanga Yesu amaso, kandi amaso akaba arangamiye ikuzo ry'Imana, uzatera imbere. Ntabwo ushobora kugera ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo mu munsu umwe, kandi uramutse uhanze amaso ingorane zose ugomba guhura nazo ukazitsinda, warohama mu kwiheba. Ufite Satani ugomba guhangana na we, kandi azakoresha amayere ashoboka yose kugira ngo akurure intekerezo zawe azikure kuri Kristo.

GUHURA N'IMBOGAMIZI

Ariko rero tugomba guhangana n'imbogamizi zose zashyizwe mu nzira ducamo, kandi zose tukazitsinda imwe imwe. Nidutsinda ingorane ya mbere, tuzagira imbaraga ziruseho zo guhangana n'ikurikiyeho, kandi

ku muhati wose tuzagira tuzarushaho kubashishwa gutera imbere. Kubwo kuhanga Yesu amaso, tubasha kuba abaneshi. Duhinduka abanyantege nke kandi tukabura kwizera bitewe no guhanga amaso yacu ingorane ndetse no gutinya kujya ku rugamba rukomeye rwo kurwanira ukuri.

Kubwo gutera intambwe igenda ikurikira izindi, ushobora kurira ukagera hejuru cyane, kandi amaherezo ukagera mu mpinga y'umusozi. Ntugakangaranywe n'umirimo munini cyane ugomba gukora mu buzima bwawe kuko udasabwa kuwukora wose icyarimwe. Reka imbaraga yose y'ubugingo bwawe ikore umurimo wa buri muni, ibyaze umusaruro amahirwe yose y'agaciro ubona, inyurwe n'ubufasha Imana iguha, kandi intambwe ku ntambwe itume utera imbere uzamuka urwego. Ibuka ko ugomba kubaho ariko ukaba ufite uwo muni umwe, ko Imana yaguhaye umuni umwe, kandi ibyandikwa mu ijuru bizagaragaza uko wahaye agaciro amahirwe n'uburyo ijuru ryatanze. Ndagusabira ngo urusheho kubyaza umusaruro umuni wose Imana iguha kugira ngo amaherezo uzabashe kumva Databuja akubwira ati: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka."¹

¹ *The Youth's Instructor, January 5, 1893. [Umwigisha w'Abasore]*

GUFATANYA N'IMANA

Imbere yanyu muhafite inshingano zirenze izigira aho zigarukira. Nk'uko Imana ikoresha iryo jambo, umuntu ni umwana w'Imana. "Bakundwa ubu turi abana b'Imana, ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. Ariko icyo tuzi ni uko, Yesu niterekanwa, tuzasa nawe, kuko tuzamureba uko ari. Kandi ufite ibyo byiringiro muri we, yiboneza nk'uko uwo aboneye." 1Yohana 3:2,3. Ni amahirwe yanyu kwitandukanya n'iby'agaciro gake n'ibiciye bugufi, bityo mukazamuka mukajya ku rwego ruhanitse – mukaba abantu bubashwe kandi bakundwa n'Imana.

Umurimo w'iby'iyobokamana Uwiteka aha abasore n'abantu bo mu bigero byose werekana uko abaha agaciro nk'abana bayo. Uwiteka abaha umurimo wo kwitegeka. Abahamagarira kuba abafatanyabikorwa na yo mu murimo ukomeye wo gucungura umuntu no kumuzahura. Nk'uko umubyeyi afatanyaga n'umwana we mu mirimo ye, ni ko Uwiteka afatanyaga n'abana be. Twagizwe abakozi bakorana n'Imana. Yesu aravugaga ati: "Uko wantumye mu isi, nanjye ni ko nabatumye." Yohana 17:18. Mbese ntiwahitamo kuba umwana w'Imana aho kuba imbata ya Satani n'icyaha, aho izina ryawe ryaba ryanditswe ko uri umwanzi wa Kristo?

Abasore n'inkumi bakeneye ubuntu bwa Kristo kurutaho, kugira ngo babashe gushyira amahame ya Gikristo mu mibereho ya buri muni. Kwitegura kugaruka kwa Kristo ni umwiteguro ukorerwa muri Kristo kubwo gukoresha ibituranga biruta ibindi dufite. Umusore wese afite amahirwe yo gutuma imico ye iba nk'inyubako nziza. Nyamara hari ubukene bwo gukomeza komatana na Yesu. Yesu ni we mbaraga zacu, ni we utuma tugira icyo tugeraho, kandi ni nawe bushobozi bwacu. Ntabwo dushobora kwibeshaho ubwacu n'akanya na gato. . . .

KUGERA KU RWEGO RUHANITSE CYANE

Uko impano zawe zaba zagutse kose, uko zaba ari nto kose, ibuka ko izo ufite ari izawe ariko ko waziragijwe gusa. Kubw'ibyo, Imana iri kukugerageza, iguha amahirwe y'uko ugaragaza ko uri indahemuka. Ubushobozi bwose ufite ni Yo ugomba kubushimira. Ni yo nyir'imbaraga

z'umubiri wawe, intekerezo zawе n'ubugingo bwawe, kandi izo mbaraga zigomba gukoresherezwa Imana. Igihe cyawe, ubushobozi bwawe n'ubuhanga bwawe, ibyo byose bigomba kwegurirwa Imana yo itanga byose. Umuntu ushishikarira gusohozе umugambi ukomeye w'Uwiteka wo kuzahura inyokomuntu aba akoresha impano ze neza.


Ihanganire mu murimo watangiye, kugeza ubwo ubona intsinzi zigenda zikurikirana. Kubw'umugambi ufite jya wiyigisha. Hora uhanze amaso urugero ngenderwaho ruhanitse kugira ngo ubashe gukora icyiza gihebuje, bityo ugaragaze ikuzo ry'Imana.¹

¹ *The Youth's Instructor, January 25, 1910. [Umwigisha w'Abasore]*

URUGAMBA RWO GUHANGANA N'ICYAHA

Urugero Kristo yatanze rutwereka ko ibyiringiro byacu rukumbi byo kunesha biri mu gukomeza kurwanya ibitero bya Satani. Uwanesheje umwanzi w'abantu mu rugamba rw'ibigeragezo asobanukiwe imbaraga Satani arusha abantu, kandi yamunesheje ku bwacu. Nk'umuneshi rero, Kristo yaduhaye amahirwe y'intsinzi ye, kugira ngo mu muhati tugira wo guhangana n'ibigeragezo bya Satani, tubashe guhuza intege nke zacu n'imbaraga ze, kuba imbura umumaro kwacu n'ibyo yakoze. Kandi kubwo gukomezwa n'ububasha bwe budacogora, igihe dutsikamiwe n'ikigeragezo dushobora gushikama mu izina rye rifite ububasha bwose, kandi tukanesha nk'uko na we yanesheje.¹

¹ The Signs of Times, March 4, 1880. [Ibimenyetso by'Ibihe]



SATANI, UMWANZI GICA

Umuntu wacumuye ni imbohe ya Satani afiteho uburenganzira. Umurimo wazanye Yesu wari uwo kurokora umuntu akamukura mu bubasha bwa Satani. Muri kamere ye, umuntu abogamira mu gukurikira ibyongorero bya Satani, kandi umuntu ubwe ntashobora gutsinda uwo mwanzi gica, keretse gusa Kristo umuneshi ukomeye abaye muri we, akayobora ibyifuzo bye kandi akamuha imbaraga. Imana yonyine ni yo ishobora gukumira imbaraga za Satani. Satani akubita hirya no hino ku isi, ayizereraho. Ntabwo ahuga n'akanya na gato, kandi abiterwa no gutinya kuba yatakaza amahirwe yo kurimbura ubugingo bw'abantu. Ni ingenzi ko ubwoko bw'Imana busobanukirwa ibi kugira ngo bubashe gusimbuka imitego ye.

SATANI YIYOVERANYA

Satani ari gutegura ibinyoma bye ku buryo mu rugamba ruheruka arwanya ubwoko bw'Imana butazashobora gusobanukirwa ko ari we. Mu 2Abakorinto 11:4 haravuga hati: "Kandi ibyo si igitangaza, kuko na Satani ubwe yihindura nka marayika w'umucyo." Nubwo abantu bamwe bayobejwe bashimangira ko Satani atabaho, we arabafata akabagira imbohe ze kandi abakorera mu rwego rukomeye cyane. Satani arusha ubwoko bw'Imana kumenya imbaraga n'ububasha bwamurusha imbaraga zabwo zibaye ziri muri Kristo.

Igihe bicishije bugufi bagasaba Umuneshi ukomeye kubafasha, abizera ukuri b'abanyanteye nke hanyuma y'abandi ariko bishingikiriza kuri Kristo bashikanye, bashobora rwose gusubiza inyuma Satani n'ingabo ze zose. Satani ni inyaryenge ikomeye cyane ku buryo atazana ibigeragezo bye mu buryo bugaragara yibandagaje, kuko aje atyo imbaraga z'Umukristo zihunikiriye zishobora gukanguka, bityo akaba yakwishingikiriza ku Murengezi ukomeye kandi w'umunyambaraga. Ahubwo Satani aza mu buryo butagaragara no kwiyoberanya, agakorera mu batumvira bavuga ko bubaha Imana. Satani azakoresha ubushobozi bwe mu buryo bukomeye cyane kugeza ubwo azabuza amahwemo, agashuka kandi akayobya ubwoko bw'Imana.

Uwahangaye Umwami wacu, akamugerageza kandi agahangara kumukoza isoni, ndetse akaba yaragize ubushobozi bwo kumufata mu maboko ye akamujiyana ku gasongero k'urusengero akanamujiyana mu mpinga z'umusozi muremure, ku rwego rutangaje, azakoresha imbaraga ze ku bantu bo muri iki gihe bafite ubwenge buciye bugufi cyane y'ubw'Umwami wabo, kandi bakaba basa n'abatazi na mba ubucakura n'imbaraga bya Satani.

Mu buryo butangaje, azateza impinduka ku mibiri y'abafite kamere ibogamira mu gukurikiza amabwiriza ye. Satani ashimishwa cyane no kubona abantu bamufata nk'utariho (nk'aho ari ibihimbano). Iyo apfobejwe, kandi akagaragazwa hifashishijwe ibyitegererezo bimwe bya cyana, cyangwa akagaragazwa nk'udusimba tumwe, ibyo biramunyura rwose. Satani atekerezwa ko aciye bugufi ku buryo usanga abantu baba batiteguye guhangana n'imigambi ye yateguranye uburyarya, kandi iteka ajya kugera ku ntego ze neza. Iyaba abantu basobanukirwaga n'imbaraga ze n'ubucakura bwe, babaye biteguye kumurwanya ntibatsindwe


URUGAMBA BURI WESE AGOMBA KURWANA

Nabonye abamarayika b'umubi barwanira [kwigarurira] abantu, kandi abamarayika b'Imana bari bahanganye nabo. Urugamba rwari rukomeye. Abamarayika babi benshi bari bagose abantu, bagahumanya ikirere kibakikije bakoresheje imbaraga yabo ihindura irimo uburozi kandi bakagusha ikinya ibyumviro byabo. Abamarayika bera bari bari maso barinze abo bantu, kandi bari bategereje gusubiza inyuma ingabo za Satani. Nyamara gutegeka intekerezo z'abantu ngo zirwanye ibyo bishakira si umurimo w'abamarayika beza. Abantu biyeguriye umwanzi, ntibagire umwete bakoresha ngo bamurwanye, icyo gihe abamarayika b'Imana nta kiruseho bakora kirenze gusubiza inyuma ingabo za Satani kugira ngo zitarimbura, kugeza ubwo umucyo uruseho uzahabwa abari mu makuba, kugira ngo ubatere gukanguka no gutabaza ijuru ngo ribafashe. Ntabwo Yesu azatuma abamarayika bera kujya gukura mu makuba abantu batagira umuhati bakoresha ngo nabo bitabare.

Satani nabona ko ari mu kaga ko gutakaza umuntu umwe, azakora uko ashoboye kose kugira ngo amugumane. Kandi igihe uwo muntu akangukiye kumenya akaga arimo, maze kubw'umuhati n'imbaraga nyinshi agatumbira Yesu ngo amuhe imbaraga, Satani ahita atinya ko aratakaza imbohe ye, bityo agakaza umurego w'abamarayika be kugira ngo bagote iyo mpezamajyo, maze bagakora urukuta rw'umwijima ahamukikije, kugira ngo umucyo uturuka mu ijuru utabasha kumugeraho. Nyamara iyo uwo muntu uri mu kaga yihanganye, maze mu kubura uko yigira ndetse n'intege nke akishingikiriza ku byo amaraso ya Yesu yakoze, Yesu yumva isengesho ryo kwizera risabanwe umwete bityo akohereza izindi ngabo z'abamarayika bafite imbaraga zihebuje baje kumurokora.

Ntabwo Satani ashobora kwihanganira kubona umwanzi we ukomeye atabazwa, kuko atinya kandi agahindira umushyitsi imbere y'imbaraga n'igitinyiro bya Kristo. Ingabo zose za Satani zihindishwa umushyitsi n'ijwi ry'isengesho risenganwe umwete Kandi iyo abamarayika bafite ubushobozi bwose, kandi bambaye intwari z'ijuru baje gutabara wa muntu wacitse intege uhigwa, Satani n'ingabo ze basubira inyuma bazi neza ko batsinzwe urugamba.¹

¹ *Review and Herald, May 13, 1862. [Urwibutso n'Integuza]*



IMITERERE Y'URUGAMBA

Ubushake bwa muntu bwuzuye ubugome, kandi buhora buharanira kwerekeza ibintu byose ku migambi yabwo. Igihe rero ubwo bushake buhererejwe ku ruhande rw'Imana n'ukuri, imbuto za Mwuka zizagaragara mu buzima; kandi "ubwiza n'icyubahiro n'amahoro ni byo [Imana] izitura umuntu wese ukora ibyiza." Abaroma 2:10.

Ariko iyo Satani yemerewe guha ubushake bwa muntu ishusho ashaka, abukoresha mu gusohoza imigambi ye. Atangiza inyigisho zo kutizera, kandi agakangurira umutima w'umuntu kurwanya ijambo ry'Imana. Akoresheje umuhati udacogora, Satani ashaka uko yinjiza mu bantu imbaraga ze bwite z'urwango no kurwanya Imana, kandi agatuma bajya ku rugamba rwo kurwanya ibyo ijuru ryashyizeho n'ibyo risaba ndetse n'ibikorwa bya Mwuka Wera. Ashyira ingabo mbi zose munsu y'ibendera rye maze akaziyobora akazijyana ku rugamba rwo guhangamisha icyiza n'ikibi.

GUHAMAGARIRWA KURWANYA IMBARAGA Z'UMUBI

Umurimo wa Satani ni ukwimura Imana mu mutima no guhindura kamere muntu mo ishusho ye yangiritse. Abyutsa imyitwarire mibi yose, akabyutsa ibyifuzo n'imigambi bitarangwamo kwera. Aravuga ati: 'Ubu butware bwose n'icyubahiro cyose, n'ubutunzi bwose n'ibinezeza byose by'ibyaha ndabiguhaye'; ariko ibyo Satani asaba ni uko ubudahemuka burekwa, n'umutimanama ugacogozwa. Uko ni ko asigingiza ubushobozi bwa muntu maze akabugira imbata y'icyaha.

Imana irahamagarira abantu kurwanya imbaraga z'umubi. Imana iravugaga iti: "Nuko rero ibyaha ntibikaganzwe mu mibiri yanyu izapfa, ngo bitume mukurikiza ibyo irarikira. Ingingo z'imibiri yanyu ntumukazigabize ibyaha ngo zibe ibikoresho by'ubugome. Ahubwo mwiye gurire Imana kubera ko mwavuye ikuzimu mukaba bazima, muyegurire n'ingingo zanyu ngo zibe ibikoresho byayo zikora ibiyitunganiye." Abaroma 6:12, 13 (BII).

Imibereho ya Gikristo ni urugamba. "Kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri; ahubwo dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abateguka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru." Abefeso 6:12. Muri

uru rugamba aho gukiranuka guhanganye no gukiranirwa, dushobora kunesha igihe gusa dufashijwe n'Imana. Ubushake bwacu bufite aho bugarukira bugomba kumvira ubushake bw'Uhoraho; kandi ubushake bwa muntu bukomatana n'ubushake bw'Imana. Ibi bizatumwa Mwuka Wera aza kudufasha; kandi intsinzi yose izaganisha ku kuzahura ubwoko bw'Imana yacunguye, bityo habeho kugarura ishusho yayo mu bugingo.

UBUFASHA BWA MWUKA WERA

Uwiteka akorera muri Mwuka Wera; kuko Mwuka Wera ari we umuhagarariye. Binyijijwe muri Mwuka Wera, Uwiteka ashyira ubuzima bwa mwuka mu bugingo, agakangurira imbaraga zabwo gukora icyiza, akabwezaho guhumana kose mu by'imico mbonera, kandi akabuha kubonerera ubwami bwayo. Yesu afite imigisha myinshi cyane atanga n'impano z'agaciro asaranganya abantu. Nituzirukana imbaraga za Mwuka w'Umujyanama utangaje, ufite imbaraga n'ubwenge bitagerwa; ndetse tukemera guhindurwa na zo, tuzahagarara imbere ye dushyitse. Mbega igitekerezo gitangaje! "Muri we ni ho hari kuzura k'Ubumana kose mu buryo bw'umubiri. Kandi mwuzuriye muri we." Abakolosayi 2:9. Ntabwo umutima w'umuntu uzigera ugira umunezero igihe cyose utaritanga ngo Mwuka w'Imana awugenze uko ashaka. Mwuka Wera atuma ubugingo bwagizwe bushya bukurikiza icyitegererezo bwahawe ari cyo Yesu Kristo. Binyuze mu mbaraga ihindura ya Mwuka Wera, kwanga Imana bihindurwamo kwizera n'urukundo, kandi ubwibone bugahindurwamo kwicisha bugufi. Ubugungo busobanukirwa n'ubwiza bw'ukuri, kandi Kristo yubahirwa mu mico itunganye. Iyo bene izo mpinduka zibayeho, abamarayika bahanika indirimbo basabwe n'umunezero, kandi Imana na Kristo bakishimira abantu bahinduriwe gusa n'Imana...

IKIGUZI CY'INTSINZI

Intambara hagati y'icyiza n'ikibi ntiyigeze icogora ugereranyije n'uko yari iri mu gihe Umukiza yari hano ku isi. Muri iki gihe ntabwo inzira ijya mu ijuru yoroheje cyane kuruta uko yari iri icyo gihe. Ibyaha byacu byose bigomba kuzibukirwa. Ibyo kwishimisha byose dukunda cyane bibera inkomyi iterambere ryacu mu by'umwuka bigomba gukurwaho. Ijisho ry'iburyo rigomba kunogorwa cyangwa ikiganza cy'iburyo kigacibwa niba bidutera gucumura. Mbese dufite ubushake bwo kuzibukira ubwenge bwacu bwite, no kwakira ubwami bwo mu ijuru nk'umwana muto? Mbese dufite ubushake bwo gutandukana no gukiranuka kwacu [twihimbiye]? Mbese dufite ubushake bwo kuzibukira gushimwa n'abantu? Ikamba ry'ubugungo buhoraho ni iry'agaciro katagerwa. Mbese dufite ubushake bwo kwakira ubufasha bwa Mwuka Muziranenge, no gukorana na we, dukoresha imbaraga zose kandi tugira ibyo twigomwa byagira agaciro kagereranywa n'icyo dushaka kuzabona?¹

¹ *Review and Herald, February 10, 1903 [Urwibutso n'Integuza]*

UMUHATI UDASANZWE WA SATANI

Neretswe ko tugomba kurindwa impande zose, kandi tukarwanya ibyongorero n'imatego ya Satani tudacogora. Satani yihinduye nka marayika w'umucyo, kandi ubu aragenda ashuka abantu ibihumbi bitabarika akabagira imbohe ze. Uburyo abonera icyuho ku buhanga bw'ubwenge bwa muntu buratangaje cyane. Muri iki gihe, acengera nk'inzoka mu buryo butagaragara akaza kwangiza umurimo w'Imana. Ibitangaza n'imirimo Kristo akora byose abihindura ibya muntu.

Satani abashije kugaba igitero ku Bukristo ku mugaragararo kandi yihandagaje, byatera Umukristo guhagarika umutima kandi agashengukira umutima ku birenge by'Umucunguzi, bityo Umurengezi ukomeye kandi w'umunyambaraga yakangaranye uwo mwanzi wihandagaje akamwirukana. Nyamara Satani yihinduye nka marayika w'umucyo, akorera ku ntekerezo kugira ngo areshye umuntu amuteshure mu nzira imwe rukumbi y'amahoro kandi itunganye. Ubuhanga bwo kwiga imiterere y'amagufa y'umutwe w'umuntu ngo harebwe imico ye, kwiga iby'imico n'imyifatire ndetse n'ubucakura bwo kugusha ikinya intekerezo, ibi byose byabaye umuyoboro Satani yagiye anyuramo kugira ngo ahite agera ku bo muri iki gisekuru, kandi akoresha imbaraga zigomba kuzaranga umurimo we ubwo igihe cy'imbabazi kizaba kigiye kurangira

Ubwo twegereza iherezo ry'igihe, usanga intekerezo za muntu zirushaho kuba ziteguye guteshurwa n'ubucakura bwa Satani. Satani atera abantu bayobejwe gufata imirimo n'ibitangaza bya Kristo bakabyitirira amahame rusange. Satani yahoranye umugambi wo kwigana umurimo wa Kristo, maze agashyiraho ububasha bwe bwite n'ibyashaka. Satani ni incakura, kandi azi ko inzira nziza yatuma asohozwa umurimo we ari ukugenda mu ishusho ya marayika w'umucyo agasanga umuntu w'impezamajyo wacumuye .

Satani yasanze Kristo mu butayu mu ishusho y'umusore mwiza, - yaje ameze nk'umwami kuruta uko yari kuza ari nka marayika wacumuye. Mu kanwa ke yaje asohoramo amagambo y'Ibyanditswe. Yaravuze ati: "Handitswe ngo." Umukiza wacu wababazwaga yahanganye na Satani akoresheje Ibyanditswe avuga ati: "Handitswe ngo . . ." Satani yaboneye

icyuho ku ntege nke n'umubabaro Kristo yarimo. Kristo yari yambaye kamere yacu ya kimuntu . . .

KWIYIRINGIRA NI AKAGA

Satani ashoboye kujijisha no gushuka ubwenge bwa muntu, maze agatera abantu bapfa kwibwira ko muri bo hari imbaraga yo gukora imirimo myiza kandi ikomeye. Abatera kureka kwishingikiriza ku Mana ngo ibakorere ibyo batekereza ko biri muri bo ngo babe babyikorera. Ntibazirikana ko hari ububasha buenze ubundi. Ntabwo baha Imana ikuzo isaba kandi rikwiriye Igitinyiro cyayo gikomeye ndetse gihebuje. Muri ubwo buryo intego ya Satani iba igezweho. Yishimira cyane ko umuntu wacumuye yigerezaho akishyira hejuru nk'uko nawe yishyize hejuru mu ijuru maze akaricibwamo. Satani azi neza ko umuntu niyikuzo kurimbuka kwe kutazabura kubaho rwose nk'uko ukwe kwagenze.

KURIMBURA IBYIRINGIRO

Satani yatsinzwe mu bigeragezo yagerageje Kristo mu butayu. Umugambi w'agakiza washyizwe mu bikorwa. Ikiguzi gikomeye cyarishyuwe kubwo gucungurwa kwa muntu. None ubu Satani ashaka gusenya urufatiro rw'ibyiringiro by'Umukristo, maze intekerezo z'abantu akazerekeza mu muyoboro aho batabonera inyungu cyangwa ngo bakizwe n'igitambo gikomeye cyane cyatanze. Abinyujije mu bushukanyi bwe bwose bwo gukiranirwa, atera umuntu wacumuye kwizera ko ashobora kuba amahoro adahongerewe; ko adakeneye kwishingikiriza ku Mukiza wabambwe kandi akazuka. Atera umuntu kwizera ko ibyo akora ubwe bizamuhesha ubuntu bw'Imana, bityo Satani akarimbura icyizere umuntu yari afitiye Bibiliya kuko azi neza yaba ari amahoro mu gihe ageze kuri iyi ntego maze igipimo kimugaragaza kigakurwaho.

Satani ashya ubuyobe mu ntekerezo ku buryo umuntu yumva ko nta mwanzi afite, kandi abantu bizera ibyo ntibagira umwete na muke wo guhangana no kurwanya [Satani] utabaho, bityo amaherezo ba bantu b'impezamajyo kandi b'impumyi bakagendera ku mvugo igira iti: "Ikintu icyo ari cyo cyose ni ukuri kandi kiratunganye." Ntibemera ko hari itegeko imikorere yabo igenzurirwaho. Satani atera abantu benshi kwizera ko gusenga Imana ntacyo bimaze, ko ahubwo ari umuhango gusa. Azi neza uburyo kwicara ugatekereza kandi ugasenga bikenewe cyane kugira ngo bifashe abayoboke ba Kristo kuba bakangukiye kurwanya uburiganya n'ubushukanyi bwe. Amayere ya Satani azateshura intekerezo z'umuntu kuri ibyo bikorwa byombi by'ingirakamaro (gutekereza no gusenga), ku buryo umuntu adashobora kwishingikiriza ku Munyabubasha ngo amufashe, kandi amuhe imbaraga zo guhangana n'ibitero bya Satani . . .

Nitwirengagiza gusenga bizafasha neza umugambi wa Satani, kuko icyo gihe tuzaba twiteguye neza kwemera ibitangaza bye by'ubuhendanyi.

Mu gushyira imbere y'umuntu ibigerageze bye biyobya, Satani asohoza umugambi yananiwe kugeraho ubwo yageragezaga Kristo. Rimwe na rimwe aza mu ishusho y'umusore w'igikundiro, cyangwa mu gicucu cyiza. Satani akiza indwara, kandi aramywa n'abantu bapfa bayobojwe nk'aho ari we ugirira neza inyokomuntu

GUTEGEKA INTEKEREZO

Neretswe ko Satani adashobora gutegeka intekerezo z'abantu keretse gusa ziramutse zimweguriwe. Abantu bateshuka ku kuri ubu bari mu kaga gakomeye cyane. Bitandukanya n'Imana ndetse n'uburinzi bw'abamarayika bayo, kandi Satani uhora ari maso ngo arimbure abantu, atangira kuzanira ibishuko bene abo, bityo bari mu kaga gakomeye cyane. Kandi niba babibona bityo bakagerageza kurwanya imbaraga z'umwijima no kwigobotora mu mitego ya Satani, ibyo ntabwo biborohera. Bahangaye kuja ku rubuga rwa Satani, kandi arabifitiye. Ntabwo Satani azashidikanya gukoresha imbaraga ze zose no guhamagara ingabo z'abadayimoni be bese ngo baze kumufasha kwigarurira umuntu umwe bakamukura mu maboko ya Kristo.

Abantu bakinishije umwanzi bakamutera kubagerageza, umuhati bazakoresha kugira ngo bamwigobotore uzaba uw'ubusa. Igihe bazatangira kwirwanaho ngo bamwigobotore, abamarayika b'Imana bateje agahinda bazaza kubatabara. Satani n'abamarayika be ntibashaka gutakaza umuhigo wabo. Bahangana kandi bakarwana n'abamarayika bera, kandi iyo ntambara irakomeye cyane. Kandi iyo abantu bayobye inzira bakomeje kwinginga, kandi bakatura ibyaha byabo bicishije bugufi, abamarayika bafite imbaraga zikomeye cyane bazanesha maze babagobotore mu bubasha bw'abamarayika babi.

UMWENDA UKINGIRIZA WAKUWEHO

Ubwo umwenda ukingiriza wakurwagaho maze nkerekwa kwangirika kuriho muri iki gihe, umutima wanjye warazinutswe maze umwuka nawo ujya guhera. Nabonye abatuye isi bari kuzuza igikombe cyo gukiranirwa kwabo. Uburakari bw'Imana burakongejwe kandi ntibuzigera buhoshwa kugeza ubwo abanyabyaha batsembwe ku isi.

Satani ni umwanzi wa Kristo. Ni we nyirabayazana n'umuyobozi w'ubwigomeke bwose bwaba ubwabereye mu ijuru n'ubwo ku isi. Uburakari bwe bukaze buriyongera, ariko ntitubona imbaraga ze. Amaso yacu aramutse ahumutse akabona abamarayika bacumuye bari ku murimo wabo bakorana n'abantu bumva bituriye kandi bumva bafite amahoro, ntabwo twakumva dufite umutekano. Abamarayika babi bahora batwoga runono. Twiteze ko ku ruhande rw'ababi bo biteguye gukora nk'uko Satani abasabye; ariko mu gihe intekerezo zacu zitarinzwe abakozi ba Satani bataboneshwa amaso, bazigarurira ahandi hantu hashya, kandi bazakorera ibimenyetso n'ibitangaza mu maso yacu. Mbese twiteguye

kubirwanya dukoresheje ijambo ry'Imana, intwaro imwe rukumbi dushobora gukoresha tugatsinda?

Abantu bamwe bazagwa mu gishuko cyo kwemera ibyo bitangaza nk'ibivuye ku Mana. Abarwayi bazakirizwa imbere yacu. Ibitangaza bizakorerwa mu maso yacu. Mbese twiteguye ikigeragezo ubwo ibitangaza by'ubuhendanyi bwa Satani bizashyirwa ahagaragara rwose? Mbese abantu benshi ntibazagwa mu mutego bagafatwa? Ibinyoma by'uburyo butandukanye, no gutandukana n'amateka n'amategeko by'Imana ndetse no kumvira imigani mihimbano birategurira intekerezo z'abantu kwemera ibyo bitangaza by'ubuhendanyi bwa Satani. Ubu twese tugomba gushaka uko twambara intwaro tukitegura urugamba tugomba kurwana tudatinze. Kwizera ijambo ry'Imana, kuryiga umuntu asenga kandi rigashyirwa no mu bikorwa, ni byo bizaba ingabo idukingira imbaraga za Satani, kandi bizatuma tuva muri urwo rugamba turi abaneshi kubw'amaraso ya Kristo.¹




¹ *Review and Herald*, February 18, 1862 [Urwibutso n'Integuza]

IGISHUKO SI URWITWAZO RWO GUKORA ICYAHA

“Muri kamere yacu nta mbaraga idutera gukora, ndetse nta n’ubushobozi bw’ubwenge bwacu cyangwa ibyo umutima wacu ushobora kubogamiramo bidakeneye kuyoborwa na Mwuka w’Imana buri kanya. Nta mugisha Imana iha umuntu cyangwa ikigeragezo yemera ko kimugeraho Satani adashobora kuririraho kugira ngo agerageze, abuze amahwemo kandi arimbure ubugingo bw’umuntu turamutse tumuhaye amahirwe make ashoboka. Kubw’ibyo rero, ubwinshi bw’umucyo umuntu yaba yarabonye wose, uko yaba agirirwa neza n’Imana akakira n’imigisha yayo kose, akwiriye guhora agenda yicishije bugufi imbere y’Imana, ayisaba yizeye ko izayobora ibyo atekereza byose kandi ikagenga ibyo akora byose.

Abantu bose bavuga ko bubaha Imana bafite inshingano yera yo kurinda umwuka wabo no kugaragaza kwitegeka igihe bashotowe cyane. Inshingano Mose yari yarahawe zari zikomeye cyane. Abantu bake cyane ni bo bazigera bageragezwa bikomeye nka we. Nyamara ibyo ntibyari byemewe ngo bibe urwitwazo ku cyaha cye. Imana yahaye ubwoko bwayo ibyo bukeneye byose; kandi nibwishingikiriza ku mbaraga zayo, ntabwo buzigera buba igikinisho cy’ibibaho. Ikigeragezo gikomeye kuruta ibindi ntigishobora kuba urwitwazo rwo gukora icyaha. Nyamara uko byakomerera umuntu kose, gucumura ni igikorwa cyacu ubwacu. Isi ndetse n’ikuzimu nta mabaraga bifite zo guhatira umuntu uwo ari we wese gukora ikibi. Satani adutera aturutse aho dufite intege nke, ariko ntabwo dukwiriye gutsindwa. Uko twaterwa bikomeye cyangwa bitunguranye kose, Imana yaduteganyirije ubufasha kandi mu mbaraga zayo dushobora kunesha.”¹

¹ Abakurambere n’Abahanuzi, p.352, 353. [Ingeri ya 2016]



KWIKOMEZA

Amaherezo abazaba abaneshi bazahura n'ibihe byo guhagarika umutima gukomeye no kugeragezwa mu mibereho yabo y'iby'idini; ariko ntibagomba gutakaza ibyiringiro byabo, kuko ibyo ari umugabane umwe w'amasomo bagomba kwigira mu ishuri rya Kristo, kandi ibyo ni ngombwa kugira ngo babashe gukurwaho inkamba zose. Umugaragu w'Imana agomba kwihanganira ibitero by'umwanzi afite ubutwari, akihanganira ubushotoranyi bwe bubabaza, kandi agomba gutsinda imbogamizi Satani azashyira mu nzira acamo.

Satani azashaka guca ingete abayoboke ba Kristo, kugira ngo be gusenga cyangwa ngo bige Ibyanditswe, kandi azatambika igicucu cye mu nzira kugira ngo abakingirize Yesu be kumubona, abakingirize be kubona urukundo rwe ndetse n'ubwiza bw'umurage wo mu ijuru. Satani yishimira gutera abana b'Imana kugenda banga, bahinda umushyitsi kandi bahorana gushidikanya. Ashaka uko yatuma inzira iba inzira ibabaje uko bishoboka kose; ariko iyo ukomeje guhanga amaso hejuru, ntuyahange hasi ku ngorane ufite, ntabwo uzagwira igihumura mu nzira, ahubwo bidatinze uzabona Yesu aramburira ikiganza cye kugufasha, kandi nta kindi uzakora uretse kumuhereza ikiganza cyawe ufite ibyiringiro, maze ukamureka akakuyobora. Niwizera uzagira ibyiringiro.

MU MBARAGA Z'UWITEKA

Yesu ni umucyo w'isi, kandi mugomba gusanisha ubuzima bwanyu n'ubwe. Muri Kristo uzahabona ubufasha bwo kurema imico ikomeye, itunganye kandi myiza. Satani ntashobora kugira icyo atwara umucyo umurika uturuka kuri bene iyo mico. Uwiteka afitiye umurimo buri wese muri twe agomba gukora. Ntabwo yemera ko twazakomezwa n'imbaraga iva ku gushimwa n'abantu no kwitabwaho nabo; ahubwo ashaka ko umuntu wese azahagarara mu mbaraga z'Uwiteka. Imana yaduhaye impano yayo ihebuje, ari yo Mwana wayo w'ikinege, kugira ngo atuzahure, atugire ab'agaciro n'abantu bakwiriye kuzaba mu rugo rwo bwami bwayo ibinyijije mu kutwambika ubutungane bw'imico yayo. Yesu yaje kuri iyi

si yacu kandi yabayeho nk'uko yiteze ko abayoboze be bagomba kubaho. Niba dushaka kunezeza kamere yacu, kandi tukaba turi abanyabute bikabije tutabasha gukoresha umwete wose ngo dukorane n'umurimo utangaje w'Imana, muri ubu buzima tuzagira igihombo, tukigire no mu gihe kizaza, bityo tubure ubugingo budapfa.

Imana itegura ko twakora, ariko tudakora mu buryo butarimo ibyiringiro, ahubwo tugakora dufite ukwizera gukomeye n'ibyiringiro. Turondoye mu Byanditswe, maze tukamurikirwa, tukabona kwicisha bugufi gutangaje kwa Data wa twese ubwo yatangaga Yesu akamuha abatuye isi kugira ngo abamwizera bese batarimbuka ahubwo bahabwe ubugingo buhoraho, twakwishima ibyishimo bitavugwa kandi tukuzura ikuzo. Ikintu cyose dushobora kungurwa no kwiga, Imana ishaka ko tugikoresha kubwo guteza imbere ukuri. Kubaha Imana by'ukuri kandi bizima bigomba kugaragarira mu buzima n'imico kugira ngo umusaraba wa Kristo wererezwe imbere y'abatuye isi, kandi agaciro k'ubugingo gahishurirwe mu mucyo w'umusaraba. Intekerezo zacu zigomba gukingukira gusobanukirwa Ibyanditswe kugira ngo tubashe kugira imbaraga z'umwuka kubwo kurya ku mutsima wo mu ijuru.¹

¹ *Review and Herald, April 8, 1890. [Urwibutso n'Integuza]*

URUSENGERO RW'UBUGINGO

Kumvira ibyo Imana isaba nta gukebakeba bizatanga imbaraga itangaje mu kuzamura, guteza imbere no gukomeza ubushobozi bwose bwa muntu. Abasore bagaragaye ko biyeguriye gukora umurimo w'Imana, basangwa ari abantu bafite intekezezo nzima n'ubushishozi. Kuki bitagombye kuba bityo? Gusabana n'Umwigisha uhebuje abandi bigeze baba ku isi bikomeza imyumvire, bikamurikira intekezezo, bikeza umutima – bikazamura, bigatunganya kandi bigaha agaciro umuntu wese uko yakabaye. "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge." Zaburi 119:130.

URUGERO RUTUNGANYE RW'IMANA

Mubasore bavugako bubaha Imana, harimo itsindarinini risan'irivuguruza ibyo rivuga. Nta terambere bagira mu kumenya cyangwa mu by'umwuka. Imbaraga zabo ziragwingira aho kugira ngo zitere imbere. Ariko amagambo y'umuhimbyi wa Zaburi ni ay'ukuri ku Mukristo nyakuri. Ntabwo inyuguti nsa z'ijambo ry'Imana ari zo zitanga umucyo no gusobanukirwa; ahubwo ni ijambo rirambuwe kandi ryinjijwe mu mutima na Mwuka Wera. Iyo umuntu ahindutse by'ukuri, ahinduka umwana w'Imana, agahabwa umugabane kuri kamere y'Imana. Ntabwo umutima ugirwa mushya gusa, ahubwo n'ubwenge burakomezwa bugahabwa imbaraga. Ibihe byinshi habayeho abantu, mbere y'uko bahinduka, batekerezwaga ko bafite ubushobozi busanzwe kandi bwo ku rwego rwo hasi, nyamara nyuma yo kwihana babaye nk'abahindutse rwose. icyo gihe bagaragaje imbaraga igaragara yo gusobanukirwa ukuri kw'ijambo ry'Imana, ndetse no kubwira abandi uko kuri. Abantu bafite ubwenge buhanitse babonye ko kuganira na bene abo bantu ari amahirwe. Zuba ryo gukiranuka warasiye umucyo we urabagirana mu ntekerezo zabo, yakanguriye imbaraga zose gukorana umwete biruseho.

Imana izakorera abasore umurimo ukomeye nibakira ijambo ryayo mu mitima yabo kandi bakaryumvira mu mibereho yabo bafashijwe na Mwuka Wera. Kristo ahora ashaka kubareshya ngo bamusange, we Soko y'ubwenge bwose, Soko y'ineza, ubutungane n'ukuri. Intekerezo zihugira ku nsanganyamatsiko zo ku rwego rwo hejuru nazo zihinduka iz'agaciro gakomeye.

IBYUMBA BYERA BYAHUMANIJWE

Abavuga ko bakorera Imana, nyamara ntibagire iterambere mu kumenya no kwitanga mu by'umwuka, ni Abakristo ku izina gusa. Ingoro y'ubugingo yuzuyemo ibyumba byera byahumanijwe. Gusoma ibintu by'amatakaragasi, ibiganiro by'amanjwe n'ibinezeza by'isi byuzuye mu ntekerezo rwose ku buryo nta cyumba na kimwe cyasigaye ngo Ijambo ry'Imana ryinjiremo. Gutwarwa n'iby'isi n'ibintu by'imburamumaro ndetse n'ubwibone bifata umwanya Kristo yagombye kwicaramo mu mutima . . .

GUSINGIRA BINYUZE MU GUTWARWA N'IRARI RY'UMUBIRI

Abantu bashaka kunezeza ipfa ry'inda n'irari ry'umubiri bakabigira icyiza bimirije imbere, bene abo si beza kandi ntibakomeye by'ukuri. Uko bagaragara ko bafite isumbwe mu maso y'abatuye isi kose, mu by'ukuri Imana yo ibona ko ari abo ku rwego rwo hasi, inkozi z'ibibi kandi barangiritse. Ijuru ryategetse ko ikimenyetso cyo kwangirika kwabo cyandikwa mu maso habo. Ibitekerezo byabo ni iby'iby'isi. Amagambo yabo agaragaza uburyo intekerezo zabo ziri ku rwego rwo hasi. Umutima bawuzuje ibibi, kandi bari hafi rwose guhanaguramo ishusho y'Imana. Ijwi ry'umutimanama ryanizwe, kandi intekerezo nzima zaragoretswe. Mbega uburyo kamere yose y'umuntu yasigingijwe no gutwarwa n'irari ry'umubiri! Igihe ubushake bwa muntu bweguriwe Satani, mbese kwimbika mu ngeso mbi n'ubupfapfa umuntu atazamanuka ngo agereho ni ukuhe! Ukuri gukangura ubwenge ariko bikaba iby'ubusa; kuko umutima uba unyuranye n'amahame y'ukuri atunganye.¹

UBUFASHA MU BIGERAGEZO

Kubwo kwizera no gusenga, abantu bose bashobora kuzura ibyangombwa ubutumwa bwiza busaba. Nta muntu ushobora guhatirwa gucumura. Mbere y'uko gutwarwa n'irari biganza ubwenge no gutekereza, cyangwa gukiranirwa kukaganza umutimanama, umuntu ubwe agomba kubanza yabyiyemerera; umutima ugomba kugambirira gukora icyaha. Uko ikigeragezo cyaba gikomeye kose, ntabwo cyaba urwitwazo rwo gukora icyaha. "Amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi, n'amatwi ye ari kubyo basaba." Yewe muntu ugeragezwa, takira Uwiteka. Sanga Yesu uko uri impezamajyo ndetse udakwiriye, maze umusabe kugusohoreza isezerano rye. Umwami azakumva. Azi imbaraga n'umutima wa kamere, kandi azagufasha igihe cyose uhuye n'ikigeragezo.

Mbese waba waraguye mu cyaha? Niba ari ko bimeze, nta gutindiganya, shaka Imana ngo ikugirire impuhwe kandi ikubabarire . . . Impuhwe ziracyateguriwe umunyabyaha. Uwiteka araduhamagara ngo tuve iyo twararagiriye hose ati: "Yemwe bana banjye basubiye inyuma, nimugaruke, nzabakiza gusubira inyuma kwanyu."²

¹ *The Signs of the Times*, December 1, 1881. [Ibimenyetso by'Ibihe]
² *Testimonies for the Church*, Vol. V. p.177. [Ibihamya by'Itorero]

NTABWO MURI ABANYU

Rimwe na rimwe twumva ibibazo bibazwa ngo: Mbese sinkwiriye gukora uko nshaka? Mbese sinkwiriye gukurikira inzira yanjye? Mbese nkwiriye guhora iteka ntegekwa? Mbese sinkwiriye gukora nkurikije uko numva n'uko nshaka?

Uko udakurikiza cyane ibyo kamere yawe ibogamiramo, ni ko bizarushaho kukubera byiza ndetse no ku bandi. Ibyo kamere yacu ibogamiraho byarangiritse, kandi imbaraga za kamere yacu zakoreshejwe nabi. Satani yateye umuntu guhangana n'Imana. Akora ubudatuza kugira ngo arimbure ishusho y'Imana mu muntu. Kubw'ibyo rero, tugomba kwitondera amagambo yacu n'ibyo dukora.

UMUSARURO UVA MU KWITANGA BURUNDU

Iyo ubuntu bw'Imana bwigaruriye umutima, bigaragara ko ibyo umuntu abogamiramo yarazwe n'ababyeyi ndetse n'ibyo we yimenyereje bigomba kurekwa burundu. Ubuzima bushya, buyoborwa n'imbaraga nshya bugomba gutangira mu bugingo bw'umuntu. Ibikorwa byose bigomba gukorwa kubw'ikuzo ry'Imana. Uyu murimo ukubiyemo iby'umuntu w'inyuma ugaragara ndetse n'uw'imbere. Umuntu wese uko yakabaye, umubiri, ubugingo n'umwuka bigomba kumvira Imana, bigakoreshewa nayo nk'igikoresho cyo gukiranuka.

Umuntu wa kamere ntiyumvira amategeko y'Imana; kandi uwo muntu ku giti cy'e ntashobora kuyumvira. Ariko kubwo kwizera, umuntu ushobora kuyumvira ni umuntu uhindurwa mushya buri muni n'ubugingo bwa Kristo. Uko umunsi uhita undi ukaza, uwo muntu yerekana ko ari uw'Imana.

Umubiri n'ubugingo ni iby'Imana. Imana yatanze Umwana wayo kugira ngo abatuye isi bacungurwe, kandi kubera ibyo, twongeye gutizwa ubuzima bundi bushya, ari cyo gihe cy'imbabazi twahawe kugira ngo dukuze imico yo kuyoboka Imana mu butungane. Imana yaducunguye mu bubata bw'icyaha, kandi yatumye bidushobokera ko tugira imibereho yo kuyikorera twaragizwe bashya kandi twarahinduwe.

IMBARAGA DUFITE ZOSE NI IZAYO

Ikimenyetso cy'Imana kiri kuri twe. Yaratuguze kandi yifuza ko twibuka ko imbaraga z'impagarike yacu, ubwenge n'imico ziba izayo. Igihe n'ububasha, ubwenge, urukundo n'umutimanama, byose ni iby'Imana kandi bigomba gukoreshwa gusa nk'uko ubushake bwayo buri. Ntabwo bigomba gukoreshwa hakurikijwe uko isi ibitegeka; kuko isi iyoborwa n'umutware urwanya Imana.

Umubiri, ari na wo rusengero rw'ubugingo, ni uw'Imana. Umutsi wose n'umukaya wose ni iby'Imana. Byaba bitewe no kwirengagiza cyangwa gukoresha nabi, nta na rimwe tugomba guca intege n'urugingo rumwe rw'umubiri. Tugomba gukorana n'Imana turinda umubiri ukagira amagara mazima mu buryo bwiza bushoboka bwose, kugira ngo ushobore kuba ingoro Mwuka Wera ashobora guturamo, akawutunganya akurikije uko ubushake bw'Imana buri, kandi agatunganya imbaraga yose y'umubiri n'iy'umwuka.

Intekerezo zigomba kuzuzwamo amahame atunganye. Ukuri kugomba kwandikwa mu bugingo. Ubwenge bugomba kuzuzwamo ukuri kw'agaciro kenshi kuri mu Ijambo ry'Imana. Nk'uko bimeze ku mabuye y'agaciro arabagirana, icyo gihe uko kuri kuzarabagiranira mu buzima bw'umuntu.

AGACIRO K'UBUGINGO BW'UMUNTU

Agaciro Imana iha umurimo w'intoki zayo n'urukundo ikunda abana bayo, bihishurirwa mu mpano yatanze kugira ngo icungure abantu. Adamu yagiye muni y'ubutware bwa Satani. Kubw'icyaha, Adamu yazanye icyaha n'urupfu mu isi. Imana yatanze Umwana wayo w'ikinege kugira ngo akize umuntu. Ibi Imana yabikoze kugira ngo ibe ikiranuka, ariko itsindishiriza abemera Kristo bose. Umuntu yarigurishije yiha Satani, ariko Yesu yagurujye inyokomuntu

Ntabwo uri uwawe. Yesu yakuguze amaraso ye. Ntugatabe italanto zawe mu butaka. Zimukoreshereze. Mu byo waba ukora byose, bishyiremo Yesu. Nubona ko ugenda utakaza urukundo wakundaga Umukiza wawe, zibukira ibyo wakoraga maze uvuge uti: "Ndi hano Mukiza; mbese ushaka ko nkora iki?" Azakwakirana ibyishimo kandi azagukunda rwose. Azakubabarira bitagerwa; kuko ari umunyambabazi ndetse yihangana, kandi akaba adashaka ko hagira n'umwe urimbuka

Twe ubwacu ndetse n'ibyo dufite byose ni iby'Imana. Ntabwo twari dukwiriye kumva ko kumuha urukundo rw'imitima yacu twaba dutanze igitambo. Dukwiriye kumuha umutima ubwawo nk'ituro ritanganwe ubushake.¹

¹ The Youth's Instructor, November 8, 1900. [Umwigisha w'Abasore]

UMWANZURO DUHAMAGARIRWA GUFATA

Ntabwo ari byiza kuri twe ko twafata igihe dutekereza ku byiza byava mu gukurikiza ibyongorerano bya Satani. icyaha gisobanuye gusuzugurika ndetse n'akaga ku muntu wese icyirunduriyemo. Ariko muri kamere yacyo kigira umuntu impumyi kandi kikamushuka. Kizatureshyashya bityo kidushukishe ibyo kitwereka bishyeshyenga. Iyo twigerejeho tukajya ku rubuga rwa Satani, nta byiringiro byo kurindwa imbaraga ze tuba dufite. Nk'uko biri mu bushobozi bwacu, dukwiriye gufunga inzira zose umushukanyi ashobora kuboneramo icyuho ngo atugereho.²

² *Thoughts from the Mount of Blessing, p.171. [Abahirwa ni ba Nde]*

GUHINDUKA NYAKURI

“Nzabaha n’umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya; nzabakuramo umutima ukomeye nk’ibuye, mbashyiremo umutima woroshye. Kandi nzabashyiramo umwuka wanjye, ntume mugendera mu mateka yanjye, mugakomeza n’amategeko yanjye, mukayasohoza.” Ezekiyeli 36:26, 27.

Abantu benshi babwira abandi ko bakeneye umutima mushya na bo ubwabo ntibazi icyo ayo magambo asobanuye. Abasore by’umwihariko bibeshya kuri aya magambo “umutima mushya.” Ntabwo bazi icyo aya magambo asobanuye. Usanga bategereje impinduka idasanzwe yaba mu marangamutima yabo. Ibyo ni byo bita guhinduka. Kubera iri kosa, abantu ibihumbi byinshi bagenda bagwaguza bagana mu irimbukiro, ntibasobanukirwa iyi mvugo ngo, “ugomba kuvuka ubwa kabiri.”

NTABWO ARI AMARANGAMUTIMA AHUBWO NI UBUGINGO BWAHINDUTSE

Satani atera abantu gutekereza ko bitewe n’uko bumvise batwawe n’amarangamutima ubwo bahindutse. Nyamara imibereho yabo ntihinduka. Usanga ibikorwa byabo bimeze nk’uko byari biri mbere. Nta mbuto nziza zigaragara mu mibereho yabo. Basenga kenshi kandi bakamara igihe kirekire, ndetse bahora bavuga ku marangamutima bigeze kugira igihe runaka. Nyamara ntibabaho imibereho mishya. Barashutswe. Ibyo bazi n’imibereho yabo ntibyimbika ngo birenge amarangamutima. Bubaka ku musenyi, kandi igihe imiyaga ikaze izahuha inzu yabo izatembanwa.

Abantu benshi b’impezamajyo bararindagirira mu mwijima, bashakisha ibyiyumviro n’amarangamutima abandi bavuga ko bigeze kugira mu mibereho yabo. Birengagiza ko uwizera Kristo agomba gusohoza agakiza ke atinya kandi ahinda umushyitsi. Hari icyo umunyabyaha uhamwa n’icyaha agomba gukora. Agomba kwihana kandi akagaragaza ukwizera nyakuri.

Igihe Yesu avuga iby’umutima mushya, aba avuga intekerezo nshya, ubuzima ndetse n’impagarike bishya. Guhinduka umutima ni ugukura urukundo ku by’isi, maze rukomatanywa na Kristo. Kugira umutima mushya ni ukugira intekerezo nshya, imigambi mishya, n’impamvu nshya [zitera umuntu kugira icyo akora.] Ni ikihe kimeneyetso kigaragaza

umutima mushya?—Ni imibereho yahindutse. Habaho gupfa ku narinjye n'ubwibone buri muni.

IYOBOKAMANA NYAKURI RISHYIRA MU BIKORWA

Abantu bamwe bakora ikosa rikomeye ryo kwibwira ko kwatura ko bafite ukwizera guhanitse bizasiba icyuho cyo kudakora umurimo ufatika. Nyamara iyobokamana ridashyirwa mu bikorwa ntabwo ari iyobokamana nyakuri. Guhinduka nyakuri gutuma tuba abanyakuri badakebakeba mu byo tugirira bagenzi bacu. Gutuma tuba indahemuka mu murimo dukora buri muni. Umuyoboze nyakuri wa Kristo wese azagaragaza ko idini ya Bibiliya ituma yuzuza ibyangombwa byo gukoresha impano ze mu murimo wa Databuja.

“Nta kuba umunyabute mu murimo.” Aya magambo azasohorera mu buzima bw'Umukristo nyakuri wese. Nubwo umurimo ukora wasa n'udashimishije, ariko ushobora kuwugira uw'agaciro bitewe n'uko uwukora. Wukore nk'uko ari umurimo w'Umwami. Wukorane ingoga wishimye, kandi uwuha agaciro gakomoka mu ijuru. Amahame atunganye umuntu azana mu murimo ni yo atuma wemerwa rwose mu maso y'Imana. Umurimo nyakuri wunga umuntu ucishije bugufi hanyuma y'abandi mu bagaragu b'Imana ku isi n'abagaragu bayo bo mu bikari byo mu ijuru....

Nk'abahungu n'abakobwa b'Imana, Abakristo bakwiriye guharanira kugera ku rugero rwo hejuru rwashyizwe imbere yabo mu butumwa bwiza. Nta kindi cyari gikwiriye kubashimisha uretse gukiranuka; kuko Kristo avugaga ati: “Namwe mube mukiranutse nk'uko so wo mu ijuru akiranuka.”

UBUGINGO BWEJEJWE

Nimutyo twige ijamba ryera ry'Imana, kandi amahame yaryo tuyacengeze mu mibereho yacu. Nimutyo tugendere imbere y'Imana twiyoroheje kandi twicishije bugufi, dukosora amakosa yacu buri muni. Nimutyo twe gutandukanya ubugingo bwacu n'Imana kubw'ubwibone bwa kamere. We kwishyiramo ibitekerezo by'uko ufite isumbwe rihanitse, utekereza ko uri mwiza gusumba abandi. “Uwibwira ko ahagaze yirinde atagwa.” Uzagira amahoro n'ikiruhuko igihe ubushake bwawe uzabwegurira kumvira ubushake bwa Kristo. Icyo gihe urukundo rwa Kristo ruzatwarira mu mutima, rwigarurire amasoko y'igikorwa yihishe maze rutume agengwa na Kristo. Umutima uhubuka kandi urakara ubusa uzoroshwa kandi utwikirwe n'amavuta y'ubuntu bw'Imana. Kumva ko umuntu yababariwe ibyaha bizazana amahoro arenze uko umuntu yayasobanukirwa. Hazabaho guharanira cyane gutsinda ibintu byose birwanya ubutungane bwa Gikristo. Guhangana mu bitekerezo bizagenda nka nyomberi. Umuntu wari usanzwe ajora inenge z'abamukikije, azabona ko mu mico ye bwite hari inenge zikomeye cyane.


Hariho abantu bumva ukuri kandi bakemezwa ko bagize imibereho irwanya Kristo. Bacirwaho iteka, kandi bakihana ibicumuro byabo. Kubwo kwishingikiriza kubyo Kristo yakoze ndetse no kurangwa no kumwizera by'ukuri, bababarirwa ibyaha. Uko bareka gukora ikibi maze bakiga gukora neza, bakura mu buntu no kumenya Imana. Babona ko bagomba kwigomwa kugira ngo bitandukanye n'isi; kandi nyuma yo kubara icyo bizabasaba, byose babifata ko ari igihombo igihe kubibura bibashoboza kuronka Kristo. Biyandikisha mu ngabo za Kristo. Imbere yabo haba hari urugamba, bityo bakarwinjiramo bafite ubutwari nta mususu, bakarwanya ibyo kamere yabo ibogamiramo n'ibyifuzo byo kwikanyiza, bityo ubushake bwabo bukumvira ubushake bw'Imana. Buri munsu basaba Imana kubuzura ubuntu kugira ngo bayumvire, kandi bahabwa imbaraga ndetse bagafashwa. Uku ni ko guhinduka nyakuri. Mu kwishingikiriza ku Mana bicishije bugufi kandi bashima, umuntu wahawe umutima mushya yishingikiriza ku bufasha bwa Kristo. Mu mibereho ye hagaragarira imbuto zo gukiranuka. Wa wundi wari usanzwe yikunda, kandi ibinezeza by'iby'isi akaba ari byo yishimiraga, noneho ibyo yagize ibigirwamana bye birimurwa, bityo Imana ikima ikaganza. Ibyaha yakundaga mbere noneho arabyanga. Akurikira inzira yo kwera ashikamye kandi akomeje.¹

INGOYI ZA SATANI

Imiraho ijyana n'inshingano z'umuntu ndetse n'ibinezeza by'icyaha ni ingoyi Satani aboheshereza abantu mu mitego ye. Abantu bahitamo gupfa aho kugira ngo bakore igikorwa kimwe kidatunganye, abo ni bo bonyine bazasangwa ari indahemuka.²

¹ *The Youth's Instructor*, September 26, 1901. [Umwigisha w'Abasore]

² *Testimonies for the Church*, Vol. 5, p. 53 [Ibihamya by'Itorero]



INAMA YAHawe UMUKOBWA WARI WARASAYISHIJE

Ufite amateka ateye ubwoba yakuranze umwaka ushize, kandi agaragarira Umwami uganje mu ijuru ndetse n'abamarayika batabarika batarangwaho icyaha. Ibitekerezo byawe n'ibikorwa byawe, uko wiyumva kw'impezamajyo kandi kugutera kutanyurwa, ibyo byose bishobora kuba byarahishwe amaso y'abantu bapfa; ariko wibuke ko ibikorwa by'ubupfapfa bukabije byo mu mibereho yawe bigaragarira Imana. Ibyanditswe kuri wowe mu ijuru biriho ikizinga. Ibyaha byose wakoze birahanditswe.

Uburakari bw'Imana buri kuri wowe, nyamara ugaragara ko waguye ikinya; ntabwo ubona ko wazimiye kandi ko udatunganye. Kenshi ujya wumva hari icyo wishinja mu mutima; ariko ubwibone bwawe n'umwuka wawe wo kwigira icyigenge bihita bihaguruka bikaniga uwo mutima, bityo ukaniga ijwi ry'umutimanama.

Ntabwo wishimye; nyamara wibwira ko uramutse wemerewe gukurikira inzira yawe nta kigukomye mu nkokora wanezerwa. Mwana gito! Ubagaze mu mwanya nk'uwo Eva yarimo muri Edeni. Yibwiye ko ashobora gukuzwa ku rwego ruhanitse aramutse ariye ku mbuto z'igiti Imana yari yaramubujije gukoraho kugira ngo atazapfa. Yarakiriye, bityo atakaza ikuzo n'icyubahiro yari afite muri Edeni.

GUTEGEKA INTEKEREZO

Ukwiriye gutegeka ibitekerezo byawe. Ntabwo ibi bizaba umurimo woroshye. Ntabwo ushobora kubigeraho hatabayeho gukoresha umuhati witondewe kandi ukomeye. Nyamara ibi Imana irabigusaba; ni inshingano ifitwe n'umuntu wese ufite ibyo agomba kubazwa. Imana izakubaza iby'ibitekerezo byawe. Niba usayisha mu bitekerezo by'ubupfapfa, ukemerera intekerezo zawe gutinda ku ngingo zivuga ibintu bitejejwe, ku rwego runaka uhamwa n'icyaha imbere y'Imana nk'aho ibitekerezo byawe byaba byashyizwe mu bikorwa ibyo bintu. Ikibuza igikorwa gukorwa ni uko uba wabuze umwanya n'uburyo.

Guhora mu nzizi no kugira imigambi y'ibintu by'akataraboneka ku manywa na nijoro, ibyo ni ingeso mbi kandi ziteje akaga gakomeye. Iyo

izo ngeso zihawe icyicaro, hakurikiraho ko gutandukana nazo bidashoboka ngo intekerezo zerekere ku ngingo zera. zitunganye kandi zo ku rwego rwo hejuru. Bizagusaba kuba umurinzi w'indahemuka urinda amaso yawe, amatwi yawe nibyumviro byawe byose niba ushaka gutegeka intekerezo zawe kandi ugakumira ibitekerezo by'ubupfapfa kandi byanduye ngo bitanduka ubugingo bwawe. Imbaraga zubuntu zonyine zishobora gusohozwa uyu murimo ukeneye kuruta indi yose. Uri umunyantege nke muri iki cyerekezo.

GUTEGEKA AMARANGAMUTIMA N'AGATIMA KO KURARIKIRA

Wataye inzira, uribona kandi urahangara. Ubuntu bw'Imana ntibufite umwanya mu mutima wawe. Mu mbaraga z'Imana honyine ni ho ushobora kwigeza aho wakakira ubuntu bwayo, nk'igikoreshe cyo gukiranuka. Ntabwo Imana igusaba gutegeka intekerezo zawe gusa, ahubwo igusaba no utegeka amarangamutima yawe nibyo urarikira. Agakiza kawe gashingye ku buryo witegeka muri ibyo bintu. Ibyo umuntu akunda nibyo ararikira ni ibikoreshe bikomeye cyane. Iyo bikoreshejwe nabi, iyo bikoreshejwe mu mpanvu zipfuye, iyo bishyizwe aho bidakwiraye, bigira imbaraga zo gusohozwa kurimbuka kwawe, kandi bikagusiga uri impezamajyo udafite Imana nta nibyiringiro ufitse.

Intekerezo zigomba gutegekwa mu buryo bwiza kandi budacogora mu gihe umutima wo kugira ibyo umuntu akunda kandi ararikira utewe kumvira umutimanana n'imico. Uri mu kaga kuko ugeze ku rwego rwo gutambira inyungu zose ziteka ryose ku gicaniro cyo kurarikira no gutwarwa. Kurarikira no gutwarwa biragenda byigariyira ubugingo bwawe bwose. Mbese ni ukurarikira ibintu by'agaciro? Oya, ahubwo ni ibifite kamere icye bugufi cyane kandi birimbura. Kubwo kwirundurira gutegekwa niyo kamere, uzatuma ubuzima bw'ababyeyi bawe busharirirwa, uzazamira umubabaro n'ikimwaro abakobwa bagenzi bawe, uhare imico yawe, kandi uhare juru n'ubugingo budapfa kandi bw'agahozo. Mbese witeguye gukora ibi? Ndakurarikira guhagararira aho ugeze. Niwongere gutera indi ntambwe mu kwigira inkoreka kwawe no mu buhehesi bwawe; kuko imbere yawe hari akaga n'urupfu. Nuttegeka mu byerekeye ibyo urarikira kandi bigutwara umutima, byanze bikunze uzatuma abagukikije bose bakugiraho isura mbi kandi uzateza imico yawe ikimwaro kizakubaho ubuzima bwawe bwose.

Ntabwo wubaha ababyeyi bawe, ushira isoni, uri indashima kandi ntiwera. Iyo mico y'impezamajyo ikuranga ni imbuto zera ku giti cyangiritswe. Urishyira ukizana. Ukunda abahungu kandi ni bo ukunda kugira insanganyamatsiko y'ibiganiro byawe. "Ibyuzuye umutima ni byo akanwa kavuga." (Matayo 12:34) Ingeso zakurushije imbaraga ziragutegeka; kandi wize kubeshya kugira ngo ushyire mu bikorwa imigambi yawe ndetse usohoze ibyo wifuza¹

¹ *Testimonies for the Church, Vol. 2, pp.560-562. [Ibhamya by'Iherero]*

IMBARAGA Z'IMICO MU BIHE BY'AMAKIMBIRANE

Imyaka mirongo itatu ibanza y'ubuzima bwa Yesu yayimaze mu mudugudu wa Nazareti utari ikimenyabose. Abaturage bo muri uyu mudugudu bari barabaye iciro ry'umugani kubw'ubukozi bw'ibibi bwabo, ni cyo cyatumye Natanayeli abaza ati: "Mbese i Nazareti hari icyiza cyahaturuka?" Yohana 1:46. Abanditsi b'ubutumwa bwiza uko ari bune bavuga ibintu bike cyane byerekeye ubuzima bwa Kristo akiri muto cyane. Mu nkuru yavuzwe mu magambo make ivuga iby'uko yaherekeje ababyeyi be ubwo bajyaga i Yerusalemu, tuhasanga amagambo make yoroheje agira ati: "Uwo mwana arakura, agwiza imbaraga z'umutima, yuzura ubwenge: kandi ubuntu bw'Imana bwari kuri we."

Kristo ni icyitegererezo cyacu muri byose. Kubw'ubuntu bw'Imana, ubuzima bwe akiri muto yabumaze i Nazareti, aho abaturage baho bari bafite imico yatumaga ahora ahanganye n'ibigeragezo, kandi kuri we kwirinda byari ingenzi kugira ngo akomeze kuba imbonera kandi azira ikizinga hagati y'ibyaha byinshi n'ubugome. Ntabwo Kristo ari we wihitiyemo kuba aha hantu. Se wo mu ijuru ni we wamuhitiyemo aha hantu, aho imico ye yagombaga kugeragezwa kandi igashungurwa mu buryo bwinshi. Imibereho ya Kristo yo mu buto yahanganye n'ibigeragezo bikomeye, imiruhu n'intambara kugira ngo ashobore gukiza imico itunganye ituma aba urugero ruzira amakemwa ku bana, abasore n'abakuze.

Akenshi abana, urubyiruko n'abasore baba bari aho ibibakikije n'ababakikije biba bibangamiye imibereho ya Gikristo, bityo bagatsindwa n'ibigeragezo mu buryo bworoshye, kandi urwitwazo rwo kuba bakoze icyaha bakarugereka ku kuba ahabakikije hadatunganye. Kristo yahisemo kujya ahiherereye, kandi binyuze mu buzima bwo gukora cyane akoresha amaboko ye, yirinze ibigeragezo, bityo akitarura abantu bashoboraga gutuma imico yangirika. Kristo yanyuze mu nzira iruhije cyane abana, urubyiruko n'abasore batazabura gucamo. Ntiyigeze agira igihe cyo kudamarara no kuba umunyabute. Ababyeyi be bari abakene, kandi bari batanzwe n'imiruhu yabo ya buri muni; kubw'ibyo ubuzima bwa Kristo bwari ubuzima burangwa n'ubukene, kwiyinga no kwigomwa. Yafatanyaga n'ababyeyi be ubuzima bwabo bwo gukora bashishikaye.

NTABWO UBUTUNGANE BUSHINGIRA KU MITERERE Y'IBIHE

Nta muntu n'umwe uzigera ahamagarirwa kugira imico ya Gikristo itunganye mu bihe byuzuye ibimubangamira byinshi kurusha ibyo Umukiza yanyuzemo. Kuba Kristo yaramaze imyaka mirongo itatu i Nazareti, aho abantu benshi batekerezaga ko kuba haturuka ikintu cyiza byaba ari igitangaza, ni ugucyaha kugezwa ku basore bibwira ko imico yabo y'iby'idini igomba kujyanirana n'uko ibihe bimeze. Iyo ibikikije abasore bidashimishije kandi bikaba ari bibi, benshi babigira urwitwazo rwo kutaboneza imico ya Gikristo. Urugero Kristo yatanze rukwiriye gucyaha igitekerezo kivuga ko abayoboze be bishingikiriza ku kuntu ahantu hateye, amahirwe bagira cyangwa kugubwa neza kugira ngo bagire imibereho izira ikizinga. Kristo yabigishije ko kuba indahemuka kwabo byahindura ahantu aho ari ho hose cyangwa umwanya Imana ibahamagariye kubamo hakaba ahantu hubahwa uko haba hacishije bugufi kose.

Imibereho ya Kristo yabereyeho kwerekana ko ubutungane, gutuza no kugendera ku ihame udatebakeba bidashingira ku buzima butarangwamo imiruhu, ubukene no kurwanywa. Ibigeragezo n'ubukene abasore benshi binubira, Kristo we yabyihanganiye atitotomba. Iyi myitwarire ni yo mibereho abasore n'urubyiruko bakeneye, kuko ari yo izaha imico yabo kudakebakeba, kandi itume baba nka Kristo, bakomere mu by'umwuka kugira ngo batsinde ibishuko. Nibitandukanya n'abashoboraga kubayobya kandi bakangiza imico mbonera yabo, ntabwo bazatsindwa n'uburiganya bwa Satani. Binyuze mu gusenga Imana buri muni, bazagira ubwenge n'ubuntu bayikuraho bibabashisha kwihanganira intambara n'ibirushya byo mu buzima, kandi babivemo banesheje. Umuntu ashobora gukomeza kuba indahemuka kandi akagira umutima utuje binyuze mu kuba maso no gusenga. Imibereho ya Kristo yari urugero rw'umuhati udacogora, utarashoboraga gucibwa intege no kugawa, gusuzugurwa, ubukene cyangwa imiruhu.

Uko ni ko byagombye kuba ku basore n'urubyiruko. Igihe ibigeragezo bibibasiye ari byinshi, bakwiriye kumenya ko Imana iri kugerageza kandi igashungura ubudahemuka bwabo. Kandi kuri urwo rwego bakomeza gushikama ku budahemuka bw'imico yabo mu bibaca intege, ni ho kwihangana kwabo, gushikama n'imbaraga zo kwihangana biziyoungera, bityo barushaho gukomera mu mwuka.¹

URUPFA MU CYIMBO CYO GUSUZUGURA

Hitamo ubukene, kugawa no gutandukana n'incuti cyangwa se imibabaro iyo ari yo yose aho kugira ngo wandurisha ubugingo icyaha. Guhitamo gupfa aho gusuzugura cyangwa kwica amategeko y'Imana ni byo bikwiriye kuba intero y'Umukristo wese²

¹ *The Youth's Instructor*, March, 1872. [Umwigisha w'Abasore]

² *Testimonies for the Church*, Vol.5, p.147. [Ibhamya by'Itorero]

GUTSINDA IKIGERAGEZO

Abantu basangiye kamere n'Imana ntibazigera baha urwaho igishuko. Umwanzi ari gukorana imbaraga ze zose kugira ngo atsinde abantu bahirimbanira kubaho imibereho ya Gikristo. Abasanga agiye kubagerageza yiringira ko bazatsindwa. Uko ni ko yiringira kubaca intege. Ariko abashinze ibirenge byabo kuri Rutare rw'iteka bashikamye ntibazigera batsindwa n'imitego ye. Bazibuka ko Imana ari yo Se kandi Kristo akaba ari we Mufasha wabo. Umukiza yaje kuri iyi si yacu azaniye umuntu wese ugeragezwa kandi ushukwa imbaraga zo kunesha nk'uko na We yanesheje. Nzi imbaraga z'ikigeragezo; ariko kandi nzi ko imbaraga zihagiye kandi zikenewe igihe cyose na zo zihabwa abantu bahanganye n'ikigeragezo.

IBIGERAGEZO BIDAKENEWE BIKWIRIYE KWIRINDWA

"Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari urusange mu bantu; kandi Imana ni iyo kwizerwa, kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kukihanganira." 1Abakorinto 10:13. Kandi natwe dufite uruhare rwacu tugomba gukora. Ntabwo tugomba kwishyira mu nzira y'ibigeragezo bitari ngombwa. Imana iravuga iti: "Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye, . . . Kandi ntimugakore ku kintu cyose gihumanye; nanjye nzabakira, kandi nzababera so, namwe muzambere abahungu n'abakobwa." 2Abakorinto 6:17, 18. Niba dushyira ibirenge byacu mu nzira y'ibigeragezo n'icyaha kubwo kwifatanya n'ibinezeza by'isi, kubwo gukurikiza imigenzo y'ab'isi no kubwo gufatanya inyungu zacu n'abatizera, mbese twabasha dute kwitega ko Imana izaturinda kugwa?


Nimwitandukanye n'imbaraga zangiza z'iby'isi. Ntimukajye aho mutararitswe ngo mujye ahantu imbaraga z'umwanzi ziba zigose cyane.

Ntimukajye aho muzageragezwa kandi ngo muyobywe. Ariko niba mufite ubutumwa bugenewe abatizera, kandi niba muba hafi y'Imana cyane ku buryo mushobora kubabwira ijambo mu gihe runaka, mushobora gukora umurimo uzabafasha kandi ukubahisha Imana. Kristo yaravuze ati: "Sinsaba ko ubakura mu isi, ahubwo ubarinde Umubi." (Yohana 17:15).¹

¹ *Review and Herald*, April 14, 1904 [Urwibutso n'Integuza]

INSHINGANO IRUTA IBYO UMUNTU YIBWIRA

Abasore nibagerageza kwigobotora ubutware bwa Satani, azungikanya ibishuko bye. Aboneye urwaho ku bujiji bwabo no kutagira ubunararibonye, Satani agerageza kubahisha itandukaniro riri hagati y'ikibi n'icyiza. Yihindura marayika w'umucyo maze akabashuka abaha amasezerano yo kubonera ibibanzeza mu nzira yabuzaniywe. Niba abasore n'urubyiruko bafite akamenyero ko gukurikira ibyo bararikira aho gukora inshingano bafite, bazabona ko gutsinda ikigeragezo bibakomereye. Ntabwo babona akaga kari mu kwirundurira mu binezeza byabuzaniywe n'iyi byaba incuro imwe gusa. Ibyongorero bya Satani bizakangura ingingo yose y'ikibi no kwangirika iba irekerereje mu mutima.²



² *The Signs of Times*, January 19, 1882.

UBUHENDANYI BW'ICYAHA

Nta kintu na kimwe kirimo akaga gashishana ariko cyihishe kurusha ubuhendanyi bw'icyaha. Imana y'iyi si ni yo iyobya abantu, kandi ikabagira impumyi ndetse ikabajyana mu irimbukiro. Ntabwo Satani ahita aza yambaye imyambaro ye y'ubushukanyi. Ariyoberanya agahisha ibyo bishuko agasa n'ubigira byiza. Ibintu binejeje byo kwishimisha ndetse n'iby'ubupfapfa abivangamo ibintu byiza bike, bityo imitima yayobejwe ikabigira urwitwazo rw'uko ikintu cyiza cy'agahebuzo kigomba kuva mu kugira uruhare muri bene ibyo bintu. Ibi ni uruhande rw'ubushukanyi busa. Ni ubucakura bwa Satani buganisha mu irimbukiro. Abantu bayobejwe batera intambwe imwe, bityo bakaba biteguye no gutera intambwe ikurikiraho. Usanga bashimishijwe cyane no gukurikira ibyo imitima yabo irarikira aho guhagarara bakaba maso maze bakarwanya ibyo umushukanyi abanza kubongorera ngo babikingiranire hanze.

Mbega uburyo Satani ahora ari maso kugira ngo arebe ko icyo yategesheje abantu bagifata n'ubwira bwinshi, no kugira ngo abone abantu bagendera mu nzira yateguye! Ntabwo aba ashaka ko bareka gusenga kandi ngo be gukomera ku nshingano z'iby'idini; kuko igihe bakora ibyo ari ho ashobora gutuma barushaho kuba ingirakamaro mu murimo we. Ubutyoya bwe bwuzuye ubucakura n'imitigo ye ishukana abihuza n'ubunararibonye bafite n'ibyo bahamya bakatura, bityo agateza imbere umurimo we mu buryo butangaje.

KWISUZUMA

Kwinira umuntu akisuzuma birakenewe cyane, ndetse no kwibariza mu mucyo w'ijambo ry'Imana uti: "Mbese ndi muzima, cyangwa nangiritse mu mutima? Mbese nagizwe mushya muri Kristo, cyangwa ndacyari uw'umubiri mu mutima ariko inyuma nambaye umwenda mushya?" Nimukenyere mwigura guhagarara mu rukiko rw'Imana, kandi mwirebere mu mucyo w'Imana niba hari icyaha cyihishe, ubugome cyangwa ikigirwamana icyo ari cyo cyose mutazibukiye. Ni ukuri nimusenge, ndetse musenge birenze uko mwigaze musenga, kugira ngo mutayobywa n'uburiganya bwa Satani. Mwe kwegurirwa umwuka wo kutumvira no kutagira icyo mwitaho

n'ubupfapfa, kandi mwitabire inshingano z'iby'idini kugira ngo mutume umutimanama wanyu utuza . . .

Kimwe mu byaha bigize kimwe mu bimenyetso by'iminsi y'imperuka, ni uko abavuga ko ari Abakristo bakunda ibinezeza kuruta uko bakunda Imana. Mugenzure imitima yanyu mu by'ukuri. Mwigenzure mwitonze. Mbega uburyo nyuma yo kwigenzura nta kwihenda hari abantu bake cyane bashobora kubura amaso bakareba mu ijuru maze bakavuga bati: "Ntabwo ndi umwe muri bariya bavuzwe. Ntabwo nkunda ibinezeza kuruta uko nkunda Imana." Mbega uburyo hari bake cyane bashobora kuvuga bati: "Napfuye ku by'isi; uko mbaho ubu, mbikesha kwizera Umwana w'Imana. Ubugingo bwanjye buhishanwe na Kristo mu Mana, kandi ubwo Busingo bwanjye azaboneka, nzabonekana na we mu ikuzo."

Urukundo n'ubuntu bw'Imana! Mbega ubuntu bw'agaciro kenshi! Bufite agaciro karuta izahabu yatunganijwe. Ubwo buntu buzamura umuntu kandi bukamuha umwanya wo hejuru usumba andi mahame yose. Butuma umutima n'ibyo umuntu ararikira byerekera ku Ijuru. Mu gihe abari ahadukikije bashobora kuba bahugiye mu bwibone bw'isi, mu gushaka ibibanezeza no mu bupfapfa, twe ibiganiro byacu biba byerekeye mu ijuru, aho tuba duhanze Umukiza amaso. Ubugingo bwacu buba burangamiye Imana ngo buhabwe imbabazi n'amahoro, gukiranuka no kwera nyakuri. Kuganira n'Imana no gutumbira ibyo mu ijuru bihindura umuntu agasa na Kristo.¹

¹ *Review and Herald*, May 11, 1886. [Urwibutso n'Integuza]

KUBURIRWA KWIRINDA UBUHAKANYI

Numva mpangayikiye abasore n'urubwiruko rwacu cyane. Nk'umuntu uzi akaga mufite, ndababwirira kugira ngo mwe gufatwa mu mutego wa Satani binyuze mu bumenyi buke cyane mu by'ubuhanga buhanitse (siyansi) mushobora kuba mwarungutse. Kugira umutima wera kandi wicishije bugufi ni byiza cyane kuruta ubumenyi bwose mushobora kunguka mu buryo bushoboka bwose ariko mutubaha Uwiteka.

Aho abasore n'urubwiruko rwo muri iki gihe bashobora kuja hose ntibazabura guhura n'abahakanyi n'abatubaha Imana. Mbega uburyo ari ngombwa ko baba biteguye kugira ngo bashobore gutanga impamvu z'ibyiringiro bafite kandi bafite kwicisha bugufi no kubaha. Thomas Paine yamaze gupfa, ariko ibitabo bye biracyariho kandi bizanira umuvumo abatuye isi. Ndetse abantu bashidikanya ukuri kw'ijambo ry'Imana bazashyira ibyo bitabo birangwamo kutizera mu biganza by'urubwiruko n'abasore n'abantu badafite ubunararibonye, bityo byuzuye imitima yabo umwuka w'uburozi wo gishidikanya. Umwuka wa Satani ukorera mu banyabyaha kugira ngo ushyire mu bikorwa imigambi ye yo kurimbura abantu.

AKAGA KO KWIFATANYA N'ABAHAKANYI

Turiho mu gihe kirangwa n'ubusambanyi n'ubuhehesi, kandi abagabo n'urubwiruko bihandagaza mu gukora ibyaha. Keretse gusa abasore n'urubwiruko rwacu nibarindirwa mu by'idini, bagakomezwa n'amahame adakebakeba, kandi bakitonda cyane mu guhitamo abo bifatanyaga nabo n'ibitabo basoma bigaburira intekerezo zabo, naho ubundi bazugururira amarembo abantu bafite imico yangiritse nk'uko imico y'abaturage b'i Sodomu yari iri.

Isura igaragara inyuma y'ab'isi ishobora kuba ikurura, ariko niba bahora bavuye ibitekerezo birwanya Bibiliya, bene abo baba ari incuti ziteza akaga kuko zizahora zishaka gusenya urufatiro rwo kwizera kwawe, zangize uburyo wita kandi uzirikana imyizerere ya kera ishingiyeye ku butumwa bwiza.

Inshuro nyinshi abasore n'urubyiruko bahura n'abantu bashobora kubogamira mu gushidikanya no kutizera, kandi ababyeyi babo ntibamenya ibyo kugeza ubwo umurimo uteye ubwoba w'umwanzi ugeze ku ndunduro maze urubyiruko n'abasore bakarimbuka. Abasore n'urubyiruko bakwiriye kwigishwa neza ko badakwiriye gushukwa ku byerekeye imico nyakuri y'abo bantu, kandi ntibagirane ubucuti n'iryo tsinda ry'abantu, cyangwa ngo batege amatwi amagambo yo gusesereza n'ubucakura. Keretse gusa abasore n'urubyiruko rwacu nibagira ubutwari bwo guhagarika kwifatanya na bene abo bantu igihe batahuye ukutizera kwabo, naho nibitaba bityo bazafatwa mu mutego, kandi bazatekereza ndetse bavuge nk'abo bantu bifatanyaga nabo, bavuge iby'iyobokamana n'iby'ukwizera Bibiliya ivuga babiha agaciro gake.

KWIYEMERA N'UBUHUMYI

Iyaba amaso n'abasore bayobejwe yahumukaga, babona ibitwenge byuzuye uburyarya bya Satani asekera yishimira uko yageze ku ntego mu kurimbura ubugingo bw'abantu. Ahimba inzira zose zishoboka ashaka guhuza ibishuko bye n'ibyo abantu babogamiramo muri kamere yabo ndetse n'uko ibihe biteye kubo ashaka kugusha mu mutego. Satani azagerageza amayere yose, kandi abo yateguriye ibishuko bye nibadashaka Imana, bazaba impumyi be kubona ibishuko bye, kandi baziye, bumve bihagije kandi be kumenya uko bameze n'akaga bafite. Bidatinze bazasuzugura ukwizera abera bahawe.

Ndabwira abasore nk'umuntu uzi kandi wahishuriwe n'Uwiteka akaga kabategereje mu nzira mucamo. Ukwiyemera kuzabagusha mu mutego w'umwanzi Satani. Ntabwo abasore bagisha inama Imana, kandi ngo bayigire ubuhungiro bwabo n'imbaraga zabo. Binjira mu matsinda y'abandi bantu bafite ibyiringiro byose no kwiyemera ko bashoboye rwose gusobanukirwa ubwiru bw'Imana bitewe n'imbaraga zo gutekereza bafite, nk'aho bashobora kuvumbura ukuri bakagusobanukirwa ku bwabo.

Duhangayikira cyane abiyemera bakiyiringira kurusha abandi bantu bose, kuko byanze bikunze bene abo bazafatwa mu mutego umwanzi gica w'Imana n'umuntu yabateze. Umuntu umwe muri iryo tsinda baba baratoranyije ngo ababere incuti ariko wandujwe no gushidikanya, azinjiza umusemburo we wo kutizera mu ntekerezo z'iryo tsinda. Kubw'ubuhanga bwinshi bwo gushyeshya kwabo no kubw'isumbwe mu by'ubwenge, kubwo gutera muri bo kurarikira umwanya wo hejuru, ibitekerezo byabo bizigarurirwa kandi imbaraga irimbura imico mbonera izabazaho. Abantu biha ikuzo kubw'ibitekerezo byabo bwite bazasuzugura amaraso y'Igitambo gihongerera, kandi basuzugure na Mwuka w'ubuntu.

Abana b'ababyeyi bubahiriza Isabato, abana bakiriye umucyo mwinshi, kandi bitaweho mu mpuhwe zihebuje, bashobora kuba ari bo bazagira umurage ukojeje isoni. Bashobora kuba ari bo bazabiba mu muyaga bagasarura serwakira. Mu rubanza, amazina y'abantu bacumuye ku mucyo ukomeye bazandikwa hamwe n'abazacirwaho iteka ryo gutandukana

n'ubwiza bw'Uhoraho ndetse n'ikuzo ry'imbaraga ze. Bazazimira kandi bazashyirwa mu mubare umwe n'abapfobya bagasuzugura ubuntu bwa Kristo.

Nahitamo kubona abana banjye barambikwa mu mva bagashyingurwa aho kubabona batera intambwe igana ku rupfu. Kuri jye, igihamba giteye ubwoba cy'uko naba nararereye abana banjye kugira ngo bazarwanye Imana yo mu ijuru, ngo bazongere ingabo z'abakanyu mu minsi ihurika, kandi ngo bagendere muni y'ibendera ry'umukara rya Satani, byaba ari igitekerezo kibabaje cyane kandi giteye agahinda.

UBUTWARI MU MICO BURAKENEWE

Urubiruko rwacu ruzahura n'ibigeragezo mu mpande zose, kandi rukwiriye kwigishwa ku buryo ruzishingikiriza ku mbaraga ihebuje izindi n'inyigisho zihanitse bidashobora gutangwa n'abantu bapfa. Ahantu hose hari abahinyura Umwami wacu kandi basanzwe batukisha Ubukristo. Babwita igikinisho cy'abana, kandi bavuga ko bwahimbiwe gutera ubwoba abapfa kwemera.

Abantu badafite imbaraga z'imico mbonera ntibashobora guhagarara ngo barwanire ukuri. Nta butwari bafite bwo kuba bavuga bati: "Sinshobora kugumana namwe nimudahagarika bene icyo kiganiro. Yesu, Umucunguzi w'isi ni Umukiza wanjye; muri we ni ho ibyiringiro byanjye by'ubugingo buhoraho bishingiye." Nyamara iyi ni yo nzira nyakuri yo kubacecekesha. Nuja impaka nabo, bazagira ibitekerezo byo guhangana na we, kandi nta kintu na kimwe ushobora kuvuga kizabakora ku mutima; ariko nubaho ugaragaza Kristo, nuba udakurwa mu byimbo mu kubaha Imana yo mu ijuru kwawe, ushobora kubakorera icyo ibitekerezo no kuja impaka nabo bitazashobora kubakorera, kandi ubemeze ubuyobe bw'inyigisho zabo ukoresheje imbaraga zo kubaha Imana.

Abantu bacungujwe amaraso ya Kristo ndetse bagahabwa impano bagomba gukoresha ngo baheshe Imana ikuzo, nta kintu kibabaje cyane nko kubabona bahidura ubusa ubutumwa [Imana yaboherereje mu buntu bwayo] ibinyujije mu butumwa bwiza, maze bagahakana ubumana bwa Kristo, kandi bakiringira imitekerereze yabo ifite aho igarukira ndetse bakishingikiriza ku bitekerezo bidafite ishingiro. Igihe bazageragereshwa guhura n'umubabaro, igihe urupfu ruzaba rubagera amajanja, ubwo buyobe bwose biziritseho buzayonga nk'uko ikime gishongeshwa n'izuba.

Mbega uburyo biteye ubwoba guhagarara iruhande rw'isanduku irimo umuntu wapfuye yaranze kwakira irarika ry'ubuntu bw'Imana! Mbega uburyo biteye ubwoba kuvuga ngo: Uyu muntu arazimiye burundu! Uyu yagombye kuba yarageze ku rwego ruhanitse kandi agahabwa ubugingo budapfa, ariko ubugingo bwe yabweguriye Satani, afatwa mu mitego n'ubucurabwenge bw'abantu bw'imfabusa, kandi yabaye igikinisho cy'umubi! Ibyiringiro by'Umukristo ni nk'igitsikabwato ku bugingo

bw'umuntu, gikomeye kandi kitanyeganyega, kandi gishimangiye imbere mu cyumba gikingirijwe n'umwenda, aho Kristo yinjiye atubanjirije. Dufite umurimo wihariye buri wese agomba gukora twitegura ibikomeye biri imbere yacu.

UMURABA URAJE

Abasore bari bakwiriye gushaka Imana bashishikaye. Umuraba uraje, kandi tugomba kwitegura uburakari no guhorera kwawo twihana imbere y'Imana kandi twizera Umwami wacu Yesu Kristo. Uwiteka azahaguruka azanwe no kunyeganyeza isi mu buryo buteye ubwoba. Tuzabona amakuba impande zose. Amato ibihumbi bitabarika azarohama imuhengeri mu nyanja. Amato azarohama, kandi ubugingo bw'abantu batabarika buzahatikirira. Inkongi z'umuriro zizaduka mu buryo butunguranye, kandi nta mbaraga z'umuntu zizashobora kuwuzinywa. Ingoro z'abakomeye ku isi zizakongorwa n'ibirimi by'umuriro.

Ibiza bikomeye mu nzira z'amagare y'umwotsi bazarushaho kugenda byiyongera; urujijo, gusekurana kw'ibikorehwa mu gutwara ibintu n'abantu, ndetse n'impfu zitunguranye bizajya bibaho kenshi mu byerekezo byinshi bikorwamo ingendo. Iherezo riregereje, igihe cy'imbabazi kigiye kurangira. Nimutyo dushake Imana bigishoboka ko ibonwa, tuyamabaze ikiri bugufi! Umuhanuzi aravuga ati: "Mushake Uwiteka, mwa bagwaneza bo mu isi mwese, bakomeza amategeko ye; mushake gukiranuka, mushake no kugwa neza; ahari muzahishwa ku munsu w'uburakari bw'Uwiteka. (Zefaniya 2:3)"¹

KWISHINGIKIRIZA KU MANA BURI MUNSI

Mbese iyo ubyutse mu gitondo, ujya wumva uri impezamajyo, ukumva ko ukeneye imbaraga ziva ku Mana? Mbese ujya wicisha bugufi n'umutima umenetse maze ukabwira So wo mu ijuru ibyo ukeneye? Niba ari ko bimeze, abamarayika bita ku masengesho yawe, kandi niba ayo masengesho atarabashije gusohoka mu kanwa kawe, igihe uri mu kaga ko gukora ibibi utabitekerejeho, kandi ukagaragaza imbaraga izatera abandi gukora ibibi, marayika wawe murinzi azakuba iruhande, agutere gukora neza, aguhitiremo amagambo uvuga, kandi abe inyuma y'ibikorwa byawe.

Niwumva nta kaga kakugariye, kandi ntusenge usaba guhabwa ubufasha n'imbaraga bikubashisha gutsinda ibishuko, nta kabuza uzayoba; kwirengagiza inshingano kwawe kuzandikwa mu gitabo cy'Imana mu ijuru, kandi ku munsu wo kugeragezwa uzasangwa udashyitse."²

¹ *The Signs of Times*, April 21, 1890. [Ibimenyetso by'Ibihe].

² *Testimonies for the Church*, Vol.3, pp.363, 364. [Ibihamya by'Itorero].

INGINGO IMWE YOROHEJE

Dushobora kwiyogeza tuvuga ko tutarangwaho ibyaha byinshi abandi bafite. Ariko niba dufite ingingo zimwe zikomeye mu mico yacu nyamara hakabaho ingingo imwe yoroheje, haba hakiriho komatana k'ubugingo n'icyaha. Usanga umutima ugabanyijwemo imigabane ibiri mu byo ukora, maze ukavuga uti: "Bimwe ni ibyanjye [inarinjye] naho ibindi ni iby'Imana." Umwana w'Imana agomba gushakisha icyaha yihambiriyeho kandi cyamubase, maze akemerera Imana kukirandura mu mutima we. Agomba gutsinda icyo cyaha kimwe; kuko atari ikintu gito mu maso y'Imana.

Umuntu umwe aravuga ati: "Ntabwo ari jye munyeshyari uri hanyuma y'abandi, ariko hari ubwo nshotorwa maze nkavuga ibintu bibi, nubwo nyuma yo kugaragaza umutima mubi iteka nsaba imbabazi." Undi nawe aravuga ati: "Mfite iyi nenge cyangwa iriya, ariko nsuzugura kugaragaza uburakari nka kuriya nk'uko kugaragara ku bantu bamwe nzi." Ntabwo Uwitwaga yaduhaye urutonde rw'ibyaha, kugira ngo dufate ko bimwe bifite ingaruka nto, kandi ngo dufate ko bizangiza ibintu bike cyane, mu gihe ibindi byaha bikomeye cyane kandi bikaba byangiza cyane.

Ntabwo umunyururu uba ugikomeye cyane iyo urimo ipfundo rimwe rifite imbaraga nke. Tugomba kuvuga ko uwo munyururu ari mwiza tuwurebeye hamwe wose, ariko iyo ipfundo ryawo rimwe ridakomeye, uwo munyururu ntuba ugishobora kwishingikirizwaho. Umurimo wo kunesha ugomba kwigwa n'umuntu wese winjira mu bwami bw'Imana. Rya jambo rihubukiwe tuba dufitiye ishyushyu gusohora rigomba kudasohorwa. Cya gitekerezo imico yawe itari kwakira neza kigomba kugukurwamo kuko gica intege impinduka wagombye guteza, kandi kikabyara ingaruka, kikagutesha agaciro imbere y'abandi. Ukwiriye gutsinda igitekerezo kivuga ko urenganyirizwa ukwizera kwawe, kandi ukwiriye gusaba gusohorezwa isezerano rya Kristo uvuga ati: "Ubuntu bwanjye buraguhagije." (2Abakorinto 12:9).¹

¹ *Review and Herald*, August 1, 1893. [Urwibutso n'Integuza].

GUTEGEKA IBITEKEREZO

Ukwiriye kwirinda kujya ku rubuga rwa Satani, kandi ntiwemerere intekerezo zawe gutwarwa ngo ureke kubaha Imana. Ushobora kandi ukwiriye kwishimira muri Kristo, kandi ukwiriye kuronka imico yo kwitegeka. Ndetse n'intekerezo zawe zigomba kumvira ubushake bw'Imana, kandi amarangamutima yawe agategekwa n'ubwenge n'iyobokamana. Ntabwo ubushobozi bwawe bwo gutekereza wabuherewe kukwemerera kurangwa n'ubuzima bwo gukurikira ibibonetse byose no kwigendera uko wishakiye hatabayeho gukoresha umuhati ngo ugire ibyo wibuza gukora cyangwa se ngo urangwe n'ikinyabupfura. Niba ufite ibitekerezo bipfuye, amarangamutima nayo azaba adatunganye; kandi iyo ibitekerezo n'amarangamutima bishyizwe hamwe ni byo birema imico mbonera. Iyo mufashe icyemezo cy'uko nk'Abakristo mudasabwa gutegeka intekerezo n'amarangamutima byanyu, mugera aho mutegekwa n'abamarayika babi, kandi mukabararika ngo baze babane namwe ndetse babategeke. Nimwumvira intekerezo mwiyumvamo kandi mukemerera ibitekerezo byanyu kujya mu muyoboro wo kutizera, gushidikanya no kutanyurwa, muzaba mu bantu b'abanyamubabaro kurusha abandi bose, kandi ubuzima bwanyu buzagaragara ko nta cyo bwagezeho.”²



2 “Testimonies for the Church,” Vol.5, p.310. [Ibiamya by’Itorero]

KUGERA KU NTSINZI

*"Nta muntu ugaragara ko ari impezamajyo bikabije, nyamara mu by'ukuri akaba atabasha gutsindwa kurusha umuntu wumva ko ntacyo ari cyo ariko akishingikiriza rwose ku byo Umukiza yakozze. Imana yahitamo kohereza abamarayika bose bo mu ijuru ngo baze gufasha bene uwo muntu aho kugira ngo yemere ko atsindwa."*¹

¹ Testimonies for the Church," Vol.7, p.17. [Ibihamya by'Itorero]



KUJYA MBERE KANDI UZAMUKA

Nifuza ko nagombye kugaragaza ubwiza bw'imibereho ya Gikristo. Uhereye mu gitondo cy'ubuzima bwe, Umukristo agengwa n'amategeko agenga ibyaremwe kandi akagengwa n'amategeko y'Imana, bityo akajya mbere ndetse azamuka ashikamye. Buri muni arushaho kwegera urugo rwe rwo mu ijuru, aho ikamba ry'ubugingo rimutegerereje ndetse n'izina rishya, "ritazwi n'umuntu wese, keretse urihabwa." Ibyahishuwe 2:17. Ahora agwiza ibyishimo, agakuza ubutungane no kuba ingirakamaro. Iterambere rya buri mwaka rigenda riruta iry'umwaka wawubanjirije.

Imana yahaye abasore urwego bagomba kurira. Ni urwego ruturuka ku isi rukagera ku ijuru. Hejuru y'urwo rwego hari Imana, kandi kuri buri ngazi hagera umurasire w'umucyo urabagirana w'ubwiza bw'Imana. Imana iba yitegereza aburira urwo rwego, ikaba yiteguye kuboherereza ubufasha igihe babaye nk'abarekuye gato kandi intambwe zabo zikagwaguza. Ni ukuri, vuga mu magambo yuzuye imbaraga ko nta muntu n'umwe wurira urwo rwego yihanganye kandi adacogora utazashobora kwinjira mu rurembo rwo mu ijuru.

Satani ashyira ibigeragezo byinshi imbere y'abasore. Akina umukino ugamiye guhitana ubugingo bwabo, kandi nta buryo na bumwe asiga atagerageje gukoresha ngo abashukashuke kandi abarimbure. Ariko Imana ntiyigera ibareka ngo barwane n'uwo mushukanyi itabafashije. Bafite Umufasha ufite ubushobozi bwose.

Wa wundi wabaye muri iyi si yambaye kamere muntu maze agatsinda Satani, Uwo arusha umwanzi wabo ubushobozi bihebuje. Uwo ni we urwanya ikigeragezo cyose kiza ku basore muri iki gihe. Ni Mukuru wabo kandi abitaho akabagirira impuhwe zimbitse. Ntahuga kubitaho, kandi igihe bagerageza kumunezeza biramushimisha. Iyo basenze, amasengesho yabo ayavanga n'umubavu wo gukiranuka kwe, bityo akayatura Imana ari umubavu w'igitambo uhumura neza. Mu mbaraga za Kristo, abasore bashobora kwihanganira ibirushya nk'abasirikare beza b'umusaraba. Baramutse bakomejwe n'ububasha bwe, babashishwa kugera ku rugero ruhanitse rukwiriye rwashyizwe imbere yabo. Igitambo cyatangiye i Kaluvari ni cyo bwishingizi bw'intsinzi yabo.

IMANA ISHYIRA MU GACIRO

Itorero ry'Imana rigizwe n'abantu bagereranywa n'ibikoresho byagutse ndetse n'ibito. Nta kintu Imana isaba kidashyize mu gaciro. Ntabwo yitega ko ibikoresho bito bijyamo ibintu bigenewe kujya mu bikoresho binini. Imana yitega ko umuntu agira icyo ayigarurira bishingiye ku byo afite, si ku byo adafite. Kora uko ushoboye kose, Imana nayo izemera umuhati wawe. Kora inshingano iri hafi yawe, uyikorane ubunyangamugayo, bityo umurimo wawe wose uzemerwa n'Umwami. Mu cyifuzo ugira cyo kugira ikintu gikomeye ukora, ntukirengagize inshingano nto zigutegereje.

Witondere kuba wakwirengagiza gusenga wiherereye no kwiga ijambo ry'Imana. Izo ni zo ntwaro ukoresha urwanya Satani urwana inkundura ngo ashyire inkomyi mu rugendo rwawe rugana mu ijuru. Intambwe ya mbere yo kwirengagiza gusenga no kwiga ijambo ry'Imana ituma intambwe ya kabiri muri byo n'ubundi yoroha. Kwinangira bwa mbere igihe Mwuka w'Imana akwinginga bitegurira inzira kwinangira ku nshuro ya kabiri bityo umutima ukinangira, n'umutimanama ukagwa ikinya.

Ku rundi ruhande, kurwanya igishuko cyose bituma kurwanya ibishuko bindi birushaho koroha. Kwanga inariye kose gutuma kwiyanga koroha. Intsinzi yose yagezweho itegurira inzira izindi ntsinzi zizakurikiraho. Kurwanya igishuko kose, kwiyanga kose no kunesha icyaha kose, ni imbuto iba ibibiwe kuzageza ku bugingo buhoraho. Igikorwa cyose cyo kutikanyiza giha imbaraga nshya imibereho y'iby'umwuka. Nta muntu n'umwe ushobora kugerageza gusa na Kristo atagenda agwiza kurangwa n'ubupfura no kuba umunyakuri.

KUZA IBYIRINGIRO

Imana izita ku muhati wose ukoresha kugira ngo ugere ku rugero rukwiriye yagushyiriyeho. Iyo utsinzwe, iyo uteshuwe ukagwa mu cyaha, ntugatekereze ko udashobora gusenga, ngo wibwire ko udakwiriye kujya imbere y'Imana. "Bana banjye bato, mbandikiye ibyo, kugira ngo mudakora icyaha. Ariko nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ni we Yesu Kristo ukiranuka." (1 Yohana 2:1). Yesu ateze amaboko yiteguye kwakira umwana w'ikirara wese. Musange, umubwire amakosa yawe n'ibibi byawe. Musabe aguhe imbaraga kugira ngo wongerwe umuhati. Ntabwo azigera agutererana, kandi ntazagindura ibyiringiro byawe ubusa.

Ibigeragezo bizakugeraho. Ubwo ni bwo buryo Uwituka akoresha agukuraho kudatungana kunobeka mu mico yawe. Ntukitotombe. Iyo wivovota utuma ikigeragezo cyawe kirushaho kugukomerera. Ubaha Imana uyumvira mu byishimo. Ihanganire ibikugarije n'ibikotsa igitutu. Nubwo wagirirwa nabi, komeza kurangwa n'urukundo rw'Imana mu mutima wawe. "Amaso y'Uwituka ari ku bakiranutsi, n'amatwi ye ari ku gutaka kwabo." Zaburi 34:16.

"Ahari kurira kwararira umuntu nijoro, ariko mu gitondo impundu zikavuga." Zaburi 30:6. "Nimugaruka mugatuza, muzakizwa; mu ituza no byiringiro ni mo muzaherwa imbaraga." Yesaya 30:15. Kristo azi imbaraga ibigeragezo uhura nabyo bifite kandi azi n'imbaraga ufite zo kubirwanya. Ahora ateze amaboko afitiye impuhwe nyinshi umwana wese ubababazwa. Abwira umuntu wese ugeragezwa kandi uciye intege ati, "Mwana wanjye nababarijwe kandi napfiriye, mbese ntushobora kunyizera?" "Uko iminsi yawe ingana, ni ko intege zawe zizangana." Gutegeka 33:25.

"Ikoreze Uwiteka urugendo rwawe rwose, abe ari we wiringira, na we azabisohozwa." Zaburi 37:5. Azakubera nk'igicucu cy'urutare rukomeye mu gihugu cy'umutagwe. Aravuga ati: "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura." Matayo 11:28. Araguha ikiruhuko isi idashobora gutanga cyangwa ngo ibe yavanaho. . .

Amagambo ntashobora gusobanura amahoro n'ibyishimo umuntu wiringira Imana kubw'ibyo ivuze ashobora kugira. Ibigeragezo ntibimubuza amahoro, gutukwa ntibimubuza amahwemo. Inarijye irabambwa. Inshingano ze zishobora kugenda zimukomerera uko iminsi isimburana, ibigeragezo bye bikarushaho gukomera, ibishuko nabyo bikongera ubukana; ariko ntagwaguza; kuko ahabwa imbaraga nk'uko azikeneye."¹

IKIGUZI CY'INTSINZI

Kristo yatanze ibintu byose kubera umuntu kugira ngo bishobokere umuntu kuzarangwa ubwami bw'ijuru. Noneho iki ni igihe cy'umuntu wacumuye kugira ngo agaragaze ibyo azazibukira ku rwe ruhande kubwa Kristo, kugira ngo azabashe kwinjira mu ikuzo ryo kudapfa. Abantu bumva uburemere bw'icyo guhabwa agakiza byasabye ndetse n'ikiguzi cyabyo, ntabwo bazigera bivovotera ko bagomba kubiba barira, kandi ko intambara no kwiya ari byo mugabane w'Umukristo mu buzima bwe."²

¹ *The Youth's Instructor*, June 26, 1902. [Umwigisha w'Abasore]

² *The Signs of Times*, March 4, 1880. [Ibimenyetso by'Ibihe].



KUBONEZA IMICO

Nta cyizere Kristo yaduhaye cy'uko kugera ku gutungana kw'imico ari ikintu cyoroshye. Ntabwo imico itunganye rwose y'ubupfura umuntu ayiragwa n'ababyeyi. Nta n'ubwo itugeraho by'impanuka. Imico itunganye igerwaho kubw'umuhati umuntu ku giti cye akoresha binyuze mu buntu bwa Kristo ndetse n'ibyo yadukoreye. Imana itanga impano n'imbaraga z'ubwenge; maze tukarema imico yacu. Iyo mico iremwa binyuze mu rugamba rukomeye kandi rukaze umuntu arwana n'inarijye. Urugamba rugenda rusimburana n'urundi rugomba kurwanwa umuntu ahanganye n'imico yakomoye ku babyeyi. Bizadusaba kwinenga ubwacu, kandi twe kwemera ko hari ibibi birangwa mu mico bisigara bidakosowe.

Nimutyo he kugira umuntu n'umwe uvuga ati, "Ntabwo nshobora gukosora inenge zo mu mico yanjye." Nugera kuri uyu mwanzuro, byanze bikunze ntuzashobora kugera ku bugingo buhoraho. Ibitashoboka bishingiye mu bushake bwawe bwite. Nutabishaka, icyo gihe ntuzashobora kunesha. Ingorane nyakuri ikomoka mu gusayisha k'umutima utejejwe, ndetse no kutagira ubushake bwo kwitanga ngo umuntu agengwe n'Imana.

ISHYIRIREHO URUGERO RUHANITSE

Abantu benshi Imana yahaye ubushobozi bwo gukora ibintu bikomeye by'intashyikirwa bakora bike cyane bitewe n'uko bagerageza bike. Abantu ibihumbi byinshi banyura mu buzima nk'aho badafite umugambi ufatika wo kubaho kwabo, ndetse nta rugero ngenderwaho bakwiriye gushyikira. Bene abo bazahabwa ingororano ihwanye n'ibyo bakoze.

Ibuka ko utazigera ugera ku rugero ruhanitse uretse urwo wowe wishyiriyeho. Bityo rero, ishyirireho urugero ruhanitse, kandi buhoro buhoro, nubwo byasaba gukoresha umuhati mu buryo bukubabaza kandi bigasaba kwiya no kwitanga, zamuka ingazi zose z'urwego utera imbere. Ntukagire icyo wemerera kugukumira. Ntabwo nyamunsi yaboheranije umuntu uwo ari we wese mu nshundura zayo ku buryo bukomaye byatuma akomeza kuba impeyamajyo no kuba mu bwihebe. Ibikurwanya byagombye gutuma urushaho kwiyeza rwose kubitsinda. Gusenya inkomyi imwe

bizatanga ubushobozi bukomeye kurushaho ndetse n'ubutwari bwo gukomeza uja mbere. Komeza mu cyerekezo gitunganye ufite kwiyeemeza kudacogora, kandi ibizajya biba bizakubera ibyo kugufasha, ntibizakubera imbogamizi.

KUZA INGINGO ZOSE Z'IMICO

Kubw'ikuzo rya Databuja wo mu ijuru, haranira guteza imbere no gukuza impande zose z'imico. Ugomba kunezeza Imana ku ntambwe yose uteye mu kubaka imico yawe. Ibi ushobora kubikora kuko Enoki nawe yanejeje Imana nubwo yariho mu bantu bari barahenebereye mu bibi. No muri iki gihe hariho ba Enoki benshi.

Muhagarare nka Daniyeli, wa mutegetsu w'inyangamugayo, umuntu utarashoboraga gutsindwa n'ikigeragezo na kimwe. Ntimugatetereze wa wundi wabakunze cyane bigatuma atanga ubugingo bwe kugira ngo adukureho ibyaha byacu. Aravugaga ati: "Ntacyo mubasha gukora mutamfite." Mwibuke ibi. Niba hari amakosa mwakoze, byanze bikunze mubona intsinzi igihe murebye ayo makosa maze mukayafata nk'ibimenyetso by'imbuzi. Uko ni ko ibyari ugutsindwa mubihinduramo intsinzi, mugatetereza umwanzi maze mukubaha Umucunguzi wanyu.

Imico isa n'uko ijuru ribishaka ni bwo butunzi bwonyine dushobora gukura muri iyi si tukazayimukana mu isi izaza. Abantu bakurikiza amabwiriza ya Kristo muri iyi si bazinjirana mu mazu yo mu ijuru ibyo bagezeho bayobowe n'Imana. Kandi mu ijuru tuzakomeza gukuza imico myiza. Kubw'ibyo rero, gukuza imico muri iki gihe ni ingenzi.

AMATEGEKO YE ARASHOBOZA

Abo mu ijuru bazakorana n'umuntu ushakana ukwizera guhamye bwa butungane bw'imico buzatuma habaho gutungana kw'ibikorwa. Kristo abwira umuntu wese uri muri uyu murimo ati, 'Ndi iburyo bwawe kugira ngo ngufashe.'

Igihe ubushake bw'umuntu bukoranye n'ubushake bw'Imana, ubushake bw'umuntu bugira ubushobozi bwose. Ikintu icyo ari cyose kigomba gukorwa ku itegeko ry'Imana gishobora kurangira mu mbaraga zayo. Amategeko ye yose arashoboza."¹

AHO DUHORA TWISHINGIKIRIJE

"Abantu batibuka kwisunga Imana buri muni bazatsindwa n'ibigeragezo. Hari igihe twakwibwira ko duhagaze dushikamye, kandi ko nta kizadushobora. Dushobora kuvuga tuti: 'Nzi uwo nizeye uwo ari we; kandi nta gituma ndeka kwizera Imana ndetse n'ijambo ryayo.' Nyamara

¹ Christ's Object Lessonss," pp.331-333. [Imigani ya Kristo]

Satani ashaka kudufatira mu ngeso na kamere byacu, kugira ngo aduhume amaso ntidushobore kumenya intege nke zacu n'amakosa yacu. Keretse gusa nitumenya intege nke zacu maze tugahanga amaso yacu Kristo, nibwo tuzabasha guhagarara dushikamyeye.”²

² Uwifuzwa Ibihe Byose, p.257.



INTAMBARA YO KWIZERA

Abasore benshi ntibafite ihame ridakuka ryo gukorera Imana. Igicu cyose kije kiraboreka kandi ntibafite imbaraga zo kwihangana. Ntibakurira mu buntu. Basa n'abakomeza amategeko y'Imana, ariko ntibumvira amategeko y'Imana, kandi ntibashobora gukozwa ibyo kuyumvira. Imitima yabo ya kamere igomba guhindurwa. Bagomba kubonera ubwiza mu butungane. Nibiba bityo niho bazahagizwa no gushaka ubutungane nk'uko imparakazi yahagizwa no gushaka amasoko y'amazi; nabo bazakunda Imana n'amategeko yayo. Ubwo ni bwo umutwaro wa Kristo uzaborohera kandi ntubaremerere.

Musore nkunda, niba intambwe zawe ziyoborwa n'Uwiteka, ntugomba iteka kwitega ko inzira yawe izagaragaramo amahoro no kugubwa neza bigaragara inyuma. Inzira igana ku munsu uzahoraho iteka ntabwo ari inzira yoroheje cyane gucamo, kandi akenshi izagaragara nk'iyijimye ndetse irimo n'amahwa. Ariko ufite ibyiringiro ko amaboko y'Imana ahoraho iteka ryose akugose kugira ngo akurinde umubi. Imana ishaka ko uyizera umaramaje, kandi ukiga kuyiringira haba igihe utwikiriwe n'igicucu cyangwa ku zuba ry'igikatu.

UKWIZERA KUZIMA

Umuyoboze wa Kristo agomba kugira ukwizera gushinze imizi mu mutima; kuko bene uko kwizera kutariho, ntibishoboka ko yashimisha Imana. Ukwizera ni ikiganza kugundira ubufasha buhoraho iteka. Ni uburyo umutima wagizwe mushya ubashishwa gutera utabusanya rwose n'umutima wa Kristo. Mu muhati igisiga cya kagoma kigira cyihutira kugera mu cyari cyacyo, hari ubwo akenshi gikubitwa hasi n'umuyaga w'ishuheri maze kikagwa iyo hasi kure mu mikokwe yo mu mabanga y'imisozi. Ibicu byijimye kandi bya rukokoma bigitandukanya n'impinga z'imisozi ahahora hacanye izuba ari naho ya kagoma yaritse icyari cyayo. Imara akanya yabuze ubwinyagamburiro, ikubita hirya no hino, ikubita amababa yayo manini cyane isa n'aho ishaka kweyura bya bicu bya rukokoma. Ikangura inuma zo mu misozi kubera urusaku rwayo isakuza irwana ishaka uko yabona inzira ngo ive aho yafatiwe. Amaherezo iguruka n'ingoga itumbagira mu kirere,

igaca muri bya bicu byijimye, maze ikavuzza urusaku rurenga rugaragaza gutsinda igihe yogoga ikirere, maze mu kanya gato ikaba igeze hejuru mu mucyo w'izuba rituje. Umwijima n'umuyaga w'ishuheri biba biri hasi yayo, kandi umucyo wo mu kirere uba umurika ahayikikije. Igera mu cyari cyayo ikunda kiba ku bitare byo mpinga z'imisozi, maze ikaba iranyuzwe rwose. Igera mu mucyo ariko yanyuze mu mwijima. Biba byayisabye gukoresha imbaraga kugira ngo igere aho mu mucyo, ariko yumva inyuzwe no kugera ku cyo yashakaga.

Iyi ni yo nzira dushobora kunyuramo nk'ayoboke ba Kristo. Tugomba kugaragaraza bene uko kwizera kuzima, kuzinjira mu bicu bitubera nk'urukuta rukomeye bikadutandukanya n'umucyo wo mu ijuru. Dufite impinga z'imisozi ndende mu byo kwizera tugomba kugeraho, aho ibintu byose ari amahoro n'ibyishimo mu Mwuka Wera.

URUGAMBA RWO MU BUZIMA BWOSE

Mbese wigeze witegereza igisiga gihiga inuma y'inyamahoro? Ubwenge kamere bw'inuma bwayigishije ko kugira ngo igisiga kibashe gufata umuhigo wacyo kigomba kugurukana umuvuduko usumba icyo gishaka gufata. Bityo rero, inuma iraguruka igatumbagira hejuru cyane mu bicu by'ubururu, nyamara kandi cya gisiga kikiyikurikiye gishaka kuyibona urwaho ngo kiyifate nyamara bikaba iby'ubusa. Inuma ishobora kurokoka igihe cyose itagize icyo yemerera kuyibuza gukomeza kuguruka, cyangwa gitume isubira inyuma iguruka yerekeza hasi ku isi. Ariko iyo inuma icogoye, maze ikaguruka igana hasi gato, umwanzi wayo uba uri maso ayihoreraho. Incuro nyinshi twagiye twitegereza uwo muhigo twitayeho ariko kandi duhagaritse umutima, dufitiye impuhwe ako kanuma gato. Mbega uburyo byabaye ibintu bibabaje kubona ako kanuma gafatwa na cya gisiga!

Imbere yacu hari urugamba, - mu ntambara turwana na Satani n'ibishuko bye mu buzima bwacu bwose. Umwanzi azakoreshe igitekerezo cyose n'igishuko cyose kugira ngo ashyire ubugingo bwacu mu kaga; kandi kugira ngo tuzahabwe ikamba ry'ubugingo, tugomba gukoresha umuhati wose tudacogora. Ntitugomba kurambika intwari cyangwa ngo tuve ku rugamba tutarabona intsinzi kandi dushobora kuneshereza mu Mucunguzi wacu. Igihe cyose tuzakomeza guhanga amaso yacu kuri Nkomoko yo kwizera kwacu akaba ari na We ukunonosora, tuzaba amahoro. Ariko urukundo rwacu rugomba kwerekezwa ku byo mu ijuru, aho kwerekezwa ku byo ku isi. Kubwo kwizera tugomba gukomeza kuzamuka tukagera ku rwego ruhanitse rw'ubuntu bwa Kristo. Kubwo kurangamira irarika rye ritagira akagero, tugomba kurushaho gukura buri muni dusa n'ishusho ye yuje ubwiza. Nitubaho dutyo dusabana n'ijuru, Satani azadutega imitego ye ariko bibe iby'ubusa."¹

¹ *The Youth's Instructor, May 12, 1898 [Umwigisha w'Abasore.]*

INTSINZI TWARAYIHawe

Dusobanukiwe gake cyane imbaraga twagira turamutse twomatanye n'isoko y'imbaraga zose. Tugwa mu cyaha incuro nyinshi maze tugatekereza ko ari ko bigomba guhora bigenda. Twihambira ku byacu bidatunganye nk'aho ari ibintu byo kwirata. Kristo atubwira ko niba dushaka kunesha tugomba guhora mu maso yacu hakeye. Kristo yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti; kandi binyuze mu mbaraga yaduhaye, tubasha kunesha isi, umubiri na Satani. Kubw'ibyo rero, nimutyo twe kuvuga ku ntege nke zacu no kuba tutagera ku ntego, ahubwo tuvuge ibya Kristo n'imbaraga ze. Iyo tuvuga imbaraga za Satani, umwanzi arushaho gukaza imbaraga akatugota. Iyo tuvuga iby'imbaraga z'Ishoborabyose, umwanzi asubizwa inyuma. Uko turushaho kwegera Imana, nayo iratwegera . . .

Benshi muri twe ntibakoresha neza amahirwe bahawe. Dukoresha imbaraga nke cyane ndetse nazo zigwaguza dukora ibyiza, maze twarangiza tukisubirira mu mibereho yacu ya kera y'icyaha. Niba tuzinjira mu bwami bw'Imana, tugomba kuhinjirana imico itunganye, itarangwamo ikizinga, cyangwa umunkanyari cyangwa ikindi kintu cyose kimeze gityo. Ubwo twegereza iherezo ry'ibihe, Satani akorana umuhati udacogora. Atega imitego ye twe tutabona, kugira ngo abashe kwigarurira intekerezo zacu. Agerageza uko ashoboye kose kugira ngo ahanagure icyubahiro cy'Imana mu bugingo bw'umuntu. Bityo rero ni uruhare rwacu gufata icyemezo niba Satani ari we uzateguka imitima yacu n'intekerezo zacu, cyangwa niba tuzagira umwanya mu isi nshya, iyo Aburahamu yasezeraniwe.

Imbaraga z'Imana zifatanyije n'umuhati w'abantu, zagiye zitugeza ku ntsinzi y'agahebuzo. Mbese ntizanyurwa n'ibi? Ubutunzi bwose bwo mu ijuru twabuhereye muri Yesu Kristo. Imana ntiyashatse ko ingabo zishyize hamwe z'umubi zavuga ko yagombye gukora ibirenze ibyo yakoze. Imibumbe Imana yaremye, ndetse n'abamarayika mu ijuru bashobora guhamya ko nta cyo Imana yari gukora kirenze ibyo yakoze. Imana ifite isoko y'imbaraga kugeza n'ubu tutazi, kandi muri iyo soko niho izakora maze iduhe ibidukwiriye mu gihe tuzaba tubikennye. Nyamara umuhati wacu ugomba guhora womatanye n'umugambi w'Imana. Ubwenge bwacu, ubushobozi bwacu bwo gusobanukirwa n'imbaraga zose z'ubugingo bwacu

bigomba gukoreshwa. . . . Niduhagurukira kugoboka aho bikomeye, kandi tukambara intwari nk'abantu bategereje Umwami wabo; nidukora kugira ngo tubashe gutsinda inenge yose iri mu mico yacu, Imana izaduha umucyo, imbaraga n'ubufasha biruseho.¹

UKWIZERA N'INSHINGANO

Ntabwo ukwizera ari uko umuntu yiyumva cyangwa amarangamutima. Kwizera ni ipfundo rw'ibintu byiringirwa, ni igihamba cy'ibyo tutareba. Hariho imiterere y'iby'idini idafite ikindi iri cyo kirenze ubwikanyize. Bene iyo miterere yishimira ibinezeza by'isi. Inyurwa no kwitegereza iby'idini ya Kristo, nyamara ntacyo bene iyo dini izi ku mbaraga ikiza iboneka mu idini ya Kristo. Abantu bafite iyo miterere y'iby'idini bafata icyaha mu buryo bworoheje ntibagihe agaciro bitewe n'uko batazi Yesu. Nubwo bameze batyo, n'inshingano bafite bayifata mu buryo bworoheje. Nyamara gusohozza inshingano mu buryo bukiranutse bijyana no guha agaciro imico y'Imana mu buryo butunganye.



¹ *The Youth's Instructor*, January 4, 1900. [Umwigisha w'Abasore]

UKO UMUNTU YABA UMUNYAMBARAGA

Kristo yatanze ibintu byose bikenewe kugira ngo tube abanyambaraga. Yaduhaye Umwuka we Wera ufite umurimo wo kutwibutsa amasezerano yose Kristo yatanze kugira ngo tubashe kugira amahoro no kumva neza ko tubabariwe. Nidukomeza guhanga Umukiza amaso, kandi tukiringira imbaraga ze, tuzasabwa no kumva dufite umutekano; kuko gukiranuka kwa Kristo kuzaba ukwacu . . .

Iyo tuvuga ku bushobozi bwacu buke tuba dusuzuguzwa Kristo. Aho kwihanga amaso, nimutyo duhore duhanze Yesu amaso, turushaho kugenda dusa na we buri muni, aho ari nako turushaho tubashishwa kuvuga ibye, kandi turushaho kuba twiteguye kwakira ineza ye n'ubufasha bwe, ndetse twakire n'umugisha aduha. Nitubaho dutyo dusabana nawe, tuzarushaho gukomerera mu mbaraga ze, kandi turushaho kubera abafasha n'umugisha abatuzengurutse. Nidukora nk'uko Umwami wacu yifuza ko dukora, imitima yacu izahinduka nk'inanga zera, kandi buri murya wayo wose uzumvikanisha amajwi yo gusingiza no gushimira Umucunguzi woherejwe n'Imana ngo aze gukuraho ibyaha by'abo mu isi . . .

ITEGEREZE UBWIZA BWE

Igihe ibigerageze bikwibasiye, nk'uko ari ko bigenda byanze bikunze, igihe ubwoba no guhagarika umutima bikugose, iyo uri mu makuba kandi wacitse intege, uri hafi rwose yo kwiheba, tumbira mu kwizera, maze urebe ha handi waherutse kubona umucyo. Bityo umwijima wari ukugose uzatamururwa no kurabagirana gukomereye k'ubwiza bwa Yesu. Igihe icyaha kiri kurwana inkundura ngo kiganze mu bugingo bwawe, kandi kikaba umutwaro uremereye umutimanama wawe, n'icyo kutizera kubudikiye ubwenge bwawe, sanga Umukiza. Ubuntu bwe burahagije ngo buganze icyaha. Azatubabarira, atume twishimira mu Mana . . .

Nimutyo twe kuzongera kuvuga ku bushobozi bwacu buke no kutagira imbaraga. Nimutyo twibagirwe ibiri inyuma maze dutere intambwe tujya mbere twerekera mu ijuru. Nimutyo twe kugira amahirwe twirengagiza azatuma turushaho kuba ingirakamaro mu murimo w'Imana igihe azaba

akoreshejwe neza. Icyo gihe ubutungane buzasakara mu bugingo bwacu nk'indodo z'izahabu, kandi abamarayika bazaba bitegereza kwitanga kwacu, bazasubiramo iri sezerano ngo: "Nzatubya abantu babe ingume kurusha izahabu nziza, ndetse umuntu azaba ingume arushe izahabu nziza ya Ofiri." (Yesaya 13:12). Iyo abantu b'abanyanteye nke kandi b'abanyamafuti biyeguriye Yesu ngo babeho nk'uko ashaka, ijuru ryose ririshima."

IBYISHIMO BIBONERWA MU KWIHANA

Ibyangombwa bijyana n'agakiza k'umuntu byategetswe n'Imana. Kwicisha bugufi no kwikorera umusaraba ni byo bisabwa umunyabyaha wihana kugira ngo abone umutuzo n'amahoro. Igitekerezo cy'uko Yesu yemeye gukorwa n'isoni no kwitangaho igitambo umuntu atazigera ahamagarirwa kwihanganira, gikwiriye gucecekesha ijwi ryose rwo kwivovota. Ibyishimo bihebuje ibindi bigera ku muntu binyuze mu kwihana imbere y'Imana kwe abikuye ku mutima bitewe n'uko yishe amategeko y'Imana, kandi binatwe n'uko yizeye Yesu Kristo Umucunguzi n'Umuvugizi w'abanyabyaha."¹



¹ *Review and Herald*, October 1, 1908. [Urwibutso n'Integuza]

IMIBEREHO INESHA

Amahoro azanwa no kwishingikiriza ku mbaraga z'ijuru. Uko umuntu yihutira gufata icyemezo cyo gukora akurikije umucyo yahawe, ni ko Umwuka Wera amwongera umucyo n'imbaraga biruseho. Ubuntu bw'Umwuka Wera butangirwa kugira ngo bukorane n'icyemezo umuntu yafashe, ariko ubwo buntu ntibusimbura ko umuntu agomba gushyira ibyo yizera mu bikorwa. Kugera ku ntego mu mibereho ya Gikristo bishingiye ku kwakira umucyo Imana yatanze maze umuntu akawugira uwe. Ntabwo ubwinshi bw'umucyo n'ibihamya ari byo bituma umuntu agira umudendezi muri Kristo; ahubwo ni uguhembuka kw'ubushobozi, ubushake n'imbaraga by'umuntu maze agataka cyane abikuye ku mutima agira ati: "Databuja, ndizeye; nkiza kutizera."

Nshimishwa n'ibyiza birabagirana by'ahazaza, kandi namwe ni byo mbifuriza. Nimunezerwe kandi musingize Uhoraho kubwo kugiraneza kwe. Ibyo mudashobora gusobanukirwa mubimuragize. Arabakunda, kandi ababarira intege nke zanyu zose. Imana "yaduhereye muri Kristo imigisha yose y'umwuka yo mu ijuru." Ntibyanyura umutima w'Imana guha abakunda Umwana wayo imigisha mike ugereranyije n'iyi iha Umwana wayo.

Satani ashaka guteshura intekerezo zacu ku Mufasha w'umunyambaraga maze akatujyana mu guhora dutekereza ku kuntu ubugingo bwacu bwasingiye. Ariko nubwo Yesu abona icyaha cyakozwe kera, atanga imbabazi; kandi ntidukwiriye kumusuzugura dushidikanya urukundo rwe. Kumva dufite igishinje cy'icyaha bigomba gushyirwa muni y'umusaraba, nibitaba bityo bizahumanya amasoko y'ubugingo. Satani nakohereza ibikangisho bye, uzabitere umugongo maze ukomereshe umutima wawe amasezerano Imana yatanze. Igicu kikugose ubwacyo gishobora kuba cyijimye, ariko iyo cyuzuye umucyo uva mu ijuru, kirabagirana nk'izahabu; kuko ubwiza bw'Imana bukiraho.

Abana n'Imana ntibakwiriye kuba imbata z'amarangamutima. Iyo bahindagurika bava mu byiringiro bakagira ubwoba, umutima wa Kristo urababara kubera ko yabahaye igihamya kidashidikanywaho cy'urukundo rwe. . . Ashaka ko bakora umurimo yabahaye; bityo imitima yabo

izahinduka nk'inanga zera ziri mu biganza bye, kandi umurya wazo wose uzasohora amajwi yo gusingiza no gushima uwoherejwe n'Imaan ngo aze gukuraho ibyaha by'abari mu isi.

Urukundo Kristo akunda abana be ni urukundo rwuje ineza kandi rukomeye. Ndetse urwo rukundo rukomeye kuruta urupfu kubera ko yapfuye kugira ngo adukize no kugira ngo atugire umwe na We by'iteka ryose. Ibi birenze imyumvire ya muntu. Urukundo rwe rurakomeye cyane ku buryo rugenga ububasha bwe bwose, kandi rukoresha amasoko yagutse yo mu ijuru mu kugirira ubwoko bwe neza. Urukundo rwe ntiruhindagurika cyangwa ngo rugire igicucu cyo guhinduka, uko rwari ruri ejo hashize ni ko ruri n'uyu munsu kandi ni ko ruzahora n'iteka ryose. Nubwo icyaha kimaze imyaka myinshi kiriho kandi kigerageza kurwanya uru rukundo no kurukumira ngo rutagera ku isi, uru rukundo ruracyacuncumurwa ku bo Kristo yapfiriye rumeze nk'imigezi y'amazi menshi.”¹

IMBARAGA ITEGEKA IZINDI

Mwibuke ko mu bugingo bwanyu, iyobokamana atari imwe mu mbaraga zigomba kuganza; ahubwo rigomba kuba imbaraga itegeka izindi zose.²



¹ *Testimonies to Ministers*, pp.518,519. [Ibihamya ku Bagabura].

² *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, p.489. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]

UKWIZERA KUZIMA

Abantu benshi bashaka ubutungane bwo mu mutima bataryarya kandi bagashaka n'ukwera k'ubugingo basa n'abahagaritse umutima kandi bacitse intege. Bahora birebaho, kandi bakaganyishwa n'uko babuze kwizera. Kandi bitewe n'uko badafite kwizera, bumva badashobora gusaba guhabwa umugisha w'Imana. Bene aba bantu bitiranya ukwizera n'uko biyumva. Barenza amaso yabo ntibabone uko kwizera nyakuri koroheje, bityo bakizanya umwijima w'icuraburindi ku bugingo bwabo. Bakwiriye guhindura kwerekeza intekerezo zabo kuri bo ubwabo, ahubwo bakazerekeza ku mbabazi no ku kugira neza kw'Imana kandi bakiyibutsa amasezerano yayo, bityo bakizera ko Imana izasohozza ibyo yavuze.

Ntabwo tugomba kwiringira ukwizera kwacu, ahubwo tugomba kwiringira amasezerano y'Imana. Iyo twihannye uko twishe amategeko y'Imana mu gihe cyashize, maze tukiyemeza kuyumvira mu gihe kiri imbere yacu, tuba dukwiriye kwizera ko kubwa Kristo Imana itwemera ikatwakira, ndetse ikatubabarira ibyaha byacu.

Rimwe na rimwe umwijima no gucika intege bizaza mu bugingo bwacu, kandi bitwibasire bishaka kudutsinda; ariko ntidukwiriye kureka ibyiringiro byacu. Tugomba gukomeza guhanga amaso Yesu, twaba hari uko twiyumva cyangwa ntako twiyumva. Dukwiriye gushaka uko dusohozza inshingano yose tuzi dukiranutse, kandi nyuma yaho tugashikama mu masezerano y'Imana dutuje.

NTUKISHINGIKIRIZE KU KUNTU WIYUMVA

Incuro nyinshi kwiyumva ko tudakwiriye ndetse nta gaciro dufite bizatera ubwoba ubugingo bwacu; ariko ibi si igihamba cy'uko kuri twe Imana yaba yarahindutse, cyangwa natwe tube twarahindutse kuri yo. Nta muhati ukwiriye gukoreshwa kugira ngo intekerezo zizirikwe ku marangamutima. Uyu muni dushobora kutumva dufite amahoro n'ibyishimo nk'ibyo twumvaga dufite ejo hashize; ariko kubwo kwizera dushobora gufata ikiganza cya Kristo, kandi tukamwiringira twaba turi mu mwijiima w'icuraburindi cyangwa mu mucyo w'itangaza.

Satani ashobora kukongorera ati: "Uri umunyabyaha ruharwa ku buryo Kristo atagukiza." Nubwo usobanukiwe ko uri umunyacyaha rwose kandi ko udakwiriye, ushobora kubwira umushukanyi mu ijwi riranga uti: "Kubw'igitambo natangiye, mpamya ko Kristo ari Umukiza wanjye. Ntabwo niringiye ibyo jye ubwanjye nakoze, ahubwo niringiye amaraso y'igicro cyinshi ya Yesu kuko ari yo anyeza. Ubu ubugingo bwanjye bw'impezamajyo mbushyize muri Kristo." Ubuzima bwa Gikristo bugomba kuba ubuzima burangwa n'ukwizera guhoraho kandi kuzima. Ukwiringira kutadohoka no kwishingikiriza kuri Kristo nta gukebakaba bizazanira ubugingo amahoro n'ibyiringiro.

NTUGACIKE INTEGE

Ntugacike intege bitewe n'uko umutima wawe umeze nk'aho unangiye. Inzitizi yose ndetse n'umwanzi wese ukwibasira mu mutima nta kindi bikora uretse kukongerera gukenere Kristo. Kristo yaje gukuraho umutima ukomeye nk'ibuye maze akaguhira umutima woroshye. Muhange amaso kugira ngo aguhe imbaraga zidasanzwe zo gutsinda amafuti yawe adasanzwe. Igihe usakijwe n'ibigeragezo, rwanya ibyongorero bibi, maze ubwire umutima wawe uti: "Nabasha nte gusuzugura Umucunguzi wanjye? Namaze kwiyegegurira Kristo; ntabwo nshobora gukora imirimo ya Satani." Takira Umukiza ugukunda kugira ngo agufashe gutsemaba ikigirwamana cyose no gukuraho icyaha cyose kikwizingiraho. Reka amaso yo kwizera arebe Yesu ahagaze imbere y'intebe y'ubwami ya Data wa twese, aho Yesu agusabira yerekana ibiganza birimo inkovu. Izere ko uhabwa imbaraga binyuze mu Mukiza wawe uhebuje.

GUTUMBIRA KRISTO

Kubwo kwizera tumbira amakamba azambikwa abazanesha. Tega amatwi indirimbo y'agahebuze y'abacunguwe baririmba bavuga bati: "Ukwiriye icyubahiro no guhimbazwa ni Umwana w'intama watambwe kandi waducunguye ngo tube ab'Imana!" Shishikarira kubona ko izo ndirimbo n'ayo makamba ari iby'ukuri. Sitefano, ari we Mukristo wa mbere wishwe ahowe kwizera kwe, ubwo yari mu rugamba rukomeye ahanganye n'ibinyabutware n'abanyabushobozi n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru, yaratatse ati: "Dore, mbonye ijuru rikingutse, n'Umwana w'umuntu ahagaze iburyo bw'Imana." Yahishuriwe Umukiza w'isi maze amubona ari mu ijuru areba ku isi amwitegereza amwitayeho cyane; bityo umucyo urabagirana wo mu maso ha Kristo umurika kuri Sitefano ufite kurabagirana ku buryo n'abanzi be ubwabo babonye mu maso he harabagirana nk'ah'umumarayika.

Iyaba twemereraga intekerezo zacu kurushaho gutekereza kuri Kristo ndetse n'ijuru, twagira imbaraga ikomeye idusunika ndetse n'inkunga bidufasha mu kurwana urugamba rw'Umwami. Uko tuzatumbira ubwiza burabagirana bw'iriya si irushaho kuba nziza tugiye kuzaturamo bidatinze, ukwibona no gukunda isi bizatakaza imbaraga zabyo. Tugereranyije

n'igikundiro cya Kristo, ibitushyira byose byo kuri iyi si bizasigara ari iby'agaciro gake.

GUHINDURA IBYO INTEKEREZO ZAMENYEREYE

Nimutyo he kugira umuntu n'umwe utekereza ko ashobora kugira ibyiringiro by'urukundo rw'Imana adakoresha umuhati udatezuka. Igihe intekerezo zagiye zemererwa gutinda ku by'isi gusa igihe kirekire, usanga guhindura ibyo zamenyereye bikomera cyane. Ibyo amaso abona kenshi n'ibyo amatwi yumva kenshi ni byo bidutwara kandi akaba ari byo twerekezaho umutima.

Ariko niba tuzinjira mu murwa w'Imana, kandi tukareba Yesu mu bwiza, tugomba kwimenyereza kumutumbira tumuhanze amaso yo kwizera tukiri hano ku isi. Amagambo n'imico bya Kristo bikwiriye kenshi na kenshi guhora mu bitekerezo byacu no mu biganirwa byacu; kandi rimwe na rimwe umunsi wose ukwiriye by'umwihariko kwegurirwa gusenga dutekereza kuri izo nsanganyamatsiko zera.

KWEZWA NI UMURIMO WA BURI MUNSI

Kwezwa ni umurimo wa buri muni. Ntihakagire abishuka bizera ko Imana izabababarira kandi ikabaha umugisha mu gihe bica rimwe mu mategeko yayo. Gukora icyaha kimwe kizwi kandi kigambiriwe bicecekesha ijwi rihamya ry'Umwuka Wera kandi bigatandukanya umuntu n'Imana. Uko umuntu yakumva yaratwawe kose mu by'idini, ntabwo Yesu ashobora gutura mu mutima usuzugura amategeko y'Imana. Imana izubahisha abayubaha bonyine.

"Ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumwumvira, muri imbata z'uwo mwumvira uwo." (Abaroma 6:16). Iyo duhaye intebe umujinya, kurarikira, kwifuza, urwango, kwikanyiza cyangwa ikindi cyaha icyo ari cyo cyose, duhinduka imbata z'icyaha. "Ntawe ucyeye abami babiri." Iyo turi imbata z'icyaha ntidushobora gukorera Kristo. Umukristo azumva imbaraga zimukururira mu cyaha, kuko umubiri wifuza ibyo Umwuka yanga; ariko Umwuka uhanganye n'umubiri kandi uhora ku rugamba rudacogora. Aha ni ho tuba dukeneye gufashwa na Kristo. Intege nke za muntu ziyunga n'imbaraga z'Imana, maze ukwizera kugatera umuntu kuvuga ati: "Ariko Imana ishimwe iduha kunesha ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo." (1Abakorinto 15:57).

Niba dushaka gukuza imico Imana ishobora kwemera, tugomba kugira ingeso zitunganye mu mibereho yacu y'iby'idini. Gusenga buri muni ni ingenzi kugira ngo dukurire mu buntu, ndetse no ku mibereho y'iby'umwuka ubwayo. Gusenga buri muni ni ingenzi nk'uko dukenera ibyokurya kugira ngo tumerere neza mu mubiri. Dukwiriye kwimenyereza guhora twerekeza ibitekerezo byacu ku Mana mu isengesho. Niba intekerezo

zikomwa hirya no hino, tugomba kuzigarura. Kubw'umuhati udacogora, amaherezo akamenyero kazatuma kugarura intekerezo byoroha. Ntabwo dushobora gutandukana na Kristo n'akanya na gato ngo tube amahoro. Kristo ashobora kuba iruhande rwacu akadufasha mu ntambwe yose dutera, ariko ibyo bishoboka gusa kubwo kubahiriza ibyangombwa Kristo ubwe yashyizeho.

IYOBOKAMANA RIGIRE UMURIMO W'INGENZI

Iyobokamana bigomba kugirwa umurimo w'ingenzi mu buzima. Ibindi bintu byose bigomba kuza bikurikiye iki. Imbaraga zacu zose z'ubugingo, umubiri n'umwuka zigomba gukoreshwa mu rugamba rwa Gikristo. Tugomba guhanga amaso Kristo kugira ngo aduhe imbaraga n'ubuntu, kandi tuzagera ku ntsinzi rwose kuko Kristo yadupfiriye...

Tugomba kwegera umusaraba wa Kristo. Kwihanira muni y'umusaraba ni ryo somo rya mbere ritanga amahoro tugomba kwiga. Ni nde wasobanukirwa urukundo rwa Kristo? Ni urukundo rwuje ineza no kwiyanga bitagerwa birenze urukundo umubyeyi akunda umwana we! Niba tuzi agaciro k'ubugingo bw'umuntu, tugomba kureba ku musaraba dufite ukwizera kuzima, bityo tugatangira kwiga isomo rizaba inyigisho n'indirimo by'abacunguwe mu bihe bidashira. Agaciro k'igihe cyacu n'impano zacu gashobora kugenwa hashingiwe gusa ku gukomera kw'incungu yatanze kugira ngo ducungurwe. Mbega uburyo tuba indashima ku Mana igihe tuyambura ibyayo kubwo kuyima urukundo rwacu kandi tukanga no kuyikorera! Mbese biradukomereye cyane kwiha uwatanze byose kubwacu? Mbese twahitamo gukunda isi tukayirutisha icyubahiro cyo kudapfa icyo Kristo atanga agira ati: "Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye"?

KWEZWA NI IMIBEREHO IKOMEZA

Kwezwa ni umurimo ukomeza. Intambwe zikurikirana dutera zashyizwe imbere yacu mu magambo y'intumwa Petero agira ati: "Ibyo abe ari byo bituma mugira umwete wose, kwizera mukongereho ingeso nziza, ingeso nziza muzongereho kumenya, kumenya mukongereho kwirinda, kwirinda mukongereho kwihangana, kwihangana mukongereho kubaha Imana, kubaha Imana mukongereho gukunda bene Data, gukunda bene Data mukongereho urukundo. Kuko ibyo nibiba muri mwe bikabagwiriramo, bizatuma mutaba abanyabute cyangwa ingumba ku byo kumenya neza Umwami wacu Yesu Kristo." "Ni cyo gituma bene Data, mukwiriye kurushaho kugira umwete wo gukomeza guhamagarwa no gutoranywa kwanyu, kuko nimukora ibyo ntabwo muzasitara na hato, ahubwo bizabaha rwose kwinjira mu bwami butazahanguka bwa Yesu Kristo, ari we Mwami n'Umukiza wacu." 2Petero 1:5-8; 10,11.

Aha hari inzira dushobora kunyuramo tukamenya tudashidikanya ko tutazigera tugwa. Abantu bakora batyo muri gahunda yo kugenda bongererwa ubuntu bwa Kristo, bafite ibyiringiro by'uko Imana ifite umugambi wo kubongerera ibaha impano z'Umwuka wayo.

Petero abwira abamaze guhabwa ukwizera nk'uku kw'agaciro kenshi ati: "Ubuntu n'amahoro bigwire muri mwe kubwo kumenya Imana na Yesu Umwami wacu." Kubw'ubuntu bw'Imana, abantu bose bazabishaka bazazamuka ingazi zirabagirana bava ku isi bagana mu ijuru, kandi amaherezo, bazinjira mu marembo y'umurwa w'Imana baririmba indirimbo kandi bafite ibyishimo bitazashira."¹

AKAMARO K'IBIGERAGEZO

Ibigeragezo bibaho mu buzima ni ibikoresho Imana ikoresha kugira ngo ikure kudatungana no guhumana kose mu mico yacu. Uko ibigeragezo bituramvura, bigakwaza, bikabaza kandi bikanogereza, ni inzira ibabaza, kandi kunyuzwa muri urwo ruganda birakomeye. Ariko ibuye riva muri urwo ruganda riteguriwe gukwira mu mwanya waryo mu rusengero rwo mu ijuru. Nta gikoresho cy'imburamumaro Umwami wacu akorera bene uwo murimo witondewe. Amabuye ye y'agaciro ni yo yonyine atunganywa hakurikijwe urugero rw'ingoro ya cyami.²

IMBARAGA ZITURUKA AHIHEREREYE

Muri iki gihe abantu bajya ahiherereye h'Isumbabyose, bakajya mu gicucu cy'Ishoborabyose, bityo bakahamara igihe runaka maze umusaruro uvamo ukagaragarira mu bikorwa byiza bitagereranywa. Ariko nyuma y'igihe ukwizera kwabo kuracogora, maze kwa gusabana n'Imana kugahagarara bityo wa murimo bakoraga ukangirika. Nyamara ubuzima bwa Yesu bwari ubuzima burangwa no guhora yiringiye, bugakomezwa no guhorana umushyikirano uzira kidobya yari afitanye na Se, bityo umurimo yakoreraga ijuru n'isi ntiwigeze ugwabira cyangwa ngo ubemo guhuzagurika."³

¹ *Review and Herald*, Nov. 15, 1887. [Urwibutso n'Integuza]

² *Thoughts from the Mount of Blessing*, pp.23, 24. [Abahirwa ni ba Nde]

³ *Uburezi* p.83.

KUNGA UBUMWE NA KRISTO

Ubumwe na Kristo bushingiye ku kubeshwaho no kwizera buraramba; ariko ubundi bumwe bwo bugomba guseniyuka. Kristo yabanje kudutoranya, yishyura igiciro kitagerwa kugira ngo aducungure; kandi umwizera nyakuri nawe agira Kristo nyambere muri byose. Ariko ubu bumwe hari icyo budusaba. Ni ubumwe bushingiye ku kwishingikiriza ku Mana burundu umuntu w'umwibone agomba kwinjiramo. Abantu bose binjira muri ubu bumwe bagomba kumva ko bakeneye amaraso yeza ya Kristo. Bagomba guhinduka mu mutima. Bagomba kwegurira ubushake bwabo mu bushake bw'Imana. Hazabaho urugamba kubwo guhangana n'imbogamizi z'imbere n'iz'inyuma. Hagomba kubaho umurimo ubabaza wo kwitandukanya [n'isi] kimwe n'uwo komatana [na Kristo]. Ubwibone, kwikanyiza, kwifuza no kwifatanya n'isi n'ibyaha by'uburyo bwose bigomba kuneshwa niba dushaka kunga ubumwe na Kristo. Impamvu ituma abantu benshi babona ko imibereho ya Gikristo igoye cyane, impamvu abantu ari ba nyamujya irya n'ino kandi bagahindagurika, biterwa n'uko bo ubwabo bagerageza kwifatanya na Kristo batabanje kwitandukanya n'ibigirwamana bakundwakaza.

Iyo ubumwe na Kristo bumaze kubaho, bushobora kurindwa kubw'umuhati wo gusenga umuntu akomeje kandi adacogora. Tugomba kurwanya kamere, tukayangira gukora ibyayo kandi tukayitsinda. Kubw'ubuntu bwa Kristo n'ubutwari no kwizera, no kuba maso, dushobora kugera ku ntsinzi.”¹

¹ *Testimonies for the Church*, Vol.5, p.231. [Ibihamya by'Itorero]

1. The first part of the document discusses the importance of maintaining accurate records of all transactions and activities. It emphasizes the need for transparency and accountability in financial reporting.

2. The second part of the document outlines the various methods and techniques used to collect and analyze data. It includes a detailed description of the experimental procedures and the statistical analysis performed on the results.

3. The third part of the document presents the findings of the study and discusses their implications. It highlights the key results and provides a comprehensive summary of the conclusions drawn from the research.



4

KUGENDERA MU MUCYO

“Umukiza ahengekeye umusaya abo yaguze amaraso ye, kandi avugana ineza n’imbabazi bitagerwa agira ati: “Mbese uremera gukizwa?” Arakubwira ati, ‘Haguruka ugire amagara mazima n’amahoro.’ Ntutegereze kwiyumvamo ko ukijijwe. Izere Ijambo rya Kristo. Kubwo kumukorera no gukurikiza ijambo rye, uzakubwa imbaraga. Ibibi waba warakoze uko byaba biri kose, icyaba cyarakubase cyose kubwo gusayisha igihe kirekire maze kikaboha ubugingo n’umubiri, Kristo yifuza kukikubaturaho kandi arabishoboye. Azaha ubugingo umuntu wapfuye aguye mu bicumuro.” Azabohora imbohe iboshywe n’intege nke n’amakuba n’iminyururu y’icyaha.”¹

¹ Ministry of Healing,” pp.84,85. [Rengera Ubuzima]



GUKURIRA MU BUNTU

“Ahubwo mukurire mu buntu bw’Imana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n’Umukiza” 2Petero 3:18. Igihe abasore bakurira muri Yesu, ni amahirwe yabo gukurira mu buntu no kumenya mu by’umwuka. Dushobora kurushaho kumenya byinshi kuri Yesu binyuze mu gucukumbura Ibyanditswe Byera tubyitayeho, kandi tugakurikiza inzira z’ukuri no gukiranuka zihishurirwa muri byo. Abahora bakura mu buntu bazashikama mu kwizera, kandi batere intambwe bajya mbere.

GUKURA NI NGOMBWA KUGIRA NGO UMUNTU ASHIKAME

Mu mutima w’umusore wese wiyemeje kuba umwigishwa wa Yesu Kristo hazabamo icyifuzo kidacigira cyo gushaka kugera ku rugero rwa Gikristo ruhanitse, n’icyo kuba umukozi ukorana na Kristo. Nagambirira kuzaba mu mabare wa ba bandi bazahagarikwa imbere y’intebe y’Imana bazira ikizinga, azahora atera intambwe ajya mbere. Inzira imwe rukumbi yamubashisha gukomeza gushikama ni ugutera imbere buri muni mu mibereho y’iby’umwuka. Ukwizera kuzakura igihe kuzaba guhuye n’urugamba rwo gushidikanya n’imbogamizi maze kukabasha kubitsinda. Ukwezwa nyakuri kurakomeza. Niba ukurira mu buntu no kumenya Yesu Kristo, uzarushaho gukoresha neza amahirwe yose ubona yo kunguka ubwenge buruseho bw’ubugingo n’imico ya Kristo.

Uko uzarushaho kumenyana n’Umucunguzi wawe binyuze mu gutekereza ku buzima bwe buzira inenge n’urukundo rwe rutagira iherezo, ukwizera Yesu kwawe kuzakura. Nta cyaruta gusuzuguzwa Imana kirenze kwatura ko uri umuyoboze wayo nyamara uyigendera kure, ndetse ukaba utabeshejweho na Mwuka wayo Wera. Igihe uzaba ukurira mu buntu, uzakunda kwitabira amateraniro y’iby’umwuka, kandi uzatanga ubuhamya bw’urukundo rwa Kristo imbere y’iteraniro wishimye. Kubw’ubuntu bwayo, Imana ishobora gutuma umusore yitonda kandi akigengesera, ndetse ishobora guha abana kumenya n’ubunariribonye. Bashobora gukurira mu buntu buri muni. Ntabwo amarangamutima yawe ari yo ukwiriye gupimisha ukwizera kwawe.

KWINIRA MU MUTIMA

Genzura umutima wawe witonze kandi ugenzure n'uko urukundo ukunda Imana ruhagaze. Wibaze uti: "Mbese ibihe by'agaciro nagize uyu munsu nabikoresheje mu gushaka kwishimisha ubwanjye, nishakira ibinezeza? Mbese naba nafashije abo mpura nabo bose kurushaho gusabana n'Imana no gukunda ibizahoraho? Mbese ukwizera kwanjye naba nakugaragarije mu muryango wanjye, kandi naba nagaragarije ubuntu bwa Kristo mu magambo yanjye n'imyifatire yanjye? Mbese kubwo kubaha kwanjye, naba nubashye ababyeyi banjye, bityo nkaba nubahirije itegeko rya gatanu? Mbese naba nujuje inshingano zanjye za buri munsu kandi zoroheje nshizeho umwete, kandi naba nazikoranye ubudahemuka, nkora ibyo nagombaga gukora kugira ngo noroshye imitwaro y'abandi? Mbese naba narinze iminwa yanjye ikibi n'ururimi rwanjye kuvuga ibinyoma? Mbese naba nubashye Kristo Umucunguzi wanjye watanze ubugingo bwe bw'agaciro kenshi kugira ngo mbashe kubona ubugingo buhoaraho?"

BA MASO KANDI USENGE

Ncuti musore, umunsu ugitangira ntukirengagize gusengana umwete usaba Yesu ngo aguhe imbaraga n'ubuntu bikubashisha gutsinda ibishuko by'umwanzi uko byaza bimeze kose. Kandi niba usengana umwete ufite ukwizera n'umutima umenetse, Uwiteka azumva isengesho ryawe. Ariko ugombakubamaso kandi ugasenga. Yesu yaravuze ati: "Musabe, muzahabwa; mushake, muzabona; mukomange ku rugi, muzakingurirwa. Kuko umuntu wese usaba ahabwa; ushatse abona; n'ukomanga arakingurirwa. Mbese muri mwe hari umutu umwana we yasaba umutsima, akamuha ibuye? Cyangwa yamusaba ifi, akamuha inzoka? Ko muri babi, kandi mukaba muzi guha abana banyu ibyiza, none So wo mu ijuru ntazarushaho guha ibyiza ababimusabye?" Matayo 7:7-11.

Abana n'abasore bashobora gusanga Yesu bakamushyira imitwaro yabo n'ibibahagarika umutima, kandi bakamenya ko azubahiriza ibyo bamusaba kandi akabaha rwose ibyo bashaka. Ntugacogore kandi umaramaze. Vuga amasezerano y'Imana, maze wizere udashidikanya. Ntugategereze kwiyumvamo amarangamutima adasanzwe mbere y'uko utekereza ko Uwiteka agusubiza. Ntugashyire imbere yawe uburyo bwihariye wibwira ko Uwiteka azakugenzereza mbere y'uko wizera ko uhawe ibyo wamusabye. Ahubwo wiringire ijamba rye, maze ibisigaye byose ubishyire mu biganza by'Uwiteka wizeye byuzuye ko amasengesho yawe azumvirwa, kandi igisubizo kizazira igihe ndetse no mu buryo So wo mu ijuru azabona ko byakuzanira ibyiza; kandi uzakomeza gusenga kugeza ku iherezo. Genda wicishije bugufi kandi ukomeze kujya mbere.

"Kuko Uwiteka Imana ari izuba n'ingabo ikingira; Uwiteka azatanga ubuntu n'icyubahiro." Zaburi 84:11.

“Mwubahe Uwiteka mwa bera be mwe, kuko abamwubaha batagira icyo bakena. Imigunzu y'intare ibasha gukena no gusozza, ariko abashaka Uwiteka ntibazagira icyiza bakena.” Zaburi 34:9,10.

“Ni nde ushaka ubugingo, agakunda kurama kugira ngo azabone ibyiza? Ujye ubuza ururimi rwawe rutavuga ikibi, n'iminwa yawe itavuga iby'uburiganya. Va mu byaha ujye ukora ibyiza, ujye ushaka amahoro uyakurikire, kugira ngo uyashyikire. Amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi, namatwi ye ari ku gutaka kwabo. Ni nde ushaka ubugingo, agakunda kurama kugira ngo azabone ibyiza? Ujye ubuza ururimi rwawe rutavuga ikibi, n'iminwa yawe itavuga iby'uburiganya. Va mu byaha ujye ukora ibyiza, ujye ushaka amahoro uyakurikire, kugira ngo uyashyikire. Amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi, namatwi ye ari ku gutaka kwabo.” Zaburi 34:13-18.

Aya ni amasezerano menshi kandi akungahaye, ariko agasohozwa hashingiye ko ureka ikibi ukiga gukora neza. Bityo hanga amaso iby'ijuru nk'uko Yosefu na Daniyeli na Mose babigenje, ndetse uzirikane icyo kubaka imico bisaba maze wubakire iby'iteka ryose. . . .

Turi abanyanteye nke kandi nta bwenge dufite, ariko Imana yaravuze iti: “Niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana, iha abantu bose itimana, itishama kandi azabuhabwa.” Yakobo 1:5. Icyo ugomba gukora gusa ni ukwiga kumaramaza, ntudohoke ngo urekure Imana, wihanganire mu murimo wayo, bityo uzaba umuneshi ku bw'amaraso y'Umwana w'Intama.

INZIRA Z'IMANA ZITAGIRA IMIPAKA

Mu gukora uyu murimo ubwawe, ugira ibyo uhindura ku bantu benshi uhura na bo. Mbega uburyo amagambo avuzwe mu gihe gikwiriye ari meza! Mbega ukuntu ijamba ritera ibyiringiro, ubutwari no kumasha mu nzira nziza rizaha imbaraga umuntu watwawe no kugendera mu mico mibi! Umugambi ushikamye ushobora kugira mu gishyira mu bikorwa amahame meza uzagira icyo uhindura mu kwerekeza imitima y'abantu mu nzira itunganye.

Icyiza ushobora gukora nta mupaka gifite. Nugira ijamba ry'Imana umugenga w'ubugingo bwawe, kandi ibikorwa byawe ukabiyoboza amahame y'iryo jambo, ndetse imigambi yawe yose n'umuhati wawe mu gusohozza inshingano yawe bikaba umugisha aho kuba umuvumo ku bandi, umuhati wawe uzagera ku ntsinzi. Wifatanyije n'Imana; kandi wahindutse umuyoboro w'umucyo ku bandi. Wahawe icyubahiro cyo guhinduka ukorana na Yesu; kandi nta cyubahiro kirenze icyo ushobora guhabwa kirenze umugisha uzaturuka mu kanwa k'Umukiza akavuga ati: “Nuko nuko, mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa Shobuja.” (Matayo 25:21).¹

¹ The Youth's Instructor, September 1, 1886. [Umwigisha w'Abasore]

KWITANGA

Umucunguzi ntazigera yemera kumukorera by'igice. Buri muni umukozi ukorera Imana agomba kwiga ubusobanuro bwo kwitanga. Agomba kwiga ijambo ry'Imana, akiga ubusobanuro bwaryo kandi akumvira amategeko aririmo. Uko ni ko ashobora kugera ku rugero rukwiriye rw'Ubukristo budahinyurwa. Imana ikorana na we buri muni, igatunganya imico igomba kuzahagarara ishikamye mu gihe cy'ikigeragezo giheruka. Kandi uko umuni ushira undi ukaza, umwizera agaragariza imbere y'abamarayika n'imbere y'abantu icyitegerezo gikomeye, akerekana icyo ubutumwa bwiza bushobora gukorera abantu bacumuye.”²



2 *Gospel Workers*, p.113. [Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza]

KUGERA IKIRENGE MU CY'AB'ISI

Abagendera mu nzira ifunganye bagenda bavuga iby'ibyishimo n'umunezero bazagira ku iherezo ry'urugendo rwabo. Akenshi baba bafite umubabaro ugaragara mu maso habo, nyamara kandi haba hagaragara imirasire y'ibyishimo byera kandi bizira inenge. Ntabwo bambara nk'itsinda ry'abari mu nzira ngari, cyangwa ngo bavuge nka bo, ndetse ngo bakore nka bo. Hari icyitegerezo bahawe. Umunyamibabaro wamenyereye intimba ni we wabaciriye iyo nzira kandi na we ubwe yayinyuzemo. Abayoboke be babona aho yashinze ikirenge maze bagahumurizwa kandi bagaterwa ubutwari. Iyo nzira yayinyuzemo amahoro, bityo nabo bashobora kuyinyuramo batyo nibagera ikirenge mu cye.

INZIRA NGARI

Mu nzira ngari abantu bose bihugiyeho, bahugiye ku myambaro yabo n'ibinezeza biri mu nzira. Basayisha uko bishakiye mu bwibone no kudamarara, kandi ntibatekereza ku iherezo ry'urugendo rwabo. Ntibatekereza ku kurimbuka kutazabura kubaho ku iherezo ry'inzira barimo. Buri munsu barushaho kwegera kurimbuka kwabo; nyamara ntibibabuzwa kugendana ingoga bihuta cyane. Mbega uburyo nabonye ibi bikantera ubwoba!

Nabonye abantu benshi banyuraga muri iyi nzira ngari ariko bari biyanditseho ngo, "Uwapfuye ku by'isi. Iherezo rya byose riri bugufi. Namwe nimwitegere." Basaga rwose n'abandi b'impe zamajyo bari babakikije, uretse igicucu cy'umubabaro nabonaga mu maso habo. Ibiganiro byabo byari kimwe n'ibya ba bandi badamaraye kandi batatekerezagaga bari babakikije; ariko rimwe na rimwe batungaga agatoki ku nyuguti zo ku myenda yabo banyuzwe rwose, bararikira abandi kugira bene izo nyuguti nabo ku myenda yabo. Bari bari mu nzira ngari, nyamara bavugaga ko babarizwa muri wa mubare w'abagendera mu nzira ifunganye. Abari babakikije bashoboraga kuvuga bati: "Ntabwo batandukanye natwe. Twese turi kimwe; twambara kimwe, tuvuga kimwe kandi dukora kimwe." . .

Neretswe ko kugera ikirenge mu cy'ab'isi byakorwaga na bamwe mu bavugaga ko bubahiriza Isabato. Yooo, nabonye ko ari igitutsi ku byo bavuga bizera, ndetse n'igitutsi ku murimo w'Imana. Babeshyera ibyo bahamya ko bizera. Batekereza ko batandukanye n'ab'isi, ariko mu myambarire, mu biganiro ndetse no mu bikorwa bajya gusa rwose n'ab'isi ku buryo nta tandukaniro riri hagati yabo. Nababonye barimbisha imibiri yabo ipfa, ishobora igihe icyo ari cyose gukorwaho n'urutoki rw'Imana, baze bakaryamishwa ku buriri bw'agahinda gasaze. Ubwo begerezaga uguhinduka kwabo kwa nyuma, agahinda n'ubwoba batewe n'urupfu byashegeshe impagarike yabo, maze barabaza bati, "Mbese niteguye gupfa? Niteguye guhagarara imbere y'Imana mu rubanza, no kunyura imbere y'ahagaragarizwa byose?"

Nubabaza uko bumva ibyo kurimbisha imibiri yabo, kandi niba hari icyo basobanukiwe cyerekeye icyo kwitegura guhagarara imbere y'Imana ari cyo, bazakubwira ko iyaba byashobokaga ko basubiza ubuzima inyuma bakongera kubaho imibereho banyuzemo mu gihe cyashize, ngo bakosora imibereho yabo, bakirinda ubupfapfa bw'isi, ubwirasi n'ubwibone bwayo bityo bakaba barimbisha umubiri imyambaro iciriritse, kandi bakabera urugero ababakikije bese. Babaho imibereho ihesha Imana ikuzo.

Kuki kurangwa n'imibereho yo kwiyinga no kwicisha bugufi bikomeye cyane? Ni uko abavugaga ko ari Abakristo batapfuye ku by'isi. Biroroshye kubaho ariko twaramaze gupfa. Nyamara benshi bararikiye amadegede n'ibitunguru byo muri Egiputa. Bafite umutima ubaganisha mu kwambara no gukora rwose nk'uko ab'isi bagenza, ariko kandi bakajya no mu ijuru. Uko kuzamuka kwerekeza ahandi hantu. Ntabwo binjira mu irembo rigororotse no mu nzira ifunganye. . . .

Bene abo nta rwitwazo na mba bazagira. Benshi bambara nk'uko ab'isi bambara kugira ngo bagire abo bahindura. Ariko aha ni ho bakorera ikosa ribabaje kandi rikomeye cyane. Niba bashoboraga kugira imbaraga ihindura nyakuri kandi ikiza, nimureke babeho nk'uko bizera, bagaragarishe ukwizera kwabo imirimo yabo yo gukiranuka, kandi batume hagati y'Umukristo n'isi haba itandukaniro rikomeye. Nabonye ko amagambo, imyambarire n'ibikorwa bikwiriye kuvugira Imana. Nibiba bityo, imbaraga yera ihindura izahabwa abantu bese, kandi abantu bese bazamenya ko abo bantu babanye na Yesu. Abatizera bazabona ko ukuri duhamya gufite imbaraga yera ihindura, kandi kwizera ko Kristo agiye kugaruka bigira icyo bihindura ku mico y'umugabo cyangwa umugore. Niba icyifuzo cyose cy'uko hari impinduka batera ku bandi gishyigikira ukuri, nimutyo icyo cyifuzo bakigaragaze, bityo bigane Kristo we cyitererezo cyacu wicishaga bugufi.

KWITEGURA KUGARUKA KWA YESU

Nabonye ko Imana yanga ubwibone, kandi ko abibone bese n'inkozi z'ibibi zose zizasigara ari nk'ibikenyeri, kandi umunsi ugiye kuza

uzabakongora bose. Nabonye ko ubutumwa bwa marayika wa gatatu bugomba gukora nk'umusemburo mu mitima ya benshi bavuga ko babwizera, maze bukirukana ubwibone bwabo, kwikanyiza, kurarikira no gukunda iby'isi.

Yesu araje, none se agiye gusanga ubwoko bwageze ikirenge mu cy'ab'isi? Kandi azabumenya abufate nk'ubwoko bwe yiyereje? Oya rwose. Abo azamenya ko ari abe nta bandi uretse abera n'abaziranenge. Abatunganijwe kandi bakerezwa mu mibabaro, ndetse bakaba baririnzwe ntibanduzwe n'iby'isi, abo ni bo azagira abe.

Ubwo nabonaga ibihamya biteye ubwoba ko ubwoko bw'Imana bwageraga ikirenge mu cy'ab'isi, nkabona ko uretse ku izina gusa nta tandukaniro riri hagati y'abatizera na benshi bavuga ko ari abayobohe ba Yesu w'umugwaneza kandi woroheje mu mutima, umutima wanjye wagize agahinda kenshi. Nabonye ko bakomeretsa Yesu kandi bamukoreza isoni ku mugaragaro. Ubwo umumarayika yabonaga abavugaga ko ari ubwoko bw'Imana ariko bagakunda iby'isi kandi bakagabana ku mwuka w'isi ndetse bagakurikiza imideri yayo yaravuze ati: "Nimusigeho! Nimusigeho! Nibitaba bityo Imana izabahera umugabane wanyu inyuma y'umurwa hamwe n'indyarya n'abatizera. Ibyo muvuga mwizera nta kindi bizabazanira uretse umubabaro ukomeye, kandi igihano cyanyu kizaba gikomeye cyane kubera ko mwari muzi ubushake bw'Imana ariko ntimubukurikize."

Akenshi abavuga ko bizera ubutumwa bwa marayika wa gatatu bangiriza umurimo w'Imana kubwo kuba abantu bakebakeba, abanyarwenya n'imburamumaro. Neretswe ko iki kibi kiboneka hose mu bantu bacu. Nabonye hakwiriye kubaho kwicishiriza bugufi imbere y'Uwiteka. Isirayeli y'Imana ikwiriye gushishimura imitima mu cyimbo cy'imyambaro. Kwicisha bugufi nk'uk'umwana muto kuboneka gake cyane; kwemerwa n'abantu ni byo bitekerezwaho cyane kuruta uko batekereza ku bitanzeza Imana.

Uumumarayika yaravuze ati: "Mutunganye imitima yanyu, nibitaba bityo Uwiteka azabagenderera mu rubanza maze akadodo koroshye gafashe ubuzima gacibwe, bityo muryamishwe mu gituro nta bwihisho mufite kandi mutiteguye urubanza. Kandi n'iyi mutapfa ngo muryamishwe mu gituro, nimudashaka uko mugirana amahoro n'Imana bidatinze ngo mwitandukanye n'isi, imitima yanyu izarushaho kwinangira, kandi muzishingikiriza ku rufatiro rupfuye n'umwiteguro udahamye, bityo muzatahura ikosa ryanyu amazi yararenze inkombe mutakibasha kugira ibyiringiro bitanyeganyezwa."¹

BIZUNGURA IKI?

Kristo ararikira buri wese kugira icyo azirikana. Itekerezeho neza. Ku ruhande rumwe rw'umwunzani hashyire Yesu ari byo bivuze ubutunzi

¹ *The Testimonies for the Church, Vol. I, pp. 127-134. [Ibihamya by'itorero]*

buzahoraho iteka, ubugingo, ukuri, ijuru, n'ibyishimo bya Kristo mu bugingo bw'abacunguwe. Ku rundi ruhande rw'umunzani hashyire ibikurura kandi birangaza byose isi ishobora gutanga. Ku ruhande rumwe hashyire gutakaza ubugingo bwawe n'ubugingo bw'abo wagombye kuba warabaye igikoresho kugira ngo bakizwe; naho ku rundi uhashyire ubugingo bunganya uburemere n'ubugingo bw'Imana. Pima ureba iby'igihe gito n'iby'iteka ryose. Igihe uriho ukora ibyo, Kristo aravuga ati: "Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa ubugingo bwe?" Mariko 8:36.

Imana itwifuriza ko duhitamo iby'ijuru mu cyimbo cy'iby'isi. Imbere yacu ihashyira amahirwe y'uko twagira ibyo dukora turangamiye inyungu z'ijuru. Ni yo izakomeza amaboko yacu y'amanyanzege nke, kandi izaha umutekano aho duhisemo kubika ubutunzi bwacu. Imana iravuga iti: "Nzatubya abantu babe ingume kurusha izahabu nziza, ndetse umuntu azaba ingume arushe izahabu nziza ya Ofiri." Yesaya 13:12. Igihe ubutunzi ingese n'inyenzi zirya butsembweho, abayoboke ba Kristo bashobora kwishimira ubutunzi bwabo bwo mu ijuru, ari bwo butunzi butangirika."²



² Christ's Object Lessons, p.374. [Imigani ya Kristo]

IMIBEREHO YA GIKRISTO NYAKURI

Nabonye ko mu basore nihatabaho guhinduka burundu ari ko guhinduka kutagira icyo gusiga, bashobora kuzabura ijuru. Mpereye ku byo neretswe, mu basore bavuga ko bemera Imana n'ukuri, harimo abadasaga kimwe cya kabiri bahindutse by'ukuri. Iyaba bari barahindutse, bakwera imbuto kubw'icyubahiro cy'Imana. Benshi bishingikirije ku byiringiro bidafashije, nta rufatiro nyakuri bafite. Isoko yabo ntiyejejwe, bityo utugezi tuva muri yo natwo ntitwera. Nimweze isoko bityo n'utugezi tuyivamo tuzera.

Niba umutima utunganyē, amagambo yanyu, imyambarire yanyu n'ibikorwa byanyu byose bizatungana. Kubaha Imana nyakuri kugenda kubura. Ntabwo nasuzuguzwa Umwami wanyu nemeza ko Umukristo ari we muntu utagira icyo yitaho, uvuga amagambo y'imburamumaro kandi udasenga. Oya; Umukristo atsinda ibitero agabwaho n'ibyifuzo bye bibi. Hari umuti ku bugingo bwamunzwe n'icyaha. Uwo muti uri muri Yesu, Umukiza mwiza! Ubuntu bwe burahagije ku munyantege nke hanyuma y'abandi; kandi umunyambaraga na we agomba guhabwa ubuntu bwe atabuhabwa akarimbuka.

UBUNTU BUKIZA

Nabonye uko umuntu ashobora guhabwa ubu buntu. Jya ahiherereye mu cyumba cyawe, maze uri aho wenyine winginge Imana uti: "Mana, undememo umutima wera: unsubstizemo umutima ukomeye." Sengana umwete kandi ntugire icyo usiga. Gusengana umwete bitsinda byinshi. Kora nka Yakobo maze ukirane mu isengesho. Shengurwa n'umubabaro. Mu gashyamba Yesu yavuye ibyuya by'amaraso; nawe ugomba gushyiraho umwete. Ntukigere uva mu cyumba cyawe utarumva ko ukomeye mu Mana. Bityo, ba maso, kandi uko uba maso ukanasenga ushobora gutsinda ibitero ugabwaho, kandi ubuntu bw'Imana buzagaragarira muri wowe.

Ntibikabehe ko nareka kubaburira. Ncuti basore, nimushake Uwiteka n'umutima wanyu wose. Nimuze n'ingoga, kandi igihe muzumva rwose ko hatabayeho gufashwa n'Imana mwazarimbuka, igihe mwahagizwa no gushaka Uwiteka nk'uko imparakazi yahagizwa no gushaka isoko y'amazi, ubwo ni bwo Uwiteka azabaha imbaraga bidatinze. Ubwo ni bwo amahoro

yanyu azarenga ayo umuntu yamenya. Niba mwiteze guhabwa agakiza, mugomba gusenga. Nimufate igihe. Mu masengesho yanyu ntimugasenge hutihuti kandi mudafite ibyo mwayeyeho. Musabe Imana gukora ivugurura ryimbitse muri mwe kugira ngo imbuto z'Umwuka zibashe kuba muri mwe, bityo muzarabagirana nk'umucyo mu isi. Ntimukabe imbogamizi cyangwa umuvumo ku murimo w'Imana. Mushobora kuba abafasha n'umugisha muri wo. Mbese Satani ababwira ko mudashobora kwishimira agakiza kuzuye kandi gatangirwa ubuntu? Ntimukemere ibyo ababwira.

INTAMBWE ZA MBERE

Kwishimira kugendererwa n'Umwuka w'Imana ni amahirwe ya buri mukristo wese. Amahoro anejeje kandi y'ijuru azaganza mu ntekerezo, bityo muzakunda gutekereza ku Mana n'ijuru. Muzahazwa n'amasezerano y'agahozo yo mu ijamba ry'Imana. Ariko mubanze kumenya ko mwatangiye urugendo rwa Gikristo. Mumenye ko intambwe za mbere mwateye ziri mu nzira igana ku bugingo buhoraho. Ntimugashukwe. Ni ukuri ngira ubwoba, nzi neza ko benshi muri mwe batazi icyo iyobokamana ari cyo. Mwiyumvisemo amarangamutima no gutwarwa, ariko ntimwigeze musobanukirwa icyaha mu buremere bwacyo. Ntabwo mwigaze mwumva imibereho yanyu itarakuweho ngo muve mu nzira zanyu mbi mufite umubabaro mwinshi. Ntabwo mwigaze mupfa ku by'isi. Muracyakunda ibinezeza byayo; mukunda kwitabira ibiganiro bivuga ku by'isi. Ariko iyo ukuri kw'Imana gutangiye kuvugwa, usanga nta cyo mufite mwavugaga. Kuki muceceka mutyo! Kuki muba mufite byinshi muvuga ku by'isi, maze mwagera ku ngingo yagombye kubashishikaza ndetse igatwara umutima wanyu wose, akaba ariho muceceka? Ukuri kw'Imana ntikuba muri mwe."¹

GUFUNGURIRA INZIRA UMUGISHA W'IMANA

Nta kintu na kimwe Satani atinya cyane nko kubona ubwoko bw'Imana butunganya inzira, bugakuraho inzitizi zose kugira ngo Uwituka abashe gusuka Umwuka we ku itorero ryenda kwicwa n'inyota no ku mbaga y'abarigize batihannye. Iyaba Satani yari abishoboye, ntiyakwemera ko habaho ukundi gukanguka, kwaba ugukomeye cyangwa ukoroheje kugeza ku mperuka y'ibihe. Ariko ntabwo tuyobewe imitego ye. Gutsinda imbaraga ze birashoboka. Umwuka w'Imana natunganyirizwa inzira, imigisha izaza nta kabuza. Satani ntashobora kongera kuba inzitizi ku migisha y'Imana imanuka iza ku bana bayo kimwe nuko adashobora gukinga amadirishya y'ijuru kugira ngo imvura itagwa ku isi. Igihe ubwoko bw'Imana buzatura kandi bukareka ibyaha byabwo bufite imitima imenetse kandi yicishije bugufi, ndetse bugasaba gusohozwa amasezerano yayo bufite kwizera, abanyabibi n'abadayimoni ntibashobora kuzitira umurimo w'Imana, cyangwa ngo bahishe ubwiza bwayo ngo ubwoko bwayo bureke kuyireba.²

¹ *Testimonies for the Church, Vol. pp.158, 159. [Ibhamya by'Itorero]*

² *Review and Herald, March 22, 1887 [Urwibutso n'Integuza]*

KWITEGEKA

“Utihutira kurakara aruta intwari; kandi utegeka ururimi rwe aruta utsinda umudugudu.” (Imigani 16:32). Umuntu watsinze inarinjye, ashobora guhangana n’umwanzi gica.

Igihamya gihebuje ibindi cy’ubupfura bw’umukristo, ni ukwitegeka. Umuntu ushobora guhagarara atanyeganyezwa mu mugaru wo guhohoterwa aba umwe mu ntwari z’Imana.

Gutegeka umwuka ni ukugenga inarinjye ukayitegeka; ni ukurwanya ikibi; ni ukugera ijambo ryose n’igikorwa cyose ukoresheje urugero ngenderwaho rukomeye rwo gukiranuka kw’Imana. Umuntu wamenye gutegeka umwuka we azatsinda gusuzugurwa, kwamaganwa, no kubuzwa amahoro duhura nabyo buri muni, kandi ibyo byose bizarekeraho gutwikiriza umwijima umwuka we.

Ni umugambi w’Imana ko imbaraga za cyami zivuye ku ntekerezo zejeje kandi zitegekwa n’ubuntu bw’Imana zagagararira mu mibereho y’abantu. Umuntu utegeka umwuka we aba afite izi mbaraga.

IMBARAGA ZO KWITEGEKA

Imico ishimangirwa cyane mu bwana no mu busore. icyo gihe ni ho umuntu yagombye kwakira imbaraga zo kwitegeka. Ku mashyamba ndetse no mu muryango ni ho hatangirwa ibihindura umuntu, kandi ingaruka zabyo zikazaba iz’iteka ryose. Hirya y’impano zose karemano umuntu aba afite, imico yashinze imizi mu myaka y’ubuto ni yo izahamya niba umuntu azatsinda cyangwa agatsindwa mu rugamba rw’ubuzima.

Mu gukoresha ururimi, bishoboka ko nta kosa ryaba ririho abakuze n’abato babaye biteguye kutagira ijambo basohora aho gukoresha imvugo ikakaye kandi itarangwamo kwihangana. Batekereza ko byaba bihagije kuba wasaba imbabazi ugira uti: “Byari byandenze, ntabwo ibyo navuze ari byo nashakaga kuvuga mu by’ukuri.” Nyamara ibyo ijambo ry’Imana ntiribifata mu buryo bworoheje. Ibyanditswe Byera biravugaga bita: “Mbese wabonye umuntu uhuta amagambo? Bakwemera umupfapfa kumurutisha

uwo.” “Umuntu utitangira mu mutima, ameze nk’umudugudu usenyutse, utagira inkike.” Imigani 29:20; 25:28.

Ibintu bibuza amahoro mu buzima, ibishengura umutima n’ibibabaza, ibyinshi muri byo bikomoka ku kutamenya kwitegeka. Kubw’amagambo ahutiyeho mu kanya gato kandi arangwamo kutagira icyo witaho, hashobora kubaho ikibi kidashobora guhanagurwa no kwihana umuntu yagira mu gihe cyo kubaho kwe cyose. Mbega uburyo hari imitima yashengutse n’incuti zatandukanye ndetse n’ubuzima bwangiritse bitewe n’amagambo ahutiyeho kandi mabi yavuzwe n’abagombaga gufasha abandi kandi bakabakiza!

Rimwe na rimwe gukora birenze urugero bitera umuntu kunanirwa kwitegeka. Ariko Uwituka ntawe ahatira gukora ibihutiweho kandi bigoye. Abantu benshi biyikoreza imitwari Data wo mu ijuru wuje imbabazi atigeze abakorera. Inshingano atigeze akena ko bakora ni zo zituma bashihana. Imana yifuza ko dusobanukirwa ko tuba tudahesha izina ryayo icyubahiro igihe twikorera imitwari myinshi iturenze, maze tukaremererwa mu mitima no mu bwonko ndetse tukarakara. Tugomba gusohozza gusa inshingano Uwituka aduha, tukamwiringira, bityo imitima yacu igakomeza kuba iyera, ikeye kandi yuje ineza.

GUTEGEKA KAMERE

Mu guceceka harimo imbaraga itangaje. Igihe ubwiwe amagambo mabi, ntugasubize. Akenshi amagambo asubijwe umuntu arakaye amera nk’inkoni akubiswe maze akamutera kurushaho kuzabiranywa n’uburakari. Ariko iyo habayeho kwicecekera imbere y’umuntu urakaye, bwa burakari bushira vuba. Nimutyo Umukristo ategeke ururimi rwe, yiyemeze akomeje kutavuga amagambo ahubukiwe kandi atarimo kwihangana. Igihe ategutse ururimi rwe, ashobora kunesha mu kigeragezo cyose cyo kwihangana azahamagarirwa kunyuramo.

Mu mbaraga ze ubwe, umuntu ntashobora kwitegeka. Ariko kubwa Kristo, umuntu ashobora kugira imbaraga zo kwitegeka. Kubw’imbaraga za Kristo umuntu ashobora gutuma intekerezo ze n’amagambo ye byumvira ubushake bw’Imana. Idini ya Kristo ituma umutimanama utegeka amarangamutima n’ururimi. Kubw’imbaraga y’Ubukristo umwuka wo kurakara vuba uratsindwa bityo umutima ukuzuramo kwihangana no kugwa neza.


Shikama ubutanyeganyega kuri wa wundi ufite ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nubwo akenshi ujya unanirwa kugaragaza ukwihangana no gutuza, ntukave ku rugamba. Ubu ongera wiyemeze ukomeje kujya wihangana igihe cyose ushotowe. Kandi ntugakure amaso yawe kuri Yesu we cyitegerereze cyawe wahawe n’ijuru.”¹

¹ *Review and Herald*, October 31, 1907. [Urwibutso n’Integuza]

NTA RWITWAZO RWO GUKORA ICYAHA

“Ntabwo uburyo umushukanyi akoresha agerageza abantu bugomba kuba urwitwazo rw’ibibi umuntu akora. Satani anezezwa cyane no kumva abitwa abayoboke ba Kristo batanga inzitwazo zo kuba kamere yabo igoranye. Izo nzitwazo ni zo zijyana ku gukora icyaha. Nta rwitwazo rwo gukora icyaha. Buri mwana w’Imana wese uyizeye kandi wihannye ashobora kugerwaho n’imibereho izira inenge, isa n’iya Kristo.”²

² Uwifuzwa Ibihe Byose, p.207.



IMIBEREHO MIZIMA

Umwami w'ubugingo n'icyubahiro yiyambitse ubumuntu maze bufubika ubumana bwe kugira ngo yereke umuntu ko binyuze mu mpano ya Kristo Imana yari kwiyinga natwe. Hatabayeho komatana n'Imana nta muntu n'umwe ushobora kunezerwa. Umuntu wacumuye akwiriye kumenya ko Data wo mu ijuru adashobora kunyurwa urukundo rwe rutarabumbatira umunyabyaha wihannye, kandi agahinduka kubw'ibyo Umwana w'intama w'Imana uzira inenge yakoze.

Umurimo w'abatuye ijuru bose ni iki ugamije. Kubwo gukurikiza itegeko ry'Umutware wabo mukuru, bagomba gukora kugira ngo bagarure abitandukanyije na Se wo mu ijuru bitewe no gucumura kwabo. Hateguwe umugambi aho muri wo ubuntu butangaje n'urukundo rwa Kristo bizahishurirwa abatuye isi bose. Urukundo rw'Imana rwahishuriwe mu gicio kitagerwa cyatanze n'Umwana w'Imana kugira ngo acungure umuntu. Uyu mugambi uhebuje w'agakiza urahagije mu byo wateganyije byose kugira ngo abatuye isi bose bakizwe. Umuntu w'umunyabyaha kandi waguye ashobora kuzurizwa muri Yesu Kristo kubwo kubabarirwa icyaha no kubwo gukiranuka kwa Kristo ahabwa.

IMBARAGA Z'UMUSARABA

Yesu Kristo yafashe inyokomuntu, kugira ngo kubw'ukuboko kwe kwa kimuntu abashe kubumbatira abantu mu maboko ye. Na none akoresheje ukuboko kwe k'ubumana yari afashe ku ntebe y'ubwami y'Ihoraho. Yashinze umusaraba we hagati y'ijuru n'isi maze aravuga ati: "Nanjye nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose." Yohana 12:32. Umusaraba wagombaga kuba ihuriro abantu bose berekezaho intekerezo.

Bwari uburyo bwo kuvugana n'abantu, kubakura mu mworera icyaha cyari cyarazanye ndetse no guhuza umuntu upfa n'Imana itagira iherezo. Imbaraga z'umusaraba zonyine ni zo zishobora gutandukanya umuntu n'imbaraga zikomeye kandi zishyize hamwe z'icyaha. Kristo yitangiye kugira ngo akize umunyabyaha. Abababariwe ibyaha byabo ndetse bakunda Yesu bazifatanya na we. Bazikorera umutwaro Yesu abakorera. Ntabwo

uyu mutwaro ari uwo kubabuza gukomeza urugendo, nta nubwo ari uwo gutuma imibereho yabo yo kwizera iba iyo kwiyuha akuya nta kunyurwa. Oya rwose; umutwaro wa Kristo ugomba kuba uburyo butuma imibereho ya Gikristo iba iy'ibyishimo n'umunezero. Umukristo agomba kwishima kubwo kwitegereza ibyo Uwiteka yakoze ubwo yatangaga Umwana we w'ikinege ngo apfire ab'isi, "kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."

KUBA INDAHEMUKA KURI KRISTO

Abantu bahagarara muni y'ibendera risize amaraso ry'Igikomangoma Imanweli bakwiriye kuba abasirikari b'indahemuka mu ngabo za Kristo. Ntibakwiriye na rimwe kuba abahemu n'abanyabinyoma. Benshi mu basore bazagira ubushake bwo guhagararana na Kristo, Igikomangoma cy'ubugingo. Ariko nibashaka gukomeza guhagararana na we, bagomba guhora bahanze amaso Yesu, Umugaba wabo kugira ngo abahe amabwiriza. Ntabwo bashobora kuba abasirikari ba Kristo kandi ngo bagire ubufatanye na Satani ndetse bagire icyo bafasha ku ruhande rwe, kuko bagenje batyo baba bahindutse abanzi ba Kristo. Baba batatiye icyizere gikomeye bagiriwe. Icyo gihe bahinduka umurunga uhuza Satani n'abasirikare nyakuri ku buryo binyuze muri bene ibyo bikoresho umwanzi yabona uko akora ubudatuza kugira ngo anyage imitima y'abasirikari ba Kristo.

Ncuti basore muvuga ko muri abasirikare ba Yesu Kristo, ndababaza nti "ni uruhe rugamba muja murwana? Ni ibiki mwiyeje gukora? Igihe ijamba ry'Imana ryashyiraga ku mugaragaro imirimo yanyu, mbese mwanze gukora ibyo ribasaba bitewe n'uko ritahuye n'ibyo mwishakiraga? Mbese gukururwa n'iby'isi byaba byarabakuye mu murimo wa Kristo?" Satani ari gukora ahimba ibirangaza n'ibigusha byinshi; kandi kubwo gucumura mu bigaragara ko ari ibintu bito, Satani abajyana kure ya Yesu. Ubwo ni bwo noneho ibirangaza byinshi bishyirwa imbere yanyu kugira ngo bibatware bibakure ku Mana burundu.

Izina ryawe rishobora kuba ryanditswe mu bitabo by'itorero kandi ukavuga ko uri umwana w'Imana, nyamara urugero utanga n'impinduka uteza mu bandi bigaragaza imico ya Kristo uko itari, bityo ugatera abandi kuva kuri Kristo. Nta munezero, nta mahoro n'ibyishimo umuntu uvuga ko ari umwizera yagira kandi ubugingo bwe bwose butarirunduriye mu murimo Uwiteka yamuhaye gukora. Kubwo kutihana, kutatura no kutiyegurira Imana ahubwo akarushaho kwiye gurira isi ndetse mu rugamba akajya ku ruhande rwa Satani aho kujya ku ruhande rwa Kristo, uyu muntu ahora yinjiza iby'isi mu itorero.

UBUMENYI BUSHYIZWE MU BIKORWA BURAKENEWE

Ndararikira abasore guca umugozi ukomeye ubaboheranyije n'isi haba mu bikorwa no mu mwuka. "Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye

ni ko Uwiteka avuga, kandi ntimugakore ku kintu gihumanye. Nanjye nzabakira, kandi nzababera So, namwe muzambere abahungu n'abakobwa, ni ko Uwiteka Ushoborabyose avuga" 2Abakorinto 6:17-18.

Mbese abasore bacu bazumvira iri jwi ribararika? Mbega uburyo abasore bacu baha agaciro gake kuba ari ngombwa ko batanga urugero nk'urwa Kristo kuri bagenzi babo haba mu buzima bwabo no mu mico yabo. Benshi mu basore bacu basobanukiwe ukuri mu magambo gusa, ariko hari bake cyane basobanukiwe ukwigaragaza gufatika k'ukuri mu bikorwa byabo byose. Mbese abavugabutumwa b'abasore bakora umurimo uwo ari wo wose ubagaragarira mu murima mugari wose utegereje gusarurwa bari he? Mbese abigira mu ishuri rya Kristo buri munsu bari he? Nimutyo be kwigera bumva ko biteguye kurangiza muri iryo shuri. Nimutyo bategerereze mu rugo rw'Uwiteka kugira ngo bahabwe amabwiriza y'uburyo bakora bafatanyije n'abo mu ijuru. Ncuti basore, ndifuza kuvugana namwe nkomeje kubera ko nshaka ko mukizwa. Ntimukongere kugira igihe mupfusha ubusa. Ntabwo mushobora gukorera Imana na mamoni. Mushobora kugaragara inyuma ko muri Abakristo, ariko se igihe ibigeragezo bije, igihe mugeragejwe bikomeye, mbese aho muri rusange ntimutezuka?

UBUSABANE BWA GIKRISTO

Urugamba mugomba kugiramo uruhare rufatika ruboneka mu mibereho yanyu ya buri munsu. Mbese mu bihe by'ibigeragezo ibyifuzo byanyu ntimuzabibangikanya n'ijambo ry'Imana, maze mukagisha Yesu inama musenga mumaramaje? Benshi muri mwe muvuga ko kujya mu bitaramo (konseri) ukirengagiza amateraniro yo gusenga, cyangwa kuba basiba mu materaniro aho abagaragu b'Imana bagomba kuvugira ubutumwa buvuye mu ijuru nta kibi kirimo. Kuri mwe kuba aho Kristo yavuze ko akwiriye kuba byabazanira amahoro.

Abanyurwa n'amagambo ya Kristo ntibazirengagiza amateraniro yo gusenga, cyangwa amateraniro y'aho intumwa y'Imana yoherejwe igiye kubabwira ibyerekeye inyungu z'iteka ryose. Yesu yaravuze ati: "Kuko aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye, nanjye mba ndi hagati yabo." Matayo 18:20. Mbese wahitamo kwikurikirira ibikunezeza maze ukazabura umugisha? Gusayisha muri bene ibyo bifite imbaraga ihindura abandi igira icyo ivuga atari ku buzima bwawe n'imico yawe gusa, ahubwo no ku buzima n'imico by'abo wifatanya nabo.

Iyaba abantu bose bavugaga ko ari abayobohe ba Kristo babaga bo koko mu bikorwa no mu kuri, bagira umutima wari muri Kristo kandi bakora imirimo y'Imana. Batsinda ikigeragezo cyo guha intebe inarinjye, kandi bakwerekana ko batishimira ibinezeza by'ubupfapfa bwo mu isi kurusha uko bishimira amahirwe bagira yo guhurira na Kristo mu materaniro na bagenzi babo. Icyo gihe bagira impinduka zikomeye bateza ku bandi, kandi bakabatera gukurikiza urugero rwabo.

Ibikorwa bivuga kurusha amagambo, kandi abakunda ibibanezeza ntibanyurwa n'imigisha itagerwa yo kuba mu iteraniro ry'abana b'Imana. Ntibishimira amahirwe bafite yo kugira impinduka batera abo babana nabo ngo babe bajyana nabo biringiye ko imitima yabo iragendererwa n'Umwuka w'Imana. Mbese ni nde ujyana na bo muri ibyo bitaramo by'ab'isi? Ntabwo Yesu aba abirimo ngo ahire ababiteraniyemo. Ariko Satani azazana ibintu byinshi mu ntekerezo kugira ngo apfukirane iby'inyungu z'iteka ryose. Aba ari amahirwe ye kugira ngo ateze urujijo mu bitunganye avangamo ibinyoma.

Binyuze mu kwitabira ibitaramo by'ab'isi, mu muntu haremwamo gukunda gutwarwa n'ibinezeza bityo imbaraga z'imico mbonera zikagwabira. Abantu bakunda ibinezeza bashobora gukomeza gukuza ishusho yo kubaha Imana ariko ntibaba bafitanye ubumwe buzima n'Imana. Ukwizera kwabo kwarapfuye, kandi n'ishyaka ryabo ryabavuyeho. Nta mutwari bumva bafite wo kugira ijamba babwira abantu batari muri Kristo no kubingira kwegurira Uwitaka imitima yabo.¹

NTABWO IDINI ARI AMARANGAMUTIMA

Idini ritunganye kandi ritanduye ntabwo ari amarangamutima, ahubwo ni ugukora imirimo y'impuhwe n'urukundo. Iri dini ni ingenzi kugira ngo umuntu agire ubuzima bwiza n'umunezero. Iyi dini yinjira mu ngoro yanduye y'ubugingo, bityo ikirukana icyaha cyahihishe. Iyo iyi dini yimitswe mu mutima, yeza ibihari byose kubwo kuhaba kwayo maze ikamurikira umutima ikoresheje imyambi irabagirana ya Zuba ryo Gukiranuka. Rikingura amadirishya y'ubugingo rikayerekeza mu ijuru maze imirasire y'urukundo rw'Imana ikinjira. Iyo dini izana n'amahoro no gutuza. Bitewe n'uko umwuka w'ijuru uba wuzuye ubugingo, imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'umutima ziriyongera. Kristo aremwa muri twe, we byiringiro by'ubwiza."²

¹ *The Youth's Instructor*, April 23, 1912. [Umwigisha w'Abasore]

² *Review and Herald*, October 15, 1901. [Urwibutso n'Integuza]

GUKIRANUKA MU BYOROHEJE

“Ukiranuka mu cyoroheje cyane, aba akiranutse no ku gikomeye.” Luka 16:10.

Kwita ku bintu ab’isi bita “ibyoroheje cyane” ni byo bituma ubuzima bugera ku ntsinzi. Ibikorwa bito by’ubugiraneza, ibikorwa byoroheje byo kwiya, kuvuga amagambo yoroheje afasha, kwirinda n’ibyaha bito ubwabyo, -ubu ni bwo bukristo. Kuzirikana imigisha duhabwa buri muni tukayishimira, gukoresha neza amahirwe tugira buri muni no guteza imbere impano umuntu yahawe – ibi ni byo Umwami wacu aduhamagarira.

Umuntu usohozwa inshingano nto yahawe akiranutse azaba ateguriwe gusohozwa ibyo azasabwa n’inshingano zikomeye biruseho. Umuntu w’umutima mwiza kandi ugira urugwiro mu buzima bwa buri muni, umuntu w’umunyabuntu wihangana mu muryango we kandi agahorana intego yo gutuma mu rugo rwe hahora umunezero, bene uwo azaba uwa mbere mu kuzinukwa inarirye no kwitanga igihe Umwami wacu azaba amuhamagaye.

IMICO ITUNGANYE

Dushobora kugira ubushake bwo gutanga ibyacu mu murimo w’Imana, ariko ibi nta gaciro bizaba bifite keretse gusa nituyiye n’imitima yuje urukundo kandi tuyishima. Abashobora kuba abavugabutumwa bwiza mu bihugu by’amahanga bagomba kubanza kuba ababwirizabutumwa bwiza nyakuri iwabo. Abifuza gukora mu ruzabibu rugari rw’Umwami bagomba kubyitegura binyuze mu gukorana ubwitonzi mu ruzabibu ruto Uwiteka yabaragije ngo barwiteho.

Uko umuntu atekereza ku mutima, ni ko aba ari. Mu muni umwe gusa, ibitekerezo byinshi birahurirana bigakora amateka atanditswe; kandi ibyo bitekerezo bifite ikintu kinini bikora mu kubaka imico. Ibitekerezo byacu bigomba kurindwa rwose nta gukebakeba; kuko igitekerezo kimwe cyanduye cyangiza ubugingo mu buryo bukomaye. Igitekerezo kibi gisiga ishusho mbi mu bukingo bw’umuntu. Ibitekerezo nibiba bitunganye kandi byera, kubwo kubikunda umuntu azarushaho kubonera. Kubera ibyo

bitekerezo, imbaraga y'umwuka irakangurwa kandi imbaraga zo gukora icyiza zikiyongera. Kandi nk'uko igitonyanga kimwe cy'imvura gitegurira ikindi kuneteshya ubutaka, uko ni ko igitekerezo cyiza kimwe gitegurira inzira ikindi.

Urugendo rurerure cyane rukorwa kubwo gutera intambwe imwe imwe. Urukurikirane rw'intambwe dutera rutugeza ku iherezo ry'inzira. Umunyururu muremure cyane uba ugizwe n'uduce dusobekeranye dutandukanye. Iyo kamwe muri utwo duce kangiritse, uwo munyururu wose nta kamaro uba ukimaze. Uko ni nako bimeze ku mico. Imico itunganye igirwa n'ibikorwa bikozwe neza buri gikorwa ukwacyo. Inenge imwe igenda ihabwa icyicaro aho kuyitsinda yanduza umuntu, kandi kuri we igakinga amarembo y'Umurwa w'Imana. Umuntu winjira mu ijuru agomba kugira imico izira ikizinga n'umunkanyari cyangwa ikindi kintu gisa gityo. Nta kintu na kimwe cyanduye gishobora kwinjira muri uwo murwa. Mu bazaba bacunguwe bose nta nenge n'imwe izabarangwaho.

GUKIRANUKA MU BUZIMA BWA BURI MUNSI

Umurimo w'Imana uratunganye rwose kubera ko uboneye mu mpande zawo zose, uko ziri kose. Itunganya agacumu gato k'ibyatsi ibyitayeho cyane nk'uko yabigenza ibaye iri kurema isi. Niba twifuza kuba abantu bera nk'uko Data wo mu ijuru yera, tugomba gukiranuka igihe dukora utuntu duto cyane. Igikwiriye kigomba gukorwa ni ngombwa ko gukorwa neza. Uko umurimo wawe waba uri kose, wukorane gukiranuka. Vugisha ukuri no mu tuntu duto cyane. Buri munsu ujye ukora ibikorwa by'urukundo kandi uvuge amagambo ahumuriza. Aho unyura hose mu buzima bwawe jya uhasiga inseko nziza. Igihe ukoze muri ubu buryo, Imana izagushyiraho ikimenyetso ko ikwemeye, kandi umunsi umwe Kristo azakubwira ati: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka."

Ku munsu w'urubanza, abantu bakiranutse mu mibereho yabo ya buri munsu, abantu bagiye bihutira kumenya umurimo wabo kandi bakawukora badatekereza gushimwa cyangwa inyungu, ni bo bazabwirwa aya magambo ngo, "Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe, uhereye ku kuremwa kw'isi." Matayo 25:34. Ntabwo Kristo abashimira amagambo y'ubutyoza bavuze, imbaraga z'ubwenge bagiye bagaragaza, cyangwa impano bagiye batangana ubwuzu. Ahubwo bagororerwe ku bwo gukora utuntu duto usanga akenshi twirengagizwa. Yesu yaravuze ati: "Kuko nari nshonje mukamfungurira, nari mfite inyota mumpa icyo nywa, nari umushyitsi murancumbikira." "Ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye." Matayo 25:35,40.¹

¹ *The Youth's Instructor, January 17, 1901. [Umwigisha w'Abasore]*

KUBAZWA IBY'UMUCYO WAHawe

Basore namwe nkumi, Imana izababaza iby'umucyo yabahaye. Niba uyu mucyo n'iyi miburo bitarumviwe, bizabashinja mu rubanza. Akaga mufite kashyizwe ahagaragara; mwaraburiwe kandi mwarinzwe impande zose, mugoteshwa imiburo. Mu nzu y'Imana mwahumviye ukuri gukomeye kandi gukora ku mutima mwagiye mubwirwa n'abagaragu b'Imana baguhishuriwe n'Umwuka Wera. Mbese ni ubuhe buremere iryo rarika ryagiye rigira mu mitima yanyu? Ni izihe mpinduka uko kurarika gufite ku mico yanyu? Muzabazwa iby'iryo rarika ryose ndetse n'imiburo yose. Bizahagarara mu rubanza kandi bicireho iteka abantu bakomeza imibereho y'ubwibone no kutamaramaza. Ncuti basore, ibyo mubiba ni byo muzasarura. Kuri mwe iki ni igihe cyo kubiba. Mbese umusaruro wanyu uzaba uwuhe? Mbese mubiba iki? Ijambo ryose muvuga n'igikorwa cyose mukora ni imbuto izera imbuto nziza cyangwa mbi, kandi izera ubyishimo cyangwa umubabaro ku wayibibye. Imbuto ibibwa ni yo izasarurwa. Imana yabahaye umucyo ukomeye n'amahirwe menshi. Nyuma y'uko uyu mucyo utanzwe, na nyuma y'uko mweretswe akaga kanyu ku mugaragaro, inshingano isigara ari iyanyu. Uburyo mufata umucyo Imana ibaha bizabahesha umunezero cyangwa bibazanire ibyago. Mwe ubwanyu muragenda mugena uko iherezo ryanyu rizamera.”¹

¹ Testimonies for the Church, Vol.3, p.363. [Ibihamya by'Itorero]

[The text in this section is extremely faint and illegible, appearing as a series of horizontal lines.]

UMUGAMBI UDAKEBAKEBA

Igihe ba basore bane b'Abaheburayo bigishirizwaga mu rugo rw'ibwami i Babuloni, ntabwo bumvaga ko umugisha w'Imana ari inguranwa cyangwa igihembo ku muhati ukomeye cyane basabwaga kugira. Bigaga babishishikariye; kuko bari basobanukiwe ko kubw'ubuntu bw'Imana amaherezo yabo yari ashingiye ku bushake bwabo n'ibikorwa bakora. Ubushobozi bwabo bwose bagombaga kubushyira mu murimo bakoraga; kandi kubwo gukoresha imbaraga zabo babyitayeho, bagombaga gukoresha amahirwe akomeye bari bafite bakiga kandi bagakora.

GUKORANA N'IMANA

Mu gihe abo basore bakoraga basohoza iby'agakiza kabo, Imana yabakoreragamo ngo bakunde kandi bakore ibyo yishimira. Aha ni ho hahishurirwa ibyangobwa bisabwa kugira ngo intsinzi igerweho. Kugira ngo ubuntu bw'Imana bube ubwacu bwite, tugomba gukora uruhare rwacu. Ntabwo Imana iteganya kudukorera uruhare rwacu rwo kugira ubushake cyangwa gukora mu cyimbo cyacu. Ubuntu bwayo bwatangiye kugira ngo bukorere muri twe budutere gushaka no gukora, ariko ntibwigera busimbura umuhati wacu. Imitima yacu igomba gukangurirwa gukorana n'Imana. Umwuka Wera akorera muri twe kugira ngo natwe dusohoze agakiza kacu. Iki ni cyigisho gifatika Umwuka Wera ahirimbanira kutwigisha. "Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira." Abafilipi 2:13.

Uwiteka azakorana n'abantu bose baharanira kuba indahemuka mu murimo we, nk'uko yakoranye na Daniyeli na bagenzi be batatu. Ntabwo kugira intekerezo zitunganye kandi ziboneye ndetse n'imico mbonera yo ku rwego rwo hejuru ari umusaruro upfa kwizana nk'impanuka. Imana itanga amahirwe; kandi kugera ku ntsinzi bishingira ku buryo ayo mahirwe yakoreshejwe. Aho Imana idukinguriye amayira tugomba kuhasobanukirwa byihuse kandi tukahinjira dutwarana. Hariho abantu benshi bashoboraga kuba abantu b'ibirangirire iyaba bishingikirizaga ku Mana ngo kubw'ubuntu bwayo babashe kuba abaneshi kandi ngo ibahe imbaraga zo gukora neza umurimo wabo nk'uko byagenze kuri Daniyeli.

UMURIMO USHYIZEHO UMUTIMA WAZE WOSE

Basore, ni mwe mbwira: Mube indahemuka. Umurimo mukora muwushyireho umutima. Ntimukigane umuntu w'ubunyabute, kandi ukora umurimo utuzuye. Ibikorwa bisubiwemo kenshi bihinduka ingeso, kandi izo ngeso zihinduka imico. Nimukore inshingano nto mugira mu buzima mufite kwihangana. Uko murushaho guha agaciro gake akamaro ko kuba indahemuka mu nshingano nto muhabwa, ni ko imico yanyu itazubakwa mu buryo bushimishije. Inshingano yose ni ingirakamaro mu maso y'Ishoborabyose. Uwiteka yaravuze ati: "Ukiranutse mu cyoroheje cyane, aba akiranutse no mu gikomeye." Luka 16:10. Mu buzima bw'Umukristo nyakuri, nta bidahabwa agaciro.

Abantu benshi bavuga ko Abakristo bakora ibihabanye n'imigambi y'Imana. Benshi bategereje ko hari umurimo ukomeye cyane bahabwa. Buri muni batakaza amahirwe bafite yo kwerekana ko ari indahemuka ku Mana; buri muni bananirwa gusohozza inshingano nto bafite mu buzima bashyizeho umutima wabo wose, kuko bazifata nk'izidafite agaciro. Mu gihe baba bategereje guhabwa umurimo ukomeye cyane bashobora kugaragarizamo za mpano zikomeye bavuga ko bafite bityo bakaba bageze kucyo bifuza, ubuzima bwabo burazima.

Ncuti basore, nimukore umurimo ubegereye. Nimwerekeze intekerezo zanyu ku mirimo yoroheje isaba gukorwa iri hafi yanyu. Nimushyire intekerezo zanyu n'imitima yanyu mu gukora uyu murimo. Nimuhatire intekerezo zanyu gukorana ubwenge mu byo mushobora gukora iwanyu imuhira. Nibiba bityo muzaba mwitegurira kuba ingirakamaro biruseho. Nimwibuke ibyanditswe byerekeye umwami Hezekiya bigira biti: "Mu byo yatangiye gukora byose . . . yabikoranaga umwete wose, akabisohozza." 2Ngoma 31:21.

AGACIRO KO GUSHYIRA UMUTIMA KUBYO UKORA

Ubushobozi bwo guhanga intekerezo ku murimo uri gukora ni umugisha ukomeye. Abasore bubaha Imana bakwiriye gushishikarira gusohozza inshingano zabo bazitayeho kandi bazizirikana. Bakwiriye gukomeza kwerekeza intekerezo zabo mu muyoboro mwiza, kandi bagakora uko bashoboye kose. Bakwiriye kumenya inshingano bafite muri iki gihe, kandi bakazisohozza batemerera intekerezo zabo kujya hirya no hino. Iyi myitwarire yuje ubwenge izafasha kandi izane inyungu mu buzima bwo. Abantu biga gushyira intekerezo zabo mu kintu cyose biyemeje gukora, uko umurimo wagaragara ko ari muto kose, bazaba abantu b'ingirakamaro mu isi.

Ncuti basore, ntimugakebakebe kandi nimwihangane. "Mukenyere mu mitima yanyu." (1Petero 1:13). Muhagarare nka Daniyeli wa Muheburayo w'indahemuka, wagambiriye mu murima we kuba indahemuka ku Mana. Ntimugahemukire ababyeyi banyu n'incuti zanyu. Kandi hariho Undi

mugomba kwibuka. Ntimumuhemukire. Ntimugahemukire wa wundi wabakunze cyane bigatuma atanga ubugingo bwe kugira ngo bishoboke ko mwaba abakozi bakorana n'Imana.

IMPAMVU IHEBUJE IZINDI


Gushaka guhesha Imana icyubahiro ni byo bikwiriye kutubera impamvu iruta izindi zose mu mpamvu zidutera kugira icyo dukora. Iyi mpamvu yagombye kudutera gukoresha imbaraga zose ngo dukoreshe neza amahirwe n'uburyo duhabwa kugira ngo tubashe gusobanukirwa uko twakoresha neza iby'Uwiteka. Iyi mpamvu yagombye gutuma intekerezo, amagufa n'imyakura yacu bikomeza kumererwa neza kurushaho, kugira ngo imbaraga zacu z'umubiri no guhuguka k'ubwenge bidutere kuba ibisonga bikiranuka. Iyo gushaka inyungu zishingiye ku kwikanyiza bihawe icyicaro ngo bikore, bigwabiza intekerezo kandi bikanangira umutima. Iyo bene uwo mutima wemerewe gutegeka, urimbura imbaraga z'imico mbonera. Ubwo ni bwo habaho kubura kw'icyari cyitezwe ku muntu . . .

Imana yahaye Daniyeli kugera ku ntsinzi ni yo iha intsinzi nyakuri abagabo n'abagore. Iyasomaga umutima wa Daniyeli, yarebye ubutungane bwabaga mu migambi y'umugaragu wayo no kwiyezeza kuyubahisha maze birayishimisha. Abantu basohozu umugambi w'Imana mu buzima bwabo bagomba gukorana umwete, bakitangira bamaramaje gusohozu inshingano yose Imana ibaha."¹

IBYISHIMO BIRAMBA

Ku nzira igoranye igana mu bugingo buhoraho hari amasoko y'ibyishimo abereyeho guhembura abarushye n'abananiwe. Haba no mu bihe by'akarengane, abantu bagendera mu nzira z'ubwenge bagira ibyishimo bisaze kuko uwo ubugingo bwabo bukunda abagenda iruhande ariko batamurebesha amaso. Kuri buri ntambwe yose izamuka batera, barushaho gusobanukirwa neza n'uko abafashe ukuboko; kandi kuri buri ntambwe imirasire irabagirana y'ubwiza iva ku Itabonwa imurika mu nzira yabo; bityo bagahanika indirimbo zabo zo gusingiza, zikagera hejuru cyane, zikaba urwunge n'indirimbo z'abamarayika imbere y'intebe y'Imana.²

¹ *The Youth's Instructor*, August 20, 1903. [Umwigisha w'Abasore]
² *Thoughts from the Mount of Blessing*. p.202. [Abahirwa ni ba nde]



GUKORESHA UMUTIMANAMA

Idini itunganye igomba gukorana n'umutimanama. Umutimana ni imbaraga iyobora iba muri kamere muntu, igategeka ubundi bushobozi bwose bukayumvira. Ntabwo umutimanama ari ibinyura umuntu cyangwa amarangamutima, ahubwo ni imbaraga ifata icyemezo ikorera mu bantu ikabatera kubaha Imana, cyangwa se bakaba bayisuzugura.

KUBURA AMAHWEMO NO GUSHIDIKANYA

Uri umusore ufite ubwenge; wifuza ko ubuzima bwawe bwaba butunganye maze amaherezo bukazaguhesha kuba mu ijuru. Akenshi ukunze gucika intege igihe wisanze wabaye umunyantega nke ku byerekeye imbaraga z'imico mbonera, ugasanga uri mu bubata bwo gushidikanya, kandi ugategekwa n'ingeso n'imico by'imibereho yawe ya kera ukiri mu byaha. Usanga kamere yawe igutenguha mu byerekeye amarangamutima, igatenguha ibyemezo bikomeye ufata ndetse igatenguha n'indahiro zikomeye uba wararahiye. Ubona ibintu byose bisa n'ibitariho. Kwa kubura amahwemo kwawe kukujyana ku gushidikanya ku bantu bashobora kugukorera icyiza. Uko urushaho guhangana no gushidikanya, ni ko urushaho kubona ko ibintu bisa n'ibitabaho, kugeza ubwo bisa n'aho usanga nta hantu hakomeye washinga ikirenge. Amasezerano wari ufite amera nk'imirunga iboheshejwe umusenyi, kandi amagambo n'ibikorwa by'abo wagombye kwizera ukabonamo umucyo utariho.

IMBARAGA ZIVA MU KUMVIRA UMUTIMANAMA

Uzahora mu kaga gahoraho kugeza igihe uzasobanukirwa imbaraga nyakuri y'umutimanama. Ushobora kwizera kandi ugasezerana gusohoza ibintu byose, ariko amasezerano yawe cyangwa kwizera kwawe nta gaciro biba bifite kugeza igihe ushyize ubushake bwawe mu ruhande rwo kwizera no gukora. Nurwana intambara yo kwizera n'imbaraga zawe zose, uzatsinda. Ntugomba kwiringira uko wiyumva, ibigukurura n'amarangamutima yawe, kuko ibyo atari ibyo kwiringirwa, ariko cyane cyane n'ibitekerezo byawe byangiritse. Kandi na none kumenya amasezerano wishe n'indahiro watatiye

bica intege uburyo wigiriraga icyizere, kandi bikagabanya n'icyizere abandi bakugiriraga.

Ariko ntukwiriye kwiheba. Ugomba kwiyezera kwizera nubwo nta kintu na kimwe kikugaragarira ko ari icy'ukuri cyangwa ko kiriho. Ndashaka kukubwira ko ari wowe wishyize muri uwo mwanya utifuzwa. Ugomba kwigarurira icyizere ufitiye Imana n'abavandimwe bawe. Ni ahawe kwegurira ubushake bwawe mu bushake bwa Yesu Kristo; kandi uko ugenza utyo, Imana izahita ifata icyicaro, maze igutere gukunda no gukora ibyo yishimira. Kamere yawe yose izagengwa n'Umwuka wa Kristo; kandi ibitekerezo byawe nabyo bizamwumvira.

Ntushobora gutegeka imbaraga za kamere yawe zigusunikira kugira icyo ukora cyangwa ngo utegeke amarangamutima yawe nk'uko ubyifuza, ariko ushobora gutegeka umutimanama wawe, ndetse ushobora guhinduka wese mu bugingo bwawe. Kubwo kwegurira Kristo umutimanama wawe, ubugingo bwawe buzahishanwa na Kristo mu Mana, kandi bwomatanywe n'imbaraga isumba abatware n'abafite ubushobozi bose. Uzagira imbaraga ziturutse ku Mana zizakomatanya n'imbaraga zayo; kandi bizagushobokera ko ubona umucyo mushya, ndetse ubone umucyo wo kwizera kuzima. Ariko umutimanama wawe ugomba ugomba gukorana n'ubushake bw'Imana, ntukorane n'ubushake bwa bagenzi bawe abo Satani ahora akoreramo kugira ngo akugushe mu mutego kandi akurimbure.

Mbese nudatindiganya ntuzatunganya umubano wawe n'Imana? Mbese ntiwavuga uti: "Ubushake bwanjye mbweguriye Yesu, kandi mbumweguriye ubu;" kandi uhereye aka kanya ukaba utunganye rwose uri mu ruhande rw'Imana? Reka kwita ku migenzo n'ibyo irari no kwifuza kubi bihora bigusaba. Ntugahe Satani urwaho rwo kuba yavuga ati: "Uri indyarya y'impezamajyo." Kinga urugi kugira ngo Satani atazakurega ibinyoma atyo kandi ngo agukure umutima. Vuga uti: "Ndizera, kandi nizera ntashidikanya ko Imana ari umufasha wanjye," bityo uzabona ko uneshereza mu Mana. Kubwo gukomeza kurindira ubushake bwawe mu ruhande rw'Imana ushikamye, amarangamutima yawe yose azigarurirwa n'ubushake bwa Yesu Kristo. Uzasanga ibirenge byawe bishinzwe ku rutare rukomeye. Kenshi bizajya bikuraho imigabane yose y'imbaraga z'ubushake ufite, ariko Imana izaba ifite icyo iri kugukorera, kandi uzava muri urwo rugamba rwo gutunganywa uri igikoreshe kiyihesha icyubahiro.

GUHURIZA HAMWE UBUSHAKE BW'IMANA N'UBUSHAKE BW'UMUNTU

Vuga ibyo kwizera. Komeza kuba mu ruhande rw'Imana. Ntuzigere werekeza ibirenge byawe mu ruhande rw'umwanzi, kandi Uwitaka azakubera Umufasha. Azagukorera ibyo wowe ubona ko bitagushobokera. Umusaruro uzavamo uzaba uw'uko uzakubabwira nk'amaseseri y'i Lebanon. Ubuzima bwawe buzaba ubw'icyubahiro, kandi imirimo yawe izakorerwa mu Mana. Muri wowe hazazamo imbaraga, kudakebakeba, ndetse no kwiyoroshya bizakugira igikoreshe gitunganyijwe neza mu biganza by'Imana.

Ukeneye kunywa ku isoko y'ukuri buri munsu kugira ngo ubashe gusobanukirwa n'isoko y'ibyishimo n'umunezero mu Mwami. Ariko ugomba kwibuka ko ubushake bwawe ari bwo soko y'ibikorwa byawe byose. Ubu bushake bufite umugabane w'ingenzi mu mico y'umuntu, ubwo umuntu yacumuraga, bweguriwe Satani ngo abe ari we ubutegeka; kandi kuva ubwo yagiye akorera mu muntu akamutera kwifuza no gukunda gukora ibimushimisha ubwe, ariko kandi ibyo bikazazanira umuntu kurimbuka gukomeye n'amakuba.

Ariko igitambo kitagira akagero Imana yatanze ubwo yatangaga Yesu Umwana wayo ikunda kugira ngo abe igitambo cy'icyaha, kiyibashisha kugira icyo ivuga itishe n'ihame na rimwe ryo mu butegetsi bwayo igira iti: "Niyegurire; mpa ubwo bushake, bukure mu butware bwa Satani, nanjye nzabwigarurira; bityo nkorere muri wowe ngutere gukunda no gukora ibyo nishimira." Iyo Imana iguhaye umutima wari muri Kristo, ubushake bwawe buhinduka nk'ubwayo, kandi imico yawe irahinduka igasa n'ya Kristo. Mbese ufite intego yo gukora iby'ubushake bw'Imana? Mbese urifuza kumvira Ibyanditswe Byera? "Umuntu nashaka kunkurikira yiyange, yikorere umusaraba we ankurikire" Matayo 16:24.

Keretse gusa ubaye wanze kunezeza kamere, ukanga no kwiyezeza kumvira Imana, naho ubundi nta cyiza nko gukurikira Kristo. Ntabwo uko wiyumva n'amarangamutima byawe ari byo bikugira umwana w'Imana, ahubwo ikikugira umwana wayo ni ugukora ibyo ishaka. Niba ubushake bwawe buhindutse ubushake bw'Imana, imbere yawe hari imibereho yo kuba ingirakamaro. Bityo ushobora guhagarara mu bumuntu bwawe wahawe n'Imana uri icyitegererezo cy'imirimu myiza. Icyo gihe uzafasha mu gusigasira amategeko y'ikinyabupfura mu cyimbo cyo gufasha mu kwica ayo mategeko. Kubw'imigenzereze yawe uzafasha mu gusigasira gahunda aho kuyisuzugura no gutera abandi kutagendera kuri hagunda mu buzima.

Ndakubwirira mu gitinyiro cy'Imana, nzi uko ushobora kuba uramutse ushyize ubushake bwawe mu ruhande rw'Imana. "Turi abakozi bakorana n'Imana." Ushobora gukora umurimo wawe kubw'igihe turimo ndetse n'iteka ryose mu buryo buzatuma uwo murimo utsinda ikigeregezo cy'urubanza. Mbese wabigerageza? Mbese ubu noneho wahindukira? Ni wowe urukundo rwa Kristo no gusabirwa na we byerekezaho. Mbese ubu uriyegurira Imana, kandi ufashe abashyiriraho kuba abarinzi ngo barinde inyungu z'umurimo wayo mu cyimbo cyo kubatera ishavu no kubaca intege?"¹

UMUHATI UDASANZWE NI INGENZI

Imana yashyizeho uburyo kugira ngo ubwato bwose bwe kuzigera burohama, ahubwo buzanyure neza mu mugaru n'umuraba, ndetse ngo nituramuka tubukoresheje tudakebakeba kandi dusenga amaherezo

¹ Testimonies for the Church," Vol.5, pp.513-516. [Ibihamya by'Iterero]

buzagere ku nkombe iriho ikiyaga gituje. Ariko nitwirengagiza kandi tugasuzugura iyo gahunda n'ayo mahirwe, Imana ntizigera ikora igitangaza kugira ngo igire uwo ikiza muri twe, bityo tuzazimira nk'uko Yuda na Satani bazimiye.

Ntugatekereze ko Imana izakora igitangaza kugira ngo ikize abantu b'abanyantega nke bihambira ku kibi, kandi bagakora icyaha; cyangwa ngo utekereze ko hari ikintu cy'indengakamere kizaba mu buzima bwabo, ngo kibakure mu narijye kibageze ku rwego ruhanitse aho bizababera umurimo woroheje udasaba umuhati wihariye, ndetse n'urugamba rudasanzwe, hatabayeho kubamba inarinjye. [Ibyo ntukabitekereze] kuko abantu bose batinda bagakinira ku rubuga rwa Satani kugira ngo ibyo bikorwe bazarimbukana n'inkozi z'ibibi. Bazarimburwa bibatunguye, kandi nta kizabarokora.”²

² *Testimonies to Ministers*, p.453. [Ibihamya ku Bagabura]

UBUYOBOZI BW'IMANA

Hariho inzira eshatu Imana iduhishuriramo ubushake bwayo kugira ngo ituyobore . . .

Imana iduhishurira ubushake bwayo mu ijambo ryayo, ari ryo Ibyanditswe Byera.

Ijwi ryayo rihishurirwa na none mu byiza ikora. Ibyo bizagaragara nitudatandukanya ubugingo bwacu na Yo bitewe no kugendera mu nzira zacu bwite, twikorera ibijyanye n'ubushake bwacu, kandi dukurikiza ibyo umutima utejeje utuyoboramo, kugeza ubwo ibyumviro byacu bigwa mu rujijo ntidusobanukirwe iby'iteka ryose, ndetse ijwi rya Satani rikaba riyoberanyije cyane ku buryo ryemerwa nk'aho ari ijwi ry'Imana.

Ubundi buryo ijwi ry'Imana ryumvikanamo ni mu irarika rya Mwuka Wera w'Imana, aho Mwuka akora ku mutima, maze ibyo bikagaragarira mu mico.

¹Niba hari ingingo runaka ushidikanyaho, ugomba kubanza kubaza Ibyanditswe Byera. Niba mu by'ukuri waratangiye urugendo rwo kwizera, ubwo wiyeguriye Uwiteka kugira ngo ube uwe bwite. Kubw'ibyo rero Imana yaragufashe ngo ikureme, ikugenze uko umugambi wayo uri kugira ngo ube igikoresho kiyihesha icyubahiro. Ukwiriye kugira icyifuzo gikomeye cyo kwemera kugenzwa uko ishaka mu biganza byayo, no kuyikurikira aho ikuyobora hose. Bityo rero wiringire Imana ngo ikugenze uko ishaka ari nako ukorana nayo usohoza agakiza kawe utinya kandi uhinda umushyitsi."

¹ Testimonies for the Church," Vol. 5, p.512. [Ibihamya by'Itorero]

1. The first part of the document discusses the importance of maintaining accurate records of all transactions. It emphasizes that proper record-keeping is essential for the transparency and accountability of the organization. This section also outlines the various methods used to collect and analyze data, ensuring that the information is reliable and up-to-date.

2. The second part of the document focuses on the implementation of the proposed changes. It details the steps involved in the rollout process, from initial planning to final execution. This section also addresses potential challenges and provides strategies to overcome them, ensuring a smooth transition to the new system.

3. The third part of the document discusses the impact of the changes on the organization's overall performance. It highlights the positive outcomes achieved, such as increased efficiency and cost savings. This section also includes a comparison of the current state with the projected future state, demonstrating the long-term benefits of the proposed changes.

4. The fourth part of the document provides a summary of the key findings and conclusions. It reiterates the importance of the changes and the commitment to ongoing improvement. This section also includes a call to action, encouraging all stakeholders to support the implementation and maintain the high standards of the organization.

5. The final part of the document is a conclusion, summarizing the main points and providing a final statement of intent. It expresses the confidence in the proposed changes and the belief that they will lead to a more successful and sustainable organization.

MWUKA WERA AKORA BUCECE

Imibereho y'Umukristo si ivugurura cyangwa iterambere ry'imibereho ya kera, ahubwo ni ihinduka rya kamere. Hari ugupfa ku narijye n'icyaha, maze ukagira imibereho mishya muri byose. Iyi mpinduka ibasha kuzanwa n'umurimo ukorwa gusa na Mwuka w'Imana.

Nikodemo yari agitangara, maze Yesu akoresha urugero rw'umuyaga ngo yumvikanishe icyo ashaka kuvuga: "Umuyaga uhuha aho ushaka, ukumva guhuha kwawo ariko ntumenya aho uva cyangwa aho ujya. Ni ko uwabyawe n'Umwuka wese amera."

Umuyaga wumvikana mu mashami y'ibiti, ukanyeganyeza amababi n'uburabyo; nyamara ntugaragara, kandi nta muntu ubasha kumenya aho uturuka cyangwa aho ujya. Ni nako umurimo wa Mwuka Wera umera mu mutima w'umuntu. Ntubasha kuwusobanura nk'uko utabasha gusobanura imigendere y'umuyaga. Umuntu abasha kudasobanura neza igihe n'aho byabereye, cyangwa ngo arondore uko byagenze mu guhinduka kwe; ariko ibi ntibivuze ko atahindutse. Mu buryo butagaragara nk'ubw'umuyaga, Kristo aba akabakaba ku mitima ubutitsa. Buhoro buhoro, ndetse ahari mu buryo butanasobanukiye ubyakira, hari ibikorwa bibaho biba bigamije kugarura umuntu kuri Kristo. Ibi bibasha kuza ari uko umutekerezaho, binyuze mu gusoma Ibyanditswe Byera, cyangwa binyuze mu kumva amagambo y'umubwiriza ahesha agakiza. Ako kanya, uko Mwuka agusanga akomeza kukurarika mu buryo butaziguye, wumva unejejwe no kwegurira umutima wawe Yesu. Kuri benshi ibi byitwa guhinduka gutunguranye; ariko ibyo ni ingaruka yo kwingingwa igihe kirekire na Mwuka w'Imana, akwihanganira, mu buryo burambye ndetse burenze ubwo umuntu atekereza.

Nubwo umuyaga utagaragara, ariko ubyara ibikorwa bigaragara kandi byumvikana. Ni ko umurimo wa Mwuka mu muntu uzigaragaza mu bikorwa byose by'uamaze kwiyumvamo imbaraga ya Mwuka ikiza. Iyo Mwuka w'Imana ahawe umwanya mu mutima, ahindura imibereho y'umuntu. Intekerezo z'icyaha zikurwamo, ibikorwa bibi bikarekwa; urukundo, kwicisha bugufi, n'amahoro bisimbura uburakari, ishyari n'amahane. Ibyishimo bikajya mu mwanya w'agahinda, maze mu maso hawe hakagaragaza umucyo mvajuru. Nta numwe ubona ukuboko gukuraho ingorane, cyangwa ngo

abone umucyo umanuka uva mu marembo yo mw'ijuru. Imigisha igera ku muntu wiyeguriye Imana kubwo kwizera. . .

Ntibishoboka ko ibitekerezo byacu bigufi bisobanukirwa n'umurimo w'agakiza. Ni amayobera arenze ubwenge bw'umuntu; nyamara uvuye mu rupfu akagera mu bugingo abona ko ari ukuri mvajuru kudashidikanywaho. Itangiriro ryo gucungurwa tubasha kumenyera hano binyuze mu byo tunyuramo buri munsu. Ingaruka zabyo ni iz'iteka ryose.»¹

IGIHAMYA CYO GUFASHWA N'IMANA

“Niba wumva hari icyo ukeneye mu bugingo bwawe, niba ufiteye inyota kandi ukaba usonzeye gukiranuka, iki ni igihamya cyerekana ko Kristo yagize icyo akora ku mutima wawe kugira ngo, binyuze mu guhabwa Umwuka Wera, umushake maze agukorere ibyo udashobora kwikorera ubwawe.”²



¹ Uwifuzwa Ibihe Byose », p.105, 106.

² Thoughts from the Mount of Blessing” p.36. [Abahirwa ni ba Nde]

KRISTO ATURA MURI TWE

Niba dushinze imizi kandi dushikamye mu rukundo, tuzabasha guhabwa "imbaraga zo kumenyera hamwe n'abera bose ubugari n'uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo, [tumenye] n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa." (Abefeso 3:18,19). Mbega amahirwe no gukomezwa! Umukiza mwiza atura mu mutima w'umuntu wejejweho ububi bwose, maze Kristo agakuza kandi akeza kamere yose, bityo umuntu agahindurwa ingoro Umwuka Wera aturamo . . .

ICYO KRISTO AKORA KUBWO KWIZERA KWACU

Tuba muri Kristo kubwo kwizera kuzima. Kristo aba mu mitima yacu kubw'uko buri muntu ku giti cye kwa kwizera akugira ukwe bwite. Tubana n'Imana, kandi iyo dusobanukiwe ubu buryo Imana iri kumwe natwe ibitekerezo byacu bifatwa mpiri bikegurirwa Yesu Kristo. Ibyo dukora mu by'umwuka biba bihuje rwose n'uko dusobanukiwe ko Imana iri iruhande rwacu. Enoki yagendanye n'Imana muri ubu buryo; kandi igihe tuzazirikana icyo Kristo ari cyo kuri twe ndetse n'umurimo yadukoreye mu nama y'agakiza, nawe azaba mu mitima yacu kubwo kwizera. Tuzarushaho kwishima kubwo guhora dushimangira iki gitekerezo cy'iyi mpano ikomeye Imana yahaye isi yacu ndetse natwe ubwacu by'umwihariko.

Bene ibi bitekerezo bifite imbaraga itegeka imico yose y'umuntu. Ndashaka ko musobanukirwa neza ko muramutse nubishatse, igihe cyose mushobora kugira umufasha muhora uvuye mu ijuru. "Mbese urusengero rw'Imana rwahuza rute n'ibishushanyo bisengwa, ko turi urusengero rw'Imana ihoraho? Nk'uko Imana yabivuze iti: 'Nzatura muri bo ngendere muri bo, nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye.'" 2Abakorinto 6:16.

GUHINDURWA N'URUKUNDO RWA KRISTO

Uko ubwenge bw'umuntu burushaho gutekereza kuri Kristo, imico ye irahindurwa igasa n'iy'Imana. Ibitekerezo bisabwa no gusobanukirwa

ineza ya Kristo n'urukundo rwe. Duhanga amaso imico ya Kristo bityo akaba mu bitekerezo byacu. Urukundo rwe ruratugota. N'iyo akanya gato twitegereje izuba mu kurabagirana kwaryo riranga, iyo duhindukije amaso yacu ishusho ya rya zuba izagaragara mu kintu cyose twitegereza.

Uko ni ko iyo twitegereza Yesu; ikintu cyose tureba kirabagirana ishusho ye we Zuba ryo Gukiranuka. Iyo bimeze bityo, nta kindi kintu dushobora kubona, cyangwa ngo tugire ikindi tuvugaho. Ishusho ye yiyandika ku maso y'ubugingo, kandi ikagira ibyo ihindura mu buzima bwacu bwa buri muni, ikoroshya kandi ikigarurira kamere yacu yose. Kubwo kwitegereza, duhabwa ishusho y'ijuru ndetse tugasa na Kristo. Abo duhura na bo bese tubamurikishiriza imyambi irabagirana yo gukiranuka kwa Kristo. Duhindurwa mu mico; kuko umutima, ubugingo n'ubwenge bimurikirwa n'umucyo w'uwadukunze kandi akatwitangira. Aha na none hari ukwigaragaza kw'imbaraga nzima ibana n'umuntu ku giti cye ikaba mu mitima yacu kubwo kwizera.

Igihe amagambo y'impuguro za Kristo yakiriwe kandi akigarurira imitima yacu, Yesu aba muri twe, agategeka ubwenge n'ibitekerezo byacu n'ibikorwa byacu. Twuzurwa n'inyigisho z'umwigisha uruta abandi isi yigeze kugira. Kumva ko umuntu hari ibyo ashinzwe agomba kubazwa ndetse ko hari impinduka ashobora kuzana bituma uko tubona ubuzima n'inshingano za buri muni bigira uko bisa.

Yesu Kristo ni byose kuri twe, - ni uwa mbere kandi uw'imperuka, ni we nyamibwa muri byose. Yesu Kristo, Umwuka we n'imico Ye, aha ibintu byose indi sura; ni we udutwikira, akadufubika, ni we wambika ubugingo bwacu uko bwakabaye. Amagambo ya Kristo ni umwuka kandi ni ubugingo. Bityo rero ntidushobora kwerekeza intekerezo zacu kuri kamere yacu; ntabwo ari twe tuba tukiriho ahubwo ni Kristo uba muri twe, kandi ni we byiringiro by'ubwiza. Inarinjye irapfa, ariko Kristo ni Umukiza uhoraho. Iyo dukomeje guhanga amaso Yesu, natwe tugaragariza ishusho ye abadukikije bese. Ntabwo dushobora guhagarika kuzirikana ibyagiye biduca intege, cyangwa ngo tubure kubivugaho kuko ishusho irushijeho gushimisha ari yo ikurura amaso yacu, kandi iyo ishusho ni urukundo rwa Yesu rutagerwa. Aba muri twe kubw'ijambo ry'ukuri."¹

IMARAGARITA Y'IGICIRO CYINSHI

Tugomba kwiye gurira Kristo, tukabaho ubuzima bwo kumvira ibyo adusaba tubikuye ku mutima. Uko turi kose, impano zose n'ubushobozi bwose dufite ni iby'Umukiza wacu bityo rero bigomba kwegurirwa umurimo we. Iyo twitanze wese dutyo tukiha Kristo, nawe aratwiha akaduha n'ubutunzi bwose bwo mu ijuru. Duhabwa imaragarita y'igiciro cyinshi.²

¹ *Testimonies to Ministers*, pp.387-390. [Ibihamya ku Bagabura]

² *"Christ's Object Lesson"*, p.116. [Imigani ya Kristo]

KWIYANGA

Kristo yisize ubusa, kandi mu byo yakoze byose ntihigeze harangwamo inarinjye. Ibintu byose yabyeguriye mu bushake bwa Se. Igihe umurimo we ku isi wendaga kurangira, yaravuze ati: "Nakubahishije mu isi, kuko narangije umurimo wampaye gukora." Yohana 17:4. Kandi aratubwira ati: "Munyigireho kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima." Matayo 16:24. Kandi ati: "umuntu nashaka kunkurikira yiyange, yikorere umusaraba we ankurikire;" (Matayo 11:29) areke inarinjye yimurwe, maze ntizongere kuganza mu bugingo.

Umuntu witegereza Kristo mu kwitanga kwe no kwicisha bugufi kwe ko mu mutima, bizaba ngombwa ko nawe avuga nka Daniyeli ubwo yabonaga usa n'umwana w'umuntu ati: "Ubwiza bwanjye bwampindukiyemo ububore." (Daniyeli 10:8). . . Kamere muntu ihora irwanira kwigaragaza, ndetse yiteguye guhangana. Ariko umuntu wigiye kuri Kristo ntaba akirangwamo inarijye, ubwibone, no gukunda gusumba abandi, ahubwo mu mutima we habamo gutuza. Inarinjye yumvira ibyo Umwuka Wera ashaka. icyo gihe ntituba tugihangayikira kugira umwanya usumba abandi. Ntituba tugishaka kwikururiraho imbaga cyangwa kwikuza ngo abantu batubone; ahubwo twumva ko umwanya wacu uhanitse uri ku birenge by'Umukiza wacu. Duhanga Yesu amaso, tugategereza ko ukuboko kwe kutuyobora, tugatega amatwi ijwi rye ngo rituyobore inzira. Intumwa Pawulo yagize bene iyi mibereho maze aravuga ati: "Nabambanywe na Kristo, ariko ndiho; nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze, akanyitangira." Abagalatiya 2:20.¹

¹ "Thoughts from the Mount of Blessing," pp.30, 31. [Abahirwa ni Ba Nde]



IMICO IMANA YEMERA

Kugira ngo abasore babashe kubaka imico yabo ku rufatiro ruhoraho, bakwiriye kwigishanywa ubushishozi no gusenga. Impamvu abasore benshi bakora amakosa akomeye cyane ni uko batumvira inyigisho z'ababarusha ubunararibonye. Ntibita ku nama z'ababyeyi n'abigisha, bityo bakumvira ibishuko by'umwanzi. Imana ikunda abasore. Ibabonamo ko bafite ubushobozi bukomeye bwo kuba bakora icyiza igihe bazasobanukirwa ko bakeneye Kristo kandi bakubaka ku rufatiro nyakuri. Imana kandi izi ibigeragezo bahura nabyo. Izi ko bazahangana n'imbaraga z'umwijima zirwanira kwigarurira ubwenge bw'umuntu; kandi Imana yaciye inzira abasore n'inkumi bacamo bagahinduka abasangiye kamere n'Imana . . .

UMUHATI UDACOGORA URAKENEWE

Ntabwo imico ipfa kwizana kubw'impanuka. Ntabwo iremwa no kuvumbuka kw'ikosa rimwe rikomeye, cyangwa intambwe imwe itewe igana mu cyerekezo kibi. Ahubwo kugenda usubiramo igikorwa ni byo bigitera guhinduka ingeso, maze bikaremera imico kuba mibi cyangwa myiza. Imico myiza ishobora kuremwa gusa kubw'umuhati udacogora no kwihangana kubwo kurushaho gukoresha neza impano yose n'ubushobozi bwose umuntu yahawe kubw'icyubahiro cy'Imana. Aho kugeza batyo, abantu benshi guteraganwa bajya aho kamere n'ibibaho byose bibasha kubajyana. Ntabwo ibi biterwa n'uko nta bushobozi bwo gukora icyiza bafite, ahubwo biterwa n'uko batabona ko Imana ishaka ko bakora icyiza gihebuje mu gihe cy'ubusore bwabo.

Niba muri iki gihe abasore bashaka guhagarara nk'uko Daniyeli yahagaze, bagomba gukoresha imitsi n'imyakura yose yo kwizera. Ntabwo Uwiteka ashaka ko bakomeza kuba abigishwa b'abatangizi. Yifuza ko bagera ku rwego ruhanitse kandi ruhebuje izindi. Ishaka ko bagera ku ngazi yo ku bushorishori bw'urwego, kugira ngo batere intambwe bava kuri urwo rwego binjira mu bwami bw'Imana.

IMPINDUKA ZITURUKA KUBO UMUNTU YIFATANYA NABO

Abasore bava iwabo bakajya aho batacyitabwaho n'ababyeyi babo, baba ku rwego rukomeye bari aho bihitiramo abo bifatanyababana. Bakwiriye kwibuka ko ijisho rya Se wo mu ijuru ribareba, kandi ko yitegereza ibyo bakeneye byose n'ikigerageze cyose bahura nacyo. Iteka mu mashuri uzahasanga abasore bamwe bagaragarwaho ko intekerezo zabo zashyizwe aho zisigingizwa bitewe n'ibyo bihitiyemo gukora. Bitewe no kuba batararezwe neza mu bwana bwabo, usanga barakujije imico ku ruhanda rumwe. Bityo, uko bagenda bagwiza imyaka y'ubukuru usanga izo nenge bafite zaragiye zisigara maze zikangiza imibereho bacamo. Kubw'urugero batanga n'ihame ribagenga, bene abo bayobya abanyantege nke mu mico mbonera.

Ncuti basore, igihe ni izahabu. Ntimugomba gushyira ubugingo bwanyu mu kaga mubiba imbuto mbi. Ntabwo mukwiriye kuba abatagira icyo bitaho ku bijyanye n'incuti muhitamo. Mujye mwita cyane ku byiza byo kubahwa biba mu mico y'abandi, bityo ibyo bigerageze bizabahindukira imbaraga y'imico mbonera mu kurwanya ikibi no guhitamo icyiza. Mujye mwiha urugero ruhanitse. Ababyeyi banyu n'abigisha banyu bakunda kandi bubaha Imana bashobora kubakurikiza amasengesho yabo ku manywa na nijoro, bashobora kubahendahenda no kubaburira; ariko ibyo byose bizaba imfabusa nimuramuka muhiseho kwifatanyababantu abatagira icyo bitaho. Niba mubona ko nta kaga kariho, kandi mugatekereza ko mushobora gukora icyiza n'ikibi uko mubiyihitiyemo, ntabwo muzabasha gusobanukirwa ko umusemburo wo gukiranirwa uri kwanduza no kwangiza intekerezo zanyu buhoro buhoro.


KRISTO NI WE BYIRINGIRO BYACU RUKUMBI

Kristo yarababajwe, aratukwa, arashinyagurirwa. Yari yugarijwe n'ibigerageze impande zose ariko ntiyigeze akora icyaha, ahubwo yumviye Imana ubudakebakeba kandi mu buryo bunyuze rwose. Kubw'iyi mibereho ye, yakuyeho by'iteka ryose urwitwazo rwose rwo kutumvira. Yaje kwereka umuntu uko yakumvira n'uko yakubahiriza amategeko yose y'Imana. Yishingikirizaga ku mbaraga z'Imana, kandi ibyo ni nabyo byiringiro rukumbi by'umunyabyaha. Yatanze ubugingo kugira ngo umuntu abashe kuba umuragwa wa kamere y'Imana maze atsinde kwangirika kwazanywe mu isi no kwifuza...

Imana yahaye abasore impano bagomba guteza imbere kubw'icyubahiro cyayo; ariko benshi bakoresha izo mpano mu migambi itejwe kandi idatunganye. Benshi bafite ubushobozi bushobora gutanga umusaruro mwiza mu by'ubwenge no kungura umubiri igihe bwaba bukoreshajwe neza. Ariko ntibatuza ngo babizirikane. Ntabwo bashyira mu gaciro ngo barebe icyo ibikorwa byabo bizabyara. Batera umwete umupfapfa utazigera atega amatwi inama agirwa ndetse no gucyahwa. Iri ni ikosa rikomeye cyane. Abasore baramutse basobanukiwe ko Imana ihora ibahanze ijisho,

bakamenya ko abamarayika b'Imana bitegereza uko imico y'abo ikura kandi bagapima uburemere bw'agaciro k'imico mbonera ibaranga bagira intekerezo nzima kandi zirinda.¹

¹ *The Youth's Instructor*, July 27, 1899. [Umwigisha w'Abasore]




KRISTO ATURA MURI TWE

Idini ya Kristo isobanuye ibirenze kubabarirwa ibyaha. Isobanuye gukurwaho ibyaha byacu no kuzaza umworera uba mu muntu mo impano z'Umwuka Wera. Isobanuye kumurikirwa n'ijuru no kwishimira mu Mana. Isobanuye umutima wakuwemo inariye bityo ukaba ufite umugisha w'uko Kristo awutuyemo. Iyo Kristo aganje mu bugingo bw'umuntu haba ubutungane, no gucika ku ngoyi y'icyaha. Ikuzo no kuzura k'umugambi w'ubutumwa bwiza byuzurira mu bugingo bw'umuntu. Kwemera Umukiza bizana mu muntu amahoro yuzuye, urukundo ruzira amakemwa n'ibyiringiro bizima. Ubwiza n'impumuro nziza by'imico ya Kristo ihishurirwa mu bugingo, ihamya ko Imana yohereje Umwana wayo mu isi ngo ayibere Umukiza

Kristo yagiye abera incuti magara n'umufasha wa buri munsu abayoboke be b'indahemuka. Bagaye bomatana n'Imana kandi bagahora basabana nayo. Ubwiza bw'Uwiteka bwagiye bubagaragaraho. Muri bo hagiye hagaragarira umucyo wo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo. Ubu bishimira imirasire ihora imurika yo kurabagirana n'ikuzo ry'Umwami mu gitinyiro cye. Bateguriwe gusabana n'ijuru kuko bafite ijuru mu mitima yabo.”¹

¹ Christ's Object Lessons, pp. 419-421. [Imigani ya Kristo]



5

KWITEGURA UMURIMO UZAKORA MU BUZIMA BWawe

Uburezi nyakuri busobanuye ibirenze kugira amasomo runaka ukurikira mu ishuri. Uburezi nyakuri buragutse. Bukubiyemo iterambere ryuzuzanya ry'imbaraga zose z'umubiri n'ubushobozi bw'ubwenge. Bwigisha urukundo no kubaha Imana, kandi ni ukwitegura gusohozza inshingano zo mu buzima umuntu akiranutse.

Uburezi nyakuri ni ugutegurira imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'umutima gukora inshingano yose; ni ugutoza umubiri, intekerezo, n'ubugingo gukora umurimo w'Imana. Ubu ni bwo burezi buzaramba bukageza ku bugingo buhoraho.¹

¹ Christ's Object Lessons, pp.330. [Imigani ya Kristo]

UBUREZI BWA GIKRISTO

Ubwenge bwa muntu bwifitemo ubushobozi bwo kwigishwa bukaba bwagera ku rwego ruhanitse. Ubuzima bweguriwe Imana ntibukwiriye kuba ubuzima burangwamo ubujiji. Abantu benshi barwanya uburezi bitewe n'uko Yesu yatoranyije abarobyi batize kugira ngo abe ari bo babwiriza ubutumwa bwe bwiza. Bahamya ko Yesu yagaragaje ko yemera cyane abatarize. Abantu benshi bize kandi b'abanyacyubahiro bizeye inyigisho ze. Iyo bene abo bumvira ibyo imitimanama yabo yabemezaga bashize ubwoba, baba baramukurikiye. Iyo batanga ubushobozi bwabo, buba bwaremewe kandi bugakoreshwa mu murimo wa Kristo. Ariko imbere y'abatambyi bari bazinze umunya n'abategeka bari buzuye ishyari, nta mbaraga z'ubwenge bari bafite zo guhamya Kristo no gushyira mu kaga ukumenyekana kwabo bifatany n'Umunyegalileya ucishije bugufi.

Wa wundi wari uzi imitima y'abantu bose, asobanukiwe iki neza. Niba abantu bize n'abanyacyubahiro batarashoboraga gukora umurimo bari bafitiye ubushobozi bwo gukora, Kristo yari gutoranya abagabo bari kuzajya bumvira kandi bakaba indahemuka mu gukora iby'ubushake bwe. Yatoranyije abagabo bicishije bugufi maze yifatanya na bo, kugira ngo abigishe kuzakomeza umurimo we ukomeye ku isi igihe azaba amaze kubasiga.

KRISTO UMUREZI MUKURU

Kristo yari umucyo w'isi. Yari isoko y'ubumenyi bwose. Yari ashoboye gutegura abarobyi batigishijwe akabaha ibyangombwa bibashoboza guhabwa inshingano ikomeye yagombaga kubaha. Inyigisho z'ukuri zahawe abo bagabo bacishije bugufi zari zifite ubusobanuro bukomereye cyane. Bagombaga kunyeganyeza isi. Kuri Yesu, kwifatanya n'abo bagabo bacishije bugufi byasaga naho ari ibintu byoroshye; ariko icyo cyari ikintu cyari kuzazana umusaruro ukomeye cyane. Amagambo yabo n'ibikorwa byabo byagombaga kuzana impinduramatwara ku isi.

Ntabwo Yesu yasuzuguye uburezi. Iyo gutoza ubwenge ku rwego ruhanitse bikozwe mu rukundo no kubaha Imana, Imana irabyemera

rwose. Abagabo bari bacishije bugufi Kristo yatoranyije babanye na we imyaka itatu, batunganywa n'imbaraga iboneza y'Umutware w'ijuru. Kristo yari umwigisha uhebuje abandi bigeze kuba ku isi.

Abasore nibiyegurira Imana, izabemera n'impano zabo ndetse n'ubutunzi bw'urukundo bafite. Bashobora kugera ku rwego ruhanitse cyane rwo gukomera mu bwenge. Ariko niba ibyo bijyanirana no gukurikiza amahame y'iyobokamana, bashobora gukomeza guteza imbere umurimo wakuye Kristo mu ijuru ngo aze kuwusohozza, kandi mu gukora batyo, bazaba abakozi bakorana na Shebuja.

Abanyeshuri bo mu ishuri ryacu rikuru bafite amahirwe akomeye. Ntabwo ari ayo guhabwa ubumenyi mu by'ubuhanga buhanitse gusa, ahubwo ni n'ubwo kwiga gukuza amahame y'imico mbonera no kuyashyira mu bikorwa kuko ari yo azabahesha imico ifite urugero rutunganye. Ni abakozi b'Imana bafite inshingano yo kuba ibyitegererezo mu mico mbonera. Impano y'ubukungu, umwanya w'inshingano ndetse n'ubwenge, byatanzwe n'Imana maze ibiha umuntu kugira ngo abikoreshe neza abiteza imbere. Izo mpano zitandukanye Imana yagiye izigabira buri wese hakurikijwe imbaraga n'ubushozi bw'abagaragu bayo, buri wese ahabwa umurimo we.¹



¹ Review and Helard, June 21, 1877. [Urwibutso n'Integuza]

UBUREZI NYAKURI

Uburezi nyakuri ni ugucengeza mu muntu ibitekerezo bizatuma intekerezo n'umutima byuzurwa no kumenya Imana Umuremyi na Yesu Kristo Umucunguzi. Bene ubwo burezi buzavugurura intekerezo kandi buhindure imico. Buzaha imbaraga imico kandi buzikomeze buzirinde ibyongorero by'umwanzu w'abantu, kandi buzatubashisha gusobanukirwa n'ijwi ry'Imana. Buzatuma uwabuhawe ahinduka umukozi ukorana na Kristo.

Abasore bacu nibagira ubu bumenyi, bazabasha kubona ikiruhuko cyose cy'ingenzi bakeneye; ariko nibatabugira, ubumenyi bwose bashobora gukura mu isi ntibuzatuma babarirwa mu ngabo z'Uwiteka. Bashobora kunguka ubumenyi bwose bwo mu bitabo, nyamara bakaba injiji ntibasobanukirwe n'amahame y'ibanze ya kwa gukiranuka kwagombye kubahesha imico yemerwa n'Imana.

Abashaka kungukira ubwenge mu mashuri y'isi bakwiriye kwibuka ko hari irindi shuri rishaka ko baribera abigishwa - iryo ni ishuri rya Kristo. Iri shuri nta banyeshuri bigera barirangiza ngo barihererwemo impamyabushobozi. Mu bigishwa baryo harimo abakuru n'abato. Abumvira amabwiriza y'Umwigisha wo mu ijuru bahora barushaho kunguka ubwenge no kubonera guhebuje k'ubugingo, bityo bakaba bateguriwe kuzinjira muri rya shuri ry'ikirenga, ahazarangwa gutera imbere guhoro kugeza iteka ryose.

Nyirubwenge butagerwa ashyira imbere yacu ibyigisho bikomeye tugomba kwiga mu buzima, - ni ibyigisho byerekeye inshingano n'umunezero. Akenshi kwiga bene ibi byigisho biradukomerera, ariko tutabyize ntidushobora gutera imbere na gato mu buryo bufatika. Bishobora kudasaba kubyigana umuhati, amarira ndetse no kubabara gukomeye; ariko ntitugomba kugwaguza cyangwa ngo dutentebuke. Muri iyi si, hagati mu bigeragezo n'ibishuko byayo, ni ho tugomba kubonera ibyangombwa bituma tuba abantu bakwiriye kuzabana n'abamarayika bera kandi bazira inenge. Abantu batwarwa n'inyigisho z'agaciro gake maze bakareka kwigira mu ishuri rya Kristo, bene abo bari kwishyira mu gihombo cy'iteka ryose.

Ubushobozi bwose Umuremyi yahaye abana b'abantu bugomba gukoreshwa kubw'icyubahiro cye; kandi muri uku kubukoresha habonekamo gukora kwabwo gutunganye kandi gukomeye bihebuje ndetse kuje umunezero utagerwa. Amahame y'ijuru akwiriye kugirwa nyambere mu buzima, kandi intambwe yose itewe mu kunguka ubumenyi cyangwa mu gukarishya ubwenge ikwiriye kuba intambwe iganisha umuntu ku komatana n'Imana."¹

ICY'INGENZI MU BUREZI

Uburezi bw'ingenzi abasore bacu bakwiriye kugira muri iki gihe kandi buzabategurira kwinjira mu byiciro by'ishuri ryo mu ijuru, ni uburezi bubigisha kugaragariza abatuye isi ubushake bw'Imana.²

UBUREZI BUHEBUJE UBUNDI

Abantu bitangira kwiga inzira y'Imana n'ubushake bwayo, baba bahabwa uburezi buhanitse kurusha ubundi abantu bapfa bashobora guhabwa. Ntibaba bubakira imibereho yabo ku binyoma by'ab'isi, ahubwo bayubakira ku mahame azahoraho iteka ryose.³



- 1 *Fundamentals of Christian Education*, pp.543,544. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo]
- 2 *Review and Herald*, October 24, 1907. [Urwibutso n'Integuza]
- 3 *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, p.36. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]

UBUREZI BWA GIKRISTO BURAKENEWE

Imana isaba ko habaho kwigisha no guhugura ubushobozi bw'ubwenge. Yagennye ko abagaragu bayo bakwiriye kugira ubwenge buruseho no gusobanukirwa neza kurusha ab'isi, kandi ntinezwa n'abakabya kutagira icyo bitaho cyangwa bakabya kuba abanyabute ku buryo nta musaruro batanga ndetse ntibabe baba abakozi bazi neza icyo bakora. Uwiteka adusaba kumukunda n'umutima wacu wose, n'ubugingo bwacu bwose n'imbaraga zacu zose n'ubwenge bwacu bwose. Ibi biduha inshingano yo gukuzza no guteza imbere ubwenge bukagera ku bushobozi bwabwo bwuzuye, kugira ngo tubashe kumenya Umuremyi wacu no kumukunda n'umutima wacu wose.

Iyo ubwenge bushyizwe munsu y'ubutware bw'Umwuka w'Imana, uko burushijeho kuba bwubakitse neza ni ko bwarushaho gukoreshwa mu murimo w'Imana bugatanga umusaruro kurushaho. Umuntu utarigishijwe ariko wiyeguriye Imana ndetse abaka yifuza kubera abandi umugisha, ashobora gukoreshwa n'Uwiteka mu murimo we. Ariko abandi nabo bafite bene uwo mwuka wo kwitanga, kandi bakaba baragize amahirwe yo kwigishwa neza, nabo bashobora gukorera Kristo umurimo urushijeho kwaguka. Bene abo bahagaze mu mwanya w'isumbwe.

GUTOREZWA GUKORA UMURIMO UHANITSE

Uwiteka yifuza ko duhabwa uburezi bushoboka bwose mu mugambi w'uko ubwenge bwacu twazabugeza no ku bandi. Nta bantu bamenya ahantu bazahamagarirwa kujya gukorera Imana cyangwa kuyivugira, cyangwa se ngo bamenye uko bizagenda. Data wo mu ijuru wenyine ni we ubona uko yabagenda. Imbere yacu hari inshingano kwizera kwacu gufite intege nke no kudasobanukirwa. Intekerezo zacu zikwiriye kwigishwa ku buryo biramutse bibaye ngombwa dushobora kuvugira ukuri kw'ijambo ry'Imana imbere y'abatware bakomeye bo ku isi mu buryo buzahesha izina ryayo ikuzo. Ntabwo dukwiriye gutuma hari amahirwe n'amwe aduca mu myanya y'intoki yatuma twuzuzwa ibyangombwa by'ubwenge butubashisha gukorera Imana.

UBUREZI BUKOMATANYA BYOSE

Nimutyo abasore bakeneye uburezi biyemeze gukora badashidikanya ko bazabubona. Ntugategereze ko urugi rugukingukira; ahubwo nawe uzagire aho wikingurira. Uburyo bwose buto bukwigaragariye ntibukaguce mu myanya y'intoki. Ntugasesagure umutungo. Ntugakoreshe umutungo ufite mu guhaza irari ry'inda cyangwa wishakira ibinezeza. Iyemeze kuba umuntu w'ingirakamaro kandi ugera ku ntego nk'uko Imana yabiguhamagariye. Ntugakebakebe kandi ujye uba indehemuka mu bintu byose ukora. Koresha amahirwe yose ubonye maze wongere ubushobozi bw'ubwenge bwawe. Reka gusoma ibitabo bijyanirane no gukora umurimo w'amaboko w'ingirakamaro, kandi kubw'umuhati wuje ubudahemuka, kuba maso no gusenga, gwiza ubwenge bukomoka mu ijuru. Ibi bizaguha uburezi butanga ubushobozi bwose. Kubw'ibyo, ushobora gukuzza imico kandi ukagira ubushobozi bwo kugira ibyo uhindura ku bandi, bikakubashisha kubayobora mu nzira irangwa n'ubutungane no kwera.

Iyaba twakangukiraga kwita ku mahirwe n'uburyo dufite, hari ibintu byinshi biruseho byagerwaho mu murimo wo kwiyigisha. Uburezi nyakuri busobanuye ibirenze ibyo amashuri ya koleji ashobora gutanga. Nubwo kwiga iby'ubumenyi bidakwiriye kwirengagizwa, hariho ubwenge buhanitse bubonerwa mu komatana w'Imana. Nimutyo umunyeshuri wese agire Bibiliya ye, kandi yomatane n'Umwigisha mukuru. Nimutyo ubwenge bwigishwe kandi butegurirwe guhangana n'ibibazo bikomeye mu nzira yo gushaka ukuri kw'Imana.

UBUMENYI NO KWITEGEKA

Abantu basanzeye ubwenge kugira ngo babashe kubera umugisha bagenzi babo, bo ubwabo bazahabwa umugisha n'Imana. Kubwo kwiga Ijambo ry'Imana, imbaraga zabo z'ubwenge zizakangurirwa gukorana umwete. Hazabaho kwaguka no gutera imbere k'ubushobozi bw'umuntu, kandi intekerezo zizunguka imbaraga no gukora neza.

Umuntu wese ushaka kuba umukozi w'Imana agomba kurangwa no kwitegeka. Kwitegeka bizatanga umusaruro mwinshi kuruta ubutyoya cyangwa impano zihebuje izindi.”¹

GUSOHOZA IBYO ABABYEYI BITEZE

Gukora icyiza kubera ko ari cyiza ni byiza iteka kandi birimo umutekano. Mbese ubu ntumuzatekereza neza mudakina? Gutekereza neza ni byo rufatiro rwo gukora ibikorwa bitunganye. Iyemeze ko uzakora kugira ngo usohoze ibyo ababyeyi bawe bakwitezeho, kandi ngo uzakorane umwete ukiranutse maze ugere ku rugero ruhanitse, maze nawe uzabone ko amafaranga bagutanzeho atakoreshejwe nabi cyangwa

¹ Christ's Object Lessons," pp.334,335. [Imigani ya Kristo]

atapfuye ubusa. Gira umugambi udukebakaba wo gukorana n'imbaraga ababyeyi n'abarezi baba bakoresheje, maze ugere ku rugero ruhanitse rw'ubwenge n'imico. Iyemeze ko abagukunda cyane kandi bakwiringira bazakuburaho ibyo bari bakwitezeho. Gukora icyiza ni ubutwari, kandi Yesu azagufasha gukora icyiza niba ushaka kugikora kubera ko ari cyiza.²

² *Fundamentals of Christian Education*, p. 248. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo].


UBUREZI BUGAMIJE UBUZIMA BW'ITEKA RYOSE

Yohana yaranditse ati: “Ndabandikiye, basore, kuko mufite imbaraga, kandi ijambo ry’Imana rikaguma muri mwe, mukaba mwaranesheje wa Mubi.” 1Yohana 2:14. N’intumwa Pawulo yasabye Timoteyo gutegeka abasore “kwirinda.” Mutoreze ubugingo bwanyu kuba nk’ubwa Daniyeli, wari umugaragu w’indahemuka, kandi ushikamye w’Uwiteka nyir’ingabo. Itondeshe ikirenge cyawe kuko aho uhagaze ari ahera, kandi abamarayika b’Imana baragukikije.

Nibyiza kwiyumvamo ko ugomba kuzamuka ukagera ku rwego ruhanitse mu mashuri. Ubucurabwenge n’amateka ni ibyigisho by’ingirakamaro; ariko uko witanga ukoresha igihe cyawe n’amafaranga ntacyo bizageraho niba udakoresha ubumenyi ugeraho kubw’icyubahiro cy’Imana no kugirira neza inyokomuntu. Kumenya ubuhanga buhanitse nibitaba ibuye umuntu akandagiraho ngo bimuteze intambwe igera ku ntego zihanitse, bene ubwo bumenyi nta gaciro buba bufite.

Uburezi budatanga ubwenge buzaramba kugeza iteka ryose nta cyo bugamije. Keretse gusa nuhoza mu bitekerezo byawe ijuru n’ahazaza, ndetse n’ubuzima butazarangwamo urupfu, naho ubundi ibyo ugeraho wiga nta gaciro kazahoraho bifite. Ariko niba Yesu ari we mwigisha wawe, atari uko akwigisha umunsi umwe mu cyumweru, ahubwo akakwigisha buri munsi na buri saha, mu gihe ushimikiriye gushaka ubwenge bwo mu ishuri, uzagira kumwenyura kwe kukugaragara.¹

¹ *Fundamentals of Christian Education*, pp.191,192. [Amahamashingiro y’Uburezi bwa Gikristo].



GUTOZWA UBUMENYINGIRO

Umurimo w'amaboko w'ingirakamaro ni umugabane umwe w'umugambi w'ubutumwa bwiza. Umwigisha mukuru wari mu nkingi y'igicu, yahaye Abisirayeli amabwiriza y'uko umusore wese akwiriye kwigishwa agatozwa umwuga runaka w'ingirakamaro. Kubera iyo mpamvu, wari umuco w'Abayahudi baba abakire cyangwa abakennye cyane kwigisha abahungu n'abakobwa babo imyuga runaka y'ingirakamaro, kugira ngo, haramutse habayeho ibihe bikomeye cyane be kuzajya bahora bategereje ibiva mu maboko y'abandi, ahubwo bazashobore kwikemurira ibibazo bijyanye n'ibyo bakeneye. Bagombaga kwigishwa iby'ubwenge ariko bakagira n'imyuga bigishwa. Ibi byagombaga kuba umugabane utagomba kubura mu burezi bwabo.

UBUREZI BUZAMURA IMPANDE ZOMBI

Muri iki gihe, nk'uko byari biri mu minsi y'Abisirayeli, umusore wese yagombaga kwigishwa inshingano zijyana n'ubuzima bw'ibifatika. Buri wese yagombaga kugira ubumenyi agira bwerekeye imirimo y'amaboko, kugira ngo igihe bibaye ngombwa ubwo bumenyi abe ari bwo bumubeshaho. Ibi ni ingenzi, atari uko byagombaga kubarinda ingorane zibaho mu buzima gusa, ahubwo byari ingirakamaro ku mikurire y'umubiri, ubwenge no gukuza imico mbonera. Nubwo byagaragaraga ko hari utari kuzigera akenera gukora imirimo ivunanye y'amaboko ngo imwunganire, ntibyabuzaga ko yigishwa gukora. Hatabayeho gukora imyitozo ngororamubiri, nta muntu ushobora kugira umubiri wubakitse neza n'ubuzima bwuzuye imbaraga; kandi kwimenyereza kujya ukora umurimo w'amaboko ukozwe neza ni ingenzi mu gutera umuntu kugira intekerezo zishikamye kandi zikora neza ndetse n'imico iboneye.

Abanyeshuri bagwije ubumenyi bwo mu bitabo ariko nta bwenge bw'imirimo ifatika y'amaboko ntibashobora kuvuga ko bahawe uburezi n'uburere buringaniye. Imbaraga zagombye kuba zarakoreshejwe mu mirimo itandukanye zarirengagijwe. Ntabwo uburezi buvuze gukoresha ubwonko bwonyine. Gukoresha amaboko ni umugabane umwe w'inyigisho z'ingenzi zigomba guhabwa umusore wese. Igihe umunyeshuri atigishijwe

gukora umurimo w'amaboko w'ingirakamaro, haba hari intambwe y'ingenzi aba abuze mu burere bwe.

Gukoresha umubiri wose imyitozo itawangiza bizatanga uburere bwagutse kandi bwumvikana. Umunyeshuri wese akwiriye gufata igihe runaka mu muni akagiharira gukoresha amaboko. Kubw'ibyo, akamenyero ko gukoresha amaboko kazaremwa mu munyeshuri kandi umwuka wo kumva ko hari ibyo yishoboreye uzarushaho gushimangirwa ari nako abasore bazarindwa ibibi byinshi n'imigirire itesha umuntu agaciro ikunze akenshi gukomoka ku bunebwe. Kandi ibi byose bijyaniranye n'umugambi w'ingenzi w'uburezi kuko mu gukora umurimo utera ubutwari, udatebakeba, ndetse utunganye; tuba tutabusanya na gahunda y'Umuremyi.

IBYIZA BY'UMURIMO W'INGIRAKAMARO

Ntabwo ibyiza bihebuje biva mu gukora imyitozo ngororamubiri ifatwa nk'imikino cyangwa imyitozo isanzwe gusa. Hari ibyiza biva mu kuba ahantu hari umwuka mwiza n'imyitozo igorora umubiri; ariko mureke izo mbaraga zitangwe no mu gukora umurimo w'ingirakamaro, kandi inyungu zabyo zizaba nyinshi cyane. Umuntu azumva anyuzwe kubera ko imyitozo nk'iyi izanira umuntu kumva ko ari ingirakamaro kandi n'umutimanama ukanyurwa n'inshingano yakozwe neza.

Abanyeshuri bakwiriye gusohoka mu mashuri yacu barahawe uburere bushyitse kugira ngo igihe bazaba bagomba kwibeshaho ubwabo bazabe bafite ubwenge bashobora gukoresha kugira ngo bagere kubwo bifuza mu buzima. Kwigana umwete ni ingenzi, ariko ni nako biri ku gukorana umwete udatebakeba. Ntabwo gukina ari byo by'ingenzi. Ntabwo kwegurira gukoresha imbaraga z'umubiri mu binezeza ari byo bikwiriye kugira ngo umuntu agire intekerezo nzima. Iyaba igihe gikoreshwa mu myitozo ngororamubiri cyakoreshwaga mu murimo wa Kristo, umugisha w'Imana waba ku mukozi.

Ikinyabupfura umuntu agira mu buzima bw'ibifatika yungukira mu gukora imirimo y'amaboko ijyanirana no gukoresha ubwonko, bene iki kinyabupfura kigirwa cyiza no gutekereza ko gituma ubwenge n'umubiri byuzuza ibyangombwa byo gukora umurimo Imana ishaka ko abantu bakora. Uko abasore barushaho gusobanukirwa neza n'uburyo bwo gukora inshingano zo mu buzima bufatika, ni ko buri muni bazarushaho kunezezwa no kubera abandi ingirakamaro. Ubwenge bwatojwe kunezezwa n'umurimo w'ingirakamaro buraguka; kandi kubwo kwigishwa no gutozwa bwuzuza ibikwiriye byo kuba ingirakamaro kuko buba bwarakiriye ubumenyi bw'ingenzi butuma ubufite aba umugisha ku bandi.

Nta hantu na hamwe mu buzima bwa Kristo wasanga yarafataga igihe cyo gukina no kwishimisha. Yari umwigisha ukomeye w'ubuzima turimo ubu n'ubuzima buzaza; nyamara sinashoboye kubona ahantu na hamwe

yigishije abigishwa be kujya mu mikino yo kwishimisha kugira ngo bakore imyitozo ngororamubiri

MWIGE GUTEKA

Abasore b'abahungu n'abakobwa bakwiriye kwigishwa uburyo bwo guteka badasesagura, kandi birinde ikintu cyose cyerekeranye n'inyama. Nimutyo he kugira abashishikarizwa gutekura amafunguro arimo inyama ku rugero urwo ari rwo rwo; kuko ibyo byerekeza mu mwijima n'ubujiji bwo muri Egiputa aho kwerekeza ku butungane bubonera mu bugorozi mu by'imirire.

By'umwihariko, abagore bakwiriye kwiga guteka. Mbese ni uwuhe mugabane w'uburere n'uburezi umukobwa yahabwa burusha ubu agaciro? Imibereho iyo ari yo yose umukobwa yaba afite mu buzima, guteka ni ubumenyi akwiriye gushyira mu bikorwa . . .

MU TURERE TWAMAMAZWAMO UBUTUMWA

Kugira ubumenyi ku ngingo zose z'ubuzima bufatika bizatuma abasore bacu baba ingirakamaro ubwo bazaba barangije ishuri bagiye mu bihugu by'amahanga. Ntabwo icyo gihe bizabasaba kwishingikiriza ku bantu bazaba basanze ngo babatekere kandi babadodere imyambaro, cyangwa ngo babubakire amacumbi. Ikindi kandi bazagira byinshi bahindura niberekana ko bashobora kwigisha abantu bari mu bujiji uko bakoresha uburyo bwiza kuruta ubundi kandi bagatanga umusaruro uhebuje. Icyo gihe hazakenerwa amafaranga make cyane yo gufasha bene abo bamisiyoneri bitewe n'uko bazaba bakoresha neza imbaraga zabo z'umubiri mu mirimo y'amaboko kandi y'ingirakamaro yiyongera ku mashuri bize. Ibi bizashimwa cyane aho kubona ubushobozi bubunganira bizaba bikomeye. Bazagaragaza ko abamisiyoneri bashobora guhinduka abigisha ubwo bazaba bigisha uburyo bwo gukoresha amaboko. Kandi ahantu hose bashobora kuzajya, ibyo bize mu gukoresha amaboko bizatuma bagira aho bashinga ikirenge.”¹

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.307-314. [Inama ku Barezi, Ababyeyi, n'Abanyeshuri]



UBUDAHEMUKA BW'UMUNYESHURI

Abanyeshuri bavugako bakunda Imana kandi bakumvira ukuri bakwiriye kurangwa no kwitegeka no gukomera ku mahame y'iby'iyobokamana bizababashisha gushikama batanyeganyega bari hagati mu bigeragezo. Ibyo kandi bizababashisha no guhagarara bakerekana Yesu mu ishuri bigamo, aho bacumbika cyangwa ahandi hantu bashobora kuba. Ntabwo iyobokamana rigomba gupfa kwambarwa nk'umwenda igihe abantu bari mu nzu y'Imana gusa; amahame y'iyobokamana akwiriye kuranga umuntu mu buzima bwe bwose.

IMICO N'IMYITWARIRE

Abantu banywa ku isoko y'ubugingo ntibazagaragaza icyifuzo kidahwema cyo gushaka guhindagurika ndetse n'ibinezeza nk'uko ab'isi babigenza. Mu myitwarire yabo n'imico yabo hazagaragaramo gutuza, amahoro n'umunezero bagiye babonera muri Yesu kubwo gushyira ibibahagarika umutima ndetse n'imitwaro yabo ku birenge bya Yesu buri muni. Bazagaragaza ko mu nzira yo kumvira no gukora inshingano wahawe habonekamo ibyishimo n'umunezero. Bene abo bazagira impinduka bateza mu banyeshuri bagenzi babo kandi izo mpinduka zizagaragara mu ishuri ryose

Umusore umwe wamaramaje, w'umutima wita ku nshingano ze kandi w'indahemuka mu ishuri ni uw'igiciro kitagerwa. Bene uwo abamarayika bo mu ijuru bamurebana umutima wuje urukundo, kandi umurimo wose wo gukiranuka akora, ikigeragezo cyose atsinda n'ikibi cyose anesheje byandikwa mu bitabo byo mu ijuru. Bene uwo aba ashinga urufatiro rwiza ruzamubashisha guhangana n'igihe kizaza kugira ngo azabashe gusingira ubugingo buhoraho.

Kurinda no gusigasira ibigo Imana yagennye ko biba uburyo bwo guteza imbere umurimo wayo ni inshingano yahawe urubyiruko rw'Abakristo. Ntabwo higeze habaho igihe umusaruro w'ingenzi cyane wari ushingiyeye ku rungano rw'abasore nk'iki. Mbega uburyo ari ingenzi ko abasore bari bakwiriye kuba bujuje ibyangombwa bibabashisha gukora uyu murimo

ukomeye kugira ngo Imana ibashe kubakoresha nk'ibikoresho byayo! Umuremyi wabo afite ibyo abitezeho by'agaciro gakomeye ubigereranyije n'ibindi

AGACIRO K'IKINYABUPFURA UMUNTU ATOREZWA KU ISHURI

Imico ya kinyamaswa n'ubuhararumbu iranga abasore benshi bo muri iki gihe isi igezemo ikura umutima. Iyaba abasore n'urubyiruko bashoboraga kubona ko mu kubahiriza amategeko n'amabwiriza ibigo byacu bibaha baba bakora ibizatuma uko bagaragara mu muryango mugari w'abantu kurushaho kuba kwiza, bigakuza imico yabo, bigahesha agaciro intekerezo zabo kandi bikabongerera umunezero, ntabwo bakwigomeka ku mategeko n'ibyo basabwa gukora. Ikindi kandi ntibagira uruhare mu guteza urwikekwe no gutekereza nabi ibyo amashuri abatoza.

Urubyiruko rwacu rukwiriye gukora ibyo rusabwa gukora rukoresheje imbaraga kandi rurangwa no kumvira. Bityo, ibi bizaba ubwishingizi bwo kugera ku ntego bahawe. Abasore batigeze bagera ku ntego zabo mu nshingano z'igihe gito bahabwa mu buzima nabo bazaba batiteguye kugira uruhare mu nshingano zihanitse. Umuntu agwiza ubunararibonye mu by'umwuka binyuze mu ntambara, kubura ibyo yari yiteze, mu gutegeka inarinjye mu buryo bukomeye cyane no mu gusengana umwete. Intambwe zigana mu ijuru zigomba guterwa imwe imwe; kandi intambwe yose itewe umuntu ajya mbere imutera imbaraga ngo atere ikurikiyeho.”¹



¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.98-100. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]

AMAHIRWE ABANYESHURI BAFITE

Banyeshuri, mujye mukorana neza n'abarimu banyu. Igihe mukora ibi, muba mubatera ibyiringiro n'ubutwari. Muba mubafasha, kandi namwe ubwanyu muba mwifasha gutera imbere. Mwibuke ko kuba abarimu banyu bahabwa icyubahiro, kandi umurimo wabo ukagera ku ntego, uruhare runini ni mwe bishingiyeho. Mu buryo bwumvikana cyane mugomba kuba abigishwa, mukabona Imana inyuma y'umwarimu wanyu, kandi uwo mwarimu akaba akorana n'Imana.

Amahirwe mufite yo kugira icyo mukora arabahitaho mu buryo bwihuta cyane. Nta gihe mufite cyo gupfusha ubusa mu kunezeza inarijye. Muzagira umunezero nyakuri igihe gusa muzaharanira kugera ku ntego mwihaye. Amahirwe mwahawe y'igihe mufite mumara mu ishuri ni ay'agaciro kenshi. Nimutume ubuzima bwanyu bwa kinyeshuri butungana mu buryo bushoboka bwose. Ubwo buzima muzabunyuramo rimwe risa. Kuba rero bizagaragara ko umurimo wanyu wageze ku ntego cyangwa habayeho gutsindwa, ibyo biri mu biganza byanyu. Igihe mugeze ku ntego yo kunguka ubwenge bwigishwa na Bibiliya, muba mwibikira ubutunzi muzaha n'abandi.

GUFASHA ABANDI

Niba ufite umunyeshuri mugenzi wawe uagenda usigara inyuma, musobanurire ibyigisho adasobanukiwe. Koresha amagambo yoroheje; uvuge ibitekerezo byawe mu mvugo yoroshye kandi yumvikana.

Kubwo gufasha abanyeshuri bagenzi banyu, muba mufasha abarimu banyu. Kandi akenshi umunyeshuri ufite ubwenge bigaragara ko budashabutse azumva mu buryo bwihuse ibyo abwirwa n'umunyeshuri mugenzi we kurusha ibivuye kuri mwarimu. Uku ni ko gukorana n'abandi Kristo ashima. Umwigisha mukuru aguhagaze iruhande kugira ngo agufashe gufasha umunyanteye nke.

Mu buzima bwanyu bw'ishuri mushobora kugira amahirwe yo kubwira abakene n'abaswa iby'ukuri gutangaje kw'ijambo ry'Imana. Nimukoreshe neza bene ayo mahirwe. Uwituka azahira umwanya wose mukoresha muri bene ubu buryo.”¹


¹ Testimonies for the Church,” Vol.7, pp.275, 276. [Ibhamya by'Itorero]

KUMENYA NEZA AMAHAME TWIZERA

Ntimukigere munyurwa n'urugero rwo hasi. Igihe mugiyeye ku ishuri, murebe neza ko mufite umugambi uhanitse kandi wera mu bitekerezaho byanyu. Mugende bitewe n'uko mwifuzaga ubwanyu kuzuzanya ibikwiriye byo gukora umurimo mu ruzabibu rw'Uwiteka. Nimukore ibyo mushobora byose kugira ngo mugere kuri icyo ntego. Mushobora kwikorera ibirenze ibyo undi muntu uwo ari we wese yabakorera. Kandi niba mukora ibyo ubwanyu mushobora byose, mbega umutwari uremereye muzakura ku muyobozi w'ishuri n'abigisha banyu!

Mbere y'uko mugera kwiga amashuri ahanitse y'ibyo ubuvanganzaho, mumenye neza ko musobanukiye byimbitse n'amategeko yoroheje y'ikibonezamvugo cy'ururimi rw'Icyongereza kandi mukaba mwarize gusoma, kwandika no kuvuga neza . . .

Ntimugapfushye igihe ubusa mwiga ibintu bizababera iby'agaciro gake mu buzima bwanyu buzakurikiraho. Mu mwanya wo kwiga amashuri, indimi n'ubuvanganzaho byo mu gihe cy'ubwami bw'Abarokoma n'Abagirikiri, nimubanze mwige kuvuga icyongereza neza. Mwige uburyo bwo gucunga umutungo. Mugwire ubumenyi bw'amasomo azabafasha kuba ingirakamari aho muzaba muri hose.²



² *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.218, 219. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]

GUTOREZWA UMURIMO

Nkurikije umucyo Imana yatanze, biratangaje kubona nta basore n'inkumi benshi babaza bati: "Mwami, ushaka ko ngukorera iki?" Ni ikosa rikomeye cyane gutekereza ko igihe umusore atarifatira icyemezo cyo kwitanga ngo yiyegurire umurimo w'Imana nta muhati wihariye usabwa gukoreshwa kugira ngo atunganyirizwe gukora umurimo w'Imana. Uko umuhamagararo wawe waba umeze kose, ni ingenzi ko uvugurura ubushobozi bwawe binyuze mu kwiga ushimikiriye.

Abasore n'inkumi bakwiriye gushishikarizwa kwishimira imigisha ijuru ritanga n'amahirwe ribaha yo guhinduka abantu bafite ikinyabupfura kandi b'abanyabwenge. Bakwiriye kwihutira kubyaza umusaruro amashuri yashinzwe mu mugambi wo gutanga ubwenge buhebuje ubundi. Kuba umunyabute n'utita ku bintu mu byerekeye kwiga ni icyaha. Igihe ni kigufi, kandi bitewe n'uko Umwami wacu ari hafi kuza gushyira umusozo ku mateka y'isi, ni ingenzi cyane ko habaho kurushaho gukoresha neza uburyo n'amahirwe biriho muri iki gihe.

EGURIRA IMANA UBUSHOBOZI BWawe

Abasore n'inkumi bakwiriye kwijyana mu mashuri yacu, bakajya mu nzira bashobora kuboneramo ubwenge n'ikinyabupfura. Bakwiriye kwegurira Imana ubushobozi bwabo, bagahinduka abigishwa ba Bibiliya bashimikiriye kugira ngo bahabwe imbaraga zo gutsinda inyigisho z'ibinyoma, kandi be gutembanwa n'ibinyoma by'abanyabyaha; kuko mu gucukumbura Bibiliya ari ho dukura ubwenge butumenyesha ukuri uko ari ko. Kubwo gushyira mu bikorwa ukuri twamenye, umucyo uruseho uzatumurikira uturutse mu Byanditswe Byera

Abantu biyeguriye Imana by'ukuri ntibazinjira mu murimo bajyanywe n'impamvu nk'izitera abantu kujya mu mirimo n'ubucuruzi by'isi, ngo bagende bajyanywe no gushaka imibereho gusa. Ahubwo bazajya mu murimo nta mutima bafite wo kwemerera iby'isi kubatega, kandi bazirikana ko umurimo w'Imana wera.

KWITEGURA IBISHOBORA KUZATUNGURANA

Isi igomba kuburirwa, kandi nta muntu ukwiriye kwituriza anyuzwe no kumenya ukuri by'amajyejuru. Ntabwo muzi inshingano mushobora kuzahamagarirwa. Ntabwo muzi aho mushobora kuzahamagarirwa kujya guhamya ukuri. Benshi bagomba kuzahagarara mu nkiko; abandi bazahagarara imbere y'abami n'imbere y'abanyabwenge buhanitse bo ku isi kugira ngo basubize ibyo kwizera kwabo.

Abantu basobanukiwe ukuri mu buryo bw'amajyejuru gusa ntibazashobora gusobanura Ibyanditswe mu buryo bwumvikana, kandi ngo batange impamvu nyakuri zo kwizera kwabo. Bazagwa mu rujijo, kandi ntibazaba abakozi b'abahanga badakeneye gukorwa n'isoni. Nimutyo he kugira umuntu n'umwe utekereza ko adakeneye kwiga bitewe n'uko atazabwiririza ku ruhimi. Ntabwo uzi ibyo Imana ishobora kugusaba gukora.

Ni ikintu kibabaje cyane kubona iterambere ry'umurimo w'Imana rigwabizwa n'ubuke bukabije bw'abakozi bize bujuje ibyangombwa byo kuba mu myanya y'ubuyobozi. Uwiteka azemerera abantu ibihumbi byinshi gukora mu murima we wuzuye ibisarurwa, ariko abantu benshi bananiwe kwitegura kuzakora uwo murimo. Nyamara umuntu wese wemeye kandi ushyigikiye umurimo wa Kristo, ndetse witanze ngo abe umusirikare mu ngabo z'Umwami, akwiriye kujya agira umwanya wo kwitoza adakebakeba. Iby'iyobokamana byagiye bihabwa agaciro gake n'abavuga ko ari abayoboze ba Kristo. Nyamara ntibiri mu mugambi w'Imana ko umuntu wese akwiriye gukomeza kuba mu bujiji kandi ubwenge no kumenya byarashyizwe aho ashobora kugera.¹

KUGENGWA N'AMAHAME ATUNGANYE

Kuba abasore b'abahanga bagera ku ntsinzi zikomeye igihe cyose ntabwo ari ukuri. Ni kangahe abantu bafite impano kandi bize bagiye bashyirwa mu myanya y'ubuyobozi ariko bakagaragaza gutsindwa! Gushashagirana kwabo kwasaga na zahabu, ariko igihe kwanyuzwaga mu ruganda kwagaragaye ko ari inkamba. Kubwo kutaba indahemuka batumye umurimo wabo utagera ku ntego. Ntabwo babaye abanyamwete ngo bihangane, ndetse ntibajyaga ibintu mu mizi. Nta bushake bwo gutangirira ku ngazi y'urwego yo hasi bari bafite, kandi ngo kubwo gukorana ukwihangana bazamuke ingazi ku yindi kugeza ubwo bagera mu bushorishori bwayo. Bagenderaga mu bishashi by'umucyo biremeye ari byo bishashi bimurika by'intekerezo zabo. Ntabwo bishingikirizaga ku bwenge bushobora gutangwa n'Imana yonyine. Ntabwo gutsindwa kwabo kwatewe n'uko batari bafite amahirwe, ahubwo kwatewe n'uko batirindaga. Ntabwo batekerezaga ko amahirwe bafite yo kuba barize ari iby'agaciro kuri bo, bityo ntibateye imbere nk'uko bagombaga kuba barateye imbere mu kumenya iby'iyobokamana n'ubumenyi buhanitse. Intekerezo zabo n'imico yabo ntibyagengwaga n'amahame ahanitse yo gutungana.²

¹ *Fundamentals of Christian Education*, pp.216, 217. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo]

² *Fundamentals of Christian Education*, p.193. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo]

KWIFUZA KURUSHAHO GUKORA NEZA


Iyaba buri muntu wese yasobanukirwaga n'inshingano afite ku Mana kubw'impinduka ashobora guteza ubwe, ntiyaba umunebwe na hato, ahubwo yakoresha ubushobozi bwe kandi akamenyereza imbaraga zose afite kugira ngo abashe gukorera Kristo wamuguze amaraso ye.

Abasore by'umwihariko bakwiriye kumva ko bagomba kumenyereza intekerezo zabo, kandi bagakoresha amahirwe yose babonye kugira ngo bahinduke abanyabwenge, bityo babashe gukorera umurimo ushimwa Uwabatangiye ubugingo bwe. Nimutyo he kugira umuntu n'umwe ukora ikosa ryo kwitekerereza ko yize neza ku buryo atagikeneye kwigira ku byanditswe mu bitabo ndetse no ku biri mu byaremwe. Nimutyo buri wese akoreshe neza amahirwe yose yahawe kubw'ubuntu bw'Imana, amenyere ibishoboka byose mu byahishuwe cyangwa mu bumenyi buhanitse.

Dukwiriye kwiga guha agaciro gakwiriye imbaraga Imana yaduhaye. Niba umusore agomba gutangirira ku ngazi yo hasi cyane y'urwego, ntakwiriye gucibwa intege, ahubwo akwiriye kwiyemeza kuzamuka ingazi ku yindi kugeza ubwo azumva ijwi rya Kristo rivuga riti: "Mwana wanjye, zamuka. Nuko nuko mugaragu

Mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa shobuja."¹

¹ *Fundamentals of Christian Education*, p. 213. [Amahamashyamba y'Uburezi bwa Gikristo]



UBWENGE NYAKURI

Abasore n'inkumi bashobora kwiga amashuri ahanitse cyane yo ku isi, nyamara bakaba baba abaswa ku mahame y'ibanze yari kuzatuma baba abaragwa b'ubwami bw'Imana. Ubwenge bwa muntu ntibushobora kugira uwo buhesha kuzinjira mu bwami bw'ijuru. Abagize ubwami bwa Kristo ntibagirwa abaturage ba bwo n'imigenzo n'imihango, cyangwa kwiga ibitabo igihe kirekire. "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo." Yohana 17:3.

BIBILIYA N'UBUHANGA BUHANITSE¹

Ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya bikwiriye kwigwa buri muni. Ubuhanga bw'Imana n'ubwenge bwayo bigera ku munyeshuri uhora yiga inzira zayo n'imirimo yayo. Bibiliya igomba kuba umucyo n'umwigisha wacu. Igihe abasore bize kwizera ko Imana yohereza ikime, imvura n'umucyo w'izuba bivuye mu ijuru, bigatuma ibyatsi bimera; igihe basobanukiwe ko imigisha yose ikomoka ku Mana, kandi ko Imana ikwiriye gushimwa no gusingizwa, bizabatera kuzirikana Imana mu nzira zabo zose kandi bakorane ubudahemuka inshingano zabo umunsi ku wundi. Imana nayo izaba mu bitekerezo byabo. . . .

Igihe bavuga kuby'ubuhanga buhanitse, usanga abasore benshi bafite ubwenge bukenye ibyanditswe; bashaka gusobanura inzira z'Imana n'umurimo wayo bakoresheje ikintu gihuje n'imyumvire yabo ifite aho igarukira; ariko ibyo byose ntacyo bigeraho. Ubuhanga buhanitse nyakuri n'ibyahumetswe biruzuzanya. Ubuhanga buhanitse bupfuye ni ikintu kitishingikiriza ku Mana. Ni ubuswa nyamara bwigaragaza nk'aho hari icyo bumaze.

Kimwe mu bibi bikomeye cyane cyibasiye inzira yo gushaka ubwenge no gucukumbura mu by'ubuhanga buhanitse, ni uko akenshi abantu birundurira muri ubwo bushakashatsi bagera aho batakibona imico yo gutungana y'Imana n'idini ritunganye. Bashingiye ku mahame y'ubuhanga buhanitse, abanyabwenge bisi bagerageje gusobanura impinduka Mwuka w'Imana ateza mu mutima. Intambwe nto itewe muri iki cyerekezo izashora intekerezo mu

¹ Ubuhanga buhanitse buvugwa aha ni Siyansi 'Science'

rujijo rwo gushidikanya. Iyobokamana ya Bibiliya ni ubwiru bw'ubumana; nta bwenge bw'umuntu bushobora kubusobanukirwa mu buryo bwuzuye, kandi umutima utaragizwe mushya ntushobora kubusobanukirwa na hato.

KWIGISHWA N'IMANA

Abasore ntibazaba abanyanteye nke mu bitekerezo cyangwa ngo babe imburamumaro kubwo kwiyegegurira umurimo w'Imana. Kuri benshi, uburezi busobanuye ubumenyi bwo mu bitabo; ariko "kubaha Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge." (Imigani 9:10). Umwana muto ukunda Imana kandi akayubaha ni uw'agaciro gakomeye mu maso hayo kuruta umuntu ufite impano zhanitse kandi wize cyane usuzugura iby'agakiza ke. Abasore begurira Imana imitima yabo n'ubugingo bwabo, baba bihuza na Soko y'ubwenge bwose no gukomera kose.

Abasore nibigira ku Mwigisha wo mu ijuru nk'uko Daniyeli yabigenje, bazamenya ko kubaha Uwiteka ari ishingiro ry'ubwenge koko. Igihe rero bamaze gushinga urufatiro ruhamye nk'uko Daniyeli yagenje, bashobora guhindura amahirwe yose bafite bakayabyaza umusaruro ukomeye, kandi bashobora kuzamuka bakagera ku rwego ruhanitse urwo ari rwo rwose mu byo bageraho mu by'ubwenge. Kubwo kwiyegegurira Imana no kuba barindwa n'ubuntu bwayo n'imbaraga y'Umwuka wayo Wera, bazagaragaza imbaraga z'ubwenge zimbitse kurusha abantu bikundira iby'isi.

Kwiga ubuhanga buhanitse wifashishije ubusobanuro abantu babushyizeho ni uguhabwa uburezi bupfuye. Kumenya Imana na Yesu Kristo uwo yatumye, ni ukumenya ubuhanga buhanitse Bibiliya yigisha. Abatunganye mu mutima babona Imana mu cyiza cyose, no muri buri rwego rw'uburezi nyakuri. Babona ukurasa k'umucyo urabagirana uturuka ku ntebe y'ubwami bw'Imana. Ijuru rizajya rivugana n'abazagundira imirasire ya mbere y'ubwenge bw'iby'umwuka.

Abanyeshuri mu mashuri yacu bakwiriye gufata ko kumenya Imana biruta ikindi kintu cyose. Ubu bumenyi bushobora kugerwaho gusa kubwo gucukumbura Ibyanditswe Byera. "Ijambo ry'umusaraba ku barimbuka ni ubupfu, ariko kuri twebwe abakizwa ni imbaraga z'Imana, kuko byanditswe ngo "Nzarimbura ubwenge bw'abanyabwenge, n'ubuhanga bw'abahanga nzabuhindura ubusa. . . . kuko ubupfu bw'Imana burusha abantu ubwenge, kandi intege nke z'Imana zirusha abantu imbaraga. . . . Ni yo ibaha kuba muri Kristo Yesu waduhindukiye ubwenge buva ku Mana, no gukiranuka no kwezwa no gucungurwa, kugira ngo bibe nk'uko byanditswe ngo "Uwirāta yirāte Uwiteka." 1Abakorinto 1:18-31."²

² *The Youth's Instructor*, Nov.24, 1903. [Umwigisha w'Abasore]

SHYIRAHU URUGERO RUHANITSE

Imana yifuza ko dukoresha amahirwe yose tugira kugira ngo twitegure gukora umurimo wayo. Yiteze ko dushyira imbaraga zacu zose mu gukora umurimo wayo, kandi imitima yacu igakomeza kuzirikana ukwera kwawo n'inshingano ziwurimo zikwiriye kubahwa.

Abantu benshi bujuje ibyangombwa byo gukora umurimo w'indashyikirwa, bakora bike cyane bitewe n'uko bagerageza bike. Abantu ibihumbi byinshi banyura mu buzima nk'aho badafite umugambi uhanitse utumye bariho, nta n'urugero ruhanitse bashaka kugeraho. Impamvu imwe ibitera ni uko bipfobya. Kristo yishyuye igiciro kitagerwa ku bwacu, kandi dukurikije igiciro cyishyuwe, yifuza ko twiha agaciro.

Ntukanyurwe no kugera ku rugero rwo hasi. Ntabwo turi uko twagombye kumera, cyangwa ngo tube uko Imana yifuzaga ko twagombaga kumera. Imana yaduhaye imbaraga zo gutekereza, ntiyashatse ko izo mbaraga zabaho ntacyo zikora, cyangwa ngo ziyoberezwe mu gukurikira iby'isi bibi, ahubwo zatangiwe kugira ngo zitezwe imbere ku rwego ruhanitse, zitunganywe, zezwe, kandi zihabwe agaciro, ndetse zikoreshwe mu guteza imbere inyungu z'ubwami bwayo.

MUSHIKAME KU BUMUNTU BWANYU

Nta muntu n'umwe ukwiriye kwemera kuba nk'imashini, ngo akoreshe n'ubwenge bw'undi. Imana yaduhaye ubushobozi bwo gutekereza no gukora, kandi kubwo gukorana ubushishozi ndetse ukayisaba ubwenge, uzashobora kwihanganira ibikuremerera. Shikama ku bumuntu Imana yaguhaye. Ntukabe igicucu cy'undi muntu. Iringire ko Uwiteka azagukoreramo kandi akagukoresha.

Ntuzigere utekereza ko wize bihagije, kandi ko noneho ushobora kureka gukoresha umuhati wawe. Ubwenge buhugutse kandi butyaye ni bwo gipimo cy'uwo umuntu ari we. Kwiga kwawe gukwiriye gukomeza mu gihe cyose cyo kubaho kwawe; kandi ukwiriye kwiga buri muni ndetse ugashyira no mu bikorwa ubwenge wungutse.

Ibuka ko umwanya wose ushobora gukorera uba ugaragaza impamvu igutera gukora kandi ukuza imico. Uko umurimo wawe waba uri kose, wukore neza ushyizeho umwete; utsinde umutima wo gushaka gukora umurimo woroheje.

UMURIMO UMUNTU AKORANYE UMUTIMA WE WOSE

Wa mwuka n'amahame umuntu ashyira mu murimo we wa buri munsu bizaninjizwa no mu buzima bwe bwose. Abantu bifuzaga umurimo bakora nk'icyate bahawe kandi bakifuzaga umushahara runaka, ndetse bakifuzaga kugaragaza ibyo bakoze bihujwe gusa n'ibyo babwiwe nta kintu barengejeho cyangwa icyava mu bwenge bwabo, bene abo sibo Imana ihamagarira gukora mu murimo wayo. Abantu biga amageza yo gutanga bike cyane bishoboka by'imbaraga zabo z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'imico mbonera, bene abo si bo bakozi Imana ishobora gucucumuraho imigisha myinshi. Urugero batanga rwanduza abandi. Kwishakira inyungu ni zo mpamvu zibatera gukora. Abantu bakenera gukorera ijisho, kandi bagakora nk'aho inshingano bahawe ari iyavuzwe gusa nta kindi bongereyeho, bene abo si bo bavugwa ko ari abagaragu beza bakiranuka. Hakenewe abakozi bagaragaza umuhati, ubudahemuka no kudakebakeba; abakozi bafite ubushake bwo gukora ikintu cyose gikeneye gukorwa.

Abantu benshi baba imburamumaro bitewe no guhunga inshingano biterwa n'ubwoba bagira bw'uko batazazishobora. Kubw'ibyo ntibashobora kunguka ubwenge buva mu bunararibonye kandi bene ubwo bwenge ntibashobora kubuhabwa no gusoma no kwiga ndetse n'ibindi byiza byose bageraho.

Umuntu ashobora guhindura ibibaho, ariko ibibaho ntibikwiriye kwemererwa guhindura umuntu. Dukwiriye gufata ko ibibaho ari ibikoresho twifashisha ngo dukore. Tugomba kubitegeka, ariko ntidukwiriye kubyemerera kudutegeka.

Abantu b'abanyambaraga ni abigeze kurwanywa, kunanizwa no kubangamirwa mu migambi yabo. Kubwo gukoresha imbaraga zabo, inzitizi bahura nazo zibazanira imigisha. Barushaho kugwiza kwikomeza. Amakimbirane n'ibihagarika umutima bisaba ko umuntu agaragaza kwiringira Imana, kandi akagira kwa gushikama gutuma umuntu agwiza imbaraga.”¹


GUKORESHA UBUZIMA IBIHAMBAYE

Nubwo kwiga amashuri meza ari inyungu ikomeye iyo bihujwe no kwiyegegurira Imana k'ubwayize, abataragize amahirwe yo kugera mu mashuri ahanitse ntibakwiriye gutekereza ko badashobora gutera imbere mu by'ubwenge n'iby'umwuka. Nibakoresha neza cyane ubwenge bafite, buri munsu bagashaka kugira ikintu bongera ku bwenge bafite kandi bagatsinda

¹ Ministry of Healing,” pp.498-500. [Renger Ubuzima]

kwinangira kose kwa kamere yabo babinyujije mu kubaka no gukuza imico nk'iya Kristo babishimikiriye, Imana izabagomorerera imiyoboro y'ubwenge. Bazashobora kuvugwaho nk'ibyavuzwe ku ba kera byerekeye abana b'Abaheburayo ngo, "Imana yabahaye ubwenge no kumenya."²

² *Fundamentals of Christian Education*, pp.192, 193. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo]



UMURIMO

Turamutse dufite ingabo z'abakozi b'urubyiruko rwacu, rwatojwe neza kandi rufite imbaraga, mbega uburyo ubutumwa bw'Umukiza wabambwe, akazuka kandi akaba agiye kugaruka bwagezwa ku batuye isi bose vuba! Mbega ukuntu iherezo rw'umubabaro n'agahinda n'icyaha ryaza vuba! Mbega ukuntu mu gihe gito, mu mwanya w'uko abana bacu baragwa umurage w'aha ku isi urimburwa n'icyaha n'umubabaro, bahabwa umurage wabo aho "abakiranutsi bazaragwa igihugu, bakakibamo iteka;" aho "nta muturage waho uzataka indwara," kandi "ijwi ryo kurira n'imiborogo ntirizahumvikane ukundi." Zaburi 37:29; Yesaya 33:24; 65:19.¹

¹ Counsels to Teachers, Parents, and Students" p.555. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]



ABASORE BAHAMAGARIWE KUBA ABAKOZI

Hariho abasore benshi b'Abakristo bashobora gukora umurimo mwiza baramutse bigiye amasomo mu ishuri rya Kristo, bakigishwa n'Umwigisha mukuru. Nubwo abagabura, abavugabutumwa n'abigisha bakwirengagiza gushaka inzimizi, nimutyo abana n'abasore be kwirengagiza gukora iby'ijambo rivuga . . .

Nimutyo abasore, inkumi n'abana bajye ku murimo mu izina rya Yesu. Nimutyo bahurize ku igenamigambi na gahunda y'igikorwa. Mbese ntimushobora gukora itsinda ry'abakozi, maze mukagira igihe mugennye cyo gusengera hamwe mugasaba Uwiteka kubaha ku buntu bwe, bityo mugatangira gukora wa murimo muhuriyeho? Mukwiriye kugisha inama abantu bakunda Imana, bakayubaha, kandi bafite ubunararibonye mu murimo, kugira ngo kubwo gukoreshwa na Mwuka w'Imana mubashe gukora gahunda ndetse mushyireho n'uburyo mushobora kubyitwaramo ngo mugere ku musaruro mwiza. Uwiteka azafasha abantu bakoresha ubushobozi Imana yabahaye kubw'ikuzo ry'izina rye. Mbese aho abasore n'inkumi zacu bizera ukuri bazemera guhinduka abavugatumwa? . . .

GUKORERA MU KWIZERA

Igihe mukorera abandi, imbaraga yo mu ijuru ya Mwuka Wera izakorera mu bugingo bwabo; kuko baguzwe amaraso y'Umwana w'Imana w'ikinege. Dushobora kugera ku ntego mu kugarurira Kristo abantu yapfiriye igihe gusa tuzishingikiriza ku buntu n'imbaraga y'Imana ikora umurimo wo kwemeza no guhindura umutima. Igihe mubagezaho ukuri kw'Imana, kutizera no gushidikanya bizarwanira kwigarurira intekerezo zanyu; ariko nimureke ijambo ry'Imana ryrukane gushidikanya mu mitima yanyu.

Izere Imana kubw'ijambo yavuze, kandi ukorere mu kwizera. Satani azazana ibyongorerano bye ngo agutere kutiringira ijambo rya So wo mu ijuru; ariko zirikana ko, "igikorwa cyose kidakoranywe kwizera kiba ari icyaha." (Abaroma 14:23). Reka ukwizera kwawe kwatanye maze kwahuranye mu mwijima w'icuraburindi wa Satani, bityo kugere ku ntebe y'ubuntu, kandi ntugatume hari ugushidikanya na guke guhabwa icyicaró.

Iyi ni yo nzira yonyine uzagwirizamo ubunararibonye, kandi ubone igihamya gikomeye cy'amahoro n'ibyiringiro byawe.

Igihe ubunararibonye bwawe bukura, uzaba warakujije imbaraga z'ubugingo ndetse wararushijeho gukunda umurimo w'Imana bitewe n'uko uhuje umugambi na Yesu Kristo. Impuhwe ugira zikomoka ku Mwuka Wera. Mufatanya na Kristo kwikorera umutwaro, kandi muri abakozi bakorana n'Imana.”¹

ABAKORERABUSHAKE BARAHAMAGARWA

Uwiteka arahamagara abakorerabushake bazahagarara mu ruhande rwe bashikanye kandi bazasezerana kwifatanya na Yesu w'i Nazareti mu gukora umurimo ukeneye gukorwa muri iki gihe turimo.²



¹ *The Youth's Instructor*, August 9, 1894. [Umwigisha w'Abasore]

² *Fundamentals of Christian Education*, p. 488. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo]

INSHINGANO YO GUKIZA IMITIMA

Abasore bafite inshingano zikomeye cyane. Imana yiteze byinshi ku basore bariho muri iki gihe kirangwamo umucyo n'ubwenge bwinshi. Yifuza kubakoresha mu kwirukana ikinyoma n'imyizerere ipfuye ibundikiye intekerezo za benshi. Bagomba kwiwigisha ubwabo bakoresheje gufata akanyuguti kose n'umutwe wose w'inyandiko y'ubwenge n'ubunararibonye. Imana izababaza [uko bakoresheje] amahirwe bahawe. Umurimo uri imbere yabo utegereje ko bakoresha umuhati ukomeye, kugira ngo uwo murimo utezwe imbere uva ku rwego rumwe ujya ku rundi.

Iyaba abasore barunduriraga intekerezo zabo n'umutima wabo mu murimo w'Uwiteka, bagera ku rwego rwo hejuru. Bagera ku ntego bihaye kandi baba ingirakamaro. Uru ni rwo rugero Uwiteka yiteze ko urubwiruko rwageraho. Gukora ibiciye muni y'ibi ni ukwanga gukoresha neza amahirwe Imana yatanze. Ibi bizafatwa nko kugambanira Imana, - ni ukunanirwa gukorera inyokomuntu icyiza.

Ncuti basore, mbese murakora iki ngo mumenyeshe abandi uburyo kugira ijamba ry'Imana umuyobozi wanyu no kubahiriza amategeko y'Imana ari ingirakamaro? Mbese kubw'amahame mugenderaho n'urugero mutanga mwaba muhamya ko abantu bashobora gukizwa gusa kubwo kumvira ijamba ry'Imana? Nimukora ibyo mushoboye gukora, muzabera abandi umugisha. Igihe mukora uko mushoboye kose, imbere yanyu hazakinguka inzira ndetse n'amahirwe kugira ngo mukore ibirenzeho."¹

¹ The Youth's Instructor, January 1, 1907. [Umwigisha w'Abasore]

1. The first part of the document discusses the importance of maintaining accurate records of all transactions. It emphasizes that proper record-keeping is essential for the transparency and accountability of the organization. This section also outlines the various methods used to collect and analyze data, ensuring that the information is reliable and up-to-date.

2. The second part of the document focuses on the implementation of the proposed changes. It details the steps involved in the process, from the initial planning stage to the final execution. This section highlights the challenges faced during the implementation and the strategies used to overcome them. It also provides a timeline for the completion of the project, ensuring that all stakeholders are aware of the progress.

3. The third part of the document discusses the results of the implementation. It presents the data collected and the analysis performed, showing the impact of the changes on the organization's performance. This section includes a comparison of the results with the initial goals, demonstrating the effectiveness of the proposed changes. It also identifies areas for further improvement and provides recommendations for future actions.

4. The fourth part of the document concludes the report and summarizes the key findings. It reiterates the importance of maintaining accurate records and the successful implementation of the proposed changes. The document also expresses gratitude to the individuals and organizations that supported the project throughout its duration. Finally, it provides contact information for further inquiries and feedback.

GUHAMYA KRISTO

Abari mu ruhande rw'Uwiteka bose bagomba guhamya Kristo. "Muri abagabo bo guhamya ibyanjye." Yesaya 43:10. Ukwizera k'Umukristo nyakuri kuzagaragarira mu butungane no kwera kw'imico. Ukwizera gukoreshwa n'urukundo kandi kukeza ubugingo, kandi kubw'uko kwizera hazabaho kumvira no gukora ibyo Kristo yavuze dukiranutse. Iteka Ubukristo bwigaragariza mu bikorwa, bukihanganira ibintu byose biba mu buzima. "Muri abagabo bo guhamya ibyanjye." Kumpamiriza nde? – Kumpamiriza abatuye isi; kuko aho mujya hose mugomba kuhageza impinduka yera. Kristo agomba kuba mu bugingo bwanyu, kandi mugomba kuvuga ibye ndetse mukagaragaza ibyiza bireshya byo mu mico ye.

IBIGANIRO BYACU

Idini igezweho yo kuri iki gihe yagoretse imico y'abantu ku buryo abasore bavuga ko bizera Kristo bavuga izina rye gake cyane baribwira bagenzi babo. Baganira ku ngingo nyinshi, ariko umugambi uhebuje wo gucungurwa ntugirwa insanganyamatsiko y'ibiganiro byabo. Tuzirikane ko nk'Abakristo bashyira mu bikorwa ukwizera kwabo dukwiriye guhindura uko ibintu biteye ubu, kandi tukamamaza "ishimwe ry'Iyaduhamagaye, ikadukura mu mwijima ikatugeza mu mucyo wayo w'itangaza." 1Petero 2:9.

Niba Kristo atuye mu mutima kubwo kwizera, ntabwo ushobora guceceka. Niba warahuye na Yesu, uzaba umuvugabutumwa nyakuri. Ukwiriye kurangwa n'ubwuzu muri ibi, kandi ukamenyesha abatamera Yesu ko wabonye ko ari uw'agaciro ku bugingo bwawe, ko yashyize mu kanwa kawe indirimbo nshya n'ibisingizo byo gutura Imana.

Ncuti basore, mbese muzatangira imibereho yanyu ya Gikristo nk'abantu bafite imitima isusurutswa n'urukundo rwa Yesu Kristo? Ntabwo muzigera mumenya ibyiza by'agahozo mushobora gukora binyuze mu kuvugana ubwitonzi amagambo akomeye yerekeye agakiza k'ubugingo bw'abantu batamera ko ari abana b'Imana. Ku rundi ruhande, kugeza igihe cy'urubanza mushobora kutamenya amahirwe mufite yo kuba abagabo bo guhamya Kristo mutakoresheje uko angana. Muri iyi si mushobora

kutamenya uko mwangirije ubugingo bw'umuntu kubw'ibikorwa bito byanyu by'ubupfapfa, ibiganiro byanyu bidafite agaciro n'urwenya bitari bihuje rwose no kwizera kwanyu kwera.

KUGARURIRA KRISTO INCUTI ZANYU

Ni iby'ukuri ko mushobora kumva mufitiye agahinda ubugingo bw'abo mukunda. Mushobora gushaka kubamenyesha ubutunzi bw'ukuri, kandi mu kumaramazakwanyu mukarizwa n'agakiza kabo. Ariko iyo amagambo yanyu asa n'aho atabakora ku mutima byimbitse, kandi ntihaboneke igisubizo kigaragara cy'amasengesho yanyu, musa rwose n'ababa babwira Imana ko imihati yanyu nta musaruro itanga. Mwumva ko abo mukunda bafite kwinangira umutima kwihariye, kandi ko batitaba irarika riva ku muhati wanyu. Ariko se mwigeze mutekereza neza ko ikosa ryaba riri kuri mwe? Mbese mwigeze mutekereza ko muri gukoresha ukuboko kumwe mukurura mujyana hasi ibyo mukoresha imbaraga zanyu zose mwubaka ngo bizamuke mukoresheje ukundi kuboko?

Incuro nyinshi mwagiye mwemerera Umwuka w'Imana kubagenga, kandi ikindi gihe mwahakanye ukwizera kwanyu kubw'imigirire yanyu, ndetse mwagiye musenya ibyo mwakoreye abo mukunda kubera ko umuhati mwagiye mukoresha mubafasha ntacyo wagezeho bitewe n'imigirire yanyu. Umutima mugaragaza, imvugo itaranguruye mugira, imyifato yanyu, intekerezo zanyu zihorana kwitotomba, uburyo mutarangwaho impumuro ya gikristo, ntimurangweho iby'umwuka, uko isura yanyu igaragaza intekerezo zibarimo, ibyo byose byavugurujye ubuhamya bwanyu . . .

Ntuzigere usuzugura agaciro utuntu duto dufite. Utuntu duto ni two duha umuntu ikinyabupfura n'imyitwarire nyakuri y'ubuzima bwe. Utwo tuntu duto ni two tugenda twigisha umuntu kugira ngo abashe gukura ageze ubwo asa na Kristo, bitaba ibyo agasa n'umubi. Imana idufasha gukura akamenyero k'ibitekerezo, amagambo, indoro n'ibikorwa bizahamiriza abatuzengurutse bose ko twabanye na Yesu kandi twamwigiyeho!"¹

UMWETE

Ubuzima bukoreshajwe mu gukorera Imana umuntu ashishikaye ni umugisha. Abantu batabarika bapfusha igihe cyabo ubusa bari mu bintu by'imburamumaro n'ibiganiro bitagira icyo byungura. Bene abo bose bagira imibereho itandukanye n'iyo bafite ubu baramutse bemeye umucyo Imana yabahaye, kandi bakareka ukamurikira abandi. Benshi batuma ubuzima buba bubi cyane bitewe no kwikanyiza kwabo no gukunda ubuzima bworoshye. Kubwo gukora badakebakeba, ubuzima bwabo bushobora guhinduka nk'imirasire y'izuba irabagirana iyobora abari mu nzira y'umwijima igana ku rupfu bakayivamo maze bakerekeza mu nzira ijya mu ijuru. Nibaramuka bafashe iki cyemezo, imitima yabo izuzura amahoro n'ibyishimo muri Yesu Kristo."²

¹ *The Youth's Instructor*, March 9, 1893. [Umwigisha w'Abasore]

² *Review and Herald*, October 25, 1881. [Urwibutso n'Integuza]

UMURIMO W'UMUNTU KU GITI CYE

Umurimo wa Kristo ahanini wabaga ugizwe n'ibiganiro yajyaga agirana n'umuntu umwe umwe. Yari afite umutima wo kwita ku muntu umwe; kandi uwo muntu umwe yaragendaga akageza ku bandi ubwenge yamwungukiyeho.

Abakozi bazagera ku ntego zabo kurusha abandi ni abazakorana ubwuzu bakorera Imana mu tuntu duto. Umuntu wese agomba gukoresha imbaraga ze bwite kandi akarangiza umurimo we nk'uko wagenwe

Mwigishe abasore gufasha abasore bagenzi babo; kandi igihe mugerageza gukora uyu murimo buri wese azagwiza ubunararibonye buzamubashisha guhinduka umukozi werejwe gukora mu murimo wagutse. Abantu ibihumbi byinshi bashobora kugerwaho mu buryo bworoshye cyane.

Abantu b'abanyabwenge cyane, ba bandi basingizwa kandi bagafatwa nk'abagabo n'abagore b'ibirangirire ndetse bafite impano nyinshi, akenshi bahemburwa n'abantu bicisha bugufi cyane. Bahemburwa n'amagambo yoroheje avuzwe n'umuntu ukunda Imana, umuntu ushobora kuvuga iby'urukundo rw'Imana nk'uko ab'isi nabo bashobora kuvuga ibyo bashyira mu ntekerezo zabo kandi zikabirangamira. Amagambo nubwo yaba yarateguwe neza kandi akigwa neza, ateza impinduka nke; ariko igikorwa nyakuri kandi gikoranwe ubudahemuka cy'umuhungu cyangwa umukobwa w'Imana, cyaba kinyuze mu magambo cyangwa mu bikorwa byoroheje bikoranywe kwiyoroshya, bene icyo gikorwa kizakingura urugi rumaze igihe kirekire rukinzwe ku bantu benshi.”¹

¹ *Review and Herald*, May 9, 1899. [Urwibutso n'Integuza]



ABASORE NK'ABAKOZI BAKIRIZA YESU IMITIMA

Satani ni umwanzi uhora ari maso, atumbiriye umugambi we wo gushora abasore mu bikorwa bihabanye rwose n'ibyo Imana yemera. Azi neza ko nta rindi tsinda rishobora gukora ibikorwa byiza bihwanye n'ibyo abahungu n'abakobwa biyeguriye Imana bakora. Abasore baramutse batunganye, bateza impinduka zikomeye cyane. Ababwiriza, cyangwa abarayiki bageze muzabukuru ntibashobora no guteza mu bakiri bato impinduka zingana na kimwe cya kabiri cy'izo abasore biyeguriye Imana bashobora guteza muri bagenzi babo. Bagomba kumva ko hari inshingano bafite yo gukora ibyo bashoboye byose kugira ngo bakize bagenzi babo, ndetse bakaba bahara n'ibibanezeza n'ibyifuzo bya kamere yabo. Niba igihe ndetse n'ubushobozi bisabwa, bikwiriye kwegurirwa Imana.

Abavuga ko bubaha Imana bose bakwiriye kumva akaga k'abatari muri Kristo. Vuba bidatinze igihe cyabo cy'imbabazi kigiye kurangira. Abagombaga kuba hari impinduka bagaragaje kugira ngo abantu bakizwe, bakaba barashikamye mu nama y'Imana, ariko bakaba batarakoze inshingano yabo babitewe no kwikanyiza, kuba abanyabute, cyangwa bitewe n'uko baterwaga isoni n'umusaraba wa Kristo, bene abo ntibazatakaza ubugingo bwabo gusa, ahubwo n'amaraso y'abanyabyaha azababarwaho. Bene abo bazabazwa iby'ibyiza bagombaga kuba barakoze iyo baza kuba bariyeguriye Imana nyamara ntibabe barabikoze bitewe no kudakiranuka kwabo.

Abasogongeye uburyohe by'urukundo rwaducunguye ntibazigera kandi ntibashobora no kugoheka igihe cyose abo bahura na bo bose batarasobanukirwa n'inama y'agakiza. Abasore bakwiriye kubaza bati: "Mwami, urifuza ko nkora iki? Mbese nakubaha kandi nkubahisha izina ryawe ku isi nte?" Abantu bararimbukira ahatuzengurutse, ariko se ni uwuhe mutwaro abasore bafite wo gukiriza Yesu imitima?

KWITA KU BANDI

Abajya mu ishuri bakwiriye kugira abo bahindurira ku Mukiza. Ariko se ni ba nde bavuga izina rya Kristo? Kandi ni bande usanga bingingira

bagenzi babo n'umutima wuje ineza babasaba kureka inzira z'icyaha no guhitamo inzira y'ubutungane?

Iyi ni yo nzira abasore bizera bagombye gukurikiza, ariko ntibayikurikira. Usanga kwifatanya n'umunyabyaha mu mikino n'ibinezeza bibashimisha cyane. Abasore bafite urubuga rugari baberamo ingirakamaro, ariko ntibabibona. Yoo, mbega uko bagombye gukoresha imbaraga z'intekerezo zabo mu gushaka uburyo bwo kwegera abanyabyaha bari mu nzira yo kurimbuka kugira ngo babamenyeshe inzira yo kwera, kandi kubwo gusenga no kwinginga babashe kugira nibura umuntu umwe bagarurira Kristo!

Mbega umurimo mwiza! Mbega uburyo ari byiza kubona nibura umuntu umwe uzasingiza Imana mu bihe bizazira iherezo! Umuntu umwe uzanezerwa kandi akishimira ubugingo buhoraho! Imaragarita imwe ku makamba yabo izarabagirana nk'inyenyeri iteka ryose! Ariko kandi n'abantu barenze umwe bashobora kuzanwa bagakurwa mu buyobe bakagana ukuri, bagakurwa mu cyaha bakagana ubutungane. Uwiteka avugira mu muhanuzi agira ati: "N'abahinduriye benshi ku bukiranutsi bazaka nk'inyenyeri iteka ryose." Daniyeli 12:3. Bityo abakorana na Kristo n'abamarayika mu murimo wo gukiza abarimbuka bazagororerwa cyane mu bwami bw'ijuru.

Nabonye abantu benshi bashoboraga gukizwa iyaba abasore babaga aho bagomba kuba, biyeguriye Imana n'ukuri kwayo. Nyamara muri rusange usanga bari mu mwanya bagomba guhora bahabwa umurimo bakora cyangwa se bagahinduka ab'isi ubwabo. Abo basore ni isoko yo guhorana umuhangayiko no kubabara umutima. Iyabo bitera gusuka amarira, kandi amasengesho yuzuye intimba asohoka mu mitima y'ababyeyi babo babasabira. Nyamara bakomeza kuja mbere batitaye ku mubabaro uterwa n'imikorere yabo. Bajomba amahwa mu gituzo cy'abahitamo no gupfa kugira ngo bakire, kandi bifuzo ko bahinduka uko Imana yagennye ko bakwiriye kuba kubw'ibyo amaraso ya Kristo yakoze. . . .

UMURIMO UGOMBA GUKORWA

Basore namwe nkumi, nabonye ko Imana ibafitiye umurimo mugomba gukora. Nimwikorere umusaraba mukurikire Kristo, nibitaba bityo ntimuzaba mukwiriye kuba aho. Mu gihe mwigumiye mu kutagira icyo mwitaho, mbese mwabasha kuvuga icyo ubushake bw'Imana ari cyo kuri mwe mute? Kandi mwaba mwiteze gukizwa mute igihe mutari abagaragu bakiranukira gukora ibyo Shobuja ashaka? Abafite ubugingo buhoraho bose bazakora neza. Umwami w'icyubahiro azabaha ikuzo abicaze iburyo bwe ari nako ababwira ati: "Nuko nuko bagaragu beza bakiranuka." Mwashobora mute kuvuga uko abantu mwagombye gukiza bangana niba aho gushaka umurimo mwagombye gukora mu ruzabibu rwa Shobuja muba mwishakira ibibabanezeza? Mbese ni abantu bangahe bakijijwe binyuze muri uko guterana kwanyu muhujwe no kwiganirira no gucuranga umuziki? Niba mutabasha kwerekana nibura umuntu umwe wakijijwe muri

ubwo buryo, nyabuna nimuhindukire! Nimugaruke ku mikorere mishya. Nimutangire gusabira abantu, nimwegere Kristo, mwegere urubavu rwe rutemba amaraso. Nimutyo umwuka w'ubugwaneza no kwiyoroshya urange ubuzima bwanyu, kandi gusaba kwanyu kuvuye ku mutima umenetse kandi uciye bugufi, kuzamuke kujye kuri Kristo mumusaba ubwenge kugira ngo mubashe kugera ku ntego mu gukiza ubugingo bwanyu ndetse n'ubw'abandi.

Nimusenge cyane kurusha uko muririmba. Mbese ntimukeneye gusenga cyane kuruta kuririmba? Basore namwe nkumi, Imana irabararikira kuyikorera. Nimuhindure rwose imikorere yanyu. Mushobora gukora umurimo utakorwa n'abagabura b'ijambo n'amahame twizera. Mushobora kugera ku bantu umugabura atagira icyo ahinduraho."¹


AHO MWATANGIRIRA

Nimutyo abashaka gukorera Imana batangirire mu rugo iwabo, ahabakikije mu baturanyi no mu ncuti zabo. Aho ngaho bazahabona urubuga rwiza rwo kuvugiramo ubutumwa. Uyu murimo w'ivugabutumwa mu rugo ni igipimo kigaragaza ubushobozi bwabo cyangwa se kudashobora kuba bagira icyo bakora mu murimo wagutse."²

UBURYO BURUSHA UBUNDI KUGERA KU NTEGO

Mu murimo wacu, umuhati w'umuntu ku giti cye uzasohoza byinshi birenze ibyatekerezwa. Kubura k'uyu muhati ni ko gutumye abantu bari kurimbuka. Umuntu umwe ni uw'agaciro katagerwa; kandi ako gaciro kagaragazwa na Kaluvari. Umuntu umwe ugaruriwe Kristo azaba igikoreshe mu kugarura abandi, kandi hazabaho umusaruro uhora wiyongera w'umugisha n'agakiza."³

¹ Testimonies for the Church," Vol.1, pp.511-513. [Ibihamya by'Iterero]
² Testimonies for the Church," Vol.6, p.428. [Ibihamya by'Iterero]
³ Gospel Workers," p. 184. [Ababwirizabutumwa Bwiza]




UMURIMO MU BYEREKEZO BITANDUKANYE

Imana irahamagara abagabura, abakozi bigisha Bibiliya n'ababwiririsha ubutumwa ibitabo. Nimutyo abasore n'inkumi zacu bagende nk'ababwiririsha ubutumwa ibitabo, abavugabutumwa n'abakozi bigisha Bibiliya, kandi bagende baherekejwe n'abakozi bafite ubunararibonye bashobora kubereka uko bakora bakagera ku ntego bihaye. Nimutyo ababwiririsha ubutumwa ibitabo bageze ibitabo byacu muri buri rugo. Igihe habonetse amahirwe, nimutyo babwire abo bahura nabo iby'ukuri kugenewe iki gihe, kandi bafatanye nabo kuririmba no gusenga. Igihe uburyo butunganye bwakurikijwe neza mu murimo dukorera Imana, umusaruro w'abantu uzakoranyirizwa hamwe.

Abantu bose buzuye umwuka wo kwitanga bafite umwanya mu murimo w'Imana. Imana irahamagara abagabo n'abagore bafite ubushake bwo kwanga inarijye kubw'abandi bantu. Irahmagara abagabo n'abagore bafite ubushake bwo kwegurira ibyo bafite byose n'uko bari kose mu murimo wayo. Hakenewe abagabo bazahura n'ibirushya maze bagakomeza kugenda bashikanye bavuga bati: "Ntituzatsindwa cyangwa ngo ducike intege." Hakenewe abagabo bazashyigikira kandi bakubaka umurimo abandi bagerageza gukora."¹

"Muri uyu murimo, kimwe no wundi murimo wose, ubuhanga mu murimo bwungukirwa mu gukora uwo murimo ubwawo. Kwitoza gukora inshingano zisanze zo mu buzima ndetse no mu kwita ku bakene n'abababazwa, ni byo byizeza umuntu kugira ubushobozi."²

¹ Review and Herald, April 28, 1904. [Urwibutso n'Integuza]
² Uburezi, p.281



UMURIMO UTARARNGWAMO KWIKANYIZA

Abantu bakora uko bishoboka kose bakajya mu murimo wo gukorera abandi ibyiza bagaragariza mu bikorwa byabo ko babitayeho ntibaba baruhura abandi ibibazo byo mu buzima bwa muntu babafasha kwikorera imitwaro yabo gusa, ahubwo baba banatuma ubugingo bwabo n'umubiri wabo bimererwa neza cyane. Gukora icyiza ni umurimo wungura uwukoze n'uwukorewe. Nurwanya inarijye mu buryo wita ku bandi, uzahabwa imbaraga zo gutsinda ibidatunganye biba muri wowe. Kunyurwa uzakura mu gukora icyiza kuzagufasha cyane mu kuzahura imico myiza mu mitekerereze yawe.

Umunezero wo gukora icyiza ukoresha intekerezo kandi ukirangira mu mubiri wose. Mu gihe mu maso h'abantu b'abagwaneza harabagirana umunezero, kandi uruhanga rwabo rukagaragaza ko intekerezo zabo ziri ku rwego rwo hejuru mu by'imico mbonera, abikanyiza n'abanyabuntu buke bo baba bababaye, bamanjiriwe kandi bijimye. Inenge zo mu mico yabo zigaragara mu maso habo. Kwikanyiza no kwikunda kwabo bishyira ikimenyetso ku isura yabo y'inyuma.

Umuntu ukoreshwa n'ubuntu nyakuri butishakira indamu aba afite umugabane kuri kamere y'Imana. Bene uwo yacitse kwangirika kuri mu isi kuzanwa no kurarikira. Naho abikanyiza n'abanyamururumba bo bomatana no kwikanyiza kwabo kugeza ubwo gukamura impuhwe bagirira abandi, kandi mu maso habo hagaragaza ishusho y'umwanzi wacumuye aho kugaragaza ukwera n'ubutungane.¹

¹ Testimonies for the Church," Vol. 2, p.534. [Ibihamya by'Itorero]



INGORORANO IYA MU GUKORANA UMWETE

Nimutyo urubwiruko rwibuke ko abanyabute binyaga ubunararibonye butagerwa umuntu agira kubwo gukorana ubudahemuka inshingano za buri muni mu buzima. Umuntu w'umunyabute kandi wigira injiji aba ashyira mu nzira ye ibizahora bimubera inzitizi. Yanga gukuza umuco ukomoka mu murimo uvunanye ariko ukoranywe gukiranuka. Kubwo kudakoresha amaboko ye ngo afashe inyokomuntu, aba yiba Imana. Umurimo akora uhabanye cyane n'uwo Imana yamuteganyirije; kuko gusuzugura umurimo w'ingirakamaro bishishikariza umuntu gukunda ibintu by'agaciro gake, maze kubw'ibyo bikagwabiza imbaraga z'ingirakamaro cyane z'ubuzima bwe.

Si abantu bake, ahubwo hari abantu ibihumbi byinshi babereyeho gusa gukoresha ibyiza Imana ibaha mu buntu bwayo. Bibagirwa kuzanira Uwituka amaturo yo kumushimira ubutunzi yabaragije abaha imbuto zo mu butaka. Bibagirwa ko Imana ishaka ko baba abantu batanga umusaruro kandi bawukoresha binyuze mu gukoresha neza impano yabaragije. Iyaba basobanukirwaga umurimo Uwituka yifuza ko bakora nk'abafasha be, ntibakumva ko bafite amahirwe yo guhunga inshingano zose no gutegereza gukorera ibyo bifuzwa.

UMUGISHA UVA MU GUKORA

Umunezero nyawo ubonerwa gusa mu kuba mwiza no gukora neza. Ibyishimo biboneye kandi bihebuje bigera ku bantu basohozwa inshingano bahawe bakiranutse. Nta murimo umuntu akoranye gukiranuka umutesha agaciro. Ubunabwo ni bwo butera abantu gusuzugura inshingano zoroheje za buri muni mu buzima. Kwanga gukora izo inshingano bitera umuntu intege nke mu bwenge no mu mico mbonera atazabura kwiyumvamo umuni umwe. Igihe kimwe muri ubwo buzima bw'ubunabwo, inenge ye izivumbura yigaragaze neza. Raporo y'ubuzima bwe yanditsweho aya magambo ngo, "Yari uwo kurya gusa, nta musaruro yatangaga."

Amasomo y'ingirakamaro mu buzima ashobora kwigirwa mu mirimo yose ikorwa mu buzima. Igihe abahinzi bahingira bashobora kwiga

ubusobanuro bw'aya magambo ngo: "Imana ni yo dukorera" (1Abakorinto 3:9). Imbutu z'ukuri zigomba kubibwa mu mutima w'umuntu, kugira ngo ubuzima bubashe kwera imbuto nziza z'Umwuka. Igikorwa Imana ikora mu ntekerezo ni ukuziha ishusho itunganye. Imbaraga z'umwimerere zaba iz'umubiri n'iz'ubwenge zigomba kumenyerezwa gukorera Umwami wacu

Abantu bose Imana yabahaye umurimo wo kwamamaza ubutumwa. Kristo ni we Mwami w'icyubahiro, nyamara yaravuze ati: "Umwana w'umuntu ntiyaje gukorera, ahubwo yaje gukorera abandi." (Matayo 20:28). Ni we Nyirigitinyiro wo mu ijuru, ariko yemeye kuza kuri iyi si azanwe no gukora umurimo Se yamuhawe. Kristo yahaye umurimo agaciro. Kugira ngo aduhe urugero rwo gukoresha amaboko, yakoresheje amaboko akorera mu ibarizo. Guhera akiri muto cyane yagiraga uruhare mu gufasha umuryango we. Yabonaga ko ari umwe mu bagize umuryango, bityo agakorana ubushake yihanganira gukora uruhare rwe mu kwikorera imitwaro y'umuryango.

GUFASHA MU RUGO

Abana n'abasore bakwiriye kwishimira koroshya imiruhoro y'ababyeyi babo, berekana kwita ku byo mu rugo batikanyiza. Igihe boroshya uburemere bw'imitwaro bikorezwa, baba bigishwa amasomo azabategurira guhabwa imyanya y'icyubahiro kandi y'ingirakamaro. Bagomba gutera imbere badakebakeba buri mwaka, intambwe ku ntambwe ariko badahuzagurika, bagenda basezera ku bunararibonye buke buranga abana, ingimbi n'abangavu, maze bakagwiza ubunararibonye buranga abagabo n'abagore. Mu gusohozza bakiranutse inshingano z'imuhira zoroheje bahabwa, abahungu n'abakobwa baba bashinga urufatiro rwo kugera ku rugero ruhanitse mu by'ubwenge, imico mbonera n'iby'umwuka.

IGISHORA KIRANGA AHAZAZA

Ncuti basore, mwibuke ko umunsi wose, isaha yose n'akanya kose mumara muba muboha urushundura ruzaranga amaherezo yanyu ubwanyu. Igihe cyose urushinge rwinjijwe muri urwo rushudura, rwinjizamo urudodo rushobora kuruha isura mbi cyangwa nziza. Niba ntacyo mwitaho mukaba n'abanyabute, mwangiza ubuzima Imana yagennye ko bukwiriye kuba burabagirana kandi butatse ubwiza. Niba muhitamo gukurikira ibyo kamere yanyu irarikira, imico ihabanye n'iya Kristo izababohereza ku minyururu y'ibyuma. Kandi uko mujya kure ya Kristo, urugero mutanga ruzakurikizwa na benshi batazigera bishimira ibyiza byo mu ijuru bitewe n'ibibi mwakoze. Ariko nimukorana umuhati mwinshi kugira ngo mutsinde kwikanyiza, ntimwemere ko hari amahirwe yo gufasha ababazengurutse yabacika, umucyo uturuka ku rugero mutanga uzayobora abandi ku musaraba." ¹

¹ *The Youth's Instructor, December 5, 1901. [Umwigisha w'Abasore]*

AGACIRO K'UMURIMO

Wari umugambi w'Imana gukoresha umurimo kugira ngo yoroshye ikibi cyinjijwe mu isi no kutumvira kwa muntu. Kubwo gukora, ibishuko bya Satani byahindurwa ubusa, kandi umuvuduko w'ikibi ugahagarikwa. Nubwo ujyanirana no guhagarika umutima ndetse no kuremererwa n'umubabaro, umurimo uracyari isoko y'umunezero n'iterambere, kandi urinda umuntu ibishuko. Ikinyabupfura utoza gihagarika umutima wo kuvuyarara, kandi kigashishikariza umuntu gukora, gutungana, no kudakebakeba. Kubw'ibyo, umurimo uhinduka umugabane umwe w'umugambi w'Imana ukomeye w'agakiza kugira ngo tuzahurwe tuve aho twaguye.

IMIRIMO Y'AMABOKO UYIGERERANYIJE N'IMIKINO

Imyumvire yabaye gikwira mu bantu ni uko imirimo y'amaboko itesha umuntu agaciro, ariko abantu bashobora kwirundurira uko bashoboye kose mu mikino yo kunaga umupira, umukino w'umupira w'amaboko, cyangwa umukino wo gukirana n'uwo guterana amakofe maze ntibumve ko bataye agaciro. Iyo Satani abonye abantu bakoresha imbaraga zabo z'umubiri n'iz'ubwenge mu bikorwa bitigisha, bidafite umumaro, kandi bitabafasha kubera umugisha abakeneye ko babafasha, arishima cyane. Mu gihe abasore bagenda bahinduka inzobere mu mikino idafite agaciro kagaragara haba kuri bo cyangwa ku bandi, Satani aba akinira ku bugingo bwabo, akabambura impano Imana yabahaye, kandi mu mwanya wazo akabaha imico ye mibi. Umuhati we ni ugutera abantu gusuzugura Imana. Satani ashaka kwigarurira no gupfukirana intekerezo rwose ku buryo Imana itazabona umwanya mu ntekerezo.

Satani ntiyifuza ko abantu bamenya Umuremyi wabo, kandi ashimishwa cyane n'iyi ashoboye gutangiza imikino n'amakinamico bizajijisha ibyumviro by'urubyiruko ku buryo ruzibagirwa Imana n'ijuru.

Bumwe mu buryo budashidikanywaho mu kwirinda ikibi ni ugukora umurimo w'ingirakamaro, mu gihe ubunabwira no kutagira icyo ukora ari umwe mu mivumo ikomeye cyane; kubera ko bikurikirwa n'ingeso

mbi, urugomo n'ubukene. Abantu bahora bafite imirimo bahugiyemo, bakajya ku nshingano zabo za buri munsu bishimye, bene abo ni abantu b'ingirakamaro mu muryango mugari w'abantu. Uko basohozza bakiranutse inshingano zitandukanye bahawe, batuma imibereho yabo iba umugisha kuri bo ubwabo ndetse no ku bandi. Gukorana umwete bibarinda myinshi mu mitego ya Satani "ushakira amaboko atagira akora ibibi yakora."

Ntibitinda ngo ikidendezi gituje cyivumbagatanye; ariko akageze gahora gatemba gakwiza ubuzima n'umunezero mu gihugu. Ikidendezi gituje gishushanya abantu bicara ubusa batagira icyo bakora, naho akageze gatemba kagashushanya abantu b'abanyamuhati . . .

URUGERO KRISTO YATANZE

Umurimo wahawe abatuye isi ushobora kubakomerera ndetse ukabananiza, ariko wubahishwa n'uko Umucunguzi nawe yanyuze muri iyo nzira, kandi umuntu ukurikira iyi nzira yera nawe azaba amahoro. Kristo akiri muto cyane yarangwaga n'imibereho yo gukora. Umugabane munini w'ubuzima bwe bwo ku isi yawumaze akorana kwihangana mu ibarizo i Nazareti. Yambaye imyambaro nk'iy'umukozi usanzwe ukoresha amaboko, Umwami w'ubugingo yagenze mu nzira zo mu mujyi muto w'aho yabaga, akajya aho yakoreraga umurimo we wari ucishije bugufi nyuma akaza kugaruka. Kandi ubwo yagendanaga n'abaturage n'abahinzi, ariko ntihagire umumenya kandi ngo amwubahe abamarayika baramufashaga. . .

Umurimo ukoranwe ubwitonzi ni umuti utuma abantu bagira amagara mazima. Utuma abanyanteye n'ike bagwiza imbaraga, abakene bagakira n'abababaye bakishima. Satani ahora aciye igico, yiteguye kurimbura abantu bajya mu bibanzeza bikamuha icyuho cyo kubegera yiyoberanyije mu buryo bureshya. Nta gihe agera ku ntego nk'igihe asanze abantu mu masaha bicaye ubusa badahugiye mu mirimo.

ISOMO TWIGIRA KU MURIMO UNEJEJE KANDI UNYUZE

Kimwe mu bibi bikomeye cyane bikomoka ku bukire ni igitekerezo kigezweho kivuga ko umurimo utesha agaciro. Umuhanuzi Ezekiyeli aravugaga ati: "Dore, iki ni cyo gicumuro cya murumuna wawe Sodomu: ubwibone, n'ibyokurya byinshi, n'ubukire bwe n'ubw'abakobwa be; kandi ntiyakomezaga ukuboko kw'abakene n'indushyi." Ezekiyeli 16:49. Ahangaha tuhagaragarizwa ingaruka ziteye ubwoba z'ubunabwoba buca intege intekerezo, bugasigingiza umutima, kandi bukagoreka imyumvire, bugatuma icyatangiye kuba umugisha gihinduka umuvumo. Umugabo ukora cyangwa umugore ukora ni we ubona ikintu gikomeye kandi cyiza mu buzima, kandi bene uwo ni we ugira ubushake bwo gusohozza inshingano ubuzima bumuha afite kwizera n'ibyiringiro.

Abayobokeye ba Kristo benshi baracyakeneye kwigwa isomo ry'ingenzi ryigishwa n'umurimo unejeje mu nshingano za ngombwa mu buzima. Iri somo risaba ubwitonzi buruseho, kudakebakeba mu mico, gukorera Imana mu bushobozi umuntu afite bwose yaba umukanishi, umucuruzi, umucamanza cyangwa umuhinzi-mworozi, akarangwa n'amahame agenga Ubukristo mu mirimo akora ya buri munsu kurusha uko yakora nk'umuvugabutumwa wabiherewe uburenganzira. Bisaba kugira imbaraga zikomeye z'iby'umwuka zituma umuntu azana iby'iyobokamana aho akorera, akeza akantu kose kajyanye n'ubuzima bwe bwa buri munsu, kandi ibyo asaba gukorerwa byose bigakorwa hakurikijwe urugero ngenderwaho rw'ijambo ry'Imana. Ariko ibi ni byo Uwiteka asaba.

Intumwa Pawulo yafataga ko ubute ari icyaha. Yize umwuga wo kuboha amahema haba mu rwego rwo hasi ndetse n'urwo hejuru z'uwo mwuga. Akenshi mu murimo we w'ivugabutumwa, yakoraga uyu mwuga kugira ngo abone ibimwunganira ubwe n'ibyunganira abandi. Pawulo ntiyafataga ko gihe yakoresheje atyo ari igihe cyapfuye ubusa. Igihe yakoraga uwo mwuga, intumwa Pawulo yabonaga uko ahura n'urwego rw'abantu atari kuzabona ubundi buryo yabageraho. Yerekaga abo yahuraga nabo ko ubuhanga mu myuga isanzwe ari impano itangwa n'Imana. Yigishaga ko no mu miruhu ya buri munsu Imana igomba kubahwa. Ibiganza bye byabaga bihanda bitewe n'imirimo yakoze ntibyagiraga icyo bigabanya ku mbaraga zo kurarika kwe kuje imbabazi nk'umuvugabutumwa w'Umukristo.

Imana yagennye ko abantu bose bagomba gukora. Ikimasa gihinga gisohozwa umugambi w'Umuremyi wacyo kurusha umuntu w'umunyabute wicara ubusa. Imana ni umukozi udahwema. Abamarayika barakora; ni abagaragu b'Imana bakorera abana b'abantu. Abantu bategereje ijuru ritazarangwamo kugira icyo bakora bazabura icyo biteze; kuko imigendekere y'ibyo mu ijuru ntiha icyicarwo ubunibwe. Nyamara ikiruhuko cyasezeraniwe abananiwe kandi baremerewe. Umugaragu ukiranuka ni we uzakirwa mu munezero wa Shebuja avuye mu miruhu ye. Uwo mugaragu azakuramo intwari ze yishimye, kandi urusaku rw'urugamba azarwibagirwa ubwo azaba ari mu kiruhuko gihebuje cyateguriwe abanesha kubw'umusaraba wa Kristo."¹

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.274-280. [Inama ku Barezi, Ababyeyi, n'Abanyeshuri]



KUBIBA KU NKENGERO Z'AMAZI YOSE

Uwiteka arahamagarira ubwoko bwe kujya mu byerekezo bitandukanye by'umurimo w'ivugabutumwa, bukajya kubiba ku nkengero z'amazi zose. Dukora umugabane muto cyane w'umurimo Uwiteka yifuza ko dukora mu baturanyi bacu n'incuti zacu. Kubwo kugirira neza abakene, abarwayi n'abapfushije ababo, dushobora kugira icyo tubahinduraho kugira ngo ukuri ko mu ijuru kubashe kwinjira mu mitima yabo. Nta mahirwe nk'ayo yo gukora umurimo w'Imana dukwiriye kwemera ko aducika tutayakoresheje neza. Ni wo umurimo uhanitse w'ivugabutumwa dushobora gukora. Kwigisha ukuri binyuze mu rukundo no kugaragariza abandi impuhwe uva ku rugo ujya ku rundi bihuje rwose n'amabwiriza Kristo yahaye abigishwa be igihe yabatumaga bagiye mu rugendo rwa mbere rw'ivugabutumwa.

IMPANO YO KURIRIMBA

Abantu bafite impano yo kuririmba barakenewe. Indirimbo ni bumwe mu buryo bugera ku ntogo mu gucengeza ukuri kw'iby'umwuka mu mutima. Incuro nyinshi kubw'amagambo y'indirimbo year, amasoko yo kwihana no kwizera yaragomorowe. Abizera bagize itorero, abato n'abakuze bose bakwiriye kwigishwa kugira ngo bagende bajye kumenyesha abatuye isi ubu butumwa buheruka. Nibagenda bicishije bugufi, abamarayika b'Imana bazajyana nabo, babigishe uko barangurura basenga, uko bahanika amajwi baririmba, n'uburyo bwo kwamamaza ubutumwa bwiza bugenewe iki gihe.

Basore namwe nkumi, nimujye mu umurimo Imana ibahamagarira. Kristo azabigisha uburyo bwo gukoresha ubushobozi bwanyu mu mugambi mwiza. Ubwo muzahabwa imbaraga ya Mwuka Wera, kandi mukagambirira kwigisha abandi, ubwenge bwanyu buzakarishwa, kandi muzashobora kuvuga amagambo azabera mashya ababumva kandi anababere meza...

UMURIMO W'IVUGABUTUMWA MU BUVUZI

Umurimo w'ivugabutumwa mu buvuzi utanga amahirwe n'uburyo bwinshi [byo kwamamaza ubutumwa]. Kutirinda mu mirire no gusuzugura amategeko agenga ibyaremwe bitera bwinshi mu burwayi buriho, kandi

biragenda byambura Imana icyubahiro kiyikwiriye. Bitewe no kunanirwa kwiyaanga, benshi mu bwoko bw'Imana ntibashobora kugera ku rwego rwo hejuru rw'iby'umwuka Imana ibashyira imbere. Mwigishe abantu ko ibyiza ari ukumenya kwirinda kuruta kumenya uburyo bwo kuvura indwara. Dukwiriye kuba abigisha b'abanyabwenge, tukaburira abantu bose kwirinda kuvuyarara bategekwa n'inda. Igihe tubona umubabaro, ubumuga n'indwara byadutse mu isi ari ingaruka z'ubujiji, mbese twareka gukora uruhare rwacu dute rwo kumurikira abari mu bujiji no kunganira abababaye?

Bitewe n'uko inzira zinjira mu bugingo zakinze n'urwikekwe rutwaza igitugu, usanga abantu benshi basuzugura amahame ajyanye n'ubuzima buzira umuze. Umurimo mwiza ushobora gukorwa kubwo kwigisha abantu uburyo bwo gutezura amafunguro atera amagara mazima. Uyu murimo ni ingirakamaro kimwe n'undi murimo ushobora gukorwa. Amashuri menshi yigisha guteza yagombye gushingwa, kandi abantu bamwe bagombye gukora bava ku rugo byajya ku rundi, bigisha abantu ibyerekeye ubuhanga bwo guteza amafunguro atera amagara mazima. Binyuze mu nyigisho z'ivugurura mu by'ubuzima, abantu benshi cyane bazatabarwa bawe mu gusigira ku mubiri, mu bwenge no mu mico mbonera.”¹



¹ *Review and Herald*, June 6, 1912. [Urwibutso n'Integuza]

IBYEREKEZO BYINSHI BY'UMURIMO

"Itorero ryashyiriweho gukora umurimo; kandi mu buzima bwo gukorera Kristo, kugirana ubumwe na Kristo [n'Itorero] ni imwe mu ntambwe za mbere. Kugandukira Kristo bisaba gukora inshingano z'itorero ukiranutse. Uyu ni umugabane w'ingenzi mu kwigishwa k'umuntu; kandi mu itorero ryasabwwe n'ubugingo bw'Umukiza, uko kugandukira Kristo kuzahita kujyana ku kugira umwete wo gusanga abatari mu itorero."¹

BURI WESE AFITE UMWANYA WE

Buri muntu wese afite umwanya we mu mugambi uhoraho ijuru ryateguye. Buri wese agomba gukora afatanyije na Kristo kubw'agakiza kabandi. Nta mwanya twateguriwe mu mazu yo mu ijuru urenze umwanya wihariye twagenewe ku isi aho tugomba gukorera Imana."²

UMURIMO W'ISHURI RYO KU ISABATO

Uwiteka arararikira abasore n'inkumi gukenyera kugira ngo bakore umurimo uzabaranga mu buzima bwose kandi ushishikariwe mu ishuri ryo ku Isabato. . . . Uwiteka yifuza kugira abigisha mu murimo w'ishuri ryo ku Isabato bashobora gukora umurimo bitanze n'umutima wose, kandi bazongera impano zabo bashyira mu bikorwa, ndetse barushaho gukoresha neza ibyamaze kugerwaho."³

UMURIMO WO KWIGA BIBILIYA

Igitekerezo cyo kugira gahunda yo gusoma Bibiliya ni igitekerezo gikomoka mu ijuru, kandi gifungura inzira yo gushyira abasore n'inkumi amagana menshi mu rubuga rwo gukora umurimo w'ingirakamaro utarashoboraga gukorwa mu bundi buryo.

¹ Uburezi, p.281.

² Christ's Object Lessons," pp.326, 327. [Imigani ya Kristo]

³ Testimonies on Sabbath-School Work," p.53. [Ibihamya ku Murimo w'Ishuri ryo ku Isabato]

Bibiliya ntiboshywe. Ishobora kugezwa ku muryango w'umuntu wese, kandi ukuri kwayo gushobora kubwirwa ubwenge bw'umuntu wese. Kimwe n'ab'i Beroya, igihe ukurikuzaba gushyizwe ahagaragara hariho abantu benshi bazishakashakiriza mu Byanditswe buri muni bagira ngo barebe niba ibyo babwiwe ari ukuri cyangwa atari ukuri. Kristo yaravuze ati: "Murondora mu Byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho; kandi ari byo bimpamya." Yohana 5:39. Yesu, Umucunguzi w'isi, ntasaba abantu gusoma gusa, ahubwo abasaba "kurondora mu Byanditswe." Uyu ni umurimo ukomeye kandi w'ingirakamaro. Ni umurimo twahawe, ndetse mu gukora dutyo tuzahungukira cyane kubera ko kumvira itegeko rya Kristo bitazagenda ubusa bidahesheje ingororano. Iki gikorwa cyo kuba indahemuka mu gukurikira umucyo wahishuwe mu ijamba rye, Kristo azagitangira ingororano n'ikimenyetso cyihariye cy'ubuntu bwe."⁴

KUBWIRIRISHA UBUTUMWA IBITABO

Uwiteka arahamagarira abasore gukora umurimo wo kubwiririsha butumwa ibitabo kandi bakaba abavugabutumwa, bagakora umurimo wo gusura urugo ku rundi ahantu abantu batari bigera bumva ukuri. Uwiteka arabwira urubyiruko rwacu ati: "Kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana." 1Abakorinto 6:20. Abazatera intambwe bakajya ku murimo bayobowe n'Imana bazahabwa umugisha bitangaje."⁵

Imwe mu nzira nziza cyane abasore bacamo kugira ngo babashe gutunganyirizwa gukora umurimo, ni ukwinjira mu murimo wo kubwiririsha ubutumwa ibitabo. Nimutyo bajye mu mijyi minini n'imito bajye kubwiririsha ubutumwa ibitabo, batange ibitabo bikubiyemo ukuri kugenewe iki gihe cyacu. Muri uyu murimo bazaboneramo amahirwe yo kuvuga amagambo y'ubugingo, kandi imbuto z'ukuri babiba zizamera zikure kandi zere imbuto. Kubwo guhura n'abantu no kubagezaho inyandiko zacu, bazagwiza ubunararibonye batashoboraga kugira binyuze mu kubwiriza...

Abantu bose bifuza amahirwe yo gukora umurimo nyakuri kandi baziha Imana batizigamye, mu murimo wo kubwiririsha ubutumwa ibitabo bazaboneramo amahirwe yo kuvuga ku ngingo nyinshi zijyanye n'ubugingo budapfa dutegereje."⁶

KWIGISHA

Impano ihebuje izindi umuntu akwiriye kugira kandi akeneye ni iyo kwigisha no kugorora intekerezo z'abato, no gukomeza gukora neza ibyerekezo byinshi by'umurimo ukeneye gukorwa n'umwarimu mu mashuri yacu y'itorero....

⁴ "Testimonies on Sabbath-School Work," pp.29, 30. [Ibihamya ku Murimo w'Ishuri ryo ku Isabato]

⁵ Testimonies for the Church," Vol.8, p.229. [Ibihamya by'Iitorero]

⁶ Gospel Workers, p.96. [Ababwirizabutumwa bwiza]

Abarimu barakenewe, ariko by'umwihariko hakenewe abarimu b'abana. Abarimu batuje, b'abanyabwenge kandi b'abagwaneza, bagaragariza kwihangana n'urukundo abantu babikeneye cyane kurusha abandi ...

Amashuri yacu y'itorero akeneye abarimu bafite imico mbonera yo ku rwego rwo hejuru; abarimu bashobora kwiringirwa; barangwa n'ukwizera kuzima, kandi bafite kwigengesera no kwihangana. Hakenewe abarimu bagendana n'Imana, kandi birinda igisa n'ikibi cyose.”⁷

UMURIMO WUNGURA

Uwiteka ashaka ko mu murimo we haba abantu b'abanyabwenge, abantu bafite ubushobozi bwo gukora mu byiciro bitandukanye by'umurimo. Hakenewe abantu bize ibyo gushaka imari no kuyicunga bazinjiza amahame akomeye y'ukuri mu byo bakora byose. Kandi impano zabo zikwiriye gutunganywa no kwiga no guhugurwa mu buryo bwiza cyane kandi bwitondewe. Niba hari abantu mu cyiciro cy'umurimo icyo ari cyose bakeneye kurushaho gukoresha neza amahiwe bafite kugira ngo bahinduke abanyabwenge kandi bagere ku ntego z'ibyo bakora, bene abo ni abakoresha ubushobozi bwabo mu kubaka ubwami bw'Imana muri iyi si yacu. Daniyeli tumwigiraho ko mu byo yakoraga byose, igihe yagenzuranwaga ubushishozi, nta kosa cyangwa ifuti na rimwe ryamugaragayeho. Yari icyitegererezo cy'uko umuntu wese ukora umurimo wo gushaka no kwita ku mari akwiriye kumera. Amateka ya Daniyeli atwereka ibishobora kugerwaho n'umuntu umwe wegurira mu murimo w'Imana imbaraga z'ubwonko bwe, amagufa, imikaya, umutima n'ubugingo bwe bwose.”⁸

UMURIMO W'UBUVUZI

Nta murimo w'ivugabutumwa waba ingirakamaro kuruta ukorwa n'umuganga w'indahemuka kandi wubaha Imana. Nta handi hantu umuntu ashobora gukora icyiza kiruseho, cyangwa ngo abone izindi maragarita zo kurabagirana ku ikamba ry'ibyishimo bye. Ashobora kujyana ubuntu bwa Kristo bumeze nk'umubavu uhumura neza maze akabugeza mu byumba byose by'abarwayi yinjiramo. Ashobora kujyana umuti nyakuri akawugeza ku bugingo burwaye icyaha. Ashobora kwereka abarwayi n'indembe Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Ntabwo akwiriye kumvira ibyongorerano bimubwira ko kubwira abafite ubuzima bugeze mu marembera iby'inyungu z'iteka ryose bituma barushaho kumererwa nabi cyane; kuko muri ubwo buryo abantu icyenda mu icumi bamenya iby'Umukiza ubabarira icyaha. Ibyo bituma barushaho kumererwa neza haba mu ntekerezo no ku mubiri. Yesu ashobora kuzitira imbaraga za Satani. Ni we muganga ubugingo burwaye icyaha bushobora kwiringira ko yabukiza indwara z'umubiri kimwe n'iz'ubugingo.”⁹

⁷ Testimonies for the Church,” Vol. 6, pp.200, 201. [Ibihamya by'Itorero]

⁸ Christ's Object Lessons,” pp.350, 351. [Imigani ya Kristo]

⁹ Testimonies for the Church,” Vol.5, pp.448,449. [Ibihamya by'Itorero]

Hafi y'ahantu aho ari ho hose hatuwe hari umubare munini w'abantu batarigera bumva ijamba ry'Imana ribwirizwa cyangwa ngo babe barigeze bitabira gahunda iyo ari yo yose y'iyobokamana. Niba bagomba kugerwaho n'ubutumwa bwiza, bugomba rwose kugezwa rwose mu ngo zabo. Akenshi kubamara ubukene bw'umubiri ni byo nzira yonyine ishobora gukoreshwa kugira ngo bagerweho. Abavugabutumwa b'abaforomo bita ku barwayi kandi bakamara abakene umubabaro bazabona amahirwe menshi yo gufatanya nabo gusenga, kubasomera ijamba ry'Imana no kubabwira iby'Umukiza. Bashobora gufatanya gusenga n'abatagira shinge na rugero badafite imbaraga z'ubushake bwo gutegeka ipfa ryabo ryasigingijwe n'irari kandi bakanabasengera. Bashobora kuzana umurasire w'ibyiringiro mu bugingo bw'abatsinzwe kandi bakutse umutima. Urukundo rwabo rutikanyiza, rugaragarira mu bikorwa by'ubugiraneza butagamije inyungu, bizatuma abantu bababazwa bizera urukundo rwa Kristo mu buryo bworoshye."¹⁰

UMURIMO WO KWAMAMAZA UBUTUMWA BWIZA

Ntihakwiriye kubaho gusuzugura umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Nta murimo ukwiriye gukorwa ku buryo butuma umurimo wo kwamamaza ijamba ry'Imana ufatwa ko ucishije bugufi. Ntabwo ari ko bimeze. Abapfobya uyu murimo baba bapfobya Kristo. Umurimo wo kwamamaza ubutumwa mu byiciro byawo byose ni wo murimo uhanitse kurusha indi yose, kandi ukwiriye gushyirwa imbere y'urubiruko rukamenya ko nta murimo Imana yahiriye kuwusha.

Nimutyo urubiruko rwacu rwe gukumirwa ngo rwe kwinjira mu murimo. Hari akaga ko binyuze mu bivugwa byiyongeranya abantu bamwe bazateshurwa mu nzira Imana ibasaba kunyuramo. Bamwe bagiye bashishikarizwa kwiga iby'ubuvuzi nyamara baragombye kuba bitegura kwinjira mu murimo w'ivugabutumwa. Uwiteka arahamagara abandi bagabura bo gukora mu ruzabibu rwe. Amagambo yaravuzwe ngo, "Nimukomeze ibikingi by'amarembo; kandi mushyire abarinzi bakiranuka mu turere twose tw'isi." Basore, Imana irabahamagara. Imana irahamagara ingabo z'abasore bafite umutima mwiza n'intekerezo nzima, kandi bafite urukundo rwimbitse bakunda Kristo n'ukuri."¹¹

UMURIMO W'IVUGABUTUMWA MU BIHUGU BY'AMAHANGA

Hakenewe abasore. Imana irabahamagarira kuja hirya no hino mu murimo wo kwamamaza ubutumwa. Kubera ko abasore nta bibaziga by'imiraho n'inshingano ugereranyije n'abandi, ni bo bari mu mwanya mwiza wo kuja mu murimo kurusha abagomba gutanga ibikenewe byo gushyigikira umuryango wabo mugari ndetse no kuwitaho. Ikindi kandi, byihutira abasore cyane kwimenyereza ikirere gishya cy'aho

¹⁰ Ministry of Healing," pp.144,145. [Renger Ubuzima]

¹¹ Testimonies for the Church," Vol.6, p.411. [Ibhamya by'Iterero]

bakorera n'abantu bashya bakorana nabo, ndetse bashobora kwihanganira ibitagenda neza n'imiraho kurushaho. Baramutse bakoranye ubwitonzi no kwihangana, bashobora gusanga abantu aho bari."¹²

Abasore bakwiriye kuba bagwiza ubushobozi binyuze mu kwimenyereza izindi ndimi kugira ngo Imana ibashe kubakoresha ngo babe imiyoboro yo kugeza ukuri kwayo gukiza ku bantu bo mu yandi mahanga. Abo basore bashobora kumenya izindi ndimi n'igihe baba bakora umurimo wo gukiza abanyabyaha. Niba bakoresha neza igihe cyabo, bashobora kuba batyaza ubwenge bwabo kandi bakagwiza ubushobozi bubabashisha kuba ingirakamaro biruseho. Iyaba urubyiruko rw'abakobwa rwagiye rukora inshingano nto rwiye guriraga gukorera Imana, rwashatse uburyo rugira ubushobozi bwo kuba ingirakamaro rubinyujije mu kwiga izindi ndimi no kuzimenyereza. Bakwiriye kwiye gurira umurimo wo gusobanura inyandiko."¹³

UMURIMO W'URUBYIRUKO

Abana bashobora kuba abakozi bemewe bamamaza ubutumwa haba mu rugo iwabo no mu itorero. Imana ishaka ko bigishwa kugira ngo bakore umurimo w'ingirakamaro muri iyi si, be kuba abo gukina gusa. Mu rugo iwabo bashobora kuhatorezwa gukora umurimo wo kwamamaza ubutumwa uzabategurira gukora indi mirimo yagutse y'ingirakamaro. Babyeyi, mufashe abana banyu gusohozwa umugambi Imana ibafitiye."¹⁴

¹² "Testimonies for the Church," Vol.5, p.393. [Ibiamya by'Itorero]

¹³ "Testimonies for the Church," Vol.3, p.204. [Ibiamya by'Itorero]

¹⁴ Review and Helard, December 8, 1910. [Urwibutso n'Integuza]



UMURIMO WEMEWE

Mu mbabazi zayo n'urukundo rwayo bitagerwa, Imana yaduhaye umucyo uvuye mu ijamba ryayo, kandi Kristo aravuga ati: "Mwaherewe ubusa, namwe muje mutangira ubundi." Matayo 10:8. Nimutyo umucyo Imana yabahaye umurikire abari mu mwijima. Iyo mutuma uwo mucyo umurika, abamarayika bo mu ijuru bazaba iruhande rwanyu, babafashe kugarurira benshi Kristo. . . .

Ncuti basore, mwibuke ko atari ngombwa ko umuntu aba umugabura wabyerejwe kugira ngo akorere Uwiteka. Hariho inzira nyinshi zo gukorera Kristo. Ushobora kuba utarigeze urambikwaho ibiganza by'abantu bakwereza uwo murimo, ariko Imana ishobora kugutunganyiriza gukora umurimo wayo. Ishobora kugukoreramo kugira ngo igeze abantu ku gakiza. Niba kubwo kwigira mu ishuri rya Kristo uri umugwaneza kandi woroheje mu mutima, Kristo azaguha amagambo yo kumuvugira. . . .

ISANO DUFITANYE N'AMAKOSA

Kora ibyo ushoboye byose mu mbaraga zawe kugira ngo ugere ku butungane; ariko ntugatekereze ko udafite uruhare mu murimo w'Imana bitewe n'uko ukora amakosa. Imana izi impagarike yacu; yibuka ko turi umukungugu. Nukoresha impano Imana yaguhaye ukiranutse, uzunguka ubwenge buzatuma wumva utanyuzwe n'inariye. Uzabona ko ukeneye kwitandukanya n'ingeso zangiza kugira ngo utazangiza abandi bitewe n'urugero rubi utanga.

Kora ubishishikariye, ugeze ku bandi ukuri kwakubereye ukw'agaciro kenshi. Bityo rero igihe hazaba hari imyanya ikeneye abakozi, uzumva amagambo ngo, "Ngwino hano." Ushobora kutihutira gusubiza; ariko jya mbere mu kwizera, uzane ubwuzu bwuje ubudahemuka mu murimo w'Imana.

Ibanga ryo kugarurira abantu Umukiza rishobora kwigirwa gusa ku Mwigisha mukuru. Nk'uko ikime n'udutonyanga bigwa buhoro buhoro ku kimera cyumagaye, ni ko amagambo yacu atuje kandi yuje urukundo agomba kugera ku bantu dushaka kugarurira Kristo. Ntabwo tugomba

gutegereza kugeza ubwo tuzabona inzira n'uburyo biri imbere yacu; ahubwo tugomba kubishaka, umutima ugakomeza kwerekezwa ku Mana dusenga kugira ngo idufashe kuvuga ijamba rikwiriye mu gihe gikwiriye. Igihe rero habonetse uburyo, ntugatume hari urwitwazo rugutera kuyasuzugura; kuko kuyakoresha neza bishobora gusobanura agakiza k'umuntu akava mu rupfu.”¹

UMURIMO UHEBUJE

Umurimo uruta indi yose, -umurimo uhebuje indi yose wagombye gukurura umuntu kandi akawushyiramo imbaraga ze zose, ni umurimo wo gukiza abo Kristo yapfiriye. Uyu murimo ujye uwugira uw'ikubitiro kandi w'ingirakamaro mu mirimo ukora mu buzima bwawe. Wugire umurimo wawe wihariye. Korana na Kristo muri uyu murimo ukomeye kandi w'icyubahiro, maze uhinduke umuvugabutumwa iwanyu no mu mahanga. Itegere kandi wihe gahunda nziza yo gukorera iwanyu cyangwa mu turere twa kure kubw'agakiza k'abantu. Kora imirimo y'Imana kandi werekane ko wizera Umukiza wawe ubinyujije mu kwiyuha akuya ukorera abandi. Iyaba abato n'abakuze bari barahindikiriye Imana rwose maze bagakora inshingano iri hafi yabo. Iyaba igihe cyose babonye uburyo bakoraga maze bagahinduka abakozi bakorana n'Imana!”²



¹ *The Youth's Instructor*, February 6, 1902. [Umwigisha w'Abasore]
² *The Youth's Instructor*, May 4, 1893. [Umwigisha w'Abasore]

GUKIRANUKA MU MURIMO

Abantu badakiranuka mu bintu byoroheje byo muri ubu buzima bw'igihe gito ntibazanakiranuka mu nshingano zikomeye. Bazariganya Imana, kandi ntibazashobora kuzuza ibyo amategako yayo asaba. Ntabwo bazasobanukirwa ko impano bafite ari iz'Imana kandi ko zigomba kwegurirwa mu murimo wayo. Abantu batagira icyo bakorera abakoresha babo kirenze icyo bategetswe kandi bazi neza ko kugenda neza k'umurimo gushingiye ku kuba bakoresha imbaraga zisumbyeho ku ruhande rwabo, ntibazashobora kuba abagaragu bakiranuka. Hariho ibintu byinshi bitavuzwe bitegereje gukorwa ariko kandi bihita bigaragarira umukozi.

Hajya habaho ibyibagirana ndetse n'ibihombo nyamara byagombye kwirindwa haramutse habayeho kugaragaza gukorana ubushishozi nta gukebakeba ndetse n'umuhati utarangwamo kwikanyiza. Ibyo kandi byakwirindwa iyaba amahame y'urukundo twategetswe na Yesu yashyirwaga mu bikorwa mu mibereho y'abavuga ko bizera izina rye. Nyamara hari benshi bakora mu murimo w'Imana bazwiho ko ari "inkorerajisho."

KUDAKIRANUKA BIRANDIKWA

Kwikanyiza kwangwa urunuka ni ko gutera umukozi kwirengagiza gukoresha neza igihe, akirengagiza kwita ku mutungo bitewe n'uko adacungishijwe ijisho n'umuyobozi we. Ariko se bene abo bakozi bajya batekereza ko kwirengagiza kwabo hari aho kwandikwa? Iyaba amaso yabo yahumukaga, babona ko hari Uwitegereza, kandi ko kutagira icyo bitaho kwabo kwandikwa mu bitabo byo mu ijuru.

Abatari indahemuka mu murimo w'Imana mu by'ukuri hari icyo babura. Impamvu zibatera kugira icyo bakora ntabwo zibayobora guhitamo ibitunganye mu bihe byose. Igihe cyose abagaragu b'Imana bagomba kumva ko umukoresha wabo abitegereza. Uwitegereje ibirori byakozwe na Belushazari byaranzwe no gukora ibibi bikabije, aba mu bigo byacu byose, mu cyumba umucuruzi abariramo amafaranga, akaba ahakorera imirimo hiherereye; kandi ukuboko kwa marayika kuba kwandika uko ugira ibyo wirengagiza nk'uko kwanditse iteka riteye

ubwoba uriya mwami watutse Imana yaciriweho. Urubanza Belushazari yaciriweho rwanditswe mu nyuguti z'umuriro ngo, "wapimwe mu gipimo, ugaragara ko udashyitse"; kandi niba nawe udasohozza inshingano Imana yaguhaye iteka uzacirwaho ni nk'irya Belushazari.

IMPAMVU NYAKURI ZITERA UMUNTU GUKORA

Hariho abantu benshi bavuga ko ari Abakristo nyamara batunze ubumwe na Kristo. Imibereho yabo ya buri muni n'umwuka wabo bihamya ko Kristo atari muri bo, we byiringiro by'ubwiza. Bene abo ntibashobora kwishyigikizwaho, kandi ntibashobora kwiringirwa. Bahora bashakira uko bagabanya umurimo bakora ngo ubatware imbaraga nke cyane, kandi ari nako basaba ibihembo bihanitse. Izina "abagaragu" ni irya buri muntu wese; kandi urugero dukurikiza ruzatugaragarira. Mbese ni urugero rw'ubuhemu cyangwa ni urwo gukiranuka?

Mbese mu bakozi harimo umwuka wo gukora ibintu byinshi bishoboka? Mbese aho ahubwo imikorere igezweho si iyo kwinyabya ku kazi, mu buryo bworoshye maze amaherezo abantu bagahabwa ibihembo kandi batanze imbaraga nke cyane? Usanga umugambi atari uwo gukora udukebakaba mu buryo bushoboka bwose ahubwo usanga ari uwo kubona umushahara. Abavugaga ko ari abagaragu ba Kristo ntibakwiraye kwibagirwa itegeko intumwa Pawulo yatanze agira ati: "Mbata, mwumvire ba shobuka bo ku mubiri muri byose, ntimubakorere bakibareba gusa ngo muse n'abanezeza abantu, ahubwo mubakorere mutaryarya mu mitima yanyu, mwubaha Imana." Abakolosayi 3:22.


Abantu binjira mu murimo ari abagaragu b'inkorerajisho bazibwira ko umurimo wabo udashobora kugenzurwa n'abantu cyangwa abamarayika. Ikintu cy'ingenzi gituma umurimo [w'umuntu] ugera ku ntego ni ukumenya Kristo; kuko uku kumenya kuzaha umuntu amahame mazima yerekeye ibitunganye, maze gutange umwuka w'ubupfura no kutikanyiza warangaga Umukiza wacu tuvugaga ko dukorera. Ubudahemuka, kudasesagura, kwita ku bintu n'umurimo unoze ni byo bikiwiriye kuranga imirimo yacu yose, aho twaba turi hose, haba mu gikoni, mu ibarizo cyangwa igaraji, mu nzu yandikirwamo ibitabo, mu ivuriro, mu kigo cy'ishuri cyangwa ahandi hantu hose duhawe umwanya mu ruzabibu rw'Uwiteka. "Ukiranuka ku cyoroheje cyane aba akiranutse no ku gikomeye. Kandi ukiranirwa ku cyoroheje cyane, aba akiraniwe no ku gikomeye." (Luka 16:10)¹

¹ *Review and Herald*, September 22, 1891. [Urwibutso n'Integuza]



“Kubera ko ubwenge n’ubugingo bikorera mu mubiri, ku rwego rukomeye imbaraga z’intekerezo n’iz’umwuka zishingira ku mbaraga z’umubiri no kuwukoresha. Ikintu cyose giteza imbere ubuzima bw’umubiri, kinateza imbere ubwenge bufite imbaraga ndetse n’imico mbonera. Umuntu aramutse adafite ubuzima bwiza, ntiyabasha gusobanukirwa cyangwa ngo abe yasohozwa inshingano ze kuri we ubwe, kuri bagenzi be, cyangwa ku Muremyi we. Kubw’ibyo rero, ubuzima bw’umubiri bukwiriye kurindwa uko bukwiriye kimwe n’uko imico irindwa. Kumenya iby’isuku n’ibyerekeye imikorere y’umubiri bukwiriye kuba ishingiro ry’ibikorwa mu burezi byose.”¹

¹ Uburezi, p.203



UBUHANGA BWO KUBAHO

Ni iki cyakorwa kugira ngo hahagarikwe kwiyongera kw'indwara n'ubugome bigenda byararika abantu bibajyana mu kurimbuka n'urupfu? Bitewe n'uko umurimo ukomeye w'ikibi ugaragarira mu guhaza inda n'irari, ni nako umurimo w'ibanze kandi ukomeye w'ubugorozi ugomba kuba uwo kwiga no gushyira mu bikorwa inyigisho zo kwirinda no kwitegeka.

Kugira ngo kwigisha abantu bizane impinduka nziza kandi zihoraho, uko kwigishwa kugomba gutangira umuntu akiri muto cyane. Imico umuntu yamenyereye mu bwana n'igihe amaze kugimbuka, ibimuryohera yimenyereje, kwitegeka yakujije, amahame yamucengeyemo guhera akiri uruhinja, bene ibyo ni byo bigena uko ahazaza h'umugabo cyangwa umugore hazamera. Ubugome no gusayisha bizanwa no kutirinda n'imico mbonera idahamye byagombye kuba byaraburiywemo no kwigisha urubyiruko uko bikwiriye.

UBUZIMA NO KWITEGEKA

Kugira ubuzima buzira umuze ni bumwe mu bufasha bukomeye cyane mu gutunganya imico iboneye kandi y'ubupfura mu rubyiruko maze rukunguka imbaraga zo gutegeka irari ryarwo kandi rukirinda kurenza urugero kurutesha agaciro. Kandi ku rundi ruhande, iyo mico yo kwitegeka ni ingenzi kugira ngo umuntu akomeze kugira ubuzima buzira umuze.

Ni iby'ingenzi cyane ko abagabo n'abagore bigishwa ibijyanye no kumenya ubuzima bwa muntu, kandi bakigishwa uburyo bwiza bwo gusigasira ubuzima no kububungabunga. By'umwihariko, igihe cy'ubusore ni igihe cyo kugwiza ubumenyi buzajya bushyirwa mu bikorwa buri muni mu buzima. Igihe cy'ubusore ni igihe cyo gushimangira ingeso nziza, gukosora amakosa waba warakoze, kugwiza no gukomera ku mbaraga zo kwitegeka, gushyiraho gahunda, no kwimenyereza gushyira mu bikorwa maze ugashyira kuri gahunda ibikorwa byose mu buzima ushingiyeye ku bushake bw'Imana kandi ugamiye imibereho myiza y'ibindi biremwa. . . .

Ntabwo Yesu yigeze yirengagiza ibyo umubiri usaba. Yubahaga imibereho y'umuntu mu by'umubiri, bityo yajyaga hirya no hino akiza abarwayi kandi akazahura ubushobozi bw'umubiri ku babaga barabutakaje. . . .

UBUZIMA NI INDAGIZO

Abasore bakwiriye kwerekwa ko badafite umudendeze wo gukoresha ubuzima bwabo uko bishakiye. Iki ni igihe cyo kwita ku ndagizo, kandi igihe kigiye kuzagera batange raporo y'uko bayiragiye. Ntabwo Imana izabafata ko ari abera igihe badaha agaciro impano z'agaciro kenshi yabaragije. Umucunguzi w'isi yabatanzeho ikiguzi kitagerwa, kandi ubuzima bafite n'impano bafite ni We nyirabyo. Amaherezo bazacirwa urubanza hakurikijwe ko babaye ibisonga bikiranuka cyangwa bidakiranuka by'ubutunzi Imana yabaragije. Bakwiriye kwigishwa ko uko bafite impano nyinshi n'amahirwe menshi ari nako inshingano bafite y'umurimo w'Imana zirushijeho kuremera, kandi akaba ari nako basabwa gukora byinshi. Iyaba urubyiruko rwigishwaga rutyo kugira ngo rusobanukirwe inshingano rufite ku Muremyi, kandi rugasobanukirwa indagizo ikomeye rwahaweho ubuzima bwabwo, ntirwakwihutira kwiroha mu gusayisha n'ubugome bitwara benshi mu basore bo muri iki gihe.”¹



¹ *Review and Herald*, December 13, 1881. [Urwibutso n'Integuza]


GUSIGASIRA UBUZIMA

Ubuzima ni umugisha ariko abantu bake cyane nibo babuha agaciro; nyamara kandi ni bwo shingiro rikomeye ry'imbaraga zacu z'umubiri n'iz'ubwenge. Imbaraga zidukoresha mu buryo bwihuse ndetse n'amarangamutima yacu bifite icyicaro mu mubiri, kandi ugomba gufatwa neza mu buryo bufatika ndetse ukitabwaho cyane mu buryo bw'umubiri kugira ngo impano zacu zibashe gukoreshwa ku rwego ruhanitse. Ikintu cyose gicogoza imbaraga z'umubiri gica intege ubwenge, kandi gituma ubushobozi bwo gutandukanya ikibi n'icyiza bugwabira.

Gukoresha nabi imbaraga zacu z'umubiri bigabanya igihe ubuzima bwacu bwagombaga gukoreshwa kubw'icyubahiro cy'Imana, kandi bituma tutuzura ibyangombwa bikwiriye bituma dusohoka umurimo Imana yaduhaye ngo dukore. Kubwo gukura akamenyero kabi muri twe, kubwo kwimenyereza gukererwa, kubwo kunezeza irari ry'inda maze tugashyira amagara yacu mu kaga, tuba dushinga urufatiro rwo kugira intege nke

Abatuma ubuzima bwabo buba bugufi muri ubwo buryo kandi bagatuma batuzura ibyangombwa bikwiriye ngo bakore umurimo babinyujije mu kwirengagiza amategeko agenga ibyaremwe, bene abo bari gukora icyaha cyo kwiba Imana. Ikindi kandi baba biba na bagenzi babo. Amahirwe bari bafite yo guhesha abandi umugisha ari nawo murimo Imana yaboherereje mu isi gukora waragwabiye bitewe n'imikorere yabo. Bituma badashobora no kuba bakora n'umurimo wagombye gukorwa mu gihe gito cyane. Iyo kubw'akamenyero kacu kangiza dutumye isi itabona ibyiza yagombye kubona, Uwiteka atubaraho icyaha.”¹

¹ Review and Herald, June 20, 1912. [Urwibutso n'Integuza]



UKWERA K'UBUZIMA

Satani asanga umuntu aje kumushuka yitwaye nka marayika w'umucyo nk'uko yaje asanga Kristo. Satani yagiye akora agamije guca umuntu intege haba mu by'umubiri n'imico mbonera, kugira ngo amunesheshe ibishuko bye bityo abashe kunesha kubwo kurimbuka k'umuntu. Satani yagiye agera ku mugambi we wo kugerageza umuntu amutera guhaza irari ry'inda atitaye ku ngaruka zabyo. Satani azi neza ko umuntu atashobora gusohozza inshingano afite ku Mana no kuri bagenzi be mu gihe yangiriza ubushobozi Imana yamuhaye. Ubwonko ni bwo huriro rikuru ry'umubiri. Iyo ubushobozi bwumva kandi busesengura bugushijwe ikinya bitewe no kutirinda uko ari ko kose, iby'iteka ryose ntibiba bigitandukanywa n'ibisanzwe.

ISANO UBUZIMA BUFITANYE NO KUBAKA IMICO

Imana ntiha umuntu uburenganzira bwo kwica amategeko agenga ubuzima bwe. Ariko binyuze mu kumvira ibishuko bya Satani biha intebe kutirinda, umuntu atuma ubushobozi bwe buhanitse buba imbata y'irari n'ipfa bya kinyamaswa. Igihe ibyo bihawe icyicaro, umuntu wari wararemwe abura ho gato ngo abe nk'abamarayika, afite ubushobozi bubasha gutezwa imbere bukagera ku rwego ruhanitse, bene uwo muntu yiyegurira gukoreshwa na Satani. Ikindi kandi bene uwo agera ku babaswe n'irari ry'inda mu buryo bworoshye. Bitewe no kutirinda, abantu bamwe bashyira mu kaga kimwe cya kabiri cy'imbaraga zabo z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'umutima, naho abandi bagashyira mu kaga bibiri bya gatatu by'izo mbaraga maze bagahinduka ibikinisho by'umwanzi Satani.

Abantu bashaka ko intekerezo zabo ziba zitunganye kugira ngo babashe gutahura imitego ya Satani, irari ryabo ry'umubiri rigomba gutegekwa n'ubwenge n'umutimanama. Igikorwa cy'umutimanama ndetse n'icy'imbaraga kiva ku bushobozi buhanitse bw'intekerezo ni ingenzi kugira ngo habeho gutungana kw'imico ya Gikristo. Kandi rero imbaraga cyangwa intege nke z'intekerezo zifitanye isano ikomeye no kuba ingirakamaro kwacu muri iyi si, ndetse no ku gakiza kacu gaheruka. Kwirengagiza kwagiye kuganza mu byerekeye amategeko y'Imana ahadukikije ntikugira uko kwavugwa. Kutirinda kuburyo bwose ni ukwica amategeko y'ubuzima bwacu. Ubugoryi buragenda

buba gikwira ku rwego ruteye ubwoba. icyaha cyarasigirijwe ku buryo kireshya amaso, cyatwikirijwe umucyo Satani agishyiraho. Bityo iyo Satani ashoboye gufatira Abakristo mu byo bagize ingeso buri muni biba mu mico n'imigenzo, kandi nk'uko biba ku bapagani, agatuma Abakristo nabo bemerera irari ry'inda kubatega arishima cyane.

KUTIRINDA KURASINGIZA

Niba abagabo n'abagore bafite ubwenge baratumye imbaraga zabo z'imico mbonera zigwa ikinya bitewe no kutirinda k'uburyo ubwo ari bwo bwose, ubwo akenshi mu mico yabo baba basumbye abapagani ho gato cyane. Satani ahora ateshura abantu mu mucyo w'agakiza bakerekera mu migenzo n'ibigazweho batitaye ku buzima bwabo bw'umubiri, ubw'ubwenge n'ubw'imico mbonera cyangwa umutimanama. Umwanzu gica azi neza ko ipfa n'irari nibiramuka biganje mu mibereho y'umuntu, ubuzima bw'umubiri n'imbaraga z'ubwenge bizatambwa ku gicaniro cyo kunezeza inariye, kandi umuntu azaba yihutira kurimbuka. Niba abantu b'abanyabwenge bafata umukwege bashyira mu kanwa no mu ijosi ry'ifarashi bakabasha gutegeka iyo nyamaswa, bagatuma yumvira imbaraga zikoreshe n'umutimanama wabo, Satani azi neza ko imbaraga ze zo gutsinda akoreshe ibishuko bya ari n'ubwo cyane. . . .

Umugabane munini w'ababarizwa mu idini ya Gikristo ntibafite uburenganzira bwo kwiyita Abakristo. Imico yabo, gusesagura kwabo, n'uko bafata imibiri yabo muri rusange, ibyo byose bikorwa mu buryo bwica amatega agenga ibyaremwe kandi bikanyuranya n'urugero rukwiriye Bibiliya itanga. Kubw'imigirire yabo mu buzima, ubwabo baba bikururira imibabaro yo ku mubiri n'intege nke z'ubwenge n'iz'imico mbonera.”¹

KWITEGEKA NI INSHINGANO

“Umubiri ugomba gutegekwa. Imbaraga zihanitse za muntu ni zo zigomba gutegekwa. Imbaraga zirarikira z'umubiri zigomba gutegekwa n'umutimanama, kandi na wo ubwabo ugomba gutegekwa n'Imana. Imbaraga zikomeye z'umutimanama zejeje n'ubuntu bw'Imana zigomba gutegekwa mu bugingo bwacu.

Ibyo Imana isaba bigomba kuba mu mutimanama wacu. Abagabo n'abagore bagomba gukangurirwa gukora inshingano yo kwitegeka, bagakangurirwa kumva ko bakeneye ubutungane, ko bakeneye kuzibukira kwifuza kwangiza kose n'imico mibi. Bakeneye gusobanukirwa neza ko imbaraga zabo zose z'ubwenge n'iz'umubiri ari impano bahabwa n'Imana, kandi zigomba kurindwa zigafatwa neza mu buryo bushoboka bwose kugira ngo zikoreshe umurimo wayo.”²

¹ *Review and Herald*, September 8, 1874. [Urwibutso n'Integuza]

² *Ministry of Healing*, p.130. [Renger Ubuzima]

UBUREZI BUKORA KU MPANDE ZOSE

“Igihe umuntu akoresha mu myitozo ngororamubiri ntikiba gitakaye. Umunyeshuri uhora yubitse umutwe mu bitabo bye mu gihe akorera imyitozo ngororamubiri muke cyane ahantu hari umwuka mwiza, bene uwo aba yiyangiza. Imyitozo ikwiriye ikoreshejwe ingingo zitandukanye n’ubushobozi butandukanye bw’umubiri ni ingenzi kugira ngo buri rugingo rukore neza. Iyo ubwonko buhora bunanizwa, mu gihe izindi ngingo z’umubiri zo ntacyo zikora, habaho gutakaza imbaraga z’umubiri n’iz’ubwenge. Imbaraga z’umubiri zamburwa ubushobozi bwazo bwo kumererwa neza, ubwenge butakaza gukanguka kwabwo n’imbaraga zabwo, bityo ingaruka ikaba gukanguka gutungurana gushobora gutera urupfu.

Kugira ngo abagabo n’abagore bagire intekerezo zitunganye, imbaraga zose z’umubiri zikwiriye gukoreshwa kandi zigatezwa imbere. Muri iyi si hari abantu benshi babogama bitewe n’uko hari ubushobozi bumwe bwabo bwitaweho bugatezwa imbere mu gihe ubundi bwagwingiye kubera kudakora. Uburere bw’abasore benshi bwarapfapfanye. Bariga bakarenza urugero ariko kandi bakirengagiza ibijyanye n’ubuzima busanzwe bwo gukora. Kugira ngo intekerezo zikomeze kuba ku murongo, hakwiriye kubaho gahunda itunganye y’imirimo y’amaboko ijyanirana no gukoresha ubwenge, kugira ngo habeho gutera imbere kutabusanya kw’imbaraga zose.”¹

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.295, 296. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n’Abanyeshuri]


UBUREZI BUBONWA HABAYEHO KWANGIZA UBUZIMA

Abanyeshuri bamwe barundurira ubuzima bwabo bwose mu kwiga, kandi intekerezo zabo bakazegurira mu kugwiza ubumenyi. Bakoresha ubwonko ariko imbaraga z'umubiri bakazireka ntizikoreshwe. Uko ni ko ubwonko bunanizwa kandi imikaya (inyama z'umubiri) ikagira intege nke bitewe n'uko idakoreshwa. Iyo abo banyeshuri barangije amashuri, bigaragara neza ko babonye uburezi ariko bangije ubuzima bwabo. Bagiyeye biga amanywa n'ijoro, umwaka ugasimbura undi, bagahora bakoresha ubwenge bwabo babunaniza, ariko bananiwe gukoresha imikaya yabo ku rwego ruhagije

Incuro nyinshi abakobwa birundurira mu kwiga, bakirengagiza andi mashami y'ibyigwa mu burezi ndetse usanga ari ingirakamaro cyane mu buzima busanzwe kurenza kwiga ibitabo. Bityo rero nyuma yo kurangiza amashuri yabo, usanga ntacyo bashoboye gukora mu buzima. Birengagije amagara yabo kubwo kumara igihe kirekire cyane mu nzu badasohoka, batabona umwuka mwiza wo mu kirere ndetse ntibabone n'umucyo w'izuba Imana itanga. Abo bakobwa bagombye kuba baravuye mu ishuri bafite amagara mazima iyo baba barafatanyije amasomo yabo n'imirimu yo mu rugo ndetse n'imyitoto ngororamubiri bakorera hanze hari umwuka mwiza.

Ubuzima ni ubutunzi bukomeye cyane. Ni bwo butunzi buhebuje ubundi abantu bapfa bashobora kugira. Ubukire, icyubahiro cyangwa se ubwenge bwo mu mashuri bishobora kugerwaho habayeho gutakaza imbaraga z'ubuzima. Nta na kimwe muri byo gishobora guhesha umunezero igihe adafite amagara mazima.”¹

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.285, 286. [Inama ku Burezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]



IKIRANGO CY'IMICO IBONEYE

Mu gihe cy'imyaka itatu bigishwa, Daniyeli na bagenzi be bakomeye ku mico yabo yo kwitegeka, bakomera ku kubaha Imana kwabo, no guhora bishingikirije ku mbaraga zayo. Ubwo igihe cyageraga kugira ngo ubushobozi bwabo n'ubumenyi bwabo bigeragezwe n'umwami, bageragerejwe hamwe n'abandi ngo harebwe ko bashoboye imirimo y'ibwami. Ariko "mu bandi bose ntihabonetse uhwanyeye na Daniyeli na Hananiya na Mishayeli na Azariya." Guhuguka kwabo, guhitamo kwabo n'imvugo yabo iboneye n'ubumenyi bwabo bwagutse, byahamije imbaraga z'umubiri uzira umuze bari bafite ndetse no gukomera kw'imbaraga zabo z'ubwenge. Bityo bahagaze imbere y'umwami. "Mu ijamba ryose ry'ubwenge no kumenya, icyo umwami yababazaga, yabonaga barusha abakonikoni n'abapfumu bose bari mu gihugu cye cyose inkubwe cumi." Daniyeli 1:19, 20.

Iteka ryose Imana ihesha agaciro ibitunganye. Abasore bajijutse kurusha abandi bose bo mu bihugu byose byategekwa n'umwami ukomeye bari barateranirijwe i Babuloni, nyamara muri abo bose abanyagano b'Abaheburayo ntibagiraga uwo bagereranywa nabo. Igihagararo gishinguye bari bafite, uko bashinguraga intambwe zabo, mu maso habo heza, ibitekerezo bifungutse n'umwuka mwiza bari bafite, - ibyo byose byari ibimenyetso by'imico myiza ihabwa abumvira amategeko agenga ibyaremwe.

UKO IBYO UMUNTU AMENYEREZA UMUBIRI BIHINDURA INTEKEREZO

Isomo ritangwa ahangaha ni rimwe dukwiriye gutekerezaho neza. Gukirikiza ibyo Bibiliya isaba udakebakeba bizakubera umugisha haba ku mubiri no mu bugingo. Ntabwo imbuto z'umwuka ari urukundo, ibyishimo n'amahoro gusa, ahubwo no kwihangana na ko. Dutegekwa kutanduza imibiri yacu; kuko ari insengero z'Umwuka Wera.

Abanyagano b'Abaheburayo bari abantu bagira kwifuza nk'ukwacu. Bahagaze bashikamye hagati mu bigusha bishimisha umubiri by'aho ibwami i Babuloni. Abasore bo muri iki gihe bagoswe n'ibibakururira

kunezeza irari ryabo. By'umwihariko mu mijyi yacu minini, ubwoko bwose bw'ibinezeza irari biba bihari mu buryo bworoshye kandi bureshya. Nk'uko byagenze kuri Daniyeli, abanga kwiyanuza, bazasarura ingororano zo kurangwa n'imico yo kwitegeka. Hamwe n'imbaraga zabo z'umubiri kandi zikomeye ndetse n'imbaraga zisumbyeho zo kwihangana, bafite ububiko bagenda bakuramo imbaraga igihe zikenewe byihutirwa.

Ibyiza umuntu amenyereza umubiri we bituma agira ubwenge buhanitse. Imbaraga z'ubwenge, iz'umubiri ndetse no kurama k'umuntu bishingira ku mategeko adahinduka. Imana ibeshejeho ibyaremwe ntizigera igoboka kugira ngo irinde abantu ingaruka baterwa no kwica amategeko agenga ibyaremwe. Umuntu uharanira kugira ubuhanga buhanitse agomba kwirinda muri byose. Kubonera kw'intekerezo za Daniyeli no kurangwa n'intego zihamye, ubushobozi bwe mu kunguka ubwenge no kurwanya igishuko, byaturukaga ahanini ku mirire ye itunganye, kandi byari bifitanye isano n'imibereho ye yo gusenga.

KUREMA AHAZAZA HACU UBWACU

Hari ukuri kw'agaciro kenshi kuri mu mvugo igira iti: "Umuntu wese ni we urema ubutunzi bwe." Nubwo ababyeyi ari bo bashinzwe gushimangira imico bakanashingwa uburere no kwigishwa by'abahungu n'abakobwa babo, biracyari ukuri ko umwanya duhabwa mu isi ndetse no kuba ingirakamaro kwacu bishingira ku mikorere yacu ku rwego rukomeye.

Daniyeli na bagenzi be banejwe n'inyungu ziva mu burere bwiza no gutozwa ibitunganye bakiri bato, ariko izo nyungu zonyine ntabwo ziba zarabagize icyo bari cyo, - mu gihe ahazaza habo hari hashingiye ku mikorere yabo bwite. Bityo rero, biyemeje kuba indahemuka ku nyigisho bigishijwe mu bwana bwabo. Kubaha Imana ari nako shingiro ry'ubwenge, ni byo byari urufatiro rwo gukomera kwabo.

Amateka ya Daniyeli n'abasore bagenzi be yanditswe ku mpapuro z'ijamboryera kubw'inyungu z'abasore bo mu bihe byose uko bizakurikirana. Binyuze mu byanditswe ku kuba indahemuka kwabo ku mahame yo kwirinda, muri iki gihe Imana irabwira abasore n'abakobwa ibihanangiriza gushyira hamwe imirasire y'umucyo yabahaye ku nsanganyamatsiko yo kwirinda kwa gikristo, kandi bakagirana isano itunganye n'amategeko agenga ubuzima.

KWIRINDA KURAGORORERWA CYANE


Muri iki gihe hakenewe abagabo bazakora kandi bagatinyuka nka Daniyeli. Umutima utunganye n'amaboko afite imbaraga kandi ashiritse ubwoba bibuze mu isi muri iki gihe. Imana yagennye ko umuntu akwiriye guhora atera imbere, buri munsu akagera ku ntambwe ihanitse mu byiza. Imana izadufasha natwe nitugira ubushake bwo kugira ibyo twikorera.

Ibyiringiro byacu by'umunezero mu isi turimo no mu isi izaza ushingiyeye ku buryo twitwara neza mu isi turimo ubu. Ku ntambwe yose dukwiriye kwirinda gutera intambwe ya mbere igana mu kutirinda.

Ncuti basore, Imana irabahamagarira gukora umurimo mushobora gukora kubw'ubuntu bwayo. "Mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera, bishimwa n'Imana, ni ko kuyikorera kwanyu gukwiriye." Abaroma 12:1. Muhagarare mushikamye mu busore n'ubukumi Imana yabahaye. Mwerekane gutungana kw'ibyo mukunda n'ibyo mwifuza, kandi mugire imico igereranywa n'iya Daniyeli. Imana izabagororera ibahe gutuza, ibahe ubwenge busobanukiwe no kumva ibintu neza. Abasore muri iki gihe bafite amahame adakebakeba kandi nibatayazibukira bazagira umugisha w'ubuzima bwiza bw'umubriri, ubwenge n'ubugingo.¹

"Kubaha Imana ni ishingiro ry'ubwenge." Igihe abantu b'imico mibi kandi bakora ibyaha bemeye imbaraga y'ukuri kw'Imana, kwinjira kw'ijambo ry'Imana guha uworoheje umucyo no gusobanukirwa. Ukuri kuracengera kukagera mu mutima; kandi imbaraga z'imico mbonera zasaga n'izari zaraguye ikinya zigasubirana ubugingo. Uwakiriye uko kuri agira gusobanukirwa gukomeye kandi kurushijeho kubonera kuruta uko yari asanzwe. Yashikamishije ubugingo bwe kuri Rutare rw'iteka. Ubuzima burushaho kuba bwiza, mu byerekeye umutekano w'umuntu muri Kristo. Uko ni ko iyobokamana n'amategeko y'ubuzima bijyanirana."²

¹ The Youth's Instructor, July 9, 1903. [Umwigisha w'Abasore]
² Testimonies for the Church, Vol.4, pp.553, 554. [Ibiamya by'Itorero]






"Mwuka Wera w'Imana kandi wigisha aba mu ijambo ryayo. Umucyo mushya kandi w'agaciro kenshi umurika uva kuri buri rupapuro. Ukuri ni ho guhishurirwa, kandi iyo ijwi ry'Imana rivuganye n'ubugingo, amagambo n'interuro bikugize birarabagirana kandi bikajyanirana n'icyo gihe ukuri kuvugiwemo.

*Umwuka Wera akunda kuvugisha abasore no kubahishurira ubutunzi n'ubwiza by'ijambo ry'Imana. Amasezerano yatanzwe n'Umwigisha mukuru azakurura ibyumviro by'umuntu kandi atume ubugingo buba buzima kubw'imbaraga z'umwuka ziva ku Mana. Mu ntekerezo hazazamukamo igitekerezo zo gushaka kwimenyereza iby'Imana bizamubera nk'uruzitiro rumurinda ibishuko."*¹

¹ "Christ's Object Lessonss," p.132. [Imigani ya Kristo]



ISENGESHO NI IGIHOME CYACU

Hagati mu makuba yo muri iyi minsi iheruka, ubuhungiro bwonyine abasore bafite buri mu guhora bongera umuhati mu kuba maso kandi basenga. Umusore wishimira gusoma ijambo ry'Imana, kandi akanezezwa n'igihe cyo gusenga, azahora asubizwamo imbaraga n'akayaga gahuha gaturuka ku isoko y'ubugingo. Azagera ku rwego ruhanitse rw'imico mbonera kandi agire ibitekerezo byagutse bitagirwa n'abandi. Gusabana n'Imana bituma umuntu agira ibitekerezo byiza, imigambi izira amakemwa, gusobanukirwa ukuri neza, ndetse n'imigambi ihanitse imutera kugira icyo akora. Abomatana n'Imana muri ubwo buryo irabamenya ikazirikana ko ari abahungu n'abakobwa bayo. Bahora basingira urugero rwo hejuru, bakarushaho gusobanukirwa iby'Imana n'ibizahoraho kugeza ubwo Uwitaka abagira imiyoboro y'umucyo n'ubwenge ku batuye isi.

UBURYO BWO GUSENGA

Ariko rero isengesho ntiryumvikanye nk'uko byagombye kuba. Ntabwo amasengesho yacu ari ayo kumenyesha Imana ikintu itazi. Uwitaka azi neza amabanga y'umuntu wese. Ntabwo amasengesho yacu akwiriye kuba maremare cyangwa ngo arangwe no gusakuza. Imana isoma ibitekerezo bihishwe. Dushobora gusenga bucece twiherereye, kandi Imana yo ireba ahiherereye, izumva kandi idusubize ku mugaragaro.

Amasengesho dutura Imana tuyibwira ibitubabaje n'imiraho yacu nyamara mu by'ukuri tutumva neza ko tubabaye, bene ayo masengesho ni ay'uburyarya. Imana yita ku isengesho rivuye ku mutima umenetse. "Nimwumve uko Iyo, iri hejuru cyane, ituye ahahoraho ivuga, izina ryayo ni Uwera; ikavuga iti: "Aho ntuye ni hejuru kandi harera; mbana n'ufite umutima umenetse wicisha bugufi, kugira ngo mpembure imyuka y'abacisha bugufi, mpembure n'abafite imitima imenetse." Yesaya 57:15, 16.

Ntabwo isengesho rigamije kugira icyo rihindura na kimwe ku Mana; ahubwo rituma duhuza n'ubushake bwayo. Ntabwo isengesho risimbura inshingano tugomba gukora. Isengesho umuntu asubiyemo kenshi kandi atitiriza ntirizigera ryemerwa n'Imana ngo risimbure icyacumi

twagombaga gutanga. Ntabwo isengesho rizishyura imyenda dufitiye Imana

ISENGESHO RITANGA IMBARAGA

Imbaraga duhabwa mu isengesho dusaba Imana rizadutegurira gukora inshingano zacu za buri muni. Ibigeragezo duhura nabyo buri muni bituma gusenga bigomba kuba ngombwa. Kugira ngo turindwe n'imbaraga y'Imana kubwo kwizera, ibyifuzo by'ubwenge bikwiriye guhora bizamuka mu isengesho rya bucece. Igihe tugoswe n'imbaraga zigambiriye kuduteshura ku Mana, kwinginga kwacu dusaba imbaraga no gufashwa kugomba kudacogora. Nibitagenda bityo, ntabwo tuzagera ku ntego mu gutsinda ubwibone no kunesha imbaraga z'ibigeragezo bidukururira mu irari ry'icyaha ari naryo ridutandukanya n'Umukiza. Umucyo w'ukuri weza ubugingo uzatuma uwakiriye atahura ibyifuzo bibi by'icyaha biba mu mutima we kandi birwanira kumutegeka. Ikindi kandi bituma bimubera ngombwa gukoresha imbaraga ze zose ngo arwanye Satani kugira ngo abashe gutsinda kubw'ibyo Kristo yakoze."



IMBARAGA Z'ISENGESHO

Ubwo yari ku musozi ari kumwe n'Imana, ni ho Mose yeretswe igishushanyombonera cya ya nyubako itangaje yagombaga kuba ubuturo bw'ubwiza bw'Imana. Mu misozi turi kumwe n'Imana (kuko ari ahantu hiherereye dusabanira na Yo) ni ho tugomba kubonera ibyiza by'agahebuzo yateganyirije inyokomuntu. Kubw'ibyo rero tuzabashishwa kubaka imico yacu kugira ngo tubashe gusohorezwa iri sezerano ngo, "Nzatura muri bo ngendere muri bo, nzaba Imana yabo na bo bazaba ubwoko bwanjye" 2Abakorinto 6:16.

Igihe turi gukora imirimo yacu ya buri muni, dukwiriye kujya twerekeza umutima wacu mu ijuru dusenga. Ayo masengesho ya bucece azamuka nk'umubavu uhumura neza imbere y'intebe y'ubuntu; bityo imigambi y'umwanzi ikagwabizwa. Umukristo ufite umutima womatanye n'Imana utyo ntashobora gutsindwa. Nta migambi y'umwanzi ishobora gusenya amahoro ye. Amasezerano yose yo mu Ijambo ry'Imana, imbaraga zose z'ubuntu bw'Imana, ubutunzi bwose bw'Uwiteka, byose byatangiwe kumurokora. Uko ni ko Enoki yagendanye n'Imana. Kandi Imana yari kumwe na we, ikamubera umufasha w'ibihe byose yabaga afite icyo akeneye. . . .

KUBONANA N'IHORAHO

Isengesho ni uguhumeka k'ubugingo. Ni ibanga ry'imbaraga z'iby'umwuka. Nta bundi buryo bushobora gusimbura ubu kandi nta bundi buryo ubuzima bw'ubugingo bushobora kurindwa. Isengesho rituma umutima uhura n'Isoko y'ubugingo imbona nkubone, kandi rigakomeza imyakura n'imitsi by'imibereho yo kwizera. Niwirengagiza gusenga, cyangwa ukajya usengana urutebwe rimwe na rimwe igihe ubona ko ari ngombwa, uzatakaza komatana n'Imana kwawe. Ubushobozi bw'iby'umwuka butakaza imbaraga zabwo, kandi imibereho yo kwizera ibura ubuzima n'imbaraga

Ni ikintu gitangaje kuba dushobora gusenga tukumvirwa, kuba abantu badakwiriye, kandi badapfa bafite imbaraga zo kubwira Imana

ibyo bakeneye. Ni iyihe mbaraga isumba iyi umuntu yakwifuza? Kuba umuntu yagirana umubano n'Imana ihoraho? Umuntu w'umunyantege nke ndetse w'umunyabyaha afite amahirwe yo kuvugana n'Umuremyi we. Dushobora kuvuga amagambo agera ku ntebe ya cyami y'Umwami w'isanzure. Dushobora kuvugana na Yesu igihe tugenda mu nzira, kandi na we aravuga ati: "Ndi iburyo bwawe."

ISENGESHO RYOSE RIVUYE KU MUTIMA RIRASUBIZWA

Dukwiriye gusabanira n'Imana mu mitima yacu; kandi dukwiriye kugendana na Kristo. Igihe dukora imirimo yacu ya buri muni, dukwiriye gusohora icyifuzo cy'umutima wacu ku buryo nta gutwi k'umuntu uwo ari we wese kucyumva; ariko iryo jambo tuvuze ntirishobora guhitwa rititaweho, cyangwa ngo rizimire. Nta kintu na kimwe gishobora gupfukirana icyifuzo cy'ubugingo. Icyifuzo cy'ubugingo kirazamuka kikarenga urusaku rwo mu nzira n'urusaku rw'imashini zisakuza. Imana ni yo tuba tubwira, kandi yumva amasengesho yacu.

Musabe muzahabwa. Musabe kwicisha bugufi, musabe ubwenge, ubutwari no kongererwa kwizera. Isengesho ryose rivuye ku mutima rizasubizwa. Igisubizo gishobora kudahita kiza ako kanya igihe ugishakira, cyangwa igihe ucyiteze; ariko kizaza mu buryo ndetse n'igihe kizahuzwa neza rwose n'ubukene bwawe. Amasengesho usenze wiherereye, uremerewe cyangwa uri mu bigeragezo, iteka Imana ntiyasubiza nk'uko wari ubyiteze, ahubwo iteka iyasubiza iguha ibikugirira neza."¹

¹ Gospel Workers," pp.254-258. [Ababwirizabutumwa Bwiza]


INYIFATO YACU IGIHE DUSENGA

Haba igihe cyo gusengera mu ruhamwe n'igihe umuntu yiherereye, ni amahirwe yacu gupfukama ku mavi yacu imbere y'Uwiteka igihe tumuturama amasengesho yacu. Yesu we cyitegerereze cyacu, "yarapfukamye, arasenga." Abigishwa be nabo bavugwaho ko "bapfukamaga bagasenga." Pawulo yaranditse ati: "Ni cyo gituma mpfukamira Data wa twese" Abefeso 3:14. Ubwo yaturiraga imbere y'Imana ibyaha by'Abisirayeli, Ezira yarapfukamye. Daniyeli "akomeza kujya apfukama gatatu mu muni, asenga Imana ye, akayishimira, nk'uko yari asanzwe azenze." Daniyeli 6:10.

Kubaha Imana by'ukuri bikomoka ku gusobanukirwa gukomera kwayo kutagerwa ndetse n'ubwiza bwayo. Kubw'uko gusobanukirwa itabonwa, umutima wose ukwiriye kumva ukozeho mu buryo bwimbitse. Isaha yo gusenga n'ahantu ho gusengera birera, bitewe n'uko Imana iba ihari; kandi igihe kubaha kugaragariye mu nyifato n'imyitwarire, umwuka utera uko kubaha uzarushaho kwimbika. Umunyezaburi aravugaga ati: "Izina ryemwe ni iryera kandi n'iryo kubahwa." Zaburi 111:9. Iyo abamarayika bavuze izina ryayo, bipfuka mu maso. None se ni ukuhe kubaha twabwira abantu bacumuye kandi b'abanyabyaha, twagombye kugaragaza igihe tuvuye iryemwe zina!

Mbese ntibikwiriye ko abantu n'abakuru batekereza kuri ayo magambo y'ibyanditswe agaragaza uko ahantu harangwa n'uko Imana ihari mu buryo bw'umwihariko hari hakwiriye gufatwa. Ubwo Mose yari imbere y'igihuru cyakaga, Imana yaramutegetse iyi: "Kweturana inkweto zawe, kuko aho uhagaze ari ahera." Ubwo Yakobo yari amaze kubonekerwa na marayika, yaravuze ati: "Ni ukuri Uwiteka ari aha hantu; nanjye nari ntabizi. . . ." Itangiriro 28:16.¹


¹ Gospel Workers," pp.178,179. [Ababwirizabutumwa Bwiza]



KWIZERA NO GUSENGA

“Binyuze mu kwizera Kristo, inenge yose iboneka mu mico yacu ishobobora gukosorwa, tukezwaho guhumana kose, ikosa ryose ryakosorwa kandi impano yose yakura ikagera ku rugero ruhanitse. “Kandi mwuzuriye muri we.” Abakolosayi 2:10. Isengesho no kwizera ni nk’isanga n’ingoyi, kandi bikwiriye kwigirwa hamwe. Mu isengesho risenganywe kwizera harimo ubuhanga mvajuru; kandi ubwo buhanga bugomba gusobanukira umuntu wese ushaka ko ibyo akora mu buzima bwe bigera ku ntego. Kristo aravuga ati: “Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima, mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona.” Mariko 11:24. Kristo asobanura neza ko ibyo dusaba byose bikwiriye kuba bihuje n’ubushake bw’Imana. Tugomba gusenga dusaba Imana ibyo yasezeranye, kandi ibyo duhawe byose tugomba kubikoresha mu gusohoza ubushake bwayo. Iyo dusohoje ibyo, isezerano ryayo risohora nta mbebya. Dushobora gusaba imbabazi z’ibyaha, tugasaba Mwuka Wera, tugasaba kurangwa n’imico isa n’iya Kristo, tugasaba ubwenge n’imbaraga byo gukora umurimo wayo, kandi tugasaba guhabwa impano iyo ari yo yose Imana yasezeranye. Tumaze gusaba ibyo, tugomba kwizera ko tubihawe, bityo tugashimira Imana ko twabihawe. Ntabwo dukeneye gushaka igihamba kigaragara inyuma cy’uko twahawe umugisha. Impano iri mu isezerano, kandi dukwiriye kujya mu murimo wacu twizeye ko ibyo Imana ishoboye kubikora, kandi ko impano twamaze guhabwa tukaba tuyifite izagaragara igihe izaba ikenewe cyane.”¹

¹ Uburezi, p.269, 270.



AKAMARO KO KWIGA BIBILIYA

Kwiga Bibiliya birusha ukundi kwiga kose ubushobozi bwo gukomeza ubwenge. Mbega ibitekerezo abasore bashobora gukura mu kwigana ijamba ry'Imana ubwitonzi! Intekerezo zishobora kurushaho kwimbika kandi zikimbika cyane mu kurisesengura, hagakusanywa imbaraga n'umuhati wose kugira ngo umuntu asobanukirwe n'ukuri; ariko kandi usanga hari ukuri kutagira iherezo kurenze uko.

Abavuga ko bakunda Imana kandi bakubaha ibyera, nyamara bakemerera intekerezo zabo kujya ku rwego rwo hasi ku bintu by'amajyejuru kandi by'ibihimbano, baba ubwabo bishyira ku rubuga rwa Satani kandi baba bakora umurimo we. Iyaba abasore bigaga imirimo itangaje y'Imana igaragara mu byaremwe, bakamenya igitinyiro cyayo n'imbaraga zayo nk'uko bihishurirwa mu ijamba ryayo, basohoka muri uko kwiga kose ubushobozi bwabo bwose bwakangutse kandi bwageze ku rwego rwo hejuru. Umuntu yahabwa imbaraga ntiyigere arangwaho ubwibone. Kubwo kwitegereza ibitangaza by'imbaraga z'Imana, ubwenge buziga isomo rikomeye cyane ariko kandi ry'ingirakamaro mu masomo yose rigaragaza ko ubwenge bwa muntu ari ubupfapfa igihe butomatanye n'Imana ihoraho kandi ngo bube bwejejwe n'ubuntu bwa Kristo.

UMURIMO W'UBUHUZA WA KRISTO

Umurimo Umwana w'Imana ikunda akora wo guhuza ikiremwa n'Umuremyi, abantu bagira iherezo n'Imana ihoraho, kandi uwo murimo akawukora mu bumana bwe, ni ingingo intekerezo zacu zishobora kwiga mu gihe cyose cyo kubaho kwacu. Uyu murimo wa Kristo wari uwo gukomereza ibiremwa byo ku yandi masi mu butungane bwabo no kudahemuka kwabo, ndetse no gukiza abacumuye kandi bari mu nzira yo kurimbuka bari kuri iyi si yacu. Kristo yafunguriye inzira abatwira kugira ngo bagaruke ku kumvira Imana, ari nako kubw'icyo gikorwa yakikije uburizi abari basanzwe bera kugira ngo batazanduzwa.

Mu gihe twishimira ko hari amasi atarigeze acumura, abo muri ayo masi basingiza Yesu Kristo, bakamuha icyubahiro kandi bakamuhimbariza

umugambi w'agakiza wo gukiza bene Adamu bacumuye, ndetse no kubakomereza ubwabo mu mwanya wabo n'imico yabo y'ubutungane. Ukuboko kwakuye umuryango wa muntu mu irimbukiro Satani yari yaramuzaniye abinyujije mu bishuko bye, ni ko kuboko kwarinze icyaha abo mu yandi masi. Imibumbe yose uko ingana yitabwaho kandi igasigasirwa na Data wa twese n'Umwana; kandi uku kwitabwaho guhora gukorerwa n'inyokomuntu yacumuye. Kristo ahora yingingira umuntu, kandi gahunda y'imibumbe itagaragara nayo isigasiwe n'umurimo akora w'ubuhuza. Mbese izi nsanganyamatsiko ntizikomeye bihagije kandi si iz'ingenzi cyane bituma tuzitekerezaho, kandi zikadutera gushima Imana no kuyiranya?

GUTERA IMBERE MU BY'UBWENGE

Nimubumburire Bibiliya urubyiruko rwacu, intekerezo zarwo muzerekeze ku kuri kwayo guhishwe, mubigishe gucukumbura amabuye y'agaciro y'ukuri kwayo, bityo bazunguka imbaraga z'ubwenge badashobora guhabwa no kwiga ibintu byose ubucurabwenge buvuga. Insanganyamatsiko zikomeye Bibiliya ivugaho, ukwiyoroshya kuje icyubahiro kuri mu magambo yayo yahumetswe, ndetse n'insanganyamatsiko zihanitse igeza ku bwenge bwacu n'umucyo urabagirana uturuka ku ntebe y'ubwami y'Imana ukamurikira intekerezo zacu, ibyo byose bizateza imbere imbaraga z'ubwenge kugeza ku rwego rutapfa kumvikana cyangwa ngo rusobanurwe mu buryo bwuzuye.

Nk'uko ijuru ryitaruye isi, Bibiliya itanga urubuga rw'ibitekerezo rutagira imbibi, kandi ni ibitekerezo bihanitse cyane ndetse bikuza imico kurusha ibihangano by'abantu bafite intekerezo zitejeje. Amateka yahumetswe y'inyokomuntu yashyizwe mu biganza by'umuntu wese. Ubu noneho abantu bose bashobora gutangira ubushakashatsi bwabo. Bashobora gusobanukirwa iby'ababyeyi bacu ba mbere igihe bari bari muri Edeni, bera kandi bashimishwa no gusabana n'Imana n'abamarayika batacumuye. Bashobora kumenya uko icyaha cyadutse ndetse n'ingaruka zacyo ku nyoko muntu, kandi intambwe ku ntambwe bagakurikira inzira yose y'amateka yera nk'uko igaragaza kutumvira no kutihana kwa muntu ndetse n'igihano gikwiriye cy'icyaha.

UMUCO UHEBUJE INDI

Umusomyi [wa Bibiliya] ashobora kuganira n'abakurambere n'abahanuzi; ashobora gusoma ibintu bikomeye cyane byabayeho. Ashobora kwitegereza Kristo wari Umwami w'ijuru kandi ahwanye n'Imana, maze uwo musomyi akamubona amanuka yigira umuntu, asohozza umugambi w'agakiza, akabohora umuntu mu minyururu Satani yari yaramubohesheje maze agatuma umuntu yongera kugira ishusho y'Imana. Insanganyamatsiko ivuga uko Kristo yishyizeho ubumuntu maze akamara imyaka mirongo itatu yambaye umubiri w'umuntu maze

nyuma yaho agatangira ubugingo bwe kuba igitambo cy'icyaha kugira ngo umuntu atarimbuka, iyi ni insanganyamatsiko ikwiriye gutekerezwaho mu buryo bwimbitse kandi ikiganwa ubushishozi . . .

Nimutyo intekerezo zisobanukirwe n'ukuri gukomeye cyane kw'ibyahishuwe, bityo ntizizishimira gukoresha imbaraga zazo ku nsanganyamatsiko z'ubupfapfa. Intekerezo zizazinukwa inyandiko z'agaciro gake n'ibishimisha by'imburamumaro bituma abasore muri iki gihe batakaza imico mbonera. Abasabanye n'abasizi n'abahanga bo muri Bibiliya, kandi bafite imitima yakozweho n'ibikorwa bihebuje by'intwari zo kwizera, bene abo bazava kuri izo mbuga zikungahaye z'ibitekerezo barushijeho kubonera mu mitima kandi n'itekerezo zageze ku rwego rwo hejuru kuruta uko byari kumera iyo bahugira mu kwiga iby'abanditsi b'ibirangirire ku isi, cyangwa se kwitegereza no gutangarira ibikorwa by'ubutwari bya ba Farawo, ba Herode na ba Kayizari bo ku isi.

Akenshi usanga imbaraga z'urubyiruko ntacyo zikora bitewe n'uko kubaha Imana rutabigira ishingiro ry'ubwenge. Imana yahaye Daniyeli ubwenge no kumenya, bitewe n'uko atashoboraga gutwarwa n'imbaraga iyo ari yo yose yashoboraga kwivanga n'amahame y'iby'umwuka yagenderagaho. Impamvu dufite abantu bake cyane buzuye ubwenge, bashikamye kandi bagaciro gakomeye, biterwa n'uko batekereza ko bagira gukomera ariko kandi bitandukanya n'Ijuru.

Abana b'abantu ntibatinye Imana, ntibayikunda kandi ntibayubaha. Ntabwo iyobokamana igaragarizwa mu bikorwa nk'uko ivugwa mu magambo. Uwiteka ashobora gukorera umuntu ibintu bike cyane bitewe n'uko umuntu yikuza mu buryo bworoshye, kandi kubw'ibyo akaba yihutira kwitekereraho. Imana yifuza ko twagura ubushobozi bwacu, kandi tukakira amahirwe yose atubashisha kwagura imyumvire, gukuza ndetse no gukomeza ubwenge bwacu. Umuntu yavukiye kugira ngo arangwe n'ubuzima buhanitse kandi bufite agaciro kurusha ubwo we ubwe ateza imbere. Igihe tumara muri ubu buzima bupfa ni igihe cyo kwitegura ubuzima buhwanye n'ubuzima bw'Imana.


BIBILIYA UMWIGISHA URUTA ABANDI

Mbega inyigisho zitangwa mu Byanditswe Byera intekerezo zikwiriye gutindaho! Ni hehe haboneka insanganyamatsiko zihanitse cyane zikwiriye gutekerezwaho? Ni hehe hari insanganyamatsiko z'ingirakamaro ku rwego rukomeye rutyo? Ni mu ruhe rwego ubushakashatsi bwose bw'ubuhanga bw'abantu bwagereranywa n'ibyo Bibiliya yigisha haba mu bwiza buhebuje n'ubwiru bibirangwamo? Ni hehe wasanga ikintu icyo ari cyo cyose kizakangura imbaraga z'ubwenge mu buryo bwimbitse?

Nitureka Bibiliya ikatubwira, izatwigisha ibyo tutakwigishwa n'ikindi kintu icyo ari cyo cyose. Nyamara ikibabaje, usanga ikintu cyose gitindwaho uretse ijamba ry'Imana. Inyandiko z'ubuvanganzo

bw'imburamumaro n'inkuru z'impimbano byakiranwa ubwuzu mu gihe Bibiliya yo yirengagizwa ikarambikwa ku meza yacu nyamara kandi yuzuye ubutunzi bwose bw'ukuri kwera. Ijambo ryera nirigirwa umugenga w'ubuzima, rizabubeneza, ribuzahure kandi ribweze. Ijambo ryera ni ijwi ry'Imana rivugana n'umuntu. Mbese tuzaryumvira?

"Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge." Abamarayika bahagarara iruhande rw'uwigaga Ibyanditswe. Byera kugira ngo batume intekereze zikorwaho kandi zimurikirwe. Itegeko rya Kristo ritugeraho muri iki gihe rifite imbaraga nk'izo ryari rifite igihe yavuganaga n'abigishwa ba mbere mu myaka isaga ibihumbi bibiri ishize agira ati: "Murondora mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo ari mo mufite ubugingo buhoraho; kandi ari byo bimpamya. (Yohana 6:39)"¹




¹ *Review and Herald*, January 11, 1881. [Urwibutso n'Integuza]

UBWANYU MWIYIGISHE IBYANDITSWE BYERA

“Abasore bakwiriye kwiwigisha Ibyanditswe bo ubwabo. Ntabwo bakwiriye kumva ko bihagije ko abakuru bafite ubunararibonye ari bo bashakashaka ukuri, ngo abato babashe kukwemera kubaturutseho bityo kubagireho ububasha. Abayuda nk’ishyanga barimbutse bitewe n’uko bari barateshuwe ku kuri kwa Bibiliya n’abayobozi babo, abatambyi ndetse n’abakuru muri bo. Iyo bumvira inyigisho za Yesu, kandi bo ubwabo bakiwigisha Ibyanditswe, ntabwo baba bararimbutse. . . .

Ntibishoboka umuntu uwo ari we wese gusobanukirwa ubutunzi bwose no gukomera kose kw’isezerano ry’Imana n’iyo ryaba rimwe gusa. Umuntu umwe asobanukirwa n’ubwiza bw’igitekerezo kimwe, undi agasobanukirwa n’ubwiza n’ubuntu biboneka mu yindi ngingo, bityo ubugingo bw’umuntu bukuzura umucyo uva mu ijuru. Turamutse tubonye ubwiza bwose, umuntu yatentebuka. Ariko rero dushobora kwihanganira kwakira guhishurirwa kuruseho guturuka mu masezerano akomeye y’Imana kuruta uko tuyishimira ubu. Iyo ntekereje uburyo tutabona umugisha wuzuye twagenewe, ibyo bibabaza umutima wanjye. Twishimira imirasire imara igihe gito yo kumurikirwa mu by’umwuka mu gihe twagombye kugendera mu mucyo w’ubwiza bwayo buri muni.”¹

¹ *Testimonies to Ministers*, pp.109, 111. [Ibihamya ku Bagabura]



KWIGANA BIBILIYA UMWETE UDACOGORA

“Murondora mu Byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo ari mufite ubugingo buhoraho.” Kurondora bisobanuye gushakashakana ubwitonzi ikintu cyazimiye. Mushakashake ubutunzi buhishwe mu Ijambo ry’Imana. Ntabwo mushobora kubaho mutabufite. Nimwige imirongo ikomeye, mugereranye umurongo n’undi, bityo muzabona ko ibyanditswe ari urufunguzo rufungura ibindi byanditswe.

Abantu biga Bibiliya basenga, umwanya bamara bayirondora bawurangiza barushijeho kugwiza ubwenge kuruta uko bari basanzwe. Bamwe bawuvamo ibibazo byabo byakemutse, kuko Umwuka Wera aba yakoze umurimo wavuzwe mu gice cya 14 cy’Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana ngo: “ariko Umufasha, ni we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye, ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose.” Yohana 14:26.

Nta kintu na kimwe kiba gikenewe kiboneka hatabayeho gukoresha umuhati ukomeye kandi udacogora. Mu byo gushaka ubutunzi, abantu bagira ubushake bwo gukora ni bo babona umusaruro gusa. Hatabayeho gukorana umwete, ntabwo twakwitega kumenya iby’umwuka. Ababona amabuye y’agaciro y’ukuri bagomba kuyacukura nk’uko umucukuzi w’amabuye y’agaciro ayacukura aho aba ahishwe mu butaka.

Abakora batabyitayeho kandi batabishyizeho umutima wose ntibazigera bagera ku ntsinzi. Abato n’abakuze bashobora gusoma ijambo ry’Imana; kandi ntibakwiriye kurisoma gusa, ahubwo bakwiriye kuryigana umwete, basenga, bizeye kandi bashakashaka. Bityo, bazabona ubutunzi buhishwe; kuko Uwiteka azateza imbere intekerezo zabo.

INTEKEREZO ZIFUNGUTSE

Mu gihe wiga ijambo, banza ushyire hasi imitekerereze yawe wisanganiwe, iyo ukomora ku babyeyi bawe ndetse n’ibitekerezo wakujije muri wowe. Niwiga Ibyanditswe Byera kugira ngo bishyigikire ibitekerezo byawe bwite, ntabwo uzigera ugera ku kuri. Ibyo bitekerezo bifashe hasi maze winjire mu cyumba ufite umutima umenetse kugira ngo wumve

icyo Uwiteka ashaka kukubwira. Igihe ushakashaka ukuri yicishije bugufi yicara ku birenge bya Kristo maze akamwigiraho, ijambo [ry'Imana] rimwungura ubwenge no gusobanukirwa. Abigira abanyabwenge cyane maze bakiga Bibiliya mu bwibone bwabo, Kristo arababwira ati: 'Niba mwifuza kuba abanyabwenge mu by'agakiza, mugomba kuba abagwaneza kandi mukiyoroshya mu mutima.'

Ntugasomere ijambo ry'Imana mu mucyo w'ibitekerezo wari usanganwe; ahubwo uje uricukumbura witonze kandi usenga ufite intekerezo zitarangwamo urwikekwe. Niba uko usoma ubona hari ikigutsinda, maze ukabona ko ibitekerezo ukunda cyane kandi ugunduriye bidahuje n'ijambo ry'Imana, ntukigere na rimwe ugoragoza ijambo ry'Imana ngo rihuze n'ibyo bitekerezo byawe. Ahubwo uje ureka ibitekerezo byawe ari byo bigendera ku ijambo ry'Imana. Ntuzigere wemerera ibyo wizeye cyangwa wagiye ukora mu bihe byashize ngo ari byo bitegeka imyumvire yawe. Bumbura amaso y'intekerezo zawe kugira ngo witegereze ibitangaje biva mu mategeko y'Imana. Shakisha ibyanditswe, maze ushinge ibirenge byawe kuri Rutare rw'iteka.

KUMENYA UBUSHAKE BW'IMANA

Agakiza kacu gashingiye ku bumenyi dufite bwerekeye ubushake bw'Imana nk'uko buri mu ijambo ryayo. Ntuzigere na rimwe ureka kubaza no gucukumbura ukuri. Ukeneye kumenya ishingano yawe. Ukeneye kumenya icyo ugomba gukora kugira ngo ukizwe. Ikindi kandi, ni ubushake bw'Imana ko wamenya ibyo yakubwiye. Ariko ugomba gushyira kwizera kwawe mu bikorwa. Igihe usesengura Ibyanditswe, ugomba kwizera ko Imana iriho kandi ko igororera abayishakana umwete.

Nyabuna cukumbura Bibiliya ufite umutima usonzeye ibyokurya by'umwuka! Imbika mu ijambo nk'uko umucukuzi w'amabuye y'agaciro acukura cyane mu butaka kugira ngo akunde abone akarondorondo k'izahabu mu kirombe. Ntukarekere aho gushakisha kwawe utaramenya isano ufutanye n'Imana kandi utaramenya icyo igushakira.¹

KUBAHA NO KWICISHA BUGUFI MU GIHE CYO KWIGA BIBILIYA

Dukwiriye kwiga Bibiliya dufite kubaha no kwicisha bugufi, twumva ko turi imbere y'Imana. Gufata ibintu mu buryo bworoheje no kutabiha agaciro kose bigomba gushyirwa hasi. Nubwo hari ibice bimwe by'ijambo ry'Imana byumvikana mu buryo bworoheje, ubusobanuro nyakuri bw'ibindi bice ntibupfa guhita bugaragara. Hagomba kubaho kwiga umuntu afite kwihangana, no gutekereza, ndetse no gusengana umwete. Igihe umwigishwa wese arambuye Ibyanditswe, akwiriye gusaba kumurikirwa na Mwuka Muziranenge; kandi isezerano yasezeraniwe ko azamuhabwa ni ukuri.

¹ The Youth's Instructor, July 24, 1902. [Umwigisha w'Abasore]

Umwuka winjiranye mu kwiga Ibyanditswe Byera ni wo uzagenda imiterere y'umufasha uzakuba iruhande. Abamarayika bavuye aharangwa n'umucyo bazabana n'abantu bashaka kuyoborwa n'Imana bicishije bugufi mu mitima. Ariko niba Bibiliya ibumburanywe ikinyabupfura gike, no kumva ko umuntu yihagije, niba umutima w'umuntu wuzuyemo urwikekwe, ubwo Satani aba ari iruhande rwawe, bityo agoreke amagambo yumvikana y'Ijambo ry'Imana."²

² Testimonies to Ministers," pp.107-108. [Ibihamya ku Bagabura]

INGORORANO IYA MU KWIGA BIBILIYA UBISHIMIKIRIYE

“Kuri buri ntambwe yose gushakisha ukuri bizahesha ingororano ushakisha, kandi ibyo azavumbura byose bizamukingurira ibindi byerekezo bikungahaye byo gushakishirizamo. Abantu bahindurwa n’ibyo batindaho mu bitekerezo byabo. Niba ibitekerezo n’ibikorwa bigufi bisanzwe ari byo bitwara intekerezo z’umuntu, uwo muntu azaba umuntu usanzwe. Niba kandi asuzugura kugira icyo ageraho uretse gusobanukirwa ukuri kw’Imana mu buryo bw’amajyejuru, uwo muntu ntazabona imigisha myinshi Imana yishimiraga kumucuncumuraho. Ni itegeko rireba intekerezo ko zizaguka cyangwa ntizaguke bishingiye ku bintu zikunda kwimenyereza.

Byanze bikunze imbaraga z’ubwenge zizasigingira, kandi zizatakaza ubushobozi bwazo bwo kwakira ubusobanuro bwimbitse bw’Ijambo ry’Imana, keretse gusa nizishyirwa mu murimo wo gushakisha ukuri n’umwete wose kandi zidacogora. Intekerezo niziramuka zikoreshejwe mu kugaragaza isano iri hagati y’insanganyamatsiko Bibiliya yigisha, zikagereranya ibyanditswe n’ibindi byanditswe, ndetse n’iby’umwuka zikabigereranya n’iby’umwuka bindi, zizaguka. Niwimbika, uzasanga ubutunzi bukomeye bw’ibitekerezo butegereje umwigisha ufite ubuhanga kandi wigana umwete.”¹

BIBILIYA NI YO MUYOBOZI

Nimutyo umunyeshuri afate Bibiliya maze imubere umuyobozi, kandi ahagarare ashikamye ku ihame, bityo ashobora kurangamira kugera ku rwego rihanitse urwo ari rwo rwose.²

¹ Review and Herald, July 17, 1888. [Urwibutso n’Integuza]
² Ministry of Healing, p.465. [Rengera Ubuzima]



BIBILIYA NK'UMWIGISHA

Nk'umwigisha, Ibyanditswe Byera ntibigira icyo wabigereranya na cyo. Bibiliya ni yo mateka abantu bafite amaze igihe kirekire cyane kandi akubiyemo byose. Yaturutse kuri Soko y'ukuri kw'iteka ryose; kandi kwera kwayo kwagiye kurindwa n'ukuboko kw'Imana mu bihe byose. Imurika umucyo wayo mu bihe bya kera cyane aho ubushakashatsi bwa muntu bugerageza kwinjira ariko bikaba iby'ubusa. Mu ijambo ry'Imana honyine ni ho tubonera imbaraga zashinze imfatiro z'isi, kandi zikabamba ijuru. Muri iryo jambo honyine ni ho dukura inkuru y'impamo ivuga inkomoko y'amahanga. Muri yo ni ho honyine havuga iby'amateka y'inyokomuntu atarahindanijwe n'ubwibone n'urwikekwe bya muntu.

IJWI RY'UHORAHU

Mu ijambo ry'Imana ni ho ubwenge bukura ibyigwa byimbitse mu bitekerezo, n'ibigambirirwa bihanitse cyane. Muri ryo ni ho dushobora gusabanira n'abakurambere n'abahanuzi, kandi tukumva ijwi ry'Ihoraho igihe ivugana n'abantu. Ni ho tubonera Ukomeye wo mu ijuru nk'uko yicishije bugufi agahinduka incungu yacu n'ibyiringiro byacu, agahangana n'imbaraga z'umwijima, kandi akatubonera intsinzi. Gutekereza no kuzirikana bene izo nsanganyatsiko mu mwuka wo kubaha ntibishobora gusiga umutima utorohejwe, ngo wezwe kandi ngo ugire agaciro, ari nako biha intekerezo imbaraga nshya n'umurava.

Abantu babona ko kutita ku byo Imana ivuga no kubisuzugura ari ubutwari n'ubugabo, baba ubwabo bagaragaza ubupfapfa n'ubujiji bwabo. Nubwo birata umudendezo n'ubwigenge bafite, mu by'ukuri baba bari mu bubata bw'icyaha na Satani.


UBURYO NYAKURI UBUZIMA BUKWIRIYE GUTEKEREZWAMO

Gusobanukirwa neza uko Imana iri, n'icyo idusaba kuba cyo, bizatuyobora ku kwicisha bugufi gukwiriye. Umuntu wiga Ijambo ryera uko bikwiriye azamenya ko umuntu adashoboye byose. Azamenya ko hatabayeho ubufasha budashobora gutangwa n'undi uretse Imana,

imbaraga za muntu n'ubwenge bwe nta kindi buri cyo uretse intege nke n'ubujiji.

Umuntu ukurikira inzira Imana imuyoboyemo abona isoko imwe nyakuri y'ubuntu bukiza n'ibyishimo nyakuri, kandi ahabwa imbaraga zo kugeza ibyishimo ku bandi bose bamuzengurutse. Nta muntu n'umwe ushobora gushimishwa n'ubuzima atagira iyobokamana. Gukunda Imana byeza kandi bigahesha agaciro ibyo umuntu yishimira n'ibyo yifuza byose. Bikomeza urukundo, kandi bigatuma ibishimisha bikwiriye byose birushaho kumurika umucyo. Gukunda Imana bishoboza abantu kunyurwa no kwishimira iby'ukuri byose, ibyiza byose n'iby'igikundiro byose.

Ariko ikiruta byose gikwiriye kudutera guha Bibiliya agaciro, ni uko muri yo ari ho umuntu ahishurirwa ubushake bw'Imana. Muri yo ni ho tumenyerera umugambi wo kuremwa kwacu n'uburyo uwo mugambi wagerwaho. Tuhigira uko twakoresha neza ubu buzima turimo, ndetse n'uburyo twakwitegura ubuzima buzaza. Nta kindi gitabo gishobora gusubiza ibibazo umuntu yibaza mu ntekerezo ze cyangwa ibyifuzo bikomeye by'umutima [nka Bibiliya]. Kubwo kuronka ubwenge bwo mu ijamba ry'Imana no kuryumvira, abantu bashobora kuva mu rwobo basigingiriyemo bagahinduka abana b'Imana bakorana n'abamarayika batigeze bacumura.¹



¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.52-54. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]

KUBAHA

Ncuti basore nkunda, ni amahirwe mufite yo guhesha Imana icyubahiro ku isi. Kugira ngo mubikore, mugomba gukura intekerezo zanyu ku bintu bitimbitse, by'ubupfapfa, kandi bitagira umumaro ahubwo mukazerekeza ku bifite agaciro k'iteka ryose.

Turiho mu gihe abantu bose bakwiriye kumvira itegeko ry'Umukiza rigira riti: "Mube maso, musenge, mutajya mu moshya." Matayo 26:41. Kimwe mu bigeragezo mufite bikomeye cyane ni icyo kutubaha. Imana irakomeye kandi irera; kandi ku muntu wicisha bugufi ndetse wizera, inzu yayo ku isi, aho ubwoko bwayo buterenira ngo busenge, ni amarembo y'ijuru. Indirimbo yo gusingiza n'amagambo avugwa n'abagabura bakorera Kristo, byose ni ibikoresho byashyizweho n'Imana kugira ngo bitegurire ubwoko bwayo kuzaba mu rusengeru rwo mu ijuru, muri cya gitaramo cyo gusingiza gukomeye kitazinjiramo ikintu cyose cyanduye, n'igihumanye. . .

IMYITWARIRE MU NZU Y'IMANA

Kubaha birakenewe cyane mu rubyiruko rwo muri gihe. Ndatangara cyane iyo mbonye abana n'urubyiruko rukomoka ku babyeyi bubaha Imana batubaha gahunda no kwitwararika byagombye gukurikizwa mu nzu y'Imana. Igihe abagaragu b'Imana bari kugeza amagambo y'ubugingo ku bantu, usanga urubyiruko n'abana bamwe baba basoma, abandi bongorerana, naho abandi bisekera. Baba bacumurisha amaso yabo kubwo kurangaza intekerezo z'ababakikije. Iyo iyi ngeso iretse ntirwanywe, irakura kandi igafata n'abandi.

Abana n'urubyiruko ntibakwiriye na rimwe kumva ko kutagira icyo bitaho n'uburangazi mu materaniro yo kuramya Imana ari ikintu bakwiriye kwirata. Imana ibona igitekerezo cyangwa igikorwa cyose, kandi byose byandikwa mu bitabo byo mu ijuru. Iravuga iti: "Nzi imirimo yawe." Nta kintu gihishwa ijisho ryayo ryitegereza byose. Niba hari urwego runaka waba warakujije ingeso yo kurangara no kutagira icyo witaho mu nzu y'Imana, koresha imbaraga ufite kugira ngo ubikosore, kandi werekane ko ufite kwiubaha. Jya wubaha kugeza ubwo bihindutse umugabane w'ubugingo bwawe.

Ntuzigere urangwa no kutubaha inzu y'Imana n'umwanya wo kuyiramyana ngo ube wahangara no kuvugana n'undi mu gihe cy'ikibwirizwa. Iyaba abakora iri kosa bashoboraga kubona uko abamarayika babitegereza kandi bakandika ibyo bakora, bakorwa n'isoni kandi bakizininukwa. Imana ishaka abantu bayitega amatwi batuje. Ubwo abantu bari basinziriye ni ho umwanzi yabibye urukungu.

Nta kintu cyera, nta n'igifitanye isano no kuramya Imana gikwiriye gufatwa mu buryo butarangwamo kwitonda no kwigengesera. Igihe ijamba ry'ubugingo rivugwa, mukwiriye kwibuka ko muri kumva ijwi ry'Imana rivugira mu mugaragu wayo yatumye. Ntimuzigere mucikwa nayo magambo bitewe n'uburungazi; kuko niyumvirwa, ashobora kurinda ibirenge byanyu ngo bitayoba inzira.

KUDAHYA AGACIRO IBY'IYOBOKAMANA

Mbabajwe no kubona ko benshi mu rubyiruko bavugaga ko bizera Imana batigeze bahinduka mu mitima na gato. Ntabwo bigeze bahinduka mu mico. Ntabwo basobanukiye ko kuvugaga ko uri Umukristo ari ikintu gikomeye cyane. Imibereho yabo ihabanye rwose n'imiterekereze y'umuntu wubaha Imana. Iyaba babarizwaga muri wa mubare w'abahungu n'abakobwa b'Imana koko, ntabwo bakuzuwemo n'ubupfapfa, n'ibiganiro by'urwenya, n'ibitagira agaciro. Nta nubwo kandi amagambo n'imyitwarire by'ubupfapfa by'abandi byakangura iyo mico muri bo. Umuntu ufite umugambi wo kuzahabwa ingororano no kuzaba mu ijuru, azarwanana umugambi uhamye kandi utagamburura yirinde amagambo y'ubupfapfa n'urwenya mu byerekeye iyobokamana.

Hari akaga gakomeye ku kutita kuri iyi ngingo; nta bupfapfa bwihisha cyane nk'urwenya no gukora ibyo utatekerejeho. Mu mpande zose tuhabona urubyiruko rufite imico irangwa n'ubupfapfa. Abasore bose babarizwa muri iri tsinda bakwiriye kwirindwa kuko bateza akaga. Ariko kandi niba bavugaga ko ari Abakristo, ni bo bakwiriye gutinywa cyane. Intekerezo zabo zarasiginye; bityo bizaborohere cyane kukumanura bakujyana ku rwego bariho kuruta uko wowe wabazamurako ukabageza ku bitekerezo bihanitse byiyubashye ndetse no kuba wakosora imikorere yabo. Reka abo mugendana babe abigengesera kandi bakunda ibyiza mu magambo bavugaga n'imyitwarire yabo.

Kugira ngo ukore uko ushoboye kose ugagaze gusingiza Imana, abo wifatanyaga nabo bakwiriye kuba abatuma intekerezo zawewe zaza zigatandukana n'ibisanzwe. Niba ushaka kugira ibitekerezo byagutse, ibitekerezo n'imigambi byiyubashye, toranya abo wifatanyaga nabo bazakomeza amahame atunganye muri wowe. Reka igitekerezo cyose n'umugambi w'ibyo ukora byose byerekeze ku kwitegura ubuzima bw'ahazaza n'umunezero w'iteka ryose.¹

¹ The Youth's Instructor, October 8, 1896. [Umwigisha w'Abasore]


IBYIRINGIRO BIHAMYE

Mbese wamenya ute ko wemewe n'Imana? Iga ijambo ryayo Bibiliya usenga. Ntukayirambike iruhande uyisimbuje ikindi gitabo. Bibiliya yemeza umuntu iby'icyaha. Isobanura mu buryo bweruye inzira y'agakiza. Yerekana ingororano irabagirana kandi ihebuje. Iguhishurira Umukiza, kandi ikakwigisha ko binyuze mu mbabazi ze zonyine zitagira akagero ari ho ushobora kwitega kubonera agakiza.

Ntuzigere usuzugura isengesho ryo mu rwiherero, kuko ari ryo bugingo bw'iby'umwuka. Saba kubonera k'umutima, usenge umaramaje kandi ubikuye ku mutima. Sengana umwete kandi umaramaje nk'aho waba usabira ubugingo bwawe bupfa igihe bwaba bugeze mu kaga. Guma imbere y'Imana kugeza ubwo ibyifuzo bitavugwa byo gushaka agakiza bivuka muri wowe, kandi igihamya kinejeje cy'uko ubabariwe icyaha kibonetse.

Ntabwo ibyiringiro by'ubugingo buhoraho bishobora kubonerwa ahantu hadahamye. Ni ingingo igomba gushyirwa hagati y'Imana n'ubugingo bwawe, ikahashimangirwa by'iteka ryose. Ibyiringiro bidafite ishingiro ni byo byonyine bizatuma urimbuka. Kubera ko kubw'ijambo ry'Imana ugomba guhagarara ushikamye cyangwa se ukagwa, iryo jambo ni ryo ugomba kureberaho igihamya cy'ibyawewe. Kuri ryo ni ho ushobora kubona ibyo usabwa ngo ube Umukristo. Ntukarambiki intwari zawewe hasi, cyangwa ngo uve ku rugamba utarabonera intsinzi no kunesha mu Mucunguzi wawe."¹

¹ Testimonies for the Church," Vol.1, pp.163,164. [Ibiamya by'Iitorero]



GUSOMA, MUZIKA N'INDIRIMBO

Basore namwe nkumi, nimusome ibitabo bizabaha ubwenge nyakuri, kandi buzafasha umuryango wanyu wose. Vuga ukomeje uti: "Sinzakoresha igihe cy'agaciro kenshi nsoma ibitazangirira akamaro, kandi bigamiye gusa gutuma ntaba ukwiriye kugirira abandi akamaro. Nzarinda amaso yanjye kureba iby'ubupfapfa n'ibintu biganisha mu cyaha. Amaso mfite ni ay'Uwiteka, kandi sinzatega amatwi ibyongorerano by'umwanzi. Ijwi ryanjye ntirizigera na gato ryumvira ubushake budaturutse ku Mwuka w'Imana. Umubiri wanjye ni urusengero rw'Umwuka Wera, kandi imbaraga zose z'ubugingo bwanjye nze muriye kurangamira ibifite agaciro."¹

¹ Testimonies for the Church," Vol.7, p.64. [Ibihamya by'Itorero]



GUHITAMO IBYO DUSOMA

Uburezi nta kindi buri cyo uretse gutegura imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'umwuka kugira ngo zirusheho gukora neza inshingano zose umuntu agira mu buzima. Imbaraga zo kwihangana, n'imbaraga z'ubwonko ndetse no gukora kwabwo, zigabanywa cyangwa zikongerwa n'uburyo zikoreshwa. Intekerezo zagombye gukoreshwa kuri gahunda ku buryo imbaraga zazo zose zizabasha gutezwa imbere icyarimwe nta rusigaye.

Abasore benshi bishimira gusoma ibitabo. Baba bashaka gusoma ikintu cyose bashobora kubona. Nimutyo bitondere ibyo basoma n'ibyo bumva. Nasobanuriwe ko bari mu kaga gakomeye cyane ko kugenda bangizwa n'ibibi basoma. Satani afite inzira igihumbi zo kubuza amahwemo intekerezo z'urubyiruko. Ntabwo bashobora kubaho n'akanya na gato nta burinzi bafite. Bagomba kuba maso mu ntekerezo zabo, kugira ngo batazatembanwa n'ibishuko by'umwanzi.

INGARUKA ZO GUSOMA IBINTU BIBI

Satani azi neza ku rwego rukomeye ko intekerezo zihindurwa n'ibyo tuzigaburira. Ahora ashaka gushora urubyiruko n'abakuze mu gusoma ibitabo by'inkuru, imigani mihimbano n'ibindi bitabo. Usanga abasoma bene ibyo bitabo basigara batujuje ibyangombwa byo gusohoza inshingano ziri imbere yabo. Barangwa n'imibereho idafite aho ishingaye, kandi ntibifuza kurondora mu Byanditswe, ari ko kurya kuri manu yavuye mu ijuru. Bityo rero intekerezo zari zikeneye gukomezwa zicibwa intege, kandi zigatakaza imbaraga zo kwiga ukuri gukomeye gufitanye isano n'inshingano n'umurimo bya Kristo. Uku kuri ni ukuri kwagombye gukomeza ubwenge, kugakangura imitekerereze, kandi kugakongeza icyifuzo gikomeye kandi kidakebakeba cyo gushaka kunesha nk'uko Kristo yanesheje.

ABANZI B'IBY'UMWUKA

Iyaba ibitabo byinshi byandikwa byatwikwaga, hari icyorezo gikomeye kiri gukora umurimo uteye ubwoba mu ntekerezo n'imitima y'abantu cyahagarikwa. Inkuru zivuga iby'urukundo, imigani mihimbano ivuga

iby'ubupfapfa kandi ikurura intekerezo, ndetse n'ibitabo byitwa ko ari udutabo duto tuvuga inkuru z'iby'iyobokamana, (bikaba ari ibitabo aho umwanditsi afata inkuru ashaka kubara akayihuza n'isomo ryigisha imyitwarire ikwiriye) - bene ibyo byose ni umuvumo ku basomyi. Imyumvire yerekeye iyobokamana ishobora rwose kuvangwa n'ubutumwa bw'agatabo kavuga inkuru runaka, ariko akenshi Satani aba yambaye imyambaro nk'iya marayika, yiteguye rwose kuyobya abantu no kubashuka. Nta muntu n'umwe ushikama mu mahame y'ubutungane, nta n'ukingirwa igishuko igihe yisomera bene ibyo bitabo uko ashatse.

Abasoma ibitekerezo bihimbano baba baha intebe ikibi kirimbura iby'umwuka, kigakuraho gukunda gusoma Ibyanditswe byera. Gusoma ibyo bitekerezo bitera umuntu gutwarwa mu buryo bubi, bigacogozo intekerezo, bigatuma ubwenge butabasha kuba ingirakamaro, bikabuza ubugingo gusenga, kandi bigatuma butabasha gukora iby'umwuka.

Imana yahaye benshi mu rubyiruko rwacu ubushobozi buhambaye; ariko akenshi rwagiye ruca intege imbaraga zarwo, rugashyira mu rujijo kandi rukagwabiza ubwenge bwarwo, ku buryo rwamaze imyaka myinshi rudakurira mu buntu cyangwa mu kumenya impamvu zo kwizera kwacu, bitewe n'uko ruhitemo nabi ibyo rusoma. Abategereje kugaruka k'Umukiza kwegereje, bakaba bategereje kwa guhinduka gutangaje, ubwo "iyi mibiri ipfa izambikwa kudapfa, n'ubora ukambikwa kutabwira," bari bakwiriye gukora ibintu bihanitse muri iki gihe cy'imbabazi.

Ncuti basore, nimwigenzure ubwanyu uko muhagaze ku byerekeye imbaraga ihindura y'inkuru zisamaje. Mbese nyuma yo gusoma bene izo nkuru mushobora kubumbura Bibiliya maze mugasoma amagambo y'ubugingo mubishishikariye? Mbese ntimubona ko nyuma yo gusoma ibyo musanga Igitabo cy'Imana kinateye ubwuzu? Imbaraga ikurura y'izo nkuru zivuga iby'urukundo yibasira intekerezo, ikarimbura ubuzima bwazo, maze igatuma mutabasha guhanga intekerezo zanyu ku kuri kw'ingirakamaro kandi gukomeye kurebana no kugubwa neza kwanyu kw'iteka ryose.

Nimwange gusoma ibintu byose by'umwanda kandi mubizibukire mukomeje. Kubisoma ntibizakomeza imbaraga zanyu z'iby'umwuka, ahubwo bizinjiza mu bwenge bwanyu ibitekerezo bizangiza imitekerereze, bibatere kudatekereza cyane kuri Yesu no kudatinda ku nyigisho z'agaciro yigishije. Murinde intekerezo zanyu ikintu cyose gishobora kuzijyana mu cyerekezo kibi. Ntimukazuzuze inkuru z'umwanda zidaha imbaraga ubushobozi bw'ubwenge. Ibitekerezo ni ibyokurya by'ubwenge.

IGITABO GIHEBUJE IBINDI

Imiterere y'imibereho y'umuntu mu byo kwizera igaragarira mu bwoko bw'ibitabo umuntu ahitemo gusoma mu gihe akitse imirimo isanzwe. Kugira ngo umuntu agire intekerezo ziteye neza n'amahame mazima mu byo kwizera, urubyiruko rugomba kubaho rusabana n'Imana binyuze mu ijambo


ryayo. Kubwo kwerekana inzira y'agakiza binyuze muri Kristo, Bibiliya ni yo muyobozi wacu utwerekeza ku buzima buhebuje ubundi. Amateka n'imibereho y'abantu biyikubiyemo biranejeje kuruta ibindi kandi byigisha kuruta ibindi byigeze kwandikwa. Abantu intekerezo zabo zitigeze zangizwa no gusoma inkuru z'impimbano bazasanga Bibiliya ari igitabo giteye ubwuzu kuruta ibindi byose.

Bibiliya ni igitabo gihebuje ibindi. Niba ukunda Ijambo ry'Imana, ukaricukumbura igihe cyose ubonye uburyo kugira ngo ubashe kwakira ubutunzi bukomeye buyirimo, kandi ngo uhabwe ikigukwiriye ngo ubashe gukora imirimo myiza yose, icyo gihe ni bwo ubasha kwizera udashidikanya ko Yesu ari kugukurura akwiyegereza. Ariko gusoma Bibiliya mu buryo bw'amajyejuru nta gahunda wabihaye, udashaka gusobanukirwa isomo Kristo akwigisha ko ukwiriye kugendana n'ibyo agusaba, bene uko gusoma ntiguhagije. Mu ijambo ry'Imana hari ubutunzi bushobora kuvumburwa gusa kubwo gucukura ukimbika cyane mu kirombe cy'ukuri.

Ubwenge bwa kamere ntibwemera ukuri; ariko ubugingo bwahindutse bugira guhinduka gutangaje. Igitabo wasangaga kitanyuraga umuntu mbere bitewe n'uko cyahishuraga ukuri kurwanya umunyabyaha, noneho gihinduka ibyokurya by'ubugingo, ibyishimo no guhumurizwa kwabwo. Zuba ryo gukiranuka amurika mu mpapuro zera, bityo Mwuka Wera akazivugiramo abwira ubugingo bw'umuntu. . . .

Nimutyo abantu bose bakujije muri bo umwuka wo gukunda gusoma ibintu by'agaciro gake noneho berekeze intekerezo zabo ku ijambo ry'ukuri ry'ubuhanuzi. Mufate Bibiliya zanyu, maze mutangire kwigana ubwuzu inyandiko zera zo mu Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya. Uko mwiga Bibiliya kenshi kandi mubishimikiriye, ni ko izarushaho kubabera nziza, kandi ni ko muzarushaho kutishimira gusoma iby'agaciro gake. Iki gitabo cy'agaciro gakomeye mucyomatanye n'imitima yanyu. Kizababera incuti numuyobozi.”¹

¹ *The Youth's Instructor, October 9, 1902. [Umwigisha w'Abasore]*



URUGERO RW'ABANYEFESO

Igihe Abanyefeso bahindukaga, bahinduye ingeso zabo n'imigirire yabo. Kubwo gutsindwa n'Umwuka Wera, bakoranye umwete maze bashyira ku mugaragaro ubwiru bwose bw'ubupfumu bwabo. Baraje maze baratura, kandi berekana imirimo yabo, ndetse imitima yabo yari yuzuye gucishwa bugufi kwera bitewe n'uko bari bariyeguriye ubupfumu kuri bene ako kageni, ndetse bahaga agaciro gakomeye ibitabo byarimo amabwiriza ya gahunda Satani yatanze ahari haratanzwe uburyo bwagombaga gukurikizwa mu gukora iby'ubupfumu. Ubu noneho bari biyemeje gutera umugongo imirimo y'umubi, bityo bazana ibitabo byabo byari bihenze cyane maze babitwikira mu ruhame. Uko ni ko bagaragaje ko bamaramaje mu guhindukirira Imana . . .

Ibitabo Abanyefeso batwitse igihe bahindukiriraga ubutumwa bwiza, mbere y'icyo gihe barabyishimiraga kandi byabafashaga gutegeka imitima yabo no kuyobora intekerezo zabo. Bagombaga kuba barabigurishije, ariko iyo bagenza batyo ikibi cyari gukomeza kuba gikwira. Bazinutswe rwose ubwiru bwa Satani, bazinukwa iby'ubupfumu, kandi banga urunuka ubumenyi bari barabikuyemo. Ndashaka kubaza umusore wamaze kumenya ukuri nti: "Mbese waba waratwitse ibitabo byawe by'ubupfumu?"

IBITABO BY'UBUPFUMU BYO MURI IKI GIHE

Ntabwo mbagerekaho ikibi cyari cyarabase Abanyefeso, cyangwa ngo mvuge ko hari iby'ubupfumu mwakoze, ngo habe hari imirimo y'ubushitsi mwagizemo uruhare nk'uko Abanyefeso bari baragenje. Ntabwo tuvuga ko mwakurikiye ubupfumu no kuragura cyangwa ngo mube mukorana n'imyuka mibi. Ariko se ntabwo mwaba mukorana na nyirabayazana w'ibibi byose, mugakorana n'uhimba ubwo bwiru bwose n'ubuhanga bw'ikuzimu? Ntimutega amatwi ibyongorerano bya Satani we mana y'iyi si, umwami w'ingabo z'ahantu ho mu kirere? Mbese aho ntimwemeye ibinyoma bye, kandi mukaba mwaritanze nk'ibikoresho bye byo gukora umurimo uhuje n'uko mwabagaho mbere y'uko muhinduka? Mbese aho ntimwitanze ngo mube ibikoresho bya Satani, kandi mu buryo bwagutse, mbese aho ntimwaba mufite imikoranire n'abadayimoni kandi mukaba

mufite ibyo mubigiraho mushuka ubugingo bwanyu bwite mutaretse n'ubw'abandi?

Mbese ibyerekeye ibitabo by'ubupfumu byo bimeze bite? Mbese ubusanzwe musoma iki? Mbese igihe cyanyu mugikoreshe mute? Mbese mwagiye mushaka uko mwiga amateka yera kugira ngo mubashe kumva ijwi ry'Imana rivuganira namwe mu ijamba ryayo? Isi irengewe n'umwuzure w'ibitabo bibiba imbuto z'ubuhakanyi, ubuhemu no guhakana Imana, kandi ku rwego runaka, mwamaze igihe mwiga amasomo mukuye muri ibyo bitabo kandi ari ibitabo by'ubupfumu. Ibyo bitabo byirukana Imana mu ntekerezo z'umuntu, bityo bigatandukanya ubugingo n'Umwungeri nyakuri.

INTEKEREZO ZITATEGURIWE KWAKIRA IGITEKEREZO KIZIMA

Ibitabo mwagiye musoma byateguwe n'abakozi ba Satani kugira ngo biroge intekerezo bizishyiramo inyigisho zateguriwe mu isinagogi ya Satani, bibereke uko mushobora gushyigikira ikibi mwubaha Satani. Mbega uburyo hari bitabo byinshi byerekeza mu kutizera bigamiye kubuza ubwenge umutekano binyuze mu gutera gushidikanya ariko mu buryo buhishwe! Satani yahumetse umwuka w'uburozi kuri ibyo bitabo, bityo malariya y'iby'umwuka kandi yica ifata umuntu ubisoma.

Mbega uburyo mu isi hari ibitabo byinshi bisomwa bivuga inkuru z'impimbano byuzuzwa intekerezo ibinyoma n'ubupfapfa, bityo bigatera abantu kutishimira amagambo y'ukuri no gukiranuka! Uko ni ko usanga intekerezo zitabasha kwakira ibitekerezo byubahwa bibashisha gusesengurana Ibyanditswe byera ubwitonzi no kwihangana kuko Ibyanditswe ari byo gitabo kikuyobora muri Paradizo y'Imana.

Hari byinshi byandikwa byerekeye uburyo bwo kugwiza ubutunzi bw'isi nk'aho ubukungu bw'iyi si bwabasha kutugurira urwandiko rw'inzi rutujyana mu ijuru. Mbega ibitabo bivuga amateka byanditswe, byuzuye ibyo abantu bagezeho mu kwihandagaza no kwigerezaho kandi imibereho yabo itigera imurika umucyo mu nzira igana mu gihugu gihebuje ibindi!

IBITABO BIYOBYA

Mbega ibitabo byinshi biriho bivuga iby'intambara no kumena amaraso kandi biyobya urubwiruko! Igihe babisoma, Satani aba abahagaze iruhande kugira ngo abahe umwuka nk'uw'intwari mu ntambara baba basoma, bityo amaraso yabo agashyuhira muri bo, maze bagakangurirwa gukora ibikorwa by'ubugizi bwa nabi. Mbega uburyo hariho ibitabo bitabarika byigisha ibibi, bigatera abantu ibyifuzo bibi kandi bigatera amarangamutima kugurumana bityo bigateshura umuntu mu bitunganye byose n'ibyera byose!

Mumaranye igihe ibitabo byanyu by'ubupfumu, aho ibivugwamo n'amafoto abirimo byahumetswe na wa wundi wari umumarayika ufite ikuzo mu bikari byo mu ijuru

KUMENAGURA UMWUKA W'UBUPFUMU BWA SATANI

Ndashaka kubaza nti: "Mbese ibitabo by'ubupfumu bizatwikwa?" Mu isinagogi ya Satani hari ahantu hakurura abantu, aho usanga higishirizwa ubuhehesi n'ubusambanyi ndetse bigahabwa intebe. Ariko haba hari umuhamya ubyitegereza, ari we mushyitsi utaboneshwa ijisho witegereza ibikorwa mu mwijima. Satani ni we uba uyoboye amatsinda y'abirasi, abibone n'abahora mu binezeza bivanze n'ibitwenge, kandi ni we nyirabayazana w'ibirori byo kwishimisha. Aba ari aho hantu yiyoberanyije. Ubupfumu buragenda bukorwa ahadukikije impande zose, kandi isi n'itorero bigerwaho n'imbaraga za wa wundi uzabatera gukora ibintu batigeze barota gukora. Iyaba bamenyeshwaga ibikorwa bazakora, batangara cyane nk'uko byabaye kuri Hazayeli igihe umuhanuzi yamubwiraga uko bizamugendekera mu gihe cyari imbere.

Umugabo, umugore ndetse n'umwana wese utayoborwa n'Umwuka w'Imana aba ayoborwa n'ubupfumu bwa Satani, kandi kubw'amagambo ye n'urugero atanga, azateshura abandi inzira y'ukuri. Iyo ubuntu buhindura bwa Kristo buri mu mutima, uburakari bukiranuka [bwo kwanga ibidatunganye] buzafata umuntu bitewe n'uko umunyabyaha yamaze igihe kirekire asuzugura agakiza gakomeye Imana yamuhaye. Bityo rero aziyegurira Imana, we ubwe, umubiri we, umwuka n'ubugingo, kandi kubw'ubuntu Imana yamugiriye azitandukanya na Satani. Nk'uko Abanyefeso babigenje, azarwanya ubupfumu kandi ace imirunga iheruka yari imuziritse kuri Satani. Azava iruhande rw'ibendera ry'umwami w'umwijima, maze ajye munsu y'ibendera risizwe amaraso ry'Igikomangoma Imanweli. Azatwika ibitabo by'ubupfumu.¹

¹ The Youth's Instructor, November 16, 1883. [Umwigisha w'Abasore]



IBYOKURYA BY'UBWENGE BIKWIRIYE

Abana bacu bazasoma iki? Iki ni ikibazo gikomeye, kandi gisaba igisubizo nacyo gikomeye. Nterwa ubwoba cyane no kubona mu miryango y'Abakristo hari ibinyamakuru birimo inkuru zifite ibice bihora bikurikirana bidasiga byinjije icyiza na kimwe mu ntekerezo. Nagiye nitegereza abantu bagiye bakuza umwuka wo gukunda inkuru mpimbano batyo. Bagiye bagira amahirwe yo gutega amatwi ukuri kw'Ijambo ry'Imana, bagira amahirwe yo kumenya impamvu zo kwizera kwacu; ariko bagiye bakura bakagera mu kigero cy'abakuze nyamara batarangwa n'ubutungane nyakuri.

Mu kubaka imico yarwo, urwo rubyiruko nkunda rukeneye cyane gushyiramo icyangombwa gihebuje ibindi, ari cyo -*urukundo, kubaha Imana no kumenya Yesu Kristo*. Nyamara benshi ntibafite ubwenge bwo gusobanukirwa ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Ubwenge bugaburirwa inkuru z'amakabyankuru. Usanga baba mu isi idafatika, bityo ntibababwira ibyangombwa bituma basohozza inshingano zifatika z'ubu buzima.

INGARUKA ZO GUSOMA INKURU Z'IMPIMBANO

Nitegereje abana bagiye bemererwa kubaho muri ubu buryo basoma inkuru z'impimbano. Haba iwacu cyangwa mu mahanga, nabonye usanga ari abana badatuye cyangwa se barangwa n'ibitekerezo bisa n'ibiri mu nzozi, bityo ntibashobore kuganira n'abandi nubwo haba ku ngingo zisanzwe zoroheje. Ubushobozi bukomeye cyane, bwa bundi bushobora gukoreshwa mu migambi ihanitse, usanga bwarasigingijwe bitewe no gutinda cyane ku ngingo z'agaciro gake cyane, kugeza ubwo nyir'ubwo bushobozi anyurwa na bene izo ngingo, kandi ntibipfe kumworohera kuba yagira icyo ageraho cyisumbuye. Ibitekerezo n'ibiganiro byerekeye iyobokamana usanga bisigara bitabashimisha.

Ibyokurya by'ubwenge byagiye bimushimisha bigira ingaruka zanduzwa, kandi biganisha ku bitekerezo byanduye ndetse bya kamere. Nagiye mbabazwa cyane n'abo bantu ubwo nitegerezaga uburyo bagenda bahomba binyuze mu gusuzugura amahirwe bagira yo kumenya Kristo uwo ibyiringiro byacu by'ubugingo buhoraho bishingiyeho. Mbega uburyo

igihe cy'agaciro kenshi gipfushwa ubusa kandi muri cyo bagombye kwiga ibya Kristo we Cyitegererezo cy'ubugwaneza nyakuri.

Jye ubwanjye nagiye mpura n'abantu bamwe batakaza intekerezo nzima bitewe no kwimenyereza gusoma ibibi. Banyura mu buzima bafite imitekerereze irwaye, ugasanga ibintu bibabaje kandi bidakomeye cyane babitubura bakabikabiriza. Usanga ibyo umuntu ufite intekerezo nzima atakwitaho bo bibahindukira ibigeragezo n'inkomyi bitakwihanganirwa. Kuri bo, ubuzima buhora mu mwijima.

Abantu bihaye akamenyero ko kwihutira gusoma inkuru zisamaje, baba baremaza imbaraga zabo z'ubwenge, kandi bakaba biyaka amahirwe yo kugira ibitekerezo bifite imbaraga n'ubushobozi bwo gushakashaka. Muri iki gihe hariho abagabo n'abagore bashaje batigeze bakira ingaruka zo kutirinda mu byo basoma.

Ibyo umuntu yimenyereje mu myaka y'ubuto bigenda bikurana nawe kandi bigakomerana nawe uko agenda akomera. Kandi nubwo bakwiyemeza bate, imbaraga bakoresha mu kunesha ibyo bimenyereje zagiye zigera ku ntego by'igice. Benshi ntibagiye basubirana imbaraga z'ubwenge bari basanganwe. Ukugerageza kose bagize ngo bahinduke Abakristo bashyira mu bikorwa imibereho ubukristo busaba kwarangiranye no kubyifuza gusa. Ntabwo mu by'ukuri bashobora guhinduka nka Kristo ngo bakomeze kugaburira intekerezo zabo bene izo nyandiko.

Ingaruka bigira ku mibiri yabo nazo ntiziyoroheje. Urwungano rw'imyakura runanizwa bitari ngombwa n'iyi nyota yo gusoma. Akenshi urubyiruko, ndetse n'abamaze kuba abasore n'inkumi, bagiye bafatwa no kugagara igice kimwe cy'umubiri bidaturutse ku yindi mpamvu uretse gusoma birengeje urugero. Intekerezo zahoraga zikangurwa ubudatuza kugeza ubwo imikorere itangaje y'ubwonko yacitse intege ku buryo itabashaga gukora, bityo ingaruka iba kugagara igice kimwe cy'umubiri.

UBUROZI BW'INTEKEREZO

Iyo umuntu akujije inyota yo gusoma ibitekerezo bisamaje kandi bitwara intekerezo, usanga gukunda ibyiza bigenda byangirika muri we, kandi igihe intekerezo zidahozze zigaburirwa kuri ibi byokurya byanduye ntizijya zinyurwa. Nabonye abakobwa b'inkumi bavuga ko ari abayoboke ba Kristo batigeraga bishima badafite agatabo gato cyangwa agapapuro karimo inkuru. Intekerezo zabo zifuzaga ikizikangura nk'uko umusinzi yifuza inzoga. Nta mwuka wo kwitanga abo basore bagaragaje; nta mucyo wo mu ijuru warasiye bagenzi babo kugira ngo ubayobore ku isoko y'ubwenge. Nta mibereho yimbitse y'iyobokamana bagize. Iyaba ibyo bitabo basomaga bitaragiye bihora bishyirwa imbere yabo, hashoboraga kuba harabayeho ibyiringiro by'uko bavugururwa; nyamara barabikundaga, ndetse bakifuza kubigira.

Mbabazwa no kubona abasore n'inkumi barimbura ubushobozi bwabo bwo kuba ingirakamaro muri ubu buzima, kandi ntibabashe kunguka

ubunararibonye buzabategurira ubugingo buhoraho mu ijuru. Nta zina rikwiriye twashobora kubabonera rirenze "ibicamuke mu bwenge."

Ingeso zo kutirinda mu byo umuntu asoma ziteza ingaruka zangiza ku bwonko nk'uko bigenda ku kutirinda mu mirire n'iminywere.

UMUTI W'IKIBAZO

Uburyo bwiza bwo kurinda ikibi gukura mu butaka ni uguhora ubuhinga ntiburare. Kwitabwaho gukomeye cyane no kuba maso birakenewe mu gukuza intekerezo no kuzibibamo imbuto nziza y'ukuri kwa Bibiliya. Uwiteka mu mbabazi ze nyinshi, mu Byanditswe byera yahaduhishuriye amategako y'imibereho yera. . . .

Kubw'inyungu zacu, yateye abantu bera kwandika amabwiriza yerekeye akaga kugarije inzira ducamo n'uburyo twagakira. Abumvira itegeko rye ryo kurondora mu Byanditswe ntibazareka kwita kuri ibyo bintu. Hagati mu makuba yo mu minsi iheruka, umwizera wese ubarizwa mu itorero yari akwiriye gusobanukirwa impamvu z'ibyiringiro bye no kwizera kwe, kandi izi mpamvu ntizigoye kumvikana. Niba dushaka gukurira mu buntu no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu, hari ibintu byinshi bihagije intekerezo zahugiramo."¹

INTAMBWE ZA MBERE ZIGANA MU CYAHA

Mbere yuko Umukristo akora icyaha ku mugaragaro, mu mutima haba harabanje kuba imyiteguro miremire itazwi n'abandi. Ntabwo intekerezo z'umuntu zigwa mu kanya gato ngo zive ku rwego rwo kwera n'ubutungane zihite zigera mu buhanya, ubuhenebere n'ubugome. Kugwabiza abaremwe mu ishusho y'Imana bagahinduka abagome cyangwa bagahinduka nka Satani bitwara igihe. Kubwo kwitegereza turahinduka. Ku bwo kugundira ibitekerezo bidatunganye, umuntu ashobora kwigisha intekerezo ze atyo ko icyaha yangaga urunuka kizamuhindukira cyiza."²

¹ "Christian Temperance and Bible Hygiene," pp.123-126.

² Abakurambere n'Abahanuzi, Ingeri ya 2016. p.388



BIBILIYA NI IGITABO GIHEBUJE IBINDI

Abakuze n'abato basuzugura Bibiliya. Ntabwo bayiga, kandi ngo bayigire umugenga w'ubuzima bwabo. By'umwihariko abakiri bato ni bo bafite icyaha cyo kuyisuzugura. Benshi muri bo babona igihe cyo gusoma ibindi bitabo, ariko igitabo cyerekana inzira igana ku bugingo buhoraho nticyigwa buri munsu. Inkuru z'ubupfapfa zitegwa amatwi babishishikariye mu gihe Bibiliya yo yirengagizwa. Iki gitabo ni umuyobozi wacu utwerekeza ku buzima busumbyeho kandi burushaho kwera. Abasore bagombye kuvuga ko ari igitabo kinejeje kurusha ibindi bigeze gusoma iyaba intekerezo zabo zitarayobejwe no gusoma inkuru z'impimbano.

Abakiri bato bananirwa kugera ku iterambere ryabo rihanitse iyo basuzuguye isoko ihebuje izindi y'ubwenge ari yo "ijambo ry'Imana." Kuba turi mu isi yaremwe n'Imana, turi imbere y'Umuremyi; kuba twararemwe ku ishusho yayo; kuba iturinda, ikaba idukunda kandi itwitaho, - izo ni insanganyamatsiko zitangaje twagombye gutekerezaho, kandi zikerekeza ubwenge mu gutekereza kwagutse kandi guhanitse. Umuntu ukingurira intekerezo ze n'umutima we kuzirikana izo nsanganyamatsiko ntazigera na rimwe anyurwa n'insanganyamatsiko z'ubupfapfa kandi z'amakabyankuru.

Akamaro ko gushaka ubwenge buboneye buri mu Byanditswe kazwi na bake cyane. Ibyanditswe Byera "byahumetswe n'Imana," kandi bigira umumaro wo "kutumenyesha agakiza," kugira ngo umuntu w'Imana abe ashitse rwose afite ibimukwiriye byose, ngo akore imirimo myiza yose" (2Timoteyo 3:15-17). Bibiliya idusaba cyane kuyitega amatwi tuyubashye. Ntabwo dukwiriye kunyurwa n'ubumenyi bw'amajyejuru, ariko dukwiriye gushaka uko twamenya ubusobanuro bwuzuye bw'amagambo y'ukuri, tugashaka uko tunywa byimbitse ku mwuka w'Ibyanditswe Byera.¹


KWIGARAGAZA KW'ICYAHA

Ibitabo bivuga amakabyankuru bicapwa kandi bigakwirakwizwa nk'umugambi wo kwinjiza mafaranga, ibyiza ni uko bitasomwa n'urubyiruko. Bene ibyo bitabo birimo imbaraga ikurura ya Satani. Inkuru zirimo zivuga

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp. 138, 139. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]

ubugome bukomeye n'amahano byangiza imitima, zigira imbaraga ikurura kandi itwara benshi, zikabakangurira kubona ibyo bashobora gukora kugira ngo abantu babahange amaso nubwo baba bakoze ibikorwa bibi by'indengakamere. Ibibi, ubugome n'ibikorwa by'ubusambanyi bivugwa muri bimwe mu bitabo by'amateka, byagiye biba umusemburo ku bantu benshi maze bikabayobora mu gukora ibikorwa nk'ibyo.

Ibitabobigaragaza ibikorwabya Satani abantu bakorabigendabyamamaza ikibi. Ibyo bitabo biteye ubwoba ntibikwiriye kwishingikirizwaho, kandi nta muntu n'umwe wizera ukuri kugenewe iki gihe ukwiriye kugira uruhare mu gutuma bikomeza kwandikwa mu bwenge bw'abantu. Iyo ubwenge bugaburiwe kandi bugakururwa na bene ibi byokurya byanduye, ibitekerezo birahumana kandi bikagengwa n'ibyifuzo by'umubiri.”²



² “Counsels to Teachers, Parents, and Students,” pp.133,134 [Inama ku Barezi, Ababyeyi n’Abanyeshuri]

RINDA CYANE INZIRA ZIGANA MU BUGINGO

Umunyabwenge atanga inama agira ati: “Rinda umutima wawe kuruta ibindi byose birindwa, kuko ari ho iby’ubugingo bikomoka.” Imigani 4:23. “Kuko uko atekereza ku mutima ari ko ari.” Imigani 23:7. Umutima ugomba kugirwa mushya n’ubuntu bw’Imana, nibitaba bityo, gushaka ubutungane bw’ubugingo bizaba imfabusa. Umuntu wese ugerageza gukuza imico iboneye kandi itunganye adafashijwe n’ubuntu bwa Kristo, aba yubaka inzu ye ku musenyi. Mu mugaru ukaze w’ibigeragezo, nta kabuza iyo nzu izasenyuka. Isengesho rya Dawidi rikwiriye kuba iry’umuntu wese. Dawidi yarasenze ati: “Mana, undememo umutima wera: Unsubizemo umutima ukomeye.” Zaburi 51:10. Bityo tumaze kugabana ku mpano y’Imana, tugomba gukomeza tugana ku butungane “turinzwe n’imbaraga z’Imana kubwo kwizera.” 1 Petero 1:5.

Nyamara dufite umurimo tugomba gukora kugira ngo dutsinde ibigeragezo. Abadashaka kugwa mu mitego ya Satani bagomba kurinda neza inzira zinjira mu ntekerezo zabo. Bagomba kwirinda gusoma, kureba cyangwa kumva ibibazanira ibitekerezo bibi. Ntabwo intekerezo zikwiriye kurekwa ngo zibaze kandi zitinde ku ngingo yose umwanzi w’ubugingo abasha kuzishyira imbere. Intumwa Petero iravuga iti: “Nuko mukenyere mu mitima yanyu, mwirinde ibisindisha, mwiringire rwose impano y’ubuntu muzazanirwa ubwo Yesu Kristo azahishurwa. Mube nk’abana bumvira; ntimwishushanye n’irari mwagiraga kera mukiri injiji. Ahubwo nk’uko uwabahamagaye ari uwera, abe ari ko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose.” (1Petero 1:13-15). Pawulo nawe aravuga ati: “Ibisigaye, bene Data; iby’ukuri byose, ibyo kubahwa byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye byose, iby’igikundiro byose n’ibishimwa byose, nihaba hariho ingeso nziza, kandi hakabaho ishimwe, abe ari byo mwibwira.” (Abafilipi 4:8). Ibyo bisaba ko habaho gusenga kuvuye ku mutima ndetse no guhora umuntu ari maso. Tugomba gufashwa n’imbaraga ya Mwuka Muziranenge itubamo, izatuma ubwenge bwacu burangamira mu ijuru kandi ibumenyereze kuzirikana ibitunganye n’ibyera. “Umusore azeza inzira ye ate? Azayejesha kuyitondera nk’uko ijambo ryawe ritegeka.” Umuhimbyi wa Zaburi akomeza avuga ati: “Nabikiye ijambo ryawe mu mutima wanjye, kugira ngo ntagucumuraho.” Zaburi 119:9, 11.”¹

¹ Abakurambere n’Abahanuzi, Ingeri ya 2016, pp. 387, 388

URUKUNGU N'INGANO

Ncuti basore, nimureke gusoma ibinyamakuru birimo inkuru z'impimbano. Muzibukire udutabo tw'inkuru twose Twaba tugize neza dukuye mu nzu zacu ibinyamakuru byose bivuga inkuru z'impimbano ndetse n'ibitabo birimo amashusho y'urukozasoni – kuko ayo mashusho akomoka ku bakozi ba Satani. Urubyiruko ntirukwiriye kuroga intekerezo zarwo rukoresheje bene ibyo bintu. “Urukungu ni iki mu ngano?” Nimutyo umuntu wese uvuga ko ari umuyobohe wa Kristo asome gusa ibintu by'ukuri kandi bifite agaciro k'iteka ryose.

Tugomba kwitegura gukora inshingano zikomeye cyane. Abatuye isi bagomba gukizwa Urebye umurimo ukomeye ugomba gukorwa, ni gute umuntu yakwemera gupfusha ubusa igihe cy'agaciro kenshi n'ubushobozi Imana imuha akora ibintu bitazamugirira neza cyangwa ngo biheshe Imana icyubahiro?”²



² *The Youth's Instructor*, August 14, 1906. [Umwigisha w'Abasore]

KUBAKA IMICO YA GIKRISTO¹

Hariho ibitabo by'ingirakamaro cyane nyamara abasore bacu batigera barebaho. Ibyo bitabo birirengagizwa bitewe n'uko bitabashimisha nk'ibindi basoma by'agaciro gake.

Dukwiriye kugira inama abasore bacu kujya basoma ibyo bitabo by'ingirakamaro kuko ubwabyo byubaka imico ya Gikristo. Ingingo z'ingenzi z'ukwizera kwacu zikwiriye kwandikwa mu bwenge bw'urubyiruko. Urubyiruko rwarabutswe bike muri uko kuri, ariko ntabwo rwigeze rukwakira ku buryo rwari kwita ku kwiga uko kuri rubyitayeho. Abasore bacu bakwiriye gusoma ibizabageza ku musaruro mwiza kandi byeza intekerezo. Ibi ni byo bakeneye kugira ngo bashobore gusobanukirwa iyobokamana nyakuri icyo ari cyo. Hariho byinshi bisomwa ariko bidashobora kweza [ubugingo].

Iki ni cyo gihe cyacu n'amahirwe yacu byo kugira icyo dukorera abasore. Nimubabwire ko ubu turi mu bihe by'amakuba, kandi ko dukeneye kumenya uburyo bwo gusobanukirwa kubaha Imana nyakuri. Urubyiruko rwacu rukeneye gufashwa, rukazahurwa, kandi rugaterwa ubutwari, ariko mu buryo butunganye. Ahari ntibikorwe nk'uko urubyiruko rubishaka, ahubwo mu buryo buzarufasha kugira intekerezo zejeje. Rukeneye idini nziza kandi yeza kurenza ikindi kintu cyose.

Ntabwo ngifite igihe kirekire cyo kubaho. Umurimo wanjye uri hafi kurangira. Nimubwire abasore n'urubyiruko rwacu ko nifuza ko amagambo yanjye abakomereza mu kurangwa n'imibereho izashimisha cyane abo mu ijuru, kandi ko impinduka bazateza ku bandi zishobora kubahesha agaciro biruseho.

IBYATORANYIJWE BIKWIRIYE GUSOMWA

Mu ijoro rimwe natoranyaga kandi ngashyira ku ruhande ibitabo bidafitiye abasore akamaro. Dukwiriye kubatoranyiriza ibitabo bizabashishikariza kuba abanyakuri mu buzima, kandi bikabatera kubumbura ijamba ry'Imana. Ibi ni byo neretswe icyo gihe, kandi natekereje ko nkwiriye kubibashyira imbere

¹ Ubu ni bwo butumwa buheruka Ellen G. White yandikiye abasore n'urubyiruko rwacu mu burwayi bwe bwa nyuma.

kandi bikaharindirwa. Ntabwo tugomba kwemera guha abasore ibitabo bidafite agaciro. Hakenewe ibitabo bibabera umugisha haba mu ntekerezo no mu bugingo. Bene ibyo bintu ntibyitabwaho cyane; kubw'iyi mpamvu abantu bacu bakwiriye kumenya ibyo mvuga.

Ntabwo ntekereza ko nzongera kugira ibindi bihamya nandikira abantu bacu. Abagabo bafite ibitekerezo bishikamye dufite bazi ibyiza byazahura kandi bikubaka umurimo. Ariko hamwe n'urukundo rw'Imana ruri mu mitima yabo, bakeneye kurushaho kwimbika mu kwiga iby'Imana. Mpangayikishijwe cyane n'uko abasore bacu bazagira ibintu bikwiriye basoma; nibiba bityo, abakuze nabo bazabigira. Tugomba guhanga amaso yacu ku mbaraga ikurura y'iyobokamana ukuri gufite. Tugomba kureka intekerezo n'ubwonko bigakomeza kuba bikingukiye kwakira ukuri kw'ijambo ry'Imana. Satani aza igihe abantu batabyitayeho. Ntabwo tugomba kunyurwa bitewe n'uko igihe kimwe twigeze gutanga ubutumwa bw'imbuze. Tugomba guhora tubutanga.

Dukwiriye gutangira gahunda yo gusoma tubishishikariye cyane ku buryo bizakurura abantu benshi kandi bikagira icyo bibahinduraho. Ndamutse ndindiwe ubuzima ngo nkomeze gukora umurimo, nashimishwa cyane no gufasha mu gutegura ibitabo bigenewe urubyiruko.

Hari umurimo ugomba gukorerwa abasore aho muri wo intekerezo zabo zizakorwaho kandi zikagororwa n'ukuri kw'Imana kweza. Nifuriza urubyiruko rwacu mbikuye ku mutima ko rwamenya ubusabanuro nyakuri bwo gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera, kandi rukagira kwera kw'imico kuzarutegurira kuzaragwa ubugingo buhoraho. Ntabwo niteze ko ngifite igihe kirekire cyo kubaho, bityo ubu butumwa mbusigiye abasore kugira ngo intego bagira itazabapfira ubusa.

Ndingingira abavandimwe banjye mu kwizera kugira ngo bashishikarize abasore guhora berereza ubuntu bw'Imana no gukomera kwayo. Mukore kandi musenge ubudasiba kugira ngo abantu basobanukirwe agaciro k'idini y'ukuri. Nimugaragaze umugisha n'ubwiza byo kwera n'ubuntu bw'Imana. Numvise ibi bindemereye cyane [ngo mbivuge] kuko nzi neza ko byirengagizwa.

Ntabwo nizeye ko ubuzima bwanjye buzamara igihe kirekire, ariko numva ko nemewe n'Uwiteka. Azi uko nababaye ubwo nabonaga imibereho yo ku rwego rwo hasi yarangaga abitwa ko ari Abakristo. Numvise ko ryari itegeko kuri njye ko ukuri gukwiriye kugaragarira mu mibereho yanjye, kandi ko ubuhamya bwanjye bukwiriye kugezwa ku bantu. Ndifuza ko mwakora ibyo mushoboye byose kugira ngo inyandiko zanjye zigezwe mu biganza by'abantu bo mu bihugu by'amahanga.

Nimubwire abasore ko bagiye bagira amahirwe mu by'umwuka. Imana ishaka ko bagira umwete mwinshi kugira ngo bageze ukuri ku bantu. Numwa rwose ari inshingano yanjye idasanzwe yo kuvuga ibyo bintu.¹

1 *Fundamentals of Christian Education*, pp.547-549. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo]

INGARUKA Z'INKURU MPIMBANO

Benshi mu rubyiruko baravuga bati, "Nta gihe mfite cyo kwiga amasomo yanjye." Ariko se iyo bavuga batyo baba bakora iki? Bamwe baba bahatana buri kanya kugira ngo babone amafaranga yisumbuyeho, kandi iki gihe barundurira mu gukora baramutse bagitanze mu kwiga Bibiliya kandi inyigisho zayo bakazishyira mu bikorwa, icyo gihe cyabungura ibisumba ibyo bakura mu gukora bakarenza urugero. Icyo gihe cyabungura byinshi batakaza mu mitako idakenewe, kandi kigatuma barinda imbaraga z'umutima kugira ngo zisobanukirwe ubwiru bwo kubaha Imana. "Kubaha Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge."

Ariko abasore bavuga ko ari Abakristo banezeza ibyifuzo by'umutima wa kamere bakurikiza ibyifuzo byabo bwite. Bityo, igihe cy'imbabazi Imana yabahaye kugira ngo bamenye ukuri guhebuje kwa Bibiliya, gikoreshwa mu gusoma imigani y'imihimbano. Iyo bene aka kamenyero kubatswe mu muntu, usanga kugatsinda bimukoreye. Ariko kugatsinda bishobora gukorwa, kandi bigomba gukorwa n'abakandida b'ijuru bese.

Ubwenge bw'umuntu bwemererwa gutwarwa no gusoma inkuru burarimbuka. Intekerezo ze zita umurongo, gutwarwa n'amarangamutima y'ikirenga bigafata ubwenge bwe, bityo hakabaho kudashyira umutima hamwe, hakabaho inzara yo kwifuza cyane ibyokurya by'ubwenge bidatunganye ari nabyo bihora bibuza intekerezo amahwemo. Muri iki gihe abantu ibihumbi byinshi bari mu bigo byakira abafite uburwayi bwo mu mutwe bitewe n'uko intekerezo zabo zateshejwe umurongo no gusoma udutabo duto tw'inkuru, ibyo bikaba byarajyanye intekerezo zabo mu kubaka ibitabashwa mu kirere no kurwara urukundo kubw'amarangamutima arenga intekerezo zabo.¹

¹ The Signs of Times, February 10, 1881. [Ibimenyetso by'Ibihe]



IBYIZA BYA MUZIKA

Injyana yo gusingiza ni wo mwuka uranga ijuru; kandi igihe ijuru risabanye n'abari ku isi, habaho indirimbo z'ibyishimo kandi hakaba "umunezero n'ibyishimo, n'impundu n'amajwi y'indirimbo." Yesaya 51:3.

Ubwo isi yari imaze kuremwa, ari nziza itagira amakemwa maze Imana yayitegereza ikamwenyura, "inyenyeri zo mu ruturuturu zararimbirana, abana b'Imana bose bakarangurura ijwi ry'ibyishimo" (Yobu 38:7). Bityo mu kwifatanya n'ijuru, imitima y'abantu yishimiye kugira neza kw'Imana ibigaragariza mu ndirimbo zo gusingiza. Byinshi mu bihe byagiye biba mu mateka y'abantu byajyaniranaga n'indirimbo. . . .

MUZIKA NI IMPANO Y'AGACIRO


Amateka y'indirimbo dusanga muri Bibiliya yuzuyemo inama z'ingirakamaro zerekeye imikoreshereze ya muzika n'indirimbo. Akenshi muzika iteshurwa intego yawo maze igakoreshwa mu gusohoza imigambi y'ikibi, kandi iyo bigenze bityo, muzika ihinduka kimwe mu bikoresho bikomeye birehereza umuntu mu kuja mu bishuko. Ariko iyo ikoreshejwe neza, usanga ari impano itangaje Imana yatanze ngo izamure ibitekerezo by'abantu, bityo byerekere ku ngingo z'ingirakamaro kandi zubahwa. Ikindi kandi, muzika yatangiye kugira ngo yungure abantu ibitekerezo bishya kandi ibizahure.

Nk'uko igihe Abisirayeli bazereraga mu butayu buzuzaga ibyishimo mu nzira banyuragamo bakoresheje injyana y'indirimbo zera, ni ko muri iki gihe Imana irarikira abana bayo kuzuza ibyishimo mu buzima bwabo bw'abagenzi n'abimukira. Uburyo bwiza cyane bukoreshwa mu gufata mu mutwe amagambo y'Imana ni buke cyane ugereranyije no kuyasubiramo mu ndirimbo. Kandi bene iyo ndirimbo iba ifite imbaraga ikomeye yo gucecekesha kamere irangwa n'ikinyabupfura gike n'ubujiji. Bene iyo imbaraga ikangura intekerezo n'umwuka w'impuhwe, igateza imbere gukorera kuri gahunda, kandi igahagarika ukwiheba n'igishyika kuko ari byo bigwabiza ubutwari bw'abantu kandi bikabaca intege.

Indirimbo ni bumwe mu buryo bwiza cyane bukoreshwa mu gucengeza ukuri kw'iby'umwuka mu mutima. Mbega ukuntu akenshi kwibuka indirimbo yo mu bwana umuntu aba amaze igihe yaribagiwe bihumuriza umutima usobetse amaganya kandi wihebye, bityo ibigeragezo bigahinduka ubusa! Ubuzima burahembuka, bukagira imigambi mishya kandi ubutwari n'umunezero bikagera ku bandi.

Agaciro k'indirimbo nk'uburyo bukoreshwa mu burezi ntigakwiriye kwibagirana. Nimureke indirimbo zinyuze umutima kandi zitagira amakemwa zirimbwe mu miryango, bityo bizatuma humvikana amagambo make yo guhinyura, ahubwo humvikane amagambo menshi y'ibyishimo, ibyiringiro n'umunezero. Nimureke mu mashuri habe igihe cyo kuririmba, bityo abigishwa bazarushaho kwegerezwa Imana no gusabana n'abigisha babo ndetse na bo ubwabo.

Nk'umugabane umwe wa gahunda y'iby'idini, kuririmba ni igikorwa cyo kuramya kimwe no gusenga. Mu by'ukuri, indirimbo nyinshi ni isengesho. Iyo umwana yigishijwe kuzirikana ibi, azarushaho gutekereza ku busobanuro bw'amagambo aririmba kandi azarushaho gucengerwa n'imbaraga iyarimo. Ubwo Umucunguzi wacu atuyobora mu nzira itujyana ku rurembo rw'Imana ihoraho, tukagenda tumurikiwe n'ubwiza bwayo, natwe dukwiriye gufatanya n'abamarayika bakikije intebe y'ubwami kuririmba indirimbo zo gusingiza no gushima. Bityo ubwo kwirangira kw'amajwi y'indirimbo z'abamarayika kuzasakara mu ngo zacu hano ku isi, imitima yacu izarushaho kwegerezwa abaririmbyi bo mu ijuru. Erega gusabana n'ijuru bitangirira hano ku isi! Aha ku isi ni ho twigira gusingiza Imana kubera mu ijuru.¹



¹ Uburezi, pp.167-175.

IMIKORESHEREZE YA MUZIKA

Indirimbo zari zibereyeho umugambi wera, zikazamura ibitekerezo bikerekera ku byera, ibitunganye kandi bizahura ubugingo, ndetse zikabukangurira kwiye gurira Imana no kuyishima. Mbega itandukaniro riri hagati y'umuco wa kera n'inzira nyinshi indirimbo Na muzika bikunze gukoreshwamo cyane muri iki gihe! Ni bangahe bakoresha iyi mpano kugira ngo banezeze inariye aho kuyikoresha ngo baheshe Imana ikuzo! Gukunda umuziki biyobora abantu badashishoza kwifatanya n'abakunda iby'isi mu materaniro yo kwishimishiriza aho Imana yabujije abana bayo kujya. Muri ubwo buryo, icyari umugisha ukomeye igihe gikoreshejwe nabi, gihinduka kimwe mu bikoresho by'ingirakamaro Satani akoresha agateshura umuntu ku nshingano ye kandi akamubuza kurangamira ibizahoraho.

Indirimbo ni umugabane umwe wa gahunda yo kuramya Imana ibera mu ijuru, ni yo mpamvu mu ndirimbo zacu zo guhimbaza Imana dukwiriye kugerageza kuririmba twigana uko bishoboka kose injyana y'abaririmbyi bo mu ijuru. Kumenyereza ijwi neza ni ikintu cy'ingenzi mu burezi kandi ntibikwiriye kwirengagizwa"¹

IMPANO IHINDURA ABANDI

Hariho abantu bafite impano yihariye yo kuririmba, kandi hariho ibihe bibaho ubwo ubutumwa bwihariye butangwa n'umuntu uririmba wenyine cyangwa bugatangwa na benshi bafatanyije mu ndirimbo. Ariko kuririmba rimwe na rimwe bigomba gukorwa n'abantu bake bafatanyije. Ubushobozi bwo kuririmba ni impano ihindura abandi, kandi Imana yifuza ko abantu bose bayikuza ndetse bakayikoresha kubw'ikuzo ry'izina ryayo."²

KURIRIMBANA N'ABARIRIMBYI BO MU IJURU

Iyo abantu baririmbana umwuka no gusobanukirwa, abaririmbyi bo mu ijuru nabo baterura amajwi yabo bakunga mu ndirimbo yo gushima. Uwaduhaye impano zose zitubashisha kuba abakozi bakorana n'Imana

¹ Abakurambere n'Abahanuzi," p.507.

² Testimonies for the Church," Vol.7, pp.115,116. [Ibihamya by'Itorero]

yiteze ko abagaragu be batoza amajwi yabo kugira ngo babashe kuvuga no kuririmba mu buryo buzatuma abantu bose bashobora gusobanukirwa. Ntabwo ibikenewe ari amajwi ahanitse cyane, ahubwo ni amajwi yumvikana neza no gusohora amagambo mu mvugo iboneye kandi akumvikana neza. Nimutyo abantu bose bafate igihe cyo gutoza amajwi kugira ngo ibisingizo dutura Imana bibashe kuririmba mu majwi yumvikana kandi atuje, atari amajwi akangaranya cyangwa amena amatwi. Ubushobozi bwo kuririmba ni impano y'Imana; nimutyo rero ikoreshwe kubw'ikuzo ryayo.

Mu materaniro mugira, nimugire abantu batoranywa kugira ngo baririmbe. Kandi mureke indirimbo ijyanirane n'ibikoresho bicungwa ariko bikoranwe ubwitonzi n'ubuhanga. Ntabwo tugomba kurwanya ikoreshwa ry'ibyuma bicurangwa mu murimo wacu. Uyu mugabane w'amateraniro yo kuramya ugomba kuyoborana ubwitonzi kuko ari ugusingiza Imana binyuze mu ndirimbo.

Ntabwo iteka kuririmba bigomba gukorwa n'abantu bake. Mukore uko bishoboka kose mutume abagize iteraniro bose nabo baririmba incuro nyinshi uko bishoboka kose.”³

INDIRIMBO ZIHESHA IMANA IKUZO

Indirimbo zo gusingiza Imana zivuye mu mutima wuzuye urukundo no kwiyegurira Imana ziyihesha ikuzo.”⁴



³ *Testimonies for the Church*, Vol.9, pp.143,144. [Ibiamya by'Itorero]

⁴ *Testimonies for the Church*, Vol. 1, p.509. [Ibiamya by'Itorero]

GUKOresha MUZIKA NABI

Ibi ni byo nabonye byagiye byisubiramo kenshi mu matsinda y'abubahiriza Isabato, ariko by'umwihariko ahitwa [. . . .]: 'Abamarayika bagurukaga bazenguruka inyubako yari ahantu runaka. Muri icyo nyubako hari hateraniye abasore; humvikanaga amajwi y'ibikoresho bya muzika. Abakristo bari bahateraniye, ariko se ibyo wumvaga ni ibiki? Ni indirimbo, indirimbo isanzwe itarangwamo amagambo y'ubwenge kandi ahamye, indirimbo ikwiriye kuba mu kabyiniro. Nimwitegereze, abamarayika bera bafashe umucyo wabo barushaho kuwiyegereza maze umwijima utwikira abantu bari bari muri ya nyubako. Abamarayika bagurukaga bava aho hantu kandi mu maso habo hari huzuye agahinda n'umubabaro. Reba nawe ngo barabogoza amarira.'

Umuziki wafashe amasaha yagombye kuba yarakoreshejwe mu gusenga. Umuziki ni ikigirwamana kiramywa na benshi mu bavuga ko ari Abakristo bubahiriza Isabato. Satani ntarwanya umuziki mu gihe cyose ashobora kuwugira umuyoboro anyuramo ngo agere mu ntekerezo z'abasore. Ikintu icyo ari cyo cyose kizateshura intekerezo ku Mana kandi kigatwara umwanya wagombye gukoreshwa mu murimo wayo kizaba kijyanye n'umugambi we. Satani akorera mu nzira zizagira impinduka zikomeye cyane ziteza kugira ngo afatire umubare munini w'abantu mu gutwarwa n'umunezero by'akanya gato nyamara bagushijwe ikinya n'imbaraga ze. Iyo muzika ikoreshejwe neza iba umugisha, ariko akenshi igirwa kimwe mu bikoresho bikurura cyane Satani akoresha kugira ngo agushye abantu mu mutego. Iyo muzika ikoreshejwe nabi, iyobora abantu batejejwe mu bwibone, ubwirasi n'ubupfapfa. Iyo muzika yemerewe gufata umwanya wo kwiga ijamba ry'Imana no gusenga, iba umuvumo uteye ubwoba. Abasore baturira hamwe ngo baririmbe, kandi nubwo bavuga ko ari Abakristo, akenshi basuzuguzanya Imana no kwizera kwabo binyuze mu biganirwa byabo by'ubupfapfa ndetse n'umuziki bahitamo. Ntabwo muzika n'indirimbo byera bibaryohereye. Nerekejwe ku nyigisho zumvikana z'ijamba ry'Imana zagiye zitambukwaho zititaweho. Mu rubanza, ayo magambo yose yahumetswe azacira urubanza abatarayumviye.¹

¹ "Testimonies for the Church," Vol. 1, p. 506. [Ibihamya by'Itorero]

MUZIKA NI IMBARAGA IGANISHA KU CYIZA

Muzika ishobora kugirwa imbaraga ikomeye iganisha ku cyiza; nyamara ntabwo dukoresha cyane uyu mugabane wo kuramya. Muri rusange kuririmba bikorwa bitateguwe cyangwa ngo bibe byatekerejweho mbere cyangwa se bigakorwa kugira ngo hazibwe icyuho kidasanzwe. Ndetse ikindi gihe usanga abaririmba batwarwa bagata umurongo bityo indirimbo igatakaza umusaruro ukwiriye yagombye kugira ku ntekerezo z'abantu bari aho. Nimutyo amajwi ahanikwe mu ndirimbo zo gusingiza Imana no kuyiramya. Niba bishoboka, munifashishe ibikoresho bicurangwa, bityo mureke indirimbo z'urwunge zihebuje zizamuke zijye ku Mana ari ituro rishimwa.²




2 *Testimonies for the Church*, Vol.4, p.71. [Ibihamya by'Itorero]



Uko impano yawe yaba nto kose, Imana ifite aho igomba gukoreshwa. Iyo mpano imwe ikoreshejwe neza izasohozza umurimo yagenewe. Kubwo gukiranuka mu nshingano nto, tugomba gukora dufite umugambi w'uko tuzongererwa, kandi Imana izagira icyo idukorera idukubire kenshi impano dufite. Ibyo bike bizahinduka imbaraga zihindura z'agaciro gahebuje mu murimo wayo.¹

¹ Christ's Object Lessons," p.360. [Imigani ya Kristo]



AMASOMO MU BY'UBUKUNGU

Hari byinshi byagombye kubwirwa abasore byerekeye amahirwe bafite yo gufasha umurimo w'Imana binyuze mu kwigama amasomo yerekeye ubukungu no kwiya. Benshi batekereza ko bagomba gusayisha muri ibi bishimisha cyangwa biriya, kandi kugira ngo babikore bimenyereza kubaho bakoresha ibyo bunguka byose ntibagire icyo bazigama. Kuri iyi ngingo, Imana yifuza ko dukora neza kurenza uko twakoraga.

Iyo tunyuzwe n'ibyo kurya, ibyo kunywa n'imyambaro biturenze, tuba ducumura ubwacu. Imana idufitiye ikirenze iki imbere yacu. Iyo dufite ubushake bwo kuzibukira ibyifuzo bya kamere yacu, maze tukegurira imbaraga z'umutima n'iz'ubwenge mu murimo w'Imana, ingabo zo mu ijuru zikorana natwe, zigatuma duhindukira umugisha abantu bese.

KUZIGAMIRA IMIRIMO YO KWAMAMAZA UBUTUMWA

Nubwo yaba ari umukene, umusore ukorana umwete kandi akaba adasesagura ashobora kuzigama amafaranga make yo gukora umurimo w'Imana. Igihe nari mfite imyaka cumi n'ibiri gusa y'ubukuru, nari nzi icyo kudasesagura bivuze. Mfatanyije n'umuvandimwe wanjye, nize umurimo ubyara inyungu, kandi nubwo twashoboraga kunguka nk'amafaranga atageze ku icumi ku muni, duherereye kuri ayo twashoboraga kuzigama udafaranga duke two gutanga mu murimo wo kwamamaza ubutumwa. Twagiye tuzigama make make kugeza ubwo twagize amadorari mirongo itatu.¹ Noneho ubwo ubutumwa bwo kugaruka k'Umukiza kwegereye bwatugeragaho, ubwo hari hakenewe abantu ndetse n'umutungo [wo kubwamamaza], twumvise ko ari amahirwe tugize yo gutanga ya madorali yacu mirongo itatu tukaya data, tumusaba kuyakoresha mu kwandikisha impapuro n'udutabo duto mu rwego rwo koherereza ubutumwa abantu bari bakiri mu mwijima. Ni inshingano y'abantu bese bakora mu murimo w'Imana kwigama gukoresha igihe neza ndetse no kudasesagura amafaranga. Abantu bishimira kubaho badashaka kugira icyo bakora baba bagaragaza ko baha agaciro gake ukuri kw'agahebuzo twaragijwe. Bakeneye kwigishwa ibyerekeye kwimenyereza gukora, kandi bakiga gukora bhanze amaso ubwiza bw'Imana.

¹ Amadorali 30 ni hafi 25000 by'amafaranga y'u Rwanda. [Aka gaciro ni ako muri Gashyantare 2017].

KWIYANGA

Abantu badafite imyumvire myiza mu byo gukoresha igihe n'amafaranga bakwiriye kugisha inama ababifitemo ubunararibonye. Twifashishije amafaranga twajyaga twunguka mu bucuruzi buto bwacu, niye n'umuvandimwe wanjye twabashaga kwigurira imyambaro. Amafaranga yacu twayahaga mama tumubwira tuti: "Tugurire, kugira ngo nitumara kwishyura imyambaro yacu, habashe kugira igisaguka cyo gutanga mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza." Mama yagenzaga atyo, bityo bikarushaho kutwubakamo umwuka wo kwamamaza ubutumwa.

Ugutanga gukozwe ari imbuto ivuye ku kwiyanganga, kubera utanze ubufasha butangaje. Bene uko gutanga kutwungura ubwenge butubashisha kurushaho gusobanukirwa neza umurimo wa Yesu wagenda akora neza, agakiza abababaye, kandi akamara ubukene bw'abari impe zamajyo. Ntabwo Umukiza yabayeho yinezera ubwe. Nta kamenyetso na kamwe ko kwikanyiza karanzwe mu mibereho ye. Nubwo yari mu isi yari yararemye ubwe, ntabwo yigeze agira aho afata ngo ahagire urugo rwe. Yaravuze ati: "Inguzu zifite imyobo, n'ibiguruka mu kirere bifite ibyari, ariko Umwana w'umuntu ntafite aho kurambika umusaya." Matayo 20:8.

GUKOresha IMPANO NEZA

Nidukoreshe neza impano twahawe, Mwuka w'Imana azakomeza kutuyobora turushaho kugera ku ntego yacu. Umuntu wakoresha neza italanto yahawe Shebuja yaramubwiye ati: "Nuko, nuko mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa shobuja." Matayo 25:21. Uwari yarahawe italanto imwe nawe yari yitezweho gukora uko ashoboye. Iyo agenza umutungo shebuja yari yaramusigiyeye, Uwitake aba yaratubuye italanto ye.

Imana yahaye umuntu wese umurimo agomba gukora ikurukije ubushobozi bwinshi afite. Imana izi ubushobozi bwacu, kandi izi ibyo igomba kudushinga. Ku muntu usanzwe ko ari umugaragu ukiranuka, hatangwa itegeko ngo, 'Nimumuhe inshingano zirushijeho gukomera. Igihe agaragaje ko akiranuka kuri icyo nshingano nayo, hongera gutangwa itegeko ngo, 'Mumushinge ibindi biruseho gukomera.' Uko niko binyuze mu buntu bwa Kristo agenda akura kugeza ubwo ageze ku rugero rushyitse rw'umuntu muri Kristo Yesu.

Mbese ufite italanto imwe gusa? Yitange uyihe abagenza, kubwo kuyishora neza iziyongera ihindukemo ebyiri. Koreshe imbaraga zawese maze ukore ibyo amaboko yabo abona ko ukwiriye gukora. Koreshe italanto yawe neza kugira ngo izabashe gusohozza umurimo yatangiye. Bizakubera iby'agaciro gahebuje ku iherezo ubwo uzumva ubwirwa aya magambo ngo, "Nuko, nuko, mugaragu mwiza." Nyamara abakoze neza ni bo gusa bazabwirwa ngo, "Nuko, nuko, mugaragu mwiza ukiranuka."

NTA GIHE CYO GUPFUSHA UBUSA

Basore namwe nkumi, nta gihe cyo gupfusha ubusa mufite. Mushakane umwete kuzana ibikoresho bikomeye mu nyubako yanyu yo kubaka imico. Turabingira kubw'izina rya Kristo ngo mube abakiranuka. Mukore uko mushoboye mucungure igihe. Mwirundurire mu murimo w'Imana buri muni, bityo muzabona ko mudakeneye ibihe byo kuruhuka byinshi mumara muri inkorabusa, nta nubwo mukeneye amafaranga menshi yo gukoresha mu kwinezeza. Ijuru rihanze amaso abantu bashaka kurushaho kunoza imikorere yabo kandi bashaka guhindurwa ngo base na Kristo. Umuntu niyiyegurira Kristo, Mwuka Wera azamukorera umurimo ukomeye.

Umukozi ukorera Imana wese w'umunyakuri kandi witanga aba afite ubushake bwo kugira icyo atanga no kwitanga ubwe kubw'abandi. Kristo aravugaga ati: "Ukunda ubugingo bwe, arabubura: ariko uwanga ubugingo bwe muri iyi si, azaburinda ageze ku bugingo buhoraho." Yohana 12:25. Kubw'umuhati udacogora wo gushaka gufasha aho ubufasha bukenewe, Umukristo nyakuri agaragariza Imana na bagenzi be urukundo rwe. Ashobora gutakariza ubuzima bwe mu murimo; ariko ubwo Kristo azaza gukoranya abantu be b'igiciro ngo babane na We, bwa buzima wa muntu azongera abuhabwe.²

INGORORANO IVA MU KWITANGA

Umutungo dutanga ngo abandi babone umugisha uzaduhesha inyungu. Ubutunzi nibukoreshwa neza buzakora ibyiza bikomeye. Abantu benshi bazagarurirwa Kristo. Umuntu ukurikiza umugambi wa Kristo ku buzima mu bwami bw'Imana azahabona abo yavunikiye kandi akabitangira akiri ku isi. Abacunguwe nibibuka abantu babaye ibikoresho mu gakiza kabo bazishima bitavugwa. Ijuru rizabera iry'agaciro gakomeye abantu babaye indahemuka mu murimo wo gukiza imitima.³

² *The Youth's Instructor, September 10, 1907. [Umwigisha w'Abasore]*

³ *Christ's Object Lessons, p.373. [Imigani ya Kristo]*

Handwritten text, likely bleed-through from the reverse side of the page. The text is mostly illegible due to fading and blurring.

Handwritten text, likely bleed-through from the reverse side of the page. The text is mostly illegible due to fading and blurring.

UMWUKA WO KWITANGA

Umwuka wo kurarikira, wo gushaka imyanya yo hejuru n'ibihembo bihanitse wabaye gikwira mu isi. Umwuka wo kwiyanga no kwitanga warangaga abo mu bihe bya kera uboneka gake cyane. Ariko uyu ni wo mwuka wonyine ushobora gukoresha umuyoboze nyakuri wa Kristo. Databuja wo mu ijuru yaduhaye urugero rw'uburyo tugomba gukora. Kandi abo yategetse ati, "Nimunkurikire nzabagire abarobyi b'abantu," nta mubare runaka yababwiye ko ari ingororano y'imirimo bakoraga. Bagombaga gusangira nawe kwiyanga no kwitanga kwe.

Abavuga ko ari abayoboze b'Umukozi Mukuru (Yesu Kristo), kandi bakajya mu murimo we nk'abakozi bakorana n'Imana, bagomba kuzana mu mirimo yabo ubumenyi n'ubuhanga, ubushishozi n'ubwenge nk'ibyo Imana y'ubutungane yasabye mu gihe cyo kubaka ihema ryayo ku isi. Kandi muri iki gihe nk'uko byari biri muri icyo gihe, kimwe no minsi y'umurimo wa Kristo hano ku isi, kwiyegurira Imana ndetse n'umwuka wo kwitanga bikwiriye gufatwa ko ari byo bintu bya mbere bisabwa mu gukorera Imana gukwiriye. Imana yagennye ko nta kadodo na kamwe ko kwikanyiza kazinjizwa mu murimo wayo."¹

IBIMENYETSO BY'UBUNTU BW'IMANA MU MUTIMA

Kwicisha bugufi, kwiyanga, gutangana umutima ukunze, no kugarura icyacumi umuntu akiranutse, bene ibyo byerekana ko ubuntu bw'Imana buri gukorera mu mutima."²

¹ Review and Herald, January 4, 1906. [Urwibutso n'Integuza]
² Counsels on Health," p.590. [Inama ku Buzima]

1

0

ICYACUMI

Umurimo ukomeye Yesu yavuze ko yaje gukora waragijwe abayoboke be ku isi. Kristo, we mutware wacu, atujya imbere mu murimo ukomeye w'agakiza kandi akadutegeka gukurikiza urugero aduha. Yaduhaye ubutumwa bugomba kugezwa ku isi yose. Uku kuri kugomba gusakazwa mu mahanga yose, mu ndimi zose n'amoko yose. Ububasha bwa Satani bwagombaga kurwanywa, kandi Satani uwo yagombaga gutsindwa na Yesu Kristo ndetse n'abayoboke be. Intambara yagutse yagombaga gukomeza kurwanwa hahashywa ingabo z'umwijima. Kandi kugira ngo uwo murimo ukorwe ugere ku ntego, hari hakenewe umutungo. Ntabwo Imana yagambiriye kohereza umutungo uhita uturuka mu ijuru, ahubwo ishyira mu biganza by'abayoboke bayo amatalanto y'ubutunzi kugira ngo bukoreshwe mu mugambi wo gushyigikira uru rugamba [rwo kurwanya Satani].

Imana yahaye ubwoko bwayo gahunda yo gukurikiza kugira ngo hakusanywe umutungo uhagije wo gutuma umurimo wayo witunga. Umugambi w'Imana muri gahunda yo gutanga icyacumi ni mwiza mu koroha kwawo no kuringanira kwawo. Abantu bose bashobora kuwukurikiza mu kwizera n'ubutwari, kuko ukomoka ku Mana. Muri wo hakubiyemo koroha no kuba ingirakamaro, kandi ntusaba kuba umuntu yarize byimbitse kugira ngo awusobanukirwe kandi awushyire mu bikorwa. Abantu bose bakumva ko bashobora kugira uruhare rwabo bakora mu gukomeza gukora umurimo w'agaciro kenshi w'agakiza. Umugabo wese, umugore ndetse n'umusore wese, bashobora guhinduka abacungamutungo w'Uwiteka, kandi bashobora kuba ibikoresho mu gutanga ibikenewe mu bubiko bwe. Intumwa Pawulo aravuga ati: "Umuntu wese muri mwe abike iwe ibimushobokera nk'uko [Imana yamutungishije]" 1Abakorinto 16:2.

Hari imigambi ikomeye igerwaho kubw'iyi gahunda. Iyaba buri muntu wese yayemeraga, buri wese yahinduka igisonga cy'Imana kiri maso kandi gikiranuka; kandi ntihabaho kubura k'umutungo wo gukoresha mu guteza imbere umurimo ukomeye wo kwamamaza ubutumwa buheruka bw'imbuze ku batuye isi. Abantu bose bakurikije iyi gahunda, ububiko bwakuzura, kandi abatanga uwo mutungo ntibazatindahara. Binyuze

mu gushora imari kose bagira, bazarushaho komatana n'umurimo wo kwamamaza ukuri kw'iki gihe. Bazaba "bibikira ubutunzi buzaba urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugira ngo babone uko basingira ubugingo nyakuri." 1Timoteyo 6:19.¹

KUZIRIKANA KO IMANA ARI YO NYIR'IBINTU

Kwegurira Imana icyacumi cy'ibyo wungutse, byaba bivuye mu mirima y'imbutu, ku musaruro w'indi myaka, ku matungo, ku gihembo cy'umurimo w'amaboko cyangwa uwo ukoresha ubwenge ndetse no gutanga icyacumi cya kabiri kikegurirwa kugoboka abakene no gukoreshwa mu bindi bikorwa by'ubugiraneza, byatumaga abantu bahora bibuka ko ibintu byose ari iby'Imana, kandi bakibuka n'amahirwe bafite yo kuba imiyoboro Imana inyuzamo imigisha yayo. Uko kwari ukwigishwa kwari kugamije kurandura ubwikanyize bwose, no kwimakaza imico myiza izirikana abandi kandi irangwa n'ubupfura.²

ICYACUMI NI ICY'IMANA

"Icyacumi . . . ni icy'Uwiteka." Aha hakoreshejwe imvugo isa n'iyakoreshejwe mu itegeko ry'Isabato. "Ariko uwa karindwi ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe." Kuva 20:10. Imana ubwayo yisigiye umugabane wihariye ku gihe yageneye umuntu no ku butunzi bwe. Ubwo rero nta muntu wagira kimwe muri ibyo icye ngo abure kuba acumuye.³



1 Testimonies for the Church," Vol.3, pp.388, 389. [Ibihamya by'Itorero]

2 Uburezi, p.44.

3 Abakurambere n'Abahanuzi, p.443.

“WUBAHISHE UWITEKA UBUTUNZI BWawe”

“Harya Databuja akwishyuza iki?” (Luka 16:5). Mbese tuzakira imigisha yose iva mu biganza by’Imana, ariko twe kugira icyo tuyigarurira, -nta no kuyiha icyacumi cyacu, ari wo mugabane yikubitiye? Mu murongo nyakuri wo kwitanga mu nzira yo kwishimisha, gutanga ibintu byose ntihagire igisigara byabaye akamenyero. Ariko se tuzakomeza kuja twakira ibyiza itugirira ntacyo twitayeho, kandi twe kugira icyo twitura urukundo rwayo?

Ncuti basore, mbese ntabwo muzaba abamisiyoneri bakorera Imana? Mbese mu buryo butandukanye n’uko mwigeze mugenza, ntabwo muziga isomo ry’agaciro gakomeye ryo guha Uwiteka impano mushyira mu bubiko bwe bimwe mu byo yabahereye ubuntu ngo bibanezeze? Mu byo muja muhabwa byose, nimutyo hagire umugabane ugarurirwa Rugaba maze ube ituro ryo gushima. Hari umugabane kandi ugomba gushyirwa mu bubiko ngo uzakoreshe mu murimo wo kwamamaza ubutumwa ugomba gukorwa haba mu gihugu cyanyu no mu mahanga.

UBUTUNZI MU IJURU

Twari dukwiriye guhoza umurimo w’Imana ku mitima yacu. Umucyo w’ukuri wabereye umugisha umuryango umwe nuramuka umuritswe n’ababyeyi n’abana, uzakhindukira umugisha ukomeye indi miryango nayo. Ariko igihe ubutunzi butagira akagero bw’Imana butanzwe ku rugero rutagabanije maze tukabugundira tuyibwima, kandi tukabwikubira twikanyiza, nta kabuza tuzagerwaho n’umuvumo w’Imana mu cyimbo cy’umugisha; kuko ibi ari byo Uwiteka yavuze. Ibyo Imana isaba ni byo bigomba guhabwa umwanya wa mbere mu bindi byose bisabwa, kandi ni byo bigomba gutangwa mbere. Igikurikiraho ni ukwita ku bakene n’indushyi. Uko byagenda kose ndetse n’uko byadusaba kwitanga kose, ntabwo bene abo bagomba kwirengagizwa.

“Inzu yanjye ibemo ibyo kurya.” (Malaki 3:10). Ni inshingano yacu kwirinda mu bintu byose, haba mu byo turya, ibyo tunywa, ndetse no mu myambarire. Inzu zacu n’imitako yo mu ngo zacu bikwiriye kwitabwaho mu bushishozi umutima ufite ubushake bwo guha Imana ibyayo, atari mu

cyacumi gusa, ahubwo uko bishoboka kose no mu mpano ndetse n'amaturu nayo. Abantu batabarika bagombye kuba bibikira ubutunzi mu ijuru babinyujije kuzuza mu bubiko bw'Uwiteka umugabane w'ibyo avuga ko ari ibye bwite, kandi bashyiramo n'impano n'amaturu.

Ababaza batigiza ibyo Imana ibasaba mu byerekeye umutungo bavuga ko ari uwabo bwite bakwiriye kwiga Ibyanditswe byera byo mu Isezerano rya Kera, kandi bakareba ibyo Kristo, (wari umuyobozi w'Abisirayeli mu rugendo rwabo utaraboneshwaga amaso) yabwiye ubwoko bwe gukora kuri iyi ngingo. Twari dukwiriye kugira ubushake bwo kuba twagera no mu bidukomereye ibyo ari byo byose, ndetse tukaba twagera n'aho twaba mu bihe bigoye uko byaba biri kose aho kugira ngo tunyage Imana umugabane wagombye kuza mu nzu yayo. Abasoma Bibiliya kandi bakizera ibyo ivuga bazamenya "Icyo Uwiteka yavuze" kuri iyi ngingo.

NTA RWITWAZO

Kuri wa munsu ubwo buri wese azacibwa urubanza rw'ibyo yakoze akiri mu mubiri, urwitwazo rwose umutima wo kwikanyiza ushobora gutanga rwo kudaha Uwiteka icyacumi, impano n'amaturu, ruzahinduka ubusa rutamuruke nk'ikime imbere y'izuba. Iyaba nibigera icyo gihe bitazaba byaratinze by'iteka ryose, mbega uburyo hariho abantu benshi bajyaga kuzasubiza amaso inyuma maze bakongera kubaka imico yabo! Nyamara icyo gihe bizaba byaratinze cyane kugira ngo ibyanditswe imbere y'amazina y'abantu bagiye biba Imana buri cyumweru, buri kwezi, na buri mwaka bibe byahinduka! Iherezo ryabo rizaba ryaramaze gushyirwaho, ridashobora guhinduka...

Kwikanyiza ni ikibi kibyara urupfu. Kwikunda no kutita ku bivugwa byumvikana kandi byihariye byemejwe hagati y'Imana n'umuntu, kwanga gukora nk'ibisonga byayo bikiranuka, ibyo byose byabazaniye umuvumo w'Imana nk'uko Imana ubwayo yari yaravuze ko ari ko bizaba. Abo ni bo bitandukinyije n'Imana ubwabo; kandi kubw'amategeko yabagengaga n'urugero batangaga bateye abandi gusuzugura amategeko yumvikana neza y'Imana, bityo Imana ntiyashoboraga kubasesekazaho imigisha yayo.

ICYACUMI

Uwiteka yavuze yeruye ati: Icyacumi cy'ibyo mutunze byose ni icyanyije; impano zanyu n'amaturu zanyu bigomba kuzanwa mu nzu y'ububiko, kugira ngo bikoreshwe mu guteza imbere umurimo wanyije, mu kohereza ababwiriza kujya kuramburira Ibyanditswe Byera abari mu mwijima.

None se hari umuntu n'umwe uzigerezaho akima Imana ibyayo, agakora nk'uko wa mugaragu mubi yakoze agahisha italanto ya shebuja mu gitaka? Mbese nk'uko uyu mugabo yakoze, tuzashaka uko dushakira urwitwazo gukiranirwa kwacu twitotombera Imana tuvuga tuti: "Databuja, nari nzi

ko uri umunyamwaga, usarura aho utabibye, ko uhunika ibyo utagosoye: ndatinya, ndagenda mpisha italanto yawe mu butaka; dore ngiyo, ibyawе urabifite." Matayo 25:24,25. Mbese ibiramambu ntituzatura Imana amaturo yacu yo gushima?¹

¹ *The Youth's Instructor, August 26, 1897. [Umwigisha w'Abasore]*

INSHINGANO YA BURI WESE

Data wo mu ijuru ntadusaba ibirenze ibyo yaduhereye ubushobozi bwo gukora. Ntabwo yigera yikoreza abagaragu be imitwaro badashoboye kwikorera. "Kuko azi imiremerwe yacu, yibuka ko turi umukungugu." (Zaburi 103:14). Ibyo adusaba byose dushobora kubikora tubikoreshejwe n'ubuntu bwe.

"Uwahawe byinshi azabazwa byinshi." Buri wese muri twe azabazwa kuba hari ikintu gito atakoze kibura ku byo yari afitiye ubushobozi bwo gukora. Uwitwaga agera ubushobozi bwose bwo kumukorera kandi ntiyibeshya. Ubushobozi butakoreshejwe buzirikanwa kimwe n'ubwakoreshejwe. Imana izatubaza ibyo twagombye guhinduka byo byose binyuze mu gukoresha neza impano twahawe. Tuzacirwa urubanza hakurikijwe ibyo twagombaga kuba twarakoze, nyamara ntitube twarabikoze bitewe n'uko tutakoresheje imbaraga zacu mu guhesha Imana ikuzo. Nubwo ubu tutatakaza ubugingo bwacu, mu bihe bizahoraho tuzasobanukirwa n'ingaruka z'impano twari dufite tutakoresheje. Hazabaho igihombo cy'iteka ryose ku bumenyi bwose n'ubushobozi bwose twagombye kuba twarungutse ariko tukaba tutarabwungutse.

Ariko iyo twiyeguriye Imana tutizigamye, kandi tugakurikira amabwiriza yayo mu mirimo dukora, Imana ni yo yirengera gusohozwa kw'iyi mirimo. Ntabwo yifuza ko twafata imyanzuro idafite ishingiro ku bijyanye no kugera ku ntego k'umuhati wacu udakebakeba. Ntabwo dukwiriye gutekereza ku gutsindwa na rimwe. Tugomba gukorana na wundi utigera atsindwa.

Ntabwo dukwiriye kuvuga ku ntege nke zacu no kudashobora kwacu. Gukora ibyo byaba ari ukwerekana ko tutiringira Imana, kandi ko ari uguhakana ijamba ryayo. Iyo twitotomba kubera imitwaro yacu, cyangwa tukanga inshingano aduhamagarira gukora, mu yandi magambo tuba tuvuga ko Imana ari umutware utwaza igitugu, ko idusaba ibyo itaduhereye imbaraga zo gukora.¹

¹ Christ's Object Lessons," pp.362, 363. [Imigani ya Kristo]

AGACIRO K'AMAFARANGA

Ntabwo amafaranga dufite twayaherewe kugira ngo twihimbaze ubwacu kandi twiheshe ikuzo. Nk'ibisonga bikiranuka, tugomba kuyakoresha kubw'icyubahiro n'ikuzo ry'Imana. Abantu bamwe batekereza ko umugabane umwe gusa w'ibyo batunze ari wo w'Uwiteka. Igihe bamaze gushyira ku ruhande umugabane wo gukoresha mu migambi y'iby'idini n'ibikorwa by'ubugiraneza, bafata umugabane usigaye nk'umugabane wabo bwite bagomba gukoresha uko bishakiye. Ariko iyo bakora batyo baba bibeshya. Ibyo dutunze byose ni iby'Uwiteka, kandi tuzamusobanurira uko tubikoresha. Mu mikoreshereze y'ifaranga iryo ari ryo ryose, bizagaragara niba dukunda Imana kuruta byose cyangwa niba dukunda bagenzi bacu nk'uko twikunda.

Amafaranga afite agaciro gakomeye, kubera ko ashobora gukora ibyiza bikomeye. Iyo ari mu biganza by'abana b'Imana aba ibyokurya by'abashonji, ibyokunywa by'abafite inyota, ndetse n'imyambaro ku bambaye ubusa. Ni umurengezi w'abakandamizwa, kandi ni uburyo bwifashishwa mu gufasha abarwayi. Nyamara amafaranga nta gaciro arusha umusenyi, keretse gusa iyo akoreshejwe mu gutanga ibikenewe mu buzima, mu guhesha abandi umugisha, no guteza imbere umurimo wa Kristo.²



² Christ's Object Lessons," p.351. [Imigani ya Kristo]

IMPANO ZITANGWA MU GIHE CY'IBIRUHUKO

Ibiruhuko biregereje. Kubera ibyo, bizaba byiza kuzirikana ingano y'amafaranga akoreshwa buri mwaka mu kugurira impano abantu batazikeneye. Akamenyero kagenda gakaza umurego ku buryo kutagira impano duha incuti zacu muri ibyo bihe by'ibiruhuko bijya gufatwa nk'aho twabirengagije. Ariko nimutyo twibuke ko Umukunzi wacu ugira neza wo mu ijuru afite ibyo adusababiruta cyane ibyo incuti iyo ari yo yose yo ku isi yadusaba. Mbese mu biruhuko bigiye kuza ntituzatura Imana amaturo yacu? Ndetse n'abana bashobora kugira uruhare muri uyu murimo. Imyambaro n'ibindi bintu by'ingirakamaro bishobora guhabwa abakene, bityo hakaba hari umurimo ukorewe Databuja [wo mu ijuru].

IBIBI BIVA MU KUNEZEZA INARINJYE

Nimutyo twibuke ko Noheli yizihizwa mu rwego rwo kwibuka ivuka ry'Umucunguzi w'Isi. Muri rusange uyu munsu abantu bawukoramo ibirori byo kurya no kunywa bakavuyarara. Amafaranga menshi akoreshwa mu kunezeza inarinjye mu bidakenewe. Ipfa ry'inda n'ibinezeza by'umubiri birahazwa mu buryo burenze urugero ku buryo imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'imico mbonera bihangirikira. Ubwibone, imideri igezweho no kunezeza ipfa bitwara amafaranga menshi atigera agira uwo yungura n'umwe, ahubwo atuma abantu bashishikarira gusesagura umutungo, kandi ibyo bibabaza Imana. Iyo minsi mikuru ikoresha abantu berereza kamere aho kwerezeza Imana. Ubuzima bwagiye bushyirwa mu kaga, amafaranga akoreshwa nabi birenze kuba yajugunywa, kandi abantu benshi bagiye babura ubuzima bwabo babitewe no kurya birenze urugero cyangwa mu gusayisha, ndetse benshi bagiye bapfa kubera ibyo.

Imana yahabwa icyubahiro n'abana bayo iyaba bishimiraga indyo yuzuye kandi yoroheje, ndetse bagakoresha ubutunzi baragijwe bazana amaturo yaba make cyangwa menshi mu bubiko bwayo kugira ngo akoreshwe mu kugeza umucyo w'ukuri ku bantu bari mu mwijima w'ibinyoma. Imitima y'abapfakazi n'imfubyi ishobora kwishima bitewe n'impano zizatuma bamererwa neza kandi zikabamara inzara.

IMPANO ZIHABWA IMANA

Nimutyo abavuga bose ko bizera ukuri kugenewe iki gihe babare neza umubare w'amafaranga bakoresha buri mwaka, ariko by'umwihariko ayo bakoresha mu minsi mikuru igaruka buri mwaka, ayo bakoresha mu kunezeza ibyifuzo by'inarinjye kandi bitera, ndetse bazirikane n'uburyo usanga barushanwa n'abandi mu kwigaragaza kutari ukwa gikristo. Teranya umutungo wose ukoreshwa kandi bitari bikenewe, bityo ugerageze kugereranya amafaranga yagombye kuba yarazigamwe ngo yegurirwe kuba impano zo gukora umurimo w'Imana hatabayeho kwangiza ubugingo n'umubiri.

Hakurikijwe ubushobozi bw'utanga, udufaranga duke n'izindi mpano zitanganwe umutima ukunze kandi byeguriwe Imana, bishobora kuzanwa mu nzu y'Imana kugira ngo bifashe mu gukura amatorero mu myenda. Kubw'ibyo, hari abavugabutumwa (abamisiyoneri) bagomba koherezwa ahantu hashya, kandi hari n'abandi bagomba kunganirwa aho basanzwe bakorera. Abo bamisiyoneri bagomba kwirinda gusesagura badakebakeba, ndetse bakageza n'ubwo bigomwa ibishimisha mwe buri muni kandi mufata ko ari ngombwa mu buzima. Bashimishwa na bike cyane.¹



¹ *Review and Herald*, November 21, 1878. [Urwibutso n'Integuza]

KUDASESAGURA MU MYAMBARIRE

Ubwoko bw'Imana bukwiriye kurangwa no kudasesagura budakebakeba mu buryo bukoresha umutungo, kugira ngo bugire icyo butunga bugomba kuzanira Imana buvuga buti: "kandi ibyawe akaba ari byo tugutuye" 1Ngoma 29:14. Uko ni ko bugomba gushimira Imana imigisha ibuha. Uko ni nako kandi bugomba kwibikira ubutunzi iruhande rw'intebe ya cyami y'Imana.

Ab'isi bakoresha amafaranga menshi ku myambaro kandi ayo mafaranga yagombye gukoreshwa mu kugaburira no kwambika abishwe n'inzara n'imbeho. Abantu benshi Kristo yatangiye ubugingo bwe ntibafite n'imyambaro iciriritse cyane ihagije, ndetse imyambaro yo ku rwego rwo hasi, nyamara abandi bakoresha ibihumbi byinshi bitabarika mu muhati wabo wo guhaza kwifuza ibigazweho kwabo kutigera kunyurwa.

Uwiteka yararikiye ubwoko bwe kuva mu b'isi no kwitandukanya nabo. Imyambaro ishashagirana cyangwa ihenze cyane ntabwo ikiri iy'abizera ko turi mu minsi ya nyuma y'igihe cy'imbabazi. Intumwa Pawulo yaravuze ati: "Nuko ndashaka ko abagabo basenga bose, barambuye amaboko yera, badafite umujinya, kandi batagira impaka. Kandi n'abagore ni uko ndashaka ko bambara imyambaro ikwiriye, bakagira isoni birinda, kandi batirimbisha kuboha umusatsi, cyangwa izahabu, cyangwa imaragarita, cyangwa imyenda y'igicro cyinshi, ahubwo birimbishishe imirimo y'ingeso nziza, nk'uko bikwiriye abagore bavuga ko bubaha Imana." 1Timoteyo 2:8-10.

Ndetse no mu bavuga ko ari abana b'Imana, harimo abatakaza mu myambaro amafaranga menshi azenze uko byari binekewe. Dukwiriye kwambara tukaba dukeye kandi bikaba bibereye ijisho. Ariko rero bashiki banjye, igihe mugura cyangwa mwidodera mwe ubwanyu kandi mukagurira abana banyu imyambaro, mujye mutekereza ku murimo ugitegereje gukorwa mu ruzabibu rw'Uwiteka. Ni byiza kugura ibikoresha byiza no kubikoresha neza. Ibi ni ukudasesagura. Ariko rero imitako ihenze ntabwo ikenewe, kandi kuyikunda cyane ni ugufata amafaranga yagombye gushyirwa mu murimo w'Imana mukayakoresha mu kunezeza inarinjye.

Ntabwo imyambaro yanyu ari yo ituma muba ab'agaciro mu maso y'Imana. Ahubwo umurimbo w'imbere, ubuntu bw'Umwuka Wera, ijamba ryuje ubwenge n'ineza, no kuzirikana abandi, ibyo ni byo Imana iha agaciro. Mwambare mudashyizeho imirimbo itari ngombwa, kandi kubw'umutungo mwisigiye muzigamire iterambere ry'umurimo w'Imana.

KWIYANGA KUNEZEZA IMANA

Iga isomo ryo kwiyanganga, kandi uryigishe abana bawe. Ibyo ushobora kuzigama byose kubwo kwiyanganga ubu bikenewe mu murimo ugomba gukorwa. Abababazwa bagomba guhumurizwa, abambaye ubusa bakambikwa n'abashonje bakagaburirwa. Ukuri kugenewe iki gihe kugomba kubwirwa abantu bose batakuzi

Turi abahamya ba Kristo, bityo ntitugomba kwemerera inyungu z'iby'isi gutwara igihe cyacu n'intekerezo zacu ku buryo tudatega amatwi ibyo Imana yavuze ko ari byo bigomba kubanza. Hari inyungu zihanitse [tugamije] zishobora kuja mu kaga. "Mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo." Kristo yatanze ibye byose abishyira mu murimo yari yaraje gukora, kandi ijamba atubwira ni iri ngo: "Umuntu nashaka kunkurikira, yiyange, yikorere umusaraba we, ankurikire." "Mukaba abigishwa banjye" Matayo 16:24, Yohana 15:8. Kristo yitangiye gusohozwa ubushake bw'Imana abikoranye ubushake kandi abikunze. Yarumviye ageza ku gupfa, ndetse urupfu rwo ku musaraba. Mbese twe tuzumva ko kwiyanganga ari umutwaro uturemereye? Mbese tuzasubira inyuma twange kuba abafatanyaga imibabaro nawe? Urupfu rwe rwagombye gukangura agatsi kose ko mu bugingo bwacu, rukadutera gushaka kwegurira umurimo we ibyo dufite byose n'uko turi kose. Igihe dutekereza ibyo yadukoreye, imitima yacu yagombye gusabwa n'urukundo.

Abazi ukuri nibashyira mu bikorwa kwiyanganga gutegekwa mu ijamba ry'Imana, ubutumwa buzajyanwa hirya no hino bufite imbaraga. Uwituka azumva amasengesho dusenga dusabira abantu ngo bahinduke. Ubwoko bw'Imana buzareka umucyo wabwo umurike, kandi abatizera nibabona imirimo yabo myiza, bazahimbaza Data wo mu ijuru.¹

GUKUNDA KWIJARAGAZA

Gukunda kwigaragaza bibyara gusesagura, kandi ku basore n'inkumi benshi bibavutsa kurangamira imibereho itunganye. Aho kugira ngo bashake uko biga ngo barangize amashuri, bajya gushaka imirimo bakiri bato cyane kugira ngo babone amafaranga yo guhaza kurarikira imyambaro kwabo. Kandi binyuze muri uku kurarikira, abangavu n'inkumi nyinshi bakururirwa mu irimbukiro.²

¹ *Review and Herald*, December 1, 1910. [Urwibutso n'Integuza]

² *Uburezi*, p.258.

KWIYOROSHYA NO KUBONERA BYARANZE ABAGOROZI B'ABAPOROTESITANTI B'ABONGEREZA

Kubonera no kwiyoroshye byaranze aba bagorozi ni nabyo byagombye kuranga ibikoresho n'amazu y'abantu bese bizera ukuri gukomeye kugenewe iki gihe. Umutungo wose ukoreshwa mu myambaro cyangwa mu kurimbisha amazu yacu mu buryo budakenewe uba ari ugupfusha ubusa amafaranga y'Uwiteka. Ni ukwiba ibyari gukora umurimo w'Imana hagamijwe kunezeza kamere y'ubwibone.³

³ *Testimonies for the Church*, Vol.1, p.189. [Ibihamya by'Itorero]



KUNEZEZA INARINJYE

Iyo nsuye ingo z'abantu bacu n'amashuri yacu, nsanga ahantu hose ku meza, utubati, nahakikije ubwotero huzuye amafoto. Haba iburyo ndetse n'ibumoso hagaragara amashusho n'amafoto y'abantu. Imana yifuza ko bene ibi bintu byahinduka. Iyaba Kristo yari ku isi yavuga ati: "Nimukureho ibyo bintu." Nabwiwe ko bene ayo mafoto ari nk'ibigirwamana bitwara umwanya n'intekerezo byagombye kwegurirwa Imana.

Bene ayo mafoto atwara amafaranga. Nyuma yo kumenya umurimo ugomba gukorwa muri iki gihe, mbese birakwiye ko dutagaguza amafaranga y'Imana dukoresha amafoto yacu ubwacu n'ay'incuti zacu? Mbese ifaranga ryose dushobora kuzigama ntirakoreshwa mu kubaka umurimo w'Imana? Ayo mashusho n'amaforo bitwara amafaranga yagombye kwegurirwa gukoreshwa mu murimo w'Imana; kandi ayo mafoto ateshura ubwenge ku kuri kw'ijambo ry'Imana.

UBURYO BWO GUSENGA IBIGIRWAMANA

Uku gukora amafoto no kuyahererekanya ni uburyo bumwe bwo gusenga ibigirwamana. Satani ari gukora uko ashoboye kose ngo ateshure ibitekerezo byacu bye guhangwa mu ijuru. Nimutyo twe kumufasha dukora ibigirwamana by'amafoto. Dukeneye kugera ku rugero ruhanitse rurenze urwo ayo masura y'abantu ashobora gutanga. Uwituka aravuga ati: "Ntukagire izindi mana mu maso yanjye." Abavuga ko bizera Kristo bakeneye gusobanukirwa ko bagomba kugaragaza ishusho ye. Ishusho ye ni yo igomba gushyirwa imbere y'ubwenge bw'abantu. Amagambo avugwa agomba kuba aherekejwe n'impumeko y'ijuru...

MUGIRE NYAMBERE IBY'IBANZE

Abantu bateye intambwe bagakorerwa umuhango ukomeye wo kubatizwa barahiriye gushaka ibiri hejuru, aho Kristo ari yicaye iburyo bw'Imana. Barahiriye gukora batizigamye kubw'agakiza kabanyabyaha. Imana irabaza abitirirwa izina ryayo iti: "Mbese mukoresha mute imbaraga zanyu zacungujwe urupfu rw'Umwana wanjye?" Mbese mukora ibyo

mushoboye byose kugira ngo mukure mugere ku rugero ruhanitse mu gusobanukirwa iby'umwuka?' Mbese mugerageza guhuza inyungu zanyu n'ibikorwa byanyu n'ibintu by'ingenzi bisabwa mu bugingo bw'iteka?

Nimutyo mu bwoko bw'Imana habemo ivugurura. "Namwe iyo murya, cyangwa munywa, cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana." 1Abakor. 10:31. Abo Uwiteka yahaye inshingano z'umurimo we bahibikanyiriza kwamamaza ubutumwa kugira ngo abari kurimbukira mu bujiji babashe kugarurwa. Mbese kubwo kwiya ntimushobora kugira icyo mukora cyabafasha mu murimo wabo? Nimuhaguruke kandi mugaragaze ko mwahindutse mubigaragarishije kumaramaza kwanyu n'umuhati wanyu utarangwamo kwikanyiza.

Ifaranga ryose rirakenewe mu murimo wo gukiza abantu. Amafaranga abavuga ko ari ubwoko bw'Imana bakoresha mu gutunga amafoto agizwe n'amasura y'abantu yagombye kunganira abavugabutumwa benshi bari mu murimo. Amasoko arema imigezi. Dukoresha nabi ubutunzi bw'Uwiteka igihe umutungo wagombye gukoreshwa mu kwamamaza ubutumwa buheruka bw'imbuzi tubukoresha mu gushimisha kamere yacu. Niba ukoresha amafaranga y'Uwiteka mu gushimisha kamere, mbese wakwitega ute ko Uwiteka azakomeza kuguha ibyiza bimukomokaho. Mbese Databuja afata ate abashora amafaranga ye mu mafoto mu buryo bwo kunezeza kamere yabo? Ayo mafaranga yagombye kuba yarakoreshejwe mu kugura ibitabo bisomwa byo kohererezwa abakiri mu mwijima w'ubujiji.

Ukuri Uwiteka yaduhaye kugomba kugezwa ku batuye isi. Twahawe amahirwe yo gukora uyu murimo. Tugomba kubiba imbuto z'ukuri ku nkombe z'amazi yose. Uwiteka aduhamagariye kwiya no kwitanga mu byo dukora. Ubutumwa bwiza busaba kwitanga wese tutiziganye. Ibisabwa mu murimo w'Imana bisaba gutanga ibyo dushobora gutanga byose. Gukabya kwacu mu by'amafoto ku ruhande rwacu byabaye kunezeza kamere yacu, kandi ibyo bitanga ubuhamya butuvuguruza. Kubera uko gusayisha no gusesagura mu mafoto, ibiti n'ibindi biyakoreshwamo byararimbuwe kugira ngo bikongorwe n'umurimo wo mu minsi ya nyuma.

INSHINGANO YO KWIYANGA

Nyuma yo kuva ku rugo njya ku rundi no kubona amafoto n'amashusho menshi, nahawe amabwiriza yo kuburira abantu bacu ngo birinde iki kibi.

Iki ni ikintu gikomeye tugomba gukorera Imana. Tugomba gushyira ibi bigirwamana by'amafoto n'amashusho kure y'amaso yacu. Nta cyiza atera abantu gukora, ahubwo yitambika hagati y'Imana n'umuntu. Ayo mafoto nta kintu ashobora gukora cyafasha mu kubiba imbuto z'ukuri. Kristo arahamagara abantu bese bavuga ko ari abayoboze be kugira ngo bambare intwari zose z'Imana.

Ibigo byacu by'uburezi bikeneye kugerwaho n'imbaraga ivugurura ya Mwuka w'Imana. "Muri umunyu w'isi; mbese umunyu nukayuka

uzaryoshwa n'iki? Ntacyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira." Matayo 5:13. Abahabwa imirimo ngo babe abigisha mu mashuri yacu no mu mavuririo yacu bakwiriye kugira urugero ruhanitse rwo kwitanga. Kandi abanyeshuri biga muri ibyo bigo bujuje ibyangombwa byo gukomeza bakajya mu murimo wo kwamamaza ubutumwa, bakwiriye kwiga kwiyaanga.

Turi ibisonga by'Imana, kandi "ibisonga bishakwaho ko biba abanyamurava." 1Abakorinto 4:2. Amafaranga Imana yaturagije agomba gucunganwa ubwitonzi. Tugomba gutera imbere mu kugera ku cyo twitezweho tubinyujije mu gukoresha neza impano twahawe, kugira ngo Umwami Imana naza tuzabashe kumumurikira ibye n'urwunguko twabibyaje.¹

KWIFOTOZA KENSHI

Imitima y'abasore n'urubyiruko yuzuyemo gukunda inarijye. Ibi bigaragarira mu byifuzo byabo byo kubona amasura yabo afotorwa n'umunyabugeni, kandi ntibanyurwa no kubona bafotowe rimwe, ahubwo barongera bakicara ndetse bakifotoza kenshi, kandi buri ncuro baba biringiye ko iya nyuma iza kuruta izayibanjirije, ndetse ikagaragara mu by'ukuri ko ari nziza cyane kurusha umwimerere. Batagaguza amafaranga y'Umwami wabo muri ubwo buryo, ariko se bunguka iki?²

¹ *Review and Herald*, June 13, 1907. [Urwibutso n'Integuza]

² *Testimonies for the Church*, Vol. 1, p. 500. [Ibihamya by'Itorero]



KUDASESAGURA N'UBUGIRANEZA

Abantu benshi basuzugura kudasesagura, bakabyitiranya no kuba abanyabuntu buke. Ariko kudasesagura ntikuvuguruzanya no kuba umunyabuntu. Tugomba kuzigama kugira ngo tuzabashe gutanga.

Nta muntu n'umwe ushobora kurangwa n'ubugwaneza nyakuri atagize kwiya. Kubwo kurangwa gusa n'imibereho yoroheje, kwiya no kudasesagura, ni bwo byadushobokera gusohozwa umurimo twahawe nk'abahagarariye Kristo. Ubwibone no kurarikira iby'isi bigomba gukurwa mu mitima yacu. Ihame ryo kutikanyiza ryahishuriwe mu mibereho ya Kristo rigomba kugaragarizwa mu murimo wose dukora. Ku mafoto n'imitako byo ku nkuta z'amazu yacu tugomba kuhasoma aya magambo ngo: "Zana abakene bameneshejwe mu nzu yawe." Ku tubati twacu tw'imyenda hagomba kugaragara amagambo asa n'ayanditswe n'urutoki rw'Imana ngo: "Mwambike abambaye ubusa." Mu cyuma dufatiramo amafunguro no ku meza usanga yuzuyeho ibyokurya byinshi, twagombye kuhabona handitswe ngo: "Mbese ntibikwiriye gusaranganya ibyokurya byawe ugaha abakene?"

AMAREMBO AKINGUYE MWABAMO INGIRAKAMARO

Imbere yacu hari imiryango myinshi ikinguwe dushobora kubamo ingirakamaro. Akenshi twitotombera ko dufite umutungo muke cyane, nyamara iyaba Abakristo bashishikaraga, bakongera umutungo bafite ukikuba incuro igihumbi. Kwikanyiza no gusesagura abantu banezeza kamere ni byo biba inzitizi mu nzira yacu yo kuba ingirakamaro.

Mbega umutungo mwinshi ukoreshwa mu bintu bigaragara ko ari ibigirwamana, ibintu bitwara intekerezo, igihe n'imbaraga byagombye gukoreshwa mu bintu bihanitse! Mbega amafaranga menshi akoreshwa ku mazu ahenze n'ibikoresho bihenze, ku binezeza bya kamere, ibyokurya bihenze kandi bitagirira neza umubiri ndetse no kwishimisha mu byangiza! Ni amafaranga angahe atagaguzwa ku mpano zitagira uwo zungura! Abavuga ko ari Abakristo muri iki gihe bakoresha amafaranga menshi ku bintu bidakenewe, ndetse akenshi byangiza kurusha ayo bakoresha mu gushaka uko barokora abantu mu maboko y'umushukanyi.

Benshi bavuga ko ari Abakristo bakoresha amafaranga menshi ku myambaro ku buryo nta mafaranga basiga yo kunganira abandi mu byo bakeneye. Batekereza ko bagomba gutunga imitako ihenze n'imyambaro y'igiciro, bityo ntibite ku bukene bw'ababona n'akenda koroheje bibabijije icyuya.

GUTERANYA UTUVUNGUKIRA

Bashiki banjye, iyaba mwasanishaga imyambarire yanyu n'amategeko yatanze muri Bibiliya, mwagira ibihagije rwose byo gufasha bagenzi banyu bakennye cyane. Ntabwo mwagira umutungo gusa ahubwo mwabona n'igihe. Akenshi ibi biba bikenewe cyane. Hari benshi mushobora gufashisha ibitekerezo byanyu, ubuhanga n'ubumenyi byanyu. Nimubereke uburyo bworoheje bwo kwambara ariko kandi bwiza. Abagore benshi bakomeza kwibera kure y'inzu y'Imana bitewe n'uko imyambaro yabo yabaye ubushwambagara kandi itakibakwira ndetse iteye mu buryo buhabanye cyane rwose n'iy'abandi. Abantu benshi bafite umutima uzirikana bumva barakojejwe isoni cyane kandi bararenganyijwe bitewe n'iri tandukaniro. Kandi bitewe n'iryo tandukaniro, benshi bagera ubwo bashidikanya ukuri kw'iyobokamana ndetse bakagera ubwo binangira imitima bakanga ubutumwa bwiza.

Kristo aradutegeka ati: "Nimuteranye ubuvungukira busigaye, hatagira ikintu gipfa ubusa." Yohana 6:12. Mu gihe buri munsu hari abantu ibihumbi byinshi bicwa n'inzara, kumena amaraso, inkongi z'umuriro n'ibyorezo, ni byiza ko umuntu wese ukunda bagenzi be areba niba nta kintu gipfushwa ubusa, akareba ko nta kintu gikoreshwa bitari ngombwa kandi cyagombye kugirira undi muntu akamaro.

Gupfusha igihe cyacu ubusa ndetse n'ibitekerezo byacu, ni ugukora nabi. Igihe cyose dukoresha mu gushaka kunezeza kamere yacu tuba tugipfusha ubusa. Iyaba agahe kose kahabwaga agaciro kandi kagakoreshwa uko bikwiriye, twabona igihe cyo gukora ikintu cyose dukeneye kwikorera twe ubwacu cyangwa icyo twakorera abatuye isi. Mu gukoresha amafaranga, igihe, imbaraga, ndetse n'amahirwe tugira, nimutyo buri Mukristo wese asabe Imana ari yo imuyobora. "Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana, iha abantu bese itimana, itishama, kandi azabuhabwa." Yakobo 1:5.¹

AMABWIRIZA KU GUCUNGA UMUTUNGO

Ntabwo bishoboka ko ahangaha twasobanura akantu kose kerekeye uko gucunga umutungo no kudasesagura byakorwa. Abeguriye Imana imitima yabo burundu kandi bakemerera ijamba ryayo kubabera umuyobozi, bazamenya uko bitwara mu nshingano zose z'ubuzima. Bazigira kuri Yesu w'umugwaneza kandi woroheje mu mutima; kandi

¹ Ministry of Healing," pp.206-208. [Rengera Ubuzima]

mu gukurikiza ubugwaneza bwa Kristo bazakinga imiryango ibishuko bitabarika byajyaga kwinjiriramo.²

² *Fundamentals of Christian Education*, p.152. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo]



IMIBEREHO YO MU MURYANGO

*"Mu muryango ni ho hatangirira umurimo wo kuzahura no gusana imitima y'abagize inyokomuntu. Umurimo w'ababyeyi ni wo rufatiro rw'indi yose. Umuryango mugari w'abantu ugizwe n'imiryango, kandi uwo muryango uri icyo abatware b'imiryango mito bawugira cyo. Ibisohoka mu mutima ni byo "bigize ubuzima": kandi umuryango muto ni wo mutima w'umuryango mugari w'abantu, umutima w'itorero ndetse n'igihugu. Imibereho myiza y'umuryango mugari, kugera ku ntsinzi kw'itorero no kugubwa neza kw'igihugu, ibyo byose bishingiye ku mpinduka zitezwa n'imiryango mito."*¹

¹ Ministry of Healing, p.349. [Rengera Ubuzima]

URUGO RWA GIKRISTO

Nk'uko abakurambere babigenzaga, abavuga ko bakunda Imana bakwiye kubaka igicaniro cy'Imana aho ariho hose bashinze ihema ryabo. Niba harigeze kubaho igihe urugo rwose rwaba urugo rw'amasengesho, ni ubu ngubu. Umubyeyi w'umugabo n'umugore bakwiye kwerekeza imitima yabo ku Mana bisabira ubwabo kandi basabira n'abana babo. Reka umutware w'urugo, nk'umutambyi w'urugo, ashyire ku gicaniro cy'Imana igitambo cya ni mugoroba n'icya mu gitondo, maze umugore n'abana na bo bafatanye gusenga no guhimbaza. Mu rugo nk'urwo Yesu azakunda kuhatinda.

Mu rugo rw'Umukristo wese, umucyo utunganye ugomba kuhamurika. Hakwiriye gutemba urukundo rwuzuye imbabazi, ubugwaneza, no kutikunda. Hari ingo iri hame ryashyizwe mu bikorwa - Imana isengerwamo kandi urukundo nyakuri rukaba ari rwo rubagenga. Muri izo ngo, isengesho rya mugitondo na nimugoroba rizamuka rijya ku Mana rimeze nk'umubavu uhumura neza, maze imbabazi zayo n'imigisha yayo bikamanukira abayishaka bimeze nk'ikime cya mu gitondo.

Urugo rurimo gahunda ni ingingo ikomeye cyane yerekana ukuri kw'idini ya Gikristo - ingingo utizera adashobora kugiramo ijamba. Bose bashobora kubona ko hari impinduka mu muryango ishobora kugera no ku bana, kandi ko Imana y'Aburahamu iri kumwe na bo.¹

¹ Abakurambere n'Abahanuzi, pp.112,113 (Ingeri ya 2016).




GUKIRANUKA MU NSHINGANO ZO MU RUGO

Inshingano ihebuje izindi urubyiruko n'abasore bafite iri iwabo mu miryango. Bahesha umugisha ababyeyi babo, bashiki babo cyangwa basaza babo binyuze mu kubakunda no kubitaho by'ukuri. Aha ni ho bashobora kwerekanira kwiya n'ubwabo mu gihe bita ku bandi kandi bakagira icyo babakorera. Umubyeyi w'umugore ntazigera na rimwe ateshwa agaciro n'uyu murimo. Ahubwo ni umurimo wera bihebuje kandi w'icyubahiro ashobora gusohozwa. Mbega impinduka nziza umukobwa yatera basaza be! Niba agenda atunganye, ashobora guha umurongo imico ya basaza be. Amasengesho ye, kwiyoroshya kwe n'urukundo rwe bishobora gukorera byinshi mu muryango.

Mushiki wanjye, iyo mico yubahwa ntishobora na rimwe guhabwa abandi keretse gusa ibanje kuba muri wowe ubwawe. Kwa kwishima k'umutima, rwa rukundo, kwa kugwa neza no kurangwa n'umucyo uva mu mutima wawe bizagera ku mutima wose, kandi ibyo umutima wawe wahaye abandi bizongera bikugarukire. Niba Kristo ataganje mu mutima, hazabamo kubabara no kudatungana kw'imico mbonera. Kwikunda kwacu kuzasaba abandi ibyo natwe tudashaka kubaha. . . .

Ntabwo umurimo ukomeye cyane n'urugamba rukaze ari byo gusa bigerageza umutima kandi bigasaba ubutwari. Ubuzima bw'umunsi wose buzana n'ibihangayikisha byabwo, ibigeragezo byabwo, no gucika intege. Umurimo ucishije bugufi ni wo akenshi usaba kwihangana no kwiyezeza. Kwikomeza no kwiyezeza bizaba ngombwa kugira ngo umuntu abashe guhangana n'ibirushya kandi abitsinde. Emerera Uwiteka guhagararana na we aho ujya hose kugira ngo akubere umuhumuriza kandi agukomeze.¹

¹ *Testimonies for the Church,* Vol.3, pp.80,81. [Ibihamya by'Itorero]



IYOBOKAMANA RYO MU MURYANGO

Iyobokamana ryo mu muryango rirakenewe cyane, kandi amagambo tuvugira mu miryango yacu akwiriye kuba atunganye, nibitaba bityo ubuhamya dutanga mu rusengero buzahinduka imfabusa. Nutagaragaza ubugwaneza, kwiyoroshya n'ubwitonzi mu muryango wawe, imyizerere yawe izaba iy'ubusa. Iyaba mu miryango harangwagamo iyobokamana nyakuri, mu itorero hagaragaramo imbaraga iruseho.

IMVUGO MBI MU MURYANGO

Mbega akaga kaba mu muryango bitewe no kuvuga umuntu ahubutse! Kuko amagambo avuzwe umuntu ahubutse atera undi nawe gusubiza nabi mu mwuka yabwiwemo n'uburyo yavugishijwe. Iyo bibaye bityo, habaho amagambo yo kwihimura no kwirengera, kandi bene ayo magambo ni yo arema umutwaro uremereye kandi ubuza amahwemo, maze ukawikoreza umuntu; kandi ayo magambo yose ashaririye azakugarukira ari umusaruro uzanira akaga ubugingo bwawe.

Abantu bakunda bene izo mvugo bazakorwa n'ikimwaro, batakaze kwiubaha, bitakarize icyizere, kandi bazagira igishinja gikomeye no kwicuza ko bemereye kamere yabo gutakaza kwitegeka maze bakavuga nabi kandi bahubutse. Mbega ukuntu byaba byiza cyane iyaba bene ayo magambo atigeraga avugwa. Mbega uburyo ari byiza cyane kugira amavuta y'ubuntu mu mutima kugira ngo umuntu abashe kutita ku gushotorwa kose agirirwa, kandi yihanganire ibintu byose afite kwiyoroshya no kwihangana byarangaga Kristo.

Niwuzuza ibisabwa n'amasezerano y'Imana, uzayasohorezwa. Intekerezo zawe nizatinda zitekereza ku Mana, ntabwo uzatwarwa n'amarangamutima ngo ujye mu kibaya cyo gucika intege igihe ibigerageze n'ibishuko bikwibasiye. Ntabwo uzabwira abandi amagambo yo gushidikanya kandi abaca intege.

Satani ntashobora gusoma ibitekerezo byacu, ariko ashobora kubona ibikorwa byacu, akumva amagambo yacu; kandi ahereye ku kuntu amaze igihe kirekire azi umuryango w'abantu, ashobora gutegura ibishuko bye

kugira ngo abonere urwaho ahari intege nke mu mico yacu. Mbega ukuntu akenshi tumwemerera akinjira mu mabanga y'uburyo abasha kudutsinda! Iyaba twabashaga gutegeka amagambo yacu n'ibikorwa byacu! Mbega uburyo twarushaho gukomera amagambo yacu aramutse ateye ku buryo tutakorwa n'isoni ryo kuyashyirwa imbere ku munsu w'urubanza. Mbega uburyo ku munsu w'Imana amagambo yacu azagaragara ko atandukanye rwose n'uko yari ameze igihe twayavugaga.

URUGO NI ICYIGISHO

Inshingano umuryango ufite iragutse cyane ikarenga abawugize. Urugo rwa gikristo rugomba kuba icyigisho, rukaba icyitegererezo cy'ubwiza buhebuje bw'amahame nyakuri y'ubuzima. Bene icyo cyitegererezo kizaba imbaraga y'icyiza mu isi. Impinduka nziza ku mitima y'abantu no mu buzima bwabo zishobora guterwa n'urugo cyangwa umuryango nyakuri, zifite imbaraga ikomeye cyane iruta iy'ikibwirizwa icyo ari cyo cyose gishobora kubwirizwa. Iyo abasore bavuye muri bene icyo miryango, ibyigisho bayigiyemo babigeza ku bandi. Amahame meza cyane y'ubuzima yinjizwa mu yindi miryango, kandi imbaraga izahura abantu ikorera aho babarizwa.¹

¹ Ministry of Healing, p.352. [Renger Ubuzima]

UMURYANGO NI ISHURI

Kubwo kwiye gurira gukora umurimo w'Imana, abasore n'urubyiruko ntibazagira ibitekerezo bifite intege nke cyangwa ngo babure kugera ku ntego. Kubaha Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge. Umwana muto cyane ukunda Imana kandi akayubaha ni igihangange mu maso yayo kuruta umuntu ufite impano zihambaye kandi wize cyane usuzugura agakiza gakomeye. Abasore begurira Imana imitima yabo n'ubugingo bwabo, mu kugenza batyo, baba bifatanyije n'Isoko y'ubwenge bwose no gukomera kose.

INSHINGANO ZA BURI MUNSI

Iyaba abana bigishwaga kufata ko inshingano zoroheje za buri muni ari gahunda bashyiriweho n'Uwiteka, ndetse ko ari nk'ishuri bagomba gutorezwamo gukora umurimo unoze kandi utarangwamo uburiganya, mbega uburyo umurimo wabo wagaragara ko urushijeho kunezeza ndetse ko ari uw'icyubahiro! Gukora inshingano ya buri muni nk'uyikorera Uwiteka, bituma umuntu akora umurimo ucishije bugufi afite ubwuzu, kandi bigahuza abakozi bo ku isi n'ibiremwa byera bihora bikora ibyo Imana ishaka mu ijuru.

Kandi mu mwanya dushyizwemo, dukwiriye gusohozanya inshingano zacu gukiranuka nk'uko abamarayika babigenzereza ahirengeye bakorera. Abumva ari abagaragu b'Imana bazaba abagabo bashobora kwiringirwa aho baba bari hose. Abazatura mu bwami bw'Imana bagomba kuba abaturage beza kuri iyi si. Gusobanukirwa neza inshingano dufite ku Mana biyobora umuntu ku kubona neza inshingano dufite kuri bagenzi bacu.¹

INGORORANO Y'UMUBYEYI W'UMUGORE

Ubwo intebe z'imanza zizashingwa maze ibitabo bikabumburwa; ubwo Umucamanza mukuru azavuga ati: "Nuko nuko [mugaragu mwiza]", maze amakamba y'ikuzo ryo kudapfa agatamirizwa mu ruhanga rw'abanesheje, benshi bazazamurira amakamba yabo imbere y'abavuye ku isi bese n'abo

¹ The Signs of Times, November 3, 1881. [Ibimenyetso by'Ibihe]

mu isanzure maze berekane ba nyina bababyaye bavuga bati: “Binyuze mu buntu bw’Imana, uyu yangize uwo ndi we wese. Impanuro ze n’amasengesho ye byabaye umugisha ku gakiza kanjye k’iteka ryose.” . . .

Abasore n’urubyiruko bakwiriye gutozwa guhagararira ukuri bashikamye hagati yo gukiranirwa kuganje, bagakora ibyo bashoboye byose kugira ngo bahagarike gutera imbere kw’ingeso mbi, kandi bimakaze imico myiza, ubutungane, n’ubumuntu. Impinduka zikozwe mu ntekerezo no mu mico mu myaka y’ubuto zirimbika kandi zikaramba. Akenshi gutozwa ibibi cyangwa kwifatanya n’ababi bizateza impinduka ku bwenge bw’ukiri muto bimujyane mu bibi ku buryo imbaraga zose zazakoreshwa nyuma zitashobora kubumukuramo.²

KWIGISHIRIZWA MU MURYANGO BIRASHOBOKA

Ahazaza h’umuryango mugari w’abantu hagomba kugenwa n’abasore n’abana dufite muri iki gihe, kandi icyo abo bana n’abasore bazaba cyo gishingiye ku muryango. Umugabane munini w’indwara, amakuba n’ubugome byahindukiye inyokomuntu umuvumo bifite isoko ku kutigishirizwa mu muryango uko bikwiriye. Iyaba imibereho yo mu muryango yabaga itunganye kandi iri mu kuri, iyaba abana barezwe n’iyo miryango bavagamo barateguriwe kuzuza inshingano ubuzima bubasaba no guhangana n’amakuba abubamo, mbega impinduka zagaragara mu isi!”³



² *The Signs of Times*, November 3, 1881. [Ibimenyetso by'Ibihe]

³ *Ministry of Healing*, p.351. [Rengera Ubuzima]

KUBAHA ABABYEYI NO KUBAKUNDA

Abashaka gukurikira Kristo by'ukuri bagomba kumutuza mu mutima, bakahamwimika akaganza. Bagomba kugaragaza umwuka we n'imico ye mu mibereho y'imuhira, kandi bakereka urugwiro n'ineza abo bahura nabo. Hariho abana benshi bavuga ko bazi ukuri ariko badaha ababyeyi babo icyubahiro kibakwiriye cyangwa ngo babakunde nk'uko bibakwiriye. Ahubwo bagaragariza ababyeyi babo urukundo ruke ndetse bagaragaza kutabubaha birengagiza ibyo babifuzaho kandi ntibashakishe uko baborohereza mu bibatera guhagarika umutima. Benshi bavuga ko ari Abakristo ntibazi icyo amagambo ngo, "wubahe so na nyoko" asobanuye, kandi ingaruka izabamo ni uko bazamenya bike cyane ku busobanuro bw'aya magambo ngo, "kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha."

Urubwiruko rwacu ruvuga ko rubarizwa mu bubahiriza amategeko y'Imana, nyamara benshi muri rwo basuzugura kandi bakica itegeko rya gatanu. Bityo rero, ntibashobora guhabwa imigisha myinshi yasezeraniwe abubahiriza iri tegeko, kandi bakubaha ababyeyi babo. Keretse gusa nibihana icyaha cyabo kandi kubw'ubuntu bw'Imana bakisubiraho mu mikorere yabo n'imico yabo, naho ubundi ntibazigera binjira mu isi nshya, aho bari bakwiriye kuzaba iteka ryose. Abana batubaha ababyeyi babo kandi ngo babakunde, ntibazubaha n'Imana. Abananirwa gutsinda icyo gipimo, bakananirwa kubaha ababyeyi babo bubaha Imana, baba bananiwe kubaha Imana, bityo ntibashobora kwitega ko bazinjira mu gihugu cy'isezerano.

AMAHEREZO YO KUMVIRA

Abasore muri iki gihe bagenda bafata imyanzuro igena iherezo ryabo bwite, kandi ndashaka kubararikira kwita ku itegeko Imana yatanze ikongeraho isezerano ngo "kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha." Bana, mbese aho mwifuza ubugingo buhoraho? Niba mubwifuza, mwubahe ababyeyi banyu. . . .

Niba mwarakoze icyaha cyo kutabubaha no kutabakunda, nimutangire nonaha gukosora amakosa mwakoze mu gihe cyashize. Ntabwo mushobora

kwemera gufata indi nzira itari iyi kuko kuri mwe byaba bivuze gutakaza ubugingo buhoraho. Imana igenzura imitima izi uko mwitwara ku babyeyi banyu kuko ipimira imico yanyu ku minzani y'izahabu yo mu buturo bwera bwo mu ijuru. Nimwihane kandi mwicuze [icyaha] cy'uko mwirengagije ababyeyi banyu, mwicuze uburyo mutabitayeho, ndetse n'uko mwasuzuguye itegeko ryera ry'Imana

Imitima y'ababyeyi banyu yabategerezanyije ibambe igihe kirekire, none se mwabasha kwitura urwo rukundo kudashima gukonja nk'ubutita? Bakunda ubugingo bwanyu, kandi bashaka ko mwakizwa; ariko se aho akenshi ntimwagiye musuzugura inama zabo, mugakora ibyo mwishakiye, kandi mukabikora uko mwishakiye? Mbese aho ntimwagiye mukurikiza ibitekerezo byanyu bwite kandi mwari muzi ko iyo migirire irangwamo kwinangira itazemerwa n'Imana? Ababyeyi benshi b'abagabo n'ab'abagore bagiye bashenguka imitima kugeza bagiye mu gituro kandi bitewe n'uko abana babo bababereye indashima kandi ntibabubahe.”¹



¹ *The Youth's Instructor*, June 22, 1893. [Umwigisha w'Abasore]

UMUGISHA MU RUGO

Uwiteka arabwira umusore ati: “Mwana wanjye mpa umutima wawe.” Umukiza w’isi akunda ko abana n’urubyiruko bamwegurira imitima yabo. Hashobora kubaho ingabo nyinshi z’abana bazasangwa ari indahemuka ku Mana, kubera ko bagendera mu mucyo nk’uko Kristo ari umucyo. Bazakunda Umwami Yesu, kandi bazanezeza no kumushimisha. Nibacyahwa ntibazabyinubira; ahubwo bazanezeza imitima y’ababyeyi babo bakoresheje kwitonda kwabo, kwihangana ndetse n’ubushake bwabo bwo gukora ibyo bashoboye byose babafasha mu kwikorera imitwaro y’ubuzima bwa buri muni. Mu gihe cy’ubuto bwabo n’igihe bazaba ari abasore, bazasangwa ari abigishwa bakiranuka b’Umwami wacu.

Bana bato namwe basore, mu myaka y’ubuto bwanyu mushobora kuba umugisha mu muryango wanyu. Mbega intimba bitera kubona abana bavuka ku babyeyi bubaha Imana ari intumva, basuzugura, indashima kandi bategekwa na kamere, baramaramaje rwose kwikurikirira inzira yabo bwite batitaye ku ngaruka zabyo ndetse n’intimba biteza ababyeyi babo. Satani yishimira kuyobora imitima y’abana, kandi naramuka abyemerewe, azabinjizamo umwuka we mubi.

KUBAHA ABABYEYI

Ababyeyi bashobora gukora icyo bashoboye cyose mu mbaraga zabo kugira ngo bahe abana babo amahirwe yose n’impuguro zose bityo abana babe bakwegurira Imana imitima yabo. Nyamara abana bashobora kwanga kugendera mu mucyo, kandi imigirire yabo yohereza imirasire mibi ku babyeyi babo babakunda ndetse n’imitima yabo ibifuriza cyane kwakira agakiza.

Satani ni we woshya abana kugendera mu cyaha no gusuzugura. Naramuka ahawe urwaho azatwara ubugingo bw’abana bakiri mu byaha byabo kugira ngo abatandukanye rwose n’ibyiringiro byose by’agakiza, kandi nk’uko umuntu yakoresha inkota, azabikorera ngo abashe kwahuranya imitima y’ababyeyi b’abagabo n’abagore bubaha Imana bazaheranwa n’agahinda katazigera gashira bitewe n’uko abana babo barangije ubuzima bwabo batihanyeye kandi baragomeye Imana. . .

Kubwa Kristo, ndabinginze bana namwe basore ngo mugendere mu mucyo. Mwegurire Imana ubushake bwanyu. “Abanyabyaha nibakoshya, ntukemere.” (Imigani 1:10). Muje mukurikiza inzira y’Uwiteka, kuko mutazagirira amahoro mu byaha. Kubwo gukora ibibi, mukoza isoni ababyeyi banyu kandi mugasuzuguza idini ya Kristo. Mwibuke ko iby’ubuzima bwanyu byanditswe mu bitabo byo mu Ijuru ndetse bitegereje kubumburirwa imbere y’isanzure ryose. Nimutekereze ikimwaro n’igishinja ku mutima mwagira mumenye ko amaherezo yanyu mabi ari ukubura ubugingo buhoraho! “Nimuhindurwe n’imiburo yanjye: Dore ndabasukaho umwuka wanjye, nzabamenyesha amagambo yanjye.”

Ni bwo bazantakambira Ariko unyumvira wese azaba amahoro, adendeze kandi atikanga ikibi.” (Imigani 1:23,28,33). Nimwumvire amabwiriza ya Kristo ngo, “Nimugende mugifite umucyo, butabiriraho mukiri mu nzira.”¹



¹ *The Youth's Instructor*, August 10, 1893. [Umwigisha w'Abasore]

KUBAKIRA IMICO MU MURYANGO

Satani ashukisha abana kutisanzura ku babyeyi babo, ahubwo bagatoranya ab'urungano rwabo na bagenzi babo badafite ubunararibonye, maze akaba ari bo bababera abanyamabanga kandi badashobora kubafasha, nyamara bene abo bazabagira inama mbi. . .

Abana barindwa ibibi byinshi baramutse bamenyeranye kandi bakisanzura ku babyeyi babo. Ababyeyi bakwiriye kubaka mu bana babo umuco wo kubisanzuraho no kubabwiza ukuri, bakajya babasanga babatuye ibibazo byabo, kandi igihe bahagaritse umutima bibaza igitunganye bakora, bakaba biteguye gutura ababyeyi babo icyo kibazo uko bakibona, kandi bakabagisha inama. Mbese ni nde wundi waba ufite ubushobozi bwo kubona no kugaragaza akaga kabugarije nk'ababyeyi bubaha Imana? Mbese ni nde ushobora gusobanukirwa imico n'amarangamutima yihariye y'abana babo nk'abo babyeyi? Umubyeyi w'umugore wagiye yitegereza uko intekerezo z'umwana zagiye zihindagurika kuva mu bwana bwe kandi akaba amenyereye ibiranga kamere y'uwo mwana, uwo ni we uba uteguriwe neza kugira inama abana be. Mbese ni nde wabasha kuvuga bimwe mu bigize imico y'umwana bikwiriye kurwanywa n'ibikwiriye gukumirwa nka nyina w'umwana afashijwe na se?

KUNEZEZA ABABYEYI

Abana b'Abakristo bazahitamo gukundwa no kwemerwa n'ababyeyi babo bubaha Imana bityo ibyo babirutishe umugisha wose w'iby'isi. Bene abo bana bazakunda ababayeyi babo kandi babubahe. Uko banezeza ababyeyi babo bikwiriye kuba kimwe mu byigwa by'ingenzi biga mu buzima bwabo. Muri iki gihe cy'ubwigomeke, abana batigeze bigishwa amabwiriza atunganye n'ikinyabupfura bazi bike cyane ku nshingano bafite ku babyeyi babo. Bikunze kubaho ko uko ababyeyi babo barushaho kugira ibyo babakorera ni ko abo bana barushaho kuba indashima, kandi kububaha bikagabanuka.

Abana bagiyeye barerwa bajeyi bakajya bahabwa icyo bashaka cyose kandi bagakorerwa icyo bifuza cyose usanga iteka baba biteze kugenzerezwa

batyo. Bityo iyo batabonye ibyo bari biteze, bariheba kandi bagacika intege. Bene iyi myitwarire izagaragarira mu buzima bwabo bwose. Bazaba impezamajyo, bajye bahora bishingikije ku bandi ngo babafashe, bitege ko abandi barabatonisha kandi barababererekera. Kandi iyo hagize ubavuguruza ndetse n'igihe bamaze kuba abagabo n'abagore, bibwira ko basuzuguwe. Bityo rero bazaremereza inzira banyuramo mu isi maze kwikorera umutwaro wabo bibagore cyane, kuko akenshi bazaba bitotomba kandi barakaye bitewe n'uko bazasanga nta kintu na kimwe kibakwiriye...

Abana bakwiriye kumva ko hari icyo bagomba ababyeyi babo babitayeho kuva ari impinja kandi babakuyakuye igihe bari barwaye. Bakwiriye kumva ko ababyeyi babo bahuye n'ibibahagarika umutima cyane kubera bo. By'umwuhariko bakwiriye kuzirikana ko ababyeyi bubaha Imana bumvaga bashishikariye cyane ko abana babo bagendera ku nzira itunganye. Mbega uburyo imitima yabo yaremererwaga ubwo babonaga amakosa ku bana babo! Iyaba abana bababaje imitima y'ababyeyi babo babonaga ingaruka z'imigirire yabo, bakwisubiraho byanze bikunze. Iyaba babonaga amarira y'ababyeyi babo, kandi bakumva amasengesho babasabira ku Mana, iyaba bumva gusuhuza umutima kwabo, imitima yabo yakorwaho bityo bakwihutira kwatura ibyaha byabo kandi bagasaba kubabarirwa. . . .

IMBARAGA ZO GUHANGANA N'URUGAMBA

Turiho mu bihe bibi cyane by'amakuba ku bana. Umuraba ukaze urararika benshi ubajyana mu irimbukiro, kandi hakenewe ikirenze kure imbaraga n'ubunararibonye byo mu bwana kugira ngo bahangane n'uwo muraba bityo be gutembanwa na wo. Muri rusange, urubwiruko n'abasore basa n'ababaye imbohe za Satani, kandi Satani n'abadayimoni be baraberekeza ku irimbukiro. Satani n'ingabo ze bari ku rugamba rwo kurwanya ubutegetsi bw'Imana, kandi abantu bose bashaka kwegurira Imana imitima yabo no kumvira ibyo ibasaba, Satani azagerageza kubabuza amahoro no kubanesha yifashishije ibishuko bye kugira ngo bacike intege kandi bazibukire urugamba. . . .

Kubwo gusenga bamaramaje ndetse no kwizera kuzima, intsinzi zikomeye zizagerwaho. Ababyeyi bamwe ntibarasobanukirwa n'inshingano bafite, kandi birengagije kwigisha abana babo iby'iyobokamana. Mu gitondo, ibyo Umukristo atekereza bwa mbere byagombye kwerekera ku Mana. Imirimo y'iyi si n'inyungu z'umuntu ku giti cye byagombye kuza ku mwanya wa kabiri. Abana bakwiriye kwigishwa kubaha isaha yo gusenga. Mbere yo kuva mu nzu ngo bajye mu mirimo, ab'umuryango bose bakwiriye guhurizwa hamwe maze se w'abana cyangwa nyina mu gihe se adahari, agasaba Imana ayingingira kubarinda muri uwo munsu . . .

Kutihanganira Kugira ibyo Ubuzwa

Abana bubahiriza Isabato bashobora kutihanganira kugira ibyo babuzwa maze bagatekereza ko ababyeyi babo bakabya kudakebakeba.

Ibitekerezo bibi bishobora kuza no mu mitima yabo, kandi bashobora guha intebe ibitekerezo byo kwitotombera no kutishimira abari kugira icyo babakorera kugira ngo babone ibyiza bihoraho muri iki gihe no mu gihe kizaza. Nyamara abo bana nibarama, bazashimira ababyeyi babo kubwo kubitaho badakebakeba kandi bakiranuka babagaragarije igihe bo bari bakiri bato bataraca akenge. . . .

INSHINGANO Y'UMUNTU KU GITI CYE

Bana, Imana yabonye ko bikwiriye maze ibaragiza ababyeyi banyu kugira ngo babigishe kandi babatoze ikinyabupfura, bityo bakore uruhare rwabo mu kubaka imico yanyu ibereye ijuru. Nyamara kandi biri mu nshingano zanyu kuvuga niba muzakuza imico myiza ya Gikristo mukoresha neza ibyiza mufite mukomora ku babyeyi bubaha Imana, bakiranuka kandi basenga. Guhagarika umutima kose no gukiranuka kose ababyeyi bagira mu cyimbo cy'abana babo, ibyo byonyine ntibishobora gukiza abo bana. Hari umurimo abana bagomba gukora. Buri mwana wese afite inshingano yihariye agomba gukora.


Babyeyi bizera Imana, mufite umurimo ukomeye ubari imbere wo kuyobora intambwe z'abana banyu n'iyi haba mu byo bahura nabyo mu by'umwuka. Igihe bazaba bakunda Imana by'ukuri, bazabashimira kandi babubahire uko mwabitayeho, ndetse no gukiranuka mwagaragaje ubwo mwakumiraga ibyifuzo byabo kandi mugaha umurongo ibyo bashakaga.¹

KWAMBARA GUKIRANUKA KWA KRISTO

Nitwambara gukiranuka kwa Kristo, icyaha ntikizadushimisha; kuko Kristo azaba akorana na twe. Dushobora gukora amakosa, ariko tuzanga icyaha cyateje Umwana w'Imana umubabaro²

¹ *Testimonies for the Church*, Vol. 1, pp. 391-403. [Ibihamya by'Itorero]

² *Review and Herald*, March 18, 1890. [Urwibutso n'Integuza]



ABASORE BAGOMBA KUGIRA INSHINGANO BAHABWA¹

Abahungu bafite inshingano bagomba gukora mu rugo ariko bakayirengagiza. Ntabwo bize gukora icyo bakwiriye gukora ndetse no gufata inshingano z'umuryango, kandi ari wo murimo bagomba gukora. Bafite nyina w'indahemuka kandi uhora mu mirimo, ndetse wagiye yikorera imitwaro myinshi abana batari bakwiriye gutuma yikorera. Mu kugenza batyo, bananiwe kubaha umubyeyi wabo. Ntabwo banafashije se mu miruho ye kandi byari mu nshingano zabo, bityo birengagije kumwubaha nk'uko byari bikwiriye. Bakurikiza ibyo umutima wabo uberekejeho aho kwita ku nshingano bafite.

Mu buzima bwabo bagiye bikurikirira ibijyanye na kamere yabo, bakihunza imitwaro n'umuruho, bityo ntibashoboye kuronka ubunararibonye bw'agaciro kenshi batagombye kubura niba bashaka ko ubuzima bwabo bugera ku ntego. Ntabwo bigeze bumva akamaro ko kuba indahemuka mu tuntu duto, kandi nta nubwo bigeze bumva ko bafite inshingano ku babyeyi babo yo kuba abanyakuri, batunganye, kandi b'indahemuka mu nshingano zicishije bugufi kandi zoroheje mu buzima ziri mu nzira bacamo. Ntabwo bita ku bumenyi busanzwe kandi buba ari ingenzi cyane mu buzima bw'ibigaragara.

GUTUMA MU MURYANGO HARANGWA IBYISHIMO

Niba hari ahantu abo basore bakwiriye kuba umugisha, nta handi uretse mu muryango. Nibumvira ibyo kamere yabo iberekezamo aho kugendera ku myanzuro irimo ubushishozi iturutse ku ntekerezo zitunganye, gushyira mu gaciro n'umutimanama umurikiwe, ntabwo icyo gihe bashobora kubera umugisha umuryango mugari w'abantu cyangwa umuryango bavukamo. Kandi ibyo bari biringiye muri iyi si no mu isi izaza irushaho kuba nziza bishobora kugera mu kaga.

Abasore benshi batekereza ko imibereho y'ubuto bwabo itagenewe kugira ibyo bitaho, ko ahubwo ari iyo gukoresha mu mikino y'inkorabusa, mu bitwenge no gutera urwenya ndetse no kwishimisha by'abapfapfa.

¹ Aya magambo yabwiwe abahungu babiri.

Igihe bari mu by'ubupfapfa no kwishimisha by'umubiri, bamwe nta kindi batekereza uretse kuvuyarara no kwishimisha by'igihe gito bijyana nabyo. Uko bifuza kwishimisha, uko bakunda kubana n'urungano no gukina n'ibitwenge, byongerwa no kuvuyarara, bityo ntibabe bakirangwamo kuryoherwa n'ubuzima bwo kwirinda, kandi none bakabona ko inshingano zo mu muryango zitakiri izo kwitabwaho. Nta mpinduka zihagije bahabona zo guhuza n'ibyo batekereza, bityo bakabura amahwemo, ntibanyurwe kandi bakarakazwa n'ubusa. Abasore bakwiriye kumva ko bafite inshingano yo gutuma mu muryango hashimisha kandi hakarangwa umunezero. . . .

Guhindura imirimo y'amaboko yananije imbaraga z'umubiri cyane byaba ngombwa mu gihe runaka kugira ngo bongere kuja mu murimo, kandi bakoreshe imbaraga ziruseho bityo bagere ku musaruro ukomeye. Ariko turebye imbaraga zabo z'umubiri, tubona ko ikiruhuko gusa kidakwiriye kuba ngombwa, cyangwa ngo babe bagira umusaruro bagikuramo.

Nubwo baba bananijwe n'ubwoko bumwe bw'umurimo, abasore ntibakeneye gupfusha ubusa igihe cy'agaciro bafite. Igihe bananiwe, bashobora gushaka uko bagira akarimo katananiza bakora ariko kazabera umugisha umubyeyi wabo ndetse na bashiki babo. Mu koroshya ibibahagarika umutima babinyujije mu kwikorera imitwaro ibaremereye bagomba kwikorera, bashobora gutahura ko kwishimisha bivuye ku ihame ry'ukuri bizabazanira umunezero nyakuri, bityo ntibazakoreshe igihe cyabo mu bintu by'agaciro gake cyangwa mu gushimisha inarinjye.¹



¹ *Testimonies for the Church*, Vol.3, pp.221-223. [Ibihamya by'Itorero]

ISAHA YO KURAMYA

Mu rwego rwo gukangura no gukomeza umwuka wo gukunda kwiga Bibiliya, usanga ibintu byinshi bishingira ku mikoreshereze y'isaha yo gusenga. Amasaha yo gusenga mu gitondo n'aya nimugoroba ni yo masaha y'umunsi aryohera abantu kandi akabafasha. Byumvikane ko muri ayo masaha nta kirogoya cyangwa ibitekerezo bibi bikwiriye guhabwa akito; kugira ngo ababyeyi n'abana bateranire kuganira na Yesu, kandi batumire abamarayika bera kuza mu muryango wabo. Nimutyo iyo gahunda ibe ngufi kandi ibe ishyushye, ihuze n'ibihe barimo, kandi uko iminsi ihita bajye bayihindura. Nimutyo ab'umuryango bese bagire uruhare mu gusoma Bibiliya no kuyiga, kandi akenshi bajye bavuga Amategeko y'Imana kandi bayasubiremo. Abana nibajya rimwe na rimwe bahabwa uburenganzira bwo guhitamo umurongo urasomwa bazarushaho gukunda iyi gahunda. Nyuma yo gusoma, baza abana ibibazo ku murongo wasomwe kandi nabo ubareke babaze ibibazo. Ntukabure kuvuga ikintu cyose cyafasha mu gusobanura uwo murongo neza. Igihe gahunda itarambiranye, abana bakwiriye guhabwa umwanya wo gusenga no kuririmba, byashoboka bakaririmba igice kimwe.

Kugira ngo iyo gahunda yo gusenga igere ku mugambi wayo, ni ngombwa kubanza kuyitegura. Buri munsi ababyeyi bakwiriye gufata igihe cyo kwiga Bibiliya bafatanyije n'abana babo. Nta gushidikanya ibyo bizasaba ko babishyiraho umwete no kubitegura kandi bakabyitangira. Ariko uwo mwete ukoreshwa uzahesha ingororano nyinshi.¹

¹ Uburezi, pp. 194, 195.



KWAKIRANA UBWUZU KWA GIKRISTO

Iyaba imibereho yacu yo mu muryango n'imibanire yacu n'abandi byarangwaga n'ubugwaneza no kwiyorosha bya Kristo, twarushaho kwishima no kuba ingirakamaro. Mu mwanya wo kwiyuha akuya kugira ngo abantu baturebe, cyangwa ngo tubatere kudutangarira, cyangwa se ngo dutere abashyitsi badusura kwifuza ibyacu, dukwiriye gushishikarira gutuma abadukikije bose banezezwa n'ubugwaneza, impuhwe n'urukundo byacu. Nimutyo abashyitsi badusura babone ko dushishikajwe no gukurikiza ubushake bwa Kristo. Nubwo ibyacu byaba bicishije bugufi, nimutyo batubonemo umwuka w'umunezero no gushima. Umwuka uranga urugo nyakuri rwa Gikristo ni uw'amahoro n'umutuzo. Urugero rutangwa n'urugo nk'urwo ntiruzabura kwera imbuto. . . .

Mu muhati tugira kugira ngo abashyitsi bacu bagubwe neza kandi banezerwe, nimutyo twe kwirengagiza inshingano dufite ku Mana. Isaha yo gusenga ntikwiriye kwirengagizwa kubera ikindi cyahawe agaciro. Ntimukaganire cyangwa ngo muhugire mu kwishimisha kugeza ubwo abantu bose bananirwa cyane ku buryo batari bushimishwe n'ibihe byo gusenga. Gukora ibyo ni ugutambira Imana igitambo gicumbagira. Ku isaha ya kare ku mugoroba, igihe dushobora gusenga bitari hutihuti kandi mu buryo bwumvikana, dukwiriye kuzamura gusaba kwacu, kandi tukazamura n'amajwi yacu mu ndirimbo zishimishije zo gushima.

Nimutyo abantu bose basura Abakristo babone ko isaha yo gusenga ari iy'agaciro cyane, ko yera cyane ndetse ko ari isaha inejeje kurusha izindi zose z'umunsi. Ibyo bihe byo gusenga biha imbaraga iboneza kandi ikazahura ababyitabira bose. Bizana amahoro n'ikiruhuko kinejeje mu bugingo.¹


¹ *Review and Herald, November 29, 1887. [Urwibutso n'Integuza]*





Imico y'umuntu igaragazwa n'imyambarire ye. Kugira ibyo umuntu akunda biboneye n'intekerezo zijijutse bizagaragarira mu guhitamo imyambaro iciriritse kandi ikwiriye. Iyo ubutungane no kwiyoroshya mu myambarire bifatanyije no kugira imico myiza, bizasakara bikikize umukobwa umwuka w'uko yatoranyirijwe kuba uwera, ari byo bizamubera ingabo imukingira ibyago byinshi.¹

¹ Uburezi, pp.259,260



IBYANGOMBWA MU KUBAKA IMICO

Ni ingenzi ko abana n'abasore batozwa kurinda amagambo bavuga n'ibikorwa byabo; kubera ko imigirire yabo izana umucyo cyangwa umwijima, atari mu miryango yabo gusa, ahubwo no ku bo bahura nabo bose. Ariko mbere y'uko abasore bigengesera, bagatekereza neza kandi bakirinda kugaragarwaho n'ikibi icyo ari cyo cyose, bagomba kugira bwa bwenge bukomoka mu ijuru ndetse n'imbaraga zishobora gutangwa na Yesu wenyine. . . .

UMURIMBO NYAKURI

Abantu benshi bishyuka batekereza ko kugaragara neza inyuma n'imyambaro ishashagirana ari byo bizatuma bitabwaho mu isi. Ariko rero igihe imbaraga zireherezaho abantu zishingiye ku mwambaro w'inyuma gusa, bene izo mbaraga ntizihamye kandi zirahindagurika. Ntawe ukwiriye kuzishingikirizaho. Umurimbo Kristo aha abayoboke be ntuzigera ucuya. Kristo aravuga ati: "Umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma, uwo kuboha umusatsi, cyangwa uwo kwambara izahabu cyangwa uwo gukanisha imyenda: ahubwo ube uw'imbere, uhishwe mu mutima, umurimbo utangirika w'umwuka ufite ubugwaneza n'amahoro: ni wo w'igiciro cyinshi mu maso y'Imana." 1 Petero 3:3,4.

Iyaba igihe abasore batarariza mu kwirimbisha ubwabo ngo bagaragare neza inyuma ku mubiri cyakoreshwaga mu kuboneza ubugingo, kigakoreshwa mu kurimbisha imbere mu mutima, mbega itandukaniro ryagaragarira mu myitwarire yabo, mu magambo yabo n'ibikorwa byabo! Abashaka gukurikira Kristo by'ukuri bazagira gushishoza kuvuye ku mutima mu byerekeranye n'imyambaro bambara. Bazaharanira gukora ibisabwa n'iri tegeko ryeruye Umwami wacu yatanze. Amafaranga asesagurwa mu myambaro muri iki gihe azakoreshwa mu guteza imbere umurimo w'Imana no kuzuza mu ntekerezo zabo ubumenyi bw'ingirakamaro, bityo bo ubwabo babashe kuzuza ibyangombwa bibabashisha kujya mu nshingano zikomeye. Bazashaka uko buzuzwa ibyo Yesu Kristo abitezeho, we wabaguze igiciro kitagerwa.

Ncuti bana namwe basore, Yesu yakoze ibyho ashoboye byose kugira ngo abahe inzu mu mazu menshi ari gutegurira abamukunda kandi bamukorera kuri iyi si. Yasize urugo rwe rwo mu ijuru maze aza ku isi yangijwe n'icyaha, asanga abantu batigeze bamwishimira kandi batakundaga ubutungane bwe no kwera kwe, bakerenseje inyigisho ze kandi amahereze bakamwica urupfu rubi rw'abagome. "Imana yakunze abari mu isi cyane [bituma] itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Yohana 3:16.

ISURA Y'INYUMA

Imana ishaka ko muyitura kubwo igitambo gikomeye yabatangiye. Ishaka ko muba Abakristo, atari ku izina gusa, ahubwo no mu myambarire no mu biganiriro. Yifuza ko mwashimishwa no kwambara imyambaro iri mu rugero. Ntiyifuza ko mwambara imirimbo imeze nk'amababa cyangwa indi mitako itari ngombwa. Yifuza ko uko mwitwara kwashyira abantu mu buryo Ijuru rishobora kwemera. Mbese ncuti basore muzatitira ibyho Kristo abitezeho?

Isura igaragara inyuma akenshi ni cyo gipimo ngenderwaho cyerekana ibiri mu ntekerezo, bityo dukwiriye kwitondera ibimenyetso dushyira ahagaragarira ab'isi ngo bacire urubanza ukwizera kwacu. Dushaka ko mukurikira Yesu nk'abana bakundwa, kandi mu bintu byose bumvira ubushake bwe yagaragaje. Dushaka ko mushimisha Umucunguzi wanyu mushakana umwete wa murimbo w'imbere mu mutima. Bityo mufashijwena Yesu umunsi ku wundi, mubasha gutsinda inarirye. Ubwibone no gukunda kwigaragaza ntibizaba bikirangwa mu mitima yanyu no mu mibereho yanyu. Ubugwaneza no gukunda kwiyoroshya ni byo muzashishikarira. Ubwo ni bwo abasore bazahinduka ingabo za Kristo zigizwe n'abasirikare bakiranyuka.

Turiho mu bihe bishishana, ubwo abavugaga ko bakunda Imana kandi bakayubaha bayihakanira mu mibereho yabo ya buri munsi. "Kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impiya, birarira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera, badakunda n'ababo, batuzura, babeshyerana, batirinda bagira urugomo, badakunda ibyiza, bagambana, ibyigenge, bikakaza, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana, bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana imbaraga zako." 2Timoteyo 3:2. Ncuti basore, Imana ntishaka ko muboneka muri iri tsinda. Mushobora kwigira mu ijamba ryayo uko mwakwirinda ibi bibi, kandi ku iherezo mukazaba abaneshi...

"Kandi nabo bamuneshesheje amaraso y'Umwana w'Intama n'ijamba ryo guhamya kwabo." "Maze abubahaga Uwiteka baraganiraga, Uwiteka agatega amatwi, akumva; nuko igitabo kikandikirwa imbere ye cy'urwibutso rw'abubahaga Uwiteka, bakita ku izina rye." Malaki 3:16.

GUHAMYA KRISTO

Kuri mwe, ntibihagije gusa ko mwarwanya ko ikibi cyabagaragara, ahubwo mugomba kuja kure y'ibyo. Mugomba kwiga gukora ibyiza. Mugomba kwerekana Kristo mu batuye isi. Mukwiriye buri muni kuja mwiga uko mwakwitoza gukora imirimo y'Imana. Abayoboze ba Kristo bagomba kuba intumwa ze nzima, "zizwi kandi abantu bose bareba bagasoma ibyazo."

Ntabwo mushobora kugira imico myiza binyuze mu kuyifuza gusa. Imico myiza ishobora kugerwaho binyuze gusa mu gukora. Muri iki cyerekezo cyo kugira imico myiza, ibyo mwifuza bigomba kuvuganwa umuhati, kwinginga no gukorana umwete mwihanganye. Kubwo gutera intambwe buri muni mwurira urwego rwo kuja mbere, amaherezo muzisanga mu bushorishori bwawo. Muzasanga muri abaneshi, ndetse mubashishwe n'Uwabakunze kurushaho kunesha."¹

IMYIZERERE IREBERWA KU MYAMBARIRE

Ncuti basore, agatima mufite ko gushaka kwambara mukurikije ibigezweho, ndetse no kwambara ibikomo n'izahabu n'indi mirimbo kugira ngo mwigaragaze, ntabwo bene ako gatima kazatera abandi kuyoboka idini yanyu cyangwa ukuri muvuga ko mwemera. Abantu bafite gushishoza bazitegereza uko mugerageza kurimbisha isura y'inyuma maze bibe igihamba cy'uko mufite ibitekerezo bifite intege nke n'imitima y'ubwibone. Imyambaro yoroheje, iboneye, kandi ibakwiye ni yo nasaba bashiki bacu b'inkumi kuja bambara. Nta bundi buryo bwiza mwatuma umucyo wanyu umurikira abandi bwatuma kwiyoroshya kwanyu mu myambarire n'imyitwarire. Mushobora kwereka abantu bose ko muha agaciro gakwiriye iby'ubu bugingo mubigereranyije n'ibizahoraho."²

¹ *Youth's Instructor*, November 5, 1896. [Umwigisha w'Abasore]

² *Testimonies for the Church*, Vol.3, p.376. [Ibihamba by'Itorero]



IMYAMBARIRE N'IMICO

Kristo yagereranyije abayoboke be n'umunyu w'isi ndetse n'umucyo wayo. Hatabayeho imbaraga ikiza y'Abakristo, isi yarimbukira mu byaha byayo. Nimurebe itsinda ry'abavuga ko ari Abakristo, nyamara batagira icyo bitaho mu myambarire yabo no mu mibereho yabo. Nk'uko imyambarire yabo ibigaragaza, ntibashikamye mu byo bakora. Nta burere bagaragaza, nta rugwiro, kandi ni intumva n'ibihubutsi mu migirire yabo. Barangwa n'ubupfapfa mu biganiro byabo nyamara kandi bafata ko iyo mico y'impezamajyo ari yo iranga kwicisha bugufi nyakuri n'imibereho ya Gikristo. Mbese aho mutekereza ko Umukiza wacu abaye ari ku isi yabatunga agatoki yerekana ko ari umucyo ndetse n'umunyu w'isi? Oya, ntibishoboka rwose!


Mu biganiro byabo, Abakristo bahungukira ibitekerezo bizahura; kandi nubwo bizera ko gucishiriza ukajya mu bitwenge by'abapfapfa ari icyaha, barangwa n'urugwiro, ni abagwaneza n'abanyabuntu. Amagambo yabo ni ay'ukuri. Ni abiringirwa mu byo bagirira bagenzi babo bahuje kwizera ndetse n'ab'isi. Mu myambarire yabo birinda gukabya no kwiyerekana; ariko imyambaro yabo izaba iboneye, idashashagirana, icishirije, kandi iboneye ibereye amaso. Imyambaro ikwiriye kuzajya yitabwaho mu buryo bwihariye buzagaragaza imyitwarire yera imbere y'Isabato yera no kuramya Imana.

Umurongo utandukanya iryo tsinda n'ab'isi uzaba ugaragara neza cyane ku buryo ntawawibeshyaho. Igihe abagabo n'abagore bizera ukuri nyamara barigeze kuba abatagira icyo bitaho n'abanebwe mu mico yabo bazahuwe, kandi bakereshwa ukuri kugeza ku rwego rw'uko bubahiriza kubonera, gahunda ndetse n'ubwiza mu myambarire yabo, impinduka abizera bazateza zizaba nyinshi inkubwa cumi. Imana yacu ni Imana y'inyagahunda, kandi ntijya yishimira ibirangaza na gato, ntiyishimira umwanda n'icyaha.

UBURYO BWO KWITWARA KU BIGEZWEHO

Abakristo ntibakwiriye kwihandishaho imibabaro bihindura ibishungero bitewe no kwambara mu buryo butandukanye n'ab'isi.

Ariko, kubwo guhuza no kwizera kwabo n'inshingano yabo mu bijyanye n'imyambarire yabo iri mu rugero rukwiriye kandi ituma bagira amagara mazima, igihe bisanze bambara imyambaro itakigezweho, ntibakwiriye guhindura imyambaro yabo kugira bakunde base nab'isi. Ariko bakwiriye kugaragaza ukwishyira ukizana kurangwa no kwiubaha n'ubutwari mu mico mbonera bakora ibitunganye nubwo isi yose yaba itandukanye nabo. Isi nizana umudeli w'imyambaro iri mu rugero, ikwiriye kandi ituma abantu bagira amagara mazima ndetse ihuje n'inyigisho za Bibiliya, ntabwo kwambara bene uwo mudeli w'umwambaro bizahindura imibanire yacu n'Imana cyangwa uko twitwara ku b'isi. Abakristo bakwiriye gukurikira Kristo, kandi imyambaro yabo bakayisanisha n'ijambo ry'Imana. Bakwiriye kwirinda kuba abahezanguni. Bakwiriye gukurikira inzira igororotse badakebakeba batitaye ku gushimwa cyangwa se kugawa, kandi bakwiriye gushikama ku bitunganye bitewe n'ibyiza bibirimo.¹



¹ *Review and Herald*, January 30, 1900. [Urwibutso n'Integuza].

IMYAMBARO IKWIRIYE

Bibiliya yigisha kwambara imyambaro ikwiriye. “Kandi n’abagore ni uko, ndashaka ko bambara imyambaro ikwiriye.” 1Timoteyo 2:9. Aya magambo abuzanya kwigaragaza mu myambarire, amabara ashashagirana ndetse n’imirimbo y’akataraboneka. Akantu kose kagamije gukururira intekerezo z’abantu kwerekera ku wambaye bene iyo myambaro kandi kakabatera kumutangarira ntikarangwa mu myambarire ikwiriye dutegekwa n’ijambo ry’Imana.

KUDASESAGURA MU MYAMBARIRE

Imyambarire yacu ntikwiriye kuba ihenze, -kandi ntikwiriye kurimbishwa izahabu, cyangwa imaragarita, cyangwa imyenda y’igicro cyinshi. (1Timoteyo 2:9). Amafaranga ni indagizo twahawe n’Imana. Ntabwo ari ayacu ngo tuyakoreshe mu guhaza ubwibone bwacu cyangwa ibyo turarikira. Ahubwo amafaranga ari mu biganza by’abana b’Imana ni ibyokurya ku bashonji ndetse n’imyambaro ku bambaye ubusa. Ni ingabo ikingira abakandamizwa, akaba n’uburyo buhesha amagara meza abarwayi, ndetse ni n’igikoresho cyo kubwiriza abakene ubutumwa bwiza. Muramutse mukoresheje neza amafaranga mutanga mu kwiyerekana, mushobora kugeza ibyishimo ku mitima myinshi. Nimuzirikane imibereho ya Kristo. Mwige imico ye, kandi mufatanye nawe mu kwiyinga kwe.

Mu bavuga ko ari Abakristo hakoreshwa amafaranga menshi cyane atangwa mu mikufi cyangwa amasaro ndetse n’imyambaro ihenze cyane itari ikenewe, nyamara ayo mafaranga yagombaga kugaburira abashonje no kwambika abambaye ubusa. Imideri igezweho ndetse no gushaka kwiyerekana bitwara umutungo wagombye guhumuriza abakene n’abababazwa. Ibyo bituma abatuye isi batumva ubutumwa bwiza bw’urukundo rw’Umukiza...

GUKOMERA N’UBWIZA

Ariko nubwo imyambaro yacu igomba kuba ikwiriye kandi yoroheje, ikwiriye no kuba ikomeye ifite ubwiza n’amabara meza, ndetse ikaba

imyambaro ikwiriye mu murimo dukora. Ikwiriye gutoranywa kubera gukomera kwayo aho gushingira ku kuntu igaragara. Ikwiriye gususurutsa umuntu kandi ikamurinda uko bikwiriye. Umugore w'umunyabwenge avugwa mu Migani 31:21 ngo; "ntatinyishe abo mu rugo igihe cy'imbeho, kuko abo mu rugo bose bambaye ibikomeye by'imihemba."

UBUZIMA N'ISUKU

Imyambaro yacu ikwiriye kuba isukuye kandi iboneye. Kwambara imyambaro idasukuye bituma umuntu atagira amagara mazima, bityo bikanduza umubiri n'ubugingo. "Muri urusengero rw'Imana . . . Umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba." 1Abakorinto 3:16,17.

Mu biyiranga byose, imyambaro ikwiriye gutuma umuntu agira ubuzima bwiza. Imana yifuza ko tugubwa neza muri byose, tukaba bataraga. (3Yohana 2) -dufite amagara mazima haba ku mubiri no mu bugingo. Kandi tugomba kuba abakozi bakorana nayo kugira ngo bwaba ubugingo n'umubiri bibe bitaraga. Ibyo byombi bisigasirwa n'imyambarire ituma umuntu agira amagara mazima.

KWIYOROSHYA N'UBWIZA KAMERE

Imyambaro ikwiriye kurangwa no kwiyoroshya, ubwiza kandi igomba kuba ikwiriye, isanzwe, idakanganye kandi yoroheje.

Kristo yatuburiye kwirinda kwibona mu by'ubugingo, ariko ntiyatubujije kwishimira ubwiza bw'umwimerere. Yerekanye uburabyo bwo mu gasozi, yerekana uko bupfundura bugaragaza ubwiza bwabwo buzira amakemwa maze aravuga ati: "Kandi ndababwira yuko Salomo mu bwiza bwe bwose atarimbaga nk'akarabyo kamwe ko muri ubu" Matayo 6:29. Uko ni ko Kristo yifashishije ibintu biboneka mu byaremwe yagaragaje ubwiza Ijuru riha agaciro, agaragaza kwiyoroshya, ubutungane no kubonera bikwiriye gutuma imyambaro yacu imushimisha."¹

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp. 302, 302. [Inama ku Barezi, Ababyeyi, n'Abanyeshuri].

IMPINDUKA IMYAMBARIRE ITEZA KU BANDI

Ntabwo turwanya kwambara umuntu akaberwa. Ibyiza bitunganye ntibikwiriye gusuzugurwa cyangwa ngo bicirweho iteka. Nidushyira ukwizera kwacu mu bikorwa, kuzatuyobora ku kwambara neza kandi tugire n'ishyaka ry'imirimo myiza ku buryo tuzagaragara ko turi abantu b'umwihariko badasanzwe. Ariko iyo tutakirangwa no gukunda gahunda no kubonera mu myambarire, tuba dutandukanye n'ukuri kuko ukuri kutigera gutesha umuntu agaciro ahubwo kuramuzamura. Iyo abizera batita ku myambaro bambara, kandi bakambara imyambaro iteye nabi kandi idakeye, iyo migirire yabo yangiza ukuri [twaragijwe]. Intumwa Pawulo ahumekewe n'Imana yaravuze ati: "kuko twahindutse ibishungero by'ab'isi n'iby'abamarayika n'abantu" 1 Kor. 4:9. Ijuru ryose riba ryandika impinduka abavuga ko ari abayoboze ba Kristo bateza mu batuye isi . . .

Kwiyoroshya mu myambarire bizatera umugore utekereza neza kugaragara neza kurushaho. Tumenyera imico y'umuntu ku mideli y'imyambaro yambara. Umugore wiyubaha kandi wubaha Imana azambara yikwije kandi bitamuhenze. Umutima wo gukunda ibiboneye ndetse n'intekerezo zijijutse bizagaragarira mu guhitamo umwambaro woroheje kandi ukwiriye. Abakobwa b'inkumi bazacika ububata bwo gutwarwa n'imideli igezweho bazaba imirimbo itatswe mu muryango mugari w'abantu. Umuntu wiyoroshya kandi ntiyishushanye uko atari mu myambarire ye no mu migenzereze ye yerekana ko asobanukiwe ko umugore nyakuri arangwa no kwiha agaciro mu mico mbonera. Mbega uburyo kwiyoroshya mu myambarire bireshya abantu kandi bigashimisha, ndetse bikaba byagereranywa n'uburabyo bwo mu gasozi.¹

¹ *Review and Herald*, November 17, 1904. [Urwibutso n'Integuza]

KWIYOROSHYA MU MYAMBARIRE

“Umurimbo wanyu ntukabe uw’inyuma nko kuboha imisatsi, kwambara Ibyakozwe mu izahabu cyangwa se imyambaro y’akarusho. Ahubwo umurimbo wanyu ube uw’imbere mu mutima. Ni umurimbo udasaza w’ubugwaneza n’amahoro uwo ni wo ufite agaciro gakomeye ku Mana.”
1Petero 3:3,4. (BII)

Umuntu mu mitekerereze ye yagiye iteka ashaka kwihunza cyangwa kutita ku mabwiriza yoroheje kandi ataziguye yo mu ijambo ry’Imana. Mu bihe byose byagiye bibaho, benshi mu bavuga ko ari abayoboke ba Kristo bagiye birengagiza ayo mategeko asaba kwiyanga no kwicisha bugufi, kandi agasaba kwiyoroshyana no gucisha make haba mu biganiriro, imyitwarire ndetse no mu myambarire. Umusaruro wavuyemo wagiye uba umwe ari wo: gutandukira inyigisho z’ubutumwa bwiza ari byo biyobora abantu gukurikiza imideli, imigenzo n’amahame ab’isi bakurikiza. Kubaha Imana by’ukuri bisimburwa n’ubunyamihango bupfuye. Ubwiza bw’Imana n’imbaraga yayo byakuwe muri ayo matsinda yikundira iby’isi, ahubwo wabisanga mu itsinda ry’abaramya Imana bicishije bugufi, kandi bafite ubushake bwo kumvira inyigisho zo mu Ijambo Ryera. Abantu bagiye bakurikira iyi nzira uko ibisekuru byagiye bisimburana. Amatorero atari amwe yagiye avuka inkurikirane, kandi kubwo kureka kwiyoroshyana kwayo, yatakaje imbaraga yatangiranye ku rwego rukomeye.

UMUTEGO KU BWOKO BW’IMANA

Mu gihe tubona gukunda imideli y’ibigezweho no kwiyerekana mu bavuga ko bizera ukuri kugenewe iki gihe, mbese ntitwabazanya agahinda tuti: “Mbese ubwoko bw’Imana ntacyo buzigira ku mateka y’igihe cyashize?” Hariho bake cyane bisobanukirwa mu mitima yabo bwite. Abantu babaswe n’inarinjye kandi b’abapfapfa bakunda imideli igezweho bashobora kuvuga ko ari abayoboke ba Kristo; nyamara imyambarire yabo n’ibiganiriro byabo byerekana ibiri mu ntekerezo zabo ndetse n’ibibakurura. Imibereho yabo ihishura uko bikundura isi, kandi isi nayo ivuga ko ari abayo.

Mbese byashoboka bite ko umuntu wasogongeye urukundo rwa Kristo yanyurwa n'ubupfapfa bwo mu mideli igezweho? Umutima wanjye ubabazwa no kubona abavuga ko ari abayoboke b'Umukiza w'umugwaneza kandi woroheje mu mutima baharanira cyane gushaka gukurikiza urugero rw'ab'isi mu myambarire. Nubwo bavuga ko bubaha Imana, ntibyoroshye ko wabatandukanya n'abatizera. Ntabwo banezezwa n'ubuzima bw'iby'idini. Igihe cyabo n'ubutunzi bwabo babirindurira mu mugambi umwe ari wo wo kwambara kugira ngo bigaragaze.

Ubwibone no gukabya mu myambarire ni icyaha abagore by'umwihariko bakunze kugwamo. Kubera iyo mpamvu, itegeko intumwa Pawulo yatanze rireba umugore rigira riti: "Kandi n'abagore ni uko ndashaka ko bambara imyambaro ikwiriye, bakagira isoni birinda, kandi batirimbisha kuboha umusatsi, cyangwa izahabu, cyangwa imaragarita, cyangwa imyenda y'igiciro cyinshi, ahubwo birimbishishe imirimo y'ingeso nziza, nk'uko bikwiriye abagore bavuga yuko bubaha Imana." 1Timoteyo 2:9.

IVUGURURA RIKENEWE

Tubona ko ikibi ijamba ry'Imana riciraho iteka gishinga imizi mu itorerero. Mbese ku birebana n'iki kibazo inshingano y'abari mu myanya y'ubuyobozi ni iyihe? Mbese impinduka iterero rigomba guteza zizaba nk'uko zagombye kuba mu gihe benshi mu barigize bumvira ibyo imideli igezweho ibasaba aho kumvira ubushake bw'Imana busobanutse neza? Twakwitega dute kubana na Mwuka Wera no gufashwa na we mu gihe twemerera ibyo bintu kurangwa muri twe? Mbese dushobora guceceka kandi inyigisho za Kristo zarirengangijwe n'abavuga ko ari abayoboke be? Bene ibyo bintu bibabaza kandi bigahagarika umutima abafite inshingano yo kureberera itorerero ry'Imana. Mbese bagenzi banjye b'Abakristo kazi ubwabo ntibazatekereza kuri iyi ngingo buzuye ukuri kandi basenga? Mbesentibazashaka uko bayoborwa n'ijamba ry'Imana? Igihe cy'inyongera gikoreshwa mu kwirimbisha hakurikijwe imideli igezweho y'ab'isi bagombye kugikoresha binira mu mitima kandi biga Ibyanditswe Byera. Amasaha apfushwa ubusa birenze mu gutegura imirimbo itari ngombwa yagombye kugira agaciro karuta ak'izahabu iyaba yakoreshwaga mu gushaka kwigama amahame atunganye no kugera ku bikomeye. Iyo mbonye abakobwa b'inkumi bavuga ko ari abayoboke ba Kristo ariko mu bifatika batazi imico ye n'ubushake bwe, numva umutima umvuye mu gitereko. Abo basore banyuzwe no kwirira ibishishwa. Imirimbo ishashagirana y'isi igaragara ko ari iy'igiciro cyinshi kuri bo kurusha ubutunzi buzahoraho iteka. Imbaraga z'ubwenge zagombye gutezwa imbere no gutekereza ndetse no kwigama zemererwa kwibera aho ntacyo zikoreshwa, bityo ibyo bakunda ntibihabwe umurongo bigenderaho bitewe n'uko umwambaro w'inyuma ufatwa ko ari uw'agaciro kenshi kuruta umurimbo w'umwuka cyangwa imbaraga z'ubwenge.


UMURIMBO W'IMBERE MU MUTIMA

Mbese abayoboke ba Kristo bazashaka kugira umurimbo w'imbere mu mutima, bashake kurangwa n'umwuka w'ubugwaneza no kwiwigisha ibyo Imana ivuga ko ari iby'igicro cyinshi? Cyangwa bazapfusha ubusa amasaha make asigaye ngo igihe cy'imbabazi kirangire bahugiye mu mirimo idafite ishingiro yo gushaka kwiyerekana? Uwiteka yifuza ko umugore n'umukobwa bashaka ubudacogora uko batera imberé mu bwenge no mu mitima, bakunguka imbaraga z'ubwenge n'iz'imico mbonera kugira ngo babashe kurangwa n'ubuzima bw'ingirakamaro kandi bwuzuye ibyishimo, bakaba umugisha ku batuye isi kandi bagahesha n'icyubahiro Umuremyi wabo.

Ndifuzakubaza urubyiruko rw'iki gihe ruvugako rwizera ukuri kugenewe iki gihe niba kubwo kugendera mu kuri rwitandukanya n'inarinjye. Igihe mu by'ukuri bifuje umwambaro runaka, cyangwa umurimbo runaka cyangwa ikibashimisha runaka, mbese icyo bifuza bagishyira imbere y'Uwiteka mu isengesho kugira ngo bamenye niba Mwuka w'Uwiteka yemera ubwo buryo bagiye gukoreshamo umutungo? Mbese mu gihe bategura imyambaro yabo, baba bigengesera ku buryo batakoza isoni kwizera kwabo? Mbese basaba guhabwa umugisha w'Uwiteka kubw'icyo gihe bakoresheje batyo? Kwinjira mu itorero ni ikintu kimwe, ariko kandi komatana na Kristo ni ikindi. Abavuga ko ari abanyedini ariko bikundira iby'isi kandi batejewe ni bamwe mu mpamvu zikomeye cyane ziteza intege nke mu itorero rya Kristo.

Muri iki gihe isi igezemo, hari ubusazi bw'indengakamere bwo gushaka ibinezeza. Gusayisha no gusesagura nta rutangira biganje ahantu hose. Imbaga y'abantu benshi ifite inyota yo kwishimisha. Intekerezo zuzura ubupfapfa ntizigire n'ireme betewe n'uko zitamenyerejwe gutekereza zituje, cyangwa kwiga. Gutwarwa n'amarangamutima yuzuye ubupfapfa byabaye gikwira. Imana isaba ko umuntu wese yakuzuzwa intekerezo zihamye, agatunganywa, akazahurwa kandi agahabwa umwanya w'icyubahiro. Nyamara incuro nyinshi intambwe yose ifite agaciro irirengagizwa igasimbuzwa kwiyekekanira mu bigezweho ndetse n'ibinezeza bidafite ireme. Abagore n'abakobwa bemerera imitima yabo kurarikira no kugwabizwa n'imideli igezweho, bityo bagahinduka umuvumo mu muryango mugari aho kuba umugisha.¹

¹ *Review and Herald, December 6, 1881. [Urwibutso n'Integuza].*



KURAMYA IBIGIRWAMANA KUBA MU MYAMBARIRE

Gusenga ibigirwamana kuba mu myambarire ni indwara yibasiye imico y'abantu. Ntabwo iyi ndwara igomba kwinjizwa mu bugingo bushya. Akenshi kumvira ibyo ubutumwa bwiza busaba bizasaba umuntu kugira impinduka zidasubirwaho mu myambarire.

Ntabwo hakwiriye kubaho kutagira icyo bitaho mu myambarire. Kubera Kristo tubereye abahamya, twari dukwiriye guharanira kugaragara neza. Mu murimo wo mu ihema ry'ibonaniro, Imana yari yaravuze utuntu twose turebana n'imyambaro y'abakorera imbere yayo. Muri ubwo buryo, twigishwa ko Imana ifite ibyo ikunda kandi yemera mu bigendanye n'imyambarire y'abayikorera. Ku byerekeye amakanzu ya Aroni, hatanzwe amabwiriza yihariye kubera ko imyambaro ye yari ifite icyo ishushanya. Muri ubwo buryo imyambaro y'abayoboke ba Kristo ikwiriye kuba ifite icyo ishushanya. Tugomba kuba abahagarariye Kristo kandi bamugaragaza muri byose. Uko tugaragara mu ngeri zose [z'ubuzima] bikwiriye kurangwa no kubonera, kwiyoroshya n'ubutungane. Ariko rero ijamba ry'Imana ntiriyemera kugira impinduka zikorwa mu myambarire bitewe gusa no gushaka imideli igezweho, kugira ngo tubashe gusa n'ab'isi. Ntabwo Abakristo bagomba kurimbishisha umubiri imyambaro y'akataraboneka cyangwa imirimbo ihenze.

Amagambo Ibyanditswe Byera bivuga ku myambaro akwiriye kwitabwaho mu bushishozi. Dukeneye gusobanukirwa n'ibinyura Umwami w'ijuru n'iyi haba mu bijyanye n'imyambarire y'umubiri. Abantu bose bashishikariye gushaka ubuntu bwa Kristo bazumvira amagambo y'agaciro kenshi akebura yahumetswe n'Imana. Ndetse n'umudeli w'umwambaro uzagaragaza ukuri k'ubutumwa bwiza.¹

¹ Testimonies for the Church," Vol.6, p.96. [Ibihamya by'Itorero]



UMURIMBO NYAKURI

Gusesagura kutarangwamo imico mbonera kuraganje ahantu hose, kandi abantu barajya mu irimbukiro bitewe no gukunda imyambaro no kwiyerekana. Imibereho y'abantu icyenda mu icumi biyeguriye imideri igezweho yubatswe ku kinyoma gisa. Kubeshya n'uburiganya ni byo bakora buri muni bitewe n'uko baba bashaka kugaragara uko batari.

Ubupfura, kwiyoroshya n'ubugwaneza byaguranwe kunezeza irari ry'ibibi. Abantu ibihumbi byinshi bagurisha ubupfura bwabo kugira ngo babashe kubona uburyo bwo kwikurikirira imideli igezweho y'ab'isi. Ubwo busazi bwerekeye guhinduranya imideli y'isi bwari bukwiriye guhagurutsa ingabo z'abagorizi bazahagarara mu birindiro byabo bagashyigikira imyambaro yoroheje kandi ikwiriye. Satani ahora avumbura imideli abantu batakurikiza bitanyuze gusa mu gutanga amafaranga yabo, igihe ndetse n'ubuzima ubwabwo.

GUKURIKIZA AB'ISI

Mu gihe tumaze kubona ishusho yo gusesagura kutarangwamo imico mbonera kuranga ab'isi mu byerekeye imideli igezweho, ni gute abavuga ko ari Abakristo bahangara gukurikiza inzira y'ab'isi? Mbese tuzagaragara ko dushyigikiye iyo mideli itarangwamo imico mbonera tuyambara natwe? Abantu benshi bayoboka imideli igezweho y'ab'isi, ariko ibyo biterwa n'uko Kristo, We byiringiro by'ubwiza atari muri bo. Imibereho irangwa no gusesagura ndetse no gukabya mu myambarire yageze ku rwego rw'uko ibyo bihinduka bimwe mu bimenyetso biranga iminsi ya nyuma.

Ubwibone no kwiyemera bigaragara ahantu hose; ariko abantu batwawe no kwireba mu ndorerwamo kugira ngo bihimbaze, ntibita ku guca bugufi ngo barebe mu mategeko y'Imana kandi ari yo ndorerwamo ikomeye. Uku guhindura imyambaro ibigirwamana kurimbura ingeso yose yo kwicisha bugufi, ubugwaneza n'urukundo mu mico y'umuntu. Ibyo bitwara abantu amasaha y'agaciro yagombye gukoreshwa mu gutekereza byimbitse, mu kwinira mu mutima ndetse no mu kwiga ijambo ry'Imana basenga. Mu ijambo ryayo ryahumetswe Imana yandikishijemo ibyigisho bigomba kuduhugura mu buryo bwihariye

Gutwarwa n'inyambaro bimara umutungo wari ugenewe gukora imirimo y'impuhwe n'ubugwaneza, kandi uku gusesagura amafaranga ni ukwiba Imana. Ntabwo umutungo dufite ushobora guhaza umutima w'ubwibone no gukunda kwigaragaza. Tugomba kuba igisonga bikiranuka, kandi tukambika abambaye ubusa, tukagaburira abashonji, kandi tugatanga umutungo wacu kugira ngo duteze imbere umurimo w'Imana. Niba dushaka umurimbo, impano z'ubuganeza, kwicisha bugufi, kwiyoroshya no kwitonda usanga bene izo mpano zibereye umuntu wese wo mu rwego rwose n'uko yaba ariho kose.


Mbese ntituzahagarara mu mwanya wacu nk'abarinzi bakiranuka, maze kubw'itegeko dukurikiza n'urugero dutanga tukarambika hasi gushayisha mu gutagaguza umutungo no kuwusesagura biranga iki gihe turimo kirangwa no kononekara? Mbese ntituzaha abasore bacu urugero rwiza, kandi igihe twaba turya cyangwa tunywa, cyangwa dukora ikindi cyose tukagikorera guhimbaza Data wo mu ijuru?"¹

¹ *Review and Herald, December 12, 1912. [Urwibutso n'Integuza].*

IKIRUHUKO NO KWIDAGADURA

Hari itandukaniro hagati y'ikiruhuko no kwidagadura. Ukurikije ubusobanuro nyakuri bw'ijambo "ikiruhuko" mu rurimi rw'Icyongereza, usanga rishatse kuvuga "kongera kuremwa", kandi ibyo biha imbaraga umubiri ndetse bikawubaka. Ikiruhuko gituma dushyira iruhande ibyo twari duhugiyemo n'ibyari biduhagaritse umutima, maze kigatuma intekerezo n'umubiri bigarura ubuyanja, bityo kigatuma tugarukana imbaraga zo gukora imirimo yacu isanzwe. Ku rundi ruhande, kwidagadura bikoranwa umugambi wo kwinezeza kandi akenshi birakorwa maze abantu bakarenza urugero. Bene ibyo bitwara imbaraga z'umubiri zasabwaga ngo babashe gukora umurimo w'ingirakamaro, bityo bikaba imbogamizi zituma ubuzima butagera ku ntego yabwo nyakuri.¹

¹ Uburezi, p.217



AKAMARO K'IKIRUHUKO

Abakristo bakwiriye kuba ari abantu banezerewe kandi bishimye kurusha abandi. Bashobora kuzirikana neza ko Imana ari umubyeyi wabo n'incuti yabo y'ibihe byose.

Ariko benshi mu bavuga ko ari Abakristo ntibagaragaza idini ya Gikristo uko bikwiriye. Bagaragara bacuze igihunya nk'aho batwikiriwe n'igicu cyijimye. Bakunda kuvuga iby'ibitambo bikomeye batanze kugira ngo bahinduke Abakristo. Babwira abatarakira Yesu bitangaho urugero rwabo bwite ndetse n'ibiganiro byabo bababwira ko bagomba kureka ibintu byose byatuma ubuzima bushimisha kandi bukaba bunejeje. Ibyiringiro by'umugisha bya Gikristo babitwikiriza umwambaro w'umwijima. Ishusho itangwa ni iy'uho ibyo Imana isaba ndetse n'umuntu ufite ubushake ari umutwaro uremereye, ndetse ko ikintu cyose gishobora gushimisha cyangwa cyagombaga kunezeza kigomba kurekwa rwose.

Ntabwo turingimiranya kuvuga ko iri tsinda ry'abavuga ko ari Abakristo badafite ukuri nyakuri. Imana ni urukundo. Uguma mu Mana aguma mu rukundo. Binyuze mu byo bimenyeye ubwabo, abantu bose bahuye n'urukundo n'impuhwe bya Data wo mu ijuru bazakwiza umucyo n'ibyishimo aho bashobora kuba hose. Kubaho kwabo n'impinduka bashobora gutera bizabera abo bahura nabo nk'impumuro y'uburabyo bwiza, bitewe n'uko bomatanye n'Imana n'ijuru, kandi ubutungane n'ubwiza buhebuje by'ijuru bizagezwa ku bantu bose bahura nabo binyujijwe muri bo. Ibi bituma baba umucyo w'isi ndetse n'umunyu w'isi. Baba rwose impumuro y'ubugingo itanga ubugingo, ntibabe impumuro y'urupfu izana urupfu.

IKIRUHUKO CYA GIKRISTO

Ni amahirwe ndetse n'inshingano by'Abakristo gushaka uko basubiza ubuyanja mu bugingo bwabo kandi n'imibiri yabo bakayongerera imbaraga binyuze mu kiruhuko cyiza, ndetse bafite umugambi wo gukoresha imbaraga zabo z'umubiri n'iz'ubwenge kubw'icyubahiro cy'Imana. Ibiruhuko n'imyidagaduro byacu ntibikwiriye kuba umwanya w'ibitwenge

by'ubupfapfa. Dushobora kubikora mu buryo buzagirira akamaro abo duhura nabo kandi bukabazahura, ndetse bigatuma twe nabo dusohoza neza inshingano twahawe nk'Abakristo.

Nta rwitwazo twagira imbere y'Imana niba tujya mu myidagaduro n'ibinezeza bituganisha kuba abantu badakwiriye gukora inshingano zisanze dufite mu buzima dukiranutse, kandi kubw'ibyo tugacogozwa ubwuzu dufitiye guhanga amaso Imana n'ibyo mu ijuru. Mu mpinduka iteza, idini ya Kristo n'iy'umunezero kandi irazahura. Irenze ibintu byose byo gukora ibimenyetso by'ubupfapfa no gutebya, ndetse n'utugambo tw'ubupfapfa. Mu bihe tugira byose byo kuruhuka no kwidagadura, dushobora gukura ubutwari n'imbaraga mu Isoko mvajuru y'imbaraga, kugira ngo tubashe kuzahura ubugingo bwacu maze bugere ku kubonera, kubaha Imana by'ukuri ndetse no kwera.

GUKUNDA IBYIZA BINOGYE AMASO

Ndetse n'Imana ikomeye ikunda ibyiza binogeye amaso. Ibi yabiduhayeho ibihanywa bidashidikanywaho mu mirimo y'intoki zayo. Ababyeyi bacu ba mbere yabateraye ubusitani bwiza cyane mu ngombyi ya Edeni. Imana yamejeje ibiti by'inganzamarumbo by'amoko yose bitutumuka mu gitaka kugira ngo bizabe ingirakamaro kandi bizabe n'umurimbo. Indabo nziza cyane z'ubwiza butagereranywa ndetse z'amoko yose zararemwe maze zuzuzwa umwuka wo mu kirere impumuro yazo. Inyoni ziririmba amajwi neza y'urusobe kandi zifite amabara atari amwe, zunze amajwi yazo ziririmba indirimbo y'ibyishimo zisingiza Umuremyi wazo. Byari umugambi w'Imana ko umuntu yabonera umunezero mu murimo wo kwita ku byo Imana yaremye, kandi ko ibyo akenera byakemurwa n'imbuto z'ibiti byo mu murima wa Edeni.

Imana yaremye urugo rw'ababyeyi bacu ba mbere muri Edeni ikaruha ubwiza butagereranywa, ni nayo yatanze ibiti by'inganzamarumbo n'uburabyo bwiza cyane ndetse n'ikindi kintu cyiza cyose kiboneka mu byaremwe kugira ngo bitunzeze. Yaduhaye ibyo bimenyetso by'urukundo rwayo kugira ngo tubashe kugira ishusho itunganye y'imico yayo.

Imana yashyize mu bana bayo umutima wo gukunda ibyiza binogeye amaso. Ariko benshi bafashe uru rukundo uko rutari. Ibyo abantu bunguka ndetse n'ibyiza binogeye amaso Imana yaduhaye ni byo abantu baramya, mu gihe Imana Rugaba w'ubwiza butagereranywa we abantu bamwibagiwe. Uku ni ukudashima kuzuyemo ubupfapfa. Twari dukwiriye kubona urukundo Imana idukunda mu byo yaremye byose, kandi imitima yacu yari ikwiriye kugira icyo yitura kuri ibyo bihamya by'urukundo rwayo nayo ikunda Imana urukundo ruhebuje ruvuye ku mutima kandi rwera.

UMUHANZI W'ICYATWA

Imana yadukikije ibyiza binogeye amaso biri mu byaremwe kugira ngo bikurure intekerezo zacu kandi bizishimishe. Ni umugambi w'Imana ko twagombye guhuza imico yayo n'ibyiza bihebuje biboneka mu byaremwe. Nitwiga neza igitabo cy'ibyaremwe, tuzabona ko ari isoko nziza itera umuntu kwitegereza urukundo rw'Imana rutagerwa n'imbaraga zayo.


Abantu benshi basingiza ubuhanga mu by'ubugeni bukora amashusho meza cyane. Abantu benshi cyane barundurira imbaraga zose z'ubuzima bwabo mu mirimo y'ubugeni, nyamara se mbega uburyo iyo mirimo y'ubugeni idafite aho ihuriye n'ibyaremwe by'umwimerere! Ubugeni ntibushobora na rimwe kugera ku gutungana tubona mu byaremwe by'umwimerere. Abantu benshi bavuga ko ari Abakristo bazatangazwa cyane n'igishushanyo cyakozwe n'umunyabugeni cyerekaan izuba rirenga. Baramya ubuhanga bw'umunyabugeni; ariko birengagiza izuba ry'akarengarenga ribonerana baja bagira amahirwe yo kwitegereza buri mugoroba ukenkemuye utarangwamo ibicu.

Mbese umunyabugeni akura he ishusho agenderaho? Ntayikura mu byaremwe. Ariko Umuhanzi w'icyatwa we yashushanyije ku ijuru, ahataka urunyuranyurane rw'ubwiza bw'izuba rirenga. Ikirere yacyambitse kandi agikenyeza izahabu, ifeza n'amabara atukura kikagaragara nk'aho amarembo y'ijuru akinguwe kugira ngo tubashe kubona ukurabagirana kwaryo, ndetse intekerezo zacu zibashe gusingira ubwiza buhebuje bwo mu ijuru ubwaho. Abantu benshi batera umugongo iyi shusho y'ijuru berekwa bityo ntibayiteho. Ntibashobora kubona urukundo rutagerwa n'imbaraga z'Imana mu bwiza bw'agahozo babona mu kirere, ahubwo baja batwarwa igihe bitegereje kandi bakaramya ibishushanyo bidatunganye byakozwe higanwe Umuhanzi w'icyatwa.¹

KUBURA IBYANGOMBWA BIBASHISHA GUTSINDA IBISHUKO

Ntimugatekereze ko mushobora kwifatanya n'abakunda kwishimisha, abakunda gutebya ndetse bakunda ibinezeza ngo na none mushobore gutsinda ibishuko²

¹ Review and Herald, July 25, 1871. [Urwibutso n'Integuza].
² The Signs of the Times, June 20, 1900. [Ibimenyetso by'Ibihe]



GUKUNDA IBINEZEZA BY'ISI

Ni ukuri kubabaje kubona ko gukunda iby'isi biganje mu ntekerezo z'abasore. Benshi bitwara nk'aho amasaha y'agaciro kenshi y'igihe cy'imbabazi, (aho imbabazi z'Imana zikinginga) ari ikiruhuko kinini, kandi nk'aho bashyiriwe mu isi kwinezeza gusa, ngo bahore bashimishwa no gutwarwa no gusamara. Babonera ibibanezeza mu isi no mu by'isi, kandi ni abanyamahanga kuri Data wa twese no ku mpano za Mwuka We. Benshi mu biganiro byabo bavuga batitaye ku ngaruka zabivamo. Birengagiza ko bazatsindishirizwa cyangwa bagacibwaho iteka n'amagambo yabo. Kubw'ubupfapfa n'ibiganiro n'ibitwenge bidafite ishingiro kandi by'ubusabusa biranga imibereho y'abasore benshi, Imana irasuzugurwa. . . .

Satani akoresha umuhati wihariye kugira ngo abashore mu kubonera ibyishimo mu binezeza by'isi, ndetse no kwisobanura baharanira kwerekana ko ibyo binezeza ntacyo bitwaye, nta kibi kibirimo, ndetse ko ari ingenzi ku buzima. Satani agaragaza ko inzira y'ubutungane igoye mu gihe inzira z'ibinezeza by'isi zo zinyanyagijwemo uburabyo bwiza.

Satani agaragariza abasore isi n'ibinezeza byayo yayisigiriye amabara y'ikinyoma kandi akurura. Nyamara ibinezeza by'isi bizagira iherezo vuba bidatinze, kandi ibyo umuntu yabibye ni byo azasarura. Mbese ibikurura umuntu, ubushobozi afite n'impano ze ni iby'agaciro kenshi ku buryo atabyegurira Imana, yo soko yo kubaho kwacu kandi ikaba itwitaho buri kanya? Mbese aho ibituranga byaba ari iby'agaciro kenshi ku buryo tutabyegurira Imana?

INZIRA Y'UBWENGE

Akenshi abasore bavuga ko baba bakeneye ikintu cyo gushimisha no kurangaza intekerezo. Nyamara igikenewe ni ibyiringiro bya Gikristo. Idini izahumuriza umwizera, kandi imubere umuyobozi utayobya umujyana kuri Soko y'umunezero nyakuri. Abasore bakwiriye kwiga ijambo ry'Imana, bakitangira gutekereza ku ijambo ry'Imana no gusenga. Bazabona ko ibihe baba bafite byo gupfusha ubusa bidashobora gukoreshwa neza. Inzira z'ubwenge "ni inzira z'ibinezeza; kandi imigendere yabwo yose ni iy'amahoro." Imigani 3:17.

Mu rwandiko Pawulo yandikiye Tito, ahugurira abasore kurangwa no kwirinda agira ati: "N'abasore ni uko ubahugure kudashayisha, wiyerekane muri byose nk'icyitegerereze cy'imirimo myiza, kandi mu iyigisha ryawe ugaragaze uko uboneye udapfa gutera waraza, n'ijambo ryawe ribe rizima ritariho umugayo, kugira ngo umuntu uri mu ruhande rw'ababisha amware atabonye ikibi yakuvuga." Tito 2:6-8.

Ndinginga abasore kubw'ubugingo bwabo, kugira ngo bumvire impuguro Pawulo atanga. Ayo mabwiriza yose meza cyane, n'imiburo no gucyaha bizaba impumuro y'ubugingo itanga ubugingo cyangwa impumuro y'urupfu izana urupfu.

Ubusanzwe abasore bakunze kwiyumvamo ko nta nshingano zikomeye bafite, nta kwita ku bandi, cyangwa kwikorera imitwaro ibaremereye bitezweho. Ariko buri wese afite inshingano yo kugera ku rugero ngenderwaho Bibiliya itanga. Umucyo umurikira mu mahirwe n'inzira zibakinguriwe mu murimo wo kwamamaza ijambo ry'Imana, mu nama, imiburo no gucyahwa, ibyo byose bizatunganya imico, cyangwa se bicireho iteka abatagira icyo bitaho. Uyu mucyo ugomba gukundwa cyane n'abasore kimwe n'abakuze. None se ni bande bazahagararira Imana, bakaba biyemeje guha umurimo wayo umwanya wa mbere mu buzima bwabo? Ni bande bazikorera imitwaro?

"Ujye wibuka Umuremyi wawe mu minsi y'ubusore bwawe." Umubwiriza 12:1. Yesu yifuza ko abagifite itoto ry'ubuto bamukorera. Yifuza ko bazaragwa kudapfa. Bashobora gukura bakaba abagabo n'abagore b'imfura nubwo hariho kwangirika kw'imico mbonera kwabaye gikwira, ndetse kwangiza benshi mu rubyiruko igihe baba bakiri bato. Bashobora kubonera umudendezo muri Kristo, bakaba abana b'umucyo, ntibabe ab'umwijima.

Imana irahamagarira umuhungu n'umukobwa wese kuzibukira ingeso mbi yose, ntakebakebe mu byo akora, akamaramaza mu mwuka, kandi agakorera Umwami Imana. Ntabwo abasore n'inkumi bakwiriye kuguma mu bunebwe badashyira umuhati mu gutsinda ingeso mbi cyangwa mu kurushaho kwitwara neza. Ukuri kw'amasengesho basenga kuzagaragazwa n'imbaraga z'umuhati bakoresha kugira ngo bumvire amategeko y'Imana. Ku ntambwe yose batera, bashobora kwamagana ingeso mbi kandi ntibifatanye n'ibibi, bizeye ko kubw'imbaraga y'Umwuka w'Imana, Uwiteka azabaha imbaraga zo kunesha.

GUKIRANUKA MU TUNTU DUTO

Umuhati uhoraho w'umuntu ku giti cye kandi ushyize hamwe uzagororerwa maze agere ku ntego yiyemeje. Abantu bifuza gukora ibyiza byinshi muri iyi si yacu bagomba kuba bafite ubushake bwo kubikora mu nzira Imana ishaka, bakora utuntu duto. Umuntu wifuza kugera ku rwego ruhanitse mu byo akora akoresheje gukora ikintu gikomeye cyane kandi cy'agatangaza, ntabazashobora kugira icyo akora.

Gutera imbere udukebakaba mu gukora umurimo mwiza, guhora umuntu akora umurimo akiranutse akajya awusubiramo kenshi ni iby'agaciro karuseho mu maso y'Imana kuruta gukora umurimo umwe ukomeye. Bene uko gutera imbere gutuma urubyiruko ruvugwaho neza, kandi bigaha umuhati wabo imico runaka . . .

Abasore bashobora gukora ibyiza igihe bakorana umwete mu murimo wo gukiza abantu. Imana izababaza uko bakoresha impano yabahaye. Nimutyo abavuga ko ari abahungu n'abakobwa b'Imana baharanire kugera ku rugero ruhanitse. Nimutyo bakoreshe ubushobozi bwose Imana yabahaye.¹

IBYIFUZO BITASUBIJWE

Guhora umuntu yifuza ibinezeza bihishura ibyifuzo bikomeye by'ubugingo. Ariko abanywa kuri iyi soko y'ibinezeza by'isi bazabona ko imitima yabo ifite inyota itigera inyurwa. Barishuka, bitiranya umunezero no gutwarwa n'ibyishimo by'igihe gito; maze igihe gutwarwa kurangiye benshi borama mu bwihebe no kubura ibyiringiro. Mbega ubusazi, mbega ubupfapfa bwo kwanga "Isoko y'amazi abeshaho" ukayigurana "ibitega bitobotse" by'ibinezeza by'isi!"²

UMWANYA WO GUHAMYA YESU

Niba uri uwa Kristo by'ukuri, uzagira umwanya wo kumuhamya. Uzararikirwa kujya ahantu hari ibirori byo kwishimisha, bityo icyo gihe kizaba ari igihe n'amahirwe ubonye byo guhamya Umwami wawe. Bityo rero niba uri indahemuka kuri Kristo, ntabwo uzagerageza gushaka inzitwazo zo kutitabira kujya aho hantu, ahubwo uzavugana ubwitonzi werure ko uri umwana w'Imana, ndetse amahame ugenderaho atakwemerera kuba ahantu utashobora kurarika Umwami wawe ngo aze muhabane n'iyi byaba incuro imwe.³

¹ The Youth's Instructor, January 1, 1907. [Umwigisha w'Urubyiruko]
² "Fundamentals of Christian Education," p.422. [Amahamashingiro y'uburezi bwa Gikristo.]
³ The Youth's Instructor, May 4, 1893. [Umwigisha w'Abasore]

AMAGAMBO ATANGA INAMA

Biri muri gahunda y'Imana ko gutoza imbaraga z'umubiri ndetse n'iz'ubwenge bikwiriye gukorwa; ariko imyitozo ngororamubiri ikorwa ikwiriye kuba itabusanya rwose n'inyigisho Kristo yahaye abigishwa be. Ibyo byigisho bikwiriye kugaragarira mu mibereho y'Abakristo, kugira ngo mu burere bwose abarimu batanga ndetse no mu kwiwigisha kw'abanyeshuri ingabo zo mu ijuru ze kubandikaho ko "bakunda ibibanezeza." Ibyandikwa ku bantu benshi ni ibi ngo: "Bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana." 2Timoteyo 3:4.

Uko ni ko Satani n'abadayimoni be bagenda batega abantu imitego. Bagenderera ubwenge bw'abigisha n'abanyeshuri kugira ngo babatere kujya mu myitozo ngororamubiri n'ibishimisha birushaho kubatwara umutima, kandi biba bigamije gushimangira kwifuza kubi, ndetse no gutera abantu irari no kwifuza kuzabera inkomyi Mwuka w'Imana ngo adakorera mu mitima y'abantu.

Abarimu bose b'ishuri baba bakeneye imyitozo ngororamubiri bagahindura imirimo bakoraga. Imana yagaragaje uko ibyo bikwiriye kumera, - iyo myitozo ikwiriye kuba ari ingirakamaro, kandi ari imirimo bakora ifatika. Nyamara benshi bateye umugongo umugambi w'Imana bikurikirira ibihimbano by'abantu, ari nako bangiza ubugingo bw'iby'umwuka. Imikino n'ibinezeza biragenda bikora byinshi mu kubangamira imikorere ya Mwuka w'Imana kurenza ibindi byose, kandi ibyo bibabaza Imana...

"Mwirinde ibisindisha, mube maso; kuko umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga, ashaka uwo aconshomera." 1Petero 5:8. Satani aba ari ku kibuga kiberaho imikino, yitegereza kwishimisha kwanyu, bityo agafata mpiri umuntu wese asanga atari maso, akabiba imbuto ze mu mitima y'abantu, ndetse akigarurira intekerezo zabo. Mu myitozo yose ikorerwa mu ishuri aba ahari. Abanyeshuri bemerera intekerezo zabo gutwarwa cyane n'imikino ntabwo baba bari mu mwanya mwiza wo kwakira amabwiriza, inama no gucyahwa biba ari ingenzi kuri bo.

Imyitozo ngororamubiri yavuzwe n'Imana nyir'ubwenge. Buri muni amasaha amwe akwiriye gukoreshwa mu kwiga ibintu by'ingirakamaro

bijyana n'umurimo bizafasha abanyeshuri kwiga inshingano zo mu buzima bw'ibifatika ndetse y'ingenzi ku basore bose.

Muri buri shuri no muri buri kigo cyose, birakenewe ko buri wese aba nk'uko Daniyeli yari ameze, ku buryo yomatana na Soko y'ubwenge bwose kugirango azabashishwe kugera ku rugero ruhanitse mu bintu byose. Gukunda Imana no kuyubaha byabaga imbere ya Daniyeli; kandi kubwo kuzirikana kubaha Imana kwe, yamenyereje imbaraga ze zose gukora uko bishoboka kose zikita ku kwitabwaho kuje urukundo yagirirwaga n'Umwigisha mukuru. Ba basore bane b'Abaheburayo ntibajyaga kwemerera kwikunda ndetse no gukunda ibinezeza gutwara ibihe byo mu buzima bwabo byari bifite agaciro nk'ak'izahabu. Bakoranaga umutima ukunze ndetse n'intekerezo ziteguye gukora. Ntabwo uru ari urugero ruhanitse cyane rurenze urwo umusore w'Umukristo wese atageraho.¹

¹ "Counsels to Teachers, Parents, and Students," pp. 281-284. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri].

IBIKINO BITEZA ABASORE AKAGA

Kwifuza gusamara n'ibikino by'ibinezeza ni ikigeragezo n'umutego ku bwoko bw'Imana, ariko by'umwihariko ku basore. Satani ahora ategura ibireshya bigamiye guteshura intekerezo ku murimo ukomeye wo kwitegura ibigiye kubaho mu gihe kiri imbere. Satani abinyijije mu bantu batwawe n'iby'isi, akomeza kuzana ibitera gutwarwa no gusamara kugira ngo atere abadashishoza kwifatanya n'abandi mu binezeza by'isi. Habaho amamurikagurisha, inyigisho zitandukanye ndetse n'ibirangaza by'amoko atabarika bigambiriye gutera abantu gukunda isi; kandi binyuze muri uku kwifatanya n'isi, usanga ukwizera kugira intege nke.

Satani ni umukozi utajya atezuka, ni umwanzi gica kandi ufite amayeri menshi. Igihe cyose ijamba ritarangwamo gushishoza rivuzwe, haba mu gushyeshya cyangwa gutera urubyiruko gufata ko ibyaha bimwe atari ibyo kwangwa urunuka, Satani aboneraho urwaho maze akavomerera imbuto mbi kugira ngo ishinge imizi kandi yere umusaruro mwinshi cyane. Mu busobanuro bwose bw'ijamba rivuzwe usanga Satani ari umushukanyi kandi afite imbaraga ikurura mu buhanga bwinshi. Afite inshundura nyinshi ziboshywe neza kandi zigaragara ko nta kibazo ziteye, nyamara zarateguranywe ubuhanga kugira ngo zifate abasore n'abatagira icyo bitaho. Umutima wa kamere uhengamira mu binezeza no kwishimisha. Satani afite umurongo ngenderwaho yihaye wo kuzuza intekerezo z'abantu kwifuza kwidagadura no kwishimisha by'ab'isi kugira ngo umuntu abure igihe cyo kwibaza iki kibazo ngo: Mbese ubugingo bwange bumeze bute?

IGIHE KIBI CY'AMAKUBA

Turiho mu gihe kibi cy'amakuba ku basore. Umwuka uganje mu muryango mugari w'abantu ni ukingurira amarembo kwemerera abasore gukurikira ibya kamere imitima yabo irarikira. Igihe abana ari abanyamico mibi, usanga ababyeyi bishuka bavuga ko abo bana nibamara gukura kandi bamaze kumenya kwitekerereza bazareka iyo mico mibi yabo maze bagahinduka abagabo n'abagore b'ingirakamaro. Mbega kwibeshya! Bamara imyaka myinshi bemerera umwanzi kubiba mu busitani bw'umutima, kandi agatuma amahame mabi ngenderwaho akura kandi agakomera, bigasa

n'aho batatahura akaga kihishe ndetse n'iherezo riteye ubwoba ry'inzira ibagaragarira ko ari inzira y'umunezero. Akenshi umuhati wose ukoreshwa kuri abo basore hanyuma ntacyo uzageraho.

Urugero rukwiriye rw'ubutungane ruri ku rwego rwo hasi mu bavuga ko ari Abakristo muri rusange, kandi rero bikomereye abasore gutsinda imbaraga ziganisha mu by'isi usanga zishimangirwa na benshi mu bagize itorero. Benshi mu bavuga ko ari Abakristo, nubwo bavuga ko bariho kubwa Kristo, mu by'ukuri babaho bakurikije urugero rw'isi. Ntabwo basobanukiwe no kwera no gukomera kw'iby'ijuru, bityo mu by'ukuri ntibashobora kubikunda. Benshi bavuga ari Abakristo kubera ko Ubukristo bufatwa ko bwubashywe. Ntabwo basobanukiwe ko Ubukristo nyakuri busobanuye kwikorera umusaraba, kandi imyizerere yabo ifite imbaraga nke zo kubakumira ngo zibabuze kujya mu bijnezeza by'isi.

Bamwe bashobora kwinjira mu cyumba cy'urubyiniro maze bakifatanya n'abandi mu bikino n'ibinezeza by'isi; kandi n'ijisho rigenzura cyane ntirashobora kugira itandukaniro ribona hagati y'abo [bavuga ko ari Abakristo] n'abatizera.

Ukurikije uko umuryango mugari w'abantu umeze muri iki gihe, ntabwo byoroheye ababyeyi gukumira abana babo, ndetse no kubigisha nk'uko itegeko rya Bibiliya ryerekeye ibitunganye rivuga. Akenshi abana ntibihanganira kugira ibyo babuzwa, bityo bakifuza kwikurikirira inzira zabo ubwabo bityo bagahaguruka bakagenda kandi bakagaruka uko bishakiye. Ariko by'umwihariko uhaye mu kigero cy'imyaka icumi kugera kuri cumi n'umunani, usanga bumva ko nta kibi kiri mu kujya mu biterane by'iby'isi byakozwe n'abasore bagenzi babo. Ariko ababyeyi b'Abakristo bafite ubunararibonye bo bashobora kubibonamo akaga. Aba babyeyi baba bazi imico yihariye y'abana babo, kandi baba bazi ingaruka bene ibyo bintu byagira ku ntekerezo z'abana babo. Bityo kubwo kubifuriza agakiza, ababyeyi bakwiriye kubabuzza kujya muri ibyo bikino byo gusamara.

Iyo abana bihitanyemo ubwabo kuva mu binezeza by'isi maze bagahinduka abigishwa ba Kristo, mbega umutwaro uremereye uba ukuwe ku mutima w'ababyeyi bashishoza kandi bakiranuka! Nyamara n'iyi bibaye bityo, umurimo w'ababyeyi ntugomba guhagarara. Urwo rubyiruko ruba rwatangiye urugamba rwo kurwanya icyaha rumaramaje, ndetse no kurwanya ibibi byo mu mutima wa kamere, bityo baba bagikeneye inama ko kwitabwaho n'ababyeyi babo mu buryo bw'umwihariko.

IGIHE CYO KUGERAGEZWA KIRI IMBERE Y'ABASORE

Abasore bubahiriza Isabato biyeguriye gutwarwa n'iby'isi bazapimwa ku gipimo kandi bageragezwe. Akaga ko mu minsi ya nyuma karatwugarije, kandi imbere y'abasore hari ikigeragezo benshi batigeze bitega. Bazagera mu bibakura umutima, kandi ukwizera kwabo kuzageragezwa ngo kugaragare ko ari uk'ukuri. Bavuga ko bategereje Umwana w'umuntu;

nyamara bamwe muri bo babaye icyitegererezo giteye agahinda ku batizera. Ntibagiye bagira ubushake bwo kureka iby'isi, ahubwo bagiye bifatanyaga n'isi mu kwitabira gahunda zo gusohoka (pikiniki) ndetse n'ahandi baturira bagamije kwishimisha, bakishyonyagiza bavugaga ko bagiye mu binezeza bizira amakemwa. Nyamara bene uko gusayisha ni ko kubatandukanya n'Imana, maze kukabagira abana b'isi.

Bamwe bahora bishingikirije ku isi. Ibitekerezo byabo n'amarangamutima yabo bihuza cyane rwose n'umwuka w'isi kuruta uko bihuza n'umwuka w'abayoboke ba Kristo biyanga. Ubusanzwe igitunganye kuri bo ni uko bakwihitiramo kugendana n'abarangwa n'umwuka uzahuza neza n'umwuka wabo. Kandi abantu nk'abo bateza impinduka zikomeye cyane mu bwoko bw'Imana. Bifatanyaga nabo, kandi baraziranye; nyamara abo bantu ni inyandiko isomwa n'abatizera ndetse n'abanyanteye nke n'abatejeje bo mu itorero. Muri iki gihe cyo gutunganywa, abavugaga ko ari abayoboke ba Kristo bazahindurwa rwose kandi bereshwe kumvira ukuri. Nibitaba bityo bazasigara mu isi kugira ngo bafatanye n'ab'isi guhabwa ingororano yabo.

Imana ntibara ko abashakira ibibanezeza ari abayoboke bayo. Abiyanga bonyine kandi barangwa n'imibereho yo kwirinda, kwicisha bugufi, n'ubutungane, abo ni bo bayoboke nyakuri ba Kristo Yesu. Kandi bene abo ntibashobora kunezwa n'ibiganiro by'ubupfapfa biranga abakunda iby'isi.

KWITANDUKANYA N'ISI

Abayoboke nyakuri ba Kristo bazagira kwitanga. Bazirinda ahantu harangwa ibikino by'ibinezeza by'isi kubera ko bene aho hantu nta Yesu bahasanga. Nta mbaraga izatera intekerezo zabo kurangamira ijuru kandi ikabongerera gukurira mu buntu iharangwa. Kumvira ijamba ry'Imana bizabayobora kuva muri ibyo bintu byose, kandi bitandukanye nabyo.

Umukiza yaravuze ati: "Muzabamenyera ku mbuto zabo" (Matayo 7:20). Abayoboke nyakuri ba Kristo bese bera imbuto kubw'icyubahiro cyo. Imibereho yabo ihamya ko hari umurimo mwiza Umwuka w'Imana yakoreye muri bo, kandi imbuto zabo zikaba izo kwera. Imibereho yabo yarazamuwe ijya ku rwego rwo hejuru kandi iratunganye. Ibikorwa bitunganye ni imbuto zidashidikanywaho zo kubaha Imana k'ukuri, kandi abatera imbuto z'ubu bwoko bagaragaza ko batamenye neza iby'Imana. Ntabwo bari mu Muzabibu. Yesu yaravuze ati: "Mugume muri jye nanjye ngume muri mwe. Nk'uko ishimi ritabasha kwera imbuto ubwaryo, ritagumye mu muzabibu, ni ko namwe mutabibasha, nimutaguma muri jye. Ni jye muzabibu namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi, kuko ari ntacyo mubasha gukora mutamfite." Yohana 15:4,5.

Abaramya Imana nyakuri bagomba kuzibukira icyitwa ikigirwamana cyose. Yesu yabwiye umwigishamategako ati: "Ukundiye Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe

bwose. Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry'imbere." Matayo 22:37, 38. Amategeko ane abanza yo mu mategeko cumi ategeka umuntu gukunda Imana. Nta n'ikintu na kimwe tugomba kwishimira cyahwana n'uko twishimira Imana. Ntabwo dushobora gutera imbere mu mibereho ya Gikristo tutarazibukira ikintu icyo ari cyo cyose kidutandukanya n'Imana.

Kristo we Mutwe w'itorero, we watoranyije ubwoko bwe abukuye mu b'isi, abusaba kwitandukanya n'isi. Kubwo kwiyegeze abayoboze be, ashaka ko umwuka wo mu mategeko ye wabatandukanya n'iby'isi. Gukunda Imana no kubahiriza amategeko yayo bihabanye by'ihabya no gukunda ibinezeza by'isi n'ubucuti bwayo. Nta bwumvikane buri hagati ya Kristo na Beliyari (Satani).

AMASEZERANO YAHawe ABASORE

Abasore bakurikira Yesu Kristo bafite urugamba ruri imbere yabo; bafite umusaraba bagomba kwikorera buri muni basohoka mu isi kandi bigana imibereho ya Kristo. Ariko hariho amasezerano menshi y'agahebuzo yanditswe ateganyirijwe abashaka Umukiza hakiri kare. Bwenge ararika abana b'abantu ababwira ati: "Nkunda abankunda; kandi abanshakana umwete bazambona." Imigani 8:17.

"Nuko mukenyere mu mitima yanyu, mwirinde ibisindisha, mwiringire rwose impano y'ubuntu muzazanirwa, ubwo Yesu Kristo azahishurwa. Mube nk'abana bumvira, ntimwishushanye n'irari mwagiraga kera mukiri injiji. Ahubwo nk'uko uwabahamagaye ari uwera, abe ari ko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose." 1Petero 1:13-15.

"Kuko ubuntu bw'Imana buzanira abantu bose agakiza bwabonetse, butwigisha kureka kutubaha Imana n'irari ry'iby'isi, bukatwigisha kujya twirinda, dukiranuka, twubaha Imana mu gihe cya none dutegereje ibyiringiro by'umugisha, ari byo kuzaboneka k'ubwiza bwa Yesu Kristo, ari we Mana yacu ikomeye n'Umukiza watwitangiriye kugira ngo aducungure mu bugome bwose, kandi yuhagirire abantu kugira ngo babe ubwoko bwe bwite, bugira ishyamba ry'imirimo myiza." Tito 2:11-14.¹

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.325-330. [Inama ku Barezi, Ababyeyi, n'Abanyeshuri]

GUSHIMANGIRA AMAHAME ATUNGANYE MU BASORE

Abasore bakwiriye kugengwa n'ihame ridakebakeba, kugira ngo barusheho gukoresha neza imbaraga Imana yabahaye. Nyamara abasore bumvira icyo babwirwa n'imbaraga ibasunikira gukora nta bushishozi bakoresheje ndetse bagakora nk'impumyi, bakirengagiza ihame rigaragaza ko bahora mu kaga. Kubera ko badashobora guhora bayoborwa kandi barinzwe n'ababyeyi babo ndetse n'ababarera, bakeneye gutozwa kwihagararaho no kwitegeka.

Bagomba kwigishwa gutekereza no gukora bivuye ku ihame ryo gukoreshwa n'umutimanama.

GUFATA UMWANYA MUTO W'AKARUHUKO N'IMIKINO

Abantu bakora umurimo wo kwiga bakwiriye kugira umwanya w'akaruhuko gato bagafata akuka. Ubwenge ntibukwiriye guhora buhugiye mu bitekerezo bikomeye kubera ko binaniza cyane imikorere y'ubwenge. Umubiri n'intekerezo bikwiriye gukora imyitozo ibiruhura. Ariko rero kwirinda mu byerekeye ibikino n'ibinezeza birakenewe cyane kimwe no mu bindi byose umuntu arangamira. Kandi imiterere y'ibyo bikino ikwiriye kwitabwaho no kwiganwa ubushishozi. Umusore wese akwiriye kwibaza ati: "Ni izihe mpinduka ibi bikino biteza ku buzima bwanjye bw'umubiri, ubw'ubwenge n'imico mbonera? Mbese intekerezo zanjye zizatwarwa ku buryo zizibagirwa Imana? Mbese ikuzo ry'Imana rizareka guhora imbere yanjye?"

Gukina amakarita bikwiriye kuba bibuzanyijwe. Uko kwifatanya n'abandi muri uwo mukino ndetse no kuwurangamira biteza akaga. . . . Nta kintu cyungura ubugingo cyangwa umubiri kiboneka muri ibyo bikino. Nta kintu kiyirimo gikomeza imbaraga z'ubwenge, nta kiyirimo kizuzuzamo ibitekerezo by'agaciro bizakoreshwa mu gihe kizaza. Usanga ibiganiro biharangwa akenshi ari ibivuga ku ngingo z'ubupfapfa kandi zidahesha agaciro . . .

Ubuhanza mu gukira amakarita [cyangwa mu rusimbi] akenshi bujyana umuntu kwifuza gukoresha ubu bwenge n'ubucakura mu

bimuzanira inyungu ze bwite. Usanga hashorwa udufaranga duke, maze hagakurikiraho gushora menshi kugeza ubwo umuntu ahorana inyota yo gukina uwo mukino, kandi iyo nyota iganisha ku kurimbuka nta kabuza. Mbega abantu benshi iyi mikino iteza akaga yashoye mu byaha by'uburyo bwose, ikabageza mu bukene, muri gereza, mu bwicanyi, no mu kwiyahura. Nyamara ababyeyi benshi ntibabona umworera uteye ubwoba wo kurimbuka wasamiye urubwiruko rwacu.

Kimwe mu byo abantu bashakiramo ibinezeza giteye akaga ni amakinamico. Aho kugira ngo ikinamico ibe ishuri abantu bigiramo imico mbonera nk'uko ari ko yagombye kuba, usanga ikinamico ari indiri y'imico mibi. Ingeso z'urugomo n'imbaraga ziganisha mu cyaha birakomera kandi bigashimangirwa n'iyi mikino. Indirimbo zivugwamo iby'urukozasoni, ibimenyetso imvugo n'imyifatire byerekeza mu busambanyi, ibyo byose byangiriza intekerezo n'imico mbonera. Umusore wese witabira ibyo azangirika mu mahame amugenga. Mu gihugu cyacu¹ nta zindi mbaraga zifite ubushobozi bwo kuroga intekerezo, kurimbura imyumvire yo mu by'iyobokamana, ndetse no kwangiza kamere yo kwishimira ibinezeza bituje ndetse n'ubuzima bwo kwirinda nk'ibinezeza biba mu makinamico.

Gukunda bene ibyo bikino bigenda byongera ibitwara umutima w'umuntu by'uburyo bwose nk'uko kurarikira ibinyobwa byangiza umubiri bigenda birushaho kugira imbaraga hakurikijwe uko umuntu agenda abikoresha. Inzira imwe rukumbi yatanga amahoro ni ukwirinda amakinamico, ibikino birangwamo amakabyankuru no kwiyoberanya, ndetse n'ahandi hantu hose harangwa ibinezeza byibazwaho byinshi.

Hariho ubwoko bw'ibikino no kuruhuka bw'ingirakamaro cyane haba ku mubiri no ku ntekerezo. Umuntu usobanukiwe kandi uzi gutandukanya icyiza n'ikibi azabona uburyo bwinshi cyane bwo kuruhuka no kwishimisha adakuye mu isoko izira amakemwa gusa ahubwo bunamwigisha. Gukinira hanze ahantu hari umwuka mwinshi no kwitegereza imirimo y'Imana iboneka mu byaremwe bizahesha inyungu zitagereranywa.²

GUTANGA IBINEZEZA BIZIRA AMAKEMWA

Ntabwo urubwiruko rushobora kubaho rutuje kandi rudakubita hirya no hino nk'abageze muzabukuru, cyangwa ngo umwana muto yifate nk'umuntu w'umunyacyubahiro. Nubwo ibikino biganisha mu cyaha biciriweho iteka nk'uko ari ko bikwiriye kuba, nimutyo ababyeyi, abarimu n'abita ku rubwiruko basimbuze bene ibyo bikino ibinezeza bizira amakemwa bitazigera byangiza imico mbonera. Ntimuzigere muhambira abasore ku mategeko n'amabwiriza bituma badahumeka bizatuma bumva ko bakandamijwe bityo bikabatera kwivumbura bakirukira mu nzira z'ubupfapfa no kurimbuka. Mukoresheje ubwitonzi, ubugwaneza no kubitaho, nimubabere abayobozi, kandi intekerezo n'imigambi byabo

¹ Aha umwanditsi yavugaga igihugu cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

² Testimonies for the Church, Vol. 4, pp.651-653. [Ibihamya by'Itorero].

mubyigarurire, ariko mwitonze cyane, mwuje ubwenge ndetse n'urukundo kugira ngo bakomeze kumenya ko ibyo mugamije kuri bo ari ibyiza.³

KURUHUKIRA MU MURIMO W'IVUGABUTUMWA

Amasaha akoreshwa akenshi mu binezeza bidahembura umubiri n'ubugingo yagombye gukoreshwa mu gusura abakene, abarwayi, n'abababaye, cyangwa se gushaka uburyo bwo gufasha umuntu waba ubikeneye.⁴

³ *Counsels to Teachers, Parents, and Students* p.335. [Inama ku Barezi, Ababyeyi, n'Abanyeshuri]
⁴ *Testimonies for the Church, Vol.6, p.276.* [Ibihamya by'Itorero]



IMBARAGA Z'IBIBI ZIRI KU MURIMO

Ndingingira abanyeshuri bo mu mashuri yacu kwirinda mu ntekerezo. Ubupfapfa bw'abasore ntibunezeza Imana. Imyidagaduro n'imikino byabo bikingurira amarembo umuraba w'ibigerageze. Mu bushobozi bw'ubwenge bahawe, bafite ubutunzi mvajuru Imana yabahaye, bityo rero ntibakwiriye kwemerera ibitekerezo byabo kuba iby'agaciro gake kandi ngo bibe ibitekerezo byo hasi. Imico yaremwe hakurikijwe amategeko n'amateka byo mu ijamba ry'Imana izagaragaza amahame yo kwihangana, ubutungane, n'ibyifuzo by'agaciro. Mwuka Wera akorana n'imbaraga z'ubwenge bw'umuntu, bityo umusaruro utabura kuvamo ukaba imbaraga zera zisunikira umuntu kugira icyo akora

Ibirori by'agaciro gake kandi birangwamo ibinezeza abantu muri rusange, guhuzwa no kurya no kunywa, kuririmba no gucuranga ibyuma by'umuziki, ibyo byose bikomoka ku mwuka w'isi. Ibyo ni ibitambo biturwa Satani

Abantu bafata iya mbere muri ubwo bupfapfa bateza umurimo w'Imana icyasha kidapfa guhanagurika. Bakomeretsa ubugingo bwabo ubwabo, kandi bazabana ibikomere mu buzima bwabo bwose. Umuntu w'inkozi y'ibibi ashobora kubona ibyaha bye akihana, ndetse Imana ishobora kubabarira uwica amategeko yayo; ariko imbaraga zo gutandukanya icyiza n'ikibi zagombye kurindwa ngo zihore zikangutse kugira ngo zitandukanye ibyera n'ibisanzwe usanga zararimbuwe ku rwego rukomeye.¹

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.366-368. [Inama ku Barezi, Ababyeyi, n'Abanyeshuri].



IBYISHIMO BIBA MU KUYOBOKA IMANA

Insanganyamatsiko zihanitse kandi ziteye ishema abasore bagomba kurangamira ni ahazaza hahebuje h'abakiranutsi ndetse n'ingororano yabo izahoraho iteka. Nimutekerezze ku nama itangaje y'agakiza, igitambo gikomeye cyatanze n'Umwami w'icyubahiro kugira ngo binyuze mu byo amaraso ye yakoze mubashe kuzahurwa, kandi ngo kubwo kumvira, amaherezo muzahabwe ikuzo ku ntebe y'ubwami ya Kristo. Intekerezo zikwiriye kwita kuri iyi ngingo mu buryo bukomeye. Mbega amahirwe yo kugirirwa ubuntu n'Imana!

Ncuti basore, nabonye ko mushobora kunezezwa no gukora uyu murimo. Ariko impamvu umutima wanyu utari hamwe ni uko mudashakira ku isoko rukumbi y'umunezero nyakuri. Muhora mugerageza gushakira hanze ya Kristo umunezero ubonerwa muri we gusa. Muri we nta byiringirwa bidasohora. Isengesho! Yoo, mbega uburyo aya mahirwe y'agaciro kenshi yirengagizwa! Gusoma ijambo ry'Imana bitegurira intekerezo z'umuntu gusenga. Imwe mu mpamvu zikomeye cyane zituma mwumva mudashaka kwegera Imana mu isengesho, ni uko mwe ubwanyu mwiya mbuye ibyangombwa ntimube mugikwiriye gukora uyu murimo wera mubitewe n'uko musoma inkuru z'amakabyankuru zakanguye intekerezo zanyu kandi zigahagurutsa ibyifuzo bibi muri mwe. Ijambo ry'Imana ntiribaryohere, bityo isaha yo gusenga ikibagirana. Isengesho ni imbaraga z'Umukristo. Igihe Umukristo yiherereye, ntabwo aba ari wenyine; ahubwo yumva uwavuze ati: 'Dore ndi kumwe namwe iminsi yose' amuri iruhande.

Abasore bakeneye icyo badafite, ari cyo *kuyoboka Imana*. Nta kintu gishobora gusimbura iki. Kuvuga ko wizera gusa ni ubusa. Hari amazina yanditswe mu bitabo by'itorero hano ku isi, nyamara atanditswe mu gitabo cy'ubugingo. Nabonye ko nta n'umusore n'umwe mu basore makumyabiri waba uzi icyo iyobokamana rigaragarira mu mibereho y'umuntu ari cyo. Ibyo bakora babyikorera ubwabo, ariko bakavuga ko ari abagaragu ba Kristo. Nyamara umwuka ubariho nutamenagurwa ngo ubaveho, bidatinze bazabona ko umugabane bazahabwe ari uw'abica amategeko y'Imana. Naho kubwo kwitanga no kwiyanga kubera ukuri, bishakiye inzira yoroshye irenze ibyo byose. Ku byerekeye kwinginga bakomeje

barira kandi batakambira Imana cyane bayisaba kugirirwa ubuntu bwayo bubabarira ndetse n'imbaraga zo gutsinda ibishuko bya Satani, abasore babona ko atari ngombwa gushishikara no kugira umwete bene ako kageni. Bumva ko bashobora gutsinda ibyo bishuko badafite izo mbaraga. Incuro nyinshi Kristo, Umwami w'icyubahiro yajyaga ku misozi n'ahantu h'ubutayu akagenda wenyine ajyanywe no kubwira Se ibyifuzo byabaga biri mu mutima we. Nyamara umuntu w'umunyabyaha utagira imbaraga na mba atekereza ko ashobora kubaho adasenze cyane.¹

URUGERO KRISTO YATANZE

Yesu yacyahaga ingeso yo kwikunda mu buryo ubwo ari bwo bwose, kandi we yari umuntu ushyikirana mu mibereho ye. Yemeraga kurarikwa na buri wese, yasuraga ingo z'abakire n'iz'abakene, abize n'abatize, ashaka kuzamura ibitekerezo byabo ngo bive mu by'ubu buzima busanzwe, maze byerekeze mu by'umwuka kandi by'iteka ryose. Ntiyigeze yemera gutwarwa n'ibibi, kandi ibidafite umumaro byo muri iyi si ntibiyigeze byangiza imico ye; nyamara yanezezwa n'ibyiza binezeza abandi, kandi kubaha kwe kwagaragazaga ko yemera ibiterane byo gusabana.²

¹ *Testimonies for the Church*, Vol.I, pp.503-505. [Ibihamya by'itorero]

² *Uwifuzwa Ibihe Byose*, pp.92, 93.

KWIDAGADURA KWA GIKRISTO

Niba dushaka gusubiza ubuyanja mu mwuka wacu kandi tukongera imibiri yacu imbaraga, Imana idusaba gukoresha imbaraga zacu zose igihe cyose mu mugambi mwiza. Dushobora kandi dukwiriye gukoresha umwanya tugira wo kwidagadura mu buryo butuma twazarushaho kuba twujuje ibyangombwa bituma dusohozza neza inshingano twahawe, kandi impinduka duteza zizarushaho kungura abo duhura na bo. Dushobora kuva muri bene ibyo bikino no kwidagadura tukagaruka mu ngo zacu dufite intekerezo zirushijeho gukanguka, umubiri na wo wagaruye ubuyanja, kandi twiteguye gusubira mu mirimo turi bashya dufite ibyiringiro n'ubutwari bihebuje

Tubereye kuri iyi si kugira ngo twungure inyokomuntu kandi ngo tubere umugisha umuryango mugari w'abantu. Kandi niba tureka intekerezo zacu zikajya muri iriya nzira y'agaciro gake inyurwamo n'abantu benshi bishakira ubwibone n'ubupfapfa gusa, mbese twabasha dute kungura inyokomuntu n'abo mu gihe cyacu? Mbese twabasha dute kubera umugisha abatuzengurutse?

AMAHAME ARAGERERANYWA

Hagati yo gushyira hamwe kw'abayoboze ba Kristo bahuzwa no kwidagadura kwa Gikristo no guhura kw'ab'isi bahuzwa no kwinezeza no kwishimisha hazagaragara itandukaniro rikomeye. Aho kugira ngo basenge kandi bavuge Kristo ndetse n'ibintu byera, mu kanwa k'ab'isi hazumvakanamo ibitwenge by'ubupfapfa ndetse n'ibiganiro by'ubupfapfa. Igitekerezo kiba gihari kiba ari icyo kugira ibihe byiza muri rusange. Ibikino no kwidagadura kwabo bitangirana n'ubupfapfa bigasoreza mu bupfapfa. Guhura kwacu gukwiriye kuyoborwa ndetse natwe dukwiriye kwitwara ku buryo igihe tugarutse mu miryango yacu dushobora kugaruka dufite umutimanama utarangwamo kuba twahemukiye Imana n'abantu. Ahubwo dukwiriye kugarukana umutima utwemeza ko nta muntu n'umwe mu bo twabanye nabo twigeze dukomeretsa, cyangwa ko nta mwuka wo kubakomeretsa twabagaragarije.

Umutima wa kamere ubogamira mu binezeza no kwishimisha. Ingamba za Satani ni ugushyiraho ibintu byinshi nk'ibyo. Satani aba ashaka kuzuza intekerezo z'abantu kwifuza ibikino by'isi kugira ngo be kugira igihe cyo kwibaza ubwabo bati: "Mbese ubugingo bwanjye bumerewe bute?" Gukunda ibinezeza ni indwara yandura. Iyo umuntu yiyeguriye kubikunda, usanga intekerezo ze zikubita hirya no hino, zigahora zishakisha ibintu runaka byo kuzishimisha. Kumvira amategeko y'Imana birwanya uyu mutima, kandi bishyiraho inzitizi zirinda umuntu kutubaha Imana.¹

Abasore bakwiriye kwibuka ko bazabazwa amahirwe yose bagiye bahabwa, kugira ngo bakoreshe neza igihe cyabo, kandi bakoreshe n'ubushobozi bwabo uko bikwiriye. Bashobora kubaza bati; "Mbese ntituzagira ibihe byo kwidagadura cyangwa gukina? Mbese tuzajya dukora, dukomeze dukore tutagize ubwo duhinduranya ibyo twakoraga?"

Ukwidagadura uko ari ko kose mushobora kujiyamo musabana kwizera ngo uko kwidagadura guhirwe n'Imana, bene uko kwidagadura ntikuzateza akaga. Ariko ukwidagadura uko ari ko kose kubavutsa gusenga mwiherereye ndetse no kuramiriza Imana ku gicaniro cy'amasengesho, cyangwa kwitabira amateraniryo yo gusenga, bene uko kwidagadura nta mutekano ukubamo ahubwo guteza akaga.²

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.336, 337. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]

² *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, p.337. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri].

GUHURIRA HAMWE KW'ABANTU

Guteranira hamwe kw'abantu kuba ingirakamaro kandi kukigisha ku rwego rukomeye igihe abahuriye hamwe bafite urukundo rw'Imana rukurira mu mitima yabo; igihe bahujwe no kungurana ibitekerezo mu byerekeye ijamba ry'Imana, cyangwa kwiga uburyo bwo guteza imbere umurimo wayo no kugirira neza bagenzi babo. Iyo muri uko guhurira hamwe Mwuka Wera yakiriwe ngo ababere umushyitsi, iyo nta kintu gikozwe cyangwa se kivuzwe ngo kimutere agahinda, Imana ihabwa icyubahiro, bityo abantu bahuriye hamwe bagahemburwa kandi bagakomezwa.

Nyamara habaho guhura kw'abantu gutandukanye n'uko, aho usanga ubwibone ku mubiri, ibitwenge, ndetse n'ubupfapfa ari byo biharangwa cyane. Mu gushaka kwidagadura kwabo, abitabira uko guhura baba bari mu kaga ko kwibagirwa Imana, kandi ibintu bibera aho bateraniye bitera abamarayika babitegereza kurira. Muri icyo gihe bari aho, gahunda z'ibinezeza zibahindukira paradizo. Abantu bose birundurira mu bitwenge, n'ibinezeza bibasetsa. Amaso arashashagirana, amatama akabengerana; ariko umutimanama uba usinziriye.

KUBURA KW'IBY'UMWUKA KWAHISHUWE

Bene uko gutwarwa no guhumekerwa ntigukomoka mu ijuru. Bikomoka rwose muri iyi si. Abamarayika bo mu ijuru barebana agahinda ukwirengagiza kw'abo Kristo yakoreye byinshi. Iyo uburwayi n'urupfu bigeze ku bantu baranzwe n'imibereho yo kwinezeza, babona byaratinze cyane ndetse ko badafite amavuta mu matara yabo, kandi ko batiteguye rwose gusoza amateka y'ubuzima bwabo.

Amagambo aboneka mu biganirwa bikorerwa ahantu abantu benshi bateraniye bigaragaza ibyo umutima urangamiye. Kuvuga iby'agaciro gake n'amagambo y'ubupfapfa iyo bivugiwe gusetsa gusa ntibigaragaza Kristo uko bikwiriye. Abavuga bene ibyo ntibazaba bifuzaga guhagarara imbere y'amagambo yanditswe y'ibyo bavuze. Aya magambo asiga isura mbi ku bayumvise, bityo igitutsi kigashyirwa kuri Kristo. Mbega uko abasore bagombye kurinda amagambo bavuga, kuko ayo magambo ari yo

azabatsindisha cyangwa se akabaciraho iteka! Mwibuke ko aho mujya hose Yesu aba ari inyuma yanyu, yandika ibyo mukora kandi agatega amatwi amagambo muvuga. Mbese muramutse mwumvise ijwi rye ribabwira kandi mukamenya ko yumva ibiganiro byanyu ntimwakorwa n'ikimwaro? . . .

Umukristo nyakuri witabira ibikino n'ibinezeza by'isi aba ari ku rubuga ruteza akaga. Aba yavuye ahantu haganje umwuka muzima w'ijuru akaba yishoye mu mwuka w'igihu n'igicu; kuko akenshi ibirori n'amahuriro yo kwishimisha ari igitutsi ku idini ya Kristo.

Umuntu ukomeza komatana n'Imana mu mutima we ntashobora kwitabira bene ibyo birori. Amagambo ahumvira ntamuryohera; kuko atari ururimi rw'i Kanani. Ababa bavuga ntibagaragaza ko basohora amagambo afite injyana yo kubahisha Imana mu mitima yabo.

IMBARAGA ZIKURURA MU BURYO BUTAGARAGARA NEZA

Abantu batari umwimerere mu mico no mu mibereho y'iby'idini bihutira cyane guhurira n'abandi mu binezeza n'ibikino, kandi imbaraga ihindura ibarangwaho ikurura n'abandi. Rimwe na rimwe abasore n'inkumi bagerageza kuba Abakristo bubakiye kuri Bibiliya usanga bemezwa kuja muri ibyo birori. Kubwo kudashaka ko batekerezwa ko ari ba nyamwigendaho, kandi muri kamere yabo bakaba babogamira mu gukurikiza urugero rw'abandi, usanga bishyira aho bagengwa n'abatarigeze bumva Imana ikora ku mitima yabo cyangwa mu bwenge bwabo. Iyaba barabajije urugero ngenderwaho rw'ijuru basenga kugira ngo bamenye icyo Kristo yavuze ku byerekeye imbuto zigomba kwera ku giti cy'Umukristo, baba barasobanukiwe ko iyo mikino no kwishimisha ari ibirori byateguriwe kubuza abantu kwemera irarika ribatumira kuja mu birori by'ubukwe bw'Umwana w'intama.

Rimwe na rimwe bijya bibaho ko kubwo kuja ahantu hari ibirori byo kwishimisha usanga uruburako rwigishijwe neza kugendera mu nzira y'Uwiteka rutwarwa no gukurura kw'imbaraga z'umuntu, maze rukifatanya n'abatojwe kandi bakarerwa mu buryo bw'isi. Barigurisha bakishyira mu bubata bw'ubuzima bwose binyuze mu kwifatanya n'abantu badafite umurimbo w'umwuka wa Kristo. Abantu bakunda Imana kandi bakayikorera by'ukuri bazatinye kumanuka ngo bajye ku rwego rw'ab'isi binyuze mu guhitamo kuba mu itsinda ry'abatarimitse Kristo mu mitima yabo. Nubwo byabasaba kwiyanga no kwitanga, bazahagarara bashikamye ku ruhande rwa Kristo.

UMUTI WARWANYA IMYITWARIRE Y'UBUPFAPFA

Kristo yaranzwe n'imibereho yo gukora cyane no kutwitangira, none natwe ntidushobora kwiyanga kubwe? Mbese igitambo yadutangiyeye no gukiranuka ategereje kuduha si zo nsanganyamatsiko zikwiriye kuba mu bwenge bwacu? Iyaba abasore bavomaga ubutunzi mu bubiko Bibiliya

ibitse, iyaba batekerezaga ku mbabazi, amahoro no gukiranuka kw'iteka ryose biranga umuntu wiyanga, ntibakwifuza gusamara n'ibikino biteza inkeke.

Iyo ibitekerezo by'abasore byuzuwemo n'insanganyamatsiko zikomeye kandi z'agaciro zivuga iby'agakiza, ibyo binezeza Kristo. Yinjira mu mitima y'abameze batyo akababera umushyitsi uhoraho, akabuzuza ibyishimo n'amahoro. Kandi urukundo rwa Kristo mu mutima ni nk'isoko y'amazi "adudubiza kugeza ku bugingo buhoraho." . . . Abafite urukundo rwe bazishimira kuvuga kubyo Imana yateguriye abayikunda.

Imana ihoraho yashyizeho umurongo utandukanya umukiranutsi n'umunyabyaha, umurongo utandukanya abahindutse n'abatarahindutse. Ntabwo ayo matsinda yombi yivanga mu buryo atandukanywa nk'uko bimera ku mabara y'umukororombya, ahubwo ayo matsinda aratandukanye nk'uko amanywa y'ihangu atandukanye n'igicuku kinishye. Ubwoko bw'Imana ntibushobora kugirana ubumwe bwimbitse n'abazi ukuri ariko ntibagushyire mu bikorwa ngo bube amahoro. Ubwo umukurambere Yakobo yavugaga ku bikorwa bimwe by'abahungu be, ibyo yitegerezaga agahinda umushyitsi, yaravuze ati: "Mutima wanjye ntuzajye mu nama zabo za rwihereranwa; bwiza bwanjye ntugafatanye n'iteraniro ryabo" Itangiriro 49:6. Yumvise ko aramutse yifatanyije n'abanyabyaha mu bikorwa byabo icyubahiro cye cyahagirira icyasha. Yazamuye ikimenyetso kigaragaza ko hari akaga, atuburira kwirinda kwifatanya mu bibi, bitaba bityo tudahindanywa nabyo. Kandi binyuze mu ntumwa Pawulo nayo, Mwuka Wera na we atanga umuburo nk'uwo agira ati: "Ntimukifatanye n'imirimu y'ab'umwijima itagira umumaro, ahubwo muyihane." Abefeso 5:11.¹

AMAHURIRO Y'ABANTU YEMEWE

Impano yose igira icyo ihindura ku bantu igomba gukoreshwa no gukundwa mu buryo bwera mu mugambi wo guhuriza abantu kuri Kristo. Abasore n'inkumi ntibakwiriye gutekereza ko imikino yabo, ibirori bya nimugoroba bagira ndetse no kwishimisha mu ndirimbo n'umuziki byemerwa na Kristo nk'uko ubusanzwe babigira.

Nahawe umucyo kenshi ko guterana kwacu kose gukwiriye kurangwa n'imbaraga idakebakeba y'iby'idini. Iyaba abasore bacu bahuzwaga no gusoma no gusobanukirwa Ibyanditswe byera babaza bati: "Nakora iki ngo mbone ubugingo buhoraho?" maze ubwabo bakajya ku ruhande rw'ukuri badakebakeba, Umwami Yesu yasesekaza imigisha ye mu mitima yabo.

Iyaba ugize itorero wese ndetse n'umukozi wese mu bigo byacu yasobanukirwaga ko ubu buzima ari ishuri twiteguriramo gusuzumwa n'Imana yo mu ijuru ku byerekeye ubutungane, kwera kw'ibitekerezo ndetse no kutikanyiza mu bikorwa! Ijambo ryose, igikorwa cyose ndetse n'igitekerezo cyose byandikwa mu gitabo cyo mu ijuru. . . .

¹ The Youth's Instructor, February 4, 1897. [Umwigisha w'Abasore].

Tugomba kwerehwa imbaraga no gukomera k'ukuri, kandi tukazamurwa tukagera ku cyubahiro nyakuri cy'urugero rwashyizweho mu ijambo ry'Imana. Inzira y'Uwiteka ishobora kumenywa binyuze gusa mu kumvira ijambo rye mu bushishozi bukomeye. Nimwige ijambo ry'Imana.²

² *The Youth's Instructor*, August 14, 1906. [Umwigisha w'Abasore].

UBURYO BWO GUKOresha IBIRUHUKO

Ikiruhuko no kwidagadura birakenewe ku bantu bakora imirimo bakoresha ingufu z'umubiri, kandi nanone ni ingenzi ku bantu bakora akazi ko gukoresha ubwenge. Gukomeza gukoresha ubwenge ubudatuza no kurenza urugero, yewe n'iyi waba ubukoresha mu by'iyobokamana, bene ibyo ntibikenewe ku gakiza kacu ndetse no kubw'ikuzo ry'Imana. Hariho ibikino n'ibishimisha birimo nko kubyima, gukina amakarita n'imikino ijya gusa n'igisoro n'indi tudashobora kwemera bitewe n'uko ijuru riyiciraho iteka. Ibyo bikino bikingurira amarembo ikibi gikomeye. Urebye imiterere yabyo ntibyungura, ahubwo bitera gusamara, bikarema mu ntekerezo z'abantu kurarikira imikino iganisha mu rusimbi no gusayisha. Iyo mikino yose ikwiriye kwamaganwa n'Abakristo, kandi ikwiriye gusimbuzwa ikintu kidatera akaga.

Nabonye ko ibiruhuko byacu bidakwiriye gukorwa twigana ab'isi, nyamara kandi ntibikwiriye gutambuka bititaweho kuko ibi bizatuma abana bacu batanyurwa. Muri iyi minsi aho usanga hari akaga k'uko abana bacu bahura n'ibibakurura bibi, kandi bakangizwa n'ibinezeza no gusamara by'isi, nimutyo ababyeyi bige gushaka ikintu cyasimbura ibishimisha biteza akaga. Reka abana bawe basobanukirwe ko icyo ugamiye ari ibyiza n'umunezero wabo.

Nimutyo imiryango myinshi iba mu mijyi cyangwa se mu midugudu minini yishyire hamwe maze isige imirimo yabananiye ku mubiri no mu bwenge, maze yigire mu cyaro, ijye iruhande rw'ikiyaga cyangwa mu gashyamba, aho babona ibyaremwe mu bwiza bwabyo. Bakwiriye kwitwaza amafunguro meza asukuye, imbuto nziza n'ibinyampeke maze bakarambura ameza yabo munsu y'igicucu cy'ibiti, cyangwa munsu y'ikirere gitatse ijuru. Urugendo bafata, imyitoto ngororamubiri bahakorera ndetse n'ibyo bitegereza bibakikije bizabatera gusanza bagire ipfa bityo baryohere n'amafunguro n'abami ubwabo bakwifuza.

Mu bihe nk'ibyo ababyeyi n'abana bakwiriye kumva ko nta kibahagaritse umutima, bakaba batandukanye n'imirimo n'ibirushya bisanzwe by'ubuzima. Ababyeyi bakwiriye guhinduka nk'abana babo, bagakora ibishoboka byose bituma ikintu cyose kiba kinejeje. Nimutyo uwo munsu wose uharirwe kuruhuka no gukina.

Gukorera imyitoto ngororamubiri hanze ku bantu bakorera imirimo yabo mu biro kandi bakora batanyeganyega bizabagirira umumaro ku buzima. Ababishoboye bese bakwiriye kumva ko ari inshingano bagomba gusohozza. Nta kintu na kimwe bazatakaza ahubwo bazunguka byinshi. Bashobora kugaruka mu mirimo yabo bafite ubuzima bushya ndetse n'ubutwari bushya bwo kujya mu mirimo yabo bafite ishyamba, kandi rero baba biteguye neza guhangana n'indwara.¹

ISOKO Y'IBYISHIMO BYA GIKRISTO

Imana yahaye umuntu wese ibyishimo bishoborà kunezeza umukene n'umukire. Ni ibyishimo biboneka mu gukuza ubutungane bw'intekerezo ndetse n'ibikorwa byo kutikanyiza. Ni ibyishimo bikomoka mu kuvuga amagambo y'ihumire ndetse no gukora ibikorwa by'ubugwaneza. Umucyo wa Kristo uturuka ku bakora bene uwo murimo maze ukarabagirana umurikira ubugingo bwijimishijwe n'imibabaro myinshi.²

¹ Testimonies for the Church," Vol.1, pp.514, 515. [Ibiamya by'Iterero].

² Testimonies for the Church," Vol.IX, p.57. [Ibiamya by'Iterero]

IMIRYANGO IKORA IMIRIMO Y'UBUVANGANZO

Akenshi abantu bakunze kubaza ikibazo ngo: “mbese imiryango ikora imirimo y'ubuvanganzo hari icyo yungura urubyiruko rwacu?” Kugira ngo dusubize iki kibazo neza, ntabwo dukwiriye kwita gusa ku mugambi wemewe w'iyi miryango, ahubwo tugomba no kwita ku mpinduka yateje mu by'ukuri nk'uko ibyagiye bibaho bibigaragaza. Guteza imbere ubwenge bwacu ni inshingano dufite haba kuri twe ubwacu, ku muryango mugari tubarizwamo ndetse no ku Mana. Nyamara ntidukwiriye na mba guhimba uburyo bwo guteza imbere ubwenge ariko dusigangiza iby'imico mbonera n'iby'umwuka. Ariko guteza imbere ubwenge kujyanirana kandi kuzuzanya kw'imbaraga z'ubwenge n'iz'imico mbonera ni ko konyine gutuma gutungana kwa buri bushobozi kugerwaho. Mbese ukurikije uko iyoborwa muri rusange aho imiryango ikora imirimo y'ubuvanganzo yaba igera kuri bene uwo musaruro?

Amatsinda akora imirimo y'ubuvanganzo agenda muri rusange ateza impinduka zihabanye n'icyo izina ryayo rigaragaza. Nk'uko akunze kuyoborwa muri rusange, usanga yangiza urubyiruko; kuko Satani ayinjiramo kugira ngo ashyire ikimenyetso cye ku byo bakora. Ibintu byose bituma umugabo aba umugabo uhamye n'umugore akaba umugore uhamye bigaragarira mu mico ya Krsito. Uko Kristo arangwa gake cyane muri ayo matsinda, ni ko usanga dufite urugero rwo hasi rw'imbaraga izahura, itunganya kandi ikadukiza nyamara yagombye kuganza. Igihe ab'isi bayoboye bene ibyo bitaramo kugira ngo bihuze n'ibyo bishakira, umwuka wa Kristo urahezwa. Ubwenge bw'umuntu bukurwa mu gutekereza bwimbitse, bukajyanwa kure y'Imana, kure y'ukuri n'ibifatika maze bukajyanwa mu bihimbano n'ibintu bitimbitse. Amatsinda akora iby'ubuvanganzo! Iyaba iryo zina rivuga imiterere yayo nyakuri! Mbese umurama mu ngano ni iki?

Intego n'imigambi byatumye aya matsinda akora imirimo y'ubuvanganzo ashyirwaho bishobora kuba ari byiza; ariko iyo miryango nitagengwa n'ubwenge mvajuru, izahinduka ikibi. Abantu batubaha Imana kandi batejejwe mu mitima no mu bugingo ni bo bahora binjizwa muri ayo matsinda, kandi akenshi akaba ari bo bahabwamo imyanya ikomeye.

Hashobora gushyirwaho amategeko n'amabwiriza abantu batekereza ko yaba ahagije kugira ngo arwanyeho imbaraga yose yangiza; ariko Satani, umwanzi uhora ashega, aba ari ku murimo kugira ngo ahindure umuryango mugari w'abantu ukore ibihuje n'imigambi ye, kandi uko igihe gihita nawe akenshi agenda atsinda. Umwanzi gica abona icyuho mu bo yigeze kwitegekera mu gihe cyashize, maze anyuze muri bo agasohozwa umugambi we. Ibikino n'ibirangaza abantu bitandukanye bigenda byinjizwa kugira ngo bitume ibitaramo byateguwe bishimisha kandi bireshya abakunda iby'isi, kandi kubw'ibyo ibikorwa by'ayo matsinda yiyitirira ubuvangazo akenshi bikunze guhindukamo amakinamico yangiza imico mbonera kandi atagira n'icyo asobanuye. Ibyo byose binezeza umutima wa kamere kuko ari umwanzi w'Imana; ariko ntibyongera imbaraga ubwenge cyangwa ngo bishimangire imico mbonera.

Gufatanya kw'abubaha Imana n'abatizera bafatanyiriza muri bene ayo matsinda ntabwo bihindura abanyabyaha ngo babe abakiranutsi. Iyo ubwoko bw'Imana bwifatanyije n'ab'isi n'abatejewe bubyihitiyemo maze bukabaha umwanya w'isumbwe, ubwoko bw'Imana buzatandukanywa na Yo n'imbaraga itarangwa no kwera buba bwariyeguriye. Hashobora kumara igihe gito nta kintu kigaragara cyahinyurwa bikomeye muri uko kwifatanya, ariko abantu batagengwa na Mwuka w'Imana ntibazihutira kwakira ibintu byerekana ukuri no gikiranuka. Iyaba mbere yaho barigeze bishimira iby'umwuka, baba barinjiye mu ngabo za Yesu Kristo. Ayo matsinda yombi agengwa n'abatware babiri batandukanye, kandi atandukanye mu migambi yayo, mu byiringiro byayo, mu biyanezeza, n'ibyo yifuza. Abayoboze ba Yesu bishimira kuvuga ku ngingo zirimo kwirinda, zikora ku bugingo kandi zizahura, naho abatarangwa no gukunda ibyera ntibashobora gushimishwa no kuba muri ibyo bitaramo keretse gusa iyo ibintu bitimbitse ndetse by'ibihimbano ari byo bifite umwanya ukomeye mu bikorerwa muri ibyo bitaramo. Buhoro buhoro usanga iby'umwuka bigenda bihezwa n'abatubaha Imana, maze umwete wo gushaka guhuza amahame asanzwe ahanganye mu miterere yayo ukaba imfabusa.

Hagiye hakoreshwa imbaraga nyinshi kugira ngo hashyirweho umugambi wo gushinga itsinda rikora iby'ubuvanganzo rizungura abaryitabira bose, - itsinda uzasanga abarigize bose biyumvamo ko bafite inshingano yo gutuma riba icyo rikwiriye kuba cyo, kandi bakirinda ibibi usanga akenshi bituma ayo matsinda aba akaga gakomeye ku mahame y'iyobokamana. Abantu bafite ubwitonzi no gushishoza, abantu bomatanye n'ijuru mu mubano udacika, abantu bazabona ibibi kandi ntibashukwe na Satani, abantu bazatera intambwe bajya mbere mu nzira y'ubudahemuka, bagakomeze kuzamura ibendera rya Kristo, bene abo ni bo bakenewe ngo bayobore ayo matsinda. Bene abo bazubahwa kandi batume ibitaramo bajyamo biba umugisha aho kuba umuvumo.

Iyaba abagabo n'abagore bakuze bafatanyaga n'urubyiruko gutegura no kuyobora bene ayo matsinda akora iby'ubuvanganzo, ayo matsinda yaba ingirakamaro kandi agashimisha. Ariko iyo ibyo bitaramo baturiramo bije

guhinduka umwanya wo kwishimisha n'ibitwenge birimo ubwirasi, nta kindi bihinduka uretse gusigingiza intekerezo n'imico mbonera.

Gusoma Bibiliya, gusesengura ingingo zivugwa muri Bibiliya ushaka gucengerwa nazo, inyangirako ngufi zivugaga ku ngingo zishobora kungura intekerezo kandi zigatanga ubwenge, kwiga ubuhanuzi cyangwa inyigisho z'agaciro kenshi Kristo yigishije, -ibyo byose bizagira imbaraga zo gukomeza imbaraga z'ubwenge no kongera iby'umwuka. Guhora umuntu yiga ibyanditswe Byera bityaza imbaraga zo gutandukanya icyiza n'ikibi, kandi bigakomereza ubugingo bw'umuntu guhangana n'ibitero bya Satani.

Abantu bake cyane ni bo babona ko gutegeka intekerezo zabo n'ibyo bibwira ari inshingano yabo. Gufata intekerezo zitatojwe zigakomeza kwerekera ku ngingo zungura [ubugingo] birakomeye. Ariko iyo intekerezo zidakoreshejwe neza, iyobokamana ntirishobora gukurira mu bugingo. Ubwenge bugomba guhugira mu bintu byera kandi bizahoraho iteka, nibitaba ibyo buzakunda ibitekerezo by'agaciro gake kandi bitimbitse. Imbaraga z'ubwenge n'imbaraga zitegeka imico mbonera zikwiriye gushyirwa mu murongo mwiza. Binyuze mu kuzikoresha zizakomera ndetse zirusheho gukora neza. . . .

Ubwenge ndetse n'umutima bigomba kwegurirwa umurimo w'Imana. Uko turi kose Imana idufiteho uburenganzira. Umuyoboze wa Kristo ntakwiriye gusayisha mu kwishimisha kose, cyangwa ngo agire ibintu ajyamo ibyo ari byo byose nubwo byagaragara ko bizira amakemwa kandi bishimwa mu gihe umutimanama wamurikiwe umubwira ko bishobora gucogoza ubutwari bwe cyangwa bikagabanya iby'umwuka muri we. Umukristo wese akwiriye gukora agakumira ndetse agasubiza inyuma umuraba uhorera w'ikibi, kandi agatabara urubyiruko rwacu arurinda imbaraga zishobora kurworeka mu irimbukiro. Imana idufashe kujya mbere turwanya kandi dukumira uwo muraba.¹

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.541-544. [Inama ku Barezi, Ababyeyi, n'Abanyeshuri]



KUBYINA

Umukristo nyakuri ntazifuza kwinjira ahantu aho ari ho hose habera imikino n'ibirori byo kwishimisha cyangwa ngo agire uruhare mu bindi birangaza bibera ahantu yaba maze ntahangare gusaba Imana ngo imuhe umugisha. Ntabwo umugisha w'Imana uzamusanga mu byumba biberamo filimi n'ikinamico, mu tubyiniro, cyangwa mu byumba bikinirwamo imikino y'amahirwe. Ntabwo azifatanya n'abajya kubyina ingwatiramubiri, cyangwa ngo ajye mu bindi binezeza bitwara intekerezo bikabuza Kristo kuzinjiramo.

Abantu badusaba bashaka kujya muri ibyo bibashimisha turabasubiza tuti: "Mu izina rya Yesu w'i Nazareti ntidushobora gusayisha muri byo. Mu isaha tumara mu ikinamico cyangwa mu kabyiniro ntidushobora gusaba umugisha w'Imana ngo utubeho muri icyo gihe. Nta Mukristo wakwifuza gupfa ari ahantu nk'aho. Nta n'umwe kandi wakwifuza ko Kristo yagaruka akamusanga bene aho hantu."

Nitugera ku isaha ya nyuma tugahagarara imbere y'ibyanditswe ku buzima bwacu, mbese tuzicuza ko twaba twaritabiriye ibirori bike byo kwishimisha? Ese tuzicuza ko twitabiriye ibihe bike cyane byo gusamara? Mbese ahubwo ntituzicuzanya agahinda ko hari amasaha menshi y'igicro cyinshi twapfushije ubusa twihimbaza, -tukicuza ibihe byinshi twirengagije byagombye kuba byarakoreshejwe neza bikaduhesha ubutunzi budapfa?

Gutanga urwitwazo kubyo bararikira byangiza imitima yabo yomatanye na byo byagiye biba akamenyero ku bavuga ko ari abanyedini. Kubwo kwimenyereza icyaha, bahinduka impumyi ntibabe bakibona uburemere bwacyo. Abantu benshi bavuga ko ari abana b'Imana birengagiza bakerensa ibyaha ijamba ry'Imana riciraho iteka bagahuza imigambi imwe y'ubugiraneza y'itorero n'ibirori byabo byo kuvuyarara bitarangwamo Imana. Kubw'ibyo, batira umwambaro w'ab'ijuru bakawambarira gukorera Satani. Abantu benshi barashukwa, bakayobywa, kandi bagatakaza imico mbonera n'ubupfura bitewe n'ibyo birori bigezweho byo gusayisha no gushimisha umubiri.

MU NZIRA YO GUSAYISHA NO KWISHIMISHA

Mu miryango myinshi y'abanyedini, kubyina no gukina amakarita byahawe umwanya mu cyumba cy'uruganiriro igihe baruhuka. Bavuga ko ibyo ari ibinezeza bituje kandi bikorerwa mu rugo abantu bashobora kwishimira bari aho ababyeyi babareba. Nyamara gukunda bene ibyo binezeza bisamaza bifatwa muri ubwo buryo, maze ntibizatinde ko icyafatwaga ko ntacyo gitwaye mu rugo noneho giteza akaga igihe abantu batari mu rugo iwabo. Bikwiriye kwemezwa ko nta cyiza na kimwe kiva muri ibyo bisamaza. Ntibyongerera imbaraga umubiri kandi ntibinaruhura intekerezo. Ntibishyira mu bugingo ibyiyumviro na bike byo gukiranuka cyangwa kwera. Ibiramambu, birimbura kwishimira ibitekerezo bidakebakeba ndetse no kwishimira imirimo y'iby'idini. Ni iby'ukuri ko hari itandukaniro rinini hagati y'ibirori byiza byatoranyijwe n'ibirori birangwamo ubuhehesi no kwangiza imico mbonera bibera mu tubyiniro. Nyamara ibyo byose ni intambwe zigana mu nzira yo gusayisha.

Kwishimisha mu kubyina [cyane mu tubyiniro] nk'uko bikorwa muri iki gihe, ni ishuri ryigisha guta imico mbonera, ndetse ni umuvumo uteye ubwoba ku muryango mugari w'abantu. Iyaba byashobokaga ko abantu barimburwa n'ubwo buryo bwo kwishimisha mu mijyi yacu minini buri mwaka bashyirwa hamwe, mbega amateka menshi y'ubugingo bwarimbutse yagaragara! Abantu benshi bahagarara muri iki gihe bashaka gushyigikira iyo migirire, bakuzura agahinda ndetse bagatangazwa n'ingaruka zayo! Ni gute ababyeyi bavuga ko ari Abakristo bakwemera gushyira abana babo mu nzira y'ibigeragezo babinyujije mu kwitabira bene ibyo birori? Ni gute abasore n'inkumi bagurana ubugingo bwabo ibi binezeza bituma bata ubwenge?¹

AKAGA GATERWA N'IMYIDAGADURO NO GUSAMARA

Gukunda ibinezeza ni kimwe mu biteza akaga cyane kubera ko ari kimwe mu bishuko byinshi bito cyane ariko bikaze byugarije abana n'urubyiruko mu mijyi. Usanga umwanya w'ibiruhuko ari mwinshi. Imikino itandukanye ikurura abantu ibihumbi byinshi, kandi inkubiri yo gusamara n'ibinezeza irabakurura ikabajyana kure y'inshingano yo kwirinda bafite mu buzima. Amafaranga yagombye kuzigamwa ngo azakoreshe mu byiza biruseho (ndetse akenshi aba angana n'ayo umukene yinjiza) usanga atagaguzwa mu binezeza bisamaza.²

KUGENDERA KU IHAME

Bitewe no gutinya kunengwa cyangwa kunegurwa, abantu benshi ntibatinyuka ngo bakore bakurikije ihame. Ntibahangara kwigaragaza ngo bisanishe n'abakurikira Kristo byimazeyo. Bifuza gukurikiza imigenzo y'isi no gushimwa n'ab'isi. Kristo yaratwitangiye kugira ngo "aducungure mu bugome bwose, kandi yuhagirire abantu kugira ngo babe ubwoko bwe bwite, bugira ishyaka ry'imirimo myiza."³

¹ *Review and Herald*, February 28, 1882. [Urwibutso n'Integuza].

² *Fundamentals of Christian Education*, p.422. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo.]


³ *Review and Herald*, November 29, 1887. [Urwibutso n'Integuza].

14

IMIBANIRE Y'ABANTU N'ABANDI

Ubukristo bugera mu batuye isi binyuze mu mibanire y'abantu n'abandi. Umugabo cyangwa umugore wese wamaze kwakira umucyo uva mu ijuru agomba kumurika umucyo mu nzira icuze umwijima y'abataramenya inzira nziza. Imbaraga ikorera mu mibanire y'abantu n'abandi mu gihe yejejwe na Mwuka wa Kristo, igomba kurushaho gukoreshwa neza mu kuzana abantu ku Mukiza.¹

¹ Ministry of Healing," p.496. [Renger Ubuzima]



IMIBANIRE N'ABANDI IGAMIJE GUKIZA

Icyitegerezo cya Kristo cyo kugera ku nyota y'ibyo abantu bashaka gikwiriye gukurikizwa n'ababwiriza bose b'Ijambo rye, ndetse n'abantu bose bakiriye ubutumwa bwiza bw'ubuntu bwe. Ntitugomba kwirengagiza ibituma dusabana n'abantu. Ntitugomba kwitandukanya n'abandi. Kugira ngo tubashe kugera ku bantu b'ingeri zose, tugomba kubasanga aho bari. Si kenshi bazadushaka bo ubwabo. Si ku ruhimbi gusa imitima y'abantu igomba kugezwaho ukuri mvajuru. Hari undi murima wo gukoreramo, nubwo bwose waba woroheje, ariko ugaragaza umusaruro. Uboneka mu ngo z'aboroheje, no mu ngoro z'abakomeye; ku bitanda byo kwa muganga, no mu biterane byo kunezererwamo bidateye isoni.

Nk'abigishwa ba Kristo, ntitugomba kwivanga n'ab'isi kubwo gukunda ibinezeza, no kwifatanya na bo mu bidafite umumaro. Kwifatanya nkuko kubasha kuvamo akaga gusa. Ntitugomba guha icyaha inzira byaba mu magambo yacu cyangwa ibikorwa, mu guceceka kwacu cyangwa kuhaba kwacu. Aho tujya hose, tugomba kujyana na Yesu, no guhishurira abandi agaciro k'Umukiza wacu. Ariko abashaka kurinda idini yabo bakayifungiranira mu mazu yabo, babura imigisha yo gukora ibyiza. Binyuze mu bikorwa byo gusabana, Ubukristo buhura n'isi. Buri wese wamurikiwe n'umucyo mvajuru agomba kumurikira inzira y'abataramenya Umucyo w'Ubugingo.

Tugomba twese kuba abahamya ba Yesu. Imbaraga yo gusabana, yejeje n'ubuntu bwa Kristo, igomba gukoresherezwa kugarura imitima k'Umukiza. Reka isi ibone ko tudahugiye mu byo twishakira, ahubwo ko dushaka ko abandi na bo babona ku migisha n'amahirwe twabonye. Reka babone ko idini yacu itatugira abadafite impuhwe cyangwa basaba abandi ibirenze ubushobozi bwabo. Reka abavuga bose ko babonye Kristo, bakore nk'uko yakoraga ngo bafashe abandi.

Ntitugomba gutuma ab'isi bagira igitekerezo ko Abakristo ari abantu bashavuye, abantu batagira umunezero. Niduhanga amaso kuri Yesu, tuzabona Umucunguzi utwitaho, kandi tuzakira umucyo uva mu bwiza bw'amaso ye. Aho Mwuka we yiganje, niho amahoro ataha. Kandi hazaba n'ibyishimo, kuko hari umutuzo, no kwizera Imana kuboneye.

Kristo anezuzwa n'abamukurikira iyo berekanye ko, n'ubwo ari abantu, bafite imico y'Imana. Ntabwo ari ibibumbano ahubwo ni abagabo n'abagore bazima. Imitima yabo imarwa inyota n'ubuntu bw'Imana, igakingukira kandi ikakira Zuba ryo Gukiranuka. Umucyo ubamurikaho umurikira abandi mu mirimo irimo urumuri rufite urukundo rwa Kristo.¹

ABO UMUNTU YIFATANYA NABO BAGIRA URUHARE KU MIGENDEKERE Y'AHAZAZA HE

Haba ku bagabo n'abagore, Ijambo ry'Imana rishimangira cyane imbaraga ihindura ibya mu kwifatanya n'abandi. Mbega uburyo imbaraga yo kwifatanya n'abantu runaka ari nini cyane ku kwagura intekerezo no gukuza imico y'abana n'urubyiruko! Abo bifatanye nabo, amahame bagenderaho, ndetse n'imico barema ni byo bizaba igisubizo ku kibazo cyo kuba ingirakamaro kwabo kuri iyi si ndetse no ku hazaza habo.²

¹ Uwifuzwa Ibihe Byose, pp.93, 94.

² Counsels to Teachers, Parents, and Students," p.220. [Inama ku Barezi, Ababyeyi, n'Abanyeshuri]

URUGWIRO NO GUSABANA N'ABANDI BYA GIKRISTO

Gusabana n'abandi n'urugwiro bya gikristo usanga nabyo ubwoko bw'Imana butabyubaka muri bwo. Uru ruhande rw'uburezi ntirukwiriye gusuzugurwa cyangwa ngo rwirengagizwe mu mashuri yacu.

Abanyeshuri bakwiriye kwigishwa ko batari nk'ingirangingo nto zigenga kandi zidakenera gufatana n'izindi, ahubwo bigishwa ko buri wese ari nk'akadodo gato kagomba gufatanywa n'izindi kugira ngo zikore umwenda. Nta handi hantu izi nyigisho zatangirwa mu buryo butanga umusaruro haruta mu ishuri ryo mu rugo. Aha mu rugo ni ho buri muni abanyeshuri baba bakikijwe n'amahirwe n'ibihe bizabafasha cyane gukuza ingingo zo mu mico yabo zijyanye n'imibanire y'abantu n'abandi. Gukoresha neza igihe cyabo n'amahirwe bafite biri mu bushobozi bwabo ku buryo bituma bakuza imico izatuma banezerwa kandi bakaba ingirakamaro. Abantu bihugiraho bakaba ba nyamwigendaho, abantu usanga badashaka kwegerwa ngo baheshe abandi umugisha binyuze mu kwifatanya nabo bagaragaza urugwiro, bene abo bahomba imigisha myinshi; kuko mu gusabana n'abandi usanga abantu batunganywa bakabonera. Kubwo guhura n'abandi umenyana nabo, mukarema ubucuti bubyara guhuza imitima ndetse n'umwuka w'urukundo kuko ari byo bishimwa kandi binezeza mu maso y'ijuru.

Mu buryo bwihariye, abasogongeye ku rukundo rwa Kristo bakwiriye guteza imbere imbaraga zabo zo gusabana n'abandi, kuko binyuze muri iyi nzira bashobora kuzana benshi ku Mukiza. Ntabwo Kristo ashobora guhishwa kure mu mitima yabo, ngo akingiranwe nk'ubutunzi bwera kandi bunyura umutima umuntu ashaka kwigumanira ngo abwishimire wenyine. Nta nubwo kandi urukundo rwa Kristo ruzagaragarizwa ababashimisha gusa. Abanyeshuri bagomba kwigishwa imyitwarire nk'iya Kristo yo kugaragaza kwita ku bandi mu mutima w'ubugwaneza no gusabana bagaragariza abantu bakeneye cyane kugaragarizwa uwo mutima nubwo bene abo bataba mu ncuti zabo. Ibihe byose ndetse n'ahantu hose Yesu yagaragazaga kwita ku nyoko muntu mu rukundo, kandi ahabaga hamukikije yahakwizaga umucyo urangwamo kubaha Imana. Abanyeshuri bakwiriye kwigishwa kugera ikirenge mu cye. Bakwiriye kwigishwa

kugaragariza urubyiruko bagenzi babo ubwuzu bwa Gikristo, impuhwe ndetse n'urukundo; kandi bagashishikarira kubazana kuri Yesu. Kristo akwiriye kuba mu mitima yabo akaba nk'isoko y'amazi adudubiza kugeza ku bugingo buhoraho, akamara inyota abantu bose bahura nabo.

Uyu murimo bakorera abandi bafite ubushake n'urukundo mu gihe bakeneye kuwukorerwa ni wo w'agaciro kenshi mu maso y'Imana. Ndetse n'igihe bajya ku ishuri, iyo abanyeshuri ari indahemuka ku kwizera kwabo, bashobora kuba abavugabutumwa bazima bavugira Imana. Ibi byose bizatwara igihe; ariko igihe gikoreshejwe muri ubwo buryo kiba gikoreshejwe mu buryo bwungura, kuko muri ubu buryo umunyeshuri aba yiga uko yamenyekanisha idini ya Kristo mu batuye isi.

Kristo ntiyigeze yanga kwifatanya n'abandi mu byabahurizaga mu bucuti. Igihe Umufarisayo cyangwa umukoresha w'ikoro yamurarikiraga kuza mu birori, yemeye ubwo butumire. Ubwo yabaga ari muri ibyo birori, ijamba ryose yavugaga ryabaga ari impumuro y'ubugingo izana ubugingo ku bamwumvaga; kuko isaha yo gusangira yayihinduraga umwanya wo kwigisha inyigisho nyinshi z'agaciro kenshi zihuje n'ubukene bwabo. Uko ni ko Kristo yigishije abigishwa be uko bagomba kwitwara igihe bari kumwe n'abubaha Imana cyangwa bari kumwe n'abatayubaha.¹

¹ *Testimonies for the Church*, Vol. 6, pp. 172, 173. [Ibihamya by'Itorero]

AMAHAME NGENDERWAHO

Umutima w'umuntu ni uwa Yesu. Yesu yishyuye ikiguzi kitagerwa ku bugingo bw'umuntu; kandi adusabira imbere ya Data ari Umuhuza wacu. Atwingingira adasabana ipfunwe, ahubwo adusabira ari umuneshi usaba ibyo afitiho uburenganzira. Ashobora rwose gukiza kuko ahoraho iteka ngo adusabire. Umutima w'umuntu ukiri muto ni ituro ry'agaciro kenshi, kandi ukaba impano y'agaciro ishobora guhabwa Imana. Uko muri kose, ubushobozi bwose mufite, byose biva ku Mana nk'indagizo yera muhabwa muzagarurira uwayibahaye binyuze mu ituro ryeru kandi mutanganye ubushake. Ntabwo mushobora guha Imana ikintu itabanje kubaha. Kubw'ibyo rero, iyo umutima weguriwe Imana, aba ari ukuyiha impano yo ubwayo yaguze kandi akaba ari iyayo bwite.

Hari byinshi bishaka gukoresha no gutwara igihe, urukundo n'imbaraga by'urubyiruko. Satani avuga ko abasore ari umutungo we, kandi umubare munini w'urubyiruko rumwegurira ubushobozi bwose n'impano zose rufite. Isi irashaka gukoresha umutima [w'urubyiruko] ariko uwo mutima ni uwa Kristo wawucunguye. Umutima niwegurirwa isi n'ibyayo, uzuzuramo ibihagarika umutima, agahinda no kubabazwa no kubura ibyo umuntu yari yiringiye. Uwo mutima uzakhindana kandi wangirike. Byaba ari ubujura bukabije cyane kuba umuntu yaha isi ibyo umutima we ukunda ndetse akyegurira no kuyikorera kuko ubusanzwe atari ibye ahubwo ari iby'Imana. Ntabwo ushobora kwegurira umutima wawe gushaka ibinezeza ngo ugire icyo wunguka.

Umwanzi wo gukiranuka afite amoko yose y'ibinezeza yateguriye urubyiruko uko rwaba ruriho kose; kandi ntibiboneka mu mujiy ituwe cyane gusa, ahubwo biboneka ahantu hose hatuwe n'abantu. Satani akunda kwinjiza urubyiruko mu ngabo ze. Umwanzu gica azi neza igikoresho agomba gukoresha; kandi yagaragaje ubwenge bwe bwa kidayimoni ahimba imigenzo n'ibishimisha urubyiruko bizatuma rutandukana no gukunda Yesu Kristo

UMWANA W'IKIRARA

Icyigisho cy'umwana w'ikirara cyatangiye kugira ngo gihugure kandi cyigishe uruburuko. Mu buzima bwe bwo gushaka ibinezeza no gusayisha mu byaha, yatagaguye umunani we mu buzima bw'uburara. Nta ncuti yari afite kandi yari mu gihugu cy'amahanga; yambaye incabari, ashonje ndetse yifuza no gusigarizwa n'ingurube. Ibyiringiro biheruka yari afite byari ibyo kugaruka mu rugo rwa se yihannye kandi aciye bugufi. Ahageze yarakiriwe, arababarirwa, kandi umutima wa se wongera kumwakira. Abasore benshi ubu bakora nk'uko uriya mwana yakoze. Barangwa n'imibereho yo kutagira icyo bitaho, gukunda ibishimisha no gutagaguzza maze bakazibukira isoko y'amazi y'ubugingo n'isoko y'ibyishimo nyakuri, ahubwo bakifukurira ibitega bitobotse bitabasha kubika amazi.

IRARIKA RY'IMANA RYUJE UBUNTU

Irarika ry'Imana riragera ku musore wese rimubwira riti: "Mwana wanjye mpa umutima wawe; kandi amaso yawe yishimire inzira zanjye." (Imigani 23:26). Akomeza avuga ati: "Nzawuboneza; kandi nzawuhaza ibyo wifuza nywuzuze umunezero nyakuri." Imana yifuza kunezeza abasore, iyo ni yo mpamvu ishaka ko bayegurira imitima yabo kugira ngo iyirinde, ndetse igashaka ko ubushobozi bwose iha ubuzima bwabo bwakomeza kurindwa bukagira imbaraga kandi buzira umuze. Bafashe mu biganza byabo impano y'ubugingo Imana yabahaye. Imana ni yo ituma umutima utera; kandi igaha imbaraga ubushobozi bwose bw'umubiri. Kwishimira mu bitunganye ntibisigingiza n'imwe mu mpano Imana itanga. Iyo dushaka ibinezeza bidutandukanya no gukunda Imana tuba ducumura ku mibiri yacu ubwacu kandi ducumura no ku Mana. Abasore bakwiriye kuzirikana ko bashyizwe ku isi ngo bapimwe kandi bageragezwe, kugira ngo bigaragare niba bafite imico izatuma baba bakwiriye kubana n'abamarayika.

Igihe abo ubana nabo bakoshya kuja mu nzira y'ibibi n'ubupfapfa, kandi abagukikije bese bakaba bakurehereza kwibagirwa Imana, kurimbura ubushobozi Imana yakuragije no gutesha agaciro iby'agaciro byo muri kamere yawe, ujye ubirwanya. Ibuka ko uri uw'Umukiza, wibuke ko waguzwe igiciro gihwanye n'imibabaro no gushenguka umutima by'Umwana w'Imana

Umwami Yesu ashaka ko umukorera. Aragukunda. Umucyo umurika uva ku musaraba ukwerekana ubugari bw'urwo rukundo rutarondorwa. "Ufite amategeko yanjye, akayitondera, ni we unkunda: kandi unkunda azakundwa na Data, nanjye nzamukunda mwiyerereke." Yohana 14:21. Tugomba kumenya neza amategeko y'Imana binyuze mu kuyiga dushimikiriye; bityo tuzagaragaza ko turi abahungu n'abakobwa b'Imana bayumvira.

KUGOTWA N'IMBABAZI Z'IMANA

Imbabazi z'Imana zikugota igihe cyose; kandi kuzirikana uburyo n'aho imigisha ubona ituruka buri muni byakuzanira inyungu. Reka imigisha y'agaciro kenshi Imana itanga ikangure umwuka wo gushima muri wowe. Ntabwo ushobora kubara imigisha y'Imana n'ineza yuje urukundo ugirirwa kuko ari byinshi nk'ibitonyanga by'imvura bihembura. Ibicu by'imbabazi biri hejuru yawe, kandi bigiye kukumanukira. Nushimishwa n'impano y'agaciro y'agakiza, buri muni uzajya wumva uhemburwa, wiyumveho ko urinzwe kandi wiyumveho urukundo rwa Yesu. Uzayoborwa mu nzira y'amahoro.

Itegereze ibintu by'agahebuzo Imana yashyize mu byaremwe, maze ureke umutima wawe usabwe no gushima Rugaba. Mu gitabo cy'ibyaremwe harimo ibyigisho byungura ubwenge. Ntukabe indashima cyangwa utagira icyo yitaho. Bumbura amaso y'ubwenge bwawe; reba uburyo hari ukutabusanya hagati y'amategeko y'Imana mu byaremwe maze bigutangaze, kandi wubahe Umuremyi wawe, Umutegetsi w'ikirenga w'ijuru n'isi. Murebeshe amaso yo kwizera, maze urebe uko yunamye hejuru yawe yuje urukundo, avugana impuhwe ati: "Muhungu wanjye, nawe mukobwa wanjye mpa umutima wawe." Iyegurire Yesu, bityo n'umutima ushima ushobore kuvuga uti: "Nzi ko Umucunguzi wanjye ariho." Kwizera Yesu kwawe kuzaha imbaraga umugambi wose, guhe n'imico yawe kudahuzagurika.

Ibyishimo byawe byose, amahoro yawe, umunezero n'intsinzi ugeraho muri ubu buzima bishingiye mu kwizera kuzima ufite mu Mana. Bene uku kwizera kuzagutera kumvira amategeko y'Imana k'ukuri. Ubwenge bwawe no kwizera Imana kwawe ni byo gihome gikomeye kigukingira gukora ibikorwa bibi byose, bikaba imbaraga iguhatira gukora icyiza cyose.

Izere Yesu we ukubabarira ibyaha byawe byose, we ushaka ko uzishimira mu mazu yagiye kugutegurira. Ashaka ko uzaba imbere ye; ukazahabwa ubugingo buhoraho n'ikamba ry'ubwiza.¹

¹ *The Youth's Instructor, January 5, 1887. [Umwigisha w'Abasore].*



IMBARAGA IHINDURA IVA MU KWIFATANYA

Nta kabuza abasore bazagira abo bifatanyana nabo, kandi bizaba ngombwa ko abo bantu bagira icyo babahinduraho. Hariho imirunga y'amayobera iboheye abantu hamwe kugira ngo umutima w'umuntu umwe wumvire umutima w'undi. Umuntu umwe yumva igitekerezo, amarangamutima n'impumeko y'undi. Bene uko kwifatanyana gushobora kuba umugisha cyangwa se kukaba umuvumo. Abasore bashobora gufashanyana kandi bagakomezanyana, bakarushaho kunoza imyitwarire yabo, imico ndetse n'ibyo bazi; cyangwa se kubwo guhitamo kuba abatagira icyo bitaho kandi badakiranuka, bashobora guteza impinduka zangiza imico mbonera.

Guhitamo abo muba incuti mugafatanyana ni kimwe mu byo abanyeshuri bakwiriye kwigana ubushishozi. Mu rubyiruko rwiga ku mashuri yacu hazahora harimo amatsinda abiri: iry'abashaka kunezeza Imana no kumvira abigisha babo, ndetse n'iry'abuzuye umwuka wo kwigomeka ku mategeko. Urubyiruko niruramuka rujyanye n'imbaga y'abandi gukora ibibi, imbaraga ihindura abandi bafite izakoreshwa mu ruhande rw'umwanzi w'imitima. Bazayobya abatarakunze amahame yo kudahemuka badakebakeba.

Ibyavuzwe ni ukuri ngo: "Nyereka uwo mugendana, nanjye ndakwereka imico yawe." Urubyiruko ntirujya rumenya uburyo imico yarwo n'uko ruzwi bigira uko bihindurwa n'incuti ruhita. Umusore umwe ashaka abo bifatanyana bafite ibyo bakunda, imico ndetse n'ibyo bakora binejeje. Umuntu uhita kwifatanyana n'abapfapfa n'abanyarugomo yirengagije abanyabwenge n'ab'ingeso nziza, aba agaragaza ko imico ye ubwayo ifite ibiziga. Ibyo akunda n'ibyo yamenyereye bishobora mbere ya byose kuba bitandukanye n'ibyo izo ncuti ashaka zikunda n'ibyo zamenyereye. Ariko uko yifatanyana n'iri tsinda, ibitekerezo bye n'uko yiyumva birahinduka. Usanga atatira amahame y'ubutungane, kandi mu buryo atazi ndetse butabura kubaho akorana kandi akagera ku rwego rumwe n'urwa bagenzi be. Nk'uko umugezi w'amazi iteka utwara ubutaka ugenda unyuraho, ni ko amahame n'imico by'urubyiruko byanduzwa n'imico y'abo bifatanyana nabo. . . .

IGIPIMO CY'IMBARAGA

Imbaraga z'imico zigizwe n'ibintu bibiri: imbaraga z'ubushake n'imbaraga zo kwitegeka. Abasore benshi baribeshya bakitiranya imbaraga z'imico n'imbaraga zikomeye kandi zirarikira badategeka. Nyamara ukuri ni uko umuntu utegekwa n'ibyifuzo bye aba ari umunyanteye nke. Gukomera nyakuri n'ubupfura by'umuntu bipimirwa ku mbaraga afite zo gutegeka amarangamutima ye, ntabwo ari imbaraga z'amarangamutima ye zimutegeka. Umuntu w'umunyambaraga kurusha abandi ni wa wundi uzategeka amarangamutima ye kandi akababarira abanzi be aho gukururwa n'umutima wo kugira nabi.

Imana yaduhaye imbaraga z'ubwenge n'iz'imico mbonera; ariko rero buri muntu ni we urema imico ye ku rwego rukomeye. Buri munsu imiterere y'iyico igenda yegera kugera ku rwego rushyitse. Ijambo ry'Imana rituburira kwitondera uko twubaka, tukareba niba inyubako yacu ishinze ku rutare rw'iteka. Igihe kiraje ubwo umurimo wacu uzashyirwa ku mugaragaro ugahishurwa nk'uko uri. Ubu ni igihe abantu bose bagomba gukuza no gukomeza imbaraga Imana yabahaye, kugira ngo babashe kurema imico y'ingirakamaro kuri iyi si ndetse no ku buzima buhebuje bwo mu isi nshya.

Kwizera Kristo nk'Umukiza wa buri muntu ku giti cye bizatanga imbaraga kandi bikomeze imico. Abizera Kristo by'ukuri bazarangwa no kwirinda, bajye bibuka yuko ijisho ry'Imana ribareba, kandi ko Umucamanza z'abantu bose agenda ashya ku gipimo agaciro k'imico mbonera bafite. Bibuka kandi ko abo mu ijuru babitegereza kugira ngo barebe imico bagenda bakuza.

Impamvu amakosa akomeye cyane akorwa n'abasore ni uko batigira ku byabaye ku babaruta ubukuru. Abanyeshuri ntibagomba guhangara kwirengagiza cyangwa gusuzugura imiburo n'amabwiriza ababyeyi n'abarimu babo babaha. Bakwiriye kwita cyane ku isomo ryose bigishwa, kandi ari na ko bazirikana ko bakeneye kwigishwa byimbitse birenze ibyo umuntu uwo ari we wese yatanga. Iyo Kristo atuye mu mutima kubwo kwizera, Mwuka we ahinduka imbaraga yeza kandi ibeshaho ubugingo. Ukuri kuri mu mutima ntikwananirwa kugira imbaraga ikosora ubugingo

Nimutyo abanyeshuri bari kure y'iwabo, bakaba batakigengwa n'ababyeyi babo mu buryo butaziguye bibuke ko ijisho rya Se wo mu ijuru ribareba. Data wo mu ijuru akunda abasore. Azi ibyo bakeneye, kandi asobanukiwe n'ibigeragezo bahura nabyo. Ababonamo ubushobozi bukomereye, kandi yiteguye kubafasha kugera ku rugero ruhanitse nibaramuka bamenye ubukene bwabo maze bakamushakiraho ubufasha.

Banyeshuri, mumenye ko amasengesho ababyeyi banyu babasabira azamuka ajya ku Mana ku manywa na nijoro; kandi ko uko bukeye bukira kubitaho kwabo kuje urukundo kubakurikira. Mutege amatwi kubahana kwabo n'imiburo babaha, kandi mwiyeze ko muzakora uko mushoboye kose mu mbaraga zanyu mukaganza ikibi kibakikije. Ntabwo mushobora

kumenya uburyo umwanzi mu bugome bwinshi kandi butuje azakora kugira ngo yangize intekerezo zanyu n'imico yanyu, kandi ngo akuze amahame y'ikibi muri mwe.

Mushobora kutabona ikibi nyacyo kiri mu gufata iya mbere mujya mu bitagira umumaro no gushaka ibibanezeza, kandi mugatekereza ko igihe muzifuza guhindura imikorere yanyu muzashobora gukora ibyiza biboroheye nk'uko byari bimeze mbere y'uko mwirundurira mu gukora ibibi. Ariko iri ni ikosa. Kubwo guhitamo incuti mbi, buhoro buhoro abantu benshi bagiye bateshurwa mu nzira y'ukuri bakayoboka inzira yo kutumvira no gusayisha batari barigeze batekereza na rimwe ko byashoboka ko bajyamo.

Umunyeshuri wemerera igishuko kumutegeka aba acogoza imbaraga ze zimujyana mu cyiza, kandi umuntu uhinduka igikoresho cy'umwanzi w'abantu binyuze mu migirire ye mibi, agomba kuzabazwa n'Imana uruhare yagize mu gushyira intaza mu nzira y'abandi. Kuki abanyeshuri bakwifatanya n'umuhakanyi ukomeye? Kuki bahinduka abakozi be bashuka abandi? Ibiramambu, kuki batakwiga gufasha no gutera ubutwari abanyeshuri bagenzi babo ndetse n'abarimu babo? Bafite amahirwe yo gufasha abigisha babo kwikorera imitwari no guhangana n'ibirushya Satani yashyiraho ngo biremerere abantu bibace intege kandi bibagerageze. Bakwiriye gutuma aho bari harangwa n'umwuka ufasha abandi bakanezerwa. Umunyeshuri wese ashobora gushimishwa no kuzirikana ko ahagaze mu ruhande rwa Kristo, akagaragaza kubaha gahunda, kwitonda no kumvira, ndetse mu bushobozi bwe bwose n'imbaraga ze zose ntiyemere gutiza umurindi umwanzi ukomeye w'ibintu byose byiza kandi bizahura.

Umunyeshuri ufite umutima uzirikana ukuri kandi akaba afite imyumvire y'ukuri ku byerekeye inshingano ye ashobora gukora ibintu byinshi byatera abanyeshuri bagenzi be kuyoboka Kristo. Urubyiruko rufatanyaga n'Umukiza kwikorera umutwari ntiruzaba urunyagasuzuguro; kandi ntiruziga uburyo bwari bwo kwishakira ibinezeza no kwihimbaza. Kubera ko bene abo babaye umwe na Kristo mu mwuka, bazaba umwe na Kristo no mu bikorwa. Abanyeshuri baruta abandi ubukuru biga mu mashuri yacu bakwiriye kwibuka ko bafite ubushobozi bwo kugorora imikorere y'abanyeshuri bakiri bato ndetse n'ibyo baba baragize akamenyero. Bakwiriye kandi gushaka uko bakoresha neza amahirwe yose babona. Nimutyo aba banyeshuri baruta abandi ubukuru biyemeze ko batazigera bagambanira bagenzi babo mu maboko y'umwanzi binyuze mu mpinduka bashobora guteza.

Yesu azabera umufasha abantu bose bamwiringira. Abomatanye na Kristo bafite ibyishimo. Bakurikira inzira Umukiza wabo abayoboramo, kandi kubwe bakabamba umubiri n'ibyo ukunda ndetse n'ibyo urarikira. Ibyiringiro byabo babyubatswe kuri Kristo, bityo imiraba y'isi nta mbaraga ifite yo kubakura ku rufatiro rutanyeganyezwa.

KUBA UMWIRINGIRWA N'INDAHAMUKA

Basore namwe nkumi, biri mu biganza byanyu kuba mwafata icyemezo cy'uko muzaba abiringirwa n'indahemuka, mukaba mwiteguye kandi mwiyeje rwose guhagarara mu kuri uko ibintu byaba bimeze kose. Mbese ntimwifuza kurema imico itunganye? Niba ari ko bimeze, mushake incuti zifite imico mbonera itunganye, kandi zifite intego iganisha ku cyiza. Amasaha y'agaciro kenshi y'igihe cy'imbabazi yatangiye kugira ngo mubashe gukura inenge yose mu mico yanyu. Ibi kandi mukwiriye kushaka uko mubikora atari ukugira ngo muzabone ubugingo buzaza gusa, ahubwo ari no kugira ngo mubashe kuba ingirakamaro muri ubu buzima. Imico myiza ni igishoro kirusha izahabu n'ifeza agaciro. Ni igishoro kidakurikirwa no guhagarika umutima cyangwa guhomba, kandi muri wa munsu ubwo ubutunzi bwo ku isi buzatikira, iki gishoro cyo kizahesha inyungu nyinshi. Ubupfura, gushikama no kwihangana ni imico abantu bese bakwiriye gushaka gukura muri bo badakebakeba kuko bene iyi mico yambika nyirayo imbaraga idashobora gutsindwa. Imwambika imbaraga imukomeza ngo abashe gukora ibyiza, ikamukomeza ngo abashe gutsinda ikibi no kwihanganira kurwanywa.

Gukunda ukuri no kumva ko ufite inshingano yo guhesha Imana ikuzo, ni zo ngororano zikomeye kurusha izindi ziva mu mikoreshereze myiza y'ubwenge. Igihe umunyeshuri afite iyi mbaraga imutera gukora, ntabwo ashobora kuba uw'agaciro gake. Ahubwo azahora ashishikaye. Azajya yiga nk'uwo Imana ihanze ijisho, azi neza ko ijuru ryose rifatanywe nawe mu murimo w'imyigire ye. Azahinduka umuntu ufite ibitekerezo bizima, umunyabuntu, umugwaneza, uwubaha, witwara Gikristo kandi ukora ibyo ashinzwe uko bikwiriye. Umutima n'intekerezo ze bizakora bihuza n'ubushake bw'Imana.¹

¹ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, pp.220-226. [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]

IMBARAGA IHINDURA ABANDI

Imibereho ya Kristo yari imbaraga ihindura abandi ihora yaguka kandi ntigire imbibi. Yari imbaraga imwomatanya n'Imana n'umuryango wose wa muntu. Binyuze muri Kristo, Imana yahaye umuntu imbaraga ihindura abandi ituma bitashoboka ko umuntu yabaho kubwe wenyine. Ku rwacu ruhande dufite isano iduhuza n'abantu bagenzi bacu, kandi turi umugabane umwe w'ibyo Imana yaremeye bikomeye, ndetse buri wese afite inshingano kuri mugenzi we. Nta muntu ushobora kubaho adakeneye bagenzi be; kuko imibereho myiza ya buri wese igira icyo ihindura ku bandi. Ni umugambi w'Imana ko buri muntu wese yumva ko we ubwe ari ngombwa ku mibereho myiza y'abandi kandi ko akwiriye gushaka uko bakwishima.

Buri muntu wese akikijwe n'umwuka w'ibimuranga. Ushobora kuba umwuka wuzuye imbaraga itanga ubugingo yo kwizera, ubutwari, n'ibyiringiro, kandi ukaba umwuka mwiza wuzuye impumuro y'urukundo. Cyangwa se ushobora kuba umwuka uremereye, utera umususu wuzuye igihugu cy'umubabaro no kwikanyiza, cyangwa ukaba umwuka urimo uburozi wuzuye ikizinga cyica cy'icyaha umuntu yagundiye. Kubw'umwuka udukikije, umuntu wese duhura na we agira uko ahinduka yaba abizi cyangwa atabizi.

INSHINGANO YACU

Iyi ni inshingano tudashobora kwihunza. Amagambo yacu, ibikorwa byacu, imyambarire yacu, imyitwarire yacu ndetse n'isura yacu n'indoro yacu, byose bifite imbaraga ihindura abandi. Uko ibyo bigaragara, byomatanye no kuzana umusaruro w'ibyiza cyangwa uw'ibibi umuntu adashobora kugera. Imbaraga yose itera abantu kugira icyo bakora batabitekereje ikomotse kuri ibyo aba ari imbuto ibibwe kandi ikazera umusaruro wayo. Ni ipfundo rimwe mu munyururu muremure w'ibyo umuntu anyuramo kandi uragutse ukagera aho tutamenya. Niba kubw'urugero dutanga dufasha abandi mu gukuza amahame meza bagenderaho, tuba tubaha imbaraga zo gukora ibyiza. Ku ruhande rwabo nabo, iyo mbaraga bayigeza ku bandi, maze abo nabo bakayigeza ku bandi bityo bityo. Uko ni ko abantu ibihumbi byinshi bashobora kubona umugisha kubw'imbaraga idukomokaho ihindura abandi tutabishaka.

Njugunya akabuyenge mu kiyaga, urabona imivumba y'amazi igenda yirema ikurikirana ituruka aho unaze akabuye; kandi uko igenda yaguka, ni ko yagura inziga zayo kugeza ubwo zigeze ku nkombe. Uko ni nako bimeze ku mpinduka duteza ku bandi. Mu buryo tutazi kandi tudashobora gutegeka, impinduka duteza zihesha abandi umugisha cyangwa umuvumo.

Imico ni imbaraga. Umuntu wicecekeye witegereza ubuzima bw'umuntu wubaha Imana, utikanyiza kandi w'umunyakuri ajyana imbaraga ihindura adashobora gutsinda. Kubwo kugaragariza imico ya Kristo mu buzima bwacu bwite, tuba dufatanyaga na We mu murimo wo gukiza ubugingo bw'abantu. Dushobora gukorana na we gusa binyuze mu kugaragariza imico ye mu mibereho yacu.

Kandi uko turushaho kwagura urubuga rw'aho impinduka duteza zigera, ni ko dukwiriye kurushaho gukora neza. Igihe abavugaga ko bakorera Imana bakurikiza urugero rwa Kristo, bagashyira mu bikorwa amahame y'amategeko mu mibereho yabo ya buri munsu; igihe igikorwa cyabo cyose gihamya ko bakunda Imana kuruta byose kandi bagakunda na bagenzi babo nk'uko bikunda, ubwo ni bwo itorero rizagira imbaraga zo kunyeganyeza isi.¹

¹ Christ's Object Lessons," pp.339, 340. [Imigani ya Kristo]

GUHITAMO INCUTI

Dukwiriye guhitamo abo tubana batuma habaho imigendekere myiza y'iterambere ryacu mu by'umwuka kandi tukabasha gusingira ubufasha bwose buboneka aho tubasha kugera; kuko Satani azashyiraho inzitizi zose kugira ngo atume urugendo rwacu rwerekeza mu ijuru rurushaho gukomera uko bishoboka kose. Dushobora gushyirwa mu myanya ibonekamo ibitugerageza, kuko abantu benshi badashobora kugira ahabakikije hahuje n'uko bashaka. Nyamara ku bushake bwacu ntidukwiriye kwishyira ahari imbaraga zihindura zibangamira kuremwa kw'imico ya Gikristo muri twe. Igihe inshingano dufite idusaba gukora ikintu runaka, dukwiriye kuba amaso kandi tugasenga kugira ngo kubw'ubuntu bw'Imana tubashe guhagarara tudafite ikizinga.

Loti yahisemo gutura i Sodomu kubera ko yari yitaye cyane ku nyungu z'igihe gito yajyaga kubona kuruta uko yari yitaye ku mbaraga zihindura imico zari kuba zimukikije ubwe ndetse n'umuryango we. None se turebye iby'isi, ni iki Loti yungutse? Ubutunzi bwe bwararimbutse, bamwe mu bana be batikiriye mu kurimbuka k'uwo muji wari warasayishije. Umugore we yahindukiye inkingi y'umunyu mu nzira ahunga, kandi na Loti ubwe yarokotse umuriro. Ntabwo kandi ingaruka mbi zo guhitamo kwe kwanzwe no kwikunda zagarukiye aho; ahubwo kwangirika kw'imico mbonera kw'abantu b'uwo muji kwari kwaramaze kwisobekeranya n'imico y'abana be ku buryo batashoboraga gutandukanya ikibi n'icyiza, ngo banatandukanye icyaha no gukiranirwa.¹

¹ *The Signs of the Times*, May 29, 1884 [Ibimenyetso by'Ibihe]

[Faint, illegible handwritten text, likely bleed-through from the reverse side of the page]

ITEGEKO RY'IZAHABU

Mu mibanire yanyu n'abandi, muje mwishyira mu mwanya wabo. Muje mwinjira mu marangamutima yabo, mu bibazo bafite, mu byabaciye intege, mu byishimo byabo n'imibabaro yabo. Mwisanishe na bo, maze mwishyire mu mwanya wabo bityo mubagirire nk'uko namwe mwifuzako babagirira. Iri ni ryo tegeko nyakuri ryo kudahemuka. Ni indi mvugo igaragaza iri tegeko ngo "Ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda." Kandi iri ni ryo pfundo ry'inyigisho z'abahanuzi. Ni ihame ry'ijuru, kandi iri hame rizakurira mu bantu bose bazatura mu ijuru.

Itegeko ry'izahabu ni ihame ry'imico yo kwita ku bandi no kububaha by'ukuri, kandi icyitegererezo cyabyo nyakuri kigaragarira mu mibereho n'imico bya Yesu. Mbega imirasire yo kwiyoroshya n'ubwiza yarabagiranaga ituruka mu mibereho y'Umukiza wacu buri munsu! Mbega uburyo aho yabaga ari habaga kunyurwa no kwishima! Umwuka nk'uwo uzagaragarira no mu bana be. Abo Kristo atuyemo bazaba bagoswe n'umwuka w'ijuru. Amakanzu yabo yera y'ubutungane azaba ahumura imibavu ituruka mu busitani bw'Uwiteka. Mu maso habo hazarabagiranaga umucyo uturuka mu maso He, maze umurikire inzira y'abagwaguza n'abananiwe.

Nta muntu n'umwe usobanukiwe by'ukuri n'ibigize imico itunganye uzananirwa kugaragaza impuhwe n'ubugwaneza bya Kristo. Icyo imbaraga y'ubuntu [bw'Imana] ikora ni ukoroshya umutima, gutunganya no kweza amarangamutima, gutanga umutima uva mu ijuru wo kwita ku bandi no kubana n'abandi.¹

¹ *Thoughts from the Mount of Blessing*, pp.192, 193. [Abahirwa Ni Ba Nde]

IKINYABUPFURA NYAKURI

Umwami wacu Yesu adusaba kuzirikana uburenganzira bwa buri muntu wese. Uburenganzira bw'abantu mu muryango mugari w'abantu ndetse n'uburenganzira bwabo nk'Abakristo bigomba kwitabwaho. Abantu bose bagomba kubahwa no kwitwararikwaho nk'abahungu n'abakobwa b'Imana.

Ubukristo buzatuma umuntu aba umugwaneza. Kristo yagwaga neza, ndetse n'abamwishe yabitwayeho neza; bityo n'abayoboke be by'ukuri bazagaragaza bene uwo mwuka. Nimwitegereze Pawulo igihe yajyanwaga imbere y'abatware. Amagambo yavugiye imbere y'umwami Agripa ni urugero rugaragaza ikinyabupfura nyakuri kimwe n'imvugo irimo ubutyoya no kwemeza abantu. Ntabwo ubutumwa bwiza bushyigikira ikinyabupfura kigaragara inyuma gusa gishimwa n'ab'isi, ahubwo bushyigikira ikinyabupfura cyo mu mico gituruka imbere mu bugwaneza bwo mu mutima.

Kwitwararika cyane ngo umuntu akuze imico yo kubana neza n'abandi igaragara inyuma gusa mu buzima ntibihagije ngo bicubye umujinya, gucira abandi ho iteka ubihubukiye ndetse n'amagambo adakwiriye. Ikinyabupfura nyakuri ntikizigera kigaragazwa igihe cyose inarinjye izaba ihabwa isumbwe. Urukundo rugomba kuganza mu mutima. Ku Mukristo ugenda atunganye, impamvu zimutera kugira icyo akora azikura ku rukundo rwimbitse mu mutima akunda Shebuja. Binyuze mu mizi y'urukundo rwimbitse akunda Kristo, agaragaza kwita kuri bene se kutarangwamo kwikanyiza. Urukundo ruhisha urufite ubuntu, ikinyabupfura, no kwitwara neza. Rwuzuzwa umucyo mu maso h'urufite kandi rugatega ijwi rye. Ruboneza kandi rugashyira hejuru umuntu wese uko yakabaye.¹

KWITONDA NYAKURI KURAKENEWE

Hariho ikintu gikomeye gikenewe cy'uko abagabo n'abagore bamaze kumenya ubushake bw'Imana bakwiriye kwiga kuba abakozi bagera ku musaruro mu murimo w'Imana. Bakwiriye kuba abantu bakora umurimo unoze, abantu basobanukiwe, abantu badafite kurabagirana kw'inyuma

¹ Ministry of Healing," pp.489, 490. [Rengera Ubuzima]

gushukana n'imyitwarire yo kwigaragaza ireshya abantu y'ab'isi. Ahubwo bakwiriye kuba abantu bafite kwa kubonera n'ikinyabupfura nyakuri kigaragaza ijuru kandi buri Mukristo wese azagira niba afite kamere y'Imana. Kubura k'ubupfura nyakuri no kubonera kwa Gikristo mu bubahiriza Isabato biraturwanya nk'ubwoko bw'Imana, kandi bituma ukuri twamamaza kutaryohera abantu. Umurimo wo kwigisha intekerezo no kumenyereza imyitwarire ushobora gukomeza gukorwa kugeza ubwo umuntu azatungana. Niba abavuga ko bazi ukuri batarushaho gukoresha neza amahirwe n'inzira bafite ubu kugeza ubwo bakuze bakagera ku gihagararo gishyitse cy'abagabo n'abagore muri Kristo Yesu, ntabwo bazahesha icyubahiro umurimo wo kwamamaza ukuri, nta n'icyubahiro bazahesha Kristo.²

GUHITAMO INCUTI

Urubyiruko rugenda nk'uko Kristo ashaka ruzahitamo incuti zizarufasha mu gukora ibyiza, kandi ruzirinda kubana n'abantu batagira icyo barufasha mu guteza imbere amahame atunganye n'imigambi mizima. Ahantu hose wahasanga urubyiruko rufite intekerezo zarohamye mu bintu by'agaciro gake. Nihabaho guhura n'iri tsinda, abiyeguriye Kristo batizigamye bazahagarara bashikamye ku cyo ubwenge bwabo n'umutimanama bibabwira ko gitunganye.³

² *Testimonies for the Church*, Vol. 4, pp.358, 359. [Ibihamya by'Itorero]

³ *Counsels to Teachers, Parents, and Students*, p.226 [Inama ku Barezi, Ababyeyi n'Abanyeshuri]

KWANGA KWIFATANYA N'AB'ISI

Urubyiruko rukwiriye kwita rukomeje ku cyo rugambiriye kugeraho ndetse n'umurimo ruzakora mu buzima, kandi rugashinga urufatiro ku buryo imico yarwo itazigera irangwamo ikizinga cy'imico mibi. Niba bashaka kuba mu mwanya uzatuma baba imbaraga ihindura abandi, bagomba kwikomeraho. Akarabo ko kiyaga gashora imizi yako hasi cyane muni y'imyanda yo ku nkombe cyangwa muni y'urubobi, maze binyuze mu mubyimba wako ufite utwenge kakabasha kuvoma ibigatunga bigafasha gukura, bityo kakazana uburabyo bwako bwiza cyane bugaragara mu bundi butatse inkombe z'ikiyaga. Aka karabyo kanga ibintu byose byakwangiriza cyangwa bigahindanya ubwiza bwako buzira ikizinga.

Dukwiriye gukura icyigisho kuri aka karabo, kandi nubwo dukikijwe n'imbaraga zihindura zishobora kuganisha mu kwangirika kw'imico mbonera maze zikarimbura ubugingo, dushobora kwanga kwangizwa nabyo, maze tukishyira aho kwifatanya mu bibi kutazigera kwanduza imitima yacu. Mu rubyiruko, buri wese ku giti cye akwiriye gushaka abo yifatanya nabo bakomeje urugendo rujya mu ijuru baturiramo n'ibirushya ariko bagakomeza gutera intambwe batagwaguza. Bakwiriye kwirinda kwifatanya n'abantu bakira ibibi byose, abantu batagira icyo bakora kandi batagira n'icyifuzo gikomeye cyo gushaka kugera ku rwego ruhanitse rw'imico myiza. Bakwiriye kandi kwirinda abantu badashobora kwiringirwa ko batazatezuka ku mahame. Nimutyo urubyiruko ruboneke ko rwifatanya n'abantu bubaha Imana kandi bayikunda; kuko icyo mico myiza kandi ihamye igereranywa na rwa rurabo rurimbisha uburabyo bwawo ku nkombe z'ikiyaga. Bene uru rubyiruko rwanga guhindurwa n'ibirukurura bishobora kwangiza imico mbonera yarwo, ahubwo rwiye gereza gusa abazatuma rugira iterambere ry'imico iboneye kandi y'agaciro. Ruzahora rushaka guhuza n'icyitegerereze cy'ijuru.¹

AMAGAMBO YACU NI ISOKO YO GUFASHA ABANDI

Mu Bakristo harangwamo ibiganiro bike cyane ku byerekeye ibintu by'agaciro kenshi bagiye banyuramo. Umurimo w'Imana ugenda

¹ The Youth's Instructor, January 5, 1893. [Umwigisha w'Abasore]

ucumbagira kandi Imana irasuzugurwa bitewe no gukoresha nabi impano yo kuvuga. Ishyari, kunegurana no kwikanyiza byahawe icyicaro mu mutima, kandi amagambo avugwa agaragaza ukwangirika kw'imbere mu mutima. Gutekereza ibibi no kuvuga ibibi byahawe intebe na benshi biyitirira izina rya Kristo. Bene aba bavuga gake cyane ku bugwaneza bw'Imana, imbabazi zayo n'urukundo rwayo byagaragarijwe mu gutanga Umwana wayo ikamuha abatuye isi. Mbese ibi Imana ntiyabidukoreye, none urukundo rwacu no kuyishimira kwacu ntibyari bikwiriye kugaragarira mu byo tuvuga? Mbese ntidukwiriye guharanira ko amagambo yacu aba isoko y'ubufasha no gukomezanya mu mibereho yacu ya Gikristo? Niba dukunda Kristo by'ukuri, tuzamwubahisha mu magambo yacu. Akenshi iyo abatizera bumva amagambo atunganye yo gusingiza Imana no kuyishima baratsindwa kandi bagahinduka.²

IMBARAGA IHINDURA DUFITE

Urugero Umukristo atanga, imyitwarire ye ndetse n'amagambo ye bikwiriye gutera umunyabyaha gukangukira kwifuza gusanga Soko y'ubugingo.³

² *Review and Herald*, January 25, 1898. [Urwibutso n'Integuza]

³ *Review and Herald* 29, 1887. [Urwibutso n'Integuza]

IKIGANIRO GISHIMWA

Abantu bize cyane iby'ubuhanga buhanitse si bo iteka baba ibikoresho bitanga umusaruro kurusha abandi mu gukoreshwa n'Imana kwabo. Hariho abantu benshi bisanga barirengagijwe, hakabaho n'abandi bagize amahirwe make yo kuronka ubumenyi bwo mu bitabo usanga barafashe imyanya ya bariya birengagijwe bitewe n'uko aba bataronse ubumenyi bwo mu bitabo usanga bafite ubumenyi bw'ibifatika bukenewe gukoreshwa mu buzima bwa buri munsu; mu gihe abibwira ko bize cyane akenshi bareka gukomeza kuba abigishwa, bakumva bihagije, ndetse ko bageze aho batagikeneye kwigishwa yewe na Yesu ubwe wari umwigishwa uruta abandi isi yigeze kugira.

Abantu bakuze kandi bagutse [mu biterekezo], ba bandi bafite ubushobozi bwo gutekereza bwatejwe imbere no kwiga ibyanditswe bimbitse kugira ngo babashe kumenya ubushake bw'Imana, bazagera mu myanya y'ingirakamaro cyane; kuko ijambo ry'Imana ryinjiye mu bugingo bwabo n'imico yabo. Ijambo ry'Imana rigomba gukora umurimo waryo wihariye, ndetse rikahuranya rikagabanya ingingo n'umusokoro, kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira, ukagambirira. Ijambo ry'Imana rigomba kuba ibyokurya Umukristo aya kugira ngo akomere mu mwuka no mu bwenge, bityo abashe kurwanirira ukuri no gukiranuka.

IMPAMVU ITUMA ABANTU BABA KU RUGERO RWO HASI

Ni mpamvu ki urubyiruko rwacu ndetse n'abafite imyaka y'ubukuru yisumbuye usanga bagwa mu gishuko no mu cyaha mu buryo bworoshye? -Biterwa n'uko ijambo ry'Imana ritigwa kandi ngo ritekerezweho nk'uko bikwiriye. Iyaba ijambo ry'Imana ryahabwaga agaciro, habaho gukiranuka kw'imbere [mu bugingo], hakabaho imbaraga z'umwuka zishobora gutsinda ibishuko bya Satani bibarehereza gukora ikibi. Imbaraga itegeka ubushake ihamye kandi idakebakeba ntiyinjijwe mu bugingo n'imico bitewe n'uko amabwiriza yera y'Imana atagizwe ingingo yo kwigwa no gutekerezwaho. Kugira ngo intekerezo zihuzwe n'ibitunganye, nta mbaraga zakoreshejwe kugira ngo habeho ibitekerezo byera, kandi ngo bitandukanywe n'ibyanduye n'ibinyoma. Nta guhitamo umugabane mwiza

kuriho, nta kwicara ku birenge bya Yesu nk'uko Mariya yabigenje kugira ngo bige ibyigisho bihebuje ibindi kwera by'Umwigisha wavuye mu ijuru, kandi ngo bishinge imizi mu mutima ndetse bishyirwe mu bikorwa mu buzima bwa buri muni. Gutekereza ku bintu byera bizazamura kandi bitunganye intekerezo. Bizateza imbere abasore n'inkumi b'Abakristo.

Imana ntizigera yemera umuntu n'umwe muri twe ugenda agwabiza kandi ateshereza agaciro imbaraga ze mu by'isi by'agaciro gake n'irari byaba binyuze mu mitekerereze ye, mu magambo cyangwa mu bikorwa bye. Ijuru ni ahantu hera kandi hatunganye, aho nta muntu wahinjira keretse atunganijwe, akuzuzwa umwuka, akabonezwa kandi akezwa. Hari umurimo tugomba kwikorera twe ubwacu, kandi tuzashobora kuwukora binyuze gusa mu gukura imbaraga kuri Yesu. Dukwiriye kwiga Bibiliya tukayirutisha ikindi gitabo icyo ari cyo cyose. Dukwiriye kuyikunda, kandi tukayumvira nk'ijwi ry'Imana. Tugomba gufata kandi tukumva ibyo itubuza n'ibyo idusaba itubwira iti: "ntuzagire utya, uzagire utya", kandi tukazirikana ubusobanuro nyakuri bw'ijambo ry'Imana.

HAKENEWE IMITEKEREREZE MVAJURU

Iyo ijambo ry'Imana rigizwe umujyanama wacu, kandi tukarondora mu Byanditswe byera dushaka umucyo, abamarayika bo mu ijuru baza hafi yacu kugira ngo basobanurire intekerezo zacu kandi bamurikire ubwenge bwacu bityo mu by'ukuri bibe byavugwa ngo, "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge." Mu gihe hariho urugero ruto cyane rwo kwita ku ijambo ry'Imana, nta gitangaje kubona nta mitekerereze mvajuru igaragara mu rubyiruko ruvuga ko ari Abakristo. Inama z'Imana ntizumvirwa; imiburo irasuzugurwa; ntabashaka ubuntu n'ubwenge mvajuru kugira ngo ibyaha bakoraga kera bibashe kwirindwa kandi ikizinga cyose cyo kwangirika kibashe kwezwa mu mico. Dawidi we yarasanze ati: "Umenyeshe inzira y'amategeko wigishije, kugira ngo nibwire imirimo itangaza wakoze." Zaburi 119:27.

Iyaba intekerezo z'urubyiruko rwacu kimwe n'iz'abafite imyaka y'ubukure yisumbuye zerekazwaga mu nzira itunganye kandi ikwiriye igihe bahuriye hamwe, ibiganiro byabo byakwerekezwa ku nsanganyamatsiko zo ku rwego rwo hejuru. Igihe ubwenge buboneye kandi ibitekerezo bikaba bishyizwe hejuru n'ukuri kw'ijambo ry'Imana, amagambo nayo azaba ameze "nk'amatunda y'izahabu ku mbehe y'ifeza." Nyamara hamwe n'imyumvire n'imikorere iriho ubu, ndetse n'urugero rwo hasi usanga n'abavuga ko ari Abakristo bishimira kugeraho, usanga ibiganiro ari iby'agaciro gake ndetse ntacyo byungura. Usanga ari "ibyo mu isi kandi ari iby'isi." Ntibirangwamo ukuri cyangwa iby'ijuru, ndetse ntibizamuka ngo binagere ku rugero rw'ibiganiro by'itsinda ry'ab'isi bahugukiwe.

URUGENDO RUKOMEYE RWO KWEZWA

Igihe Kristo n'ijuru ari zo nsanganyamatsiko dukunda gutekerezaho, ibiganiro tugira bizabihamya. Amagambo azaba yuzuyemo ubuntu, kandi uvuga azagaragaza ko yigishirijwe mu ishuri ry'Umwigisha wavuye mu ijuru. Umwanditsi wa Zaburi aravuga ati: "Nahisemo inzira y'umurava: Nashyize amateka yawe imbere yanjye." Zaburi 119:30. Umwanditsi wa Zaburi yahaye ijambo ry'Imana agaciro. Ryinjiye mu mutima we, atari ukugira ngo ryirengagizwe, ahubwo ari ukugira ngo rishyirwe mu bikorwa mu buzima bwe . . .

Uko umunsi uhita undi ukaza, isaha igashira indi ikaza, hakwiriye kubaho urugendo rusaba imbaraga rwo kwiyanga ndetse no kwezwa rukomeza kubera imbere mu mutima; bityo imirimo igaragara inyuma izahamya ko Yesu atuye mu mutima kubwo kwizera. Ntabwo kwezwa gufunga inzira z'ubugingo zigana ku kumenya, ahubwo kwezwa kuzira kugira ngo kwagure intekerezo, kandi kuzitere gushakisha ukuri nk'ushaka ubutunzi buhishwe; kandi kumenya ubushake bw'Imana bizateza imbere umurimo wo kwezwa. Ijuru ririho. Mbega uburyo twagombye guharanira kurigeramo n'umwete wose!

Ndahamagarira abanyeshuri biga mu mashuri yacu yisumbuye na za kaminuza kwizera Yesu Kristo nk'Umukiza wanyu. Mwizere ko kubw'ubuntu bwe yiteguye kubafasha igihe mumusanze mutaryarya. Mugomba kurwana intambara nziza yo kwizera. Mugomba kuba nk'abantu bakirana muhatanira ikamba ry'ubugingo. Nimurwane kuko Satani ashaka kubasingira; kandi nimutamwiyaka, muzagushwa ikinya ndetse murimbuke. Umwanzi gica abari iburyo n'ibumoso, imbere ndetse n'inyuma; ariko mugomba kumuribatira munsu y'ibirenge byanyu. Nimurwane kuko hari ikamba mugomba gutsindira. Nimurwane, kuko nimudatsindira ikamba, muzaba muhombye ibintu byose byo muri ubu buzima n'ibyo mu buzima buzaza. Nimurwane ariko mubikore mu mbaraga z'Umukiza wanyu wazutse.¹

¹ Review and Herald, August 21, 1888 [Urwibutso n'Integuza]
Fundamentals of Christian Education," pp.129-137 [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo]

KWIYANDARIKA N'UBWOMANZI

Ncuti basore nkunda, igihe gito mukoresha mu kwiyangarika n'ubwomanzi kizababyarira umusaruro uzatuma ubuzima bwanyu bwose bubasharirira. Igihe mwugururiye amarembo igishuko, isaha imwe mushobora kumara mukora ibyo mudatekerejeho ishobora koreka ubuzima bwanyu bwose. Igihe bibayeho ko urengera maze ukarenga urubuga rwateganyijwe, ntabwo ushobora na mba gusubira inyuma ngo ukosore amakosa yawe. Uwanga komatana n'Imana, kandi akishyira mu nzira y'ikigerageze azagwa ntakabuza.

Imana igerageza abasore bose. Benshi bagiye batanga inzitwazo ku kutagira icyo bitaho kwabo no kutubaha kwabo bitewe n'urugero rubi bahawe n'abigisha babo b'inzobere babarusha ubunararibonye. Nyamara ibyo ntikwiriye kugira uwo bibuza gukora ibitunganye. Ku munsu wa nyuma wo kumurika ibyo mwakoze ntimuzigera mutakamba mutanga bene nk'izo nzitwazo mutanga ubu. Muzacirwaho iteka nta kubogama bitewe n'uko mwari muzi inzira ariko ntimwemere kuyigenderamo.

IGISHUKO

Satani umushukanyi gica yihindura malayika w'umucyo, nuko agasanga urubwiruko azanye ibishuko bye bireshyashya maze akagera ku ntego ye yo kubigarurira ni ruto niruto, akabakura mu nzira yabo. Satani avugwa ko aregana, akaba umushukanyi, umubeshyi, umugome n'umwicanyi. "Umuntu wese ukora icyaha aba agomye." Igicumuro cyose gituma ubugingo bucirwaho iteka, kandi kikababaza Imana. Imana igenzura ibyo umutima wibwira. Iyo ibitekerezo byanduye bihawe intebe, ntibiba bikeneye kugaragazwa mu magambo cyangwa mu bikorwa ngo bibyare icyaha kandi ngo biyane ubugingo bw'umuntu mu gucirwaho iteka. Ukwera k'ubugingo kuba kwandujwe kandi umushukanyi aba yageze ku ntsinzi.

Umuntu wese uteshurwa akarenga imbibi z'ibyo ararikira aba yashutswe. Ateshurwa inzira y'ubutungane n'ibyiza nyakuri kubwo gukurikira ibyo we ubwe ararikira. Iyaba urubwiruko rwagiraga ubunyangamugayo mu mico, ibishuko bikomeye cyane rwahura nabyo byaba ubusa. Umurimo wa Satani ni ukubashuka ariko namwe mufite umurimo wo kumutsinda. Ntabwo ingabo zose za Satani zifite ubushobozi bwo guhatira umuntu ushukwa gukora icyaha. Nta rwitwazo rwo gukora icyaha ruriho.

Mu gihe bamwe mu rubyiruko bapfusha ubusa imbaraga zabo mu bwibone n'ubupfapfa, abandi nabo baba batoza neza intekerezo zabo, bibikira ubumenyi, bagakenyera intwari kugira ngo binjire mu ntambara y'ubugingo biyemeje kuyitsinda. Nyamara uko bagera ku kirira bajya hejuru cyane bate ntibashobora kugera ku ntsinzi mu buzima, keretse gusa urukundo rwabo barwerekeje ku Mana. Nibahindukirira Uwiteka n'umutima wabo wose bakirengagiza amagambo ashyesha y'abagerageza kugwabiza umugambi wabo wo gukora ibyiza, bazagira imbaraga n'ibyiringiro mu Mana.

KWISHIMISHA MU BUPFAPFA SI IBYISHIMO NYAKURI

Abakunda kuba mu itsinda rya bagenzi babo akenshi biyegurira kurangwa n'iyi mico kugeza ubwo ihinduka imbaraga ibakurura kandi ibategeka. Kwambara, gusura ahantu hashimisha, guseka no gutebya ku ngingo z'ubusabusa, ibi ni byo mugambi w'ubuzima bwabo. Ntabwo bashobora kwihanganira gusoma Bibiliya no gutekereza cyane ku by'ijuru. Usanga bumiwe bafite agahinda uretse gusa igihe hari ikintu cyo kubakangura. Nta mbaraga bafite muri bo ubwabo zo kwishima; ahubwo umunezero wabo bawukeshya kuba mu itsinda ry'urundi rubyiruko rudatekereza kandi rutagira amakenga nkabo ubwabo. Imbaraga zagombye gukoreshwa mu migambi y'icyubahiro bazikoresha mu by'ubupfapfa...

Umusore ushimishwa kandi akanenezwa no gusoma ijamba ry'Imana ndetse agashimishwa n'isaha yo gusenga ahora ahemburwa n'imigezi ituruka kuri Soko y'ubugingo. Bene uwo azagera ku rwego ruhanitse rw'imico mbonera y'agahebuzo ndetse n'ibitekerezo byagutse abandi badashobora gusobanukirwa. Gusabana n'Imana bitera kugira ibitekerezo byiza, imigambi itunganye, kumva ukuri neza ndetse n'imigambi ihanitse y'ibyo akora. Abomatanya ubugingo bwabo n'Imana muri ubwo buryo ibafata nk'abahungu n'abakobwa bayo. Bahora basingira urugero rwo hejuru biruseho, bakarushaho gusobanukirwa Imana n'iby'iteka ryose kugeza ubwo Uwiteka abagira imiyoboro y'umucyo n'ubwenge bigezwa ku b'isi...

Ababa muri Yesu bazagira umunezero, bagubwe neza mu mutima kandi bishimire mu Mana. Ubugwaneza buzaranga ijwi ryabo, kandi kubaha iby'umwuka n'iby'iteka ryose kuzagaragarizwa mu bikorwa byabo, mu ndirimbo zabo, ndetse indirimbo y'ibyishimo izasohoka mu kanwa kabo; kuko izaba iturutse ku ntebe y'ubwami y'Imana. Ubu ni ubwiru bw'Imana budapfa gusobanurwa, ariko butabura uwo bugeraho ngo abwumve kandi abwishimire. Umutima unangiye kandi wigomeka ushobora gukinga inzugi zagombaga kunyuramo ibyiza byose binejeje biva mu buntu bw'Imana ndetse n'ibyishimo byose biva ku Mwuka Wera. Ariko inzira z'ubwenge ni inzira z'ibyishimo, kandi inzira zabwo zose ni iz'amahoro. Uko turushaho komatana na Kristo, ni ko amagambo yacu n'ibikorwa byacu bizarushaho kugaragaza imbaraga yoroshya kandi ihindura y'ubuntu bwe.¹

¹ Testimonies for the Church," Vol.4, pp. 622-626. [Ibhamya by'Iterero]

ABASHYITSI BATUBAHA IMANA

Si byiza ko Abakristo bahitamo kubana n'incuti zidafitanye umubano n'Imana kandi zidakora ibiyishimisha. Nyamara se mbega uburyo hari benshi mu bavuga ko ari Abakristo bigerezaho bakajya ku rubuga rwabuzanyijwe! Benshi batumira mu miryango yabo bene wabo b'abibone bikabije, bita ku by'agaciro gake kandi batubaha Imana. Akenshi icyitegererezo n'imbaraga ihindura ya bene abo bashyitsi batubaha Imana giteza impinduka zihoraho ku bwenge bw'abana baba muri uwo muryango. Imbaraga ihindura ikoreshejwe ityo isa rwose n'iyavuye mu kwifatanya kw'Abaheburayo n'Abanyakanani batubahaga Imana...

Abantu bumva ko bagomba kugira ibyo bakora nyamara batabyemera ari ukugira ngo bakunde bashimishe incuti zabo n'abo mu miryango yabo batubaha Imana. Kubera ko iteka bitaba byoroshye gushyira iherezaho kuri ibyo bikorwa, usanga igikozwe kimwe gitegurira inzira ikindi kugeza ubwo abantu bahoze ari abayoboke nyakuri ba Kristo barangwa n'ubuzima n'imico bihuza rwose n'imigenzo by'ab'isi. Komatana n'Imana kwabo kuvaho. Basigara ari Abakristo ku izina gusa. Iyo isaha yo kugeragezwa kwabo ije ni bwo bigaragara ko ibyiringiro byabo bidafite urufatiro byubatsweho. Bo ubwabo ndetse n'abana babo bamaze kwigurisha biha umwanzi. Basuzuguye Imana, kandi ubwo amateka yayo akiranuka azahishurwa, bazasarura icyo babibye. Kristo azababwira ati: "ntabwo mwumviye ijwi ryanjye. Kuki mwakoze ibi?"¹

¹ *The Signs of the Times*, June 2, 1881. [Ibimenyetso by'Ibihe]

15

KURAMBAGIZA NO GUSHYINGIRWA

Umurunga womatanya umuryango ni isanga n'ingoyi, uroroshye cyane ndetse urera bihebuje kurusha indi yose ku isi. Umuryango washyiriweho kubera inyokomuntu umugisha. Kandi ahantu hose isezerano ryo gushyingiranwa rikoranwe ubwenge, mu kubaha Imana ndetse no kuzirikana uko bikwiriye inshingano zijyana naryo, iri sezerano riba umugisha.¹

¹ Ministry of Healing," pp.356, 357 [Renger Ubuzima]



URUKUNDO NYAKURI

Urukundo ni impano y'agahozo duhabwa na Yesu. Urukundo ruboneye kandi rwera ntabwo ari amarangamutima, ahubwo ni ihame. Abakoreshwa n'urukundo nyakuri ntibakora ibyo batatekereje kandi si n'impumyi. Kubwo kwigishwa na Mwuka Wera, bakunda Imana bakayirutisha byose kandi bagakunda bagenzi babo nk'uko bikunda.

Nimutyo abagamiye gushyingirwa bagenzure amarangamutima yose kandi bitegereze ugutera imbere kose kw'imico y'uwo batekereza gufatanywa nawe mu buzima bwabo bwose. Nimutyo intambwe yose iganisha ku isezerano ryo gushyingirwa irangwe no kwicisha bugufi, kwiyoroshya, kuba umunyakuri, ndetse n'umugambi ukomeye wo kunezeza Imana no kuyubaha. Ugushyingiranwa kugira ingaruka ku buzima buzaza haba muri iyi si ndetse no mu isi izaza. Umukristo nyakuri ntazigera afata imigambi Imana idashobora kwemera.

KUGISHA INAMA

Niba ufite umugisha wo kugira ababyeyi bubaha Imana, bagishe inama. Babwire ibyo wiringiye n'imigambi yawe, wige amasomo ibyo banyuzemo mu buzima byabigishe, bityo uzarindwa ibigushengura umutima byinshi. Hejuru ya byose, gira Kristo umujyanama wawe. Iga ijambo rye usenga.

Mu gihe ari muni y'ubuyobozi nk'ubu, nimutyo uwo umukobwa yemera ko bazabana mu buzima bwe abe umusore ufite imico itunganye, imico ikwiriye ya kigabo, wa wundi udakebakeba kandi ugira umurava, akagira ingamba, w'inyangamugayo, wa wundi ukunda Imana kandi akayubaha. Nimutyo uwo umusore ashaka ngo amubere umufasha abe wa wundi ushoboye kwihanganira imitwaro y'ubuzima bwe bwite, wa wundi ufite imbaraga ihindura izamuzamura ikamwubahisha kandi ikamutunganya, kandi abe wa wundi uzamushimisha mu rukundo amukunda.

"Umugore witonda umuhabwa n'Uwiteka." "Umutima w'umugabo we uhora umwiringira; Ahora amugirira neza, ntabwo amugirira nabi, igihe cyose akiriho." "Abumbuza akanwa ke ubwenge; kandi itegeko ry'ururimi rwe riva ku rukundo. Amenya neza imico yo mu rugo rwe; kandi ntabwo aya ibyokurya by'ubute. Abana be barahaguruka bakamwita

Munyamugisha, n'umugabo we na we aramushima ati. 'abagore benshi bagenza neza; ariko weho urabarusha bese.'" (Imigani 19:14; 31:11,12; 31:26, 27). Ubonye umugore nk'uyu, "ubonye umugore mwiza, aba abonye ikintu cyiza; akaba agize umugisha ahawe n'Uwiteka." Imigani 18:22. ¹

GIHITAMO INCUTI

Urubyiruko rw'Abakristo rukwiriye kwitonda cyane igihe rwubaka ubucuti ndetse n'igihe ruhitemo abo rigirana ubucuti nabo. Mwitonde, kuko ibyo uyu munsu mutekereza ko ari izahabu nziza bishobora guhinduka icyuma cyaguye umugese. Kwifatanya n'ab'isi bikunze gushyira inkomyi mu nzira y'imirimo yanyu mukorera Imana, kandi abantu benshi barimburwa no kwifatanya kubi bagirana n'abantu badashobora na rimwe kubazamura no kubahesha agaciro mu mico haba mu by'ubucuruzi cyangwa mu masano ajyana n'urushako rwabo. Ubwoko bw'Imana ntibukwiriye na rimwe kugerageza kuja ku rubuga rwabuzanyijwe. Imana yabuzanyije ugushyingiranwa k'umwizera n'utizera. Nyamara akenshi umutima utarahindutse ukurikira ibyifuzo byawo, bityo ugushyingiranwa Imana itemera kukabaho.²

¹ Ministry of Healing," pp.358,359. [Rengera Ubuzima]

² Fundamentals of Christian Education," p.500. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo]

UBURYO BUPFUYE BWO KURAMBAGIZANYA

Kuba imico yanyu itarangwamo gushikama no kwiyinga ni imbogamizi ituma mubura ubunararibonye bwa Gikristo butoroshye nk'umusenyi. Gushikama n'ubunyangamugayo mu migambi bikwiriye kwigwa. Iyo mico ni ingenzi cyane kugira ngo habeho imibereho ya Gikristo igera ku ntego. Niba mu bugingo bwawe uri inyanyangamugayo ntabwo uzateshurwa mu nzira itunganye. Nta mpamvu n'imwe izaba ihagije kugira ngo igukure mu murongo ugororotse w'inshingano yawe. Uzaba indahemuka n'umunyakuri ku Mana. Ibyo urukundo n'amarangamutima bisaba ndetse n'ibyifuzo bikomoka mu bucuti, ibyo byose ntibizaguteshura mu kuri no mu nshingano yawe. Ntabwo inshingano ufite uzazigurana kumvira amarangamutima.

Musaza wanywe, niba ureherezwa cyane komatanyu ubuzima bwawe n'umukobwa udafite ubunararibonye, akaba mu by'ukuri nta burere afite ku byerekeye inshingano zisanze kandi zifatika zo mu buzima bwa buri muni, uri gukora ikosa. Ariko uko kubura bene ubwo burere ni akantu gato ubigereranyije n'ubujiji afite ku byerekeye inshingano afite ku Mana. Ntabwo yigeze abura umucyo; yagiye agira amahirwe mu by'iyobokamana, nyamara ntabwo yigeze asobanukirwa ubunyacyaha bwe igihe adafite Kristo.

IMPINDUKA KU MIBEREHO YA GIKRISTO

Niba mu rukundo rwawe rw'agahararo ushobora gusiba kenshi amateraniro yo gusenga aho Imana ihurira n'ubwoko bwayo, ukabikorera kugira ngo wishimire kuba uri kumwe n'umuntu udakunda Imana kandi utajya akururwa n'imibereho ya Gikristo, mbese ushobora ute kwitega ko Imana izahira uwo mubano wanyu?

Ntugahubuke. Gushyingiranwa imburagihe bikwiriye kurwanywa. Niba umusore cyangwa inkumi batubaha ibyo Imana isaba, niba bananirwa kumvira ibisabwa bibomatanyu n'iyobokamana, hazabaho akaga k'uko batazafata uko bikwiriye ibyo umugabo cyangwa umugore asaba. Akamenyero ko kuba akenshi uri kumwe n'uwo wahisemo, kandi na none ibyo bigakorwa uvogereye amahirwe y'iby'umwuka ndetse n'amasaha yawe yo gusenga, bene ibyo biteza akaga. Uri gushyigikira igihombo udashobora gukuraho.

Ingeso yo kugorobereza nijoro yabaye akamenyero, nyamara ntabwo ishimisha Imana, ndetse n'iyi mwembi mwaba muri Abakristo. Ayo masaha adakwiriye yangiza ubuzima, atuma ubwenge budashobora gukora inshingano z'umunsi ukurikiyeho, kandi icyo ni ikibi. Musaza wanjye, niringira ko uzajya wiyubaha bihagije ku buryo wirinda bene uko kurambagiza. Niba uhanze amaso yawe icyubahiro cy'Imana, uzagenda wigengesereye. Ntabwo uzigera wemera ko amarangamutima y'iteshamutwe rishingiye ku rukundo akugira impumyi ku buryo udashobora gusobanukirwa neza ibyo Imana igusaba nk'Umukristo.¹

GUSHYINGIRANWA IMBURAGIHE

Gushyingiranwa imburagihe ntibikwiriye gushyigikirwa. Isano ikomeye cyane nk'iyi yo gushyingiranwa kandi igira ingaruka zigera kure cyane ntikwiriye kwinjirwamo ihubukiwe nta myiteguro ihagije ibayeho, kandi na mbere y'uko imbaraga z'ubwenge n'iz'umubiri zitera imbere bihagije.²

¹ *Testimonies for the Church*, Vol.3, pp.44, 45 [Ibihamya by'Itorero]

² *Ministry of Healing*, p.358. [Rengera Ubuzima]

GUSHYINGIRANWA N'ABATIZERA

Muvandimwe nkunda; namenye iby'umugambi ufite wo gushyiranwa n'umuntu mudahuje kwizera, kandi nterwa ubwoba n'uko utagenzuranye ubushishozi iyi ngingo ikomeye. Mbere yo gutera intambwe izazana ingaruka ku buzima bwawe bwose bwo mu gihe kizaza, ndaguhendahendera kwita kuri iyo ngingo wigengesereye kandi usenga. Mbese aho iyo sano nshya winjiyemo izaba isoko y'umunezero nyakuri? Mbese izagufasha mu buzima bwawe bwa Gikristo? Mbese iyo sano izashimisha Imana? Mbese urugero utanze nta makuba arurimo ku buryo n'abandi barukurikiza?

IBIPIMO BY'URUKUNDO

Mbere y'uko arambura ikiganza cye akemera gushyirwa, umukobwa wese akwiriye kwibaza niba uwo agiye gufatanywa nawe mu buzima bwe bwose akwiriye. Akwiriye kwibaza ati: "Mbese yanzwe na mibereho ki mu gihe cyashize? Mbese imibereho ye iratunganye? Mbese urukundo angaragariza ni urukundo nyarwo, kandi rukomeye cyangwa ni amarangamutima asanzwe? Mbese uwo musore afite imico izashimisha umugore we? Mbese uwo mukobwa azashobora kubonera amahoro n'ibyishimo nyakuri mu rukundo rw'uwo ashaka gushyiringanwa na we? Mbese uwo mukobwa azakundirwa kugumana uburenganzira bwe bwite bwo gutekereza no gukora, cyangwa se imitekerereze ye n'umutimanama we bigomba kuzegurirwa gutegekwa n'umugabo we? Nk'umwigishwa wa Kristo, ntabwo ari uwe ngo yigenge, kuko yaguzwe igiciro. Mbese ashobora kubaha ibyo Umukiza amusaba akabirutisha ibindi byose? Mbese umubiri n'ubugingo, intekerezo n'ibyo agambirira bazarindwa bibe bitunganye kandi byera? Ibi bibazo bifite umwanya ukomeye cyane ku mibereho myiza y'umugore wese ushaka kugira uwo bashyiringanwa.

Iyobokamana rirakenewe mu muryango kandi ni ryo ryonyine rishobora gukumira ibibi bikomeye cyane bikunze gutuma imibereho yo gushyiringanwa isharirira abashyiringanwe. Aho Kristo aganje akahabera umwami, ni ho honyine hashobora kuba urukundo rwimbitse, urukundo nyakuri kandi rutikanyiza. Ubwo ni bwo ubugingo buzomatanywa n'ubundi, kandi abo bombi bashyiringanwe ntibabusanye. Abamarayika b'Imana bazaba abashyitsi muri uwo muryango, kandi umwanya wera bazagira wo

gusengera hamwe buri mugoroba uzeza icyumba cy'abashakanye. Irari n'iruba bitesha agaciro ntibizahabwa icyicaro. Ibitekerezo bizerekezwa hejuru ku Mana; kandi urukundo rwo mu mutima ruzerekezwa kuri Yo.

INGARUKA ZO KUTUMVIRA

Umutima wifuza cyane gukundwa, ariko uru rukundo ntirukomeye bihagije, ntirutunganye kandi si urw'agaciro bihagije ku buryo rwakuzura mu mwanya w'urukundo rwa Yesu Kristo. Umugore ashobora kubonera ubwenge, imbaraga n'ubuntu mu Mukiza we gusa ari nabyo bimubashisha guhangana n'ibimuhagarika umutima, inshingano ndetse n'imibabaro byo mu buzima. Akwiriye kugira Kristo imbaraga ze n'umuyobozi we. Mureke umugore yiyegurire Kristo mbere y'uko yiha indi ncuti iyo ari yo yose yo ku isi, kandi ye kugira isano n'imwe yinjiramo ishobora kubangamira isano afitanye na Kristo. Ababona umunezero nyakuri bagomba kugira umugisha w'ijuru uba ku byo batunze n'ibyo bakora byose. Kutumvira Imana ni byo byuzuzwa umubabaro ukomeye mu mitima myinshi n'ingo nyinshi. Muvandimwe wanjye, keretse gusa niba ushaka urugo rutazigera rurangwamo umucyo igihe umwijima utamurutse, naho ubundi ntuzigere wifatanya n'umwanzi w'Imana.

Nk'umuntu witeze kuzahurira n'aya magambo mu rubanza, ndaguhendahendera gutekereza ku ntambwe ushaka gutera. Ibaze uti, "Mbese umugabo utizera ntazateshura ibitekerezo byanjye kuri Yesu? Mbese aho ntakunda ibimunezeza kurusha uko akunda Imana; mbese aho ntazanshora mu kwishimira ibimushimisha ubwe?" Inzira igana ku bugingo buhoraho irimo ibirushya kandi irakukumuka. Ntugafate indi mitwaro wiyongerera igamiye gukoreza urugendo rwawe...

Ndashaka kukuburira akaga ufite amazi atararenga inkombe. Utega amatwi amagambo aryohereye kandi anejeje, bityo bikagutera kwizera ko ibintu byose bizagenda neza. Nyamara ntabwo usoma impamvu zihishe inyuma z'utwo tugambo turyohereye. Ntabwo ushobora kubona ubugome bwimbitse buhishwe mu mutima. Ntabwo ushobora kureba hirya y'ibiba ngo ubashe kumenya imitego Satani ari gutega ubugingo bwawe. Ashaka kugushora mu nzira izatuma bimworohere kukurasa imyambi ye y'ibigeragezo. Ntuzigere umuha urwaho na ruto. Mu gihe Imana igenderera imitima y'abagaragu bayo, Satani na we akorera mu batumvira. Nta mushyikirano uba hagati ya Kristo na Beliyali. Abo bombi ntibashobora kumvikana. Kwifatanya n'utizera ni ukwishyira ku rubuga rwa Satani. Utera agahinda Mwuka w'Imana kandi ukivutsa uburinzi bwayo. Mbese wakwihanganira guhangana n'ibyo byago bikugarije mu kurwana urugamba rw'ubugingo buhoraho?

AMASEZERANO YISHWE

Ushobora kuvuga uti: "Nyamara rero namaze gutanga isezerano, none se ubu nshobora kwisubiraho?" Ndagusubiza nti, "Niba waratanze

isezerano mu buryo bunyuranyije n'Ibyanditswe Byera, kora ibishoboka byose urireke udatindiganyije, kandi wicishe bugufi imbere y'Imana wihane urukundo rw'agahararo rwaguteye gutanga iryo sezerano uhubutse utyo. Kubwo kubaha Imana, ibyiza kuruta ni uko wakwica bene iryo sezerano aho kurikomeza ngo bigutere gusuzuguza Umuremyi wawe.

Ibuka ko ufite ijuru ugomba gutsindira, hakaba n'inzira ngari igana ku kurimbuka ugomba kwirinda. Icyo Imana ivuze aba ari icyo ntigikuka. Igihe yabuzaga ababyeyi bacu ba mbere kurya ku mbuto z'igiti cy'ubwenge, kutumvira kwabo kwakinguye amarembo y'umwuzure w'umuvumo usandara ku isi yose. Nitugenda duteye Imana umugongo nayo izatureka. Inzira imwe rukumbi twakurikira ni ukumvira ibyo idusaba byose tutitaye ku cyo byadusaba cyose. Ibyo idusaba byose bishingiye ku rukundo rwayo n'ubwenge bwayo bitagerwa.¹


NI NGOMBWA KUGIRA IMITEKEREREZE ITARI IYA CYANA

Ibyiza mu muryango mugari w'abantu kimwe n'inyungu ihanitse abanyeshuri bagira, bisaba ko batagerageza guhitamo uwo bazabana mu buzima mu gihe imico yabo ubwabo itaratera imbere, ngo babe baciye akenge mu mitekerereze yabo, ndetse n'igihe batitabwaho n'ababyeyi kandi ngo babayobore. . .

Abashaka gukingira urubyiruko ngo rutangwa mu bishuko kandi bagashaka kurutegurira kuzaba ingirakamaro mu buzima baba bakora umurimo mwiza. Dushimishwa no kubona mu kigo icyo ari cyose cy'uburezi harimo kuzirikana akamaro ko kwifata uko bikwiriye ndetse n'ikinyabupfura ku rubyiruko. Ndasaba ngo umuhati w'abarezi nk'abo uzagere ku ntsinzi.²

¹ Testimonies for the Church," Vol.5, pp.361-365. [Ibihamya by'Itorero]

² Fundamentals of Christian Education," pp. 62, 63. [Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo]



INAMA NO KUYOBORWA BIRAKENEWE

Muri iyi minsi y'akaga no gusayisha mu bibi, urubyiruko rwugarijwe n'ibigerageze n'ibishuko byinshi. Benshi baravugama bagana ku cyambu kiriho amakuba. Bakeneye umusare ubayobora; nyamara ibyo kwemera umufasha bakeneye cyane babigira urw'amenyo. Bibwira ko bashoboye kwiyoborera ubwato bwabo, bityo ntibabona ko bwenda gusekura igitare gihishe gishobora guteza kumeneka k'ubwato bwabo bwo kwizera n'umunezero. Batwawe ingamira n'ingingo yo kurambagiza no gushyingiranwa, kandi umutwaro w'ingenzi ubaremereye ni ukwishakira inzira yabo bwite. Muri ibi, ari nacyo gihe cy'ingenzi cyane mu mibereho yabo, bakeneye umujyanama utibeshya, bakeneye umuyobozi utayobya. Uyu muyobozi bazamubona mu ijamba ry'Imana. Keretse gusa nibaba abigishwa b'iryo jambo badakebakeba, naho ubundi bazakora amakosa akomeye ahangiza umunezero wabo n'uw'abandi, haba muri ubu buzima bwa none n'ubwo mu gihe kizaza.

Abasore benshi bafite umwuka w'ubuhubutsi no kuba intumva. Ntabwo bumviye inama nziza y'ijamba ry'Imana. Ntabwo barwanye n'inariye ngo bagere ku ntsinzi ikomeye; bityo ubwibone bwabo no kudaca bugufi kwabo byabateshuye mu nzira yo gusohozza inshingano yabo no kumvira. Ncuti basore, musubize amaso inyuma murebe mu mibereho yanyu y'igihe cyashize, maze mugenzurire imigendere yanyu mu mucyo w'ijamba ry'Imana mutihenda. Mbese mwaba mwaritaye ku nshingano mufite ku babyeyi banyu Bibiliya ibateguka? Mbese nyoko wakwitayeho kuva uri uruhinja waba waramufashe neza mu bugwaneza n'urukundo. Mbese waba waritaye ku byo yifuza, cyangwa waba warazaniye umutima we umubabaro n'agahinda kubwo gukora ibyifuzo byawe bwite n'imigambi yawe? Mbese ukuri uvuga witirirwa kwaba kwarejeje umutima wawe, kukoroshya kandi kukiganzura ubushake bwawe? Niba atari ko bimeze, ufite umurimo wihutirwa ugomba gukora kugira ngo ukosore amakosa y'igihe cyashize.

UMUYOBOZI UTUNGANYE

Bibiliya itanga urugero rutunganye rw'imico. Iki gitabo cyera, cyahumetswe n'Imana kandi cyanditswe n'abantu bera, ni umuyobozi utunganye mu bibaho byose mu buzima. Ishyira ahagaragara inshingano

z'abato n'iz'abakuze. Bibiliya nigirwa umuyobozi w'ubuzima bw'umuntu, inyigisho zayo zizayobora ubugingo zibwerekeza mu ijuru. Izakuza intekerezo, itunganye imico, kandi iheshe umutima amahoro n'ibyishimo. Nyamara benshi mu basore bahisemo kwibera abajyanama babo bwite, kandi ibyabo babyigenzereza uko bumva. Bene abo bakeneye kwiga biruseho ibyo Bibiliya yigisha. Mu biyanditswemo bazasangamo inshingano bafite ku babyeyi babo n'abavandimwe babo mu kwizera. Itegeko rya gatanu rivugaga riti: "Wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha." Twongera gusoma ngo, "Bana, mujye mwumvira ababyeyi banyu mu Mwami wacu, kuko ari byo bibakwiriye" Abefeso 6:1.

Kimwe mu bimenyetsi bigaragaza ko turi mu minsi ya nyuma, ni uko abana basuzugura ababyeyi babo, bakaba ari indashima kandi batera. Ijambo ry'Imana ryuzuye amategeko n'inama bidusaba kubaha ababyeyi. Bibiliya iha abakiri bato inshingano yo gukunda no gukundwakaza ababayoboye mu myaka y'ubuto bwabo, n'igihe bari bamaze kubyiruka ndetse n'igihe bari bamaze kuba abagabo n'abagore ariko muri iki gihe akaba ari bo noneho bishingikirijeho cyane kuboneraho amahoro n'umunezero. Kuri iyi ngingo Bibiliya ivuga yeruye; nyamara inyigisho zayo zagiye zirengagizwa bikomeye.

Abakiri bato bafite amasomo menshi bagomba kwiga, kandi isomo ry'ingenzi kuruta andi bagomba kwiga ni ukwimenya ubwabo. Bakwiriye kugira ibitekerezo bitunganye ku byerekeye inshingano bafite ku babyeyi babo n'ibyo bagomba kubakorera, kandi bagomba kwigira ubudasiba mu ishuri rya Kristo, bakiga kuba abagwaneza kandi boroheje mu mutima. Nubwo bagomba gukunda no kubaha ababyeyi babo, bakwiriye no kubaha ibitekerezo by'abantu bafite ubunararibonye bamenyanira nabo mu itorero.

IMYITWARIRE YUBAHWA

Umusore wishimira kubana n'umukobwa kandi bakagirana ubucuti butazwi n'ababyeyi b'uwo mukobwa, ntabwo aba yitwaye bya Gikristo kuri uwo mukobwa ndetse no ku bayeyi be. Kubwo kujya bahanahana amakuru kandi bagahura mu ibanga, uwo musore ashobora kwigarurira intekerezo z'uwo mukobwa; ariko mu kugenza atyo ntabwo ashobora kugaragaza kwa kwiyubaha n'ubunyangamugayo byo mu bugingo bigomba kuranga umwana w'Imana wese. Kugira ngo bagere ku migambi yabo, ntabwo bakorera mu kuri no mu mucyo kandi ntibakurikiza urugero rwa Bibiliya, ndetse baza kugaragaza ko atari abanyakuri ku babakunda n'abagerageza kubabera abarinzi b'indahemuka. Ukubana k'umuhungu n'umukobwa nk'umugabo n'umugore binyuze mu nzira nk'izo ntiguhuje n'ijambo ry'Imana. Umuhungu wateshura umukobwa ku nshingano ye, agashyira urujijo mu ntekerezo ze ku byerekeye amategeko y'Imana asobanutse neza kandi atunganye yo kumvira no kubaha ababyeyi be, bene uwo ntabwo ari wa wundi uzaba indahemuka ku nshingano zijyana no gushyingiranwa.

Hari ikibazo cyabajijwe ngo, "Umusore azeza inzira ye ate?" Hatanzwe igisubizo ngo, "Azayejesha kuyitondera nk'uko ijambo ryawe ritegeka." Zaburi 119:9. Umusore ugira ijambo ry'Imana umuyobozi we, ntabwo ashobora kwibeshya inzira y'ibyo agomba gukora ndetse n'inzira itekanye. Kiriya gitabo cyuje imigisha kizamwigisha kurinda ubupfura bwo mu mico ye, kimwigishe kuba umunyakuri, no kwirinda uburiganya. Urutoki rw'Imana ni rwo rwanditse ku bisate by'amabuye ngo, "ntukibe", ariko se ni ubujura bungahe buhishwe bwo kwiba amarangamutima y'abandi bukorwa kandi bugatangirwa inzitwazo.

Kureshya kurimo gushukana gukomeza gukorwa, guhanahana amakuru nabyo birakorwa kugeza ubwo urukundo rw'umuntu udafite ubunararibonye kandi utazi iyo biva n'iyi biya rugera aho rukurwa ku babyeyi maze rugashyirwa ku muntu ugaragariza mu mikorere ye ko yari adakwiriye kwegurirwa urwo rukundo rw'uwo mukobwa. Bibiliya iciraho iteka uburiganya bw'uburyo bwose, kandi igasaba ko uko ibintu byaba bimeze kose habaho gukora ibitunganye. Umuntu ugira Bibiliya umuyobozi w'ubusore bwe kandi akayigira umucyo umurikira inzira ye, azumvira inyigisho zayo mu bintu byose. Ntabwo azica n'akanyuguti kamwe cyangwa agace gato k'itegeko kugira ngo akunde asohoze umugambi we uwo ari wo wose nubwo byaba bimusaba kwitanga bikomeye. Niba yizera Bibiliya, azi neza ko naramuka atandukiriye akava mu nzira yo gukiranuka nta mugisha w'Imana azagira. Nubwo yagaragara ko ahiriwe by'igihe runaka, byanze bikunze azasarura imbuto z'ibikorwa bye.

Umuvumo w'Imana uzagera ku bantu benshi barema ubucuti bw'imburagihe kandi mu buryo budakwiriye bukorwa muri iki gihe isi igezemo. Iyaba Bibiliya itarasubije bene ibi bibazo ngo ibitangeho umucyo, ubwo intambwe abasore benshi bo muri iki gihe batera bifatanyaga yagira urwitwazo kurushaho. Ariko ibyo Bibiliya isaba ntabwo ari amategeko y'igice. Asaba kugira ibitekerezo, amagambo n'ibikorwa bitunganye rwose. Turashimira Imana ko ijambo ryayo ari umucyo umurikira inzira ducamo kandi ko nta muntu n'umwe wayoba inzira akwiriye kunyuramo. Kurondora ibyanditswe muri yo no kumvira inama zayo abasore bari bakwiriye kubigira umurimo wabo kuko hari amakosa ababaje cyane akorwa iteka bitewe no gutandukira amahame yayo.

IMITEKEREREZE MIZIMA IRAKENEWE

Niba hari ingingo ikwiriye kwiganwa umutuzo mu ntekerezo nta no gufata imyanzuro ishingiye ku marangamutima, ni ingingo yo gushyingirwa. Niba hari igihe Bibiliya iba ikenewe nk'umujyanama, ni mbere yo gutera intambwe yo gufatanyiriza abantu babiri hamwe ngo babane ubuzima bwose. Ariko umwuka uganje muri rusange ni uko usanga amarangamutima ari yo aba umuyobozi ku byerekeye iyi ingingo; kandi akenshi urukundo rw'agahararo ni rwo ruganza kandi rukajyana ku irimbukiro nta kabuza. Aha ni ho abasore bagaragariza ubwenge buke

ugereranyije n'izindi ngingo. Aha ni ho banga kugirirwa inama. Ingingo yo gushyingiranwa isa n'aho ifite imbaraga ibatwara ibitekerezo ikabategeka. Ntabwo biyegurira Imana. Ibitekerezo byabo biraboshywe, bityo bagatera intambwe bajya mbere rwihishwa basa n'aho batinya ko imigambi yabo yakomwa mu nkokora n'undi muntu.

Uburyo kurambagizanya no gushyingiranwa mu ibanga kandi mu buryo bufuditse bikorwa ni bwo ntandaro y'imibereho mibi bikabije, kandi ingaruka zabyo zuzuye zizwi n'Imana yonyine. Kuri uru rutare ni ho abantu ibihumbi byinshi bagiye bamenera ubwato bw'ubugingo bwabo. Abavuga ko ari Abakristo bafite imibereho irangwa n'ubunyangamugayo bukomeye kandi basa n'abita cyane ku yindi ngingo yose, aha ho bahakora amakosa ateye ubwoba. Bagaragaza ubushake butanyeganyezwa bwa bundi umutimanama udashobora guhindura. Batwarwa cyane n'amarangamutima ya kimuntu ndetse n'imbaraga zibakoresha batabitekerejeho ku buryo batagira icyifuzo cyo gusoma Bibiliya no kugirana n'Imana umubano wimbitse.

Satani azi neza abo ahanganye nabo, kandi agaragariza ubwenge bwe bwa kidayimoni mu bikoresho bitandukanye kugira ngo agushe mu mutego ubugingo bw'abantu abarimbure. Yitegereza intambwe yose iterwa, kandi agatanga ibitekerezo bimwe ndetse akenshi ibyo bitekerezo bye ni byo bikurikizwa aho gukurikiza inama itangwa n'ijambo ry'Imana. Uru rushundura ruboshywe neza ariko rwa kirimbuzi rwateguranwe ubuhanga kugira ngo rufate abasore n'abanyamakenga make. Akenshi uyu mutego ushobora kwiyoberanya witwikiriye umucyo; ariko abo ufata baracengera bakawusohokamo bafite umubabaro mwinshi. Umusaruro uvamo ni uko tubona ukwangirika kw'inyokomuntu ahantu hose.

ABABYEYI BAKWIRIYE KUGISHWA INAMA

Mbese urubwiruko rwacu ruzamenya ubwenge ryari? Mbese bizatwara igihe kingana iki uyu murimo ukomeza gukorwa? Mbese abana bazajya bagisha inama ibyifuzo byabo n'ibyo barangamiye birengagije inama n'imitekerereze by'ababyeyi babo? Bamwe basa rwose n'abadashaka gutekereza ku byifuzo by'ababyeyi babo cyangwa ibyo bashaka, ndetse ntibashaka no kwita ku mitekerereze y'ababyeyi bafite ubunararibonye. Kwikunda kwakinze umuryango w'urugi rw'imitima yabo rugana ku rukundo bakunda ababyeyi babo. Intekerezo z'abasore zikwiriye gukangurwa ku byerekeye iyi ngingo. Itegeko rya gatanu ni ryo tegeko ryonyine ririmo isezerano; ariko ntirihabwa uburemere bwaryo, ndetse rihinyurwa n'ibyo umusore wakunze undi aba asaba. Guha agaciro gake urukundo rwa nyoko wakubyaye no gusuzugura uburyo so akwitaho, ni ibyaha biri imbere y'amazina y'abasore benshi.

Rimwe mu makosa akomeye cyane ajyana n'iyi ngingo ni uko abasore ndetse n'abadafite ubunararibonye usanga bumva urukundo rwabo nta kigomba kuruhungabanya, ku buryo nta kigomba kwitambika mu gukundana kwabo. Niba harigeze habaho ingingo ikeneye kugenzuranwa

ubushishozi mu mpande zose, ni iyi ngingo. Ni ingenzi gufashwa n'ubunararibonye bw'abandi no kugenzurana ubushishozi n'umutuzo iyi ngingo ku mpande zombi. Iyi ni ingingo umubare munini cyane w'abantu badaha uburemere bwayo.

Mugishe inama Imana n'ababyeyi banyu bubaha Imana, kandi mubagire incuti zanyu. Musengere iyo ngingo kenshi. Mushyire ku munzani amarangamutima yose, kandi mugenzure iterambere ryose ry'imico y'uwo mutekereza komatanyu ubuzima bwanyu na we. Intambwe mugiyeye gutera ni intambwe y'agaciro gakomeye mu buzima bwanyu, bityo ntimukwiye kuyitera muhubutse. Nubwo mukwiriye gukunda, ntimugakunde buhumyi.

Mugenzurane ubushishozi murebe niba imibereho yanyu yo gushyingiranwa izaba imibereho inejeje, cyangwa se niba izarangwamo kubusanya rwose kandi igatera agahinda. Nimwibaze ibibazo nk'ibi ngo, "Mbese uku gufatanywa kuzamfasha gukomeza urugendo nerekeza mu ijuru?" Mbese kuzongera urukundo nkunda Imana? Mbese kuzagura urubuga rwanjye rwo kuba ingirakamaro muri ubu buzima? Nutekereza kuri ibi ugasanga nta ngorane zibirimo, uzatere intambwe ujye mbere ufite kubaha Imana.

Nyamara nubwo mwaba mwaramaze gufata umwanzuro mukemeranwa kuzabana ariko utarasobanukirwa neza n'imico y'uwo ugambiriye komatanyu na we, ntugatekereze ko ibyo wemeye bituma biba ngombwa ko utanga indahiro maze mugashyingiranwa, kandi ngo womatanye ubuzima bwawe n'uwo udashobora gukunda no kubaha. Ujye witondera kugira amasezerano afite ikigombero; ahubwo ibyaba byiza ndetse kurutaho, ni uko wakwica ayo masezerano mbere yo gushyingiranwa kuruta uko mwatandukana nyuma nk'uko benshi bagenza.

UKO AFATA NYINA NI IKIMENYETSO

Urukundo nyakuri ni nk'igihingwa gikwiriye kwitabwaho. Mbere y'uko yemera kwegurira undi urukundo rwe, nimutyo umukobwa wifuza gushyingiranwa kuzamuhesha amahoro n'ibyishimo, ndetse akaba ashaka gucika amakuba n'imibabaro byo mu gihe kizaza yibaze ati: "Mbese umukunzi wanjye yaba afite nyina? Mbese imico ye yaba imeze ite? Mbese uyu muhungu yaba azirikana inshingano afite kuri nyina umubyara? Mbese yaba yita ku byo yifuza n'ibyamunezeza? Niba atubaha nyina kandi ntamwumvire, mbese azubaha umugore we, amukunde, amugaragarize ineza no kumwitaho? Mbese urukumbuzi n'agahararo ko gushyingiranwa nibishira, aho azakomeza kunkunda? Mbese azihanganira amakosa yanjye cyangwa azajya ampinyura gusa, anyishongoreho kandi antwaze igitugu? Urukundo nyakuri ruzirengagiza amakosa menshi; kandi urukundo ntiruzayitaho."

IMBARAGA IGUSUNIKIRA GUKORA UDATEKEREJE SI IYO KWISHINGIKIRIZAHU

Abasore hafi ya bose biringira cyane imbaraga ibasunikira kugira icyo bakora badatekereje. Ntabwo bari bakwiriye kwitanga ngo bashyingirwe babyoroheje cyane, cyangwa ngo batwarwe mu buryo bworoshye cyane n'ishusho y'inyuma y'umukunzi wabo. Kurambagizanya nk'uko gukorwa muri iki gihe, usanga ari umugambi w'uburiganya n'uburyarya umwanzi w'ubugingo agomba gukoresha cyane kurusha uko Uwiteka awukoresha. Niba hari aho gukoresha umutimanama neza biba bikenewe nta haruta aha. Ariko ukuri ni uko umutimanama ukoreshwa gake cyane muri iki kibazo.

Iyaba abana bamenyeranaga n'ababyeyi babo, iyaba ari bo babitsaga amabanga yabo kandi akaba ari bo batura ibibashimisha n'ibibababaza, bakwirinda ibyari kuzabatesha umutwe byinshi mu gihe kizaza. Mu gihe bahagaritswe umutima no kumenya icyiza bakora, nimutyo icyo kibazo bagishyire imbere y'ababyeyi babo nk'uko bakibona, maze babagishe inama. Mbese ni bande baba batekereza neza ku buryo batahura akaga abana bafite nk'ababyeyi bubaha Imana? Mbese ni nde ushobora gusobanukirwa neza kamere n'amarangamutima byabo nk'ababyeyi babo?

Ku bana b'Abakristo nyābo, urukundo bakunda ababyeyi bubaha Imana ndetse no kwemerwa nabo bazabirutisha imigisha yose yo ku isi. Ababyeyi bashobora kubabarana n'abana babo mu bibababaza, kandi bakabasengera ndetse bakanafatanya na bo gusenga kugira ngo Imana ibakingire kandi ibayobore. Hejuru y'ibintu byose, bazabereka Incuti yabo itigera ihemuka kandi akaba n'Umujiyanama wabo, uzumva intege nke zabo. Wa wundi wageragejwe mu buryo bwose nkatwe ariko ntiyigere akora icyaha, azi gutabara abageragezwa.¹

URUKUNDO MVAJURU

Mukubanakwanyu, urukundo rwanyu rugomba kuba isoko y'umunezero hagati yanyu. Buri wese muri mwe agomba gukorera kuzanira mugenzi we umunezero. Ibi ni byo Imana ibashakaho. Ariko niba mugomba guhuzwa mukaba umwe, nta n'umwe muri mwe ugomba gutakariza umwihariko w'ubumuntu bwe muri mugenzi we. Imana niyo ibagize. . . .

Kubwo kubaho kubw'Imana, ubugingo bw'umuntu buyikunda urukundo ruhebuje. Mbese urukundo rwanyu ruhebuje mwaba murukunda Kristo wabapfiriye? Niba ari ko bimeze, urukundo mukundana ruzakurikiza gahunda y'ijuru.²

¹ *Review and Herald*, January 26, 1886. [Urwibutso n'Integuza]

² *Testimonies for the Church*, Vol. 7, pp. 45, 46. [Ibihamya by'Itorero]

GUSHYINGIRANWA IMBURAGIHE

Abahungu n'abakobwa bashyingiranwa urukundo rwabo rutari rwakura, ibitekerezo bitaragimbuka, amarangamutima yabo atarakomera kandi ngo agere ku rwego rwo hejuru, maze bakagirana amasezerano n'indahiro bashyingiranwa babitewe gusa no gutwarwa n'amarangamutima y'ingimbi n'angavu. . . .

AKAGA KARI MU GUSHYINGIRANWA BAKIRI BATO

Gushyingiranwa kubayeho mu bwana kwagiye akenshi kubyara imibanire itarangwamo umunezero cyangwa se hakabaho gutandukana gukojeje isoni. Kubana kwa babiri gukozwe bakiri bato kandi n'ababyeyi batabyemeye, ni gake cyane kwagiye kuzana umunezero. Urukundo rwo mu buto rukwiriye gukumirwa kugeza ubwo igihe kizagera maze imyaka y'ubukure n'ubunararibonye bihagije bikazatuma kubana kwabo kuba kubahitse kandi gukomeye ku buryo nta cyapfa kubatandukanya. Abatazifata bazajya mu kaga ko kubaho igihe kirekire nta munezero bafite. Umuhungu uratageza ku myaka makumyabiri aba afite ibitekerezo nkene ku muntu wo mu kigero cye ugomba kumubera incuti magara bazabana mu buzima bwose. Igihe intekerezo zabo ziba zimaze gukura biruseho, bibona bamaze kwihuza ubwabo ngo babane mu buzima bwose kandi ahari batarigeze batekereza kubyo kunezezanya. Ubwo nibwo aho kugira ngo bakore ibishoboka byose ngo banoze umubano wabo, habaho kwitana ba mwaba, ibyaho hagati yabo bikarushaho kwaguka kugeza ubwo buri wese aba atacyitaye kuri mugenzi we ndetse bakanasuzugurana. Kuri bo, ijambo umuryango nta kintu cyera bawubonamo. Umwuka wo mu muryango wabo wanduzwa n'amagambo atarangwamo urukundo ndetse no gushihurana.¹

1 *A Solemn Appeal*, pp.11,12 (Edition: Signs Publishing Company Limited). [Irarika Rikomeye]



GUSHYINGIRANWA KURIMO UBWENGE N'UK'UBUPFAPFA

Gushyingiranwa imburagihe ni isoko y'ibibi byinshi cyane biriho muri iki gihe. Imbaraga z'umubiri ndetse n'iz'ubwenge ntizikomezwa kandi ngo zitezwe imbere no gushyingiranwa gukozwe abantu bakiri bato cyane. Ku bijyanye n'iyi ngingo usanga abantu bakoresha inyurabwenge ku rwego ruto cyane. Abasore benshi bakoresha n'imbaraga ya kamere ibasunikira gukora batabitekerejeho. Iyi ntambwe ibazanira ibyiza bikomeye cyangwa se ikabazanira ibibi, bikaba byababera umugisha mu buzima bwabo bwose cyangwa se bikababera umuvumo, usanga akenshi bayitera bahubutse bakoreshejwe n'amarangamutima. Benshi ntibatega amatwi inyurabwenge yabo cyangwa ngo bumvire amabwiriza ashingiye ku myumvire ya Gikristo

Muri iki gihe isi yuzuye amakuba n'ibyaha kandi ni bimwe mu ngaruka z'uko abantu bashyingiranwa badahuje. Akenshi usanga bitwara amezi make cyane kugira ngo umugabo n'umugore babone ko badashobora guhuza; bityo ingaruka ikaba iyo kutumvikana kudashira mu miryango kandi ari ho hagombye kurangwa urukundo no guhuza biranga ijuru.

Kubwo kutumvikana ku ngingo z'agaciro gake, umwuka wo gusharira uagenda ukura. Kutumvikana kweruye n'itunganya bizana umubabaro ukomeye bitavugwa mu muryango, bityo bigatandukanya abagombye kuba bomatanyijwe n'umurunga w'urukundo. Uko ni ko abantu ibihumbi byinshi bagiye bigerezaho, haba ku bugingo bwabo no ku mubiri binyuze mu gushyingiranwa mu bupfapfa, kandi bakaba baroranye mu nzira igana irimbukiro.

BAREMERWE BITAGERERANYWA

Kwifatanya n'ab'isi ni ikintu giteza akaga. Satani azi neza ko isaha yo gushyingiranwa kw'abahungu n'abakobwa benshi ishyira iherezo ku mateka y'imibereho yabo y'iby'idini no ku kuba ingirakamaro kwabo.

Bashobora kumara igihe runaka bagerageza kurangwa n'imibereho ya Gikristo, ariko umuhati wabo wose uba uhanganye n'imbaraga ndatsimburwa ku ruhande ruteganye n'urwo bahagazemo. Rimwe na rimwe bumva bagize amahirwe yo kuvuga iby'ibyishimo n'ibyiringiro

byabo; nyamara mu kanya gato bakumva batagishaka kuganira kuri iyi ngingo kubera ko baba bazi ko uwo bifatanyije na we mu buzima bwabo bwose adashishikazwa n'ibyo bavuga. Uko ni ko Satani agenda ababohesha umugozi w'ubuhakanyi, kandi kwizera ukuri kw'agaciro kenshi kukagenda gukendera mu mutima buhoro buhoro.

Kuzirikira abasore mu cyaha ni gahunda Satani yateguye neza kuko iyo bimeze bityo aba azi neza ko yifatiye umuntu. Umwanzi w'abantu yuzuye urwango rukomeye yanga umuhati wose wakoreshwa kugira ngo abasore bagendere mu cyerekezo gitunganye. Yanga ikintu cyose cyatanga imyumvire itungaye ku byerekeye Imana na Kristo. Imbaraga ze azikoresha arwanya by'umwihariko abari mu mwanya mwiza wo kuba bakwakira umucyo uturuka mu ijuru; kuko azi neza ko intambwe iyo ari yo yose batera bagana mu guhuzwa n'Imana izabaha imbaraga zo gutsinda ibishuko bye. Yitwara nka marayika w'umucyo agasanga abasore yitwaje ibishuko bye bireshya, kandi akenshi agera ku ntego ye yo kubigarurira ni ruto ni ruto akabakura mu nshingano yabo.

KWIFATANYA GUKWIRIYE

Abasore bagenda binjira mu matsinda ya bagenzi babo bashobora gutuma uko kwifatanya kwabo kuba umugisha cyangwa umuvumo. Bashobora guhugurana mu mico n'ubwenge, bagakomezanya kandi buri wese akabera undi umugisha, bakarushaho kunoza imyitwarire, inyifato n'ubumenyi. Iyo bitabaye bityo, babasha kugaragaza imbaraga ibaca intege gusa maze bagata ibyiringiro kubwo kwemera kuba abantu batagira icyo bitaho n'abatiringirwa.

GUSHYINGIRANWA HUTIHUTI

Satani ahora akora ubudacogora kugira ngo atere abasore bataraca akenge kwihutira gushyingiranwa. Nyamara ni gake cyane twishimira ugushyingiranwa kubaho muri iki gihe. Igihe kamere yera yo gushyingiranwa ndetse n'ibyo gusaba byumvikanye, uko gushyingiranwa kuzemerwa n'Ijuru, bityo umusaruro uzaba umunezero ku bashyingiranwe bombi, kandi Imana nayo izahabwa ikuzo . . .

Iyobokamana nyakuri rizahura intekerezo rikazigeza mu mwanya wo hejuru, rikanaza ibishimisha umuntu, rikeza imitekerereze ye, kandi rigatuma nyiraryo agira ubutungane n'imbaraga zihindura bitangwa n'Ijuru. Rituma abamarayika barushaho kumwegera, kandi rikarushaho kugenda rimutandukanya n'umwuka n'imbaraga ihindura by'isi.¹

¹ Testimonies for the Church," Vol.2, pp.252, 253 [Ibihamya by'Itorero]

SATANI AREHEREZA ABANTU GUSHYINGIRANWA

Satani akora ubudacogora kugira ngo arehereze abantu badakwiranye rwose gufatanyiriza hamwe inyungu zabo. Yishimira cyane gukora uyu murimo kuko kubwawo ashobora guteza umuryango wa muntu umubabaro ukomeye n'akaga kurusha uko yabigeraho akoresheje ubucakura bwe mu bundi buryo.²

² *Testimonies for the Church*, Vol.2, p.248. [Ibihamya by'Itorero]



GUSHYINGIRWA NO GUSHYINGIRA

Imana yashyize abantu mu isi, kandi bafite uburenganzira bwo kurya, kunywa, gucuruza, gushyingiranwa no gushyingira; ariko biba byiza iyo ibyo bintu bikozwe mu kubaha Imana. Dukwiriye kuba muri iyi si tuzirikana isi izahoraho. icyaha gikomeye cyabayeho mu gushyingiranwa ko mu minsi ya Nowa, cyabaye icy'uko abahungu b'Imana barongoye abakobwa b'abantu. Abavugaga ko bazi Imana kandi ko bayubaha bifatanyije n'abari banduye mu mitima; kandi barongoraga abo bashatse bose nta kuvangura. Hariho benshi muri iki gihe cyacu badafite ubunararibonye bwimbitse mu byo kwizera bazakora rwose ibisa n'ibyakorwaga mu minsi ya Nowa. Bazashyingiranwa hatabayeho kugenzurana ubushishozi no gusenga. Benshi barahira indahiro zera nta kubitekerezaho nk'uko bagenza igihe binjiye muri gahunda z'ubucuruzi. Urukundo nyakuri si rwo ruba intandaro yo komatanywa kwabo.

URUKUNDO RW'AGAHARARO NTIRWERA

Igitekerezo cyo gushyingiranwa gisa n'igifite imbaraga iroga igatwara intekerezo za benshi mu basore. Abantu babiri barahura bakamenyana; bagakundana by'agahararo, maze intekerezo zabo zose zigatwarwa rwose. Ubwenge bwabo buhinduka impumyi, kandi gushyira mu gaciro kwabo kukavaho. Bene abo ntibazumvira inama n'imwe bagirwa cyangwa ngo bumvire ubuyobozi ubwo ari bwo bwose, ahubwo batsimbarara mu nzira bishakira batitaye ku ngaruka bizazana.

Nk'uko bigenda ku ndwara y'icyorezo, cyangwa indwara yandura igomba gukora ibyayo, urukundo rw'agahararo ni rwo ruba rubatwara. Ikindi kandi biba bisa rwose n'aho nta kintu kibaho cyaruhagarika. Bishoboka ko haba hariho abantu babakikije babona ko abo bombi baramutse bashyingiranwe kubana kwabo gushobora kuzababyarira umubabaro mu buzima bwabo bwose. Nyamara kubinginga no kubahendahenda birakorwa bikaba iby'ubusa. Bishoboka ko kubw'uko kubana kwabo usanga kuba ingirakamaro k'umwe Imana yari kuzahera umugisha mu murimo wayo kwazagwabira cyangwa se kugatsembwa. Nyamara inama bagirwa n'ibyo bemezwa byose ntibabyumvire.

Ibishobora kuvugwa n'abagabo n'abagore bafite ubunararibonye ntacyo byose bitanga maze ugasanga [gushaka] guhindura icyemezo ibyifuzo

byabo byaberekejeho biba iby'ubusa. Bazinukwa amateraniro yo gusenga ndetse n'ikindi kintu cyose cyerekeye iyobokamana. Usanga buri wese yaratwawe n'undi rwose, bityo inshingano z'ibyo bagomba gukora mu buzima zikirengagizwa nk'aho ari ingingo zivuga iby'agaciro gake. Buri joro, abo basore bageza igicuku kinishye baganira. Baba baganira se ku ngingo zikomeye kandi z'agaciro? – Ashwi da! Ahubwo baba baganira ku bintu by'ubupfapfa bitagira umumaro.

KWICA AMATEGEKO Y'UBUZIMA N'AYO KWIFATA

Abamarayika ba Satani bahora bari maso bitaye ku bamara umwanya munini w'ijoro barambagizanya. Iyaba amaso yabo yahumukaga, babona umumarayika yandika amagambo bavuga n'ibikorwa byabo. Barenga ku mategeko y'ubuzima ndetse n'ayo kwifata. Byaba byiza kurushaho baramutse baretse amwe mu masaha bamara barambagizanya mbere yo gushyingiranwa bakayazigamira kuzayakoresha igihe bazaba barashyingiranwe. Nyamara ikiri rusange ni uko usanga gushyingiranwa gushyira iherezo ku rukundo rwimbitse rugaragazwa mu minsi yo kurambagizanya!

Muri iki gihe cyo kwangirika kw'imicombonera, ayo masaha y'amajoro bamara biyandarika bagamiye gushimisha umubiri akenshi aganisha ku kubarimbura bombi. Igihe abagabo n'abagore biyandaritse Satani arishima cyane naho Imana igasuzuguzwa. Izina ryiza ry'icyubahiro rihindurwa ubusa bitewe n'umwuka w'uru rukundo rw'agahararo, kandi gushyingiranwa kw'abantu nk'abo ntigushobora gukorwa kwemewe n'Imana. Baba bashyingiranwe bitewe n'uko bakoreshejwe n'iruba, bityo agahararo ko gushyingiranwa kwabo kashira bagatangira gusobanukirwa neza n'ibyo bakoze. Mu gihe cy'amezi atandatu barahiriye kubana, amarangamutima bagiriranaga aba yamaze guhinduka. Muri iyo mibereho yo kuba barashyingiranwe ni ho buri wese muri bo aba yamenyeye imico y'uwo yahisemo ngo babane. Buri wese muri bo atahura inenge zitagaragaraga muri cya gihe cy'ubuhumyi no guta umutwe cyaranze kwa kwifatanya kwabo kwabanje. Amasezerano batangiye ku ruhimbi ntaba akibafatanya. Kubera gushyingiranwa hutihuti kubaho no mu bwoko kw'Imana ubwabwo, usanga mu itorero hariho ingaruka yo kwahukana, gutandukana ndetse n'urujijo rukomeye.

GUSUZUGURA INAMA

Bene uku gushyingiranwa ni kimwe mu bikoresho byihariye Satani akoresha, kandi hafi y'igihe cyose agera ku migambi ye kubwo kugikoresha. Iyo umuhungu n'umukobwa bansanze baje kungisha inama kuri iyi ngingo numva mbabaye cyane kubwo gutentebuka. Mbasha kubabwira amagambo Imana impa ngo mbabwire; ariko akenshi bahinyura ingingo yose mbabwira, bityo bagasaba ubwenge bwo gushyira mu bikorwa imigambi yabo ndetse akaba ari ko bagenza.

Baba basa rwose n'abadafitse imbaraga zo gutsinda ibyifuzo byabo bwite n'agatima karehareha, maze bakazapfa gushyingiranwa. Ntabwo batekereza kuri icyo ngingo mu bushishozi kandi basenga ngo bishyire mu biganza by'Imana kugira ngo bayoborwe kandi bagengwe na Mwuka wayo. Kubaha Imana gusa n'ukutarangwa imbere y'amaso yabo. Batekereza ko basobanukiwe iby'icyo ngingo mu buryo bushyitse nyamara batarunguwe ubwenge n'Imana cyangwa ngo babe baragize uwo bagisha inama.

Igihe amazi aba yaramaze kurenga inkombe, baza gutahura ko bakoze ikosa kandi ko bashyize mu kaga umunezero wabo wo muri ubu buzima ndetse n'agakiza k'ubugingo bwabo. Ntibemeye ko hari undi muntu wagira icyo amenya kuri iyi ngingo uretse bo ubwabo, mu gihe icyo baza kwemera inama bagombye kuba baririnzwe imyaka y'umubabaro n'agahinda. Nyamara ababa biyemeje rwose gukurikira inzira bishakiye banga inama bagirwa rwose. Gutwarwa n'amarangamutima bitera abo bantu kutumvira ibyo umutimanama ubabwira.

IBIRANGA URUKUNDO NYAKURI

Urukundo rukomoka mu ijuru. Ntabwo urukundo rubura gutekereza, kandi ntabwo ari impumyi. Urukundo ruratanganye kandi rurera. Nyamara irari ry'umutima wa kamere naryo ni ikindi kintu. Mu gihe urukundo rutanganye ruzazirikana Imana mu byo rugambirira byose, kandi rugakora ibihuje rwose n'Umwuka w'Imana, irari rya kamere ryo riba ryishakira ibyaryo gusa, rihutiraho, ntiriyemera kugirwa inama, risuzugura ibyo ribuzwa byose, kandi icyo rihisemo ni cyo ryimika.

Ubuntu bw'Imana buzagaragarizwa mu myitwarire yose y'umuntu ufite urukundo nyakuri. Kwifata, kwiyoroshya, kuvugisha ukuri, imico mbonera ndetse n'iyobokamana bazaranga intambwe yose iterwa igana mu isezerano ryo gushyingiranwa. Abagengwa n'icyi mico ntibazatwarwa no kwigumanira na bagenzi babo kugeza ubwo batacyita ku materaniro yo gusenga na gahunda z'iby'iyobokamana...

GUSHAKA UBUYOBOZI BW'IMANA

Niba abasore n'inkumi bari bafite akamenyero ko gusenga kabiri ku munsu mbere yo gutekereza ibyo gushyingirwa, umunsu batangiye gutekereza gutera icyo ntambwe bari bakwiriye noneho gusenga incuro enye. Gushaka ni ikintu kizagira uko gihindura ubuzima bwawe haba kubw'icyi si no mu isi izaza dutegereje. Umukristo nyakuri ntazerekeza imigambi ye muri iki cyerekezo ataramenya ko Imana yemeye ibyo ashaka gukora. Ntabwo azashaka kwihitamo, ahubwo azumva ko Imana ari yo igomba kumuhitiramo. Ntabwo tugomba kwinezeza ubwacu kuko Kristo na we atinejeje ubwe. Ntabwo nshaka ko abantu bumva ko icyo mvuga ari uko umuntu yashyingiranwa n'uwo adakunda. Iki cyaba ari icyaha. Ariko irari na kamere yo gutwarwa n'amarangamutima ntibigomba kwemererwa

kujyana umuntu mu irimbukiro. Imana isaba kuyiha umutima wose no kuyikunda bihebuje.

Ugushyingiranwa kwinshi ko muri iki gihe cyacu n'uburyo gukorwa, ubwabyo bibigira kimwe mu bimenyetso biranga iminsi ya nyuma. Abagabo n'abagore ntibava ku izima, kandi barinangiye cyane ku buryo Imana idashyirwa muri gahunda yo gushyingiranwa kwabo. Iby'idini bishyirwa ku ruhande nk'aho nta ruhare bifite muri iyi gahunda ikomeye kandi y'ingenzi cyane. Nyamara, keretse gusa abavuga ko bizera ukuri nibezwa na ko, kandi bakazahurwa mu bitekerezaho no mu mico, naho ubundi ntibazaba mu mwanya ukwiriye imbere y'Imana kimwe n'umunyabyaha utarigeze umurikirwa ku byerekeye ukuri.¹


¹ *Review and Herald*, September 25, 1888. [Urwibutso n'Integuza]

INSHINGANO ZIJYANA NO GUSHYINGIRWA

Benshi bagiye binjira muri gahunda yo gushyingiranwa nta mutungo bafite ndetse nta n'umurage bafite. Nta mbaraga z'umubiri cyangwa iz'ubwenge bari bafite zababashisha kugira umutungo biyungura. Bene abo ni bo bagiye bihutira gushyingiranwa, kandi bakiha inshingano batigeze batekerezaho neza. Ntibari bafite amarangamutima aboneye kandi yo ku rwego rwo hejuru, ndetse nta n'igitekerezo gitunganye bari bafite cyerekeye inshingano y'umugabo akaba na se w'abana. Ntibari bazi n'icyo gutanga ibyangombwa umuryango ukeneye bizabasaba. Ikindi kandi ni uko batagaragaje imyitwarire myiza mu buryo bongera abagize umuryango wabo kuruta iyo bagaragaza muri gahunda zabo z'ubucuruzi...

Gushyingiranwa kwashyizweho n'Imana ngo kubere umuntu umugisha; ariko muri rusange, kwagiye guteshwa agaciro ku buryo kwahindutse gahunda mbi bikabije. Mu kwinjira muri gahunda yo gushyingiranwa, abagabo n'abagore bagiye bakora nk'aho ikibazo rukumbi bagomba gusubiza ari icyo kumenya niba bakundana koko. Nyamara bagombye kumenya ko hari inshingano irenze iyi bafite muri uko gushyingiranwa kwabo. Bakwiriye kuzirikana niba urubyaro rwabo ruzagira amagara mazima, rukagira imbaraga z'ubwenge ndetse n'iz'imico mbonera. Nyamara bake gusa ni bo bagiye batera iyi ntambwe bafite impamvu zikomeye no kuzirikana ko ku rwego rwo hejuru batashoboraga kwiregangiza mu buryo bworoheje. Bazirikanaga ko umuryango mugari w'abantu ufite ibyo ubasaba kuzuza, kandi ko uburemere bw'impinduka umuryango wabo ushobora guteza buzagaragaza ko bari ku rugero rwo hejuru cyangwa urwo hasi.¹

¹ A Solemn Appeal," pp.63, 64 (Edition: Signs Publishing Company Limited). [Irarika Rikomeye]



GUTEKEREZA NEZA NO KWITEGEKA MU GIHE CYO GUSHYINGIRANWA

Abavuga ko ari Abakristo ntibakwiriye kwinjira muri gahunda yo gushyingiranwa batari bazirikanana iyo ngingo ubushishozi buhanitse kandi basenga, kugira ngo barebe niba komatanywa kwabo gushobora kuzahesha Imana ikuzo. Bityo rero bakwiriye kugenzura neza umusaruro uzava mu mahirwe yose bafite y'uko bashyingiranwa, kandi rero ibyera bikwiriye kuba ishingiro ry'icyo bakora cyose.

KUREBA KURE

Mbere y'uko abashakanye bongera abagize umuryango wabo, bakwiriye kwibaza niba Imana izahabwa ikuzo cyangwa igasuzugirika kubwo kubyara abana kwabo bakabashyira ku isi. Uhereye mu mwaka wa mbere ndetse n'indi ikurikiraho yo kubana kwabo, bakwiriye guharanira guheshesha Imana ikuzo komatanywa kwabo. Bakwiriye kuzirikana bitonze ibyo bagomba guteganyiriza abana babo. Nta burenganzira bafite bwo gushyira abana ku isi bazabera abandi bantu umutwaro. Mbese baba bafite imirimo bakora bashobora kwishingikirizaho ko izatunga umuryango kugira ngo batazahindukira umutwaro abandi bantu? Niba badafite bene iyo mirimo, igihe bashyira abana ku isi kugira ngo bababazwe n'uko babuze kwitabwaho gukwiriye, ibyokurya ndetse n'imyambaro, ababyeyi baba bakoze icyaha gikomeye.

GUTEGEKA KW'IRARI

Muri iki gihe cyihuta turimo kandi kirangwa no kwangirika kw'imico, ibi bintu ntibyitabwaho. Iruba riraganza kandi ntirizigera ritegekwa nubwo bizwi ko intege nke, umubabaro ukaze ndetse n'urupfu ari byo ngaruka yo kuganza kwaryo. Abagore bagira imibereho irangwa n'umuruho, uburibwe n'umubabaro bitewe n'iruba ritagira rutangira ry'abagabo bitirirwa iryo zina nyamara mu by'ukuri bagombye kwitwa ibikoko. Ababyeyi b'abagore babaho igihe kirekire mu buzima bubabaje cyane, ugasanga hafi y'igihe cyose baba bakikiye impinja, bashakisha inzira zose babona icyo barya n'utwenda two kwikinga mu bitugu. Umubabaro nk'uwo ni wo wuzuye isi.

Nyamara kandi urukundo nyakuri, rw'umwimerere kandi rwitanga ruriho ku rugero ruto cyane. Iki kintu cy'agaciro ni ingume. Usanga irari

ari ryo ryitirirwa urukundo. Abagore benshi bagiye bisanga ko ubutoni bwabo buhohoterwa bitewe n'uko isano yo gushyingiranwa yatumye umugabo uwo mugore yitaga umutware we iba iyo kumuhohotera mu byo amugirira. Uwo mugore abona ko urukundo rw'uwo mugabo nta mico mbonera iruranga ku buryo agera aho akamuzinukwa.

KWITEGEKA NI NGOMBWA

Imiryango myinshi cyane iriho mu buzima bubabaje cyane bitewe n'uko umugabo akaba na se w'abana yemerera ubunyamaswa bwo muri kamere ye gutegeka ubwenge bwe n'imbaraga imubamo imwereka icyiza n'ikibi. Ingaruka iba ni uko akenshi yumva agenda ahondobera kandi akumva adatekanye mu bitekerezo, nyamara akenshi ntatahure ko ibyo bituruka ku mpamvu y'imigirire ye idakwiriye. Dufite inshingano zikomeye ku Mana zo kurinda umwuka wacu ukaba wera kandi umubiri nawo ukaba inziramuze kugira ngo tubashe kugirira inyokomuntu akamaro, kandi n'Imana tuyikorere umurimo utunganye.¹

¹ *Testimonies for the Church,* Vol.2, pp.380, 381 [Ibihamya by'Itorero]

URUGERO RWA ISAKA

Nta muntu wubaha Imana wifatanya n'utayubaha ngo abure kubona ingaruka mbi. "Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye?" Amosi 3:3. Umunezero no gutera imbere mu rugo biterwa n'uko abashakanye bombi bashyize hamwe; ariko hagati y'uwizera n'utizera hari itandukaniro rikomeye mu byo bakunda, mu byo bashyizeho umuntima no mu byo bagamije. Baba bakorera abami babiri; kandi ntaho baturira. Uko imibereho y'umuntu yaba itunganye kose, ntibyabuza ko uwo babana utizera yamutandukanya n'Imana.

Umuntu wese ushyingirwe atarahinduka mu myizerere ye, kubwo amasezerano, aba yishyize mu nshingano zikomeye zo kudahemukira mugenzi we naho baba badahuje kwizera. Nyamara kandi ibikwiriye kugirwa nyambere y'ayandi masano yose tugirira ku isi, ni ibyo Imana ishaka n'ubwo hashobora kuvamo ibigeragezo n'akarengane. Umwuka w'urukundo no kwiyoroshya ushobora gukiza umuntu utizera. Ariko Bibiliya ibuzanya gushyingiranwa kw'Abakristo n'abatembera Imana. "Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye." 2 Abakorinto 6:14, 17, 18.

Isaka yagiriye umugisha ku Mana ubwo yabaga umuragwa w'amasezerano isi yagombaga kuboneramo umugisha. Nyamara ageze ku myaka mirongo ine y'amavuko yicishishe bugufi imbere ya se, wari umugaragu wubaha Imana, ngo amushakire umugeni. Kandi ingaruka yuko gushyingiranwa, nk'uko Ibyanditswe bibyerekana, ni icyitegererezo cyiza kigaragaza umunezero mu rugo "Isaka azana Rebeka mu ihema ryari irya nyina Sara, aramurongora aba umugore we: aramukundwakaza. Isaka ashira umubabaro wa nyina yapfushije."

Mbega guhabana kuri hagati y'imishakire ya Isaka n'uburyo urubwiruko rw'iki gihe rwitwara, ndetse n'abavuga ko ari Abakristo! Kenshi abasore bibwira ko gushaka abo bakunda ari bo bireba bonyine kandi ko nta wundi ukwiriye kubigishwamo inama- ko yaba Imana cyangwa ababyeyi nta n'umwe ukwiye kugiramo uruhare. Mbere y'uko bagera mu myaka yo gushaka, bibwira ko bo ubwabo bafite ubushobozi bwo kwihitiramo, ababyeyi babo batabafashije. Imyaka mike bamara bashakanye irahagije kugira ngo babone amafuti yabo ariko biba bitagifite igaruriro. Bwa bwenge buke no kutifata byatumve umuntu ahitamo atitegereje bituma icyo cyaha

kiba kibi bikabije, kugeza ubwo abashakanye bibabera umutego ukabije. Muri ubwo buryo rero, abantu benshi bangiza umunezero wabo muri ubu bugingo n'ibyiringiro by'ubugingo bw'ahazaza.

Niba hari ikintu gikwiye kwitonderwa kandi niba hari igihe gikenerwamo inama z'abakuru n'inararibonye, ni igihe cyo gushyingirwa. Kandi niba hari igihe Bibiliya yakenerwa nk'umujyanama, niba hari igihe ubuyobozi bw'Imana bukwiriye gushakirwa mu masengesho, ni mbere yo gutera intambwe ifatanyiriza abantu hamwe ngo babane by'iteka ryose.

Ababyeyi ntibakwiriye kwibagirwa inshingano yabo yo gutekura umunezero w'abana babo mu gihe kizaza. Kuba Isaka atarirengagije inama za se byatewe n'uko yari yaratojwe kandi akundishwa imibereho yo kumvira. Igihe Aburahamu yabwiraga abana be kubaha ababyeyi, imibereho ye ya buri muni yahamye ko nta kwikunda cyangwa igitugu kirimo, ko ahuhwe biba bishingiye ku rukundo, kandi bikaba bigendereye ku kubashakira kubaho neza n'umunezero.

Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bakwiriye kwiyumvisha ko bafite inshingano yo kuyobora urukundo rw'abasore kugira ngo bashobore gushaka abagore bakwiriye. Ababyeyi bagomba kwiyumvamo iyo nshingano, binyuze mu nyigisho no mu cyitegererezo batanga. Kubw'ubuntu bw'Imana, bagomba gufasha kugira ngo batungaye imico mbonera y'abana bakiri bato, ngo babe indakemwa n'imbonera kandi bareshywe n'ibyiza n'ukuri. Ibisa birasabirana. Nimutyo gukunda ukuri, kubonera n'ineza bishinge imizi mu mitima hakiri kare bityo urubyiruko ruzashaka kujya mu muryango urangwa n'iyi mico.

Nimureke ababyeyi bashakishye uko batanga icyitegererezo cy'urukundo no kugira neza bya Data wo mu ijuru bivuye mu mico mbonera yabo no mu mibereho y'ingo zabo. Nimureke mu rugo hasabe umucyo w'izuba. Ibyo bizarutira cyane abana bawe amasambu n'ubutunzi. Nimutyo urukundo rwo mu muryango rurindirwe mu mitima yabo, maze nibasubiza amaso inyuma bazashobore kubona ko iwabo hari ahantu hamahoro n'umunezero, ndetse ko hari ijuru rito. Abagize umuryango bese ntibagira imicombonera imwe, kandi buri gihe hazabaho kwimenyereza kwihangana no kubabarira. Binyuze mu rukundo no mu kwifata, byose bishobora gufatanyirizwa hamwe.

Urukundo nyakuri ni ihame rihambaye kandi ryera, byombi bitandukanye cyane n'urukundo rukomotse ku irari ry'umubiri kandi rushira mu kanya gato iyo rugeragejwe bikomeye. Mu kuba indahemuka ku nshingano ababyeyi babahaye, nimwo urubyiruko rukwiriye kwitegurira ubwarwo ingo zabo. Nimureke habe ariho hitorezwa kwizinukwa no kugira neza, ubuntu, n'impuhwe za Gikristo. Nuko rero, urukundo rugurumana ruzakomerezwa mu mutima, kandi uzaturuka mu rugo nk'urwo ngo abe umutwe w'urugo rwe, azamenya uburyo yashakisha icyatera umunezero uwo yatoranyije ngo amubere incuti mu mibereho ye. Aho kugira ngo gushyingirwa kube iherezwa ry'urukundo, kuzaba intangiriro yarwo gusa.¹

¹ Abakurambere n'Abahanuzi, p.138-140. [Ingeri ya 2016]